

A photograph of a family—a man, a woman, and a young child—sitting on a green lawn in front of a two-story house. The man is on the left, wearing a brown turtleneck and blue jeans, looking towards the woman. The woman is on the far left, with blonde hair, wearing a light-colored top. The child is on the right, wearing a dark jacket, looking towards the right. The house in the background has a gabled roof, several windows, and a porch with a railing. There are trees and bushes to the left of the house. The sky is clear and blue.

URUGO
RWA
GIKRISTO

ELLEN G. WHITE

URUGO RWA GIKRISTO

“Kandi rero Imana ishobora kubasāzaho ubuntu bwose, kugira ngo murusheho gukora ibyiza byose, mufite ibibahagije muri byose.” 2 Abakorinto 9:8

Iki gitabo cyasohotse mu cyongereza cyitwa
“ The Adventist home”

Amasomo ya Bibiliya aboneka muri iki gitabo yakuwe muri
Bibiliya Yera.

Inama ku miryango ya gikristo nk’uko zanditswe mu nyandiko
za Ellen G. White

AMASHAKIRO

IRIBURIRO.....	7
<u>UMUGABANE WA 1 : UMURYANGO MWIZA</u>	<u>9</u>
ICYIGWA CYA 1: KWISHIMIRA UMUNEZERO WO MU RUGO	10
ICYIGWA CYA 2: IMFATIRO ZIGIZE UMURYANGO NYAKURI	16
ICYIGWA CYA 3: URUGO RWA EDENI , ICYITEGEREREZO	20
<u>UMUGABANE WA 2: UMUCYO MURI RUBANDA</u>	<u>24</u>
ICYIGWA CYA 4: ICYITEGEREREZO CYAGUTSE CY'UMURYANGO	25
ICYIGWA CYA 5: IMBARAGA IKOMEYE Y'UBUHAMYA BW'UMUKRISTO	29
<u>UMUGABANE WA 3: GUHITAMO UWO MUZABANA</u>	<u>34</u>
ICYIGWA CYA 6: UMWANZURO UKOMEYE.....	35
ICYIGWA CYA 7: URUKUNDO NYAKURI CYANGWA URW'AGAHARARO	41
ICYIGWA CYA 8: UBURYO BWO KURAMBAGIZANYA BUSIGAYE BWARABAYE GIKWIRA	46
ICYIGWA CYA 9: UBUKWE BUTEMEWE	51
ICYIGWA CYA 10: IGIHE INAMA IKENEWE.....	59
<u>UMUGABANE WA 4: IBITUMA URUGO RUNESHA CYANGWA RUTSINDWA</u>	<u>64</u>
ICYIGWA CYA 11: UBUKWE BUHUTIWEHO KANDI BW'IMBURAGIHE	65
ICYIGWA CYA 12: KUMVIKANA.....	69
ICYIGWA CYA 13: KWIMENYEREZA IMIRIMO Y'I MUHIRA	73
ICYIGWA CYA 14: GUHINDUKA NYAKURI BIRAKENEWE.....	79
<u>UMUGABANE WA 5: KU RUHIMBI RW'UMURYANGO</u>	<u>82</u>
ICYIGWA CYA 15: AMASEZERANO AKOMEYE	83
ICYIGWA CYA 16: UMUBANO UNEJEJE KANDI UNESHA	88
ICYIGWA CYA 17: IBYO BURI WESE ASABWA K'UWO.....	96
BASHAKANYE.....	96
ICYIGWA CYA 18: UBURENGANZIRA N'INSHINGANO Z'ABASHAKANYE	102
<u>UMUGABANE WA 6: URUGO RUSHYA.....</u>	<u>109</u>
ICYIGWA CYA 19: URUGO RWAKUBAKWA HE?	110
ICYIGWA CYA 20: UMURYANGO N'UMUJYI.....	114

ICYIGWA CYA 21: AMAHIRWE YO GUTURA MU CYARO	119
ICYIGWA CYA 22: KUBAKA NO GUSHYIRA IBIKORESHO NKENERWA MU NZU	125
<u>UMUGABANE WA7: UMURAGE W’UWITEKA.....</u>	<u>133</u>
ICYIGWA CYA 23: ABANA NI UMUGISHA	134
ICYIGWA CYA 24: INGANO Y’UMURYANGO	137
ICYIGWA CYA 25: KWITA KU BANA B’IMBABARE	142
ICYIGWA CYA 26: UMURAGE ABABYEYI BASIGIRA ABANA BABO.....	146
<u>UMUGABANE WA 8: UMURYANGO UGERA KU NTSINZI.....</u>	<u>149</u>
ICYIGWA CYA 27: URUZIGA RWERA.....	150
ICYIGWA CYA 28: ISHURI RYA MBERE RY’UMWANA.....	154
ICYIGWA CYA 29: UMURIMO UTASIMBURWAHO N’UNDI	160
ICYIGWA CYA 30: UBUCUTI MU MURYANGO	163
ICYIGWA CYA 31: URUKUNDO RUTERA UMUTEKANO	167
ICYIGWA CYA 32: KWITA KU KARIMA K’UMUTIMA.....	172
ICYIGWA CYA 33: AMASEZERANO YO KUYOBORWA N’IMANA	175
<u>UMUGABANE WA 9: UMUGABO,IMBARAGA Z’URUGO</u>	<u>180</u>
ICYIGWA CYA 34: UMWANYA N’INSHINGANO Z’UMUGABO.....	181
ICYIGWA CYA 35: KWAKIRANA IMITWARO	186
ICYIGWA CYA 36: INCUTI NYAKURI Y’ABANA BE	189
ICYIGWA CYA 37: UMUGABO UDAKWIRIYE KUBA.....	193
<u>UMUGABANE WA 10: UMUGORE, UMWAMIKAZI W’URUGO</u>	<u>198</u>
ICYIGWA CYA 38: UMWANYA N’INSHINGANO Z’UMUGORE	199
ICYIGWA CYA 39: ICYITEGEREREZO CY’UMUGORE.....	207
ICYIGWA CYA 40: GUSOBANUKIRWA NABI UMURIMO W’UMUGORE	211
ICYIGWA CYA 41: ICYITEGEREREZO KIBI CY’UMUGORE.....	215
ICYIGWA CYA 42: UBUTARAGA NO KUGARAGARA NEZA K’UMUGORE	218
ICYIGWA CYA 43: IMYITWARIRE Y’UMUBYEYI MBERE YO KUBYARA	222
ICYIGWA CYA 44: KWITA KU BANA BATO	227
ICYIGWA CYA 45: INSHINGANO Y’IBANZE Y’UMUGORE NI UKURERA ABANA BE.....	231
ICYIGWA CYA 46: MUKA SE W’ABANA.....	236
ICYIGWA CYA 47: IHUMURE RYA KRISTO KU BABYEYI.....	239
<u>UMUGABANE WA 11:.....</u>	<u>242</u>

<u>ABANA BAHUJE.....</u>	<u>242</u>
<u>N'IMIBEREHO.....</u>	<u>242</u>
<u>Y'UMURYANGO.....</u>	<u>242</u>
ICYIGWA CYA 48:IJURU RYITA KU BANA.....	243
ICYIGWA CYA 49: ABAFASHA B'UMUBYEYI W'UMUGORE.....	246
ICYIGWA CYA 50: ICYUBAHIRO KIGOMBWA ABABYEYI.....	255
ICYIGWA CYA 51: INAMA KU BANA.....	259
<u>UMUGABANE WA 12: URUFATIRO RW'IMIBEREHO Y'ABAGIZE</u> <u>UMURYANGO.....</u>	<u>264</u>
ICYIGWA CYA 52: UBUYOBOZI BW'UMURYANGO.....	265
ICYIGWA CYA 53: INGABO Y'UBUMWE Y'UMUTAMENWA.....	272
ICYIGWA CYA 54: IYOBOKAMANA MU MURYANGO.....	277
ICYIGWA CYA 55: URUGERO RW'IBYUMWUKA.....	286
ICYIGWA CYA 56: UBUTANE.....	299
ICYIGWA CYA 57: UKO WAKWITWARA IMBERE Y'UWO MWASHAKANYE NIBA ATIZERA.....	306
ICYIGWA CYA 58: UMURYANGO W'UMUGABURA.....	311
ICYIGWA CYA 59: ABABYEYI BAGEZE MU ZABUKURU.....	317
<u>UMUGABANE WA 13: IBY'IMIKORESHEREZE Y'AMAFARANGA.....</u>	<u>321</u>
ICYIGWA CYA 60: IBISONGA BY'IMANA.....	322
ICYIGWA CYA 61: AMAHAME AGENGA.....	326
UMUTUNGO W'UMURYANGO.....	326
ICYIGWA CYA 62: KUZIGAMA GUSHYIZWE MU BIKORWA.....	334
ICYIGWA CYA 63: KWIGISHA ABANA UKO BABONA AMAFARANGA N'UKO BAYAKORESHA.....	339
ICYIGWA CYA 64: UBUNYANGAMUGAYO MU MIRIMO.....	344
ICYIGWA CYA 65: GUTEGANYIRIZA AHAZAZA.....	348
<u>UMUGABANE WA 14: KURINDA INZIRA.....</u>	<u>352</u>
<u>Z'UMUTIMA.....</u>	<u>352</u>
ICYIGWA CYA 66: KUMENYA GUTEGEKA IBYIYUMVIRO BYACU.....	353
ICYIGWA CYA 67: IBITUYOBYA TWUMVA KANDI TUBONA.....	358
ICYIGWA CYA 68: INGARUKA Z'IBYO DUSOMA.....	362
<u>UMUGABANE WA 15: UBUNTU BUMURIKIRA IMIBEREHO</u> <u>Y'ABAGIZE UMURYANGO.....</u>	<u>370</u>

ICYIGWA CYA 69: URUGWIRO N’UBUGIRANEZA.....	371
ICYIGWA CYA 70: UMUCYO WO MU MASO	380
ICYIGWA CYA 71: KUVUGA	384
ICYIGWA CYA 72: GUCUMBIKIRA ABASHYITSI	395
<u>UMUGABANE WA 16: IMIBANIRE Y’UMURYANGO NA RUBANDA</u>	<u>402</u>
ICYIGWA CYA 73: AMAKENE RUSANGE	403
ICYIGWA CYA 74: UBUCUTI BWIZA N’UBUBI	407
ICYIGWA CYA 75: INAMA KU BABYEYI ZIREBANA N’IMIBANIRE YABO N’ABANDI	413
ICYIGWA CYA 76: IMINSI Y’IBIRUHUKO N’AMASABUKURU	419
ICYIGWA CYA 77: UMUNSI WA NOHERI.....	424
ICYIGWA 78: URUGO IKIGO CYO KWITOREZAMO IBWIRIZABUTUMWA	430
<u>UMUGABANE WA 17: KWIRUHURA NO</u>	<u>437</u>
<u>KWINEZEZA.....</u>	<u>437</u>
ICYIGWA CYA 79: IKIRUHUKO NI INGENZI	438
ICYIGWA CYA 80: NI IYIHE MIKINO TUGOMBA GUKINA?	442
ICYIGWA CYA 81: IBIRUHUKO BITANGA KUNYURWA GUHAGIJE.....	449
ICYIGWA CYA 82: UKO UMUKRISTO YAHITAMO IBIMURUHURA	455
ICYIGWA CYA 83: UMUTEGO W’IBINEZEZA	463
ICYIGWA CYA 84: KUYOBORA ABAKIRI BATO MU BIRUHUKO BYABO	468
<u>UMUGABANE WA 18: UZABONA</u>	<u>472</u>
<u>INGORORANO YAWE.....</u>	<u>472</u>
ICYIGWA CYA 85: INGORORANO ZA NONE N’IZ’AHAZAZA	473
ICYIGWA CYA 86: UBUZIMA BWO MU RUGO RWA EDENI	478
ICYIGWA CYA 87: IYEREKWA RY’ISI NSHYA.....	484

IRIBURIRO

Urugo rwa kidivantiste ni ahantu aho amahame n'imikorere y'abadiventiste b'umunsi wa karindwi yigishwa, kandi hakarangwa imibereho ihuje na yo, aho abagabo n'abagore b'abadiventiste bararitswe na Kristo guhindura abagize umuryango wabo abakristo nyakuri. Kandi kugira ngo buzuzze inshingano zabo neza, abo babyeyi bashakisha ubufasha bwose bashobora kubona.

Ellina White yandikiye ababyeyi inama nyinshi z'agaciro. Yibanze ku ngingo zose z'ubuzima bwa buri munsi bw'i muhira kandi yatanze inyigisho zisobanutse ku bibazo byinshi bihangayikishije ababyeyi muri iki gihe. Imyaka mike mbere y'uko apfa, yagaragaje icyifuzo yari afite cyo gutegura "igitabo kivuga ku babyeyi b'abakristo" cyari gusobanura "inshingano z'umugore ku bana be n'icyitegererezo cye kuri bo." Iki gitabo kigambiriye gusohoza ibyifuzo bye.

Iki gitabo, **Urugo rwa gikristo**, ni igikoresho cy'ibanze ku babyeyi bahugiranye kandi kigaragaza urugero umuryango ugomba kwihatira kugeraho. Hakubiyemo ibisubizo by'ibibazo ababyeyi bibaza n'amagambo y'ubwenge akomoka kuri Data wo mu ijuru.

Mu gusonzoranya iki gitabo hifashijwe inyandiko zikomoka mu bitabo bya Ellina White, mu binyamakuru (Pamphlets), mu ngingo z'ibyoyateguraga (Articles), mu nzandiko (Letters) n'ibyoyandikishije intoki (Manuscripts). Buri cyigwa giherekejwe n'aho amagambo yagiye akomoka.

Inyandiko zakomotse mu bitabo bitandukanye, zanditswe mu bihe bitandukanye zahurijwe hamwe, hari aho uzasanga zishobora kunyuranya gato mu gitekerezo cyangwa aho byabereye. Ntibyari kwirindwa kuko abasonzoranijwe bibanze gusa ku gushaka inyandiko no kuzitondekanya mu buryo bujyaniranye n'imitwe y'ibyigwa.

Iki gitabo cyateguriwe mu biro by'itsinda rishinzwe kurinda no kwamamaza inyandiko za Ellina White kandi cyanditswe hakurikijwe amabwiriza yatanzwe na madame White ku barinda inyandiko ze zirebana "no kwamaza ibyasonzoranijwe" babikuye mu byanditswe n'intoki ze: umwanditsi we ubwe avuga ko kigizwe "n'inyigisho Imana yampaye ngo nshyire ubwoko bwayo."

Nta na rimwe mu mateka y'iyi si, igitabo nk'iki cyigeze kuba ingenzi nko muri iki gihe. Kuko ntihigeze habaho ubwo umuryango wugarizwa n'akaga nk'akariho none.

Buri wese muri twe azi neza ko ibibera muri rubanda bigaragaza neza ibibera mu ngo zose zo mu gihugu. Tuzi neza ko guhinduka muri iyo miryango, bishobora kuba icyanzu cyo guhinduka kwa rubanda rwose. Abashinzwe kurinda inyandiko za Ellina White basonzeye kandi barifuza kubona igitabo **Urugo rwa gikristo** kizana izo mpinduka mu miryango, kikavugurura ingo na rubanda muri rusange.

Abashinzwe kurinda inyandiko za Elina White

Washington, D.C
Tariki 8 Gicurasi, 1952

UMUGABANE WA 1 : UMURYANGO MWIZA

ICYIGWA CYA 1: KWISHIMIRA UMUNEZERO WO MU RUGO

Urugo ni rwo mutima w'igikorwa cyose: Umuryango mugari wa muntu ugizwe n'imiryango mito kandi ufata ishusho y'iyoy miryango hakurikijwe icyerekezo ihabwa n'abayiyobora. Mu mutima ni ho "iby'ubugingo bikomoka"; kandi umutima wa rubanda, uw'itorero n'igihugu ni umuryango. Ukugubwa neza kwa rubanda, iterambere ry'itorero no gukungahara kw'igihugu, bishingiye ku myitwarire y'umuryango.¹

Gutungana cyangwa kwangirika kwa rubanda rw'ejo hazaza kuzaba gushingiye ku mico n'imyitwarire y'urubyiruko rw'iki gihe rukurira ahatuzengurutse. Uko urubyiruko ruri kurerwa, wongereyeho imico batojwe mu bwana bwabo ku birebana n'akamenyero keza, kwitegeka no kwirinda ntibizabura kugira ingaruka ku muryango mugari. Abasore nibarekerwa mu bujiji, nta gitsure bazasaruramo kwikunda, gutegekwa n'ipfa n'irari ryabo, kandi uko ni ko rubanda rw'ahazaza ruzaba. Incuti urubyiruko rufite ubu, akamenyero barema uyu munsu n'amahame bagenderaho muri iki gihe ni byo kimenyetso kiranga uko abantu bazaba bameze mu myaka iri imbere.²

Umusogongero w'ijuru: Urugo rugomba kuba ruhuje neza n'icyo iryo jambo rivuga. Rugomba kuba ijuru rito ku isi, aho urukundo rujanje hatarangwa umwiryane. Umunezero wacu ushingiyemo mu kwimenyereza urukundo n'impuhwe kandi tukagirirana urugwiro nyakuri.³

Umusogongero w'ijuru ni urugo ruyobowe n'Umwuka w'Imana. Igihe ubushake bw'Imana buzasohozwa, umugabo n'umugore bazubahana kandi bimenyereze urukundo no kwiringirana.⁴

Akamaro k'umunezero wo mu rugo: Umunezero ugose imitima y'ababyeyi b'abagabo n'abagore ukwira inzu yose kandi ukumvikana mu byiciro byose by'abagize urugo.⁵

Ababyeyi ni bo bagira uruhare runini mu kuzana umunezero mu rugo, kandi iyo habayeho kutumvikana hagati y'umugabo n'umugore abana na bo banduzwa n'uwo mwuka. Tuma mu muryango wawe hatama impumuro y'impuhwe no gushyira mu gaciro. Niba hari intonganya zavutse hagati muri mwe maze mukaba mwarananiwe kuba abakristo bayoborwa na Bibiliya, musabwa

kwihana; kuko imico mugaragaza mu gihe cyo kugeragezwa ni nayo muzagira mu gihe cyo kugaruka kwa Yesu. Niba mwifuza kuzaba abera mu ijuru, mugomba kubanza kuba abera mu isi. Imico mukundwakaza mu mibereho yanyu ntizahindurwa n'urupfu cyangwa umuzuko. Muzava mu bituro mumeze neza nk'uko mwifataga mu ngo zanyu no muri rubanda. Kugaruka kwa Yesu ntikuzahindura imico. Umurimo wo guhinduka ugomba gukorwa ubu. Imibereho yacu ya buri muni ni yo igena umurage wacu w'iteka.6

Kuzana umwuka mwiza mu muryango: Buri rugo rwose rwa gikristo rugomba kugira amategeko arugenga kandi ababyeyi binyuriye mu magambo n'imyitwarire yabo mu byo bagirirana, bagomba guha abana icyitegerezo kizima cy'uko bifuzwa ko bazaba. Ntibagahweme kugaragaza kwera mu magambo n'urugwiro nyakuri rwa gikristo. Mutoze abana n'urubwiruko kwiyubaha, gukiranuka ku Mana no ku mahame; mubigishe kumvira no kubaha amategeko y'Imana. Aya mahame azayobora imibereho yabo kandi bayagaragaze mu mibanire na bagenzi babo. Bityo bazarema umunezero uboneye urimo imbaraga itera akanyabugabo ab'imitima icogojwe n'inzira izamuka igana ku kwera no mu ijuru. Reka buri cyigwa cyose cyigishijwe kibe icyo gukuza no gukungahaza imico ni bwo ibyandikwa kuri twe mu [17] bitabo byo mu ijuru bitazadutera isoni bizanywe mu rubanza.

Abana bahawe bene ubwo burere bazaba... bateguriwe gushyirwa mu myanya y' inshingano ngo bazibe ibyuh, kandi mu mahame yabo no mu cyitegererezo batanga bazafasha bagenzi babo ubudatuza babigisha gukora ibyiza. Abo ubwenge bwo gukora icyiza butari bwacura umwijima bazaha agaciro amahame atunganye; bazaha agaciro nyako italanto karemano bahawe n'Imana kandi bakoreshe neza ubushobozi bwabo bw'impagarike, ubw'ubwenge n'ubw'intekerezo. Imitima nk'iyi iba ifite imbaraga ikomeye yahangana n'ibishuko kuko iba izengurutse n'urukuta rutapfa kumenwa. 7

Imana yifuza ko imiryango yacu yaba igishushanyo cy'umuryango wo mu ijuru. Reka buri muni ababyeyi n'abana babizirikane, basābāne kandi bashyikirane nk'abagize umuryango w'Imana. Ubwo ni bwo imibereho yabo izahindukira ab'isi imfashanyigisho bakamenya uko imiryango ikunda Imana kandi igakomeza amategeko yayo imera. Ni bwo Kristo azahabwa icyubahiro; amahoro ye, ubuntu bwe n'urukundo rwe, bizinjira mu ruziga rw'umuryango nk'umubavu w'igicro.8

Ibintu byinshi bishingiye ku mugabo n'umugore. Bagomba kurangwa no gushikama n'ubugwaneza igihe bacyaha amafuti, bagakorana umwete mwinshi bimakaza gahunda n'isuku mu rugo rwabo, kugira ngo rubashe kureshya abamarayika baze kuruha amahoro n'imbaraga ikwiza impumuro nziza hose.⁹

Ba isōko y'umucyo n'umunezero mu rugo rwawe: Ntimukigere mwibagirwa ko mugomba gutera umuryango wanyu kurabagirana n'umunezero, kubw'inyungu zanyu ubwanyu n'abana banyu binyuriye mu kugaragaza imico y'Umukiza. Nimwinjiza Kristo mu rugo iwanyu, muzamenya gutandukanya ikibi n'icyiza. Muzashobora gufasha abana banyu kuba ibiti byo gukiranuka byera imbuto z'Umwuka.¹⁰

Ingorane zishobora kwiyadukiza, ariko ibyo ni rusange ku nyokomuntu. Reka kunyurwa, kwihangana n'urukundo bimurike mu mutima nubwo umunsi wakomeza kuba ikibunda.¹¹

Byashoboka ko urugo rwanyu rwaba rworoheje, ariko habasha kuba ahantu amagambo meza avugirwa, aho ibikorwa by'ubugiraneza bikorerwa, aho urukundo n'urugwiro bihora ari abashyitsi badataha.¹²

Nimuyoboze amategeko agenga urugo mufite amakenga n'urukundo mu cyimbo cy'inkoni y'icyuma. Abana bazumvira itegeko ry'urukundo bafite ubushake. Nimushimire abana banyu ku byiza bakora igihe cyose mubishoboye. Uko bishoboka kose mutume imibereho yabo igira umunezero... Mureke akarima k'imitima yabo kaneteshwe no kubereka urukundo n'urugwiro, ni bwo muzaba mugateguriye kwakira imbuto y'ukuri. Mwibuke ko Umukiza atohereza ku isi ibicu n'imvura gusa, ahubwo yohereza n'imirasire y'izuba myiza irabagirana byose hamwe bikameza imbuto yatewe n'uturabo tukumbura. Mwibuke ko abana badakeneye gusa gucyahwa no gukosorwa ahubwo bakeneye guterwa akanyabugabo no gushimwa binyuriye mu magambo y'ubugwaneza anejeje nk'imirasire y'izuba.¹³

Mugomba kwirinda intonganya mu muryango. Kuko "ubwenge buva mu ijuru, irya mbere buraboneye kandi ni ubw'amahoro, n'ubw'ineza, bwemera kugirwa inama, bwuzuye imbabazi n'imbuto nziza, butarobanura ku butoni kandi butagira uburyarya. Kandi

imbuto zo gukiranuka zibibwa mu mahoro n'abahesha abandi amahoro." icyo dushaka mu ngo zacu ni ubugwaneza n'amahoro.14

Imirunga y'urukundo iduhuza: Isāno y'abagize umuryango iregeranye cyane, irimbitse kandi irera kuruta andi masāno yose yo ku isi. Yashyiriweho kugira ngo ibere umugisha inyokomuntu. Kandi igihe cyose abantu bashyingiranywe bikoranywe ubwenge no kubaha Imana kandi basobanukiwe n'icyo iyo nshingano isaba, bibahindukira umugisha.15

Buri rugo rwose rugomba kuba ahantu harangwa urukundo, aho abamarayika b'Imana bibera kugira ngo bahakorere [19] umurimo wabo w'amahoro n'uwo koroshya imitima y'ababyeyi n'iy'abana.16

Ingo zacu zigomba guhindurwa nk'i Beteri naho imitima yacu ikaba igicaniro. Ahantu hose urukundo rw'Imana rwimitswe mu mutima hazaba amahoro, umucyo n'umunezero. Mubumbure ijambo ry'Imana imbere y'imiryango yanyu mu rukundo, mwibaza ikibazo ngo: "ni iki Imana yavuze?"17

Urugo Kristo arimo ruhinduka urwa gikristo: Urugo rutatswe urukundo, impuhwe n'ubugiraneza, abamarayika bakunda kurusura n'Imana ikahaharerwa icyubahiro. icyitegererezo cyiza abana n'abasore bakura mu rugo rwa gikristo rurinzwe neza, ni yo ngabo yizewe yo kubakingira kononekara ku isi. Muri urwo rugo abana bazahigira gukunda ababyeyi babo bo mu isi ndetse na Se wo mu ijuru. 18

Uhereye mu bwana bwabo, urubyiruko rukeneye gushyirirwaho urusika rukomeye rubatandukanya n'isi, kugira ngo imbaraga itarwangiriza.19

Buri muryango wose wa gikristo ugomba kugaragariza isi ko icyitegererezo cya gikristo gifite imbaraga ihebuje kandi ihindura....Ababyeyi bagomba gusobanukirwa ko bikoreye inshingano yo kurinda ingo zabo ikizinga cyose cyonona ubwenge.20

Kwera imbere y'Imana ni bigirwe nyambere mu rugo....Ababyeyi n'abana bagomba kwiga gukorana n'Imana. Akamenyero kabo n'imikorere yabo, nibabisānishe n'imigambi y'Imana.21

Isāno iri hagati y'abagize umuryango igomba gutanga icyitegererezo cyeza. Ingo za gikirisito zashinzwe kandi ziyobowe hakurikijwe imigambi y'Imana ni ubufasha butangaje mu kurema imico ya gikristo.... Ababyeyi n'abana bagomba gufatanya mu mirimo y'urukundo bakorera wa Wundi wenyine ushobora kurindira urukundo rwa mwene muntu mu kwera no mu gutungana.²²

Umurimo w'ibanze ugomba gukorwa mu rugo rwa gikristo ni ukureba niba Umwuka wa Kristo aruganjemo kandi ko buri wese mu barugize ashoboye kwikorera umusaraba we no gukurikira Yesu aho amuyobora hose.²³

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	Ministere de la guerison p 349 (Rayon de la santé p 25)	Ministry of Healing p 349
2	Pacific health journal juin 1890	Pacific health journal june 1890
3	Testimonies for the church vol 3 p 539	Testimonies for the church vol 3 p 539
4	Signs of the Time 20 june 1911	Signs of the Time 20 june 1911
5	Manuscript 49, 1898	Manuscript 49, 1898
6	Letter 18b 1891	Letter 18b 1891
7	Special testimonies serie B no 16 p 4,5	Special testimonies serie B no 16p 4,5
8	Review and Herald 17 novembre 1896	Review and Herald 17 November 1896
9	Manuscript 14, 1905	Manuscript 14, 1905
10	Letter 29, 1902	Letter 29, 1902
11	Ministere de la guerison p 331 (Rayon de la santé p 49)	Ministry of Healing p 393

12	Review and Herald 9/7/1901	Review and Herald 9 th /7/1901
13	Counsels to teachers, parents and students p 114	Counsels to teachers, parents and students p 114
14	Manuscript 9, 1893	Manuscript 9, 1893
15	Ministere de la guerison p 301 (Rayon de la Santé p 12)	Ministry of Healing p 356, 357
16	Letter 25, 1904	Letter 25, 1904
17	Letter 24a, 1896	Letter 24a, 1896
18	Manuscript 126, 1903	Manuscript 126, 1903
19	Counsels to teachers, parents and students p 119	Counsels to teachers, parents and students p 119
20	Review and Herald 9/10/1900	Review and Herald 9/10/1900
21	Letter 9, 1904	Letter 9, 1904
22	Manuscript 16, 1899	Manuscript 16, 1899
23	Manuscript 17, 1891	Manuscript 17, 1891

ICYIGWA CYA 2: IMFATIRO ZIGIZE UMURYANGO NYAKURI

Ahantu heza kuruta ahandi ku isi: Mu gihe hariho inshingano z'ababyeyi ziremereye zo kurindana ifuhe umunezero n'inyungu z'ahazaza h'abana babo, ni ngombwa ko batuma mu rugo rwabo hishimirwa uko bishoboka kose. Ni igikorwa cy'ingenzi cyane kuruta kurundanya ubutunzi n'amafaranga. Urugo ntirukwiriye kubura umunezero. Umwuka mwiza wo mu muryango ugomba kuba ikintu kizahora kibukwa mu mitima y'abana kugira ngo bajye bazirikana uko iwabo hari hameze mu bwana bwabo harangwa amahoro n'umunezero ari ijuru rito. Ubwo ni bwo igihe bazaba bakuze bazabasha kwitura ababyeyi babo kubabera umugisha n'inyunganizi.

Urugo rugomba kubera umwana ahantu heza kuruta ahandi mu isi, kandi nyina w'abana mu rugo agomba kugira imbaraga ireshya mu buryo bukomeye. Abana bafite imiterere ikabakabwa kandi igakunda. Banyurwa na gato kandi bakababazwa n'ubusa. Mu kubacyahana ubugwaneza, mu bikorwa n'amagambo yuje urukundo, ba nyina babasha kwireherezaho imitima yabo.²

Isuku, gutunganya na gahunda: Isuku, gutunganya na gahunda ni ingenzi mu gufata neza ibyo mu rugo no kubishyira kuri gahunda. Ariko iyo nyina w'abana yitaye cyane kuri izo nshingano z'ingenzi cyane mu buzima bwe, akirengagiza iterambere ry'impagarike no gutoza abana be mu by'ubwenge no mu by'Umwuka, aba akoze ikosa riteye agahinda.³

Abizera bakwiriye kwigishwa ko nubwo baba ari abakene, badakwiye kugira umwanda n'akajagari haba kuri bo ubwabo no mu ngo zabo. Bene abo bantu badasobanukiwe iby'isuku n'agaciro kayo bagomba gufashwa kubisobanukirwa.

Bagomba kwigishwa ko abahagarariye Imana Yera kandi Isumba byose bagomba kurindana imitima yabo kwera no gutungana, kandi ko uko kwera kugomba kugaragara mu myambarire na buri kintu cyose cyo mu rugo kugira ngo abamarayika badukorera babashe gutanga ubuhamya ko ukuri kwazanye impinduka mu mibereho kukaboneza imitima kandi kukanogereza ibyo bakunda. Abakiriye ukuri ariko ntibagaragaze guhinduka mu magambo cyangwa mu myifatire, mu myambarire n'ahabazengurutse, baba bariho ku bwabo batariho kubwa Kristo.

Ntibigeze baba ibyaremwe bishya muri Kristo Yesu ngo bagere ku kwera no gutungana....Nubwo dukwiriye kwirinda umurimbo utagize icyo umaze no kwigaragaza,

ntitugomba kuba abanenganenzi n'abatagira icyo bitaho ku birebana nuko tugaragara inyuma. Twebwe ubwacu ku mpagarike no mu ngo zacu tugomba kugira isuku kandi tugasa neza. Urubyiruko rugomba kwigishwa kugaragara neza bizira amakemwa, uko baboneka inyuma bikavugira ukuri kandi bigahesha Imana icyubahiro.4

Kwirengagiza isuku bitera indwara. Nta ndwara iza idafite impamvu. Ibyorezo bikomeye by'indwara z'umuriro byagiye byigaragaza mu midugudu n'ibirorero byafatwaga nkibirimo ubuzima bwiza, umusaruro wabyo wabaye imfu nyinshi no kwangirika kw'ibihazengurutse. Kenshi na kenshi abahitanwaga n'ibyo byorezo babaga baturiyeye akarere kiganjemo ibyangiriza ikirere bibyara uburozi bwica maze bugahumekwa n'abagize imiryango yabo n'abayikikije. Biratangaje cyane kubona hari ubujiji bukomeye bwo kudasobanikirwa akaga gakomoka mu kwirengagiza kwita ku buzima.5

Gahunda ni ingenzi mu gutuma umuryango unezerwa: Imana ntinezezwa n'uwo ari wese ugira kajagari, wifata uko ashaka kandi utazi gutunganya. Bene ubwo butandame ni bubi bikabije kuko butuma urukundo rw'umugabo rwikubura ku mugore we, iyo uwo mugabo yikundira gahunda, abana batojwe ikinyabupfura n'urugo rufite gahunda nziza. Umufasha ari we nyina w'abana ntashobora gutuma urugo rwe ruba rwiza kandi runezerewe atariga gukunda gahunda, kurinda agaciro ke no kuyoborana ubugwaneza. Ibi nibitere abagore bose batsindwa kuri izi ngingo kuzitoza badatindiganije kandi bihatire kwimenyereza buri kagingo k'ingenzi babura.7

Komatanya kuba maso no gukora: Igihe twiyeguriye Imana tutizigamye bituma imirimo iciriritse y'imuhira tuyiha agaciro nyako maze tukayikora duhamanije n'ubushake bw'Imana. Tugomba kuba maso dutegereje kugaruka k'Umwana w'Umuntu; na none kandi turasabwa kuba abanyamwete mu mirimo, dufatanyaga gukora no gutegereza kuko byombi bigomba komatana. Aha ni ho imico ya gikristo ipimirwa, igatera imbere ku rugero rushyitse. Ntitugomba kumva ko inshingano yacu ari iyo kwirundurira mu kwibwira iby'Imana, kwiga ijambo ryayo no gusenga gusa ngo maze ibindi

byose tubyirengagize, cyangwa ngo turundukire mu mirimo, guteraganwa ndetse ihubi twirengagije kwera k'umuntu ku giti cye. Gutegereza, kuba maso no gukora bigomba komatana. "Ku by'umwete ntimube ibyangwe, muhirimbane mu mitima mukorera Umwami wacu." Abaroma 12:11. 7

Shakisha ibyoroshya umurimo wawe: Mu ngo nyinshi usanga nyina w'abana adafite umwanya wo gusoma, wo kumenya ibirikuba hirya no hino, wo kuba incuti na mugenzi w'umugabo we ndetse nta n'agahe ko kwizirikaho intekerezo zigikura z'abana be. Ndetse nta n'agahe n'akanya yasigiye Umukiza mwiza ngo basābāne amubere incuti magara. Buhoro buhoro ahinduka imbata y'imiruhu y'urugo rwe, maze imbaraga n'igihe cye bikamarwa n'ibintu by'akanya gato kandi bishira vuba. Akazavumbura ko yahindutse umunyamahanga ku urugo rwe impitagihe. Amahirwe akomeye yari kuba yarakoresheje mu kuyobora abana be akunda ngo bagere ku mibereho ihanitse agasanga yaratakaye by'iteka ryose.

Mwe mushinga urugo, mumaramaze kugendera ku nama zirimo ubwenge mu kubaho kwanyu. Intego yanyu y'ibanze ibe iyo kugira urugo rurimo umunezero. Ntimugatuze mutarabona ibibafasha kuborohera imiruhu kandi bikabaha ubutaraga no gukomera.8

Imirimo yorohereje cyane nayo ni umurimo w'Imana: ibyo dukora byose kandi bikwiye gukorwa, yaba ari ukoza amasahani, gutunganya ameza, kuvura abarwayi, guteka cyangwa kumesa bifite umumaro mu by'umwuka... inshingano zoroheje ziri imbere yacu hari ugomba kuzikora kandi abazikora bagomba kumva ko bari gukora umurimo w'ingenzi kandi w'icyubahiro, bakamenya ko nubwo uwo murimo wabo ugaragara nk'usuzuguritse ko nawo ari umurimo w'Imana uhwanyeye n'uwa marayika Gaburiyeli ubwo yatumwaga ku bahanuzi. Abantu bose bagomba gukorera mu mwanya barimo mu mpano zabo zitandukanye. Igihe umugore ari mu rugo akora uturimo tworoheje two mu buzima nyamara tugomba gukorwa, ashobora kandi asabwa kuba indahemuka, akumvira kandi akagira urukundo, akamaramaza ku nshingano ye nk'uko abamarayika bakiranuka ku zabo. Umurimo wose ugomba gukorwa iyo ukozwe hakurikijwe ubushake bw'Imana uhinduka uw'icyubahiro.9

#	Ibitabo by'igifaransa byakoreshejwe	Ibitabo by'ikingereza byakoreshejwe
1	Review and Herald 2 fevrier 1886	Review and Herald 2 february 1886
2	Ministere ge la guerison p 327(rayon de santé p 45)	Ministry of Healing p 388
3	Signs of the time 5 aout 1875	Signs of the time 5 august 1875
4	Review and Herald 10 Juin 1902	Review and Herald 10 June 1902
5	Christian temperance and Bible Hygien p 105-106	Christian temperance and Bible Hygien p 105106
6	Testimonies for the church vol 2 p 298-299	Testimonies for the church vol 2 p 298-299
7	Review and Herald 15 septembre 1891	Review and Herald 15 sept1891
8	Ministere ge la guerison p 311(rayon de santé p 23)	Ministry of Healing p 368-369
9	Temoignage pour l'eglise vol 1 p 339	Testimonies for the church vol 3 p 79,80

ICYIGWA CYA 3: URUGO RWA EDENI , ICYITEGEREREZO

Urugo rwa mbere rw’umuntu rwateguwe n’Imana: Urugo rwo muri Edeni rw’abakurambere bacu ba mbere rwateguwe n’Imana ubwayo. Igihe Imana yari imaze kuzuzamo ibyo umuntu yagombaga gukenera byose, iravuga iti: “Tureme umuntu agire ishusho yacu, ase natwe.”...

Uwiteka anezezwa n’icyo kiremwa gitangaje yari ashorejeho kurema, nuko akigenera kuba umuturage utunganye mu isi itunganye. Ariko ntibyari mu migambi yayo ko aba mu bwigunge, iravuga iti: “Si byiza ko uyu muntu aba wenyine, reka muremere umufasha umukwiriye.”¹

Imana ubwayo iha Adamu umufasha. Yamuhaye “ umufasha umukwiriye” ni ukuvuga umufasha umeze nka we, bashoboraga kubana nka mugenzi we, bagahuza urugwiro ndetse n’urukundo. Eva yaremwe akuwe mu rubavu rumwe rw’imbavu za Adamu bisobanuye ko atagombaga kuyobora Adamu nk’umutwe we cyangwa ngo asuzugurwe akandagirane muni y’ibirenge bye; ahubwo kugira ngo amube iruhande nka mugenzi we ugomba gukundwa kandi akarindwa nawe. Eva yari ikindi gice cy’umubiri wa Adamu, igufwa ryo mu magufwa ye, akara ko mu mara ye, mbese yari nk’indi kamere ye ya kabiri, bigaragaza ubumwe bushyitse n’urukundo rwimbitse rwahuzaga isano yabo. “Kuko nta muntu wakwanga umubiri we ahubwo yawugaburira , akawukuyakuya.” “Ni cyo gituma umugabo azasiga se na nyina akabana n’umugore we bombi bakaba umubiri umwe.”²

Ubukwe bwa mbere bwacyujwe n’Imana: Imana ni yo ^[26]yacyujwe ubukwe bwa mbere. Bityo ihame ry’ubukwe ryashyizweho n’umuremyi w’ijuru n’isi. “Ubukwe bwubahwe na bose” Ni imwe mu mpano za mbere Imana yagabiye umuntu akiremwa, kandi ubukwe ni rimwe mu mahame abiri Adamu yasohokanye yirukanwe muri Paradizo nyuma yo gucumura kwe.

Iyo amahame mvajuru yitaweho kandi akubahirizwa, ugushyingiranwa guhinduka umugisha. Kukaba ingabo ikingira kwera n’umunezero bya muntu, igakemura amakene ye muri rubanda, igakuza imiterere ye mu mpariye, mu bwenge no mu ntekerezo.³

Uwahaye Adamu Eva ngo amubere umufasha yakoze igitangaza cye cya mbere mu birori by'ubukwe. Mu cyumba cy'ubukwe aho incuti n'imiryango bari banezerewe basangirira hamwe, ni ho Kristo yatangiye umurimo we wo mu ruhame. Muri ubwo buryo Yesu yeza ihame ry'ubukwe, ararishimangira nk'ihame yari yarashyizeho ubwe...

Umugambi we wari uko abagabo n'abagore bahuzwa n'uwo murunga wera, kugira ngo bareme imiryango aho abayigize bazatamirizwa ikamba ry'icyubahiro bakamenya ko ari bamwe mu bagize umuryango wo mu ijuru.

Kristo yongeye guha ubukwe icyubahiro ubwo yabugereranyaga n'ubumwe buri hagati ye n'abo yacunguye. We ubwe ni umukwe, umugeni akaba itorero rigizwe nabo yitoranirije abwira ati: "uri mwiza bihebuje mukunzi wanjye, Nta nenge ufite."4

Nta na kimwe yari akennye: Adamu yari akikijwe nicyo umutima we wakwifuzaga cyose. Buri makene ye yose yari yarakemuwe. Mu ngombyi ya Edeni nta cyaha cyaharangwaga kandi nta n'ikimenyetso cyo kwangirika cyaharangwaga. Abamarika b'Imana baganiraga n'uwo muryango wera bisanzuye mu rukundo kandi nk'inshuti. Inyoni zaririmbanaga umunezero amajwi yo guhimbaza icyubahiro cy'Umuremyi. Inyamaswa zituje zakiniraga iruhande rwa Adamu na Eva zumvira ibyo azitegetse. Umuntu ataracumura, Adamu yari ikiremwa cyiza kuruta ibindi byaremwe byose.5 Nta gicucu cyabaga hagati yabo n'umuremyi wabo, Bari bazi Imana nk'umubyeyi wabo ugira neza kandi mu bintu byose ubushake bwabo babuhuzaga n'ubwayo. Imico y'Imana yigaragarizaga mu mico ya Adamu. Ubwiza bw'Imana bwagaragariraga mu byo yaremye byose.6

Gukora byashyiriweho kubera umuntu umunezero: Imana ikunda ibifite ubwiza. Imana yaduhaye igihamba kidakebakeba cy'uko ikunda gukora binyuriye mu murimo w'intoze zayo. Ku neza y'abakurambere bacu, yashyize mu ngobyi ya Edeni Ubusitani bwiza.

Hamezemo ibiti by'inganza marumbu by'impumuro zose n'amoko atandukanye kugira ngo bitange imbuto kandi bibe umutako. Haremwe indabo z'ubwiza n'amabara bitandukanye zakwizaga mu kirere impumuro zazo zitandukanye... Byari umugambi w'Imana wari ko umuntu akura umunezero mu gukora yita ku bintu yari

yararemye kandi agakemura amakene ye akoresheje imbuto zo mu biti byo muri ubwo busitani.7

Adamu yashinzwe guhingira umurima wa Edeni no kuyirinda. Umuremyi yari azi ko Adamu atashoboraga kunezerwa atagize icyo akora. Ubwiza bwa Edeni bwaramunzezaga ariko ntibyari bihagije. Yagombaga kugira icyo akora kugira ngo amenyereze ingingo zitangaje zigize impagarike ye. Iyaba umunezero w'umuntu wagakomotse mu kudakora umuntu mu butungane bwe yari kurekerwa mu kudakora. Ariko uwaremye umuntu yari azi icyamunezeza: niyo mpamvu akimara kumurema yahise amugenera umurimo akora. Isezerano ry'ubwiza bw'ahazaza n'itegeko ritegeka umuntu ko agomba kuzabona umutsima wa buri munsu abanje gukora akiyuha akuya, byombi byaturutse hamwe mu ijuru ku ntebe y'ubwami.8

Urugo rwa gikristo ruhesha Imana icyubahiro: Abagabo n'abagore bagira Imana nyambere mu ngo zabo, bigisha abana babo ko kubaha Imana ari byo shingiro ry'ubwenge, bahesha Imana icyubahiro imbere y'abamarayika n'imbere y'abantu bagaragaza imbere y'ab'isi umuryango ufite gahunda n'ikinyabupfura, umuryango ukunda kandi ukubaha Imana aho kuyigomekaho. Kristo ntaba umunyamahanga mu rugo rwabo, usanga abawugize bamenyeranye n'izina rye, baryerereza kandi barihesha icyubahiro. Abamarayika bishimira kuba mu [28] muryango aho Imana ihabwa umwanya wa mbere, n'aho abana bigishwa guha agaciro iyobokamana, Bibiliya n'Umuremyi wabo. Imiryango nk'iyi ni yo igomba gusaba gusohozwa iri sezerano ngo: "Abanyubaha ni bo nzubaha." Iyo se w'abana avuye mu rugo nk'urwo agiye mu mirimo ye ya buri munsu, ayoborwa n'umwuka w'ubugwaneza no kwiyoroshya akomora k'umushyikirano afitanye n'Imana.9

Kubana na Kristo nibyo byonyine gusa bishobora guhesha abagabo n'abagore umunezero. Kristo ashobora guhindura amazi yose asanzwe yo muri ubu buzima Vano yo mu ijuru. Muri ubwo buryo urugo rugahinduka Edeni inejeje; umuryango ukaba ikimenyetso nyakuri cy'umuryango wo mu ijuru. 10

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	The youth's instructor 10 aout 1899	The youth's instructor 10 august 1899
2	Patriaches et prophethes p 23	Patriarchs and prophets p 46
3	Patriaches et prophethes p 23-24	Patriarch and prophets p 46
4	Ministere de la guerison p 301 (Rayon de la sant� 11)	Ministry of Healing p 356
5	Signs of the time 11 juin 1874	Signs of the time 11 June 1874
6	The youth's instructor 2 juin 1898	The youth's instructor 2 June 1898
7	The health reform Juillet 1871	The health reform July 1871
8	The youth's instructor 27 fevrier 1902	The youth's instructor 27 feb 1902
9	Temoignages pour l'eglise vol 2 p 158-159	Testimonies to the church vol 5 p

**UMUGABANE WA 2:
UMUCYO MURI RUBANDA**

ICYIGWA CYA 4: ICYTEGEREREZO CYAGUTSE CY'UMURYANGO

Urugo rwa gikristo ni imfashanyigisho: Umurimo urugo rwa gikristo rwatumwe gukora, uragutse kurenga uruziga rw'umuryango. Umuryango nk'uwo ugomba kuba imfashanyigisho ku-bawukikije ibigisha ubwiza bw'amahame nyakuri yo mu buzima. Icyitegererezo nk'icyo kizaba imbaraga y'icyiza mu isi. Icyitegererezo n'imbaraga rukuruzi bizagira ku mitima bizagira imbaraga kuruta ibibwiriza byiza. Iyo urubyiruko ruvuye mu miryango nk'iyi rukwirakwiza aharuzengurutse inyigisho rwigishijwe. Bityo amahame atunganye ayobora imibereho akinjizwa mu yindi miryango kandi hakaboneka n'ihinduka muri rubanda.1

Umuryango urangwa n'ikinyabupfura, abawugize ari abakristo b'abanyarugwiro kandi barezwe neza, utanga icyitegererezo cyagutse kandi cyimbitse mu gukora ibyiza. Indi miryango ikabona umusaruro umuryango nk'uwo wagezeho, ikifuzza gukurikiza urugero rwawo, nawo ukifuzza kwirukana imbaraga ya Satani muri wo. Akenshi abamarayika b'Imana bajya gusura imiryango yishimira kuyoborwa n'ubushake bw'Imana. Urugo nk'urwo ruyobowe n'imbaraga y'ubuntu bw'Imana ruhinduka isoko y'amazi ahembura ku bagenzi bananiwe kandi bacogoye. Mu kuba maso no kwirinda bibarinda inarinjye no kwiyogeza. Akamenyero keza kakaremwa. Aho hakaba gusobanukirwa neza n'uburenganzira bw'abandi. Ukwizera kwabo gukorera mu rukundo kandi kweza umutima gufata ingashya kandi kugakomeza icyerekezo cy'abagize umuryango bose. Binyuriye mu cyitegererezo cyeza cy'umuryango nk'uwo, amahame nyakuri y'ubuvandimwe avugwa mu ijambo ry'Imana aremerwa mu buryo bwimbitse kandi akubahwa.2

Icyitegererezo cy'umuryango ugira gahunda: Si icyoroheye umuryango guhagararira Yesu, ukubaha amategeko y'Imana hagati y'abatizera. Dusabwa kuba inzandiko nzima zizwi kandi zisomwa na bose. Uyu mwanya usaba inshingano ziteye ubwoba.3

Urugo rugira gahunda n'ikinyabupfura rurengera ubukristo kurusha ibibwiriza bishobora kubwirizwa. Umuryango nk'uwo utanga ubuhamya ko ababyeyi bāshoboye gukurikiza amabwiriza mvajuru kandi ko abana babo biteguye gukorera Imana mu itorero. Byongeye kandi icyitegererezo cyabo kirushaho gukura kuko uko barushaho gutanga niko barushaho kwakira kugira ngo bongere batange. Iyo abana bari kwigisha abandi inyigisho nabo bigishirijwe

iwabo mu rugo, ababyeyi babo baba biboneye abafasha. Abaturanyi babo babungukiraho kuko babungukiraho ubutunzi bw'iki gihe n'ubw'iteka ryose. Umuryango wose urundukira mu murimo wa Shebuja, kandi kubw'icyitegererezo cyabo cyiza, abandi nabo babigiraho kuba abizerwa n'abanyakuri ku Mana mu mubano mwiza bagirana n'umukumbi w'Imana, umukumbi wayo mwiza.4

Igihamya gikomeye cya kwemeza ab'isi ko hariho imbaraga ikomoka mu bukristo ni ukubona umuryango ugira gahunda n'ikinyabupfura. Umuryango nk'uwo ni igihamya kirengera ukuri kuruta ikindi cyose kuko ari umuhamya muzima w'imbaraga ihindura y'uko kuri mu mutima.5

Igipimo nyakuri cy'ubukristo bwo mu muryango ni imico iranga abawugize. Ibikorwa bivuga cyane kuruta kwera k'ubunyamihango.6

Inshingano yacu muri iyi si... ishingiyeye ku kumenya ukuri dukwiriye kwigisha abana bacu n'imiryango yacu, kugira ngo babe icyitegererezo kizima ku yindi miryango, kandi muri ubwo buryo tuzaba twigisha abandi kabone nubwo tutakwigera tuvugira ku ruhimbi. Umuryango ugira gahunda n'ikinyabupfura ufite agaciro gakomeye imbere y'Imana kuruta izahabu nziza yemwe ndetse kuruta n'izahabu ya Ofiri.7

Ubushobozi bukomeye ni ubwacu: Igihe dufite hano ku isi ni kigufi. Tunyura mu isi rimwe kandi tukayimaramo igihe gito. Dukore rero icyiza cyose gishoboka mu kubaho kwacu. Umurimo twahamagariwe gukora ntusaba kuba ufite ubutunzi, ukomeye cyangwa ufite ubushobozi buhambaye ahubwo usaba kugira umwuka w'ubugwaneza n'uwo kwitamba no kugira umugambi uhamye.

Itara nubwo ryaba rito rite, mu gihe rikomeje kwaka rishobora gukomeza ayandi menshi. Imbaraga rukuruzi yacu ishobora kutarenga umutaru, tukagira ubushobozi buke, amahirwe dufite akaba make, ubumenyi bwacu bukaba ari bugufi, nyamara ubushobozi bw'akataraboneka buzaba ubwacu mu gihe tubyaza umusaruro dukiranutse amahirwe twifitiye iwacu i muhira. Nidukingurira imitima yacu n'ingo zacu amahame y'Imana ayobora imibereho, tuzahinduka imiyoboro inyuzwamo imbaraga y'ubuzima ihembura. Noneho mu ngo zacu hazadudubiza amasoko akiza,

atanga ubugingo, ubwiza n'uburumbuke aha hoze umutarwe n'urupfu.8

Ababyeyi bubaha Imana bazakwirakwiza impumuro ivuye mu ruziga rw'umuryango wabo ku baturanyi babo twagereranya n'umusemburo waritswe mu migabane itatu y'ifu.9

Igikorwa cyo gukiranuka gikorewe mu muryango gitera abandi kucyigana. Umwuka wo gukiranukira Imana umeze nk'umusemburo; iyo ugaragariye mu itorero ugera no kubarikikije kandi ukaba igihamba kigaragaza iyobokamana rya gikristo ahantu hose. Umurimo w'abasirikare bitangiye Kristo umubiri n'umutima uzagira ingaruka zagutse kugeza iteka ryose. None se bigenda gute ko tubona mu matorero yacu hakennye umwuka w'ibwirizabutumwa? Ibyo bikomoka mu kwirengagiza kwera k'umuryango.10

Icyitegererezo kibi cy'umuryango utagira gahunda:
Icyitegererezo kibi cy'umuryango utagira gahunda kiragutse kandi giteza akaga gashishana muri rubanda rwose. Ni umuvumba w'ikibi ukura ukangiriza ingo, imiryango ndetse n'ibihugu.11

Ni ibidashobokera uwo ari we wese muri twe kubaho imibereho idatanga icyitegererezo ku bandi. Nta numwe mu bagize umuryango wakwishyira mu kazitiro ku buryo icyitegererezo cye ntacyo cyatwara abandi. Yewe! n'ishusho yo mu maso itanga icyitegererezo cyiza cyangwa kibi. Umuntu wese yaba anezerewe cyangwa ababaye, amagambo ye, ibikorwa bye, uko abana n'abandi ntibibura kugira ingaruka ku bandi. Iyo abayeho imibeho yo kwikunda aba azengurukije umutima we umwuka mubi, mu gihe iyo acengewemo n'urukundo rwa Kristo agaragaza urugwiro, ubugwaneza, kugirira abandi impuhwe kandi agashyikirana na bagenzi be binyuze mu bikorwa bye by'urukundo, mu kubitaho, mu gushima no mu kunezerwa. Aba agaragaje ko abayeho kubwa Yesu, ko yigira ku birenge bya Kristo kugira ngo yakire umucyo we n'amahoro ye. Ashobora kubwira Umukiza we ati: "Ubugwaneza bwawe bwanteye ikuzo." 12.

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFA-RANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYON-GEREZA
1	Ministere de la guerison p 298 (Rayon de la santé p 28)	Ministry of healing p 352
2	Letter p 272, 1903	Letter p 272, 1903
3	Testimonies for the church vol 4 p 106	Testimonies for the church vol 4 p 106
4	Review and Herald 6th june 1899	Review and Herald 6th June 1899
5	Testimonies for the church vol 4 p 304	Testimonies for the church vol 4 p 304
6	Patriarches et prophetes p 567	Patriarchs and prophets p 579
7	Manuscript 12, 1895	Manuscript 12, 1895
8	Ministere de la guerison p 299,300 (Rayon de la santé p 30)	Ministry of healing p 355
9	Signs of the time 17 sept 1894	Signs of the time 17 September 1894
10	Review and Herald 19 fev 1895	Review and Herald 19 February 1895
11	Patriarches et prophetes p 567	Patriarchs and prophets p 579
12	The youth's instructor 22 june 1893	The youth's instructor 22 June 1893

ICYIGWA CYA 5: IMBARAGA IKOMEYE Y'UBUHAMYA BW'UMUKRISTO

Abavugabutumwa beza bakomoka mu ngo za gikristo:

Abavugabutumwa bahamagariwe gukora umurimo wa Shebuja mu bihugu bya kure imyiteguro yabo ikomeye bayikomoye mu ngo za gikristo, zitinya Imana, zikayubaha, ziyikunda kandi zikayisenga by'ukuri; ingo zifite ubunyangamugayo bwahindutse umuco, zitarangwamo ubwigenge n'ubunenganenzi, aho gusābāna n'Imana bucece bifatwa nk'icy'agaciro igihe bakora imirimo ya buri muni.1

Umukristo niyuzuze inshingano z'imuhira asobanukiwe ko naramuka azikoze anezerewe, ko zizamuha inararibonye izamushoboza gukora mu murimo wa Kristo mu buryo buhoraho kandi butunganye. Mbega ukuntu twabona umukristo muzima w'umunyamwete mu ibwirizabutumwa niba yuzuza inshingano ze za buri muni akiranutse, akikorera umusaraba we anezerewe kandi adasuzugura umurimo uwo ari wo wose kabone nubwo waba utanejeje kamere ye!2

Umurimo dukorera Kristo ugomba guhera mu muryango, i muhira... Nta murima w'ibwirizabutumwa w'ingenzi kuruta i muhira...

Kuri benshi uyu murima warirengagijwe mu buryo buteye isoni. Ubu ni igihe dukeneye ubutabazi n'umuti biva ku Mana kugira ngo iyo nyifato mbi ikosorwe.3

Inshingano iremereye ireba abasore yo kubera umugisha ababyeyi babo n'abavandimwe babo, binyuriye mu kubagaragariza urukundo no kubabera inyungu iri iwabo i muhira. Aha ni ho bashobora kugaragariza kwihotorera abandi no kwiyibagirwa mu kwita ku bandi no kubakorera ibyiza.... Mbega ukuntu umukobwa azagira icyitegererezo rukuruzi kuri basaza be! Niba akiranuka, ashobora kugira uruhare mu kurema imico ya basaza be. Amasengesho ye, ubugwaneza bwe n'urukundo rwe bishobora guhindura byinshi mu rugo.4

I muhira, abakiriye Kristo bagomba kugaragaza icyo ubuntu bw'Imana bwabamariye. "Abamwemeye bese bakizera izina rye yabahaye ubushobozi bwo kuba abana b'Imana n'abizera Izina rye." Umwigishwa nyakuri wa Kristo agomba kugira ubutware

bumubashisha gutanga icyitegererezo mu muryango. Bikazafasha mu gutunganya imico y'abagize umuryango bose.⁵

Igihamya utizera adashobora kuvuguruza: Urugo rwa gikristo ruyobowe neza, ni igihamya gikomeye kirengera iyobokamana ya gikristo; igihamya utizera adashobora kuvuguruza. Bose bakwiriye kubona ko hari imbaraga ikora mu muryango ihindura imitima y'abana kandi ko Imana ya Aburahamu iri kumwe nabo. Iyaba imiryango yose yatūra ko ari abakristo bari bo by'ukuri, icyitegererezo cyabo cyo gukora ibyiza cya kwagutse. Mu by'ukuri bakabaye "Umucyo w'isi."⁶

Abana bashobora gusobanukirwa n'amahame ya Bibiliya: Abana barezwe neza, banezewa no kuba ingirakamaro kandi bafasha ababyeyi babo bazamamaza ibitekerezo by'ukuri ndetse n'amahame ya Bibiliya ku bo bagirana umushyikirano.⁷

Igihe imiryango yacu izaba icyo igomba kuba cyo, abana bacu ntibazemererwa gukurira mu bwebwe no mu bunenganenzi ku birebana n'inshingano zabo bashinzwe n'Imana zerekeye ku kwita ku bakene babakikije. Nk'abaragwa b'Imana bazaba biteguye kwikorera inshingano aho bazaba bari hose. Mu ngo zabo hazavamo umucyo uzamurikira abakiri mu bujiji kandi ubayobore ku isoko y'ubumenyi bwose. Icyitegererezo cyabo kizaguka gihinduke imbaraga ivugira Imana n'ukuri kwayo.⁸

Ababyeyi udashobora gushyikira unyuriye mu zindi nzira zose, kenshi bashyikirwa binyuriye ku bana babo.⁹

Ingo zirimo umwuka mwiza ni umucyo ku babakikije: Dukeneye ababyeyi benshi n'abakristo barabagirana nk'Izuba. Kenshi twihugiraho. Kenshi twirengagiza kuvuga ama-gambo y'ubugwaneza kandi atera akanyabugabo ndetse no kum-wenyura imbere y'abana bacu n'imbere y'abantu baremerewe kandi bacogoye.

Babyeyi, inshingano zo kuba abatwara mucyo n'abatanga mucyo ziri ku bitugu byanyu. Murabagirane nk'umucyo mu rugo rwanyu, mumurikira inzira abana banyu bagomba kunyuramo. Mu gukora gutyo umucyo wanyu uzagera no kubatawufite.¹⁰

Buri muryango wose wa gikristo ugomba kurabagirana umucyo wera. Urukundo rugomba kugaragarizwa mu bikorwa.

Ruzasenderera mu mibanire y'abagize umuryango, rwigaragarize mu bugiraneza, mu bugwaneza no mu rugwiro rutikanyiza. Hari imiryango myinshi yashyize mu bikorwa iryo hame: ni imiryango isenga Imana kandi yimitse urukundo nyakuri. Ni mu miryango aho amasengesho ya mugitondo na nimugoroba azamuka ku Mana nk'umubavu uhumura neza wo ku gicaniro, maze ubuntu n'imigisha y'Imana bikaba igisubizo ku basenga nk'ikime cya mugitondo.11

Umusaruro w'ubumwe bw'umuryango: Umurimo w'ibanze w'abakristo ni ukugira ubumwe mu muryango, kandi bukaguka bukagera mu baturanyi hafi na kure. Abagize amahirwe yo kwakira umucyo bagomba kureka uwo mucyo ukamurika mu mirashi yawo irabagirana. Amagambo yabo yahinduwe n'urukundo rwa Kristo agomba kuba impumuro y'ubugingo itanga ubugingo.12

Uko abagize umuryango barushaho kuba umwe mu mirimo y'i muhira ni ko icyitegererezo n'ubufasha bigaragazwa hanze n'ababyeyi n'abana kizaguka kandi kikaba ingirakamaro no hanze y'urugo.13

Abantu beza barakenewe kuruta intiti: Umunezero w'imiryango n'uw'amatorero ukomoka ku cyitegererezo cy'urugo. Inyungu z'iteka ryose zishingiye kuko twuzuzwa neza inshingano zo mu by'ubu buzima. Isi ntikeneye cyane intiti nk'uko ikeneye abantu beza bazaba imigisha ku ngo zabo.14

Kwirinda amakosa ashobora kugarira amarembo: Iyobokamana nirigaragarira mu rugo icyitegererezo cyarwo cyiza kizagaragarira mu itorero no mu baturanyi. Ariko bijya bibaho ko bamwe mu bavuga ko ari abakristo babwira abaturanyi babo ingorane bahuye nazo mu ngo zabo. Bavuga iby'ingorane zabo kugira ngo babagirire impuhwe.

Ariko ni ugukora ikosa rikomeye cyane kubwira abandi ibibazo byacu by'umwihariko ibyo bibazo akaba ari byo twihimbiye kandi bikaba byatewe n'imyitwarire mibi yacu mu by'iyobokamana ndetse n'imico yacu mibi. Abanzezwa no kubwira ibibazo byabo bwite abandi byakabaye byiza bigumiye mu ngo zabo bagasenga, kugira ngo ubushake bwabo babushyire imbere y'Imana; maze bikubite kuri Rutare maze abashenjagure, bapfe kunarijye kugira ngo Yesu abagire igikoresho cy'icyubahiro.15

Kubura urugwiro, uburakari n’umujinya ndetse n’ijambo ry’ubupfu bishobora kugabanya agaciro kawe ndetse no kugarira burundu amarembo ku mitima kugeza ubwo utazigera uyishyikira na rimwe.16

Ubukristo bwo mu muryango bumurikira n’abari kure: Imihati dukoresha kugira ngo urugo rube uko rwakagombye kuba igishushanyo cy’urugo rwo mu ijuru- bidutegurira gukorera ahagutse. Inararibonye dukura mu kugaragarizanya impuhwe idushoboza kumenya uko twashyikira imitima ikeneye kumenya amahame y’iyobokamana nyakuri. Itorero rikeneye imbaraga zose z’umwuka rishobora kwegeranya kugira ngo abagize umuryango w’Umukiza by’umwihariko urubwirako bashobore kuba mu mutekano. Ukuri dushyira mu bikorwa mu rugo kugaragazwa n’ibikorwa bidashaka inyungu ku bandi tugira hanze. Uwo ari we wese ushyira mu bikorwa ubukristo mu muryango azaba umurashi w’umucyo urabagirana umurikira ahantu hose.17

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU KINGEREZA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	Manuscript 140,1897	Manuscript 140,1897
2	Signs of the times sept 1 st 1898	Signs of the times September 1 st 1898
3	Temoignages pour l’eglise vol 3 p 70,71	Testimonies for the church vol 6 p 426,430
4	Testimonies for the church vol 3 p 80,81	Testimonies for the church vol 3 p 80,81
5	Manuscript 140,1897	Manuscript 140,1897
6	Patriarches et prophetes p 123,124	Patriarchs and prophets p 144
7	Letter 28,1890	Letter 28,1890
8	Temoignages pour l’eglise vol 3 p 71	Testimonies for the church vol 6 p 430
9	Testimonies for the church vol 4 p 70	Testimonies for the church vol 4 p 70
10	Review and Herald jan 29 th 1901	Review and Herald January 29 th 1901
11	Patriarches et prophetes p 124	Patriarchs and prophets p 144

12	Manuscript 11, 1901	Manuscript 11, 1901
13	Letter 189,1903	Letter 189,1903
14	Testimonies for the church vol 4 p 422	Testimonies for the church vol 4 p 422
15	Signs of the Time nov 14 th 1892	Signs of the Time novembre 14 th 1892
16	Testimonies for the church vol 5 p 335	Testimonies for the church vol 5 p 335
17	Signs of the time sept 1 st 1898	Signs of the time sept 1 st 1898

**UMUGABANE WA 3:
GUHITAMO UWO
MUZABANA**

ICYIGWA CYA 6: UMWANZURO UKOMEYE

Ubukwe bwiza cyangwa bubi?: Niba abagamije gushyingiranwa batifuza kuzagira imibereho y'ubuhanya, kwicuza n'amaganya nyuma yo gushyingiranwa, bagomba kubyibazaho mu buryo bwimbitse mbere y'uko babana. Gutera iyi ntambwe utabitekerejeho ni bumwe mu buryo bwangiriza ukuba ingirakamaro kw'abasore n'inkumi. Ubuzima buhinduka umutwaro n'umuvumo. Nta muntu ushobora gusenya umunezero n'umumaro w'umugore no kurwaza umutima we ngo ageze ku rugero nk'urw'umugabo we; kimwe nk'uko nta wushobora gukonjesha ibyiringiro n'ibiyumviro by'umugabo, ngo bice intege imbaraga ze kandi ngo birimbure icyitegererezo cye n'ahazaza he nk'umugore we. Ku bagabo n'abagore benshi intsinzi mu mibereho yabo no gutsindwa kwabo n'icyizere gihamye cy'ubuzima bw'ahazaza bitangirira ku munsu w'ubukwe bwabo.¹

Nifuzaga kugaragariza no kwereka abasore akaga kabugarije by'umwihariko agakomoka mu kubaka ingo zitarimo umunezero.²

Ugushyingiranwa ni ikintu kizagira ingaruka nziza cyangwa mbi mu buzima bwanyu haba muri iyi isi kimwe no mu isi izaza. Umukristo nyakuri ntazatera iyo ntambwe atabonye ibihamya ko Imana ibyemeye. Ntazifuza kwihitiramo ubwe ahubwo aziyumvamo ko Imana igomba kumuhitiramo. Ntitugomba kwinezeza ubwacu kuko na Kristo nawe atinejeje ubwe. Sinshaka kuvuga ko umuntu agomba gushaka uwo adakunda. Byaba ari ugukora icyaha. Ariko na none ntitugomba kwemerera ibishashagirana n'ibishyika byacu kutuyobora mu irimbukiro. Imana idusaba kuyegurira umutima wose n'ibyo dukunda kurusha ibindi.

Itonde wibihubukira: Bake gusa ni bo basobanukiwe neza ibirebana no gushyingiranwa. Benshi bibwira ko ugushyingirwa ari umunezero urenze uwundi wose. Abantu ntibatangazwa n'ibyo nandika aha, baramutse basobanukiwe byibuze kimwe cya kane cy'agahinda kugarije imitima y'abagabo n'abagore bizirikishije indahiro yo gushyingirwa, bakishyira mu minyururu badashobora guca cyangwa kwigobotora. Mu ngo nyinshi ugushyingiranwa ni umutwaro uremereye kurusha iyindi. Ibihumbi byinshi by'imiryango babana ariko badahuje. Ibitabo byo mu ijuru byuzuye ibibi, ubugome n'urugomo bitwikiriwe umwambaro w'ubukwe. Iyo ni yo mpamvu ngira inama urubyiruko rugeze mu gihe cyo gushyingirwa ko batagomba

guhuhukira guhitamo uwo bazabana. Inzira y'ubuzima bw'abashyiringanwe ishobora gushuka umuntu ko itatswe ubwiza kandi igasa nk'iyuzuye umunezero, ariko mbese wowe ntushobora kubona ibyo utari witeze nk'uko abandi ibihumbi byinshi byabagendekeye?4

Abagamije gushyiringirwa bakwiriye kuzirikana ingeso n'imimerere y'urugo bagiye gushinga. Ubwo bazamara guhinduka ababyeyi, bazagirwaho ibyiringiro bikomeye. Kuri bo ni ho hazaturuka urugero rukomeye rw'imibereho y'abana babo muri iyi si, n'umunezero wabo mu isi izaza. Ingeso z'iby'umubiri n'iby'umwuka abana bazagira zituruka cyane ku ngeso z'ababyeyi. Kandi ingeso zo mu rugo ni zo zerekana uko iz'igihugu zizamera; uburemere bwo kureshya kw'ingeso z'urugo ni bwo buzatuma umunzani ujya hejuru cyangwa hasi.5

Ibimenyetso by'ingenzi mu guhitamo: Abasore b'abakristo bakwiriye kwitonda cyane mu byo gukundana no guhitamo bagenzi babo. Mwirinde kugira ngo ibyo mutekereza ubu ko ari izahabu nziza bitaba inkamba. Incuti z'isi zishaka gushyira ibibazitira mu nzira yo gukorera Imana kwanyu, kandi abantu benshi barimburwa n'umubano uteye agahinda, ari uw'umurimo bakora cyangwa abagore bafite batahwituwe cyangwa batarezwe neza.6

Pima icyo ureba cyose, witegereze amajyambere yose y'ingeso z'uwo ugambiriye gufatanywa na we mu bugingo bwawe. Iyi ntambwe ugiye gutera ni imwe mu zikomeye cyane mu bugingo bwawe kandi ntikwiriye guteranwa ubwira. Naho wakunda, ntugakunde utabanje gutekereza.

Suzuma witonze, urebe y'uko numara gushyiringirwa uzagira umunezero cyangwa uzamererwa nabi ukaba umutindi. Wibaze uti: "Mbese uku gufatanywa kuzamfasha ngere mu ijuru? Kuzanyongerera urukundo nkunda Imana? Kandi kuzagwiza umurimo wanjye ngire umumaro muri ubu bugingo?" niba utekereje ibyo ugasanga bitazagusubiza inyuma, noneho ukomeze umugambi wawe wubashye Imana.7

Abagabo n'abagore benshi bashyiringirwa nk'aho bihagije gusa gukundana bakaba bakemuye ibibazo byose. Ariko bakagombye gusobanukirwa ko mu gushyiringirwa hari inshingano ibategereje irenze iyo. Bakwiriye kwibaza niba abazabakomokaho bazagira

imbaraga z'impagarike, iz'ubwenge n'iz'intekerezo. Bake ni bo bateye iyi ntambwe batekereje byimbitse bazirikana icyo rubanda rubategerejeho, kandi basobanukiwe ko uburemere bw'icyitegererezo cy'umuryango wabo buzatuma umunzani ujya hasi cyangwa hejuru.⁸

Guhitamo umufasha muzabana iteka gukwiriye kuba ukuzana imibereho myiza y'umubiri, iy'ubwenge, n'iy'iby'umwuka ku babyeyi no ku bana babo, kukazabashisha ababyeyi n'abana guhesha umugisha bagenzi babo no kubaha Umuremyi wabo.⁹

Ingeso zikwiriye kuranga umugore uzashaka: Umusore nashake uwo kumuhagarara iruhande ubashije kumufasha imitwaro yo mu bugingo, ufite kureshya kuzamwongerera ubupfura n'ubutungane, kandi uzamunezeresha urukundo rwe.

“Umugore witonda umuhabwa n'Uwiteka.” “Umutima w'umugabo we uhora umwiringira. Ahora amugirira neza ^[46]ntabwo amugirira nabi, igihe cyose akiriho.” “Abumbuza akanwa ke ubwenge kandi itegeko ry'ururimi rwe riva ku rukundo. Amenya neza imico yo mu rugo rwe; kandi ntabwo arya ibyokurya by'ubute. Abana barahaguruka bakamwita nyiramugisha; n'umugabo we na we aramushima” ati: “abagore benshi bagira neza, ariko weho urabarusha bese.” Ubonye bene uwo mugore “aba abonye ikintu cyiza, akaba agize umugisha ahawe n'Uwiteka.” ¹⁰

Ngibi ibintu bikwiriye kuzirikanwa: Mbese uwo ushyingirwe azazana umunezero mu rugo? Mbese arazigama cyangwa namara gushyingirwa azaya ibyo yungutse byose, atange ibyawe byose kubwo kwinezeza mu bitagira umumaro, no kwikunda ku buranga? Mbese ingeso ze ziratanganye muri ibyo? Hari ikintu yishingikirijeho?... Nzi yuko ubwenge bw'umugabo nibumara kujijishwa n'urukundo n'ibitekerezo byo gushyingirwa, Ibi bibazo bizamushiramo bise naho bitagize icyo bimaze. Ariko ibi bintu bikwiriye kuzirikanwa neza, kuko bifite icyo bizakumarira mu buzima bwawe buri mbere...

Mu gihe uhitamo umugore, wige ingeso ze. Mbese aho azaba umuntu wihangana kandi w'umunyamuhati? Aho ntazagirira nyoko na so ibambe rike mu gihe bazaba bakeneye umuhungu ufite imbaraga wo kubunganira? Mbese ntazamuganza akamuca kuri bene wabo ari ugushaka ko akurikiza inama ze no kumukundwakaza maze akareka se na nyina, nk'aho babonye umukobwa ubakunda ahubwo bakazimiza n'umuhungu wabo? ¹¹

Ingeso zikwiriye kuranga umugabo uzashaka: Umugore wese, mu gihe atarafatana n’umugabo we mu biganza, akwiriye kubaza y’uko umugabo ugiye kuzafatanywa na we mu minsi y’ukubaho kwe ari mwiza. Ibimuvugwaho yakoze mu gihe cyashize ni ibiki? Mbese imibereho ye irera? Mbese urukundo agaragaza rushingiye ku mico yanga umugayo cyangwa rushingiye ku gusamara gusa? Agira imico izatuma umugore we anezerwa? Mbese umugore abasha kubonera amahoro nyamahoro n’umunezero mu rukundo amukunda? Mbese azemererwa kuba umuntu witekerereza ku giti cye cyangwa ubwenge bwe n’umutima uhana bizagengwa n’umugabo we? Mbese uwo mugore ashobora kwita ku byo Umukiza ashaka maze akaba ari byo arutisha ibindi? Mbese umubiri n’umutima, intekerezo n’imigambi, bizarindwa bibonere kandi bibe ibyera? Ibi bibazo bifite icyo bizamara cy’ingirakamaro cyane mu byerekeye imibereho myiza y’umugore wese ugiye mu byo gushyingirwa .12

Umugore wifuzaga urugo rw’amahoro n’ibyishimo rutaragwamo ubutindi n’umubabaro, abaririza mbere y’igihe ati:“Mbese uwo mukunzi wanjye afite nyina? Ingeso za nyina ni ngeso ki? Mbese azi inshingano amufiteho? Yitaye ku byo yifuza no ku bimunezeza? Niba atumvira kandi ntiyubahe nyina azagaragaza icyubahiro n’urukundo, ineza n’ub-wuzu ku mugore we? igihe agahararo ko gushyingirwa kazaba gashize azakomeza ankunde? Mbese azajya yihanganira amafuti yanjye, cyangwa se azajya ampoza ku rutoto no kumpatira ku mategeko ye?” Urukundo nyakuri rutuma umuntu yirengagiza amafuti menshi; urukundo ntirwita ku mafuti.13

Kwemera gusa ingeso za kigabo: Umwari akwiriye kwemera mugenzi we bazabana iteka, ufite ingeso zitunganye za kigabo, umugabo w’umunyamwete kandi wiringirwa, ukunda Imana kandi akayubaha.14

Witandukanye n’umunyagasuzuguro. Witandukanye n’ukunda kunebwa, witandukanye n’ukunda gukerensa ibintu byera, wirinde kubana n’ukunda kuvuga ibibi cyangwa uwamenyereye kunywa nubwo cyaba ari ikirahuri kimwe cy’inzoga. Ntukumve inama z’umuntu udasohozaga inshingano Imana yamuhaye. Ukuri gutunganye kweza imitima ni ko kuzagutera ubutwari bwo kureka uwamenyereye kwinezeza cyane, uwo uzi yuko adakunda Imana kandi atayubaha, ntagire icyo amenya cy’ingeso zo gukiranuka k’ukuri. Iteka ryose dushobora kwihanganira intege nke z’inshuti n’ubujiji bwayo, ariko ntabwo twakwihanganira ububi bwayo.15

Biroroshye gukora ikosa kuruta kurikosora: Ugushyingiranwa gutewe n'ibishyika n'ibitekerezo byo kwikunda, kenshi ntikugera ku ntsinzi ahubwo guhura no gutsindwa gukomeye. Buri umwe mu bashakanye arazinukwa akumva akeneye mu buryo bukomeye kwisubiraho ku myanzuro yari yarafashe anezerewe. Biroroshye kandi biroroshye cyane mu bijyanye no gushyingirwa gukora ikosa kuruta kuri kosora igihe ryamaze gukorwa. 16

Ikirutaho ni ukwica amasezerano y'ubupfayongo: Nubwo isezerano ryaba ryarasezeranywe utazi neza ingeso z'uwo ugambiriye ko mufatanywa, ntugatekereze yuko iryo sezerano riguhatira guhiga umuhigo wo gushyingirwa no gufatanywa mu bugingo bwawe n'uwo udakunda kandi utubashye. Witondere cyane uko ujya gusezerana; ariko ikiruseho, ndetse kiruseho cyane, ni ukwica amasezerano mbere yo gushyingirwa kuruta ko mwazatandukana hanyuma, nk'uko benshi bagenza. 17

Wabasha kuvuga uti: "Ariko se ko nasezeranye, none ngamburure?" Reka ngusubize, niba warasezeranye amasezerano anyuranye n'ibyanditswe, ibyaba byiza ni ukugamburura udatindiganije kandi ukicuza ku Mana wicishije bugufi ubwo bupfapfa bwaguteye gusezerana hutihuti, maze bikagutera gukoza Shobuja isoni. 18

Nimureke intambwe yose yerekeza ku masezerano yo gushyingirwa iteranwe ubupfura, ubugwaneza, gukiranuka n'umugambi wo gushishikarira kunezeza Imana no kuyubaha. Gushyingirwa bihindura ubugingo bwombi, ubwo muri iyi si n'ubwo mu isi izaza. Umukristo nyakuri nta migambi azagira Imana itemera. 19

#	Ibitabo byakoreshejwe mu gifaransa	Ibitabo byakoreshejwe mu cyongereza
1	Review and Herald 2nd fevr 1886	Review and Herald 2nd fevr 1886
2	Testimonies for the church vol 4 p 622	Testimonies for the church vol 4 p 622
3	Review and Herald 2 fevrier 1886	Review and Herald 2nd fevr 1886
4	Review and Herald 2 fevrier 1886	Review and Herald 2nd fevr 1886

5	Ministere de la guerison p 302(Rayon de la santé p 12)	Ministry of healing p 357
6	Fundamental of Christian education p 500	Fundamental of Christian education p 500
7	Fundamental of Christian education p 104,105	Fundamental of Christian education p 104,105
8	Message a la Jeunesse p 458	Message to young people p 461
9	Ministere de la guerison p 302(Rayon de la santé p 12)	Ministry of healing p 357,358
10	Ministere de la guerison p 303Rayon de la santé p 14)	Ministry of healing p 359
11	Lettre 23 1886	Letter 23, 1886
12	Testimonies for the church vol 5p 362	Testimonies for the church vol 5p 362
13	Fundamental of Christian education p 105	Fundamental of Christian education p 105
14	Ministere de la guerison p 303Rayon de la santé p 14)	Ministry of healing p 359
15	Lettre 51,1894	Letter 51, 1894
16	Lettre 23 1886	Letter 23,1886
17	Fundamental of Christian education p 105	Fundamental of Christian education p 105
18	Temoignages pour l'eglise vol 2 p 143	Testimonies for the church vol 5 p 365
19	Ministere de la guerison p 303Rayon de la santé p 13,14)	Ministry of healing p 359

ICYIGWA CYA 7: URUKUNDO NYAKURI CYANGWA URW'AGAHARARO

Urukundo ni impano nziza duhabwa kuri Yesu: Urukundo ni impano nziza duhabwa na Yesu. Ubugwaneza butunganye kandi bwera si icyo wiyumvamo, ahubwo ni ingeso. Abayoborwa n'urukundo nyakuri ntabwo baba abanyabwenge buke cyangwa impumyi.1

Urukundo nyakuri, rwiza, rukiranutse, rutunganye ni ruke cyane rwose. Icyo kintu cyiza cyane ni ingume pe. Agahararo ni ingirwarukundo.2

Urukundo nyakuri ni ingeso iruta izindi kandi yera iciye ukubiri rwose n'iy'urukundo rubyukijwe n'irari rije gitunguro, kandi rugapfa mu kanya gato iyo rugeragejwe cyane.3

Urukundo ni imbuto ikura yo mu ijuru kandi rukwiriye kurerwa no kugaburirwa. Ingeso z'ubugwaneza, z'ukuri, amagambo aturutse ku mutima wuje urukundo, bizatera ab'urugo umunezero, bizareshya abantu bose baza aho uko kureshya kwabo kuri.4

Urukundo rutunganye ruhabanye n'irari: Urukundo Rushyira mu gaciro kandi si impumyi. Rurera kandi ruraboneye. Ariko irari ry'umutima wa kamere rihabanye na rwo. Mu gihe Urukundo rutunganye ari rwo rushyira Imana mu migambi yarwo yose, kandi rugafatanya neza n'Umwuka w'Imana, ariko urukundo rw'agahararo ntiruhanwa, rurahubuka, ntirushyira mu gaciro, ntirukomwa imbere, icyo rwikundiye rukigira ikigirwamana cyarwo. Mu ngeso zose z'umuntu ufite urukundo nyakuri, hazabonekamo ubuntu bw'Imana. Ituzabupfura, gukiranuka, kuba intungane, kubaha Imana bizagaragaza intambwe yose yerekeza ku gushyingirwa. Abayoborwa n'izo ngeso ntibazahugira mu mushyikirano wo kubavutsa iteraniro ryo gusenga no gukora Imirimo itegetswe n'itorero. Umuhati wabo w'iby'ukuri ntuzicwa no kwirengagiza imyanya n'amahirwe Imana yabahereye ubuntu. 5

Rwa rukundo rudafite urufatiro rwiza ruruta kunezeza umubiri ruzaba kagarara, impumyi n'akarenze ihaniro. Icyubahiro, ukuri, n'imbaraga z'ibitekerezo byiza bishyirwa mu bubata bwo kwifuza. Umugabo waboshywe n'iminyururu y'uko kubura ubwenge kenshi cyane ahora ari igipfamatwi ntiyumve ijwi ryo gutekereza

n'umutima uhana; ntabwo impaka cyangwa guhendahenda birushya bimuyobora ngo bimutere kureba ubupfapfa bw'imibereho ye.⁶

Urukundo nyakuri si kamere igurumana kandi ihutiraho. Ahubwo, kamere yarwo ni amahoro kandi rukaba rwinshi. Rureba hirya y'ibigaragarira amaso gusa, kandi rugakururwa n'ingeso nziza gusa. Urukundo rugira ubwenge kandi rufite ububasha bwo kurobanura, maze umugambi warwo ukaba uw'ukuri kandi ukagumaho.⁷

Urukundo ruvanywe mu butegeka bwo kwifuza no kurarikira, rukayoborwa n'ubwenge bw'umwuka, rugaragarira mu magambo no mu mirimo. Umukristo akwiriye kugira ubugwaneza bwejejwe n'urukundo rutarimo kutihangana cyangwa inabi; ubukana n'ubukaka bikwiriye koroshywa n'ubuntu bwa Kristo.⁸

Kwirinda agahararo nk'ibibembe: Ibitekerezo n'urukundo rw'agahararo bikwiriye kwirindwa nk'uwirinda ibibembe. Abasore n'inkumi benshi bo muri iki gihe ntabwo baboneye ; ni cyo gituma bakwiriye kwitonda cyane... Abajyaga bagira ingeso zitunganye, nubwo bagira intege nke mu bindi, bakwiriye kutagira umugayo muri ibi.⁹

Hari abantu mu gihe runaka bagiye bagira ishusho yo kwera ariko kuri ubu bakaba babaho batagira Imana no gukabakabwa k'umutima. Ni abapfu n'abanyamahomvu, ibiganiro byabo biragayitse cyane. Mu ntekerezo zabo nta kindi kibamo usibye irambagiza no gushyingirwa, nti hakibamo ibitekerezo byose bihanitse kandi byera.¹⁰

Abasore barozwe n'igitekerezo cy'ubucuti no gushyingirwa. Ibyiyumviro by'urukundo rurwaye ni byo byiganje. Hakenewe kuba maso gukomeye n'uburyo nyakuri mu kurinda abasore iyo mbaraga ibashora mu bibi.¹¹

Abakobwa ntabwo bigishwa kwiyanga no kwitegeka. Barabatetsha kandi bagashyonyagiza ubwibone. Babemerera gukora uko bashaka ibyo bikaba ari byo bibatera gushinga amajosi no guhaza ukwikunda kwabo, kandi namwe babyeyi ntimuzi icyo gukora kugira ngo mubone uko mwabakiza kwerekeza mu irimbukiro. Satani anyuriye mu gushira isoni kwabo, mu kubura kwitegeka no kwicisha bugufi gukwiriye kuranga abagore,

abahindura iciro ry'umugani imbere y'abatizera. Abahungu na bo ni uko bemererwa gukora ibyo bishakiye no kwikurikirira inzira bihitiyemo. Ni iby'imbonekarimwe ko bava mu bugimbi batarigeze bakururana n'urungano rwabo rw'abakobwa, bakabajyana iwabo kandi bagasambana nabo. Ababyeyi muri ubwo buryo bahinduka imbata z'ubunenganenzi bwabo n'urukundo rw'impumyi bagirira abana babo ku buryo badashobora gushikama mu gufata imyanzuro babuza abana babo kwishyira ukizana n'inyota y'urukururano baba bafite mu mizo ya mbere.12

Inama ku mukobwa watwawe n'urukundo rupfuye: Waguye mu ifuti ribabaje cyane, ryabaye gikwira muri iki kinyejana cyasingiye by'umwihariko ku bagore. Ukunda gukururana n'abo mudahuje igitsina. Ukunda gucudika na bo, ukunda kubareba indoro yoroshye ibareshya muri kumwe, kandi ukemera ko mugirana urukururano ruhabanye n'imicyaho intumwa Paulo yadusigiye igira iti "Mwirinde igisa n'ikibi cyose."...

Intekerezo zawe zikure kubirebana n'urukundo. Mu iyobokamana ryawe uvangamo urukundo, ibyiyumviro birwaye by'urukundo bidakuza ahubwo bisigingiza. Si wowe wenyine wanduye, abandi benshi bayobejwe n'icyitegererezo cyawe n'uregero rwawe... Ibyifuzo by'inzozi zawe zisa no gututira mu kirere ukubaka mu nyanja bikugaragaza nk'udashoboye gukora umurimo w'ingenzi. Wibereye mu isi y'intekerezo gusa; uba intwari yo mu ntekerezo gusa kandi uri umukristo wo mu ntekerezo gusa.

Muri iyi si, iyobokamana ry'urubyiruko rw'iki gihe rivanze n'ibiyumviro bigayitse riraganje. Murumuna wanjye, Imana iragusaba guhinduka. Ndaguhendahendera gutunganya urukundo rwawe. Shyira ubushobozi bwawe bw'intekerezo n'ubw'impagarike ku murimo w'Umucunguzi wawe wakuguze. Boneza intekerezo zawe n'ibiyumviro byawe kugira ngo ibikorwa byawe byose bikorere Imana.13

Inama ku musore w'umunyeshuri: Uri mu gihe cyo kwiga, reka intekerezo zawe zerekeze ku nsanganyamatsiko zirebana n'iby'umwuka gusa. Shyira kure y'ubuzima bwawe urukundo rwose rw'agahararo. Maramaza kuba maso, kwitoza no kwitegeka. Muri iki gihe, uri mu gihe cyo kurema imico yawe, ntugomba guha agaciro na gato ibitagize icyo bimaze, kandi bishobora kuguteshura ku kugera ku nyungu zihanitse kandi zera ndetse zikenewe mu mwiteguro wawe wo gukora umurimo Imana yagushinze.14

Ingaruka z’ubucuti bupfuye n’ubukwe budatekerejweho: Kuri buri ntambwe yose y’ubuzima bwacu tuhahurira n’ingorane zitabarika. icyaha kirashonyagizwa mu rubyiruko kimwe no mu bakuze, ubucuti bupfuye n’ubukwe budatekerejweho kandi bw’ubupfayongo ntibyabura kubyara ingaruka zikomeye z’amakimbirane, intambara, gusigingira k’ubwenge, guhaza irari ripfuye, guhemukirana kw’abashakanye, kunanirwa gutegeka ibiyumviro byo kwikunda kandi bijagaraye ndetse no kwirengagiza ibirebana n’iby’inyungu z’iteka ryose... Abantu benshi bavuga ko ari abakristo bakunda Bibiliya ntibatahura kwera kw’ibyavuzwe n’Imana. Binyuriye mu nyifato yabo itagira icyo yitaho kandi itezuka, bagaragaza ko bifuzaga gukora ibyo bashakanye byose. Ntibashakanye ko kwikunda kwabo gushyirirwaho imbibi.15

Murinde urukundo rwanyu: Intumwa iratubwira iti: “Mukenyere mu mitima yanyu” Intekerezo zigomba kuyoborwa kandi zigashyirirwaho urubibi. Hakoreshejwe imihati imaramaje yawe bwite, rinda intekerezo kandi uzitegeke. Gira ibitekerezo byiza, uzakora ibikorwa byiza.

Ugomba noneho kwitonda mu bucuti ugirana n’abandi, kandi ntiwemerere intekerezo zawe ko zijarajara maze ngo zijye mu cyerekezo kibi. Yesu yabacunguje ubugingo bwe; muri abe bityo mugomba kumugisha inama mu bintu byose kugira ngo mumenye uko mugomba gukoresha ubushobozi bw’intekerezo n’urukundo rw’umutima wanyu.16

#	Ibitabo byakoreshejwe mu gifaransa	Ibitabo byakoreshejwe mu kingereza
1	Ministere de la guerison p 303(Rayon de santé p 13)	Ministry of Healing p 358,359
2	Testimonies for the church vol 2 p 381	Testimonies for the church vol 2 p 381
3	Patriarches et prophetes p 154	Patriarchs and prophets p 176
4	Testimonies for the church vol 4 p 548	Testimonies for the church vol 4 p 548

5	Review and Herald 25 sept 1888	Review and Herald sept 25th 1888
6	Signs of the time july 1st 1903	Signs of the time july 1st 1903
7	Testimonies for the church vol 2 p 133	Testimonies for the church vol 2 p 133
8	Testimonies for the church vol 5 p 335	Testimonies for the church vol 5 p 335
9	Testimonies for the church vol 5 p 123	Testimonies for the church vol 5 p 123
10	Temoignages pour l'eglise vol 1 p 678	Testimonies for the church vol 4 p 589
11	Testimonies for the church vol 5 p 60	Testimonies for the church vol 5 p 60
12	Testimonies for the church vol 2 p 460	Testimonies for the church vol 2 p 460
13	Testimonies for the church vol 2 p 248251	Testimonies for the church vol 2 p 248251
14	Letter 23,1893	Letter 23,1893
15	Manuscript 14,1888	Manuscript 14,1888
16	The Youth instructor 21 avrir 1886	The Youth instructor 21 apr1886

ICYIGWA CYA 8: UBURYO BWO KURAMBAGIZANYA BUSIGAYE BWARABAYE GIKWIRA

Ibitekerezo bipfuye mu irambagiza no mu gushyingirwa: Hari ibitekerezo byo kurambagiza bifite urufatiro mu bitekerezo biyobya kandi bishukana birebana n'ishyingirwa. Kenshi kurambagizanya gukurikiza irari n'urukundo ruhumye. Kurambagiza gukorwa mu dukino two kunezeza umubiri. Abo babiri bakundana kenshi bica amategeko yo kwiyoroshya no kwitegeka, nubwo batica amategeko y'Imana bihandagaje ariko babura amakenga no kwiyubaha. Ntibasobanukirwa umugambi wera kandi uhanitse washyizweho n'Imana ku birebana no gushyingirwa, muri ubwo buryo urukundo ruboneye rwo mu mutima, imiterere mbonera y'imico ntitezwa imbere.

Ntukigere uvuga ijamba cyangwa ngo ukore igikorwa cyagutera ipfumwe abamarayika bera baramutse babyanditse mu bitabo byo mu ijuru. Ugomba guharanira gusa guhesha Imana icyubahiro. Umutima ugomba kuzurwamo gusa n'urukundo rwera kandi ruboneye rukwiriye umuyoboze wa Kristo, rugahinduka kamere yawo, ikiruseho rukaba urw'ijuru kuruta urw'isi. Ikintu cyose kinyuranye n'uru rukundo ruboneye mu irambagiza kirangiriza kandi kigatesha umuntu agaciro. Muri ubwo buryo, ugushyingiranwa kugatakaza kwera n'icyubahiro cyakwo imbere y'Imana yera kandi itunganye; Imana ntikwitaho kereka gusa kuyobowe n'amahame y'Ibyanditswe.¹

Abasore biringira cyane ibyo bahubukiye. Ntabwo bakwiriye kwiroha cyangwa ngo bagirwe imbata ako kanya nuko baneshejwe n'uburanga bw'inyuma. Kubonana ko muri iki gihe kw'abashaka kuzashyingiranwa akenshi ni inama y'uburiganya n'uburyarya umwanzi w'imitima akoresha cyane abibagiza Uwiteka. Kugira ubwenge busanzwe nabyo birakenewe; nyamara nabwo bufite akamaro gake muri ibi. ²

Gutindana umwanya munini: Akamenyero ko kubana ^[56] kw'abasore n'inkumi nijoro kamaze kuba gikwira; kandi ntibinezeza Imana kabone n'ubwo abo bombi baba ari abakristo. Ayo masaha maremare yangiriza ubuzima. Bituma mu ntekerezo utibaza neza ku mirimo uzakora ejo kandi bifite ishusho y'ikibi. Mwene data ndibwira ko uziyubaha bihagije maze ukirinda imyitwarire nk'iyo ngiyo. Niba icyifuzo cyawe cy'ingenzi ari uguhesha Imana icyubahiro gusa, uzagira ubwitonzi ubikuye ku

mutima. Ntimuzemerera ibyiyumviro byanyu birwaye bibaganisha mu nzira mbi kubahuma amaso, kugeza ubwo mutabasha gusobanukirwa inshingano zihanitse Imana yabahamagariye nk'abakristo.3

Abamalayika ba Satani babana n'abamara igihe kirekire barambagiza nijoro. Iyaba amaso yabo yarahumuwe, babashije kubona marayika wandika yandika amagambo n'imirimo byabo. Bica amategeko y'amagara mazima n'ikinyabupfura. Byanzeza biruseho kureka amasaha yo kujya guhendahenda mbere yo gushyingirwa akazakoreshwa mu mibereho y'abashyingiranwe. Ariko ikintu rusange, ni uko ishyingirwa ari ryo riheruka urukundo rwerekaniwe mu mubano bagiranye batarashyingiranwa.

Muri iki gihe cy'ubugoryi, ayo masaha y'ijoro yahariwe kurambagizanya atera abo bombi kwangirika. Satani acinya akadiho, Imana igakozwa isoni mu gihe abagabo n'abagore bitesheje agaciro muri ubwo buryo. Izina ry'icyubahiro rikandagiranwa mu mukunguku muri icyo gihe cy'agahararo kandi mu gihe cyo gushyingiranwa kw'abo bantu icyubahiro cy'Imana nticyahagaragara. Bashyingiranwe bayobowe n'iruba maze igihe agahararo kamaze gushira, batangira kwicuza buhoro buhoro ibyo bakoze.4

Satani azi rwose ibintu akwiriye gukoresha, maze akerekana ubwenge bwa kidayimoni mu buryo butari bumwe bwo gutega imitima y'abantu kugira ngo izarimburwe. Ahora agenzura intambwe yose iterwa, agahimba inama nyinshi kandi kenshi izo nama ni zo zikurikirwa kuruta inama zo mu ijamba ry'Imana. Hanyuma izo nama zirabohekanywa maze zikaringanizwamo urushundura rukoreshejwe ubwenge bwo gutega abasore n'abaswa. Kenshi ibyo byahinduka bigejejwe mu mucyo; ariko ababaye imbata zabyo, babyirohamo bakagira imibabaro myinshi. Amaherezo, tukabona abantu babaye inkuge zamenetse ahantu hose.5

Gukinisha imitima: Gukinisha imitima ni icyaha kitagira uko kingana mu maso y'Imana yera. Nyamara bamwe bakunda inkumi bakanazikundisha, hanyuma bakagenda bakibagirwa amagambo bavuze yose n'amaherezo yayo. Babona undi bakamubenguka, bakavuga amagambo ahwanye n'aya mbere, bakamugira nk'uwa mbere.

Iyo ngeso yigaragaza mu mibereho yabo bamaze gushyingirwa. Gushyingirwa konyine ntigutera ubwenge bujahagurika gushikama; ngo bukomere kandi bube ubw'ukuri ku ihame. Barambirwa

gukomeza gukiranuka, maze intekerezo zanduye zikigaragariza mu mirimo yanduye. Mbega uburyo ari ikintu cy'ingenzi y'uko abasore bakenyera cyane mu bwenge kandi bakitondesha ingeso zabo kugira ngo Satani atabashuka akabavana mu nzira zo gukiranuka! 6

Akamenyero gashukana kubirebana n'urukururano: Umusore wishimira kubana no kuzura n'inkumi ababyeyi bayo batabizi, ntabwo aba ayikoreye ibikwiriye bya gikristo cyangwa abikoreye ababyeyi bayo. Mu gihe bavugana udukuru kandi bagahurira mu rwihisho, uwo musore abasha kumushuka, maze yakora atyo akaba atakibashije kugaragaza ingeso nziza no gukiranuka k'umutima umwana w'Imana wese akwiriye kugira. Kugira ngo basohoze imigambi yabo bahemuka ku mugaragaro bagateshuka inzira ya Bibiliya, maze bakigaragaza ko atari abanyakuri ku babakunda kandi bagerageza kubabera abarinzi bakiranuka. Uko kwishyingira ko mu rwihisho ntikuba guhuje n'ijambo ry'Imana. Uyobora umukobwa amuvana ku nshingano ze, akamukura ku bitekerezo by'inama y'Imana no ku itegeko ryo kumvira no kubaha ababyeyi be, ntaba ari umunyakuri mu masezerano yo gushyingirwa...

“Ntukibe” ni itegeko ryanditswe n'urutoki rw'Imana ku bisate by'amabuye, nyamara se ni kangahe urukundo rwihishe mu buryarya rukoresha maze bakabyihorera! Bahendahendesha uburyarya, bakaganirira mu rwihisho kugeza ubwo urukundo rw'utazi iyo biva n'iyi bijya, ntanamenye n'amaherezo y'ibyo rutakiri ku babyeyi be, akitanga kugendana ingeso mbi kandi atamukunze. Bibiliya iciraho iteka uburyarya bw'uburyo bwose...

Ingeso yo gukururana mu irambagiza no mu gushyingiranwa ni yo soko y'imibabaro myinshi, izwi gusa n'Imana ubwayo. Imitima ibihumbi yamaze kwisekura kuri urwo rutare rusitaza. Abiyita abakristo, bafite imibereho yo gukiranuka, kandi bagaragara ko bafite ubwenge muri byose bafudika muri ibyo. Bagaragaza umubano n'icyo bashaka bagambiriye kitagira ikigihindura. Bakururwa n'ibitekerezo by'abantu n'irari bigatuma badashaka kurondora muri Bibiliya no gusābāna n'Imana.⁷

Irinde intambwe ya mbere mbi: Igihe itegeko rimwe ryo mu mategeko icumi ryishwe, intambwe zo kujya hasi ntizabura gukurikiraho. Igihe ibihindizo by'ikinyabupfura cya gikobwa bikuweho, ntabwo ubusambanyi bugaragara ko ari icyaha gikabije. Yoo, mbega amaherezo ateye ubwoba y'umugore w'inkozi y'ibibi uko avugwa mu isi y'iki gihe!

“Umugore w’inzaduka” ushyeshyengesha amagambo ye abohera abantu ibihumbi byinshi mu minyururu ye, benshi bakarohayo ubugingo bwabo, kandi benshi bagakenya ubugingo bw’abandi. Amagambo yo mu byanditswe ni ay’ukuri, avuga ngo “Ibirenge bye bigana ku rupfu, intambwe ze zikagana ikuzimu.”

Umucyo wo kugaragaza aho akaga kari uri impande zose mu nzira y’imibereho kugirango ubuze abantu kujya mu kaga, ahabuzanijwe, ariko nubwo bimeze bityo abantu inteko nini bihitiramo inzira y’akaga bakanga kuburirwa, bagasuzugura amategeko y’Imana bakihamagarira guhora kwayo.

Abashaka gukomeza kurinda amagara yabo, bakagira ubwenge bwinshi, bakagira ingeso nziza zishyitse bakwiriye “guhunga ...irari rya gisore.” Abazakomeza kugira ishyaka n’umuhati ukomeye wo gukangāra ibibi basātirana na byo, bazasuzugurwa kandi bakozwe isoni n’inkozi z’ibibi, ariko bazubahwa kandi bahabwe ingororano n’Imana.⁸

Ubiba urukungu azasarura uburibwe: Ntimugomba gushyira imitima yanyu mu kaga binyuriye mu kubiba imbuto z’urukungu. Ntimushobora kuba abanenganenzi mu guhitamo uwo muzabana. ⁹

Nshuti basore nkunda, agahe gato mutakaza mu kubiba imbuto z’ubupfu kazera umusaruro uzuzwa agahinda mu mibereho yanyu yose. Isaha imwe gusa y’ubupfu, wirunduriye mu gishuko ishobora guha ubuzima bwawe bwose icyerekezo kibi. Munyura mu busore rimwe gusa, rero nimububye umusaruro. Igihe uzaba urenze iki cyiciro, ntuzashobora gusubira inyuma ngo ukosore amafuti wagikozemo. Uwanga gufatanya n’Imana maze akishyira mu nzira y’ibishuko azatsindwa byanze bikunze. Imana iri kugerageza buri musore wese. Benshi batanga impamvu z’ubunenganenzi bwabo no kutubaha kwabo binyuze mu cyitegererezo kibi bahawe n’abigisha b’inararibonye babo. Ariko ibi ntibyagakombye kubuza n’umwe gukora ibyiza. Ku munsu uheruka ntuzashobora gutanga inzitwazo utanga kuri ubu.¹⁰

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE BY'ICYONGE- REZO
1	Manuscript 4a, 1885	Manuscript 4a, 1885
2	Fundamental Christian education p 105	Fundamental Christian education p 105
3	Testimonies for the church vol 3 p 44,45	Testimonies for the church vol 3 p 44,45
4	Review and Herald 25 septembre 1888	Review and Herald 25 September 1888
5	Fundamental Christian education p 103,104	Fundamental Christian education p 103,104
6	Review and Herald 4 November 1884	Review and Herald 4 November 1884
7	Fundamental Christian education p 101-103	Fundamental Christian education p 101-103
8	Signs of the times 1 juillet 1903	Signs of the times July 1st1903
9	Message a la Jeunesse p 162	Message to the young people p 164
10	Testimonies for the church vol 4p 622,623	Testimonies for the church vol 4p 622,623

ICYIGWA CYA 9: UBUKWE BUTEMEWE

Ugushyingiranwa kw'abakristo n'abatizera: Dutangazwa n'umwete muke uteye ubwoba mu bakristo benshi wo kutita ku by'Imana yigisha byerekeye umukristo ushyingirwa utizera. Benshi mu bavuga ko bakunda Imana kandi bakayubaha, bahitamo kwikurikirira ingeso zabo kuruta kwemera inama itangwa n'Imana nyiri ubwenge butagira akagero. Ibikwiriye rwose byerekeye umunezero no kugira amagara mazima kw'abashyingiranwe bombi muri iyi si no mu isi izaza, inama, kumenya no kubaha Imana bishyirwa ku ruhande; iruba ryo mu bujiji, no kudakurwa ku ijambo bikaba ari byo byimikwa.

Abagabo n'abagore basanganywe ubwenge n'umutima uhana biziba amatwi ngo batagirwa inama, baba ibipfamatwi ntibemere kwinginga no guhendahenda kw'incuti n'abavandimwe babo ndetse n'abagaragu b'Imana. Amagambo yo guhana cyangwa ababurira bayareba ko ari ukubarushya, kandi incuti nziza ibasha kubabwira amagambo yo kubaburira, ikagenzerezwa nk'umwanzi. Ibyo byose bigirwa na Satani. Abohekaniriza impigi ze ku mutima, ubwenge bukarogwa, umutima ugahurama. Bagira impamvu ituma ingoyi zo kwitegeka zishyirwa mu ijosi ryo kwifuza ibibi; bategekwa n'irari ribi kugeza ubwo bitinda cyane, uwo byatsinze bikamugeza mu butindi n'ububata. Ibi si ibitekerezo by'ibyo umuntu yibwira ahubwo ni iby'ukuri. Imana ntiyemera gufatanywa yabuzaniye rwose.¹

Amabwiriza y'Imana arasobanutse: Uwiteka yategeste Abisirayeli ba kera ko badakwiriye gushyingirana n'amahanga asenga ibigirwamana, abihanangiriza agira ati: "Kandi ntuzashyingirane na bo, ngo umukobwa wawe umushyingire umuhungu wabo, n'umukobwa wabo ngo umusabire umuhungu wawe." Imana yatanze impamvu. Ubwenge bw'Imana bureba amaherezo ya bene uko gushyingirana, buravuga buti: "kuko bahindura umuhungu wawe, ntayoborwe nanjye, ahubwo agakorera izindi mana; ibyo bigatuma wikongereza uburakari bw'Uwiteka, akakurimbura vuba." "Kuko uri ubwoko bwerejwe Uwiteka Imana yawe kandi Uwiteka Imana ikagutoraniriza mu mahanga yose yo mu isi kuba ubwoko yironkeye...."

Mu isezerano rishya hari amategeko nk'ayo abuzabakristo gushyingirana n'abantu batubaha Imana. Mu rwandiko rwa mbere intumwa Paulo yandikiye Abakorinto, aravuga ati: "Umugore

ahambirwa ku mugabo we akiriho: ariko iyo umugabo apfuye, ntakimubuza gucyurwa n'uwo ashaka; *icyakora iyo ari mu Mwami wacu.*" Arongera kandi arandika mu rwandiko rwa kabiri ati: "Ntimwifatanye n'abatizera mudahwanye: mbese gukiranuka no gukiranirwa byafatanyaga bite? Cyangwa umucyo n'umwijima byabana bite? Kandi Kristo ahuriye he na Beriyali; cyangwa uwizera n'utizera bafatanye mugabane ki? Mbese urusengero rw'Imana rwahuza rute n'ibishushanyo bisengwa, ko turi urusengero rw'Imana ihoraho? Nk'uko Imana yabivuze iti: "Nzatura muri bo, ngendere muri bo, nzaba Imana yabo nabo bazaba ubwoko bwanjye. Nuko muve hagati ya ba bandi, mwitandukanye, niko Uwiteka avuga kandi ntimugakore ku kintu cyose gihumanye nanjye nzabakira. Kandi nzababera So namwe muzambara abahungu n'abakobwa niko Uwiteka Ushobora byose avuga. 2

Umuvumo w'Imana uba ku bantu benshi bagirana amasezerano adakwiriye kandi atagejeje igihe ariho mu isi y'iki gihe. Iyo Bibiliya irekera ibi bibazo mu rujijo, ntibishyire ahabona, ingeso y'abasore benshi b'iki gihe mu kubana kwabo yari gucirwa akari urutega. Ariko amabwiriza [63] ya Bibiliya nta rwijiji ruyarimo, asaba kwera ko mu ntekerezo, mu magambo no mu bikorwa. Dushimira Imana kuko ijambo ryayo ari itabaza ry'ibirenge byacu kandi ko ntawayoba inzira y'inshingano ye kuri iyi ngingo. Abasore bagomba kugira umushinga wo gucukumbura inyandiko zaryo no gukurikiza inama zaryo, kuko igiteje amafuti menshi ahoraho ni ukujya kure y'amahame yaryo.³

Imana yabujije abizera gushyingirwa abatizera: Ubwoko bw'Imana ntabwo bukwiriye guhangara gukora icyabuzanijwe. Gushyingiranwa k'u wizera n'utizera kwabuzanijwe n'Imana. Ariko kenshi cyane umutima utarahindutse wikurikira ibyo wishakiye, maze ubwo bukwere butemewe n'Imana bugacyuzwa. Ku mpamvu z'ibyo, abagabo n'abagore benshi nta byiringiro bafite kandi nta Mana bafite ku isi. Irari ryabo ryo kwifuzaga gukora ibyiza rirapfa; maze ibyo bikabakanangirira mu ngoyi z'ikigoyi cya Satani. Abategekwa n'irari no kubenguka bazasarura umusaruro ushaririye muri ubu bugingo, kandi amaherezo y'ingeso zabo azaba kubura ubugingo bwabo.⁴

Abatura y'uko bakurikiza iby'ukuri, bakandagirisha iby'Imana ishaka gushyingirwa abatizera; babura ubuntu bwayo maze kwihana kukabasharirira. Utizera abasha kugira ingeso nziza cyane, ariko kuko aba atemeye iby'Imana ishaka kandi aginyura agakiza gakomeye kangana gatyo, ni impamvu ihagije yo gutuma bene uko

gufatanywa kutabaho. Ingeso z'utizera zibasha gusa n'iza wa muhungu w'umusore Yesu yabwiye ati:“Ushigaje kimwe”; ng'icyo igikenewe gusa.5

Icyitegererezo cya Salomo: Hari abantu benshi b'Abakene n'abari mu mwijima Imana yakwemera kandi igakoresha ubuzima bwabo kugira ngo ibuhindure ingirakamaro muri iyi si kandi bube isoko y'ubwiza bwo mu ijuru. Ariko Satani ari ^[64]gukorana umwete, kugira ngo acogoze imigambi y'Ijuru; yihatira kujyana abo bantu mu irimbukiro binyuriye mu gushyingiranwa kwabo n'abafite imico izabatera kwivana ubwabo mu nzira igana ku bugingo. Bake muri bo gusa ni bo basohoka ari abaneshi mu gishuko nk'icyo.6

Satani yari azi neza umusaruro ukomoka mu kumvira. Mu myaka ya mbere yo gutegeka kwa Salomo– imyaka y'icyubahiro yaranzwe n'ubwenge, ubugiraneza no gutungana k'umwami– Satani yihatira kwinjiza mu mibereho y'umwami ibyitegererezo byari bigambiriye gukoma mu nkokora ubunyangamugayo bwe ku birebana n'amahame kandi amutera gutandukana n'Imana. Dukurikije uko Bibiliya ibivuga, Satani yageze ku migambi ye. “Salomo yuzura na Farawo umwami wa Egiputa arongora umukobwa we, amuzana mu mudugudu wa Dawidi.”

Mu kugirana amasezerano n'ishyamba ry'abapagani kandi bagasezerana binyuriye mu kurongora kwe igikomangomakazi cyasengaga ibigirwamana, Salomo yari asuzuguye umwanya w'ubwenge Imana yari yaramuhaye kugira ngo arinde kubonera k'ubwoko bwayo. Ibyiringiro ko uyu mugore w'umunyegiputa yagombaga kuzihana akamuhindura byari urwitwazo rutashoboraga kwemerwa kuri icyo cyaha. Mu kwica ihame ryari risobanutse ryabuzaga Abisirayeli kwifatanya n'andi mahanga, umwami yari yunze imbaraga ze n'imbaraga za kimuntu.

Mu gihe runaka, kabone nubwo ryari ifuti rikomeye cyane, Imana mu mbabazi zayo zihendahenda, ibirenza amaso. Umugore wa Salomo arihana, kandi umwami akoresheje ubwenge yari gukora uko ashoboye kugira ngo akumire imbaraga y'ikibi ibyo ubuhubutsi bwe bwari bwaramunyaze. Ariko Salomo atangira kubura gahoro gahoro isoko y'imbaraga ze n'icyubahiro cye. Ibyo abogamiramo bitangira kumutegeka. Uko kwigirira icyizere byarushagaho kwiyongera ni ko yihatiraga gusohozza imigambi y'Imana....

Umubare munini w'abiyita abakristo batekereza nka Salomo ko bashobora kwihuza n'abatizera bakibwira ko icyitegererezo cyabo gishobora guhindura abari mu buyobe, ariko kenshi bisanga na bo ubwabo baguye mu mitego kandi ^[65] baneshejwe, bigasoza baretse ukwizera kwabo kwera, babambye amahame yabo kandi batandukanye n'Imana. Intambwe imwe mbi uteye iteguriza iya kabiri kugeza umunsi bizaba bitakibashobokera guca iminyururu yababoshye.⁷

Urwitwazo: “akunda Itorerero.”:Haba ubwo bivugwa y'uko n'utizera akunda itorerero kandi ko afite ibikenewe n'umufasha usibye ko abuze ikintu kimwe, ko atari umukristo. Nubwo uwizera ushyira mu gaciro yemera ko atari byiza gufatanywa n'utizera, nyamara icyenda mu icumi barabikora.

Kumanuka ujya hasi mu by'umwuka bitangira igihe umuntu ahigira umuhigo ku ruhimbi; ishyaka n'umunezero w'idini bikagabanuka, n'igihome kimwe kikagwa gikurikiranye n'ikindi, kugeza ubwo byombi bibangikanira munsi y'ibendera ryirabura rya Satani. Ndetse no mu gihe cy'ibirori by'ubukwe, umutima w'iby'isi wishima hejuru y'umutima uhana, no kwizera n'ukuri. Mu rugo rushya ntabwo isaha yo gusenga yitabwaho. Umukwe n'umugeni baba baremeranye maze bagasezerera Yesu.⁸

Ihinduka riba k'uwizera: Bwa mbere utizera ashobora kutagira icyo agaragaza cy'icyo yanze bagihararanye; ariko igihe ibyigisho by'ukuri kwa Bibiliya bibagezeho ngo babyitondere kandi babizirikane, hakaza igitekerezo muri ako kanya ngo: “Wandongoye uzi icyo ndi cyo; si nshaka ko undushya, guhera ubu umenye y'uko ibiganiro by'inama zawe mbyanze.” iyo umwizera agerageje kugaragaza umwete nyakuri wo kwizera kwe, bisa naho ari ukugirira nabi udakunze ibya Kristo.

Umwizera atekereza y'uko mu gihe agihararanye na mugenzi we akwiriye kwemera icyo yemeye. Ibiganiro by'abantu n'iby'isi nibyo byiganza kuruta ibindi. Habanza kubaho ibitekerezo byo kumva wanze ibyo, ariko ubwuzu bw'iby'ukuri bugacwekera buhoro buhoro, maze kwizera kugahinduka gushidikanya no guhakana. Nta muntu n'umwe watekereje y'uko umwizera ushikanye, ufite umutima uhana kandi w'umuyoboke wa Krisito wamaramaje yaba ushidikanya, na Nyamujiyiryanino atyo. Oh! Yemwe uko guhinduka kwe kuba kwatewe no gushyingirwa kutarimo ubwenge! ⁹

Ni akaga gusezerana amasezerano n'ab'isi. Satani azi neza y'uko igihe cyo gusohoza amasezerano yo gushyingirwa by'abasore n'inkumi, kuri benshi ari igihe cy'iherezo ry'iby'umwuka ryabo, rikaba n'iherezo ryo kugira umumaro kwabo. Barazimira bagatandukana na Kristo. Mu gihe gito bashobora kwihatira kugira imibereho ya gikristo ariko akenshi icyitegererezo cyabo kikaba cyerekeza mu cyerekerezo gihabanye. Babanza kujya bavuga ibyo kwizera kwabo n'ibyiringiro bafite, ariko hanyuma bakageza aho batakibivuga, bitewe nuko abo bafatanije batabyishimiye. Amaherezo kwizera iby'ukuri bipfira mu mutima, maze Satani akababohesha ingoyi zo gushidikanya.10

Akaga ko kubura umunezero w'ijuru: “Mbese abantu babiri bajyana batasezeranye?” “Kandi ndababwira y'uko ababiri muri mwe nibahuza umutima mu isi wo kugira icyo basaba, bazagikorera na Data wo mu ijuru.” Mbega ikintu cy'inzaduka! Igihe umwe wo muri abo bafatanijwe asenga Imana, undi aba atereye agati mu ryinyo kandi atabyitayeho; igihe undi ariho ashakashaka inzira ihesha ubugingo buhoraho, undi aba ari mu nzira ngari ijyana abantu mu rupfu.

Abantu amagana menshi baretse Kristo n'ijuru babitewe no gushyingirwa abatizera. Mbese ni uko urukundo n'ubucuti bafitanye na Kristo bibafitiye agaciro gake maze bagahitamo kugirana ubucuti n'abantu bapfa? Mbese ijuru rifite agaciro gake byatuma bemera kuvutswa umunezero waryo n'umuntu udakunda Umukiza mwiza? 11

Kwifanya n'utizera, ni ukwishyira ku rubuga rwa Satani, ukaraza umwuka w'Imana kandi ukabura uburinzi bwawo. Mbese witeguye kwihanganira guhomba aya mahirwe atangaje mu rugamba urwana ushaka ubugingo bw'iteka ryose? 12

Ibaze ubwawe uti: “Mbese umugabo utizera ntazahindura ibitekerezo byanjye akabikura kuri Yesu? Akunda ibinezeza kuruta uko akunda Imana, mbese ntazantera gukunda ibyo akunda?” Inzira ijya mu bugingo buhoraho irafunganye kandi iraruhije. Ntimwiyongerere imitwaro izadindiza kujya mbere kwanyu.13

Urugo ruhora mu ngorane: Umutima wifuza cyane urukundo rw'abantu, ariko urwo rukundo ntirukomeye bihagije, cyangwa ngo rwere bihagije, cyangwa ngo rube rwiza bihagije, kuba mu mwanya w'urukundo rwa Yesu. Umugore abasha kubonera ubwenge,

imbaraga n'ubuntu mu mukiza we gusa, bimubashisha kwihanganira inshingano ze n'agahinda ko mu mibereho. Akwiriye kugira uwo Mukiza imbaraga ze n'umuyobozi we. Umugore niyiyegurire Kristo mbere yo kwiyegura incuti yo mu isi iyo ari yo yose, kandi ntazashake umugabo uzamugwa nabi.

Abashaka kubona umunezero w'ukuri bakwiriye kugira umugisha uvuye mu ijuru ku byo batunze byose no ku byo bakora byose. Kugomera Imana ni ko kuzuza imitima myinshi cyane n'ingo nyinshi cyane ubutindi. Mwana wa Data, uramenye ntuzifatanye n'umwanzi w'Imana, keretse uramutse wiyemeje kuzagira urugo ruzahoramo ingorane. 14

Ibitekerezo by'umukristo: Umukristo wese akwiriye gukora iki mu gihe ageze mu bishuko byo kugerageza ibyigisho by'idini? Akwiriye kuvugisha ukuri, afite ubutwari bukwiye ati: “ Ndi umukristo ufite umutima uhana. Nizera ^[68]ko umunsi wa karindwi w'icyumweru ari wo Sabato yo muri Bibiliya. Kwizera n'amahame yacu bihabanye n'ibyanyu. Ntabwo tubasha kunezeranwa, kuko ninkurikirana kunguka ubwenge buruseho bushyitse bw'Imana, nzakomeza kurushaho kwanga isi, ngire ishusho isa n'iya Kristo. Nukomeza kuburira ubwiza kuri Kristo, ntreshywe n'iby'ukuri, uzakunda iby'isi, njye ndashobora gukunda mu gihe ngikunze iby'Imana wowe udashobora gukunda. Iby'umwuka bitekerezwa mu buryo bw'umwuka. Nutagira ubwenge bw'umwuka ntuzabasha kumenya iby'Imana inshakaho cyangwa ngo menye inshingano nahawe na Databuja nkorera; nicyo gituma wiyumvamo y'uko nkwirengagije ku mpamvu z'inshingano z'idini. Ntuzanezerwa, uzagira ishyari uritewe n'urukundo nkunda Imana kandi nzibera nnyenyine nkomeze kwizera iby'Imana. Ibitekerezo byawe nibhinduka, umutima wawe ukemera gukora ibyo Imana ishaka, maze ukiga gukunda umukiza wanjye, nibwo tuzongera tubisubireho.”

Uko ni ko uwizera yitanga kubwa Kristo yemejwe n'umutima we uhana, kandi bigaragaza uko yitaye ku bugingo bwe buhoraho akanga kuzabubura. Yiyumvamo y'uko ikimubereye cyiza ari ukugumaho adashyingiwe kuruta gufatanywa mu bugingo bwe n'umuntu uhitamo iby'isi akabirutisha Yesu, kandi agaca indi nzira itari iyo ku musaraba wa Kristo. 15

Isezerano ryo gushyingirwa ririmo umutekano: Muri Kristo gusa ni ho ugushyingirwa gushobora gukorerwa kukaba kurimo umutekano. Reka urukundo rwa kimuntu

ruyoborwe n'urukundo rw'Imana muri byose. Urukundo rwimbitse, nyakuri kandi rudashaka inyungu ku bandi rwagukira gusa mu mutima utuwemo na Kristo. 16

Igihe umwe mubashyingiranwe yihannye baramaze kurushinga: Uwamaze gushyingirwa atarihana, uko kwihana kwe ni ko kumuha inshingano ikomeye biruseho yo gukiranukira mugenzi we, n'ubwo baba banyuranije cyane ku byerekeye kwizera; nyamara iby'Imana ishaka ni byo bikwiriye gusumba ubucuti bwo mu isi, nubwo amaherezo yabyo yahinduka amakuba cyangwa kurenganywa. Ku bw'umutima w'urukundo n'ubugwaneza, uko gukiranuka kubasha kureshya kugahindura utarihana. 17

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFA-RANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	Temoignages pour l'eglise vol 2 p 144, 145	Testimonies for the church vol 5 p 365,366
2	Temoignages pour l'eglise vol 2 p 141, 142	Testimonies for the church vol 5 p 363,364
3	Fundamental of Christian education p 102,103	Fundamental of Christian education p 102,103
4	Fundamental of Christian education p 500,501	Fundamental of Christian education p 500,501
5	Temoignages pour l'eglise vol 1 p 663	Testimonies for the church vol 4 p 505
6	Testimonies for the church vol 5 p 124	Testimonies for the church vol 5 p 124
7	Fundamental of Christian education p 498,500	Fundamental of Christian education p 498,500
8	Temoignages pour l'eglise vol 1p 663	Testimonies for the church vol 4p 505
9	Temoignages pour l'eglise vol 1p 663,664	Testimonies for the church vol 4p 505,506

10	Temoignages pour l'église vol 1p 662,663	Testimonies for the church vol 4 p 504-505
11	Temoignages pour l'église vol 1p 665,666	Testimonies for the church vol 4 p 507
12	Temoignages pour l'église vol 2p 143	Testimonies for the church vol 5 p 364
13	Temoignages pour l'église vol 2 p 141	Testimonies for the church vol 5 p 363
14	Temoignages pour l'église vol 2 p 140	Testimonies for the church vol 5 p 362,363
15	Temoignages pour l'église vol 1p 664,665	Testimonies for the church vol 4 p 506,507
16	Ministere de la guerison p 302,303(Rayon de santé p 13)	Ministry of healing p 358
17	Patriarches et prophetes p 153	Patriarchs and prophets p 175

ICYIGWA CYA 10: IGIHE INAMA IKENEWE

Mugendere ku nama za Bibiliya: Ubukwe ni umuhango wera wahanzwe n'Imana kandi ntabwo ukwiriye rwose kujyanwamo umutima wo kwikunda. Abarangamiye gutera iyo ntambwe bakwiriye gutekereza icyubahiro cyawo bibombaritse kandi basenga bashakashaka inama y'Imana kugira ngo babashe kumenya y'uko bakurikiye inzira bafatanijemo n'iby'Imana ishaka. Iby'ijambo ry'Imana ryigisha byerekeye ku bukwe bikwiriye kuzirikanwa byitondewe. Abo mu ijuru bishimira ubukwe butahanywe umutima wifuzanya umwete gusohoza ibyo ijambo ry'Imana ryigisha.1

Niba hariho ikintu icyo ari cyo cyose gikwiriye kuzirikanwa impamvu yacyo, kandi ukakigambirira udahubutse, icyo kintu ni ugushyingirwa. Niba Bibiliya ari yo mujyanama ukenewe rwose, ni yo ikwiriye kubanziriza intambwe yo gufatanya abantu mu mibereho y'iteka. Igikomeye muri ibi ni uko abenshi bayoborwa n'ibitekerezo byabo, kandi akenshi indwara y'urukundo rw'agahararo ijyana abantu ku kurimbuka. Aha ni ho abasore bagaragariza ubwenge buke kuruta ku kindi kintu icyo ari cyo cyose. Aha ni ho banga kugirwa inama. Igitekerezo cyo gushyingirwa gisa n'aho kibaye imbaraga ibahumisha ubwenge, ntibemere kwiyegurira Imana. Ubwenge burazigwa, bahinduka imbata y'ibiyumviro byabo maze bagakomeza gukorera mu rwihisho nk'aho bafite ubwoba y'uko imigambi yabo iza kugira ikiyizitira.2

Benshi bomokera mu cyambu cy'amakuba, bakennye umwerekereza ariko bannyega umufasha ukenewe cyane, bakibwira ko bafite ubwenge buhagije bwo kuyobora inkuge yabo, maze ntibamenye yuko bagiye gusekura ku rutare ruhishwe rubasha gutuma inkuge yo kwizera n'umunezero [71] imeneka... keretse nibaba abigishwa b'abanyamwete ba rya jambo (Bibiliya) naho ubundi bazagira amafuti akomeye, azonona umunezero wabo n'uw'abandi wo mu bugingo bwa none n'ubwo mu gihe kizaza.3

Amasengesho arakenewe mu gufata umwanzuro mwiza: Niba abasore n'inkumi basengaga kabiri ku munsu bataratekereza ibyo gushyingirwa, noneho bakwiriye gusenga kane mu munsu mbere yo gutangira iyo ntambwe. Gushyingirwa ni ikintu kizareshya ubugingo bwawe kikabuhindura, ukiri muri iyi si no mu isi izaza. ..

Umugabane munini w'ubukwe bwo mu gihe cyacu, n'uburyo bucyuzwa, bituma ubwo bukwe buba ikimenyetso kimwe mu bimenyetso by'iminsi y'imperuka. Abagabo n'abagore batagonda ijosi, badakurwa ku ijambo, batuma Imana ititabwaho. Idini bariterera iyo nk'aho ritagize icyo rimaze muri icyo gihe cy'icyubahiro kandi gikomeye. 4

Igihe agahararo gateye kwanga inama zose: Abantu babiri baramenyana, bagatwarwa no guhararana. Ubwenge burahuma ntibongere kwibaza. Ntibashaka inama n'imwe cyangwa kwemera kuyoborwa kose ahubwo bihitiramo kuyoboka inzira bishakira batitaye ku ngaruka. Nk'uko ikiza cyangwa icyorezo cyanduza bimera, ni ko batwarwa n'agahararo bagasa nk'aho nta rutangira bakigira.

Abantu bamwe babakikije babagira inama ko nibaramuka bashyingiranwe, nta kindi kizavamo usibye umubabaro w'ubuzima bwose, ariko uko gucyahwa n'uko guhendahendwa birasuzugurwa. Birashoboka ko bitewe n'uko guhuzwa, akamaro k'umuntu Imana yari guha umugisha ikamutegurira gukora mu murimo wayo, kagwa ikinya kandi kakaba imfabusa. Ariko inama n'imihati bibarehereza ku byiza ntibongera kubitegera amatwi.

Ibishobora kuvugwa byose n'abagabo kimwe n'abagore bafite inararibonye nta gaciro bihabwa kandi ntibashobora guhindura umwanzuro w'ibyifuzo byabo. Batakaza amakene yose yo guterana mu materaniro yo gusenga kandi bagaha agaciro gake bidatinze ibirebana byose n'iby'iyobokamana. Bakundana urukundo rw'ubupfu maze inshingano z'iby'ubuzima zikirengagizwa nk'aho nta gaciro zifite. 5

Abasore bakeneye inama z'abakuze n'inraribonye: Kuki abasore n'inkumi bataba abanyabwenge, babonye amaherezo y'ubuhanya aturuka ku gushyingirwa? Kuki bakomeza kwiyumvamo y'uko badakeneye inama y'umuntu mukuru n'iy'abantu benshi bazi ibyo neza? Abagabo n'abagore bagaragariza mu mirimo yabo ubwigengesere bukomeme. Mu gihe bataragira ikintu gikomeye bakora, bitegura iby'iyoy mirimo, igihe, imali, nuko ibyo bakabyiga bitonze cyane kugira ngo bitazabananira bamaze kubitangira.

Mbese bakwiriye kwitonda biruseho bate, mu gihe bagiye mu byo gushyingirwa kandi ari byo bizagira icyo bihindura mu bo igihe

kizaza no mu bugingo buzaza? Mu kigwi cyo kugenza batyo, biterera mu byo gushyingirwa nk'abikinira, batabikomeje, babihubukiye, bahumye ndetse batitonze ngo batekereze. Impamvu itera ibyo nta yindi ni Satani ukunda kureba ubutindi no kononekara mu isi, maze akazunguriza urwo rushundura kuroba abantu. Yishimira kugira bene abo bantu batazirikana, akabavutsa umunezero wo muri iyi si n'uw'iwabo mu isi izaza.6

Ibitekerezo bikuze by'ababyeyi bigomba guhabwa agaciro: Mbese abana bakwiriye kugisha inama kwifuza kwabo gusa n'ibyo bararikiye, batagiriwe inama ikwiriye n'ababyeyi babo? Bamwe basa naho batitaye ku nama no ku bwenge by'ababyeyi babo, cyangwa ngo bazirikane ubwenge bwabo bushyitse. Kwikunda kwamaze gukinga imiryango y'imitima yabo y'urukundo umwana akwiriye kugirana na se na nyina. Ubwenge bw'abasore bukwiriye gukangurwa muri ibyo. Itegeko rya gatanu ni ryo tegeko ryonyine rukumbi ririmo isezerano ariko rikomezwa bya nikize ndetse rikirengagizwa n'abashaka kwikundisha. Gusuzugura urukundo rwaba nyina, gukoza isoni ba se ni ibyaha bihora byanditswe ku basore benshi.

Ifuti rimwe ryo mu mafuti akomeye cyane yerekeye kuri ibyo, ni uko abasore bataramenya iyo bava n'iyi baja badashaka ko hari icyarogoya urukundo rwabo, ko ntagikwiriye kuruzitira. Niba hariho ikintu gikwiriye kwitonderwa no kwitabwaho cyane, icyo kintu cyaba iki. Gufasha guturutse ku bandi, kubishyira ku munzani urebye impande zombi utuje kandi witonze, birakwiye rwose. Nyamara ibi, bikorwa n'abantu benshi cyane batabanje gutekereza. Nshuti basore, nimugishe Imana n'ababyeyi banyu bubaha Imana inama. Musengere icyo mushaka gukora.7

Iringire ababyeyi bubaha Imana: Niba ufite amahirwe yo kugira ababyeyi bubaha Imana, mubagishe inama. Babwire ibyifuzo byawe n'imigambi yawe, ubigireho ibyigisho bigiye mu inariribonye y'ubuzima bwabo.8

Iyaba abana babaga inshuti z'ababyeyi babo, iyaba babiringiraga kandi bagasangira na bo ibibaremerera, ibibashimisha n'ibibababaza bazirinda ingorane nyinshi z'ahazaza. Iyo baburagijwe kandi bakaba batazi icyo bakora, reka bajye babwira ababyeyi babo ibibazo byabo, babasobanurira ntacyo bahishe ibitekerezo byabo kandi basaba n'inama. Ni nde waba uri mu mwanya mwiza wo kumenya akaga gashobora kwiyadukiza nk'ababyeyi b'abakristo? Ni

nde ubarusha gusobanukirwa neza imico yihariye ya buri mwana we? Abana b'abakristo bazanezewa no gushyira mu bikorwa mbere ya byose inama z'ababyeyi babo bubaha Imana. Ababyeyi bashobora kugirira impuhwe abana babo kandi bakabasabira ku Mana kugira ngo ibarinde kandi ibayobore. Mbere ya buri kintu cyose bazabayobora ku nshuti yabo n'umujyenama udahemuka.⁹

Ababyeyi bagomba kuyobora abasore mu rukundo rwabo: Ababyeyi b'abana bakwiriye kwiyumvamo ko ari inshingano yabo kuyobora urukundo rw'abasore, kugira ngo bazahabwe bagenzi babo bakwiriye.

Bakwiriye kwiyumvamo ko ari inshingano yabo kubigisha ubwabo, no kubabera icyitegererezo bafashijwe n'Imana, kugira ngo batunganye rwose ingeso z'abana bakiri bato, ngo bazabe abera n'intungane kandi bakururirwe gukora ibyiza n'iby'ukuri Umunyamigani yaravuze ati: "Ibisa birasabirana" Ingeso mbi zirehereza gukora ibibi; umunezero utuma abandi banezerwa. Nimureke urukundo rw'iby'ukuri no kwera n'ubwiza biterwe mu mutima hakiri kare, ni ho umusore n'inkumi bazifuza gufatanya n'abafite izo ngeso.¹⁰

Icyitegererezo cya Isaka: Ababyeyi ntibagomba kwibagirwa ko umunezero w'ahazaza w'abana babo ari bo ushingiyeho. Kumvira kwa Isaka ku myanzuro se yari yamufatiye kwari umusaruro w'uburezi yari yarigishijwe kandi bwamuteye gukunda imibereho yo kumvira. ¹¹ Isaka nk'umuragwa w'icyubahiro w'amasezerano y'Imana yari yaragenewe isi yose. Afite imyaka mirongo ine yumviye imyanzuro ya se, watumye umugaragu we ukiranuka kumusabira umugeni. Umusaruro w'uko gushyingirwa, twawuhawe nk'ikimenyetso cy'ipica y'umunezero w'i muhira: "Isaka azana Rebeka mu ihema rya nyina Sara, aramurongora, aba umugore we, aramukundwakaza, Isaka ashira umubabaro wa nyina yapfushije."
12

Ababyeyi b'abanyabwenge bazakorana ubwitonzi: Wabaza uti: "Mbese ababyeyi bakwiriye guhitiramo umwana wabo mugenzi we batitaye ku bushake bw'uwo muhungu cyangwa umukobwa wabo?" Ndababaza ikibazo nk'uko biri. Mbese umuhungu cyangwa umukobwa akwiriye guhitamo uwo bazabana atagishije ababyeyi inama, kandi iyo ntambwe ari iyo kuzanira ababyeyi umunezero niba abo babyeyi babakunda? None se umwana nubwo yagirwa inama agahendahendwa n'ababyeyi be akwiriye kugumya gukurikira ibyo yishakiye? Ndasubiza

neruye nti oya; keretse niba atazashyingirwa. Itegeko rya gatanu ribuzanya bene iyo ngeso: “Wubahe so na nyoko kugira ngo uramire mu gihugu Uwiteka Imana yawe iguha.” Iri ni itegeko rifite isezerano Uwiteka atazabura gusohoreza rwose abubaha ababyeyi babo. Ababyeyi b’abanyabwenge ntabwo bazahitiramo abana babo abafasha batabyumvikanyeho.13

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	Letter 17,1896	Letter 17,1896
2	Fundamental of true Christian education p 103	Fundamental of true Christian education p 103
3	Fundamental of true Christian education p 100	Fundamental of true Christian education p 100
4	Message a la jeunesse p 456-457	Message to young people p 460
5	Review and herald 26 septembre 1888	Review and herald 26 September 1888
6	Review and herald 2 fevrier 1886	Review and herald 2 February 1886
7	Fundamental of true Christian education p 104	Fundamental of true Christian education p 104
8	Ministere de la guerison p 303 (Rayon de sant� p 14)	Ministry of healing p 359
9	Fundamental of true Christian education p 105,106	Fundamental of true Christian education p 105,106
10	Patriarches et prophetes p 154	Patriarchs and prophets p 176
11	Patriarches et prophetes p 154	Patriarchs and prophets p 175,176
12	Patriarches et prophetes p 153	Patriarchs and prophets p 175
13	Testimonies for the church vol 5 p 108	Testimonies for the church vol 5 p 108

**UMUGABANE WA 4:
IBITUMA URUGO
RUNESHA CYANGWA
RUTSINDWA**

ICYIGWA CYA 11: UBUKWE BUHUTIWEHO KANDI BW'IMBURAGIHE

Akaga k'ubukwe bw'abakiri bato: Ntitugomba gushyikira ugushyingiranwa kw'abakiri bato. Umushinga ukomeye nk'uwo gushyingirwa kandi ugira ingaruka zirambye ntugomba gukoranwa ihubi, nta myiteguro ihagije, kandi ubushobozi bw'ubwenge n'ubw'umubiri butaraguka bihagije.¹

Abahungu n'abakobwa bashyingiranwa mu gihe urukundo n'ibitekerezo byabo bitarakura, nta byiyumviro bihanitse kandi bitunganye maze bakikorera inshingano z'abashakanye bayobowemo n'iruba rihindanye rya cyana.

Ubucuti butangiwe uherye mu bwana bwagiye kenshi bugira ingaruka zo kwihuza guteye akaga cyangwa gutandukana gukojeje isoni. Gushyingiranwa imbura gihe, bikoze nta nama z'ababyeyi ni gake bizana umunezero. Urukundo rwa cyana rugomba gukumirwa kugeza igihe bazagera mu gihe gikwiriye kandi inararibonye yabo ibemerera kugira mushyikirano muzima kandi utarimo akaga. Abanga kumvira iyi nama bari mu kaga ko kuzagira imibereho itanejeje.

Umuntu utagejeje ku myaka makumyabiri ntafite inyurabwenge yamushoboza kwihitiramo uwo bari mu kigero kimwe bazabana ubuzima bwose. Iyo ibitekerezo bimaze gukura basanga barahanye amasezerano yo kubana ubuzima bwose batabanje kwibaza icyazatuma buri wese anezerwa. Noneho mu cyimbo cyo kwemera kwikorera umutwari wabo, batangira kwicuza, ibyo batumvikanaho bigakura, bikarangirira mu kwirengagizanya no gusuzugurana. Kuri bo nta kintu na kimwe cyera babona mu ijambo "urugo". Umwuka waho ugahumanywa n'amagambo atarangiye urukundo n'urutoto.² Ugushyingiranwa kw'abakiri bato nibyo nkomoko y'ibibi [80] byinshi biriho muri iki gihe. Ntibiteza imbere ubutaraga bw'impagarike kimwe n'imbaraga z'ubwenge. Ntibatekereza byimbitse kuri iyi ngingo. Abasore benshi bakora bayobowe n'irari. Iyi ntambwe ishobora gutera ingaruka zikomeye, nziza cyangwa mbi, cyangwa ishobora kuzana umugisha cyangwa umuvumo mu buzima bwose, kenshi bayiterana ihubi bagendeye ku byiyumviro by'irari. Benshi ntibazemera kumvira inama no gucyaha biva mu Ijambo ry'Imana.³

Satani yihatira ubudatuza gusunikira urubyiruko rudafite inararibonye mu gushyingirwa ariko byakabaye byiza tudashyigikiye ako kamenyero kamaze kuba gikwira mu gushyingirwa.4

Yemwe no mu bavuga ko ari ubwoko bw’Imana, ubukwe bwa huti huti bubyara gutandukana, kwahukana kandi bukanatera urujijo rukomeye mu itorero.5

Mbega itandukaniro rikomeye riri hagati y’imyitwarire ya Isaka n’urubyiruko rwo muri iki gihe ndetse no mu biyita abakristo! Mbese ntitubona kenshi, abasore baburana uburenganzira bwabo ko ari bo bakwiriye kwihitiramo umugabo cyangwa umugore wabo nta kugisha inama na gake Imana cyangwa ababyeyi babo kuri iyo ngingo ndetse kenshi bakiri na bato bataruzuzura imyaka y’ubukure? Imyaka mike babana n’uwo bahisemo irahagije kubemeza ifuti ryabo, kandi amazi akaba yararenze inkombe kugira ngo bashobore gukosora ingaruka mbi biteje. Kuko kubura ubwenge no kwitegeka byabateye guhitamo bahubutse bifite na none ingaruka zo gutuma ubuzima bwabo buba bubu kugeza ubwo buhinduka umutwaro ushaririye. Abenshi ni abasezereye umunezero wabo muri ubu buzima ndetse n’ibyiringiro by’ubuzima bw’ahazaza.6

Kugwa mu mutego kw’abakozi b’Imana b’abanyembaraga: Abasore n’inkumi bakira ukuri maze bakakugenderamo neza mu gihe runaka ariko Satani [81] ababohera mu mitego akoresheje ubucuti butibajijweho no gushyingirwa guteje akaga. Ubu nibwo buryo yabonye bwamufasha kugera ku ntsinzi mu kubakūra mu nzira yo kwera.7

Neretswe ko abasore bo muri iki gihe badasobanukiwe akaga gakomeye kabugarije. Hariho benshi muri bo Imana yakwemera gukoresha mu mashami atandukanye y’umurimo wayo, ariko Satani abitambika imbere akabafatira mu rushundura rwe kugira ngo abatandukanye n’Imana kandi abambure imbaraga zo gukora umurimo wayo. Satani ni umukozi w’umuhanga kandi udacogora. Azi uko yagusha mu mitegeko abantu batagira amakenga ariko ikibabaje ni uko bake cyane ari bo bacika ubucakura bwe. Ntibabona akaga kabugarije bityo ntibashake uko bakwirinda imyambi ye. Satani abatera kwihutira gukundana batabanje gushaka inama ziva ku Mana cyangwa ku bo yatumye kubaburira, kubacyaha, no kubagira inama. Biyumvamo ko bihagije ubwabo kandi ko ntawabakoma mu nkokora.8

Inama ku ngimbi: Ingeso yawe mbi yo gukunda gukururana n'abakobwa ntituma ugaragara neza. Mu kwemerera intekerezo zawe kurarukira aho, uba winyaga ubushobozi bwo gufata ibyo wiga. Bizatuma urema ubucuti butejewe; maze inzira zawe n'iz'abandi zihangirikire. Uko ni ko neretswe ibyawe kandi igihe cyose uzakomeza gutsimbarara mu kugendera kubyo wishakiye, uwo ari we wese uzashaka kukuyobora, kukwigisha cyangwa kukubuzza kwerekeza mu nzira mbi ntuzemera kuva ku izima kuko umutima wawe udafitanye isano n'ukuri no gukiranuka.⁹

Kurutana by'ihabya mu myaka: Abakundana bashobora kuba badafite ubutunzi bwinshi bw'isi ariko bakwiriye kuba bafite ubuzima bwiza bw'impagarike kuko ari bwo bufite agaciro kuruta ubutunzi bwose. Akenshi ntibikwiriye ko abashyingiranwa baba barutanwa by'ihabya mu myaka. Kwirengagiza iri hame bishobora kwangiriza bikomeye ubuzima bw'ukiri muto mu bashakanye kandi abana ^[82] bazavuka bakaba banyazwe imbaraga z'umubiri n'iz'ubwenge. Umubyeyi ushaje ntabasha kubitaho no kugirana nabo ubucuti bakeneye mu buto bwabo, kandi urupfu rushobora kubanyaga se cyangwa nyina imbura gihe mu gihe urukundo no kuyoborwa nawe ari bwo byari bikenewe cyane.¹⁰

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFA-RANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	Ministere de la guerison p 302 (Rayon de santé p 12,13)	Ministry of healing p 358
2	Message a la Jeunesse p 449	Message to the young people p 452
3	Message a la Jeunesse p 450	Message to the young people p 453
4	Testimonies for the church vol 2 p 252	Testimonies for the church vol 2 p 252
5	Review and Herald 25 septembre 1888	Review and Herald 25 September 1888
6	Patriarches et prophetes p 153,154	Patriarchs and prophets p 175

7	Testimonies for the church vol 5 p 114,115	Testimonies for the church vol 5 p 114,115
8	Testimonies for the church vol 5 p 105,106	Testimonies for the church vol 5 p 105,106
9	Manuscrit 15a, 1896	Manuscript 15a, 1896
10	Ministere de la guerison p 302 (Rayon de santé p 13)	Ministry of healing p 358

ICYIGWA CYA 12: KUMVIKANA

Kumenyerana: Mu miryango myinshi iki kinyabupfura cya gikristo ntikiharangwa, uru rugwiro nyakuri, uku kwicisha bugufi no kubahana bizafasha gutegurira abayigize gushyingirwa bakazagira ingo zinejeje. Aho kugira ngo muri izo ngo uhasange kwihangana, ubugwaneza, urugwiro nyakuri, impuhwe n'urukundo bya gikristo, uhasanga amagambo akarishye, ibitekerezo bikomeretsa, umwuka wo kunengana n'uwo gutegekesha igitugu.1

Uko niko bikunda kumera iyo mbere yo gushyingirwa abantu batagize amahirwe yo kumenyera imico n'ibyho undi akunda; maze bagera mu buzima bubasaba kubana buri muni umwe agasa n'aho ari umunyamahanga kuri mugenzi we kuko baba barahujwe gusa no gushyingirwa ku ruhimi. Benshi bamenya ko badahuje bitakigize igaruriro maze imibereho yuzuye ubuhanya ikaba umusaruro w'uko gushyingirwa kwabo. Inshuro nyinshi umugore n'abana bagerwaho n'ingaruka z'ubunenganenzi, imikorere idahwitse n'ingeso mbi by'umugabo ari nawe se w'abana.2

Ubuhanza n'ibyaha bimaze kuba gikwira mu isi ya none ni ingaruka ziterwa no gushyingirwa nabi. Mu ngo nyinshi amezi make cyane aba ahagije kugira ngo umugabo n'umugore babone ko batazagera bahuza mu mico yabo; maze umusaruro ukaba amacakubiri yiganje mu rugo ahagakwiriye gusa kuba hari urukundo n'ubumwe mvajuru.

Impaka zikomotse ku bibazo bidafite ishingiro zibyara umwuka wo gusharira. Amacakubiri yeruye n'intonganya bizana mu murungu ibibi bitavugwa kandi bigatandukanya abagombaga guhuzwa n'umurungu w'urukundo. Uko ni ko abantu ibihumbi byinshi bitambye umubiri n'umutima binyuriye mu gushyingiranwa guhubukiweho maze bikaberekeza mu nzira igana ku kurimbuka. 3

Kudahuza guhoraho mu rugo rudashyize hamwe: Umunezero n'iterambere by'abashyingiranywe bishingiye ku bumwe bwabo. Ni gute ufite umutima wa kamere yahuza n'uwacengewemo n'umutima wa Kristo? Umwe abibira mu mubiri, agatekereza kandi agakora ayobowe n'irari ryo mu mutima we, naho undi we abibira mu mwuka ashakisha uko yarwanya inarijye, uko yanesha ibyo abogamiramo ngo abeho yumvira Umwigisha we avuga ko akorera. Niyo mpamvu hari itandukaniro rihoraho mu byo bakunda, mu byo babogamiramo ndetse

no mu migambi yabo. Keretse gusa uwizera aramutse akomeje gushikama ku mahame nibwo yazashobora kwireherezaho mugenzi we utizera, ariko bitabaye ibyo nawe azacika intege nk'uko biba kuri benshi, abambe amahame y'iby'iyobokamana kubw'uko gushyingiranwa kudakwiriye n'udafitanye umushyikirano n'ijuru.4

Ingo zangirizwa no kudahuza: Ingo zuzuyemo ubuhanya kandi intekerezo z'urubyiruko ziyobera muri ako kayira kuko satani akabayoboramo akabatera kwiringira ko bakwiye gushyingirwa kugira ngo banezerwe mu gihe badafite ubushobozi bwo kwiyobora ubwabo cyangwa gutunga umuryango. Abadashobora kwihanganira no kumenyerana n'imico ya bagenzi babo kandi bakaba badashobora kwihanganira ibyo batandukaniyeho bitanejeje n'ibyzana ubwumvikane buke hagati yabo, ntibagomba gushyingirwa. Uwo ni umwe mu mitego yo mu minsi y'imperuka ukururira ibihumbi byinshi by'abantu mu kurimbura ubuzima bwabo bwa none n'ubw'ahazaza.5

Ingaruka z'urukundo ruhumye: Ubushobozi bwose bw'uwafashwe n'iki cyorezo cyandura cy'urukundo ruhumye, buhinduka imbata yacyo. Basa n'abatakibasha gushyira mu gaciro kandi ibikorwa byabo bibi bisharirira ubibonye wese. Kuri benshi iyo ndwara ihinduka igikatu igihe bashyingiranwe imbura gihe. Iyo agahararo n'ibikorwa bireshya bishize, umwe mu bashakanye cyangwa bombi arakanguka agasobanukirwa uko byagenze. Ubwo noneho bakamenya ko bahisemo ariko baramaze gusezerana kubana akaramata, kandi ko bahujwe n'amasezerano akomeye maze bagahitamo kubana nk'uko babyiyemeje ariko bafite umutima ushengutse.

Bagakwiriye gushaka uko basubiza ibintu mu buryo ariko benshi ntibazabikora. Bishobora gutuma bahemuka ku masezerano yo gushyingirwa cyangwa se bakikorera umutwari ubashengura biyikoreje binyuriye mu mahitamo yabo, ndetse n'abatari bake bo muri bo bikarangira biyahuye kubw'intege nke. 6

Umugabo n'umugore bombi bagomba kwirinda ubudatuzanya icyazana intonganya cyose kandi bakaguma ari indahemuka ku masezerano yo gushyingirwa.7

Inararibonye y'abandi ni umuburo: Mwene data A afite imico ishoboza Satani gukora afite amahirwe menshi yo kugera ku nsinzi. Ibyamubayeho bigomba kubera icyigisho abasore ku birebana no

gushyingirwa. Umugore yakurikije ibyiyumviro n'ibishyika bye mu guhitamo uwo bazabana aho gukurikiza umutimanama no gushyira mu gaciro. Mbese ugushyingirwa kwabo kwaturutse ku rukundo nyakuri? Oya sibyo; gushyingirwa kwabo kwaturutse mu rukundo ruhumye kandi ruyobowe n'irari. Nta n'umwe muri bo wari witeguye kwikorera inshingano zo mu buzima bw'abashyingiranywe. Igihe agahararo kashiraga, buri wese amaze gusobanukirwa mugenzi we, mbese urukundo rwabo rwarakomeye? Mbese kwitanaho byarakomeje? Mbese imibereho yabo yahurijwe mu bumwe bunejeje? Oya, ahubwo byari bihabanye by'ihabya. Uko ibihe byahaga ibindi, ni ko imico yabo mibi yakuraga buhoro buhoro, kandi aho kugira ngo imibereho yo gushyingirwa kwabo ibabere umunezero, yanzwe n'ingorane ziyungikanya. 8

Mu myaka myinshi, nagiyeye nakira inzandiko z'abantu batandukanye bagize urugo rubi; kandi amateka yo kutumvikana kwabo nagaragarijwe arahagije gushengura umutima. Biragoye cyane kubona inama waha abo banyabyago cyangwa kubona uburyo wakoroshya umutwaro ^[86] wabo uremereye; ariko amateka ashaririye y'ibyababayeho yakagombye kubera abandi umuburo.9

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSI	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	Review and Herald 2 fevrier 1886	Review and Herald 2 February 1886
2	Patriarches et prophetes p 167	Patriarchs and prophets p189
3	Message a la jeunesse p 450	Message to the young people p 453
4	Temoignages pour l'eglise vol 1p 666	Testimonies for the church vol 4 p507508
5	Testimonies for the church vol 5 p122,123	Testimonies for the church vol 5 p122,123
6	Testimonies for the church vol 5 p110,111	Testimonies for the church vol 5 p110,111
7	Testimonies for the church vol 5 p122	Testimonies for the church vol 5 p122

8	Testimonies for the church vol 5 p121,122	Testimonies for the church vol 5 p121,122
9	Temoignages pour l'eglise vol 2p 145	Testimonies for the church vol 5 p 366

ICYIGWA CYA 13: KWIMENYEREZA IMIRIMO Y'I MUHIRA

Kwitegura gushyingirwa ni umugabane w'ingenzi mu burezi:

Nta mpamvu yagatumye abantu bashyingirwa bataragira ubumenyi ku birebana n'inshingano z'imirimo yo mu rugo. Umugore agomba kuba afite ubuhanga n'ubumenyi bihagije byamufashkurera abana be neza.¹

Abagore benshi, bafatwa nk'abarezwe neza, bafite impamyabumenyi bakomoye mu mashuri akomeye, usanga kenshi ari injiji z'interagahinda mu gukora imirimo isanzwe. Nta bushobozi bafite bw'ingenzi bwo kubabashisha gushyira umuryango kuri gahunda kandi ari byo byawuhesha umunezero. Bafite ubushobozi bwo kuburanira agaciro k'umugore n'uburenganira bwe mu gihe bo bari kure muni y'umurongo uranga umugore nyamugore.

Buri mukobwa wese wa Eva afite uburenganzira bwo kuronka ubumenyi bushyitse ku birebana n'inshingano zo mu rugo, kandi akakira inyigisho zihagije ku byerekeye imirimo y'i muhira. Buri mukobwa wese agomba kuba yarahawe inyigisho zizamubashisha mu gihe azaba ari umugore cyangwa umubyeyi kuzuza inshingano zimureba nk'umwamikazi. Agomba kuba afite ubushobozi buhagije bwo kuyobora no kwigisha abana be no kuyobora abakozi be bo mu rugo cyangwa mu gihe byahinduka, akaba yanayobora urugo rwe. Agomba kuba asobanukiwe n'imikorere y'umubiri w'umuntu n'amahame y'isuku n'isukura, ibirebana n'ibyo kurya n'ibyo kunywa n'imyambarire, imirimo n'ibinezeza n'ibindi byatuma umuryango umererwa neza.

Kandi agomba gushakisha uko yagira ubumenyi k'uburyo bwiza yakoresha avura indwara kugira ngo azashobore kwita ku bana be barwaye aho gufata abana be akunda akabashyira mu biganza by'abaforomo n'abaganga b'abanyamahanga ngo abe ari bo babitaho. Kwibwira ko kudashobora gukora imirimo yo mu rugo ari ikimenyetso cy'umugabo n'umugore biyubashye bihabanye n'umugambi Imana yashyizeho irema umuntu. Ubunebwe ni icyaha, no kudasobanukirwa uko wakora imirimo isanzwe yo mu rugo ni imbuto z'ubupfu kandi amaherezo bizabyara kwicuza gushaririye kandi kwisubiramo.²

Abakobwa benshi bafata guteka no kwita ku rugo nk'uburushyi. Ku bw'iy mpamvu benshi ni abashyingirwa bakaba abayobozi

b'ingo zabo badasobanukiwe na gake inshingano zibareba nk'umugore cyangwa umubyeyi.3

Tugomba kubifata nk'ihame ko nta musore ugomba gushyirwa niba atazi uko yakwita ku bana bazavuka mu muryango wabo. Ikindi na none, bagomba kumenya uburyo bakwiriye kwita ku rugo Imana yabahaye. Batarasobanukirwa n'amategeko Imana yashyize mu mubiri wabo, ntibashobora kumenya inshingano bafite ku Mana cyangwa kuri bo ubwabo.4

Kwigisha gukora imirimo yo mu rugo bigomba gushyirwa mu nteganyanyigisho z'amashuri yacu: Uburezi abahungu n'abakobwa bagomba guhabwa mu bigo byacu ku birebana n'imibereho y'i muhira bugomba kwitabwaho by'umwihariko. Ni iby'ingenzi cyane mu kurema imico, ko abanyeshuri bo mu bigo byacu biga kuzuza inshingano zibareba, birinda icyari cyo cyose cyabakururira mu bunebwe. Bagomba kwimenyereza inshingano zo mu buzima busanzwe bwa buri muni. Nibigishwe kandi kuzuza izo nshingano neza mu buryo bushoboka bwose nta rujijo kandi batitotomba. Mu ijamba rimwe byose bigomba gukorwa ku rwego urwo ari rwo rwose no muri gahunda. Mu gikoni no mu nzu hose hagomba kuba ari heza kandi hasukuye. Ibitabo bigomba gushyirwa ku ruhanda kugeza mu gihe cyangenwe kandi ntibagomba kwiga byinshi cyane badashoboye gufata kugira ngo imirimo yo mu rugo itirengagizwa.

Amasomo ntakwiriye kurangaza ubwenge maze bukiyengagiza imirimo y'amaboko kuko ari yo shingiro ku iterambere ry'urugo. Mu kuzuza izo nshingano, akamenyero k'akajagari, ko kwirengagiza, ko kutagira icyo witaho kagomba gucika, kuko bidakosowe bizagira ingaruka ku mashami yose yo mu buzima, butakaze kuba ingirakamaro. 5

Kumenya kurinda neza ibyo mu rugo ni ingenzi: Amenshi mu mashami yigirwa mu mashuri atwara igihe cy'abanyeshuri kandi atari ingenzi mu kubagirira umumaro cyangwa kubazanira umunezero, nyamara ni ingenzi ku musore wese ko amenyera neza gukora inshingano za buri muni. Bibaye ngombwa umukobwa yareka kumenya igifaransa n'imibare cyangwa gucuranga piano ariko ni ngombwa ko amenya guteka neza umugati, no kudoda neza imyenda kandi akamenya gukora neza inshingano z'i muhira.

Nta kintu cy'ingirakamaro ku buzima n'umunezero by'umuryango, cyaruta ubuhanga n'ubumenyi by'umutetsi. Aramutse ateguye ibyo kurya nabi cyangwa bikaba bitagwa neza ubuzima, ashobora kubangamira no kurimbura kuba ingirakamaro kw'abakuze n'igikuriro cy'abana. Iyo umutetsi agabuye ibyo kurya umubiri ukeneye, biryoshye kandi biteye ipfa, agera ku byiza byinshi nk'uko hari n'ibibi yateza aramutse atabigenje atyo. Ni yo mpamvu mu nzira zinyuranye, umunezero wo mu buzima ushingiyeye ku gukiranuka mu nshingano za buri muni.6

Mwite ku mahame agenga isuku: Tugomba kwita ku mahame agenga isuku y'imirire n'iminywere, imyitozo ngororamubiri, kwita ku bana no kuvura indwara n'ibindi bisa bityo bigomba kwitabwaho cyane kurenza uko byakirwa.7

Mu kwigisha iby'isuku, umwigisha w'umunyamwete azakoresha akanya kose kabonetse yerekane ko isuku isesuye ari ngombwa haba ku mubiri w'umuntu cyangwa ahamuzengurutse.isuku y'icyumba cyo kuryamamo n'igikoni bigomba kwitabwaho cyane.

Abanyeshuri ni bigishwe ko isuku mu cyumba cyo kuraramo, igikoni gifite isuku isesuye, ameza ateguye neza kandi ariho indyo yuzuye, bigira umumaro munini mu kugwiza umunezero w'umuryango kandi bikubahwa n'umushyitsi wese utekereza, kuruta agaciro k'intebe n'imitako yose yo mu nzu. Iki cyigisho ngo: "Ubugingo buruta ibyo kurya, n'umubiri uruta imyambaro." kirakenewe muri iki gihe nk'uko cyari gikenewe igihe cyigishwaga na Yesu, mu binyejana birenga cumi n'umunani bishize.8

Umukobwa wararikiwe kugira akamenyero keza ko gukora: Ufite imyitwarire igomba kwigishwanya gushikama no kugenzuranwa ubwitonzi mbere y'uko winjirana umutekano mu gushyingirwa. Ibiri amambu, ugomba kwikuramo ibyo gushyingirwa mu gihe utaranesha ayo mafuti, kuko utaba umugore unezerewe. Wirengagije kwitegura kuzuza inshingano za buri muni zo mu rugo. Ntiwasobanukiwe n'agaciro ko kumenyera gukora imirimo y'amaboko. Iyo umuntu yimenyereje kwishimira umurimo w'ingirakamaro, ntajya awureka. Uzaba noneho witeguye guhangana na buri ngorane yose yo mu buzima kandi uzazinesha. uziga gukunda umurimo. Nugira uruhare mu gukunda umurimo wawe w'ingenzi, intekerezo zawe zizahugira ku byo ukora kandi ntuzabona agahe ko gutwarwa n'inzozo z'ibikomeye. Mu gukora imirimo y'ingirakamaro no kuyihugiramo bizatera imbaraga no gukomera intekerezo zari zibabaye kandi zitanyuzwe kandi bizaguha icyubahiro kizatera n'abandi ku kubaha.9

Agaciro k'uburezi bushyizwe mu bikorwa ku bakobwa:

Ababyeyi benshi batekereza ko ari ingenzi ko umuhungu agomba kwigishwa ibizamugirira akamaro ahazaza he; batekereza ko kwigisha abakobwa babo kwigira no kwirwanaho bikemurira amakene yabo byo ko atari ingenzi. Ku ishuri, ahigira bike byamubashisha kwishakira ubuzima, ariko kuko mu rugo iwabo nta nyigisho zishyizwe mu bikorwa yahigiye zirebana no guteka no kuzuza inshingano zo mu rugo, akura ntacyo amaze maze agahinduka umutwaro ku babyeyi be...

Umugore wigishijwe kwiyitaho yanashobora no kwita ku bandi. Ntazaba umutwaro ku muryango we no kuri rubanda. Igihe amahirwe azahinduka, azahorana iteka aho gukora, aho ashobora gukura ibyamubeshaho no gutunga abo ashinzwe. Umugore agomba kuba yarigishijwe umwuga uzamubashisha kwibeshaho mu gihe ibyo yari yishingikirijeho byavuyeho. Kabone n'ubwo yareka kumenya indi mirimo y'icyubahiro, buri mukobwa wese agomba kwiga uko yakwita kubikorera mu nzu, kwiga guteka, gutunganya inzu no kudoda. Yaba akomoka mu muryango wa gikire cyangwa se wa gikene agomba kwimenyereza ibyo umwamikazi w'umuryango akwiriye kumenya. Muri ubwo buryo, ingorane niziyadukiza, azaba yiteguye guhangana na buri bihe bibi byose; mbese ni umugore uzi kwigira.10

Kumenya inshingano zo mu rugo ni iby'agaciro katagereranywa ku mugore uwo ari we wese. Imiryango myinshi yagiye ibura umunezero bikomotse mu kudashobora kuzuza inshingano k'umugore cyangwa umubyeyi. Si ingenzi cyane ko abakobwa bacu bamenya gutera amarangi, imideri, gucuranga, gukora imibare y'ibinyampande cyangwa se kwiga kuvugira mu ruhame ubigereranije no kumenya gukata, kuzinga neza imyenda cyangwa kudoda imyenda yabo yacitse no gutegura ibyo kurya byiza kandi biteye ipfa. Umwana w'umukobwa igihe yujuje imyaka icyenda cyangwa icumi y'ubukure agomba gutegekwa kugira uruhare mu mirimo yo mu rugo, uko ubushobozi bwe bwaba bungana kose kandi akwiriye kubazwa uko yashohoje inshingano imureba. Ubwo yari abajijwe icyo yifuza ko abana be b'abakobwa bazakora, umugabo w'umunyabwenge yarashubije ati: " Nshaka ko bigira kuri nyina w'indashyikirwa gukoresha neza igihe cyabo no kuzaba abagore n'ababyeyi beza, bakayobora neza umuryango kandi bakaba ingirakamaro muri rubanda."11

Uwitegura kuba umugabo agomba kuba umukozi n'umucungamari mwiza: Mu bihe bya kera umuco wasabaga ko umusore ugiye gushaka umugore, mbere yuko ubukwe buba, yagombaga guha sebukwe umubare w'amafaranga runaka cyangwa ibintu bifite agaciro kangana n'ayo mafaranga hakurikijwe uko yabaga ameze. Ibyo byagaragaraga nk'umutekano uzarinda isano y'abashakanye. Ababyeyi ntibizeraga ko abakobwa babo bazatunganirwa baramutse basanze abagabo batigeze bateganya ibya ngombwa byo kuzafasha umuryango wabo.

Iyo babaga badafite ubutunzi buhagije n'imbaraga zo gukora ngo babone amatungo cyangwa amasambu byateraga impungenge ko imibereho yabo nta gaciro izagira. Ariko hari uburyo bwari bwarashyizweho bwo kugerageza ababaga ntacyo bafite cyo gukwa ngo bahabwe umugeni. Bemererwa gukorera se w'umukobwa bakunda, bagakora igihe kingana n'agaciro k'inkwano basabwe. Iyo umusore yerekanaga ko ari indahemuka mu byo akora kandi ko akwiriye, yahabwaga umukobwa akamugira umugore we; kandi byari bisanzwe ko inkwano se w'umukobwa yabaga akwerewe, yahabwaga uwo mukobwa ho impano igihe ashyingiwe...

Umuco wa kera n'ubwo rimwe na rimwe wabagamo uburiganya nk'uko Labani yabigenje, wazanaga umusaruro mwiza. Iyo umusore ushaka umugeni yategekwe gukora kugira ngo amuhabwe, byaringaga ubukwe bw'ikubagahu maze hakabaho umwanya wo kugerageza urukundo rw'umusore ndetse n'ubushobozi bwe bwo kwita ku muryango. Muri iki gihe cyacu ingorane nyinshi ziravuka iyo benshi bagerageje gukurikiza inzira nk'iyo.¹²

Nta mugabo watanga urwitwazo ngo rwemerwe ko atagira ubushobozi mu bijyaniranye n'umutungo. Dushobora kuvuga ku bagabo benshi duti: ni mwiza, ni umugwaneza, ni umunyabuntu, ni umunyamwete, ni umukristo w'ukuri ariko ntashobora kugenzura ibye. Ku birebana no gukoresha amafaranga akora nk'umwana. Ababyeyi be ntibamucengejemo gushyira mu bikorwa amahame yo gukora kugira ngo ashobore kwibeshaho.¹³

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU KINGEREZA
1	Pacific Health Journal mai 1890	Pacific Health Journal may 1890
2	Fundamental of Christian education p75	Fundamental of Christian education p75
3	Ministere de la Guerison p 256 (Rayon de santé p 92,93)	Ministry of healing p 302
4	Manuscript 19, 1887	Manuscript 19, 1887
5	Temoignages pour l’eglise vol 2 p 508,509	Testimonies for the church vol 6 p 169,170
6	Education p 245	Education p 216
7	Education p 199	Education p 197
8	Education p 226	Education p 200
9	Testimonies for the church vol 3p 336	Testimonies for the church vol 3p 336
10	Health reformer Dec 1877	Health reformer Dec 1877
11	Fundamental of Christian education p74	Fundamental of Christian education p74
12	Patriarches et prophetes p 167	Patriarchs and prophets p 188-189
13	Letter 103, 1900	Letter 103, 1900

ICYIGWA CYA 14: GUHINDUKA NYAKURI BIRAKENEWE

Iyobokamana rizana umunezero w'umuryango:

Iyobokamana iyo rishyizwe mu bikorwa mu muryango rizana imbaraga itangaje. Uko umugabo yitwara ku mugore we n'uko umugore yitwara ku mugabo we ni byo bigaragaza imyiteguro y'imibereho y'abagize umuryango ibategurira kwinjira mu muryango w'ijuru.1

Imitima yuzuwemo urukundo rwa Krsito ntishobora kuraragirira kure. Iyobokamana ni urukundo kandi urugo rwa gikristo ni ahantu haganje urukundo, kandi rugaragarira mu magambo no mu bikorwa by'ubugiraneza, byuzuye ubuntu n'urugwiro.2

Iyobokamana rirakenewe mu muryango. Ni ryo ryonyine rishobora gukumira amafuti ababaje ahumanya cyane imibereho y'abashyingiranwe. Aho Kristo yiganje honyine ni ho hashobora kuboneka urukundo nyakuri, rwimbitse kandi rutikanyiza. Ni bwo imutima izaba isanga n'ingoyi kandi imibereho y'abashyingiranwe ikomotana. Abamarayika b'Imana bazaba abashyitsi b'urugo kandi kwera kwabo kuzeza icyumba cy'abashyingiranwe. Irari rihindanye rizakumirwa. Intekerezo zizerekezwa ku Mana: kuri yo ni ho kwera k'umutima kuzerekezwa.3

Umuryango wose Kristo atuyemo hagaragara kwitanaho n'urukundo magirirane, atari urukundo rw'agahararo rugaragarira mu bikorwa byo gushishirana, ahubwo rugaragarira mu rukundo rwimbitse kandi ruhoraho.4

Ubukristo bukwiye kwiganza: Mu gihe amahame ya gikristo yagombaga kwiganza mu mibanire y'abashyingiranywe, kenshi usanga impamvu itera uko kwihuza ihabanye n'amahame ya gikristo. Kugira ngo Satani agire imbaraga ku bwoko bw'Imana, anyurira mu irari ritejewe ryabo maze akihatira gushishikariza abakristo kwiyunga n'ab'isi. Uwituka mu ijambo rye, yabujije ubwoko bwe kwihuza n'abadafite urukundo rwe.5

Inama kubashyingiranwe vuba: Gushyingirwa ari ko gufatanywa mukaba umwe mu mibereho yose, ni igishushanyo cy'ubumwe Kristo afitanye n'itorero rye. Umutima Kristo afitiye itorero, ni wo mutima umugabo n'umugore bakwiriye kugirirana. Niba bakunda Imana mbere y'ibindi byose, bazakundana mu

Mwami, bagirana urugwiro kandi babungabunga ubumwe bwabo. Umwuka buri wese agira wo kwiyanga no kwitamba uzababashisha kuba isoko y'umugisha kuri bo...

Mwembi mugomba kubanza guhinduka. Buri wese muri mwe ntawusobanukiwe icyo kubaha Imana ari cyo. Mwige aya magambo: "Uwo tutabana ni umwanzi wanjye kandi uwo tudateranyiriza hamwe arasandaza." Ndizera ko mwembi muzahinduka abana b'Imana nyakuri, abagaragu Imana ishobora guha inshingano. Noneho amahoro, ibyiringiro no kwizera muzabihabwa. Nibyo koko, mwembi mushobora kuba abakristo banezerewe kandi b'intangarugero. Mushishoze kugira ngo mushobore guhitamo icyiza mwange ikibi. Mukunde kwiga ijambo ry'Imana. Imana ishaka ko mukizwa. Mwene data, Imana yarabarinze bikomeye kugira ngo ubuzima bwanyu bube ingirakamaro. Mu bukoreshe Imirimo myiza ishoboka.

Kereka gusa nimugira icyifuzo cyimbitse cyo kuba abana b'Imana ntimuzasobanukirwa neza agaciro ko gufatanya. Mube iteka abanyarukundo bashyira mu gaciro, buri wese azibukire imigambi n'ibyifuzo bye byo kwikunda kugira ngo munezezanye. Umunsi ku wundi, mushobora kwiga kumenyana biruseho. Umunsi ku wundi, mushobora kwiga uburyo bwiza bwo gukosorana aho mugirira intege nke mu mico yanyu. Umukiza Yesu azababera umucyo, [96] imbaraga zanyu, ikamba ryanyu ry'ibyishimo kuko mweguriye ubushake bwanyu mu bwe...

Mukeneye ubuntu bw'Imana buhembura imitima yanyu. Ntimukifuze ubuzima bworoshye kandi bw'imburamumaro. Abagira uruhare mu murimo w'Imana bagomba iteka kwirinda kwikunda. Mureke amatabaza yanyu ahore yiteguwe kandi yaka. Bityo ntimuzahubuka mu magambo no mu bikorwa byanyu. Muzanezerwa mwembi nimugerageza kunezezanya. Mureke amadirishya y'imitima yanyu akingwe mu ruhande rw'isi yugururwe mu ruhande rwerekeza mu ijuru.

Abagabo n'abagore bashobora kugera ku rugero ruhanitse mu gihe bifuzaga gusobanukirwa ko Kristo ari Umukiza wabo bwite. Mube maso kandi musenge, mwegurira byose Imana. Ubumenyi mwihatira kugira ngo muzabone ubugingo buhoraho buzabakomeza kandi buzabashikamisha mwembi. Mugomba kuba umucyo mu isi, binyuze mu bitekerezo, mu magambo no mu bikorwa byanyu. Muremerwe muri Kristo kuko yabashinze umurimo wera mutabasha

gusohoza neza mutabanje mwigishwa na we. Mu kwizera Yesu, ntimuzikiza ubwanyu gusa, ahubwo binyuriye mu magambo no mu cyitegererezo muzashaka gukiza imitima y'abandi. Mufate Kristo nk'icyitegererezo. Muhange amaso nk'ushobora kuguha imbaraga yo gutsinda. Randura burundu umuzi wo kwikunda. Muhe Imana icyubahiro kuko muri abana bayo. Muhimbaze Umucunguzi wanyu kandi azabaha umwanya mu bwami bwe.6

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	Letter 57,1902	Letter 57,1902
2	Testimonies for the church vol 5 p 335	Testimonies for the church vol 5 p 335
3	Temoignages pour l'eglise vol 2 p140	Testimonies for the church vol 5 p 362
4	Review and Herald feb 2nd 1886	Review and Herald feb 2nd 1886
5	Patriarches et prophetes p 550	Patriarchs and prophets p 563
6	Letter 57,1902	Letter 57,1902

**UMUGABANE WA 5: KU
RUHIMBI
RW'UMURYANGO**

ICYIGWA CYA 15: AMASEZERANO AKOMEYE

Umugambi Imana ifitiye umugabo n’umugore: Imana yaremye umugore imukuye mu mugabo ngo amubere mugenzi we n’umufasha we, ngo abe umwe na we, amuhumurize, amutere ubutwari, kandi amuheshe umugisha, kandi ngo umugabo na we ngo amubere umufasha ukomeye. Abashyingiranwe bose bafite umugambi wera. Umugabo akwiriye kubona urukundo rwera ruturutse mu mutima w’umugore, umugore akwiriye kugusha neza no gukuzza ingeso z’umugabo we no gutuma ziba izishyitse zigasohozza umugambi Imana ibafitiye.

Ntabwo Kristo yaje kurimbura uwo muhango, ahubwo yaje kuwutunganya kugira ngo usubire ku kwera kwawo kwa Katanga ka mbere no ku cyubahiro cyawo. Yazanywe no kugarurira umuntu ishusho y’Imana, nuko umurimo we awutangiza kwemera umuhango w’ubukwe.

Uwahaye Adamu Eva ngo amubere umufasha yakoze igitangaza cye cya mbere mu birori by’ubukwe. Mu cyumba cy’ubukwe aho incuti n’imiryango bari banezerewe basangirira hamwe, ni ho Kristo yatangiriye umurimo we wo mu ruhame. Muri ubwo buryo Yesu yeza ihame ry’ubukwe, ararishimangira nk’ihame yari yarashyizeho ubwe. Yategetse yuko abagabo n’abagore bakwiriye gufatanywa mu buryo bwera bakazabana mu minsi yo kubaho kwabo, bakarera abo mu rugo rwabo ari bo bakwiriye kwambikwa ikamba ry’icyubahiro, bakamenywaho ko ari abo mu muryango wo mu ijuru.²

Yesu yifuza ko ubukwe bunezeza: Urukundo rw’Imana ruturuka kuri Kristo ntabwo rwonona urukundo rw’abantu, ruba kimwe na rwo. Urwo rukundo ni rwo ruboneza kandi rukeza urukundo rw’abantu, rukajya mbere kandi rukarushaho kugira icyubahiro. Urukundo rw’abantu ntabwo rubasha kwera imbuto nziza keretse rufatanijwe na kamere yo mu ijuru kandi rukigishwa gukura rugana mu ijuru. Yesu ashaka kubona ubukwe burimo umunezero n’aho bwacyujwe harimo umunezero.³

Nk’uko byagendekeye impano zose z’agatangaza Imana yahaye umuntu, n’ubukwe na bwo bwahindanijwe n’icyaha; ariko ubutumwa bwiza bufite umugambi wo kugarura iryo hame mu kwera kwaryo no mu bwiza bwaryo bwa katanga ka mbere...

Ubuntu bwa Kristo bwonyine ni bwo bushobora gutuma uwo muhango uba icyo Imana yari yaragambiriye ko uba cyo; igikoresho cyari kigenewe guhesha umugisha no kuzahura mwene muntu. Uko ni ko imiryango yo mu isi, binyuriye mu bumwe igirana, n'amahoro yayo ndetse n'urukundo rwayo ishobora kugaragaza umuryango w'ijuru uko umeze.

Uko umuryango mugari umeze muri iki gihe ni ubusobanuro buteye agahinda bw'uko umugambi ijuru ryari rifite ku bukwe wahushije intego. Yemwe no kubasaruye imibabaro n'urucantege aho bari biteze ko bazahasarura umunezero n'urukundo, ubutumwa bwiza bwa Kristo bubazanira ihumure.⁴

Umwanya unejeje: Ibyanditswe byera bivuga ko Yesu n'abigishwa be bararikiwe kuza muri ubwo bukwe (i Kana), Kristo ntiyemereye abakristo kuvuga igihe bararitswe mu bukwe ngo ntidukwiriye kujya muri uwo mwanya wo kunezerwa cyane. Kujya muri ibyo birori kwa Yesu kutwigisha ko ashaka ko twishimana n'abishimira gukomeza amateka ye. Ntabwo yigeze abuzanya ibirori by'abantu bitarimo icyaha, igihe bikozwe bikurukije amategeko yo mu ijuru. Iteraniro Kristo yubahirizwa n'uko aririmo, ni byiza ko abayoboke be baribamo. Hanyuma y'aho Kristo abereye muri ibyo birori, yabaye no mu bindi, ubwo yarabirimo yarabyejeje kandi arahigishiriza.⁵

Kwigaragaza, agakabyo n'ubwibone ntibikenewe mu muhango w'ubukwe: Ibirori by'ubukwe kenshi biba umwanya wo kurushanwa mu kwiyerakana k'ubwibone no kunezeza ipfa. Ariko niba abagiye gushyingirwa ari abizera b'ukuri bashyira mu bikorwa ibyo bizera, niba buri gikorwa kihabera muri uwo muhango ari cyiza kandi umuhango w'ubukwe ukaba nta kwiyerekana kuwurimo cyangwa agakabyo mu mirire n'iminywere, ubukwe nk'ubwo ntibwabura kunezeza Imana.⁶

Nta mpamvu yo gutuma tugira ibirori by'ubukwe bitanzweho byinshi cyane, nubwo bene ubwo bukwe baba babyumvikanyeho.⁷

Iteka najyaga nibwira ko bitankwiriye kureba ubukwe burimo kwiyerekana n'ubwibone kandi bikubitiyeho no kwiyemera. Oya. Igikwiriye kurangamiranwa icyubahiro gikomeye ni umuhango wategetswe n'Imana. Igihe umuryango uremwe mu isi biba bigaragaje uko abo bazamera mu muryango wo mu ijuru. Igikwiriye kugirwa nyambere y'ibindi byose ni ukubaha Imana.⁸

Ubukwe bwabereye mu rugo rwa Madamu White: Hafi saa tanu z'amanya, kuwa gatatu wa Sabato, icyumba kinini cyo kuriramo cyari cyateguriwe kwakira ibirori by'ubukwe. Mwene data B, yari ayoboye uwo muhango, wagenda neza. Mushiki wacu White yasabwe gusenga isengesho riheruka.... Uwiteka ampa umudendezo udasanze. Umutima wanjye warakabakabwe kandi uyoborwa n'umwuka w'Imana. Muri ibyo birori nta migaryo n'amagambo y'ubupfu yahavugiye. Byose byari bifite ikimenyetso cyo gutungana no kwera kandi byari byiza ku rwego ruhanitse ndetse bikora ku mitima. Uwiteka Yeza ubwo bukwe, abo bashakanye bombi bahuza imbaraga zabo mu gukora umurimo w'ibwirizabutumwa, kugira ngo bashakire Umukiza abazimiye. Imana izabaha umugisha mu mirimo yabo nibagenda kwicisha bugufi imbere yayo, bishingikiriza ku maserano yayo.⁹

Ubumwe bwa babiri: Iki ni cyo gihe cy'ingenzi mu mateka y'abahagaze imbere yanyu bafatanye umwete, impuhwe, urukundo n'umuhati wabo mu byo gukorera gukiza imitima. Mu gushyingiranwa harimo intambwe y'ingenzi cyane itera kuvanga imibereho y'amaharakuburi bakaba umwe... Ku bw'ubushake bwayo, Imana yemera ko umugabo n'umugore bafatanirizwa mu murimo wayo kugira ngo bawuteze imbere mu buryo bushyitse kandi bwera. Ibyo bashobora kubikora.

Umugisha w'Imana uzaba muri urwo rugo aho bombi bazaba, uzaba nk'umurashi w'izuba uturuka mu ijuru kuko ari ubushake bw'icyo Imana yategetse y'uko umugabo n'umugore bakwiriye gufatanishwa imirunga yera.

***[IMIBURO YATANZWE NA E.G WHITE MU BIRORI BY'UBUKWE
BYABEREYE KU IVURIRO RY'I CALIFORNIA MU 1905]***

muri Kristo Yesu bategekwa kandi bayobowe n'umwuka we...

Imana ishaka ko urugo ruba ahantu ho kunezererwa haruta ahandi hose ku isi, ikimenyetso nyakuri cy'ubuturo bwacu bwo mu ijuru. Umugabo n'umugore bafite inshingano zo kuba barashyingiranwe mu rugo rwabo. Iyo baziritse inyungu zabo kuri Yesu Kristo, bakisunga amaboko ye n'amasezerano ye, umugabo n'umugore bashobora gusangira umunezero w'uko kwifatanya kwabo bigashimisha abamarayika.

Ugushyingirwa nti kugabanya akamaro kabo; ahubwo kurakongera. Abashyingiranwe bashobora guhindura ubuzima

bwabo ubwo gukora umurimo wo gukiriza Kristo imitima. Nzi ibyo mvuga kuko mu myaka mirongo itatu n'itandatu njye n'umugabo wanjye twarihuje kugira ngo dukorere aho ari ho hose Imana yadutumye. Kuri iyi ngingo tuzi neza ko Imana yatwemeye ku birebana no gushyingirwa. Mu buryo budashidikanywa ni umurimo wera...

Noneho nshobora gufata mu kiganza uyu mwene data,.. Na murumuna wacu umugore we, tubahendahendera gukorera hamwe umurimo w'Imana. Ndasubiramo nti: mugire Imana umujyenama wanyu, mwomatane kandi mube umwe. 10

Inama zigirwa abakimara gushyingirwa: Mwene data na murumuna wanjye, mwafatanishijwe isezerano ryo kuzabana mu minsi yose yo kubaho kwanyu. Mwatangiye kwiga iby'imibereho y'abashyingiranywe. Umwaka wa mbere w'imibereho y'abashyingiranwe ni wo mwaka wo kunguka inararibonye, ni wo mwaka umugabo n'umugore biganamo ingeso zabo zitandukanye nk'uko umwana yiga ibyigisho mu ishuri. Nimutyo muri uwo mwaka wa mbere wo gushyingirwa kwanyu, he kubamo ibintu bizonona umunezero wanyu wo mu gihe kizaza.

Mwene data, igihe, imbaraga n'umunezero by'umugore wawe bibaye isanga n'ingoyi ku byawe, icyitegererezo cyawe gishobora kumubera impumuro y'ubugingo izana ubugingo cyangwa iy'urupfu izana urupfu. Witonde cyane utangiriza ubuzima bwe.

Murumuna wanjye, ukwiriye kwiga ubu ngubu ibyigisho ngiro bya mbere byerekeye ku nshingano z'imibereho y'uwashyingiwe. Uramenye uje wiga ibyo byigisho uko bukeye n'uko bwije ubikiranutsemo.... Wirinde utazagira ubwo ubonekwaho no kwikanyiza.

Mu gufatanywa ko mu mibereho yanyu, buri wese aharanire icyanezeza mugenzi we. Umuntu wese ashake icyanezeza mugenzi we. Ibyo ni byo Imana ibashakaho, ariko nubwo mukwiriye kuba umwe ntawe ukwiriye kuzimiriza imiterere ye yihariye mu wundi. Imana ni yo nyiri ubumuntu wihariye. Ni yo ugomba kubaza ngo: "Mbese icyiza ni iki he? Mbese ikibi ni iki he? Nabasha nte gusohoza neza umugambi wo kuremwa kwanjye?"

Amasezerano akorewe imbere y'abahamya bo mu ijuru: Imana yifuza ko habaho urukundo nyakuri n'ubumwe bwuzuye mu bashyingiranwe. Imbere y'abo mu ijuru, reka umukwe n'umugeni

biyemeze kuzakundana nk'uko Imana yabitegetse....umugore agomba kubaha no kugandukira umugabo we, n'umugabo na we agomba gukunda no gukundwakaza umugore we.12

Bakimara gushyingiranwa, abagabo n'abagore bagomba kwiye gurira Imana bundi bushya.13. Shikama nk'icyuma ku masezerano yo gushyingirwa, mu ntekerezo, mu magambo no mu bikorwa wange ikintu ^[104] cyose cyakwanduriza izina nk'umuntu utinya Imana kandi akubaha amategeko yayo. 14

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGE- REZA
1	Manuscript 16,1899	Manuscript 16,1899
2	Ministere de la guerison p 301 (Rayon de la santé p 11)	Ministry of healing p 356
3	Bible Echo 4th septembre 1899	Bible Echo 4th September 1899
4	Review and Herald 10 Dec 1908	Review and Herald 10 December 1908
5	Manuscript 16,1899	Manuscript 16,1899
6	Review and Herald 25 septembre 1888	Review and Herald 25 September 1888
7	Testimonies for the church vol 4 p 515	Testimonies for the church vol 4 p 515
8	Manuscript 170,1905	Manuscript 170,1905
9	Manuscript 23,1904	Manuscript 23,1904
10	Manuscript 170,1905	Manuscript 170,1905
11	Temoignages pour l'eglise vol 3 p 108,109	Testimonies for the church vol 7 p 45
12	Bible Echo 4th septembre 1899	Bible Echo 4th September 1899
13	Manuscript 70,1903	Manuscript 70,1903
14	Letter 231, 1903	Letter 231, 1903

ICYIGWA CYA 16: UMUBANO UNEJEJE KANDI UNESHA

Ubumwe bushyitse kandi nyakuri ni wo murimo w'ubuzima:

Kugira ngo usobanukirwe n'icyo gushyingiranwa ari cyo, bizagusaba ubuzima bwawe bwose. Abamaze gushyingirwa baba binjiye mu ishuri batazigera barangiza kwiga.1

Nubwo umugabo n'umugore baba barashyingiranwe babyitondeye kandi babitekereje, bake ni bo bafatanywa burundu mu gihe umuhango wo gushyingirwa ukorwa. Gufatanywa burundu kwa babiri ni umurimo ukorwa mu myaka ikurikiyeho.2

Iyo abashyingiranwe bahuye n'imibereho iruhije no guhagarika umutima, umunezero uturuka ku gushyingirwa urashira. Umugabo n'umugore bigana ingeso nk'uko bitashobokaga kuzimenya mu mubano wabo wa mbere. Icyo ni cyo gihe kiruta ibindi cyo kugeragezwa mu mibereho yabo. Umunezero n'akamaro k'imibereho yabo ko mu buzima bw'ahazaza, bikomoka ku byo biyemeje ubwo. Akenshi baragenzurana, umwe akabona intege nke n'amafuti atibwiraga kuri mugenzi we bakibonana. Ariko imitima yafatanijwe n'urukundo igenzura ibyiza aho kugenzura amafuti. Bose bakwiriye kugenzura ibyiza aho kugenzura ibibi. Akenshi uko tumeze n'ibituzengurutse byose ni byo byerekana uko twibwira uko undi muntu ameze.3

Urukundo rugomba gusuzumwa kandi rukageragezwa: Urukundo rubasha kubonerana nk'isarabwayi kandi kwera kwarwo kukaba kwiza cyane, nyamara rukaba rukiri ruke kuko rutari rwavugutirwa ngo rugeragezwe. Ni mugire Kristo uwa mbere n'uwa nyuma muri byose. Ni mujye muhora mumwitegereza, ni ho urukundo mu mukunda ruzarushaho kugwira uko bukeye n'uko bwije, kandi rurusheho gukomera kuko [106] rwemeye kugeragereshwa imibabaro. Kandi uko urukundo mumukunda ruzarushaho kugwira, ni ko urukundo namwe mukundana ruzarushaho kuba rwinshi kandi rukarushaho gukomera. 4

Nubwo hakwaduka ibirushya, ibibabaza n'ibicogoza umuntu, ntihakagire ubwo umugabo cyangwa umugore bashyira mu mutima wabo igitekerezo cy'uko gufatanywa kwabo ari ifuti cyangwa ko bafuditse.

Mugambire gusa ko umwe abera undi icyo ashoboye cyose. Mukomeze kugira umutima nk'uwa mbere, mukomezanye mu buryo

bwose mu byo kurwana intambara y'imibereho. Mwige kunezezanya, mukundane, mwihanganirane maze gushyingiranwa aho kwabayeye iherezo ry'urukundo ahubwo kube itangiririro ryarwo... Ubushyuhe bw'urukundo nyakuri, urukundo rwomotanya umutima n'undi ni rwo musogongerwa w'umunezero wo mu ijuru.5

Bose bakwiriye kugwiza kwihangana babikoresheje kwimwenyereza kwihangana. Urukundo nyakuri rubasha gukomerezwa mu mutima rufite ubushyuhe bikoreshejwe kugira ineza no kwihangana. Nibwo ingeso abo mu ijuru bemera zizagaragara.6

Umwanzi azashaka kurema amacakubiri mu muryango: Satani ahora yiteguye gukora umurimo we, iyo hagize ikintu icyo ari cyo cyose kibyutsa amahane kandi kuko yerekeje ku kibi ari cyo ngeso ya kamere y'umugabo cyangwa umugore, azagerageza gutanya abafatanishije urukundo rwabo isezerano rikomeye imbere y'Imana. Mu mihigo yabo bashyingiranwa basezeranye ko bazaba umwe, umugore asezerana gukunda no kumvira umugabo we, umugabo asezerana gukunda no gukundwakaza umugore we. Niba amategeko y'Imana yumviwe dayimoni uzana amahane azirukanwa mu rugo, kandi abo bakundanye ntibazatandukana ndetse n'urukundo rwabo ntiruzakonja.7

Inama ku bubatse babishaka: Nta numwe ari umugabo cyangwa umugore ukwiriye gutegeka. Uwiteka yabitanzemo icyigisho gikwiriye kutuyobora muri ibyo. Umugabo akwiriye gukundwakaza umugore we nk'uko Kristo arinda itorerero rye. Umugore nawe akwiye kubaha no gukunda umugabo we. Bombi bakwiriye kugira umutima w'ineza, bakagambirira y'uko batazababazanya cyangwa ngo bahemukirane...

Ntimugahatane ngo umwe ashake ko undi akora nk'uko ashaka, ntimushobora gukora ibyo kandi ngo munakundane. Kugaragaza ko wikunda byonona amahoro n'umunezero w'urugo, ntimukagirane impagarara mu minsi yo kubana kwanyu, ni mugenza mutyo muzababara mwembi.

Mugire ineza mu mvugo kandi mube abanyamahoro mu byo mukora, ibyifuzo byanyu mubireke, murinde cyane amagambo yanyu kuko afite imbaraga yo kuzana icyiza cyangwa kubabaza undi. Ntimugakundire ubukana kumvikana mu magambo yanyu.

Mu mibereho yanyu yafatanijwe muje muzanamo impumuro y'ishusho ya Kristo.8

Mwerekane urukundo rwanyu mu magambo no mu bikorwa:

Hariho bamwe bagira ngo kwerekana urukundo ni intege nke, maze bakagumana umutima wo kwitandukanya n'abandi, bene uwo mutima uzitira amagambo y'impuhwe. Iyo umubano n'umutima w'ubupfura bizitiwe biruma, maze umutima ukuzura agahinda kandi ugakonja. Dukwiriye kwirinda iryo futi. Urukundo ntirubasha kumara igihe kirekire rudafite ikirugaragaza. Mwe gukundira umutima w'uwo mwafatanije ko wicwa n'inzara yo gushaka ineza n'impuhwe...

Umuntu wese akwiriye gukunda atabihatiwe. Ni mwimenyereze ingeso nziza cyane kandi mwihatire kumenya ingeso nziza z'undi. Kugira umutima unezerewe ni ikintu gitangaje, giteye ubwuzu kandi kinejeje. Impuhwe no kubahwa bituma umuntu ahirimbanira gushaka ibyiza. Urukundo na rwo rukomezwa no kugambirira ibyiza.9

Niba mu isi ya none, abagabo benshi n'abagore benshi ari ntavumera biterwa n'uko kugaragaza urukundo nyakuri bifatwa nk'intege nke, kandi bicibwa intege ndetse bakabicyaha. ^[108] Uruhande rwiza rw'abantu babarizwa muri icyo cyiciro barafudikiwe ndetse barashengurwa mu bwana bwabo; kereka gusa imirasire mvajuru yamurikira ubutita bwabo no kudakabakabwa kwabo, naho ubundi bazabona umunezero wabo ugurutse by'iteka. Niba dushaka kugira umutima ukabakabwa nk'uwo Kristo yari afite akiri ku isi, n'impuhwe zejeje nk'iz'abamarayika bazanira abanyabyaha bapfa, tugomba kwimenyereza uwo mwuka wo kwicisha bugufi nk'uwa cyana ari wo kwiyoroshya ubwawo. Noneho tuzabonezwa, dutunganywe kandi tuyoborwe n'amahame y'ijuru.10

Twinjiza amaganya n'imitwaro myinshi mu miryango yacu, kandi tugira gake kwicisha bugufi, amahoro n'umunezero nyakuri. Tugomba kutita cyane ku byo abo hanze bavuga ariko tukitondera by'umwihariko ibivugwa n'abagize umuryango. Tugomba kwitwararika gake imbere y'ab'isi no kwigaragaza imbere yabo

Ariko tukagira ubugwaneza bwinshi, gucya mu maso, urukundo no kugira urugwiro rwa gikristo ku bagize umuryango. Abantu benshi bakeneye kwiga uko bahindura urugo rwabo urureshya n'ahantu harangwa umunezero musa. Kugira umutima ushima no gucya mu maso bifite agaciro kenshi kuruta ubutunzi, ibinezeza

kandi kunyurwa n'ibintu biciritse byo muri ubu buzima bizazana umunezero mu muryango niba urukundo ruhari.11

Ntukirengagize udukorwa tworoheje: Imana idusuzumira kandi itugeragereza mu ducogocogo igihumbi two mu buzima bwacu tuzagaragaza ibiri mu mutima wacu. Udukorwa duto duto, ingorane nyinshi za buri munsu zo dushobora kugaragarizamo impuhwe zacu, ibyo byose bigize umunezero w'ubuzima. Ibiri amambu ubuzima bubi bukomoka mu buryo twirengagiza kuvuga amagambo y'ubugwaneza, y'inkomezi, y'impuhwe no mu kwanga guha abantu ibyo bakeneye bito bya buri munsu. Ku munsu w'imperuka tuzabona ko ibikorwa byo kwitanga twitangira abandi ari byo bizaba bifashe umwanya munini mu bitabo byo mu ijuru bivuga ku mibereho yacu. [109] Kandi tuzabona ko kwiyitaho tugakabya, kwirengagiza kwita ku gukorera ibyiza abandi no kubanezeza ko na byo bitasobwaga amaso ya Data wo mu ijuru.12

Umugabo unanirwa kugaragaza urukundo: Urugo ruganjemo urukundo, aho urwo rukundo rugaragarira mu magambo, mu ndoro no mu bikorwa, ruhinduka ahantu abamarayika bakunda kuba. Beza urwo rugo binyuriye mu mirasire y'umucyo y'ubwiza. Aho , imirimo yoroheje y'i muhira na yo ubwayo ishimisha. Muri ubwo buryo, nta nshingano n'imwe yo mu buzima itazashimisha umugore wawe. Azazikorana umunezero kandi azabera abaturanyi be nk'imirasire y'izuba, mu mutima we hazadudubiza indirimbo zo guhimbaza Uwitwika. Muri iki gihe, ntiyiyumvamo urukundo rwawe. Ahubwo wamuhaye impamvu zarwo. Mwuzuzura inshingano zibareba z'ingenzi nk'umutwari w'umuryango ariko hari ikibura. Harabura icyitegererezo cy'agaciro cy'urukundo rugaragazwa n'ibikorwa by'ubugiraneza. Urukundo rugomba kugaragazwa n'umucyo wo mu maso, mu nyifato yacu kandi rukumvikanira mu nyitso y'ijwi ryacu.13

Umugore uhemuka kandi wikunda: Imico y'abashyingiranwe ikuzwa cyangwa igasigingizwa n'imibanire yabo; umubano wabo utangira guseniyuka nyuma y'igihe gito bashyingiranywe mu gihe umwe muri bo afite imiterere mibi, yanduye, yikunda kandi ya gitegetsu. Niba umusore yarahisemo neza, azabona iruhande rwe umuntu uzakoresha ubushobozi bwe bwose akamwakira ku mitwari y'iby'ubu buzima, agatunganya kandi akaboneza umugabo we kandi binyuriye mu rukundo rwe akazanezerwa. Ariko umugore niba ari umunyamafuti, umwibone, utegeka, w'umunyabukana, utegeka umugabo we ibiyumviro n'ibyifuzo bye bwite bukomoka mu miterere [110]ye yanduye kandi akumva byashyira

mu bikorwa, ufite imyitwarire mibi, kandi niba adafite kwibaza n'amakenga meza maze ntabashe kubona urukundo umugabo we amugirira no kuruha agaciro ahubwo agahora amurega ku mwirengagiza no kutamwitaho kuko atemera amafuti yose n'ibyamusaba byose; azatuma ibyo amuvugaho azageraho akabimubonaho maze ibyo yamukekagaho bihinduke ukuri.¹⁴

Ibiranga umugore, nyina w'abana w'igikundi: Umugore ari we nyina w'umwana, mu kigwi cyo guhugira mu mirimo y'urugo gusa, akwiriye gushaka umwanya wo gusoma, kugira ngo agire ibyo amenya neza by'uburyo bwo kuba mugenzi w'umugabo we kandi ngo amenye neza uko ubwenge bw'abana be bukuza amajyambere. Akwiriye gukoresha ubwenge uburyo bwo abonye kugira ngo atunganye imibereho y'abe. Aje atanga igihe cyo gushyikirana n'Umukiza, amugire incuti ye buri muni, aje ashaka umwanya wo kwiga ijamba rye, n'uwo kujyana abana be mu misozi bigire Imana ku byo yaremye.

Akwiriye guhora ari umunyakuri kandi anezerewe, mu kigwi cyo guhora ahugiye mu idoda ridashira aje agira umugoroba umwanya wo kuganira, umwanya wo guterana kw'ab'urugo bakitse imirimo y'uwo muni. Akenshi ibyo byatuma umugabo ahitamo guterana n'ab'ive kuruta kujya mu tubyiniro cyangwa aho bateranira banywa. Ibyo byatuma umuhungu areka kuzerera mu mayira cyangwa Ibyo byatuma umukobwa atagirana umushyikirano n'incuti mbi. Imimerere myiza y'urugo yabera ababyeyi n'abana umugisha, ari wo Imana ibifuriza.¹⁵

Imibereho y'abashakanye si nk'ikinamico y'urukundo. Igizwe n'ibirushya byihariye n'ukuri kwayo kw'i muhira. Umugore nta gomba kwitwara nk'umwana wese ugomba guteteshwa ahubwo agomba kwitwara nk'umugore, nk'uwikoreye ku ntugu ze imitwara nyakuri atari iyo yihimbiye kandi akabaho ubuzima butekereza kandi bwiba- [111] za ndetse bwiyumvisha, akamenya ko hari ibindi byo gukorwa birenze kwiyitaho...Mu manyakuri, ubuzima bufite ibicucu byabwo n'imibabaro yabwo. Buri mutima wese uzagerwaho n'imibabaro. Buri wese agomba kwikorera uruhare rwe muri iyo mibabaro. Satani akora ubudatuza kugira ngo acogoze kwizera kandi arimbure gushikama n'ibyiringiro bya buri wese.¹⁶

Inama ku muryango utishimye: Imibereho yawe y'urushako yagereranwa neza n'ubutayu ariko, bufite uduce duto turimo utwatsi ushobora kwibukiraho. Ariko si uko byakabaye.

Nk'uko umuriro udashobora kugumya kwaka ntabivumbikisho ni ko n'urukundo rudashobora kugumaho hatabayeho ibikorwa birubungabunga. Mwene data C. Waketse ko waba utaye agaciro uramutse ugaragarije umugore wawe urukundo binyuriye mu bikorwa by'ubugiraneza, no mu gushakisha umwanya mwiza wamugaragarizamo urukundo mu magambo meza no mu bikorwa byo kumwitaho. Urahindagurika mu byiyumviro byawe kandi ukururwa n'ibikuzengurutse... Igihe uvuye mu kazi kawe, tandukana n'ibyaguhangayikishije n'ibibazo byawe. Taha mu muryango wawe mu maso hakeye kandi wuzuye impuhwe; ubagaragarize ubugwaneza n'urukundo. Ibi bizaba byiza kuruta gutakaza amafaranga uvuza umugore wawe mu bitaro no ku bapfumu. Ibyo bizatuma agira ubuzima bwiza kandi bimwongere imbaraga mu mutima. Imibereho yanyu yabaye mibi. Mwembi mwabigizemo uruhare. Imana ntinezwe n' imibabaro yanyu, ni mwe mwabyikururiye binyuriye mu kubura kwitegeka.

Utekereza ko byagutesha agaciro uramutse ugaragaje urukundo kandi ukavugana ubugwaneza n'urukundo. Mwibwira ko ayo magambo yose y'ubugwaneza agaragaza intege nke no kubura imbaraga kandi ko adakenewe. Uyasimbuza amagambo ababaza, atera amacakubiri, intonganya kandi agayitse....

Ntushyira mu bikorwa ibyangombwa by'ibanze byatuma [112] ugira umutima unyuzwe. Uremerejwe n'ubukene n'amakene wihimbira, uraremerewe, urigunze, urashavuye: ubwonko bwawe buri kubira busa n'ubwayaze; ubushobozi bw'ubwenge bwawe bwaragabanutse. Ntukunda kandi ntushima So wo mu ijuru kubw'imigisha yose yaguhaye. icyo ureba gusa n'ibitagenda neza mu buzima. Ubusazi bw'iyi si bwakuboheye mu gicu kiremereye no mu mwijima w'icuraburindi. Satani akwishima hejuru kuko abona ibicantegere n'ubuhanya bikugarije bikakuboha mu gihe amahoro n'umunezero washoboraga kubisingira.17

Ingororano zo gukundana no kwihanganirana: Nta mbaraga yo mu isi ishobora kubaboheranya wowe n'umugabo wawe mu bumwe bwa gikristo ni mutimenyereza urukundo no kubabarirana. Ubuzima bwanyu bugomba kurangwa no gushyikirana, ubugwaneza, kwera no gutungana, bizabahumekera mu mibereho yanyu imbaraga y'umwuka izabashisha buri umwe kubera undi icyo ijamba ry'Imana risaba. Nimugera ku rugero Imana ibasaba, muzabona mutuye mu ijuru n'Imana muyibone mu mibereho yanyu.18

Mwene Data na mushiki wanjye nkunda, mwibuke ko Imana ari urukundo kandi ko binyuriye mu buntu bwayo mushobora kunezezanya nk'uko mwabyiyemeje mu gihe mwiyemezaga kubana.19

Abagabo n'abagore bashobora kugera ku rugero Imana ibasaba, nibemera ko Kristo ababera umufasha. Ibidashobokera ubwenge bwa muntu, ubuntu bwe buzabyuzuzza ku bantu bose bamwiyegurira batizigamyeye. Ubuntu bwe buzahuza imitima binyuriye mu mirunga y'ijuru. Urukundo noneho ntiruzaba rugaragarizwa mu magambo yoroheje n'ayo gushyeshyenga gusa. Ubwenge bwo mu ijuru buzahambura ingoyi zo mu isi kugira ngo hatabaho kubabazanya, guconshomerana no kuremererana. Imitima izahuzwa n'umurunga w'izahabu w'urukundo rw'iteka ryose.20

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSI	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	Temoignages pour l'église vol 3 p 108	Testimonies for the church vol 7 p 145
2	Ministere de la guerison p 304 (Rayon de la santé p 14)	Ministry of Healing p 359,360
3	Ministere de la guerison p 304 (Rayon de la santé p 14,15)	
4	Temoignages pour l'église vol 3 p 109	Testimonies for the church vol 7 p 46
5	Ministere de la guerison p 304,305 (Rayon de la santé p 15)	Ministry of Healing p 360
6	Review and Herald 2 fevr 1886	Review and Herald 2 fevr 1886
7	Lettre 18,1891	Lettre 18,1891

8	Temoignages pour l'église vol 3 p 110,111	Testimonies for the church vol 7 p 47
9	Ministere de la guerison p 304,305 (Rayon de la santé p 14,15)	Ministry of Healing p 360,361
10	Testimonies for the church vol 3p 539	Testimonies for the church vol 3p 539
11	Testimonies for the church vol 4p 621,622	Testimonies for the church vol 4p 621,622
12	Temoignages pour l'église vol 1 p 234,235	Testimonies for the church vol 2p 133,134
13	Testimonies for the church vol 2p 417,418	Testimonies for the church vol 2p 417,418
14	Lettre 10, 1889	Lettre 10, 1889
15	Ministere de la guerison p 349 (Rayon de la santé p 85)	Ministry of Healing p 294
16	Lettre 34, 1890	Lettre 34, 1890
17	Testimonies for the church vol 1p 695,697	Testimonies for the church vol 1p 695,697
18	Lettre 18, 1891	Lettre 18, 1891
19	Temoignages pour l'église vol 3 p 113,114	Testimonies for the church vol 7p 49
20	Ministere de la guerison p 306 (Rayon de la santé p 17)	Ministry of Healing p 362

ICYIGWA CYA 17: IBYO BURI WESE ASABWA K'UWO BASHAKANYE

Buri wese afite inshingano zimureba: Abantu babiri bahuje inyungu z'ubuzima bwabo bazagira imico n'inshingano zitandukanye. Buri wese azagira inshingano imureba ariko umugore ntagomba kubarirwa imirimo yakoze nk'uko bigendekera inyamaswa zikorera imitwaro. Umugore nk'umufasha w'umugabo we agomba kwizihiza uruziga rw'umuryango kandi akaba mugenzi w'umugabo we wuzuye ubwenge. Kuri buri ntambwe agomba iteka guhora yibaza ati: “ Mbese uru nirwo rugero umugore akwiriye kuba ari ho? Mbese ni gute naba urugero rwiza rwa gikristo mu rugo rwanjye? Umugabo nawe agomba kubwira umugore we ko yishimira ibyo amukorera.1

Umugore akwiriye kubaha umugabo we. Umugabo agomba gukunda no gukundwakaza umugore we. Amasezerano yo gushyingirwa yabagize umuntu umwe, nk'uko kwizera kwabo muri Kristo kugomba kubagira umwe muri We. Mbese hari icyazanira Imana umunezero mwinshi nko kubona abashyingiranwe bashakishiriza hamwe uko bamenya Yesu Kristo n'uko bakuzurwa n'umwuka we?2

Kuva ubu, mufite inshingano mutigeze mugira mbere yo gushyingiranwa. Intumwa Paulo igira iti: “Mwambare umutima w'imbabazi n'ineza no kwicisha bugufi n'ubugwaneza no kwihangana.” Mugenzurane ubwitonzi aya mabwiriza akurikira: “Mugendere mu rukundo nk'uko Kristo yadukunze... Bagore, mugandukire abagabo banyu nk'uko mugandukira Umwami wacu kuko umugabo ari we mutwe w'umugore we, nk'uko Kristo ari we mutwe w'itorero ari na ryo mubiri we... Ariko nk'uko itorero rigandukira Kristo abe ariko abagore bagandukira abagabo babo muri byose. Bagabo mukunde abagore banyu nk'uko Kristo yakuze itorero akaryitangira”3

Amabwiriza Imana yahaye Eva: Eva yabwiwe umubabaro n'agahinda azagira maze Uhoraho aramubwira ati: “Kwifuza kwawe kuzaherera ku mugabo wawe na we azagutwara.” Imana yari yaramuremanye uburenganzira bungana n'ubwa Adamu. Iyo baza gukomeza kumvira Imana, bagakomeza kugendera mu mategeko yayo y'urukundo na bo ubwabo bari gukomeza kumvikana; ariko icyaha cyazanye kutumvikana, bituma kugira ngo umubano wabo ubonere ari uko umwe yakorohera undi. Eva ni we wabanje

gucumura kandi yacumujwe no kuba yaratandu-kanye na mugenzi we bikaba byari binyuranyije n'amategeko y'Ijuru. Adamu na we yacumujwe no kwinginga kwa Eva, noneho Imana iha Eva gutegekwa n'umugabo we. Iyo ubwo bwoko bwacumuye buza kwishimira amahame yo mu itegeko ry'Imana, n'ubwo baramiraga mu ngaruka z'icyaha, urubanza bari baciriwe rwari kubabera umugisha. Ariko umugabo yakoresheje nabi isumbwe yahawe bituma umugore abona uwo mutwaro uremereye imibereho ye.

Mu rugo rwe rwo muri Edeni, Eva yari yarahagiriye umunezero wuzuye igihe yari i ruhande rw'umugabo we muri Edeni. Nyamara nk'uko ba "Eva" bo muri iki gihe bakunze kubyibwira, yarishutse yibwira ko imibereho ye izasumba iyo Imana yari yaramuhaye. Ubwo yageragezaga kuzamuka mu ntera yari afite, ni bwo yaguye bidasubirwaho. Uko ni ko bizamera kubashaka kwishira mu mwanya w'Imana bakanyuranya n'umugambi wayo.⁴

Kuganduka kw'abagore; urukundo rw'abagabo: Iki kibazo gikurikira gikunze kubazwa: "Mbese umugore agomba gutandukana no gukora ibyo ashaka?" Bibiliya ivuga yeruye ko umugabo ari umutware w'umuryango. "Bagore mugandukire abagabo banyu." iyo intumwa igarukira aho gusa kuri iryo tegeko, ntawakwifuje kubaho imibereho nk'iyi y'abagore. Yemwe byaba bigoye cyane ^[116] kubaho iyo mibereho, kandi byaba byiza kurushaho habayeho ubukwe buke. Abagabo benshi bagarukira kuri aya magambo : "Bagore mugandukire abagabo banyu." Mu gihe ari ingenzi gusoma n'ahakurikira havuga ngo: "nk'uko mugandukira umwami wacu."

Ibyo umugore asabwa ni ugushakisha ubudatuza kubaha Imana no kuyihesha icyubahiro. Yesu Kristo wenyine ni we agomba kugandukira mu buryo bwuzuye, we wamucunguje igiciro kitagereranwa cy'ubuzima bwe maze akamugira umwe mu bana b'Imana. Imana yamuhaye umutimanama adashobora kuninira ngo abure guhanwa. Ubumuntu bwe bwose ntibugomba kuburira mu bw'umugabo we, kuko ari uwa Kristo binyuze mu gucungurwa. Ni ikosa kwibwira ko agomba kumvira ibyifuzo byose by'umugabo we, mu gihe azi ko aramutse abikoze byakwangiriza umubiri we n'intekerezo ze byabatuwe mu bubata bwa Satani. Hejuru ye hari Umucunguzi we, kandi ibyo ashaka bigomba kubahirizwa mbere y'iby'umugabo we, kandi kugandukira umugabo we bigomba gukorwa hakurikijwe amategeko y'Imana: "Nk'uko bikwiye mu mwami".

Igihe abagabo basaba abagore kubumvira muri byose, bakavuga ko abagore nta gitekerezo cyangwa imyanzuro bafata mu muryango ahubwo ko bagomba kumvira batabajije, baba babashyira mu mwanya unyuranyije n'ibyanditswe byera. Mu gusobanura ibyanditswe byera nk'uko, bahindanya umugambi w'amabwiriza agenga gushyingirwa. Bakora batyo kugira ngo babashe kuyoborana igitugu kitavuguruzwa kandi bakabifata nk'aho ari uburenganzira bwabo. Ariko umva uko intumwa ikomeza itanga inama: "Bagabo namwe mukunde abagore banyu ntimubasharirire." Kuki abagabo basharirira abagore babo nk'inyamaswa? Nyuma yo kumenya ko umugore we agira amufuti menshi kandi ko afite n'inenge nyinshi kumurakarira no kumusharirira si wo muti kuri ibyo.⁵

Abagore bagandukira abagabo babo gusa ku rugero abagabo bagandukira Kristo: Umukiza Yesu ntabwo isano [117] ye n'itorero rye yagaragajwe neza n'abagabo benshi mu mibanire bagirana n'abagore babo kuko badakurikiza inzira z'Imana. Bavuga ko abagore bagomba kubagandukira muri byose, ariko Imana ntiyifuje ko umugabo agira ubutware nk'umutwe w'umuryango niba atubaha na we Kristo.

Agomba kwishyira munsu y'ubutware bwa Kristo ari byo bizamubashisha kuba ikimenyetso cy'ubumwe buri hagati ya Kristo n'itorero rye. Niba yitwara nk'umugabo w'igihwahwa, w'inkaka, uhuzagurika, wikunda, ukarishye, uyoborana igitugu nta kigere avuga ko umugabo ari umutwe w'umugore kandi ko agomba kumugandukira muri byose; kuko atari Uwitwara, si umugabo mu busobanuro nyabwo bw'iryo jambo...

Abagabo bagomba kwiga icyitegererezo cyabo, kandi bagashaka kumenya isano iri hagati ya Kristo n'itorero rye nk'uko yabwiwe itorero ryo muri Efeso icyo bisobanuye. Umugabo akwiriye kwitwara nk'Umucunguzi mu rugo rwe. Mbese ashobora guhagararira Imana no kuyigaragaza neza ashakisha uko yazamura umutima w'umugore we n'uw'abana be kuri Yo? Mbese azarema aha-mukikije ikirere cyo gutungana n'ubugwaneza? Mu kwimakaza ubutware bwe, mbese azashakisha uko yakwimika urukundo rwa Yesu nk'ihame riyobora umuryango we?

Reka buri mugabo wese na buri se w'abana be yihatire gusobanukirwa amagambo ya Kristo atari mu buryo bw'amajyejuru, yihatira kwibanda ku kuganduka k'umugore agirira umugabo we, no mu mucyo w'umusaraba w'i Karuvali urebana n'inshingano

zimureba mu ruziga rw'umuryango we. “Bagabo mukunde abagore banyu nk’uko Kristo yakunze itorero akaryitangira ngo aryeze amaze kuryogeshya amazi n’ijambo rye.” Yesu yitanze ubwe apfira ku musaraba kugira ngo atwezeho ibyaha n’ibicumuro no kugira ngo aturinde ibyaha byose no kwandura kose binyuriye mu mbaraga y’umwuka wera. 6

Akamaro ko kubabarirana: Tutagize umwuka w’Imana, [118] nta bumwe bwabaho mu muryango . Niba umugore afite umwuka wa Kristo azavugana ubwitonzi, azategeka ibyiyumviro bye, azaganduka nta gitekerezo na gito kizamuzamo ko ari imbata ahubwo aziyumvamo ko ari umufasha w’umugabo we. Niba umugabo ari umugaragu w’Imana, ntazigira akamana imbere y’umugore we, ntazaba uwikakaza cyangwa utwaza igitugu. Ntituzakenera gushishikarizwa no kwigishwa kugira urukundo mu rugo kuko niba umwuka w’Imana ahari, urugo ruzahinduka igishushanyo cy’ijuru.... Umwe nakora ifuti, undi azamubabarira bya gikristo kandi ntazamutererana.7

Yaba umugabo cyangwa umugore nta wugomba gushaka kuyoboza mugenzi we igitugu. Ntihakagire uhatira undi kuyoboka ibyifuzo bye. Niko muzabungabunga urukundo rwanyu. Mube beza, mwihangane, mwisanzuraneho, mukundane kandi mugirirane urugwiro. Ku bwo gufashwa n’Imana mushobora kunezezanya mukurikije amasezerano mwagiranye ku munsi w’ubukwe bwanyu.8

Kwiga guharirana: Mu mibereho y’abashyingiranwe, rimwe na rimwe abagabo n’abagore bitwara nk’abana barezwe nabi. Umugabo ashaka ubwe buryo, n’umugore na we agashaka ubwe, ntihagire n’umwe wumva undi, bene ibyo bizana umubabaro ukomeye cyane. Bombi, umugabo n’umugore bakwiriye kwemera kumvikana mu buryo bakora cyangwa batekereza. Ntibishoboka ko banezerwa mu gihe bombi bagikomeje kwikorera uko bishakiye.9

Hatabayeho kwigishwa n’ubuntu no kwicisha bugufi kwa Kristo abagabo n’abagore bazagira intekerezo zihubuka kandi zidatekereza neza nk’iz’abana. Ubushake bwabo bukomeye kandi butagira ikinyabupfura buzifuza kuyobora. Byaba byiza guhora twiyigisha aya magambo ya Paulo agira ati: “Nkiri umwana muto navugaga nk’umwana muto, [119] ngatekereza nk’umwana muto, nkibwira nk’umwana muto; ariko maze gukura mva mu by’ubwana.” 10

Gukemura ingorane: Umugabo n’umugore nibategurira Imana imitima yabo, bizabagora gukemura ingorane zose nubwo bagerageza kuzikemura neza no kuzuza inshingano zireba buri wese. Ni gute bashobora kurindana ifuhe urukundo rwabo niba batumvikana ku birebana n’inyungu z’ubuzima bw’umuryango wabo? Bagomba kureba ibintu kimwe ku byerekeye umuryango wabo kandi umugore niba ari umukristo azamenya guhuza inyungu ze ni z’umugabo we abereye umufasha kuko umugabo akwiriye kuba Umutwe w’urugo.11

Inama ku muryango urimo amakimbirane: Intekerezo zawe ziranduye. Igihe wafashe ibirindiro, wirengagiza kugenzura neza ibibazo kandi na none ku giciro cy’uko ubibona ntiwita ku ngaruka zizakomoka muri uko kutava ku izima. Wibuka ibitekerezo byawe mu gihe uri gusenga no mu gihe muri kuganira kandi uzi ko umugore wawe mutabyumva kimwe. Aho kwita ku byiyumviro by’umugore wawe no kwirinda kuvuga ibyerekeye ibyo mudahuzaho nk’uko umugabo wese wiyubaha aba agomba kubikora, nti mutinya kuganira ibyo mudahuriyeho kandi mugakomeza kubivuga no kubiburanaho mutitaye kubabazengurutse. Mwibwira ko abandi badafite uburenganzira bwo kureba ibintu bihabanye n’uko mwabibonye. Izo mbuto ntabwo za kwera ku giti cya gikristo.12

Mwene data nawe murumuna wanjye, ni mukingurire urugi rw’umutima kwakira Yesu. Ni mumurarikire kuza mu rusengeru rw’umutima. Ni mufatanye kunesha inkomyi zose ziza mu mibereho y’abashyingiranwe. Muzarwana intambara [120] ikomeye kugira ngo mubone kunesha umwanzi wanyu Satani, niba mwiringiyeko Imana ibatabara muri iyo ntambara , mukwiriye gushyira hamwe mwembi mukagambirira kunesha, mugashyira rutangira ku minwa yanyu, ngo mwe kugira amagambo mabi muvuga, ndetse n’ubwo mwaba mukwiriye kwikubita hasi mukaboroga muti “ Uwitaka, cyaha umwanzi w’ubugingo bwanjye.” 13

Kristo azazana muri buri mutima ubumwe: Ubushake bw’Imana nibwumvirwa, umugabo n’umugore bazubahana kandi bagaragaze urukundo no kwiringirana. Ibishobobora byose kurogoya amahoro n’ubumwe bw’umuryango bigomba gutabwa kure; ubugwaneza n’urukundo bigomba kwimakazwa ubudatuza. Ugaragaza umwuka w’ubugwaneza, w’imbabazi n’urukundo azavumbura ko uwo mwuka ugaragara kuri we. Mu rugo aho umwuka w’Imana uganje, ntihabaho kunanirana kw’imico

y'abashyiringiranywe. Igihe Kristo we byiringiro by'ubwiza atwarira mu mitima yabo, ubumwe n'urukundo biziganza muri urwo rugo. Umutima w'umugore Kristo atuyemo uzagirana ubumwe bushyitse n'umutima w'umugabo Kristo atuyemo. Bazakorera hamwe ibyo bashoboye kugira ngo bazemererwe kwinjira mu mazu Kristo yagiye gutegurira abamukunda bose. 14

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU KINGE- REZA
1	Manuscript 17, 1891	Manuscript 17, 1891
2	Manuscript 36, 1899	Manuscript 36, 1899
3	Temoignages pour l'Eglise vol 3 p 110	Testinonies for the church vol 7 p 46
4	Patriarches et prophetes p 36	Patriarchs and propheths p 58-59
5	Letter 18, 1891	Letter 18, 1891
6	Manuscript 17, 1891	Manuscript 17, 1891
7	Letter 18, 1891	Letter 18, 1891
8	Ministere de la guerison p 306 (Rayon de la santé p 16)	Ministry of Healing p 361
9	Manuscript 31, 1911	Manuscript 31, 1911
10	Letter 55,1902	Letter 55,1902
11	Manuscript 31, 1911	Manuscript 31, 1911
12	Testinonies for the church vol 2p 418	Testinonies for the church vol 2p 418
13	Letter 105,1893	Letter 105,1893
14	Signs of the Time 14 nov 1892	Signs of the Time 14 nov 1892

ICYIGWA CYA 18: UBURENGANZIRA N'INSHINGANO Z'ABASHAKANYE

Yesu ntiyahatiye abantu kudashyingirwa: Abazirikana ko gushyingirwa ari itegeko rimwe ryo mu mategeko yera y'Imana, ku karindwa n'itegeko ryera ry'Imana bazajya bayoborwa n'amategeko atunganye.1

Ntabwo Kristo yigeze ahatira abagabo abo aribo bose kubaho badashyingiwe. Nti yaje gukuraho gushyingirwa kwera, ahubwo yaje kwemeza abantu no kubagarurira kwera kwa katanga kwa mbere. Anezererwa abo urugo rwimitswemo urukundo rutunganijwe kandi rutikanyiza.2

Gushyingirwa ni itegeko kandi kurera: Nta cyaha kiri mu kurya no kunywa ubwabyo cyangwa mu gushyingirwa no gushyingira. Mu gihe cya Nowa gushyingirwa kwari kwiza na n'ubu kandi gushyingirwa ni kwiza. Niba icyo cyiza gikozwe mu buryo butunganye, ntikibemo kurya no kunywa bishayishije bizana icyaha. Ariko mu gihe cya Nowa abantu bashyingirwaga batagishije Imana inama cyangwa ngo bashake inama yayo yo kubayobora.... Kuko imibereho yo muri ubu buzima ihita vuba ikwiriye gukoreshwa mu buryo bwagira icyo bumarira abandi mu byo dukora no mu byo tuvuga. Mu gihe cya Nowa habayeho uru-kundo rw'irari rya kamere rushayishije ku cy'Imana yageneye kuba cyiza bituma gushyingirwa kuba icyaha imbere y'Imana. Hariho benshi bazimiza ubugingo bwabo muri iki gihe isi igezemo bitewe no guhurira mu bitekerezo byo gushyingira no gushyingirwa.3

Gushyingirwa kurera ariko muri iki gihe cy'umwaku uko gushyingirwa kuzuyemo ibibi by'uburyo bwose; Gukurwa mu buryo bubu none kwahindutse icyaha kimwe cyo mu [122] bimenyetso by'imperuka. Ndetse gushyingirwa kumera nk'uko mu gihe cyabanzirije umwuzure ubwo kwari icyaha... Igihe umuco wera n'amategeko yo gushyingirwa bizaba bisobanutse noneho ubwo bizemerwa n'abo mu ijuru kandi amaherezo azaba kunezerwa impande zombi kandi Imana izubahirizwa ihabwe icyubahiro.4

Amahirwe yo gushyingirwa: Abiyita abakristo bakwiriye kuzirikana neza amaherezo y'ihirwe* ryose ryo gushyingirwa kandi gahunda yera ni yo ikwiriye kuba urufatiro rw'igikorwa cyose.5

Ibihe byinshi cyane ababyeyi... bakoresheje nabi amahirwe yabo yo gushyingirwa kandi akamenyero kabo ko kwinezeza ni ko kateye inkunga kwifuza kwabo maze kuba nk'ukw'inyamaswa.6

Inshingano yo kwirinda agakabyo: Gukora icyiza mu buryo bushayishije bituma kiba icyaha giteye agahinda.7

Ababyeyi benshi nti babona ubwenge bari bakwiye kubona mu mibereho y'ishyingirwa ryabo, nti bitonda ngo Satani atabigarurira maze akaba ari we witegekera ubwenge bwabo n'imibereho yabo. Ntibamenya ko Imana ibashakaho ko barinda imibereho yabo ngo batazana ikintu cyose cyo gushayisha ariko bake cyane ni bo biyumvamo ko ari inshingano y'iby'iyobokamana gutegeka kwifuza kwabo. Bifataniye mu gihe cyo gushyingirwa ari uko babikunze, bibwira yuko gushyingirwa kweza irari ryabo ryo gusohoza kwifuza kwabo kw'inyuma. Ndetse abagabo n'abagore bavuga ko bubaha Imana bimika ibyo imitima yabo irarikiye, ntibamenya yuko Imana ibashakaho kwitondera uko bakoresha imbaraga z'ubugingo bwabo. Ibyo bigacogozza imbaraga z'umubiri kandi bikananiza ingingo z'umubiri.8

Kwimenyereza kwigomwa no kwirinda: Yemwe icyampa ngo numvishe bese inshingano bahawe n'Imana yo kurinda ^[123] gahunda y'ubwenge n'impagarike mu buryo bwiza cyane butuma bakorera Umuremyi wabo umurimo utunganye! Umukristokazi akwiriye kwirinda mu mvugo, mu byo akora no kubyutsa iruba rya kinyamaswa ry'umugabo we. Benshi nta mbaraga bafite na hato zo gupfusha ubusa muri ubwo buryo.

[Icyitonderwa: Mu kindi gihe Madame White yavuze ku byerekeye “ **UBUZIMA BWITE N'AMAHIRWE Y'IMIBEREHO Y'ABASHYINGIRANWE” reba mu bihamya umuzingo wa 2 p 90 (icyongereza)- Abagisonzoranyije]*

Bahereye mu buto bwabo batera ubwonko bwabo kugira intege nke, n'amagara yabo bayaburisha intege umunezero w'iruba ryabo bya Kinyamaswa. Kwigomwa no kwirinda bikwiriye kuba intego mu mibanire yabo.9

Twahawe n'Imana inshingano ikomeye yo kugira umutima wera n'umubiri mutaraga, kugira ngo tubashe kugirira abantu umumaro kandi dukorera Imana umurimo utunganye. Intumwa Paulo ivuga amagambo yo kutuburira iti. “Noneho ntimukimike ibyaha mu

mibiri yanyu izapfa ngo mwumvire ibyo irarikira.” Akomeza aduhendahenda atubwira y’uko “Umuntu wese urushanwa yirinda muri byose.” Ahendahendera abiyita abakristo bose gutanga “Imibiri yabo ikaba ibitambo bizima byera bishimwa n’Imana.” aravuga ati: “Mbabaza umubiri wanjye, nywukoza uburetwa ngo ahari ubwo maze kubwiriza abandi, nanjye ubwanjye ntaboneka ko ntemewe¹⁰

Urukundo rwera si rwo rutuma umugabo agira umugore igikoresho cyo gukora ibyo ararikiye. Iruba rya kinyamaswa ni ryo ritera inkenke yo gukora ibyo kwinezeza. Mbega uburyo abagabo bagaragaza urukundo rwabo mu buryo buvugwa n’intumwa ari bake ngo: “Nkuko Kristo yakunze itorero akaryitangira ngo aryeze (ataryanduza ahubwo aryeze)... ngo ribe iryera ridafite inenge.” urwo ni rwo rukundo rw’abashyingiwe Imana yita urwera. Urukundo ni ingeso iboneye kandi yera ariko iruba ntiryitangira kandi ntiryemera gutegekwa mu buryo bukwiriye. Ritera ubuhumyi, ntiryirirwa ritekereza impamvu y’ikintu cyose n’amaherezo yacyo.¹¹

Satani ashaka gucogoza kwitegeka: Satani ashaka gusubiza hasi urugero rwo kwera no gucogoza kwitegeka kw’abashyingiranwe. Kuko azi yuko igihe irari ribi ribategeka imbaraga zo kwera zigabanuka maze ntibabe bacyitaye ku gukura mu by’umwuka. Azi kandi y’uko nibategekwa n’iruba rya kinyamaswa imbaraga zabo z’umutima zizacogora maze ntabe akirushywa n’ibyo gukura kwabo mu by’umwuka. Kandi azi ko nta buryo burenze ubwo bwo gushyira ikimenyetso k’urubyaro rwabo maze agahindura imico yabo vuba kuruta uko ahindura imico y’ababyeyi babo.¹²

Ingaruka zikomoka mu gakabyo: Bagabo n’abagore, hariho umunsi muzamenya irari icyo ari cyo n’amaherezo yo kunezezwa na ryo. Irari ribi ryabaye ingeso ribasha kuboneka mu bashyingiranwe n’abatarashyingiranwa.¹³

Amaherezo yo kwanga kwimika irari ni ayahe? ...Icyumba kirarwamo aho abamarayika b’Imana bakwiye gutegeka handurishwa ingeso zanduye. Kandi kuko ingeso za kinyamaswa zikojeje isoni ari zo zitegeka, imibiri irangirika, ingeso mbi zikabyara indwara mbi, nuko icyo Imana yatangiye kuba umugisha kigahinduka umuvumo.¹⁴

Imibonano y’abashakanye ishayishije izamaraho urukundo rwo gusenga Imana. Bizatuma imbaraga zo mu bwonko zitunga umubiri zigabanuka. Kandi cyane cyane bizatera umubiri kunanirwa. Nta mugore

ukwiye gufasha umugabo we muri uyu murimo wo kwirimbura. Umugore namurikirwa n'umucyo kandi akaba akunda umugabo we ntabwo azabikora. Uko ingeso za kinyamaswa zo gukunda kwinezeza zirushaho kugwira ni na ko zirushaho kugira imbaraga kandi ni nako zirushaho cyane kurwanira kwinezeza. Ni mureke abagabo n'abagore bubaha [125] Imana bakangukire gusohozza inshingano yabo. Abenshi biyita abakristo barembejwe n'indwara yo kugwa ikinya mu mitsi yumva no mu bwonko bitewe no kutirinda kwabo muri ubu buryo.15

Abagabo bakwiriye kuba abirinda: Abagabo bakwiriye kuba abigengesera, bitonda, badahindagurika, bakiranuka kandi bagira impuhwe. Bakwiriye kugaragaza urukundo n'ibambe. Nibasohozza ibyo Kristo yavuze urukundo rwabo ntiruzaba urw'ingeso ziteye isoni zatuma imibiri yabo irimbuka, abagore babo bakagira intege nke kandi bakarwaragura. Ntibazakomeza kwishimira irari rya kamere y'umubiri mu gihe mu matwi y'abagore babo humvikana ijwi ribabwira ko bakwiriye kumvira abagabo babo muri byose. Umugabo nagira ingeso nziza, akagira umutima wera, akagira ubwenge umukristo nyakuri wese akwiriye kugira, bizagaragarira mu miryamanire ye n'uwo bashakanye. Niba umugabo afite umutima wari muri Kristo ntazaba umurimbuzi w'umubiri ahubwo azuzuzwamo urukundo rw'ineza ashaka gushyikira urugero rwo hejuru cyane muri Kristo.16

Igihe gushidikanya kuganje: Nta mugabo wabasha gukunda umugore we by'ukuri mu gihe umugore azihanganira kuba imbata y'irari rye ribi. Iyo umugore we yemeye ata agaciro yarafite ku mugabo we, asanga yishyize ku gaciro ko hasi cyane mu buryo yazamerera n'undi wese kumugenza nk'uko yamumenyereje, ntiyemera ko ari umuntu ushikamye kandi uboneye. Aramurambirwa, maze agashaka abandi abitewe no gushaka kongera irari rimujyana ku kurimbuka, amategeko y'Imana ntaba akiyacira akari urutega. Abo bagabo ni babi kuruta inyamaswa, ni abadayimoni bafite ishusho y'abantu. Nti bazi imibereho myiza n'ingeso nyakuri, n'urukundo rwejejwe.

Umugore nawe afuhira umugabo we, maze akamukekaho nabi yuko abonye urwaho yagana ku w'undi mugore. Umugore [126] abona yuko umugabo we atayoborwa n'umutima uhana cyangwa ku-baha Imana; ibihindizo byejejwe byamutangiraga bikurwaho n'irari, ibyiza by'Imana byose byabaga mu mugabo bikagirwa imbata y'ibibi n'irari rya kinyamaswa.17

Igihe umugabo asabye ibidahwitse: Igikwiriye gutekerezwa ni iki: Mbese umugore akwiriye kwiyumvamo y’uko ari ngombwa kwemera ibyo umugabo ashaka, mu gihe areba ko nta kindi kibitera ahubwo ari irari ribi rimutegeka mu gihe afite impamvu n’ubwenge bimweza ko nabikora bigira icyo bitwara umubiri we yashinzwe n’Imana ngo ube uwera kandi w’icyubahiro ngo awurinde ube igitambo kizima cy’Imana?

Si urukundo ruboneye kandi rwera rutuma umugore yishimira irari rya kinyamaswa ry’umugabo we rimbura amagara n’ubugingo. Niba afite urukundo nyakuri n’ubwenge azashaka uko yahindura ubwenge bw’umugabo we, aruvanemo kwishimira irari ry’ibibi, amutere kwishimira ibyo hejuru by’umwuka, abikoreshe kumusobanurira iby’umwuka binejeje. Ibyaba byiza n’ukumuhendahenda yicishije bugufi mu nzira y’urukundo nubwo byatera umugabo we kumurakarira biruta ko yakonona agaciro k’umubiri we abitewe no kuryamana birenze urugero. Akwiriye kumwibutsa mu buryo bwiza no mu neza y’uko imbere ya byose Imana yitaye ku kubaho kwe kandi y’uko adakwiriye gusuzugura ibyo ishaka kuko azabibazwa k’umunsi ukomeye w’Imana.

Niba umugore afite urukundo rushyitse maze agakomerasha ikinyabupfura cye kwera n’icyubahiro cya kigore, ashobora gukoresha byinshi ubwenge bwe, akeza umugabo we maze agasoza atyo umurimo ukomeye. Aramutse agenje atyo abasha kwikizanya n’umugabo we akaba akoze umurimo urimo ibiri. Muri ibyo byiza cyane kandi biruhanije cyane hagombwa ^[127] ubwenge no kwihangana, ndetse n’ubutwari burimo gukiranuka n’ubushizi bw’amanga. Imbaraga n’ubuntu bishobora kuboneka mu masengesho. Urukundo nyakuri ni rwo rukwiriye kuba ihame ritegeka umutima. Gukunda Imana no gukunda umugabo ni byo byonyine bishobora kuba ishingiro ryo gukora neza....

Igihe umugore yeguriye umubiri n’ubwenge ku mategeko y’umugabo we, akemera ubushake bwe muri byose, agahara umutima we uhana, n’ikinyabupfura cye, abura umwanya wo gukoresha icyitegererezo cye gikomeye kibasha kuyobora neza umugabo we. Umugore akwiriye koroshya kamere y’ubukana y’umugabo we, kandi icyitegererezo cye cyo kwera kibasha gukoreshwa mu buryo bwera kandi buboneye kikamutera kugira umwete wo guhirimbanira gutegeka irari rye maze akagira ubwenge buruseho bw’iby’umwuka. Kugira ngo bashobore gusangira kamere n’Imana kandi ngo babone uko bahunga kononekara kuri mu isi guterwa n’irari. Imbaraga ireshya ibasha kuba ikomeye igatera

gutekereza ibyo hejuru bifite icyubahiro gikomeye, biruta iby'imburamumaro, by'iruba rya kamere ritera umutima utavuguruwe guhora ubirarikiye. Niba umugore yiyumvamo y'uko inzira yo kunezeza umugabo we ari ugukora ibihwanye n'ingeso ye, kandi urukundo rw'irari rya kinyamaswa rukaba ari rwo rumutegeka ibyo akora, uwo mugore ababaza Imana, kuko aba atayoboje umugabo we ingeso yera. Niba yiyumvamo y'uko akwiriye kwemera iruba rya kinyamaswa ry'umugabo we, atagize icyo avuga cyo kumuhakanira, aba atarasobanukirwa n'inshingano afite ku mugabo we cyangwa ku Mana ye.18

Imibiri yacu yaracunguwe: Irari ribi ryamaze kubona icyicaro mu mubiri riwukoreramo. Aya magambo “inyama” cyangwa “mu buryo bw'umubiri” cyangwa “kwifuza k'umubiri” avuga kamere mbi yo kuyobora umubiri ubwawo ntubashe gukora ibyo ubasha binyuranye n'ibyo Imana ishaka. Dutegestwe kubamba kamere, iruba n'irari ryayo. Tuzabikora dute? Dukwiriye kubabaza imibiri yacu? Ashwi da! Ahubwo dukwiriye kwica ibidushukashukira gukora icyaha. Ibitekerezo bibi bikwiriye kutwamururwamo. Intekerezo z'uburyo bwose zikwiriye kugirwa imbata ya Yesu Kristo. Irari ryose rya kinyamaswa rikwiriye gutegekwa n'imbaraga y'Umutima. Urukundo rw'Imana ni rwo rukwiriye kwimikwa. Kristo ni we ukwiriye kwicara ku ntebe y'Ubwami. Imibiri yacu ikwiriye kuzirikanwa ko ari iye, yarayiguriye, ingingo z'umubiri zikwiriye kuba ibikoresho byo gukiranuka.19

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU KINGEREZA
1	Solemn appeal p 139	Solemn appeal p 139
2	Manuscript 126,1903	Manuscript 126,1903
3	Review and herald 25 sept 1888	Review and herald 25 sept 1888
4	Testimonies for the church vol 2p 252	Testimonies for the church vol 2p 252
5	Testimonies for the church vol 2p 380	Testimonies for the church vol 2p380
6	Testimonies for the church vol 2p 391	Testimonies for the church vol 2p 391

7	Temoingages pour l'église vol 1 p 663	Testimonies for the church vol 4p 505
8	Temoingages pour l'église vol 1 p 302,303	Testimonies for the church vol 2p 472
9	Temoingages pour l'église vol 1 p 308	Testimonies for the church vol 2p 477,478
10	Testimonies for the church vol 2p 381	Testimonies for the church vol 2p 381
11	Temoingages pour l'église vol 1 p 303,304	Testimonies for the church vol 2p 473
12	Christian temperance and bible hygiene p 130	Christian temperance and bible hygiene p 130
13	Temoingages pour l'église vol 1 p 303	Testimonies for the church vol 2p 473
14	Manuscript 1,1888	Manuscript 1,1888
15	Temoingages pour l'église vol 1 p 308	Testimonies for the church vol 2p 477
16	Manuscript 17,1891	Manuscript 17,1891
17	Temoingages pour l'église vol 1 p 305	Testimonies for the church vol 2p 474475
18	Temoingages pour l'église vol 1 p 306,308	Testimonies for the church vol 2p 475477
19	Manuscript 1,1888	Manuscript 1,1888

UMUGABANE WA 6: URUGO RUSHYA

ICYIGWA CYA 19: URUGO RWAKUBAKWA HE?

Amahame ngenderwaho mu guhitamo aho gutura: Imana ishaka y'uko mu byo guhitamo aho gutura, tugomba kuzirikana mbere ya byose tukamenya iby'ingeso n'iby'iby'iyobokamana bizaba bituzengurutse n'ab'ingo zacu. 1

Tugomba guhitamo aho gutura hazafasha iby'umwuka byacu gutera imbere kandi tukungukira mu mahirwe dufite yose kuko Satani azihatira kongera ingorane kugira ngo kujya mbere kwacu tugana mu ijuru bidukomerere mu buryo bushoboka bwo. Birashoboka ko twakwisanga dutuye ahantu hagoye kuba ,kuko tutahitamo buri gihe abo duturana na bo, ariko ntabwo tugomba gutura ku bushake bwacu ahantu hazabangamira kuremwa kw'imico yacu ya gikristo. Niba inshingano isaba ko tuba bene aho hantu, tugomba gukuba kuba maso no gusenga kwacu kugira ngo binyuriye mu buntu bwa Kristo tubashe guhagarara tudahindanye .2

Amahame y'ubutumwa bwiza... atwigisha guha ibintu agaciro kabyo, no gukoresha imbaraga zacu zose mu gushyira mu bikorwa ayo mahame meza kandi arambye. Ibyo ni byo bikwiriye gukorwa n'abagomba guhitamo aho gutura kugira ngo badateshuka ku mugambi nyakuri w'ubuzima...

Muhorane iki gitekerezo mu mutima wanyu mu guhitamo aho muzubaka inzu. Ntugatwarwe n'ubutunzi, ibigezweho cyangwa imigenzo y'ab'isi. Shakisha ibiteza imbere kwicisha bugufi, kwera, ubutaraga no gutera imbere mu by'umwuka.3

Mu kigwi cyo gutura ahagaragara imirimo y'abantu gusa, aho uhora ureba kandi ukumva inama z'ibitekerezo by'ibibi, aho imidugararo n'impagarara bizana umuruho no gushoberwa, jya aho ubasha kureba ibyo Imana yakoze. Shakira uburuhukiro bw'umutima ahari ibyiza n'ituza n'amahoro by'ibyaremwe. Wemerere ijisho ryawe kureba ubwatsi butoshye, ibihuru n'imisozi. Urebe hejuru ku ijuru rikeye ritijimishijwe n'umukungugu wo mu mujyi n'umwotsi, maze uhumeke umwuka ugarura ubuyanja wo mu kirere.4

Urugo rwa mbere nirwo cyitegererezo: Urugo rw'ababyeyi bacu ba mbere rwajyaga kuba intangarugero ku ngo z'abana babo bagombaga gutura mu isi. Urugo rurimbishijwe n'ukuboko kw'Imana ubwayo, ntirwarikubura kuba ingoro ishimishije. Bitewe

n'ubwibone, abantu bashimishwa no gutura mu mazu y'ibitabashwa kandi ahenze cyane maze bakirata imirimo y'intoki zabo. Nyamara Imana yatuje Adamu mu busitani. Aho ni ho hari icumbi rye, ijuru ni ryo ryari igisenge cy'inzu ye, isi n'ibiyirimo byari ikirambi na ho amashami atoshye y'ibiti byiza by'inganzamarumbu yari umusego we. Inkuta z'iyo nzu zari zirimbishijwe n'ibintu by'igicro ari yo mirimo ikomeye y'umunyabugeni w'icyatwa. Ibyo biremwa bitagira inenge byari bikikijwe n'icyigisho cy'ibihe byose, kivuga ko umunezero nyakuri, utabonerwa mu kwishyira hejuru n'umurengwe, ahubwo uturuka ku mushyikirano tugirana n'Imana binyuze mu byaremwe. Iyaba abantu bahaga agaciro gake ibintu bidasanze, bakimenyereza ibyoroheje, baba barashyikiriye umugambi Imana yabaremeye. Ubwibone no kwikuza nti bijya binyurwa, ariko abanyabwenge nyakuri, umunezero wabo uzakomoka mu kwishimira ibyo Imana yabahaye.5

Urugo rwo mu isi Imana, yahitiyemo umuhungu wayo: Yesu yaje mu isi gukora umurimo w'ingenzi utarigeze ukorwa n'umuntu uwo ari we wese. Yaje ahagarariye Imana, kugira ngo atwigishe uko imibereho yacu yagira umusaruro mwiza. Igihe Yesu yazaga kutwereka uko dukwiriye kubaho, ni ibi ki umubyeyi w'urukundo yahitiyemo umwana we? Urugo rwitaruye rwo mu misozi y'i Galilaya, urugo rushyigikiwe n'umurava n'imirimo y'amaboko yiyubashye, imibereho yoroheje, gusakirana n'ingorane n'imiruho ya buri muni. Kwigomwa, kuzigama no kwihanganira gukorana imirimo umunezero; kumara igihe yigishwa na nyina no kwiga imizingo y'ibyanditswe byera, igitondo gituje n'umucyo mwiza wo mu bibaya bitoshye, gukorera ibyaremwe imirimo itunganye, kwigira imbaraga y'Imana ku byaremwe no kugirana umushyikirano n'Imana, ibyo byose ni byo Yesu yahuye na byo akiri muto.6

Ingo zo mu cyaro mu gihugu cy'isezerano: Mu gihugu cy'isezerano, uburezi bwigishirijwe mu butayu bwashoboraga gutoza kugira akamenyero keza. Abantu ntibirundanyirizaga mu mijyi; buri muryango wose wari ufite ubutaka bwo guhingamo, bityo bakabikuramo ubuzima bwiza kandi buzira umuze.7

Icyo ibidukikije byahinduye mu mico ya Yohana: Yohana Umubatiza, integuza ya Kristo, uburezi bwe bw'ibanze yabukomoye ku babyeyi be. Igihe kirekire cy'ubuzima bwe yakimaze mu butayu... Yohana yihitiramo kuzibukira ibinezeza n'ibyishimo by'ubuzima bwo mu mujyi kugira ngo yemere kwigishwa n'ubuzima bwo mu butayu, aho yigishwaga n'ibyaremwe byamubashishaga kugira akamenyero

ko kwiyoroshya no kwiyinga. Aho mu butayu ntiyakomwaga mu nkokora no gushimwa n’abantu, yashoboraga kwirundurira kwiga ibyaremwe, n’ibyahishuwe n’imirimo y’ubugiraneza... Guhera mu bwana bwe, umurimo we uguma mu bitekerezo bye, yemera kuba ikigega cyera. Kuri we kuba wenyine mu butayu byari ubwihisho bw’urwikekwe, kutizera no kwandura byari bimaze kuba gikwira muri rusange. Yari azi ko afite imbaraga nke zo guhangana n’ibishuko ni yo mpamvu yahungaga cyane icyamuhuza n’icyaha cyose kugira ngo atazibagirwa akaga gakomeye gakomoka mu gucumura.⁸

Ibyiza byo gutura mu cyaro: Uku niko byagendekeye umugabane munini w’abantu b’Imana. Musome amateka ya ^[134]Aburahamu, Yakobo, Yozefu, Mose, Dawidi ndetse n’aya Elisa. Mugenzure imibereho yababayeho nyuma kandi bakaba baragize ubushobozi bwo gushingwa imyanya yiringirwa.

Aho ni ho abagabo n’abagore benshi bagize imibereho y’ubupfura baboneye ubushobozi bwo kunganira isi no kuyiteza imbere. Benshi barererewe mu ngo zitaruye imigi, ntibapfushije ubusa ubusore bwabo mu mikino, benshi bagundaguranye n’ubukene n’amagorwa, bize gukora bakiri bato, bize kwivana mu nkomyi bahura nazo, bigishijwe kwirwanaho no kwitegeka, kubwo kuba kure y’inshuti mbi, banyuzwe no kwishimira kunyurwa no kwibera mu byaremwe no kwibanira n’abantu beza. Banyurwaga no kurya ibyoroheje kandi bikabaryohera kandi bakirinda mu ngeso zabo. Igihe bari bahamagariwe gukora umurimo batoranirijwe gukora mu mibereho yabo yose, bari bafite umubiri utarangwamo umuze, ubwenge buzima, ibitekerezo bikeye, bashoboraga gukora no kujya inama kandi bahagaze bashikamyemo mu byo kurwanya ikibi.⁹

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	Patriarches et prophetes p 146	Patriarchs and prophets p 169
2	Message a la jeunesse p 417	Message to the young people p 419
3	Ministere de la guerison p 307 (rayon	Ministry of Healing p 363

	de la santé p 19,20,22)	
4	Ministere de la guerison p 307 (rayon de la santé p 19,20,22)	Ministry of Healing p 367
5	Patriarches et prophetes p 26,27	Patriarchs and prophets p 49,50
6	Ministere de la guerison p 308,309 (rayon de la santé p 21)	Ministry of Healing p 366,365
7	Ministere de la guerison p 236,237 (rayon de la santé p 74)	Ministry of Healing p 280
8	Testimonies for the church vol 8 p 221	Testimonies for the church vol 8 p 221
9	Ministere de la guerison p 309 (rayon de la santé p 21,22)	Ministry of Healing p 366

ICYIGWA CYA 20: UMURYANGO N'UMUJYI

Akaga k'ubuzima bwo mu muji: Imibereho yo mu muji ni iy'amafuli, ntifashije kandi ntifatika. Inyota y'ifaranga, guhora ukubita hirya no hino no gushaka kwinezeza, inyota y'umurimbo, guhora mu binezeza no gusesagura, byose bivana ibitekerezo ku mugambi w'ukuri. Byugururira amarembo ibibi byinshi. Ku basore ibyo bintu bifite imbaraga badashobora kwihanganira. Ibiruhuko ntibibarika n'mikino no gusiganwa ku mafarashi bikurura abantu ibihumbi no gukubita hirya no hino kimwe no kwinezeza na byo birabakurura bikabatesha gukora imirimo ikwiriye. Amafaranga apfushwa ubusa mu by'imikino yo kwinezeza. 1

Kwita ku buzima bwiza: Uburyo umubiri ubaho mu muji, bigira ingaruka mbi ku butaraga. Kwandura indwara hato na hato, umwuka mubi, amazi mabi, ibyo kurya bibi, gutura bagereker-anye kandi bacucitse, amacumbi arimo umwijima ndetse no gutura ahantu hatizihye ubuzima bwiza ni bimwe mu bintu bibi biboneka mu muji.

Ntabwo ari umugambi w'Imana ko abantu birundaniriza mu mijyi. Mbere na mbere Imana yatuje ababyeyi bacu ahantu h'igukundiro bashobora kwitegereza ibyiza bw'ibyaremwe no kumva ibintu byiza ari na byo yifuza ko natwe twakwishimira muri iki gihe. Uko tuzarushaho kwegera umugambi Imana yari idufitiye mbere ni ko tuzarushaho kugira ubuzima buzira umuze n'intekerezo nzima. 2

Amahuriro y'ibibi: Imijyi yuzuyemo ibishuko. [136] Twagombye gushyiraho gahunda y'umurimo wacu ku buryo bishobotse urubyiruko rwacu rwarokoka ntirwanduzwe na byo.3

Abana n'abasore bose bagomba kurindwa byitondewe. Bagomba gutuzwa ahatandukanye n'amahuriro y'ibibi ari mu mijyi yacu.4

Imivurungano n'urujijo: Si ubushake bw'Imana ko ubwoko bwayo butura mu mijyi, ahahora imivurungano n'urujijo. Reka dutandukanye abana bacu n'ibyo bintu, kuko urusobe rw'imitsi yumva y'ubwonko rwose, ruhungabanywa n'ihubi, umubyigano n'urusaku.5

Amakimbirane y'abakozi: Amashyirahamwe y'abakoresha n'abakozi, imvururu n'amakimbirane biyavamo bituma imibereho yo

mu mujiyi ikomera cyane kurutaho. Ibibazo bikomeye biri imbere yacu, kandi imiryango myinshi izasabwa kuva mu miji.6

Kurimbuka kwegereje: Igihe kiregeje ubwo imiji minini igiye kurimbuka kandi buri wese agomba kuburirwa ibyerekeye urubanza rugiyeye kuza bidatinze. 7

Oh!iyaba ubwoko bw'Imana bwashobanukirwaga n'irimbuka ryugariye imiji ibihumbi byinshi muri iki gihe, kandi abayirimo hafi ya bese basenga ibigirwamana!8

Kwihitiramo inyungu z'iby'isi no gukunda inyungu: Ababyeyi kenshi birengagiza gutuza abana babo aho bazabona icyitegererezo cyiza. Mu guhitamo aho batura, batekereza mbere inyungu z'iby'isi mu mwana wo gutekereza ahazabagwa neza ndetse n'abo bazaturana. Bityo abana bakagira inshuti zitababashisha kugira iterambere ryo kwera no kurema imico itunganye...Babyeyi, mwe muciraho iteka abanyakanani kuko batambaga abana babo, babatambira ikigirwamana Moleki,mbese mwe mumeze mute? Mutura amaturo ahenze ikigirwamana cyanyu Mamoni; maze abana banyu bakuze batarahawe urukundo rw'ingenzi kandi bakaba barakiriye imico mibi bakomoye ku bandi, bakaba bagaragaza kutera kwimbitse no kutaba inyangamugayo, musuzuguzwa ukwizera muvuga ko mwayobotse kuko kwananiwe gukiza abana banyu. Musarura ibyo mwabibye. -Umusaruro wo kwikunda kwanyu no gukunda isi no kwirengagiza ibyiza by'ubuntu bw'Imana-. Mwatuje imiryango yanyu aho ibishuko byiganje kandi kubana n'Imana yo bwiza n'uburuzi bwawe. warabyirengagije kandi Uwituka ntazakora igitangaza icyo ari cyo cyose ngo akure abana banyu mu bishuko.9

Imiji ntizana amahirwe meza: Nta muryango n'umwe ku ijana uzagubwa neza mu by'umubiri, mu by'ubwenge no mu by'umwuka kubwo gutura mu mujiyi. Kwizera, ibyiringiro, urukundo, umunezero bishobora kugerwaho mu buryo bworoheje iyo uri ahitaruye, ukikijwe n'imirima, imisozi n'ibiti. Nimwigize abana banyu kure aho batabona ndetse batumva n'urusaku rw'umujiyi, urusaku rwa za gari ya moshi, imodoka za rukururana maze intekerezo zabo zizarushaho kuba nzima. Muzibonera ko birushijeho kuborohera kumenyereza imitima yabo ukuri kw'ijambo ry'Imana. 10

Inama ku bifuzwa kwimukira mu mujiyi bavuye mu cyaro: Ababyeyi benshi bava mu byaro bimukira mu miji bibwira ko hazababera heza bijyanye n'ibyifuzo byabo. Ariko bitewe niyo mpinduka yo kwimuka

bashyira abana babo mu bishuko byinshi kandi bikomeye. Abasore b'abahungu bashyirwa aho batazagira icyo bakora bityo bakiga imico y'abana bo ku mihanda, bakamanuka buhoro buhoro ingazi z'urwego rwo gusigingira maze bakazabura burundu gukabakabwa n'ibyiza, biboneye kandi byera. Mbega uburyo ari byiza kuri icyo miryango kwigumira mu cyaro aho ibyo babona bibemerera guteza imbere ubushobozi bwabo [138] bw'umubiri n'intekerezo. Reka urubyiruko rwigishwe guhinga imirima kuko ari byo bizabaha umunaniro mwiza n'ibitotsi byiza kandi biruhura.

Binyuriye mu bunenganenzi bw'ababyeyi, abasore benshi batuye mu mijyi yacu bagwa mu kononekara kandi bagahindanya imitima yabo imbere y'Imana. Iyo ni yo ngaruka yo kutagira icyo ukora. Amazu arererwamo abasaza ndetse n'amagereza akorerwamo iyica rubozo, ni wo musaruro w'ubunenganenzi bw'ababyeyi ku bana babo.11

Ibyiza ni uguhomba iby'isi byose aho gushyira mu kaga imitima waragijwe. Abana banyu bazafatwa n'ibishuko bityo bakwiriye gutozwa uko bazahangana na byo bakabinesha. Ni inshingano zawe gukuraho ikintu cyose kikubuzwa kwiyegurira mu buryo bwuzuye n'umutima wawe wose, n'umuryango wawe wose ku murimo w'Imana no gutanduka n'akamenyero kabi kose.

Aho gutura mu mijyi ituwe n'abantu benshi cyane, mushake ahantu hitaruye aho abana banyu bazaba bikinze ibishuko, maze aho uhabatoreze kandi uhabigishiriza kuba ingirakamaro. Umuhanuzi Ezekiyeli yatondaguye ibyateye Sodomu kwangirika bikayitera no kurimbuka : "Yari ifite ubwibone n'ibyo kurya byinshi, n'ubukire bwe n'abakobwa be, kandi ntiyakomezaga ukuboko kw'abakene n'indushyi." abashaka guhunga ibyago byagwiriye Sodomu bagomba kwirinda inzira zose zateye umujinya w'Imana kwisuka kuri uwo murwa wari uhindanye.12

Ubwo Loti yageraga i Sodomu yari yiteguye byimazeyo kwirinda gukiranirwa no gutegeka ab'inzu ye kumukurikiza. Ariko ntiyabishobora. Kwangirika kw'aho kwagize ingaruka ku kwizera kwe. Kandi kuba abana be bari bifatanyije cyane n'abaturage ba Sodomu, byatumye ibyifuzo bye bigendana n'ibyabo, ingaruka zirigaragaza. Benshi baracyakora ikosa nk'iryo.13

Mwihatire guhitamo aho mutura hitaruye uko bishoboka [139] kose ahameze nka Sodomu na Gomora. Mwirinde gutura mu mijyi minini. Niba mushoboye, muture ahantu hatuje ho mu cyaro, kabone n'ubwo

mwakora mutyo, mukabura amahirwe yo kuronka ubutunzi. Muture ahantu muzaronkera icyitegererezo cyiza.¹⁴ .Uwiteka yansabye kuburira abantu bacu ko badakwiriye kwirukira kujya mu mijyi kugira ngo bahubake amazu yo kubabwamo n’imiryango yabo. Nashinzwe kubwira abagabo n’abagore nti: ntimugacogore kurindira abana banyu aho mutuye, mu mazu yanyu.¹⁵

Igihe kirageze cyo kuva mu mijyi: ubutumwa bwanjye ni ubu: Mukure imiryango yanyu mu mijyi.¹⁶

Kuko Imana ikinguye inzira, igihe kirageze ngo imiryango isohoke mu mijyi. Abana bagomba kugarurwa mu cyaro. Ababyeyi nibashake mu cyaro ahantu heza batuzababwamo ababo hahuje n’ubushobozi bwabo. Nubwo inzu yaba ari nto cyane, yakagombye kugira ubutaka bwo guhingwaho.¹⁷

Mbere y’ibihano bigomba kwisuka ku batuye isi, Imana irahamagara Abisirayeri nyakuri bese kwitegura ibyo bigiye kubaho. Imana yohereza ababyeyi umuburo ugira uti: muteranirize abana banyu mu ngo zanyu, mubatandukanye n’abatumvira amategeko y’Imana, n’abigisha kandi bagashyira mu bikorwa ikibi. Muhunge imijyi minini byihuse cyane uko bishoboka kose.¹⁸

Imana izafasha ubwoko bwayo: Ababyebyi bashobora kugira amazu mato mu cyaro, n’akarima ko guhingamo n’isambu yo guhingamo izababashisha kubona imboga n’imbuto bizasimbura ibyo kurya bikomoka ku nyamaswa bibangamira imigendekere myiza y’amaraso. Aho, abana ntibazahahirira n’ingaruka mbi z’imibereho yo mu muji. Imana izafasha ubwoko bwayo kubona ^[140] aho batura hameze hatyo hitaruye imijyi.¹⁹

#	IBITABO BYAKORESHEJWE BY’IGIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	Ministere de la guerison p 307,308 (rayon de santé p20)	Ministry of Healing p 364
2	Ministere de la guerison p 308, (rayon de santé p20,21)	Ministry of Healing p 365

3	Country living p 30	Country living p 30
4	Country living p 12	Country living p 12
5	Country living p 30	Country living p 30
6	Ministere de la guerison p 308, (rayon de santé p20)	Ministry of Healing p 364
7	Evangelism p 29	Evangelism p 29
8	Review and Herald 10 sept 1903	Review and Herald 10 sept 1903
9	Testimonies for the church vol 5 p 320	Testimonies for the church vol 5 p 320
10	Country living p 13	Country living p 13
11	Review and Herald 13 sept 1881	Review and Herald 13 sept 1881
12	Testimonies for the church vol 5 p 232,233	Testimonies for the church vol 5 p 232,233
13	Patriarches et prophetes p 146	Patriarchs and prophets p 168
14	Manuscript 57,1897	Manuscript 57,1897
15	Country living p 12,13	Country living p 12,13
16	Country living p 30	Country living p 30
17	Country living p 24	Country living p 24
18	Temoignages pour l'eglise vol 2 p 529	Testimonies for the church vol 6 p 195
19	Medical ministry p 310	Medical ministry p 310

ICYIGWA CYA 21: AMAHIRWE YO GUTURA MU CYARO

Agasambu gato n'inzu nziza: Aho bishoboka hose, inshingano y'ababyeyi ni iyo gushakira abana babo aho baba ho mu cyaro.1

Ababyeyi bafite umurima n'aho kuba hameze neza ni abami n'abamikazi.2

Nti mubifate nko kwitambaho igitambo kuva mu muji ukimukira mu cyaro. Mu by'ukuri imigisha myinshi ihategereje abashaka kuyakira.3

Kuba mu cyaro bitera kuzigama: Inshuro nyinshi, Uwituka yatwigishije ko abizera bagomba kwimura imiryango yabo, bakayikura mu miji bakayishyira mu cyaro, aho bashobora kwibonera umusaruro w'ibibatunga kuko mu bihe bizaza ikibazo cyo kugura no kugurisha kizaba gikomeye cyane. Twagombaga gutangira gushyira mu bikorwa amabwiriza twahawe inshuro nyinshi agira ati: "Musohoke mu miji muje gutura mu turere tw'icyaro, aho amazu atarundanye, aho muzagirira umudendeze wo kudakomwa mu nkokora n'abanzi." 4 (Inama zagutse kuri iyi ngingo ziri mu gitabo cyitwa *country living*).

Inama ku muntu utuye mu muji: Ni ibyingenzi kuri mwe gutandukana n'amaganya maze mukerekeza mu cyaro aho ibyangiriza ubwenge bw'abasore bidafite imbaraga nyinshi cyane. Ni iby'ukuri ko no mu cyaro utazaba utandukanye burundu n'amaganya no guhangayika ariko muzahirindira ibibi byinshi kuko muzugarira amarembo ibishuko byinshi bitera bigambiriye kwangiriza intekerezo z'abana banyu.

Bakeneye imirimo ndetse n'ibibahuza icyarimwe. Ubwigunge bw'abana mu rugo rwabo rwo mu muji bwa- [142] tumye batanyurwa ndetse bakanahangayika bityo bagira akamenyero ko kwihuza n'abapfapfa bityo bagira ingaruka z'uburere bubu...

Imibereho yo mu cyaro izababera myiza cyane kuko gukorera mu mwuka mwiza bibatera ubuzima bwiza mu by'umwuka no mu by'umubiri. Bagomba kugira akarima ko guhingamo kazaba aho kwidagadurira n'aho gukorera imirimo y'ingenzi. Guhinga imboga n'indabo byagura ibyo umuntu akunda no kwibaza anariko bibasobanurira mu buryo bwimbitse ibyaremwe n'Imana, ubwiza

bwayo n'akamaro kayo. Nibayoborwa ku muremyi no k'umwigisha wa byose, intekerezo zabo zizashikama kandi zibonere.5

Imigisha ikomeye yasezeraniwe abatuye mu cyaro: Isi ifite imigisha myinshi izigamiye abafite umwete n'ubushake no kwihanganira gushakisha ubwo butunzi bwayo. Abahinzi benshi ntibabonye umusaruro bagakwiye kuvana mu murima wabo kuko bafata umurimo wabo w'ubuhinzi nk'umurimo usuzuguritse; nti-bamenye ko muri uwo murima harimo umugisha wabo ubwabo ndetse n'uw'imiryango yabo.6

Umurimo ukangura intekerezo kandi ugatunganya imico: Mu guhinga ubutaka, umuhinzi mwiza azabona ubutunzi atakekaga. Nta n'umwe wagera ku musaruro mu buhinzi, atitaye ku mategeko abugenga. Amakene yihariye ya buri gihingwa agomba kwigwa. Ibihingwa by'ubwoko butandukanye bikenera ubutaka n'imihingire bitandukanye, kubahiriza amategeko agenga buri gihingwa ni byo bizana umusaruro. Ubwitonzi busabwa mu kugemura no gutera ibimera, kugira ngo hatagira n'umuzi wangirika cyangwa bigaterwa ahadakwiriye, kwita ku bimera bikiri bito, kubyanganyaho amahage no kubivomerera, kubirinda ubukonje bukabije n'ijoro n'izuba ryotsa ku manywa, kubagara, [143] kubirinda indwara n'udukoko twangiriza, no kubikorera; ntibyigisha gusa amasomo y'ingenzi mu gukuza imico ahubwo n'uwo murimo ubwawo ni uburyo bwo gukuza ubwenge.

Mu gutoza urubwiruko kwigengesera, kwihangana, kwita kuri buri kantu kose no kumvira amategeko y'ibyaremwe; ibyo byose bitanga uburere bw'ingenzi. Kugirana umusabano uhoraho n'ubwiza bw'ibyaremwe n'ubwiru bwo kubaho kimwe no gukabakabwa kuzanwa no gukorera ibiremwa byiza by'Imana; bitera abana kugira intekerezo zibangutse, bigatunganya kandi bigakuza imico.7

Imana yiteguye guhugura no kwigisha: Uwigishije Adamu na Eva gufata neza ingobyi ya edeni, yiteguye no kwigisha abantu bo muri iki gihe. Ubwenge bufitwe n'uhinga umurima, akawubibamo imbuto ndeste akawushyiramo n'ibimera. Isi yuzuyemo ubutunzi buhishe kandi Imana ishaka ko ibihumbi n'udukumbi tw'abantu birundanirije mu mijyi ko bahinga ubutaka kugira ngo bagerageze amahirwe yabo maze ngo barebe ko ari bo bakwironkera bumwe bwo muri bwo... Abatuzza imiryango yabo mu cyaro baba babarinze ibishuko byinshi. Abana babana n'ababyeyi bakunda Imana kandi bakayubaha baba bafite amahirwe yo kuhigira inyigisho nyinshi zikomotse ku Mwigisha mukuru, We soko y'ubwenge bwose. Bafite

amahirwe menshi yababashisha kugira imico izabemerera kwinjira mu bwami bw'ijuru.8

Umugambi w'Imana kuri Isirayeri: Bitewe no kutumvira, Adamu na Eva banyazwe Edeni n'isi yose iravumwa ku bw'icyaha. Ariko iyo ubwoko bw'Imana bukurikiza amabwiriza bwahawe, igihugu cyari kugumana uburumbuke bwacyo n'ubwiza bwacyo karemano. Uwiteka ubwe yahaye amabwiriza isirayeli arebana n'uko bahinga ubutaka n'uko bakora mu kubuvugurura. Bityo, binyuriye mu mabwiriza mvajuru, igihugu cyose cyari cyaragenewe [144] kubabera icyigisho kibereka ukuri kw'iby'umwuka. Kuko iyo amategeko yayo agenga ibyaremwe yubashywe, ubutaka na bwo bwera umusaruro wabwo, kandi ni mu kumvira amategeko mbonezamubano abisirayeri bashoboraga kugaragaza imico y'Isumba byose.9

Kura inyigisho z'iby'umwuka mu buzima busanzwe: Imana ituzengurutse ibyiza byinshi bikomoka mu byaremwe kugira ngo bitureshye. Yifuza ko duhuza ubwiza bw'ibyaremwe n'imico yayo. Ni twiga twitonze igitabo cy'ibyaremwe tuzagisangamo imbuto z'urukundo n'imbaraga zitagira akagero z'Imana.10

Inyigisho za Yesu nti zibanda gusa ku munsu w'ikiruhuko ahubwo zizibanda ku cyumweru cy'imirimo... Mu mirimo yo kubiba, yo kuhira no gusarura, atwigishirizamo kubona ishusho y'umurimo w'ubuntu mu mitima yacu. Muri buri shami ry'umurimo w'ingirakamaro no mu bo tubana na bo mu buzima, Yifuza ko dushyira mu bikorwa ukuri kwa Bibiliya mu mirimo yoroheje yacu ya buri munsu, ntibizaduhuza ku buryo tuzibagirwa Imana. Ubudatuza, izatwibutsa Umuremyi wacu n'Umucunguzi wacu. Bimeze nk'umunyururu w'izahabu, gutekereza ku Mana bizagenda bigaruka mu mirimo yose yo mu rugo. Ubwiza bwe buzatugaragarira bundi bushya binyuze mu byaremwe. Tuzamenya biruseho ukuri kw'ijuru kandi tuzagenda turushaho kwegera kwera kw'ijuru.11

Amategeko agenga ibyaremwe n'umuntu ni amwe: Umwigisha mukuru yayoboraga abamwumvaga ku byaremwe kugira ngo babashe gutegera amatwi ijwi ry'Imana rivugira mu byaremwe byose, kandi igihe imitima yabo yabaga imaze koroha n'intekerezo zabo zikingutse yabafashaga gusobanura inyigisho z'iby'umwuka zikubiye [145] mu byo barebaga... Mu nyigisho ze habagamo ibyakururaga intekerezo bikareshya buri mutima. Bityo aho kugira ngo inshingano za buri munsu zibabere umutwano uvunanye,

zitarangwamo ibitekerezo bihanitse, zoroshywaga kandi zikangushywa no guhora bibuka iby'umwukan'ibitagaragara.

Uko ni ko na twe tugomba kwigisha. Ni ngombwa ko abana biga kwitegereza urukundo n'ubwenge by'Imana mu byaremwe. Reka gutekereza Imana babyigire ku kwitegereza inyoni, uturabyo n'ibiti maze ibigaragara byose bibabere abasobanuzi b'ibitagaragara kandi ibibaho mu buzima byose bibe uburyo mvajuru bwo kwigisha.

mu buzima, noneho berekwe ko amategeko agenga ibyaremwe n'ibibaho mu buzima ari na yo agomba kutugenga natwe; kandi ko yatangiwe kutugirira neza, ndetse ko umunezero nyakuri n'intsinzi mu buzima bishobora kugerwaho gusa ari uko tuyumviye.¹²

Ibyigisho ngiro twigishwa n'ubuhinzi: Mu masomo hafi ya yose atabarika dukura mu nzego zitandukanye z'imikurire, afite agaciro gakomeye ni ya yandi akubiye mu mugani wo gukura kw'imbuto wavuzwe n'Umukiza. Uwo mugani ukubiyemo amasomo y'urubwiruko n'abakuze...

Kumera k'urubuto byerekana itangira ry'ubuzima bw'iby'umwuka, naho gukura kw'ikimera kugashushanya iterambere ry'imico....Igihe ababyeyi n'abigisha bagerageza kwigisha aya masomo ajye ashirwa no mu bikorwa. Reka abana ubwabo bategure ubutaka kandi babibe imbuto. Igihe bazaba bakora, umubyeyi cyangwa umwigisha ashobora kubasobanurira ko umutima na wo ari akarima gashobora kwakira imbuto nziza cyangwa mbi ikabibwemo, kandi ko uko umurima utegurwa ngo wakire imbuto ari nako umutima ugomba gutegurwa ngo uterwemo imbuto y'ukuri... Nta muntu wategereza kuzasarura aho atigeze ahinga. Nta gutezuka cyangwa kurambirwa agomba gutezuka ubutaka, ^[146] akabiba, agahinga kandi akita ku musaruro. Ni nako bikwiriye kugenda mu kubiba imbuto z'umwuka. 13

Akamenyero kabi kagereranywa n'igiti kibi: Niba bishoboka kose umuryango ugomba kuba kure y'umujyi, aho abana bazabona akarima ko guhingamo. Buri wese akwiriye kugira akarima ke ko kwiharikamo. Maze uko uzajya ubigisha guhinga no kuringaniza amayogi yo guteramo imbuto n'akamaro ko kubagara ukarandura urwiri rwose ari nako uzajya ubigisha na none uburyo ari ikintu cy'ingenzi kugira imibereho itarangwamo ikibi n'ingeso z'ubugizi bwa nabi. Mu bigishe kurandura ingeso mbi nk'uko barandura urwiri mu

mirima yabo. Bizamara igihe kirekire wigisha ibyo byigisho ariko bizagira umumaro ndetse ukomeye cyane.14

Umunezero w’umuryango, igihamya cyo kwizera kwacu: Ababyeyi bategekwa n’Imana gutuma aho batuye hahwana n’ukuri bamamaza. Bashobora kwigisha abana babo ibyigisho bitunganye maze abana bakiga gufata iwabo ho mu isi n’iwabo ho mu ijuru. Umuryango wo mu isi ukwiriye gukora uko ushoboye kose ngo ube icyitegererezo cy’uwo mu ijuru. Ibishuko byo kwishimira ibibi byo mu isi bizabura imbaraga rwose. Abana bakwiriye kwigishwa ko bageragerezwa mu isi, kandi bigishirizwa kuzaba abaturage bo mu mazu Kristo ategurira abamukunda kandi bagakomeza amategeko ye. Uyu ni umurimo ukomeye uruta iyindi yose ababyeyi bakwiriye gukora. 15

Babyeyi, mushake uko mwatura mu cyaro: Igihe cyose Imana izaba ikimpa imbaraga zo kubwira ubwoko bwacu, sinzigera ntuza kubwira ababyeyi ko bakwiriye kuva mu mijyi bakajya mu cyaro, aho babona ubutaka bwo guhingwa kandi bakigira mu gitabo cy’ibyaremwe inyigisho zo kwera no kwicisha bugufi. Ubutunzi bw’ibyaremwe ni umuhamya wa bucece w’Imana, iduha kugira ngo atwigishe ukuri kw’iby’umwuka. Bitubwira iby’urukundo rw’Imana kandi bikaduha ubwenge bw’umunyabugeni ukomeye n’umwigisha mukuru. Nkunda indabo nziza. zitwibutsa ingombyi ya Edeni kandi zikatuyobora mu gihugu cyahawe umugisha icyo ni dukiranuka tuzinjiramo bidatinze. Imana yanyeretse imbaraga ikiza iri mu ndabo.16

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU KINGE-REZA
1	Country living p 12	Country living p 12
2	Fundamental of Christian education p 327	Fundamental of Christian education p 327
3	Country living p 14	Country living p 14
4	Country living p 9,10	Country living p 9,10
5	Testimonies for the church vol 4 p 136	Testimonies for the church vol 4 p 136

6	Fundemental of Christian education p 326,327	Fundemental of Christian education p 326,327
7	Education p 109	Education p 111, 112
8	Fundemental of Christian education p 326	Fundemental of Christian education p 326
9	Paraboles de Jesus p 250	Christ object lesson p 289

10	Message a la jeunesse p 363	Message to young people p 365,366
11	Paraboles de Jesus p 17,18	Christ object lessons p 26,27
12	Education p 98,99	Education 102,103
13	Education p 100,102,108	Education p 104,111
14	Counsel to teachers , parents and students p 124	Counsel to teachers , parents and students p 124
15	Christian temperance and Bible Hygiene p 144	Christian temperance and Bible Hygiene p 144
16	Letter 47,1903	Letter 47,1903

ICYIGWA CYA 22: KUBAKA NO GUSHYIRA IBIKORESHO NKENERWA MU NZU

Genzura ko umwuka mwiza n'imirasire y'izuba bigera mu nzu kandi ko n'imiyoboro y'amazi bimeze neza: Inzu rusange n'iz'abantu ku giti cyabo zakagombye kubakwa aho umwuka mwiza n'imirasire y'izuba bibasha kugera mu buryo buhagije muri zo. Insengero nyinshi n'ibyumba by'amashuri kenshi usanga bitubahiriza iri bwirizwa. Kubura umwuka mwiza bitera kwikurura no guhondobera kandi bikabuza kumva ibibwirizwa byiza ndetse bigatera umwigisha kunanirwa no kutagera ku musaruro.

Amazu yose agenewe guturwamo n'abantu akwiriye kubakwa ahirengeye, ahataregama amazi kandi humutse... Iki kibazo cyatabwaho gake. Kurwaragura, indwara zikomeye n'imfu nyinshi, biterwa no gutura ahantu hari ubukonje na marariya y'ahantu haciye bugufi no kubura amahoro bitewe n'indwara.

Mu gihe cyo kubaka amazu, ikintu cy'ingenzi cyane cyane ni ugushaka ahantu hari umwuka mwiza mwinshi n'umucyo w'izuba mwinshi. Mureke muri buri cyumba cyose cy'inzu hajye hanyuramo umwuka mwiza kandi mwinshi. Ibyumba byo kuryamamo bikwiriye kuringanizwa mu buryo butuma umwuka uzamo, undi ugasohoka ku manywa na nijoro. Nta cyumba gikwiriye kuryamwamo, keretse kigiye gikingurwa buri munsu kugira ngo umwuka n'umucyo w'izuba bikizemo. Mu bihugu byinshi bitandukanye usanga hari ibyumba byo gushyushya cyangwa gukonjesha icyumba cyo kuryamamo bitewe n'igihe barimo.

Icyumba cy'abashyitsi kimwe n'ibindi byumba gikwiriye kugira umwuka uhagije no kugerwamo n'izuba, kikagira n'ibindi byangombwa byo gutuma gishyuha n'ibyumutsa ubukonje buba mu byumba bidakoreshwa cyane. Uwo ari we wese uryama mu cyumba kitageramo izuba cyangwa mu ^[149] buriri butashyuhijwe cyangwa ngo bugerwemo n'umwuka mwiza aba ashize ubuzima bwe mu kaga ndetse n'imibereho ye yose... Abafite abantu bakuze bakwiriye kwibuka ko bakenera ibyumba bishyushye kandi bimeze neza uko barushaho kugera mu za bukuru, ni ko imbaraga zo kurwanya indwara zigabanuka, ibyo bigatuma barushaho gukenera izuba ryinshi n'umwuka mwiza. 1

Kwirinda ibidendezi by'amazi: Niba dushaka ko ubuzima n'umunezero byiganza mu rugo rwacu, twubake inzu yacu kure

y'urusaku ruba mu kajagari maze twemerere umwuka mwiza uhembura winjire muri yo. Ntimugakinge mu madirishya imyenda iremereye, ujye ukingura amadirishya n'imyenda iyakinzemo idatuma umuntu areba hanze. Ntugatume ibiti by'amatunda bitera igicucu ku madirishya, kandi ntugatume ibiti bibuza izuba kugera mu nzu. Izuba ribasha gutuma imitako n'itapi bicuyuka ariko rigatuma abana bagira ubuzima bwiza. 2

Imbuga izengurutse urugo: Imbuga izengurutse n'ibiti n'uduti duto tw'imitako tukaba duteye ku ntera nziza hagati yatwo n'inzu tuzatera umunezero mu muryango. Ibi dukikije nk'ibyo, ni ba byitabwaho neza ntibizabangamira ubuzima. Ariko ibiti n'uduti ducucitse tuzengurutse kandi dutwikiriye inzu dutera umwanda ku nzu kuko bibuza umwuka mwiza n'imirasire y'izuba kwinjira mu nzu. icyo bibyara n'ubukonje buhoraho mu nzu, byumwihariko mu gihe cy'imvura.3

Icyo ubwiza bw'ibyaremwe bufasha umuryango: Imana ikunda ibyiza. Yambitse isi n'ijuru ubwiza kandi nka se [150] w'abana ubishimira, Imana inezezwa no kubona abana bayo bishimira ibyo yaremye. Yifuza ko mu ngo zacu harangwa n'imitako y'ibyaremwe.

Hafi y'abatuye icyaro bose, uko baba bakennye kose bashobora kuzengurutse inzu yabo utwatsi twiza duciriritse, ibiti bike byo kuhatera amahumbezi, uburabyo n'ibiti bihumura neza iyo byakuze. Ibyo byose byatera urugo kugaragara neza no gutuma abantu bakunda kureba ibyaremwe kandi bigatuma abo mu rugo bashyikirana kandi bakagirana umushyikirano n'Imana.4

Ibikoresho byo mu nzu bigomba kuba byoroheje: Akamenyero kacu gasanzwe katubuza umunezero mwinshi n'imigisha myinshi, katubuza kubaho turi ingirakamaro mu buryo bushoboka bwose. Gushyira mu nzu ibikoresho bihanitse kandi bihenze ntabwo ari ukwaya gusa amafaranga ahubwo bigutera kugira amekene menshi ndetse bikaba inkomoko y'amaganya ahoraho...5

Mushyire mu nzu yanyu ibikoresho biciriritse, bizarama kandi bitaremereye, byakorerwa isuku mu buryo bworoshye, kandi bikaba byasimbuzwa ku giciro gito. Mu gukora ibibanogeye, urugo ruciriritse mushobora kuruhindura urugo rwiza kandi rureshya abandi ni ba rwiganjemo urukundo n'ibyishimo.6

Kugira ibintu byinshi bidafite akamaro ntibyazana umunezero. Bityo uko ibintu byo mu nzu bizashyirwa kuri gahunda mu buryo bworoheje kandi neza ni ko bizaha abawugize umunezero.⁷

Kwirinda umwuka wo kurushanwa: Ubuzima buhemukira cyane kandi bugatera agahinda abantu benshi bihimbira ingorane. Mu kwihatira kwigana abandi ibyo bakora, bakora ibikorwa bidakenewe. Intekerezo zabo iteka ziba zihugijwe no kumenya uko bahaza amakene yo kwibona kwabo no gukurikiza amabwiriza y'ibigzweho...

Amafaranga, kubyitaho n'imbaraga bishirira mu bintu bitangiriza gusa ahubwo bitanakenewe. Iyaba amafaranga yabigiyeho yarakoreshejwe ku bw'umugambi uhanitse wo gukiza imitima, umurimo w'Imana uba warateye imbere biruseho. Abantu benshi cyane barahagizwa n'ibyo bibwira ko ari iby'ingenzi cyane mu buzima ariko kugira ngo babigereho, bagatamba ubuzima bwabo, imbaraga zabo n'amafaranga menshi. Umwuka mubi wo guhangana utera abantu basa nk'aho bari mu kigero kimwe guhangana kwiyerekana mu myambarire no mu byo batunze mu nzu. Ijambo "urugo" ryahindanijwe ku buryo risigaye risobanura "Ubwinshi bw'ibintu n'imitako myiza n'amarangi asize ku nkuta enye z'inzu" mu gihe abagize umuryango bo babaho mu muhangayiko wo mu bwenge uhoraho, kugira ngo banezeze ibyo ibigzweho bibasaba mu mashami yose y'ubuzima.⁸

Benshi ni abahanya mu ngo zabo kuko bagerageza ku giciro icyo ari cyo cyose kwigaragaza imbere y'abandi. Bakoresha amafaranga menshi kandi bagakora ubutaruhuka kugira ngo bimakaze umubano wo bagirana n'ab'abashimagiza, mu byukuri ntibiyitaho cyangwa ngo bite ku butunzi bwabo. Buri kintu cyose gifatwa nkaho ari icy'ingenzi ko kigomba kuba kiri mu rugo, maze kigatakazwaho amafaranga menshi, kabone nubwo kinezeza amaso kandi kikabongerera ubwibone ariko ntacyo cyungura mu gukomeza umuryango. Ibyo byose kugira ngo bigerweho bisaba imbaraga nyinshi, no kwihangana kw'inshi n'igihe kirekire cyakagombye gukoreshwa mu murimo w'Imana.

Ubuntu butagira akagero bw'Imana buza ku mwanya wa kabiri, inyuma y'ibintu bitagira agaciro. Abantu benshi mu gihe barundanya ibintu byinshi muri ubwo buryo kugira ngo bibanezeze, birangira bazimije ubushobozi bwo kunezerwa. Bavumbura ko ibyo barundaniye byose bitazabazanira kunyurwa bari bategereje. Imihati idatuza no

guhanyika guhoraho kubiherekeza, kugira ngo buzuze [152] inzu ibikoresho byose byo kunezeza abashyitsi n'abanyamahanga bageze mu rugo ntibitanga inyishyu ihwanye n'igihe n'amafaranga babitakarijemo. Uko ni ukwiremera umutwari w'imibabaro utabasha kwikorera.⁹

Gusura kw'amaharakubiri: Mu miryango imwe n'imwe bafite akamenyero ko gukora cyane bakarenza urugero. Nubwo isuku no gushyira ibintu kuri gahunda ari ingenzi kugira ngo umuntu amererwe neza mu nzu, ariko ntibikwiye kurenza urugero kugeza ubwo bihinduka umutwari uremereye abagize umuryango. Mu nzu zimwe na zimwe zibamo abantu biyubashye, rimwe na rimwe usanga gushyira ibintu kuri gahunda harimo gukariha cyane ku buryo usanga na byo bigaragara nabi kimwe nko kubona ibikoresho bitari kuri gahunda. Amategeko nk'ayo agoye yo mu nzu ahabanye n'ikiruhuko buri wese aba yiteze kubonera mu rugo rusanzwe.

Iyo habayeho gusurwa n'incuti magara, si byiza kubona umukubuzo, n'umukoropesho binyanyagiye aho ari hose mo ugasanga gikoreshwa mu gushyira ibintu kuri gahunda ubudatuza no kugenzura inguni zose zigize inzu kugira ngo barebe ko umukungugu cyangwa se inzu z'ibitangurirwa zahubutse ko babivanaho. Nubwo abikorana amakenga make yibwiye ko ntacyo bitwaye, ariko aba akugaragarije ko aha agaciro isuku kuruta kumusura kwawe.

Dore urugero rw'inzu ihabanye byihabya n'ingo nz'izo. Twari mu cyi rishize ryo mu 1876. Mu masaha make twamaze muri uwo muryango, abo bashyitsi bacu nta gikorwa cy'imburamumaro bigeze bakora cyangwa se cyari gukorwa mu wundi mwanya, ariko twese hamwe twakoresheje igihe cyacu mu buryo bwiza kandi turagicungura, ibyo byateye intekerezo n'umubiri byacu kuruhuka. Nubwo iyo nzu yari ifite ibikoresho bitari byinshi ariko yari icyitegererezo cyo kwiganwa. Ibyumba byose byageragamo umucyo n'umwuka mwiza... Ibyo bifite agaciro kenshi kuruta imirimbo ihenze. Uruganiriro ntirwari [153] rutatswemo ibintu byinshi, ku buryo ki byananiza amaso ahubwo byari kuri gahunda.

Intebe z'ubwoko butandukanye zari nziza kandi zikwiranye n'abagize umuryango. Hariho intebe z'imisego zari hasi, iz'izenguruka ndetse nizitagira umusego, iz'imisego zari hejuru zihereye i buryo, intebe z'agatangaza n'izindi nyinshi nziza cyane kandi zikomeye. Zose icyarimwe wagiraga ngo zirikukubwira ngo : "Ngwino unyicareho urebe ukuntu meze neza." Hari kandi n'ameza

yari yuzuyeho ibitabo n'ibinyamakuru byari byiza byose kandi bireshya ubibonye ku buryo ki bitabuza n'umushyitsi kubikoraho nta pfunwe afite ko ari bubikure mu mwanya wabyo.

Ba nyiri iyo nzu yari ineje bari bafite ubushobozi bwo kuyuzuzamo no kuyitaka mu buryo buhenze ariko bagize ubwenge bwo guhitamo iby'ingenzi kuruta kuzuzamo ibitari ingirakamaro. Nta kintu na kimwe muri iyo nzu cyari cyiza ku buryo kitakoreshwa, kandi amadirishya barayakinguraga kuko batatinyaga ko ama tapi n'ibindi bikoresho byo mu nzu ko byacuyuka. Umucyo w'izuba n'umwuka mwiza izo mpano z'ijuru kimwe n'impumuro z'indabo zo mu busitani byashoboraga kugera hose. Uwo muryango na wo wari umeze neza nk'uko n'inzu yabo yari imeze neza, batwitagaho banezerewe, bakadukorera ibishoboka byose ngo twumve tumerewe neza kandi bakatugaragariza ko tutababangamiye. Nukuri twiyumvishemo ko ari ahantu heza ho k uruhukira, rwari urugo rwiza mu busobanuro nyabyo.10

Ihame rigomba gukurikizwa mu gutunganya inzu: Agakabyo twavuze gatera mu ngo nyinshi kutumvikana nti gahuje n'amahame rusange agenga ibyaremwe. Imana ntiyashyiriyeho indabo urubibi zitagomba kurenga ariko yazishyizeho nk'ingemwe mu ihumbikiro ryazo kandi izishyiraho kugira ngo zibere ubwiza isi binyuriye mu miterere n'amabara yazo atandukanye. Ibiti byo mu ishyamba [154] nabyo ntibiringaniye. Biruhura amaso n'intekerezo gutindagira ureba ibyiza bikomoka mu byaremwe, mu mashyamba, imisozi, ibibaya, ibikombe, imigezi no kwishimira kureba imiterere n'amabara n'ubwiza bw'ibiti, n'uduti duto n'indabo biteye mu busitani bitanga ishusho nziza. Abana, abasore n'abakuze bashobora kuharuhukira no kuhanezerwa.

Iri tegeko ryo rigenga imiterere itndukanye y'ibyaremwe rishobora gushyirwa mu bikorwa mu muryango nk'ihame rigenderwaho. Hagomba kubaho guhuza amabara atandukanye mu gushyira kuri gahunda ibikoresho byo mu nzu. Ariko kugira ngo bibe bigaragara neza ntibisaba ko ibikoresho byo mu cyumba kimwe biba biteye kimwe, bikoze mu kintu kimwe... ibiri amambu, bibereye ijisho ko ubwiza bw'ibintu byinshi biri hamwe bugaragazwa no gutandukana kwabyo.

Urugo rugomba kuba runejeje kandi ruciye bugufi rutarangwamo ibikoresho bihenze cyangwa by'agakabyo, umunezero ntuzaharangwa niba inyifato y'abawugize idahuza n'ubushake bw'Imana. Umunezero ugomba kurabagirana mu nzu

hose. 11 . Ababa mu nzu bagomba kuba mu byumba bigeramo izuba kandi byiza kandi buri munsu bagomba kugira ibikoresho bisa neza. Ibi bizatera urugo kureshya abarubamo n'incuti zabo zibitaho bashobora kugira icyo bigiranaho. 12

Mwite ku gukomera no kumererwa neza kw'abana: Kunyurwa n'umunezero by'abana mu muryango nti bishingiye ku bintu bihambaye cyangwa se ku bikoresho bihenze ahubwo bishingiye ku rukundo rwimbitse no kwitabwaho guhoraho kw'ababyeyi babo.13

Inkuta enye, ibikoresho bihenze, tapi z'ubwoya burebure, ibirahuri bishashagirana n'amafoto y'agaciro ntibihagije gutuma urugo ruba rwiza mu gihe rutarangwamo urukundo no kumvikana. Iryo zina ryahawe umugisha ntirishobora kwitwa ayo mazu y'amagorofa atarangwamo umunezero ...

Mu muryango nk'iyi, kwita ku bana no kubakomeza ni cyo kintu cya nyuma batekerezaho. Abana birengagizwa na nyina, aho amarira igihe cye hafi ya cyose mu kwita ku bigaragara no guhaza ibisabwa n'abakomeye. Intekerezo z'abana ntizikura nk'uko bikwiriye, biga akamenyero kabi maze bagahinduka abanebwe n'abatanyurwa. Nta munezero na muke babonera mu rugo rwabo, iyo babonye uburyo bahunga uruziga rw'umuryango wabo. Batagitangirwa n'icyitegererezo n'inama z'abagize umuryango, ntibatindiganya kwirundurira mu isi.14

Ntukabwire abana nk'uko numvishe ababyeyi benshi bababwira bati: "Nta mwanya wanyu mu ruganiriro, nti mwicare kuri izo ntebe z'imifariso kandi ntimwicare kuri iyo tapi" maze mu gihe bagiye mu kindi cyumba barababwira bati: "Sinakwihanganira ko musakuriza aho, musohoke" bajya mu gikoni, umutetsi akababwira ati: "Sinshaka ko munsakuriza, musohoke hano, mujye gusakuriza ahandi; ndambiwe kungora kwanyu." muri ubwo buryo, uburezi babukomora he? Ni mu muhanda. 15

Ubugwaneza n'urukundo bifite agaciro kuruta ibinezeza: Mu ngo zacu hinjiramo amaganya menshi n'imitwari kandi hakinjiramo kwiyoroshya, amahoro n'umunezero bike. Ntitwakagombye kwita cyane kuri baragira ngo iki ahubwo tukibaza cyane ku bagize uruziga rw'umuryango. Ntitugomba gushaka kwigaragaza no kwiyerekana bigaragarira mu kwisanisha n'ab'isi ahubwo tugomba kwimakaza ubugwaneza, urukundo, umunezero n'urugwiro rwa

gikristo mu bagize umuryango. Benshi bagomba kwiga uko imiryango yabo yaba myiza kandi ireshya. Imitima inyuzwe kandi ishima no kugaragaza ubugwaneza bifite agaciro kurusha ubutunzi n'ibinezeza kandi aho urukundo ruri, inyota yo kwicisha bugufi izatuma umuryango uhirwa.

Yesu, umucunguzi wacu, yabaye mu isi afite icyubahiro cy'umwami nyamara yari umugwaneza kandi yoroheje mu mutima. Yari umucyo n'umugisha kuri buri rugo kuko yaruzanagamo umunezero, ibyiringiro n'akanyabugabo. Iyaba twanyurwaga maze tukarekeraho kwifuzza ibyo tudashobora kugeraho byo kuzuzanya inzu zacu ibintu bitari ingenzi mu gihe tutazi guha agaciro intekerezo zitujye kandi z'amahoro kandi ari zo Imana iha agaciro kuruta imaragarita! Ubuntu bwo kwicisha bugufi, ubugwaneza n'urukundo rutaryarya bishobora guhindura urugo ruciriritse paradizo nyayo. Ni byiza kwihanganira ingorane zimwe na zimwe n'umutima unyuzwe aho kwigomwa amahoro n'umunezero.16

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU KINGEREZA
1	Ministere de la guerison p 231, 232 (Rayon de la santé p 67,68)	Ministry of healing p 274,275
2	Ministere de la guerison p 232 (Rayon de la santé p 68)	Ministry of healing p 275
3	Christian temperance and Bible Hygiene p 107	Christian temperance and Bible Hygiene p 107
4	Ministere de la guerison p 311,312 (Rayon de la santé p 24)	Ministry of healing p 370
5	Ministere de la guerison p 310,311 (Rayon de la santé p 23)	Ministry of healing p 367
6	Ministere de la guerison p 310,311 (Rayon de la santé p 23)	Ministry of healing p 367,370

7	Signs of the time 23 aout 1877	Signs of the time 23 august 1877
8	Signs of the time 23 aout 1877	Signs of the time 23 august 1877
9	Signs of the time 2 oct 1884	Signs of the time 2 oct 1884
10	Signs of the time 23 aout 1877	Signs of the time 23 august 1877
11	Signs of the time 23 aout 1877	Signs of the time 23 august 1877
12	Signs of the time 2 oct 1884	Signs of the time 2 oct 1884
13	Signs of the time 2 oct 1884	Signs of the time 2 oct 1884
14	Signs of the time 2 oct 1884	Signs of the time 2 oct 1884
15	Manuscript 43a, 1894	Manuscript 43a, 1894
16	Testimonies for the church vol 4 p 621,622	Testimonies for the church vol 4 p 621,622

**UMUGABANE WA7:
UMURAGE W'UWITEKA**

ICYIGWA CYA 23: ABANA NI UMUGISHA

Imana yateganyirije imiryango: Uwahaye Adamu Eva ngo amubere umufasha yashakaga ko umugabo n’umugore bahuzwa n’umurunga wera kugira ngo bareme imiryango abayigize batamirizwa amakamba y’icyubahiro, kandi bakamenya ko ari bamwe mu bagize umuryango w’ijuru.1

Abana ni umwandu ukomoka k’Uwiteka, kandi tuzamusobanurira uko twacunze uwo mutungo we... Ababyeyi bakwiriye gukorera abana babo mu rukundo, mu kwizera no mu gusenga kugeza igihe bazashobora guhagarara imbere y’Imana bavuga bati: “Ndi hano n’abana Uwiteka yampaye...”2

Urugo rutagira abana ni ubutayu. Imitima y’abarugize iri mu kaga ko kuba abikunda kuko yishakira ibiyinezeza gusa kandi yita kubyo yifuza no kwinezeza gusa. Bifuza kugirirwa impuhwe n’abandi mu gihe bo badatanga na duke two guha abandi.3

Inama ku muryango utagira abana: Ukwikunda kugaragarira mu buryo butandukanye n’imibereho yihariye ya buri muntu bigomba kuvaho. Bizababera iby’ingenzi cyane kugira abana kuko muzasabwa kubitaho, kubigisha no kubabera icyitegererezo bizabatera kwiyibagirwa. ... Iyo umuryango ugizwe n’abantu babiri nk’uko uwanyu umeze kandi akaba ari nta mwana uharangwa wo kubigisha kwihangana, kubabarira n’urukundo nyakuri, ni ngombwa kuba maso ubudatuza kugira ngo kwikunda kutaganza. Bitabaye bityo, umuryango nk’uwanyu uzaba ihuriro ryo kwikunda, no kwibona kugeza ubwo mwumva bitabareba kwita ku bandi.4

Benshi barwaye impagarike, mu bwenge no mu ntekerezo kuko ibyo bahugiramo bishingiye gusa ku inariye. Bashobora gusa guhunga iyo myitwarire y’imburakamaro mu gihe babana n’abakiri bato kandi bafite imyitwarire itandukanye n’abana bafite imbaraga nyinshi zitarambirwa.5

Uburezi bw’abana bufasha kwagura imico myiza: Mfitiye impuhwe nyinshi abana bato bose kuko uhereye mu bwana bwanjye nahuye n’imibabaro nasabwaga kwihanganira myinshi. Nitaye ku bana benshi kandi nabonye ko kwicisha bugufi ukishyira ku kigero cyabo byanzaniraga imigisha myinshi...

Impuhwe, kwihangana n'urukundo bigomba guhabwa abana ni umugisha ku muryango. Bituma umuntu yigenzura neza akamenya uko yakwifata hamwe na hamwe. Kugira umwana mu nzu bituma urugo runezerwa kandi rugatungana. Umwana warezwe yubaha Imana ni umugisha.6

Urukundo no kwita ku bana dushinzwe bihanagura ubukaka bwo mu mico yacu, bigakangura muri twe ubugwaneza n'impuhwe kandi bigatera ingaruka nziza ku iterambere ry'imiterere karemano yacu.7

Icyo umwana yahinduye kuri Enoki: Nyuma yuko umwana w'imfura wa Enoki amaze kuvuka, Enoki yageze ku rwego rusumbyeho; yateye intambwe yo gushyikirana n'Imana biruseho, yasobanukiwe neza ibyo asabwa n'inshingano ye nk'umwana w'Imana. Ubwo yitegerezaga urukundo umwana akunda se, uburyo yiringira ko nta cyo yaba bari kumwe, ubwo yumvaga mu mutima we asabwwe n'impuhwe kubw'uwo muhungu we w'imfura. Byamwigishije icyigisho gikomeye cyane, ku byerekeye urukundo ruhebuje Imana ikunda abantu ubwo yatangaga umwana wayo, n'icyizere abana b'Imana bakwiriye kugirira Data wo mu ijuru. 8

Ikigega cy'agaciro: Abana bahawe ababyeyi babo nk'ikigega cy'agaciro, Imana izababaza umunsi umwe. Tugomba guharira umwanya munini n'amasengesho menshi mu burezi bwabo no mu kubitaho. Bakeneye cyane uburezi bufite ireme....

Mwibuke ko abahungu n'abakobwa banyu bari mu mubare w'urubyiruko rw'umuryango w'Imana. Imana yarababahaye kugira ngo mubatoze ndetse munabarerere ijuru. Muzamusobanurira uko mwacunze icyo kigega cyera.9

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFA- RANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	Ministere de la guerison p 301(Rayon de la santé op11)	Ministry of Healing p 356
2	Paraboles de Jesus Christ p 164,165	Christ object lesson p 195,196

3	Testimonies for the church vol 2 p 647	Testimonies for the church vol 2 p 647
4	Testimonies for the church vol 2 p 230,231	Testimonies for the church vol 2 p 230,231
5	Testimonies for the church vol 2 p 647	Testimonies for the church vol 2 p 647
6	Lettre p 329, 1904	Letter p 329, 1904
7	Testimonies for the church vol 2 p 647	Testimonies for the church vol 2 p 647
8	Patriarches et prophetes p 61,62	Patriarchs and prophets p 84
9	Review and Herald 13 juin 1882	Review and Herald 13 june 1882

ICYIGWA CYA 24: INGANO Y'UMURYANGO

Ifuti rikomeye ku bagore, ku bana no kuri rubanda: Hari ababyeyi benshi babyara abana benshi batitaye ku kumenya niba bazashobora gukemura amakene yabo yose kandi ari bo bashinzwe mu kubarera no kubitaho... Ni ikibi gikomeye atari ku mugore gusa ahubwo no ku bana no kuri rubanda...

Ababyeyi bagomba guhorana ku mitima ibyatuma abana bamererwa neza ejo hazaza. Nti bagomba kunanizwa no gukoresha igihe cyabo cyose mu gukora imirimo inaniza kugira ngo babashe kurangiza amekene y'ubuzima.1

Mbere yo gutekereza kwagura umuryango, bakagombye kwibaza niba Imana izabiharerwamo icyubahiro cyangwa izasuzuguzwa no kubyara abo bana. Bagomba kubanza gushaka uko bakubaha Imana binyuriye mu bumwe bwabo guhera mu itangiriro no kugeza mu iherezo ry'ubuzima bwabo bw'abashyingiranywe.2

Ubuzima bw'umugore ni ubw'agaciro: Dushingiye ku nshingano zireba ababyeyi, bagomba kujya bibaza niba ari iby'ingenzi kubyara abana. Mbese ubuzima bw'umugore buzamwemerera kubitaho? Mbese umugabo afite ubushobozi buhagije buzamubashisha kubaha uburere no kubigisha bazaba bakeneye? Mbega ukuntu kwita ku hazaza h'abana byirengagizwa! Icyo bitaho cyane ni uguhaza iruba maze muri ubwo buryo bakikoreza umugore umutwaro umunga ubutaraga bwe kandi bigacogozwa ubushobozi bwe bw'iby'umwuka. Ubuzima bwe burasigingira, maze agacibwa intege no kubona afite abana atabasha kwitaho uko byagakwiriye. Abana ntibahabwa uburezi bukwiriye maze bagakurira mu buzima buzabatera gusuzugura Imana no kwanduza abandi ayo mabi yo mu ngeso zabo. uko niko abantu benshi cyane batozwa kuba ingabo za Satani, azajya akoresha uko ashaka.3

Ibindi byo kwitabwaho: Imana yifuza ko ababyeyi bakora kandi bakabaho nk'abantu batekereza mu buryo buha buri mwana wese uburere bukwiriye. Umugore agomba kugira imbaraga n'igihe kugira ngo akoreshe imbaraga ze z'ubwenge mu kwita ku bana be kugira ngo abahindure abantu bashobora gukorana bya hafi n'abamarayika. Agomba kugira imbaraga zihagije kugira ngo yuzuze inshingano ze akiranutse afite ku bana be ayobowe no gutinya Imana no kuyikunda kugira ngo ahinduke isoko y'umugisha mu

muryango no muri rubanda. Umugabo akwiriye kuzirikana ibyo byose kugira ngo umugore we ataremererwa akicwa n'agahinda. Akwiriye kureba y'uko nyina w'abana be atari mu mwanya atabasha gukorera utwana twe twinshi ibikwiriye, kugira ngo badakura badafite ubwenge butunganye.4

Ababyeyi bagomba kwirinda kwagura ingo zabo bitajyaniranye n'ubushobozi bwabo bafite bwo kubitaho no kubaha uburere bukwiriye. Ni ukugirira nabi umugore bikomeye, guhoza umwana mu biganza bye uko umwaka utashye. Bibyara gucika intege kandi bikarandura burundu umunezero wo mu buzima kandi rimwe na rimwe bikazana akaga mu muryango. Utwo twana na two ntitwitabwaho uko bikwiriye, kandi ntiduhabwa uburere n'umunezero ababyeyi bakagombye kutugirira.5

Inama ku babyeyi bafite umuryango mugari:
Mwakagombye kwibaza iki kibazo muti: “Mbese naba ndera abana banjye kugira ngo bongere imbaraga z'umwijima kandi bagure imirongo y'ingabo z'umwanzi cyangwa mbarerera Kristo?”

Niba mudashoboye kubayobora no kubatoza imico myiza ihwanye n'imico Imana ibashakaho, byaba byiza ku ineza yanyu mwebwe ababyeyi no kuri rubanda kubyara abana bake kugira ngo mutazahura n'ingaruka nyinshi z'uburere mwabahaye.

Keretse gusa ni barerwa kandi bagashyirwa kuri gahunda uhereye mu bwana bwabo n'umugore mwiza kandi w'umuhanga, w'umunyabwenge kandi wibaza, ubayoboza kubaha Imana, utunganya imico yabo kandi akabasanisha n'urugero rwo gukiranuka bitabaye bityo ni icyaha kubyara benshi. Imana yabahaye ibitekerezo kandi ishaka ko mubikoresha.6

Babyeyi, kubera ko muzi ko ubumenyi bwanyu buke butabemerera kurera abana banyu nk'uko bikwiriye ngo bakore umurimo w'Umwigisha mukuru, kubera iki mutabivanamo isomo? Kubera iki mukomeza kubyara abana bari gutubura imirongo y'ingabo za Satani? Mbese ibyo Imana yabyishimira? Niba mumaze kumenya ko umuryango mugari uzamara ibyo mwinjiza byose, ko uzikoreza umutwaro uremereye umugore kandi ko kubyara abana bangana gutyo bizatuma umugore atabona igihe cyo gukora imirimo yose ashinzwe, kuki mutadekerezwa kuri izo ngaruka zitagereranywa zibivamo? Buri mwana uvutse agabanya ubudahangarwa bw'umugore, niba ababyeyi badakoresheje ibitekerezo byabo muri

iryo shami, ni ibihe byiringiro bifitiye n'ibyo abana babo bizabafasha kubigisha ikinyabupfura? Umwami arahamagarira ababyeyi kugenzura iki kibazo bitaye k'ukuri kw'ahazaza n'ukw'iteka ryose.7

Kwita ku icungamutungo: Ababyeyi bagomba kwigana ubushishozi, ibibazo by'ahazaza by'abana babo. Ntibemerewe kubyara abana mu isi bo kubera abandi umutwari. Mbese bafite ubushobozi bwo kwita ku muryango wabo ku buryo ki utazahinduka umutwari ku bandi? Niba bitameze gutyo, bakora amahano y'indengakamere mu gihe babyaye abana batazagira ubitaho, batazabona ibibatunga ndetse n'imyambaro bazakenera.8

Abantu bari inyuma cyane mu by'umutungo no mu kumererwa neza mu isi, usanga muri rusange ari bo buzuzabana mu miryango yabo. Mu gihe abantu bafite ubushobozi bwo kugera ku mutungo ari bo muri rusange badafite abana barenze abo badashobora gutunga. Abantu badafite ubushobozi bwo kwiyitaho ubwabo ntibari bakwiye kugira abana.9

Uko ibibazo biza mu itorerero: Abantu benshi badashoboye kwitunga bonyine bajya bafata umwanzuro wo gushyingirwa no kubaka umuryango kandi nabo ubwabo bazi neza ko badashoboye kuwitaho. Ikirushaho kuba kibi ni uko batazi kuyobora umuryango. Imyitwarire yabo yose irangwa n'ubunenganenzi no kutagira icyo bakora. Ntibitegeka kandi batwarwa no kutihangana no kurakara. Iyo bene abo bantu bahindutse bakakira ukuri, bibwira ko bakwiriye kujya bafashwa na bene se bakize kubarusha. Iyo batabafashije, bivovotera itorerero bakariranga ko ritakigenda nk'uko kwizera kwaryo kuri. Ariko ni nde ugomba kwikorera ingaruka zabo? Umurimo w'Imana ugomba gukomwa mu nkokora uherye mu itangira ryawo kandi ikigega cyaryo kigasigwamo ubusa kugira ngo iyo miryango myinshi ikennye yitabweho? Mu byukuri si byo. Ni ababyeyi bakwiriye kwirengera izo ngaruka. Muri rusange ntibakabangamirwe n'iyi mibereho nk'uko batabangamirwaga nayo mbere y'uko bahinduka abakomeza Isabato.10

Uko umurimo w'ibwirizabutumwa wakomwa mu nkokora: Igihe duteganya gutuma intumwa mu bihugu bya kure, tugomba guhitamo abantu bataya, badashinzwe kwita ku miryango minini, bazi ko basigaranye agahe gato ko gukora umurimo w'ingenzi, badashakisha uko babyara abana benshi kandi bakora uko bashoboye kose ngo birinde ikintu cyose cya bakoma mu nkokora kigatuma badakora umurimo w'ingenzi. Niba umugore na we

akunda kwitanga kandi nta kimuzize , umugore na we yajyana n'umugabo we kandi na we yaba ingirakamaro nk'umugabo we. Imana iha umugisha abagore kugira ngo bakoreshe itaranto zabo mu kuyihesha icyubahiro, bayikiriza imitima y'abahungu n'abakobwa benshi. Ariko benshi muri bo, bashoboraga gukora umurimo w'ibwirizabutumwa ukomeye, basigara mu rugo bita ku bana.

Dukeneye ababwirizabutumwa bakwiye kwitwa iryo zina, batandukana no kwikunda kose, maze bagaha umurimo w'Imana umwanya w'imbere, bakorera guhesha Imana icyubahiro gusa, Bahora biteguye igihe cyose kujya aho Imana ibahamagarira hose, kandi bagakorera mu mashami ayo ari yo yose yafasha kwamamaza ukuri. Umurimo w'ibwirizabutumwa ukeneye abagabo bafite abagore bakunda kandi bakubaha Imana kandi bazi gukomeza abagabo babo mu mirimo yabo. Benshi mu babwirizabutumwa bitanze kandi bashinzwe kwita ku miryango yabo; ntibashobora kwitanga mu buryo bwuzuye mu murimo wabo. Bafata impu zombi. Umugore n'abana bamukura mu murimo. Kandi kenshi bamubera imbogamizi zo kujya aho bari bakenewe, bamukuruje igitekerezo ko akwiriye kuba hafi y'umuryango.11

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANS	IBITABO BYAKORESHEJWE MU KINGE- REZA
1	Review and Herald 24 juin 1890	Review and Herald 24 june 1890
2	Testimonies for the church vol 2 p 380	Testimonies for the church vol 2 p 380
3	Review and Herald 25 oct 1892	Review and Herald 25 oct 1892
4	Review and Herald 24 juin 1890	Review and Herald 24 june 1890
5	Solemn appeal p 110,111	Solemn appeal p 110,111
6	Testimonies for the church vol 5 p 323,324	Testimonies for the church vol 5 p 323,324
7	Letter 107,1898	Letter 107,1898

8	Testimonies for the church vol 2 p 380	Testimonies for the church vol 2 p 380
9	Solemn appeal p 103	Solemn appeal p 103
10	Temoiganges pour l'église vol 1 p 103.104	Testimonies for the church vol 1 p 273
11	Review and Herald 8 dec 1885	Review and Herald 8 dec 1885

ICYIGWA CYA 25: KWITA KU BANA B'IMBABARE

Abana b'imfubyi: Ababyeyi benshi b'abagabo bapfuye bacyizera, baruhukiye mu masezerano y'Imana y'iteka ryose, basize abana babo bakunda biringiye ko bazitabwaho n'Imana. Ni gute Imana izakemura amakene y'izo mbabare? Ntazayakemura akoresheje kumanura Manu ivuye mu ijuru, ntizohereza kandi igikona cyo kubazanira ibyo kurya ahubwo ikora igitangaza cyo kwirukana kwikunda mu mutima kandi akugurura amasoko y'ubugiraneza. Imana igerageza urukundo rw'abavuga ko ari abigishwa bayo binyuriye mu kubegereza abakene b'imfubyi ngo babafashe, babagirire impuhwe.

Nimureke abafite urukundo rw'Imana bugururire imitima yabo n'ingo zabo abo bana b'imfubyi...Umurimo wagutse uri imbere ya buri wese ushaka gukorera Umwami mu kwita kuri abo bana n'urubyiruko rwabuze amahirwe yo kurerwa n'ababyeyi no kugira icyitegererezo cy'urugo rwa gikristo. Benshi muri bo, barazwe imico mibi y'ingeso kandi ni barekwa bagakomeza gukurira muri ubwo bujiji, bazagira incuti zizabashora mu gukora ibibi n'amahano. Urwo rubyiruko rudatanze icyizere rugomba gushyirwa ahantu hakwiriye kugira ngo rutozwe imico myiza maze bahinduke abahungu n'abakobwa b'Imana. 1

Inshingano z'itorero: Itorero rigomba kwita ku mfubyi; Kristo abwira abigishwa be ati: mwite kuri abo bana batagize amahirwe, mubanzanire kandi muzabona ingororano zanyu. Ku birebana n'ibyo, nabonye hagaragaramo kwikunda kurenze urugero. Niba nta cyizere bafite ko bazibonera- [168] mo inyungu zabo bwite mu kwakira abana batagira imiryango mu ngo zabo, benshi bisubiraho bakavuga bati: oya sinabakira. Birengagiza kandi ntibita ku kumenya niba abo bana bazakizwa cyangwa bazarimbuka. Babifata nkaho bitabareba.

kimwe nka Kaini baravuga bati: “Mbese ndi umurinzi wa mwene data?” ntibashaka kwihungabanya cyangwa kwitambaho igitambo icyo ari cyo cyose kugira ngo bafashe imfubyi kandi mu kwirengagiza kuzuye barekera abo bana mu isi, ahari abantu biteguye kubakira kurusha izo ngirwa bakristo. Ku munsu w'umwami, abahawe ubushobozi n'ubuntu bw'Imana ariko bakaba barirengagije gukora imirimo y'ubugiraneza ngo kuko batabifitemo inyungu, bazabibazwa. Neretswe ko abigizayo ayo mahirwe yo gukora ibyiza, bazumva Yesu ababwira ati: “Ubwo mutabikoreye umwe muri bene

data, aba boroheje bari hanyuma y'abandi, nanjye mutabinkoreye.”
munasome na Yesaya 58:5-11.2

Ihamagara ku muryango utagira abana: Abantu bamwe badafite abana bagomba kwiga gukunda no kwita ku bana b'abandi. Ntibahamagariwe gukora umurimo w'ibwirizabutumwa gusa, ahubwo banahamagariwe kuba ingirakamaro n'aho batuye. Aho kwita cyane no kumarira urukundo rwabo ku nyamaswa bakunda kandi zitavuga ahubwo nibagaragarize impano zabo ku biremwa muntu bigomba kwitegura kuzaba mu ijuru no kwirinda kurimbuka. Nibite ku bana bato bashobora gutoza imico mvajuru. Mugaragarize urukundo imfubyi zibakikije. Aho gukura imitima yanyu ku bagize umuryango w'inyoko muntu, mushakishe uko mwarera izo mfubyi kandi munabigishe mu mwami. Hari umurimo ukomeye ugomba gukorwa na buri wese ushaka kuwirunduriramo. Mu kwirundurira muri uyu murimo wa gikristo, itorero riziyongera mu bwinshi kandi rizakungahara mu by'umwuka. Agakiza k'abatagira aho baba ni umurimo wa buri wese.3

Iyaba abatagira abana, ariko Imana ikaba yarabagize ibsonga by'ubutunzi bwayo bashakishanya umutima wabo wose kwitangira imfubyi zikenye urukundo, impuhwe no kwitabwaho no gushyigikirwa mu by'umutungo bakanezerewe cyane kuruta uko bari ubu.

Mu gihe hari abana badafite uwo kubitaho nka se n'uwo kubagirira impuhwe zuje urukundo nka nyina maze bakaba bahanganye n'ibyangiriza byo mu minsi y'imperuka, ni ngombwa ko haboneka usimbura ababyeyi babo uri hafi yabo. Mwihatire kubagaragariza urukundo, impuhwe n'ubugwaneza. Abavuga ko bizera Imana kandi bayitegerezaho ko ibafasha no kubarinda, kandi bategereje umunsi umwe kuzatura mu mazu yabateguriye, bagomba kwiyumvamo inshingano ikomeye yo kuba inshuti z'abigunze mu bwenge, bakaba ba se b'imfubyi, bakaba icyishingikirizo cy'abapfakazi n'ingirakamaro mu buryo bumwe cyangwa ubundi ku kiremwa muntu.4

Mbese abagore b'umwungeri bagomba kurera abana batari ababo?
Habajijwe ikibazo ko umugore w'umwungeri akwiriye kurera abana b'abandi. Ngibi ibyo nashubije: niba adafite uburyo cyangwa ubushobozi bwo gukora umurimo w'ibwirizabutumwa kure y'urugo rwe, kandi akiyumvamo ko ari inshingano ye kurera abana b'imfubyi no kubitaho azaba akoze umurimo mwiza. Ariko abanze guhitamo kurera abana

b'ababyeyi bapfuye baruhuka isabato. Imana izaha imigisha abagabo n'abagore, beguriye imitima yabo yose kwakira imfubyi mu ngo zabo. Ariko umugore w'umugabura niba agira uruhare muri gahunda yo kwigisha abandi no kubahugura, ubushobozi bwe bwose agomba kubwegurira Imana muri iryo shami. Inshingano ze ni zo kwihugura kugira ngo abashe gufasha umugabo we mu kwamamaza ubutumwa bwiza. Inzira iruguruwe imbere y'abagore bicisha bugufi kandi bitanga, bambaye ubuntu bwa Krsito, kugira ngo basure abakene no kujyanira umucyo imitima y'abacogoye. Bashobora kwegura abacogoye, basengana na bo kandi bakanabayobora kuri Kristo. Abagore nk'abo ntibagomba kumarira igihe cyabo n'imbaraga zabo kuri umwe muri abo bana bato batagira gifasha ukeneye kwitabwaho no gufashwa mu buryo buhoraho. Bityo ntabwo agomba gushingwa umurimo nk'uwo.5

Mukungurire ingo zanyu imfubyi n'abatereranywe: Uko mushoboye kose, muhe aho kuba abatahagira. Mureke buri wese yitegure kugira uruhare muri uyu murimo. Umukiza yabwiye Petero ati: "Ragira abana b'intama zanjye." Iryo tegeko riratureba; mu kugururira ingo zacu imfubyi, tuba tugize uruhare mu kurisohoza. Mureke dukore ku buryo budahemukira Yesu.

Mwakire abo bana kandi mubamurikire Imana nk'umubavu uhumura neza. Mubasabire umugisha wayo, kandi mwihatire kubigisha no kubarera mukurikije ubushake bwa Kristo. Mbese ubwoko bwacu bwiteguye kwemera icyo kigeza cyera?* 6

Ikigeragezo ku bwoko bw'Imana: Hashize imyaka myinshi, neretswe ko ubwoko bw'Imana buzageragezwa mu birebana no gushinga imiryango kubatayigira kandi yuko abantu benshi bazisanga nta miryango bagira kuko bakiriye ukuri k'ubutumwa bwiza. Kurwanywa n'akarengane bizatandukanya abizera bamwe n'imiryango yabo, kandi abafite amahirwe yo kugira umuryango bakwiye kumva ko ari inshingano yabo kwagurira amarembo kwakira abatayigira. Neretswe ko Imana izagerageza ubwoko bwayo kuri iyo ngingo. Kristo yigize umukene ku bwacu, kugira ngo ubukene bwe ari bwo adukirisha. Binyuze mu gitambo cye, yateguriye ubuturo abagenzi n'abimukira bo muri iyi si kandi bahagizwa no kuzinjira mu gihugu cyiza cyo mu ijuru.7

[Icyitonderwa: Inama zirambuye kuri iyi ngingo uzisan-
ga mu gitabo cya Ellen G White cyitwa Umurimo w'ubugiraneza]

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	Temoignages pour l'église vol 2 p 605,607	Testimonies for the church vol 6 p 281,282
2	Testimonies for the church vol 2 p 33	Testimonies for the church vol 2 p 33
3	Manuscript 38,1895	Manuscript 38,1895
4	Testimonies for the church vol 2 p 329	Testimonies for the church vol 2 p 33
5	Testimonies for the church vol 6 p 285	Testimonies for the church vol 6 p 285
6	Testimonies for the church vol 6 p 284	Testimonies for the church vol 6 p 284
7	Testimonies for the church vol 2 p 27,28	Testimonies for the church vol 2 p 27,28

ICYIGWA CYA 26: UMURAGE ABABYEYI BASIGIRA ABANA BABO

Amategeko y'iherekanyamurage: Imbaraga z'umubiri n'iz'ubwenge z'ababyeyi zigera no ku bana babo. Iki kibazo nti cyitabwaho nk'uko byari bikwiriye. Igihe uburyo ababyeyi babaho buhabanye n'amategeko agenga impagarike, kononekara kugenda kwisubiramo mu bisekuru bizakurikiraho...

Binyuriye mu gutoza impagarike, ubwenge n'intekerezo, bose bashobora gukorana na Krisito. Ku rwego rwo hejuru, kugira ngo abana bahinduke umugisha cyangwa umuvumo babikomora ku babyeyi babo.1

Uko ibitekerezo by'ababyeyi biboneye, n'ubushobozi bwabo bw'ubwenge n'ubw'iby'umwuka bikungahaye kandi n'imbaraga zabo z'impagarike zikaba ari nyinshi, niko baba bateguriye abana babo kuba abarwanyu beza b'ubuzima.2

Ababyeyi benshi bari mu bujiji bukomeye: Abashinzwe kubera maso iterambere ry'imitima n'imibiri y'abana bagabiwe baremwe ku ishusho y'Imana, bagomba kugarira amarembo kwifuza k'umubiri guturuka mu isi kandi konona ubutaraga bw'impagarike n'ubw'ubwenge bw'abantu ibihumbi byinshi bo muri bo. Mu gushakisha impamvu nyamukuru y'amahano ari kuba muri iki gihe, tuzasanga akomoka ku bujiji bw'ababyeyi birengagiza iyi ngingo. Kubw'ubwo bujiji, ubutaraga n'ubuzima bihinduka ibitambo. Babyeyi ni mwirengagiza guha abana banyu uburere bwiza Imana yabashinze nk'inshingano, binyuriye mu mahame no mu cyitegererezo muzabibazwa imbere y'Imana. Izo ngaruka ntizizagarukira ku bana banyu gusa, ahubwo zizagera no ku bisekuru bizakurikiraho. Nk'uko igitovi kimwe cyarekewe mu murima cyera imbuto z'ubwoko bwacyo ni nako ibyaha bizakomoka ku bunenganenzi bwanyu bizazana kurimbuka kubazahura n'ingaruka zabyo mu buryo bwahuranije.

Ibibi byo kutirinda birakwirakwira: Imibereho itambwe mu kwinezeza no mu kwirundurira mu kunywa vino bihembura irari, bikangiriza amaraso kandi bigatera indwara z'ubwoko bwose. Ariko ibibi byabyo nti bigarukira aho. Ababyeyi banduza ababakomokaho izo ndwara. Ni nk'itegeko ko umuntu wese utirinda ufite abana, abanduzira irari rye, n'akamenyero ke kabi ndetse n'indwara

z'akarande ziri mu maraso ye ashyushye kandi yanduye. Umwuka w'ubusambanyi, indwara no gusigingira ko mu bwenge bisigirwa abana nk'umurage mubi basigiwe n'ababyeyi babo bikagenda bisimburana uko ibisekuru bihayeye ibindi, bigatera mu isi agahinda n'umubabaro nk'isubiramo ryo kugwa kwa mwene muntu...

Ibiri amambu, abagore n'abagabo bo muri iki gihe, nta cyo bitayeho buzuye gukabya n'ubusinzi bityo bakaraga ibisekuru bizakurikiraho umurage w'indwara, w'ubwenge buke no kwangirika ko mu bwenge.⁴

Hari impamvu yadutera gukuba gusobanukirwa no kwihangana: Ababyeyi bashobora kubona no kwigira imico yabo ubwabo mu mico y'abana babo. Mu gutahura ko abahungu n'abakobwa babo badashyitse kandi badatunganye, bazakorwa n'isoni. Mu kwihatira gukosora akamenyero kabi kakomotse mu ihererekanyamurage ry'abana babo ribi, ababyeyi bagomba gukuba kwihangana, gushinyiriza n'urukundo.⁵

Iyo umwana agaragaje mu mico ye amafuti mabi yakomoye ku babyeyi be, mbese ababyeyi bagomba kumurakarira kandi ari bo yakomotseho? Oya, ntibikabeho! Nibite cyane ku myitwarire yabo birinda gusharirana kose no gukariha kose kugira ngo iyo mico itazigaragaza biruseho ku bana babo.⁶

Mu mubano mugirana n'abana b'abanyamufuti, mugaragaze ubwitonzi no kwihangana nka Kristo. Ntukibagirwe ko ububi bwabo bwose babukomoye ku mugabo cyangwa se ku mugore. Mwitondere cyane abana banyu bafite muri bo ingeso zimwe zo mu mico yanyu.⁷

Ababyeyi bagomba kugira kwizera gushinze imizi mu mbaraga za Kristo kugira ngo bashobore gukosora imico mibi banduje abana babo.⁸

Babyeyi, mwimenyereze kwihangana. Kenshi, ubunenganenzi bwanyu bwo mu gihe cyashize buzabatera gukoresha imbaraga nyinshi umurimo wanyu ukomere. Ariko niba mwiringira Imana, izabaha imbaraga mukeneye. Mukorane urukundo n'ubwenge mu byo mugirira abana banyu.⁹

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	Manuscript 3, 1897	Manuscript 3, 1897
2	Ministere de la guerison p 313 (Rayon de la sant� p 31)	Ministry of Healing p 371
3	Manuscript 58,1899	Manuscript 58,1899
4	Testimonies for the church vol 4 p 30,31	Testimonies for the church vol 4 p 30,31
5	Review and herald 30 aout 1881	Review and herald 30 August 1881
6	Signs of the times 25 sept 1901	Signs of the times 25 sept 1901
7	Manuscript 142,1898	Manuscript 142,1898
8	Manuscript 79,1901	Manuscript 79,1901
9	Manuscript 80, 1901	Manuscript 80, 1901

UMUGABANE WA 8:
UMURYANGO UGERA KU
NTSINZI

ICYIGWA CYA 27: URUZIGA RWERA

Kwera k'uruziga rw'umuryango: Ahazengurutse buri muryango wose hari uruziga rwera rugomba kurindwa. Nta n'umwe wemerewe ku rwinjiramo. Umugabo n'umugore bagomba kwegurirana ubuzima bwabo. Umugore nta banga na rimwe akwiriye guhisha umugabo we maze ngo arihishurire abandi; n'umugabo na we, nta banga akwiriye kugira ngo arihishe umugore we maze ngo arihishurire abandi. Umutima w'umugore ugomba kuba igituro ahambamo amafuti y'umugabo we, kandi na none umutima w'umugabo ugomba kuba imva ahambamo amafuti y'umugore we. Nta numwe mu bashyingiranwe ukwiye kwinezeza atitaye ku byiyumviro bya mugenzi we. Ntibikabeho ko umugabo n'umugore, mu buryo ubwo ari bwo bwose ko baburanira imbere y'abandi kuko haba ubwo ibyo bafata nk'ibikino bishobora gutera amakimbirane mu bashakanye yemwe no kubandi. Neretswe ko ingabo yera igomba kurinda buri muryango wose.1

Uruziga rw'umuryango rugomba gufatwa nk'ahantu hera, ikimenyetso cy'ijuru, indorerwamo twireberamo ubwacu. Dushobora kugira inshuti n'abo dushyikirana cyane ariko ntibagomba kwinjira mu buzima bw'umuryango. Buri wese agomba kwiyumvisha cyane ko iby'umuryango ari umwihariko kuri ba nyirabyo, bakoroherana, bakaruhurana kandi bakizerana.2

Ururimi, amatwi n'amaso bigomba kwezwa: Abagize uruziga rw'umuryango bagomba gusenga, kugira ngo Imana yeze indimi zabo, amatwi yabo, amaso yabo na buri ruringo rw'impagarike yabo yose. Niduhura n'ikibi, ntabwo dukwiriye gusitazwa na cyo. Kristo yakoze ibishoboka byose kugira ngo imico yacu ibe impumuro y'ibyiza,...

Mbega ukuntu mu ruziga rw'umuryango ari abantu benshi basuzuguzwa Kristo kandi bakagaragaza nabi imico ye! Mbega ukuntu benshi muri bo birengagiza kugaragaza kwihangana, kwitanga, imbabazi n'urukundo nyakuri! Benshi n'abafite ibyo bakunda n'ibyo badakunda maze bikabaha urwaho rwo kugaragaza aza uruhande rubi barimo mu mwanya wo kugaragaza ubushake, imirimo n'imico ya Kristo. Imibereho ya Yesu yuzuye ubugwaneza n'urukundo. Mbese tujya mbere kugira ngo dusingire imico ye y'Ubumana?3.

Ubumwe, urukundo n'amahoro: Reka ababyeyi bagirane amasezerano imbere y'Imana, basezerane ko bazakundana kandi bakubahana, kandi binyuriye mu buntu bwayo ko batazigera bagira kutumvika hagati muri bo ahubwo ko bazagaragaza mu mibereho yabo no mu ngeso zabo imico bakwifuza ko abana babo bazagira.”⁴

Bagomba kwihatira kurwanya ko umwuka wo kutumvikana wa kwinjira mu rugo rwabo kuko ari bumwe mu buryo Satani akoresha kugira ngo agaragaze ikimenyetso cy'aho yimitse ingoma ye. Nibashakisha ubumwe mu rugo rwabo ubudatuza bashyira mu bikorwa imico yagengaga imibereho ya Kristo, kutumvikana kose bizakurwaho, ubumwe n'urukundo bizahashinga imizi, ababyeyi n'abana bazagabana batyo ku mpano y'umwuka wera.⁵

Reka abagabo n'abagore bazirikane ko bafite umutwaro uremereye kandi uhagije bagomba kwikorera ku buryo batakwemera ko intonganya zinjira mu mibereho yabo kubarimbura. Abugururira amarembo kutumvikana, uko kwaba ari guto kose baba bararika Satani ngo aze mu rugo rwabo. Intonganya nto zirahigije kwereka abana ko nta guhuza kuhari hagati y'ababyeyi babo. Abakozi b'umubi bihatira gutera ababyeyi n'abana kuba inkundamugayo imbere y'Imana.⁶

Uko ibigeragezo byangana kose mu mibereho y'abashyingiranwe, umugabo n'umugore bagomba guhora bashinze imizi mu rukundo rw'Imana. Umugabo akwiye gufata nyina w'abana be nk'ukwiye kugirirwa ineza, impuhwe ^[179] n'urukundo.⁷

Ibanga ry'ubumwe bw'umuryango: Kuba kure ya Kristo ni byo bitera amacakubiri no kutumvikana mu miryango no mu itorero. Kwegera Kristo bitubashisha kwegerana n'abandi. Ibanga ry'ubumwe nyakuri mu itorero no mu muryango nti rishingiye ku mishyikirano cyangwa mu gucunga umutungo neza, cyangwa mu mbaraga zirenze iza kimuntu zo kunesha ingorane, nubwo ibyo byose bifite akamaro kabyo, ariko ibanga ry'ubumwe rikomoka mu kugirana ubumwe na Kristo.

Mushushanye uruziga, mushyiremo imirongo myinshi ihereye ku muzenguruko ukagera mu ihuriro. Uko iyo mirongo igenda yegera ihuriro, ni ko irushaho kwegerana.

Ni nako bimeze mu mibereho ya gikristo, uko turushaho kwegera Kristo, ni ko turushaho kwegerana ubwacu. Imana ihabwa icyubahiro, igihe abana bayo bashyize hamwe mu mirimo bumvikanyeho.⁸

Reka umwe afashe mugenzi we: Uruziga rw'umuryango ni ishyirahamwe ryera, aho buri wese akwiriye gukora ibimureba, bagira gufashanya. Buri gikorwa cyose cy'umuryango gikwiye gukorwa mu mutuzo nk'iminyururu y'imashini ikoze neza.⁹

Buri wese mu bagize umuryango akwiriye kwiyumvamo ko ari we ushinzwe gutuma mu rugo haba gukomera, gahunda n'imigendekere myiza binyuriye mu kuzuza inshingano zimureba ku giti cye. Nta wukwiriye gukora arwanya mugenzi we. Bose bakwiriye kwiyemeza gukorerana ibyiza bakomezanya, bagaragarizanya ubugwaneza, umwuka wo kubabarirana no kwihanganirana, bavugana ubwitonzi no kwicisha bugufi, birinda ibyatera urujijo byose. Buri wese akwiriye kwihatira gukora ibyakoroshya imitwaro y'umubyeyi w'umugore.

Buri muntu mu bagize umuryango agomba gusobanukirwa neza inshingano agomba gukora akorana na bagenzi be. Bose guhera ku mwana w'imyaka itandatu ukageza ku musaza, bagomba kumenya ko bakwiriye gukora uruhare rwabo mu mutwaro w'ubuzima.

Imyanzuro myiza: Ngomba gukurira mu buntu mu rugo n'aho naba ndi hose kugira ngo mpe imbaraga ibikorwa byanjye byose. Mu rugo ngomba kwitondera umwuka nkoresha, ibikorwa byanjye n'amagambo yanjye. Ngomba kumarira igihe cyanjye mu kwiyigisha, no kwitoza nk'uko amahame yo gukiranuka abisaba. Ngomba kuba intangarugero ku bandi. Ngomba kwibwira amagambo y'Imana kumanywa na nijoro kugira ngo nyashyire mu bikorwa mu buzima bwanjye. Inkota y'umwuka ari yo Jambo ry'Imana, ni yo yonyine mbasha kwifashisha ntintere akaga 11.

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU KINGEREZA
1	Manuscript 1, 1855	Manuscript 1, 1855
2	Letter 17,1895	Letter 17,1895
3	Manuscript 18, 1891	Manuscript 18,1891
4	Manuscript 38,1895	Manuscript 38,1895
5	Manuscript 53, 1912	Manuscript 53, 1912
6	Letter 133, 1904	Letter 133, 1904
7	Letter 198, 1901	Letter 198, 1901
8	Letter 49,1904	Letter 49,1904
9	Manuscript 29,1903	Manuscript 29,1903
10	Testimonies for the church vol 2, 699,700	Testimonies for the church vol 2, 699,700
11	Manuscript 13, 1891	Manuscript 13, 1891

ICYIGWA CYA 28: ISHURI RYA MBERE RY'UMWANA

Umugambi w'Imana wa katanga ka mbere k'uburezi:

Gahunda y'uburezi bwashyizweho muri Edeni yari ishingiyeye mu muryango. Adamu yari umuhungu w'Imana, kandi abo bana b'Isumba byose bigishwaga na se. Mu buryo bwumvikana bari bafite ishuri ry'umuryango.

Umugambi w'Imana w'uburezi nk'uko waje guhuzwa n'imiterere y'umuntu nyuma yo kugwa kwe, Kristo ni we uhagarariye se, ni we teme rihuza umuntu n'Imana, ni we Mwigisha mukuru w'ikiremwa muntu. Kandi yategetse ko abagabo n'abagore bamuhagararira. Umuryango wari ishuri, ababyeyi bakaba abigisha.

Uburezi bushingiyeye mu muryango ni bwo bwakorwaga mu gihe cy'abakurambere, kubw'ayo mashuri yabaga yarahanzwe atyo, Imana ni yo yatangaga ibikenewe byo gukuza imico. Abari muni y'ubuyobozi bw'Imana bakurikizaga umugambi w'ubuzima yari yarashyizweho mu ntango y'ibintu byose. Abitandukanije n'Imana biyubakiye imigi, bakayihuriramo, bakihimbaza kubw'ubwiza bwayo, umurengwe n'ingeso mbi ari nabyo bitumye imijyi ya none iteje umuvumo n'ubwibone mu isi. Ariko uko abantu bakomezaga amahame y'Imana agenga ubuzima, baturaga mu mirima no mu misozi, bahingaga ubutaka, bakaragira amashyo n'imikumbi kandi muri ubwo buzima bw'umudendezo no kwishyira ukizana, bari babufitemo amahirwe yo gukora, kwiga no kwibwira iby'Imana, bigishwaga n'Imana kandi bakigisha abana babo imirimo n'inzira zayo. Ubwo ni bwo buryo bw'uburezi Imana yifuzaga gushinga muri Isirayeli.¹

Mu buzima busanzwe, umuryango wari ishuri ukaba ^[182] n'urusengeru, ababyeyi bari abarezi mu birebana n'ubuzimabusanzwe no mu by'iyobokamana.²

Uruziga rw'umuryango ni ishuri: Mu bwenge bwayo butagereranwa, imana yagennye ko umuryango uba ahantu h'ingenzi ho kurerera. Uburezi bw'umwana bugombaga gutangirira i muhira. Ni ho shuri rye rya mbere. Aho, ari kumwe n'ababyeyi be nk'abigisha be, agomba kwiga ibyigisho bizamuyobora ubuzima bwe bwose, ibyigisho bijyaniranye no kubaha, kumvira no kwitegeka. icyitegererezo cy'uburezi bwo mu rugo, gifite imbaraga zo gutera gukora ikibi cyangwa icyiza. Mubigaragarira amaso, icyo cyitegererezo gikora bucece kandi buhoro buhoro ariko iyo cyerekejwe mu cyerekezo kizima, gihinduka imbaraga

ikomeye mu kurengera ukuri no gukiranuka. Iyo abana badahawe uburere bwiza iwabo, Satani ubwe azabiyigishiriza akoresheje ibikoresho yihitiyemo. Mbega uburyo ishuri ry'i muhira ari ingenzi cyane!³

Uruziga rw'umuryango mu rufate nk'ishuri ryo kwitorezamo, aho mutegurira abana banyu gusohoza inshingano zabo mu muryango, muri rubanda no mu itorero.⁴

Uburezi bwo mu rugo ni ubw'ibanze: Birababaje kubona hafi mu isi yose uburezi rw'urubyiruko rwa none no kubahugura byarirengagijwe. ⁵

Nta murimo n'umwe mu isi ufite agaciro nk'uwashinzwe abarinzi n'abashinze umuryango. Mu nshingano zishinzwe abantu, nta murimo ugira ingaruka nyinshi kandi zikomeye, nk'umurimo w'ababyeyi.

Urubyiruko rwa none rutwereka uko isi y'ejo izaba imeze. Ahazaza h'abana bacu n'urubyiruko rwacu hashingiye ku miryango bakuriramo. Indwara, ubuhanya n'ubwicanyi ikiremwa muntu gihura na cyo, mu ruhande runini ^[183] bikomoka mu kubura uburere mu miryango. Iyaba imibereho y'umuryango yeraga kandi igatungana, iyaba abana barayiteguriwemo kuzuzwa inshingano no guhangana n'ingorane zo mu buzima, mbega ukuntu twabona impinduka mu isi!⁶

Ibindi byose biza ku mwanya wa kabiri: Buri mwana uvutse mu isi, ni ubutunzi bwite bwa Yesu Kristo, kandi yakagombye kwigishwa binyuriye mu mahame no mu cyitegererezo gukunda no kubaha Imana. Ariko ababyeyi benshi bananiwe gusohoza icyo Imana yabashinze, birengagije kurera no kwigisha abana babo uherye mu gihe bari bakiri mu myaka yo kumva, kugira ngo babashe kumenya no gukunda Kristo. Binyuriye mu mihati yo gushinyiriza, ababyeyi bagomba kuba maso bakita ku bwenge bw'abana bukabakabwa kandi bufata vuba, kandi bagashyira izindi nshingano Imana yabashinze zo mu buzima bwa buri muni ku mwanya wa kabiri. Bagomba kurera abana babo bishingikiriza ku Mana no ku nama zayo.⁷

Ababyeyi nti bagomba kureka ngo bayoborwe n'amaganya y'imirimo, imigenzo n'imihango y'isi no gukururwa n'ibigezweho, kugeza ubwo birengagiza abana babo uherye mu rwahi kandi ntibabahe inyigisho zikwiranye n'uko bagenda bakura.⁸

Imwe mu mpamvu z'ingenzi zituma ikibi kimaze kuba gikwira mu isi ya none ni uko ababyeyi birundurira mu bindi, bakirengagiza iby'ingenzi. Ni gute bazashobora kwigishanya kwihangana n'ubugwaneza inzira za Kristo abana babo? Iyaba igihu gitwikiriye ukuri cyakurwagaho, twakabonye ko abana benshi barorongotanye, batagize amahirwe yo kuronka icyitegererezo cyiza bitewe n'ubwo bunenganenzi. Babyeyi, mushobora kwiha umudendezo wo gukora ibisa bityo? Nta murimo n'umwe wakagombye kugira agaciro mu maso yanyu ku buryo wababuza guha abana banyu umwanya w'ingenzi wose kugira ngo mubigishe basobanukirwe icyo kubaha Imana bivuze no kuyiringira byuzuye...

Ni izihe ngororano muzabwa ku byo mwakoze? Muzabona abana banyu bagendera impande zanyu bifuza kugendana no gukorana namwe mu nzira mwaberetse? Noneho muzabona ko umurimo wanyu worohejwe.⁹

Abarezi bashyizwe n'Imana mu ishuri ry'umuryango: ababyeyi bagomba kwifata mu bundi buryo bwihariye nk'ibikoresho by'Imana nka Aburahamu, bigisha abana babo kugendera mu nzira z'Uwiteka. Ariko bagomba gucukumbura mu byanditswe babyitondeye kugira ngo bamenye aho inzira z'Uwiteka ziri by'ukuri kandi ngo bashobore kuyobora umuryango wose. Umuhanuzi Mika yaravuze ati: "Yewe mwana w'umuntu we yakweretse icyiza icyo ari cyo, icyo Uwiteka agushakaho ni iki? Ni ugukora ibyo gukiranuka no gukunda kubabarira no kugendana n'Imana yawe wicisha bugufi." Kugira ngo bahinduke abigisha, ababyeyi bagomba kubanza bahinduka abanyeshuri, bagashakisha umucyo mu Ijambo ry'Imana kandi bakihatira binyuze mu mahame no mu cyitegererezo, kuyacengeza mu bana babo.¹⁰

Nkurikije umucyo Imana yampaye, nzi yuko umugabo n'umugore bafite inshingano zo kuba ababwiriza, abaganga, abaforomo n'abarezi, bihatira guhuza abana n'Imana, banabizirikaho; bagomba kubigisha kureka akamenyero kose gashobora kubazanira mu buryo bumwe cyangwa ubundi ingaruka mbi ku buzima no ku mikorere yabwo yagenwe n'Imana no kubigisha gufata neza umubiri wabo wose.¹¹

Muri uyu murimo wo gutoza abana, inshingano ya mbere y'ibanze ireba umubyeyi w'umugore, mu gihe izindi nshingano z'ingenzi kandi zikomeye zigomba kuzuzwa n'umugabo. Umugore kuko akunda kuzura no kubana n'abana be byumwihariko mu

myaka yabo ya mbere, agomba kuba byumwihariko umwigisha wabo n'inshuti yabo. Agomba ku bigisha kugira gahunda n'isuku no kubatoza kugira akamenyero keza muri bo no kwifata neza, kandi akabafasha [185] kuba abakozi, biringirwa mu nshingano zabo ndetse akabigisha gufasha bagenzi babo: Muri magufi, agomba kubigisha kubaho no gukora nk'aho buri gihe bari imbere y'Imana.

Abakobwa bakuze bashobora kuba icyitegererezo cyiza ku bakiri bato bagize bumuryango. Aba bana bahorana iteka na bakuru babo bazayoborwa no kubiganaho kuyoborwa n'amabwiriza agenda asubirwamo inshuro nyishi. Umukobwa w'imfura agomba gusobanukirwa n'inshingano zimureba nk'umukristokazi, ari zo zo gufasha nyina mu mirimo ye myinshi kandi iremereye.13

Ababyeyi bagomba kuba kenshi mu buryo bushoboka bwose iwabo kandi bakigisha abana babo binyuriye mu mahame no mu cyitegererezo gukunda no kubaha Imana; bakabigisha kugira ubwenge, gushyikirana no kugaragaza urukundo; ko akwiriye kwigaragaza nk'umukozi, uzigama kandi witeguye kwiyanga. Mu kubagaragariza i muhira urukundo n'impuhwe no mu kubatera akanyabugabo, ababyeyi baba babizeza ubwugamo bukomeye kandi buzababashisha kurindwa ibishuko byo mu isi.14

Kwitegura ishuri ry'itorero: Mu ishuri ryo mu rugo ni ho abahungu n'abakobwa bacu bitegurira kwinjira mu ishuri ry'itorero. Ababyeyi bagomba guhora babitekerezaho kandi nk'abarezi b'i muhira bagomba kwegurira ubushobozi bwabo bwose Imana kugira ngo bashobore kuzuzwa umurimo wabo mwiza kandi wera. Ibyigisho byigiye kandi bigafatirwa mu muryango bihinduka umwiteguro w'ibanze wo kwinjira mu ishuri kw'abana.15

Gukomera kw'amategeko y'Imana: Bibiliya ifite amabwiriza areba abantu bose yaba abayeyi n'abana yo tudashobora guhunga. Amabwiriza y'Imana agomba kuza ku mwanya w'imbere. Reka umugabo n'umugore bigire Ijambo ry'Imana imbere y'usoma imitima yose kandi bibaza bataryarya bati: "Mbese Imana yavuze iki?"16

Mwigishe abana banyu gukunda ukuri kuko ari ukuri, kandi kuko bashobora kwezwa na ko kandi ko ariko [186] kuzabategurira kunyura mu igeragezwa rizagaragaza ko bakwiriye guhabwa inshingano ikomeye kurushaho no guhinduka abagize umuryango wa Cyami, abahungu n'abakobwa b'umwami w'ijuru cyangwa se ko batabikwiriye.17

Kwitegura akaga kagiye gutera: Satani ari guhuriza hamwe ingabo ze; mbese buri wese yiteguye ku giti cye guhangana n'akaga gakomeye kari hafi kwisuka? Mbese turi gutegurira abana bacu guhangana n'ako kaga gakomeye? Mbese twihatira twe n'imiryango yacu kwiga ibirindiro by'abanzi bacu n'uburyo bwo kurwana? Mbese abana bacu bimenyereje akamenyero ko gufata imyanzuro izabashoboza gushikama no kutajegajega ku kwizirika ku mahame nyakuri no mu gusohoza inshingano zabo?

Ndasenga ngo twese dusobanukirwe n'ibimenyetso by'ibihe kandi ko twebwe n'abana bacu, twitegure kugira ngo mu gihe cy'akaga Imana izatubere ubuhungiro bwacu n'umurinzi wacu.18

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU KINGEREZA
1	Education p 39	Education p 33
2	Education 34	Education 41
3	Counsels to teachers , parents and students p 107	Counsels to teachers , parents and students p 107
4	Signs of the Times 10 sept 1894	Signs of the Times 10 sept 1894
5	Review and Herald 30 aout 1881	Review and Herald 30 August 1881
6	Ministere de la guerison p 296 ,297 (Rayon de santé 26,27)	Ministry of Healing p 351
7	Manuscripts 126,1896	Manuscripts 126,1896
8	Signs of the Times 17 sept 1894	Signs of the Times 17 sept 1894
9	Manuscripts 53, 1912	Manuscripts 53, 1912
10	Christian temperance and Bible hygiene p 145	Christian temperance and Bible hygiene p 145

11	Manuscripts 100, 1902	Manuscripts 100, 1902
12	Pacific health journal jan, 1890	Pacific health journal Jan, 1890
13	Testimonies for the church vol 3 P 137	Testimonies for the church vol 3 P 137
14	Fundamental of Christian education p 65	Fundamental of Christian education p 65
15	Counsels to teachers , parents and students p 150	Counsels to teachers , parents and students p 107
16	Review and herald 15 sept 1891	Review and herald 15 sept 1891
17	Signs of the Times 10 sept 1894	Signs of the Times 10 sept 1894
18	Review and herald 23 avrir 1889	Review and herald 23 April 1889

ICYIGWA CYA 29: UMURIMO UTASIMBURWAHO N'UNDI

Inshingano za kibyeyi utasimburwaho n'undi: Babyeyi, mufite inshingano zitashobora kwikorera n'uwo ari we wese. Ubuzima bwanyu bwose, musabwa imbere y'Imana kugendera mu nzira zayo. Abagira Ijambo ry'Imana umuyobozi wabo, kandi bagasobanukirwa uko abana babo babakeneye mu gutunganya imico yabo, bazihatira kugaragaza urugero abo bana bazakurikiza kugira ngo bagire umutekano.1

Ababyeyi ni bo bashinzwe ubuzima bw'abana babo, ku bigisha no guteza imbere imico yabo. Nta wundi muntu n'umwe washingwa uwo murimo. Mu kuba ababyeyi, muba mwemeye gukorana n'Umwami, kugira ngo abana banyu mubacengezemo amahame yera.2

Mbega ukuntu bibabaje kubona ko hariho benshi banga inshingano Imana ishaka ko bakorera abana babo, bagashaka kuzishinga abanyamahanga! Bashaka ko hagira abandi babarerera, bityo, bakaba bikuyeho imitwari yose yo kurera.3

Abenshi bababazwa n'amafuti y'abana babo; ni bo bari bakwiye kwigaya. Nibabaze Bibiliya kugira ngo bamenye ibyo Imana ibasaba nk'ababyeyi n'abarinzi, maze basohoze inshingano zabo bamaze igihe kirekire barazirengagije. Bakeneye guca bugufi bo ubwabo no kwihana imbere y'Imana kuba barirengagije ayo mategeko mu burezi bw'abana babo. Bakeneye guhindura uburyo bwo gukora bwabo, maze bayoboze Bibiliya n'umutima ukunze, yo muyobozi n'umujiyemama wabo.4

Itorero ntiryashobora kuzuza izo nshingano ryonyine. Oh, Iyaba abasore n'abana bahaga Kristo imitima! mbega ukuntu haboneka ingabo nyinshi zishobora kuzana abandi mu bukiranutsi baramutse batojwe gutyo! Ariko ababyeyi ntibakwiye kurekera itorero iyo nshingano ryonyine.5

N'umugabura ntiyabishobora wenyine: Mushinga ibikorwa biremereye cyane umugabura, mukavuga ko ari we uzabazwa imitima y'abana banyu, ariko ntimwibaze ku nshingano mushinzwe nk'ababyeyi n'abarezi... Abahungu n'abakobwa banyu bahindanijwe n'icyitegererezo cyanyu hamwe n'amagambo yanyu adasobanutse. Mumaze kunanirwa kubaha uburere bwo mu

muryango bwiza, mushaka ko umugabura yasana ibikorwa byanyu bya buri munsu ngo ari we uha imitima yabo n'ubuzima bwabo icyerekezo cyiza cyo mu kuri no mu kwera. Mu gihe aba yakoreye itorero ibyo ashoboye byose anyuriye mu kubaburira no kubakeburira, ku bigisha kugira ikinyabupfura, kandi agasengana umwete kugira ngo babashe kwihana no gukiza imitima yabo; n'ubwo yakoze ibyo byose ariko ntagere ku ntego ye, ababyeyi bamushinja kenshi ko abana babo badahinduka, kandi ibyo biterwa wenda no kwirengagiza kw'ababyeyi babo. Iryo kosa ribarwa mbere ya byose kuri bo; ariko mbese baba biteguye kuzuzanya inshingano Imana yabashinze kandi bakayikorana gukiranuka? Mbese bazatera imbere, bagere hejuru cyane mu bikorwa byabo, bihatira mu buryo bworoheje kandi bafite kwihangana no gushinyiriza kugera ku ntego yabo yo hejuru no kwitwaza abana babo? 6

Ababyeyi benshi mbese ntibashaka gufata inshingano yabo bakayegurira abandi? Mbese benshi muri bo ntibazatekereza ko umwungeri ari we ugomba kwikorera uwo mutwaro akagerageza kurehereza abana babo ku guhinduka kugira ngo ikimenyetso cy'Imana gishyirwe kuri bo?7

N'ibyigisho by'ishuri ryo ku isabato ntiryareshobora:
Ababyeyi bafite amahirwe yo gufasha abana babo kwakira ubwo bumenyi bazimukana no mu buzima bw'ahazaza. Ariko, kubw'impamvu zimwe zimwe, ababyeyi benshi ntibakunda kwigisha abana babo iby'iyobokamana; bashimishwa no kubareka bagatoragura mw'ishuri ryo kw'isabato ibyo bo ubwabo basabwa kubigisha ku bijyaniranye n'inshingano bafite imbere y'Imana.

Ababyeyi nk'abo bakeneye gusobanukirwa ko Imana ibashakaho ko barera, bagaha ikinyabupfura kandi bagatoza abana babo. Bakabigisha, bibuka igihe cyose ko bariho bagira uruhare mu guteza imbere imico yo muri ubu buzima n'ubuzaza.8

Ntimukishingikirize gusa ku bigisha b'ishuri ryo kw'isabato mu gukora umurimo wanyu wo gutegurira abana banyu kugendera mu nzira bakwiye gucamo. Ishuri ryo kw'isabato ni umugisha ukomeye; ryabafasha mu mirimo yanyu, ariko nti rishobora kubasimbura. Imana yashinze ababyeyi bose inshingano yo kuzana abana babo kuri Yesu no kubigisha gusenga no kwizera Ijambo ry'Imana.

Mu kurera abana banyu, ntimugashyire ku ruhande ukuri gukomeye kwa Bibiliya mwitwaje ko ishuri ryo kw'isabato n'umwungeri bazabibakorera. Kwera kwa Bibiliya no gukomera kwayo ntibyatumama itabumburwa ngo yiganwe ubwitonzi iminsi yose. Ukuri ko mu Ijambo ry'Imana gukwiriye guhuzwa n'utuntu duto duto two mu buzima tuboneka nk'udusuzuguritse. Niramuka ikurikijwe neza, izamurikira ubuzima bwa buri muni, izatera kumvira kandi yigishe amahame y'ingenzi mu kurema imico itunganye. 9

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU KIB- GEREZA
1	Lettre 356, 1907	Lettre 356, 1907
2	Manuscrit 126, 1897	Manuscrit 126, 1897
3	Review and Herald, 25 Octobre 1892	Review and Herald, 25 Octobre 1892
4	Manuscrit 57, 1897	Manuscrit 57, 1897
5	Signs of the Times, 13, aout 1896	Signs of the Times, 13, aout 1896
6	Testimonies for the church vol 5 p 494,495	Testimonies for the church vol 5 p 494,495
7	Review and herald 21 mai 1895	Review and herald 21 mai 1895
8	Review and herald 6 juin 1899	Review and herald 6 juin 1899
9	Manuscript 5, 1896	Manuscript 5, 1896

ICYIGWA CYA 30: UBUCUTI MU MURYANGO

Ababyeyi bakwiriye gushaka uko bagirana ubucuti n’abana babo: Ababyeyi bamwe ntibumva abana babo ngo bagirane ubucuti. Hari intera nini ibatandukanya. Iyaba ababyeyi bacengeraga mu byiyumviro by’abana babo maze bakamenya ibiri mu mitima yabo, bashobora kubabera ingirakamaro. 1

Umugabo n’umugore bagomba gukorera hamwe mu rukundo rushyitse. Bagomba guhinduka incuti magara z’abana babo.2

Ababyeyi bakwiriye kwiga uburyo bwiza bwo kwigarurira urukundo n’icyizere by’abana babo, kugira ngo babayobore mu nzira nziza. Imirashi y’izuba ry’urukundo rikarabagirana ku muryango wose.3

Gutera akanyabugabo no gushima - Abana bakiri bato bakunda kuba mu bandi, ni gake bishimira kuba bonyine. bishimira cyane gukundwa no kwitabwaho, batekereza ko ikibanezeza kinezeza na nyina. Biri muri kamere yabo rero kujya iyo umubyeyi ari mu gihe banezerewe no mu gihe bababaye. Aho rero umubyeyi asabwa kwitonda kugira ngo adakomeretsa imitima yabo yoroshye mu kubereka ko ibyabashimishije cyangwa se ibyabababaje ntacyo bivuze kuri we, kandi bo babona ko bifite agaciro gakomeye. Kubatega amatwi no kubyemera ni iby’agaciro kuri bo. Kubereka ko ari byo, ijambo rikomeza cyangwa kubashima bizasusurutsa umutima wabo nk’umurasire w’izuba kandi bizaba bihagije ngo bitume bishima umunsi wose. 4

Ababyeyi bakwiriye kuba abiringirwa n’abana babo: Ababyeyi bakwiriye gutera abana babo umwete wo kubiringira, bakababwira ibibagoye, ibigeragezo bahura na byo n’ibibabangamira bya buri munsi.5

Mubigishe mufite ubugwaneza kandi mubahoze ku mutima. Ni igihe gishishana kuri bo. Hari imbaraga ziri gushebekera kubabakuraho ariko musabwa kuzikumira. Mubigishe kubiringira ku buryo bashobora kubongorera ibibaguye nabi n’ibibanejeje. 6

Abana bakarinzwe ibibi byinshi iyaba bari incuti n’ababyeyi babo. Ababyeyi bakwiriye gutera abana babo umwete wo kubakingurira imitima yabo no kuba abanyakuri bari hamwe, bakabamenyesha ingorane zabo, mu gihe batindiganya ku nyifato bakurikiza bakabagisha inama. Ni

bande bashobora neza kureba no kwerekana akaga kariho kuruta ababyeyi bakiranuka? Ninde usobanukiwe neza imico y'abana kuruta ababyeyi babo? Umugore wagenzuye buri mihindagurikire y'ubwenge kuva mu buto bw'umwana maze akaba afite ubumenyi buhagije bw'imico kavukire aba ari umuntu witeguye neza wo kugira inama umwana we. Ni nde washobora kumenya neza ingeso zo mu mico ye agomba kugenzura no gucikaho kurusha nyina w'umwana afashijwe na se? 7

“Nta mwanya mfite” “Nta mwanya mfite”, ni ko se w'abana avuga; “Nta mwanya mfite wo kurera abana banjye cyangwa wo gutakaza mu binezeza bya rubanda n'ibyo mu muryango”. Niba ari uko biri, ntimuba mwaririwe mwikorera inshingano z'urugo. Mu kwima abana umwana bafitiye uburenganzira, uba ubagomwe uburezi bagakwiriye kugukomoraho. Kuko mufite abana, mufite inshingano mugomba kuzuzanya mufatanije n'umugore wawe, mu gutunganya imico yabo.8

Ababyeyi benshi b'abagore baravugaga bati : “Nta mwanya mfite wo kugumana n'abana banjye.” Kubw'icyubahiro cya Kristo mugabanye umwana mugenera imyambarire. Mwirengagize kwitaka mugambiriye kurebwa. Mugabanye umubare w'ubutumire mutanga cyangwa se mwitaba. Mugabanye guteka inkono z'amoko anyuranye zitarangira. Ariko ndabasabye ntimukirengagize abana banyu. Mbese urukungu n'amasaka bihuriye he? Ntihagire ikintu na kimwe mwemerera kwitambika hagati yanyu n'inyungu z'ibanze z'abana banyu.9

Iyo nyina w'abana aremerewe n'ingorane kenshi abona ko nta mwanya afite, nta no kwihanganira kwigisha abana be no kubagaragariza urukundo n'impuhwe. Ariko akwiriye kwibuka ko niba ibyo batabironkeye mu muryango, urwo rukundo n'izo mpuhwe bazabishakira ahandi maze byonone umutima n'imico.10

Mubane n'abana banyu mu mirimo no mu mikino. Fata amasaha makeya yo kwinezeza uyaharire abana bawe. Mwfatanye na bo mu mirimo no mu mikino yabo, bityo muzireherezaho icyizere cyabo maze babiyumvemo. Mubagire incuti zanyu.11

Reka imigoroba ababyeyi bayigire iyo gutaramira mu miryango yabo. Igihe imirimo y'umunsi irangiye, reka irangirane n'amaganya n'ibibazo byawo.12

Inama ku babyeyi badashyikirana kandi batwaza igitugu. Ababyeyi n'abarimu bari mu kaga ko gutegeka no kuyoboza igitugu cyane mu gihe bananirwa kugirana umushyikirano ushyitse n'abana cyangwa abanyeshuri babo. Kenshi biyima abana babo maze bakabayoboza inkoni

y'ubutware, batabagaragariza impuhwe bigatuma badashobora kwireherezaho imitima y'abana n'abanyeshuri. Iyaba biyegerezaga abana, bakabereka urukundo kandi bagakora ibishoboka byose ngo babereke ko babitayeho no mu mikino yabo, rimwe na rimwe bakihindura nk'abana hagati muri bo, byatuma abana banezerwa cyane, bakabakunda kandi bakabiringira. Maze bidatinze abana bagakunda kandi bakumvira ubutegetsu bw'ababyeyi n'abarimu. 13

Kubana n'ababi bibangamira urugo: Satani n'ingabo ze barakoresha imbaraga zabo zose kugira ngo bategeke ubwenge bw'abana. Mubarerane urukundo n'ubugwaneza bwa gikristo, muri ubwo buryo muzabagiraho imbaraga ifatika. Bazumva ko bashobora kubiringira nta kwizigama. Muzengurutse abana banyu umunezero ubonerwa mu rugo no mubo mubana. Nimugenza mutyo ntabwo bazigera bajya gushakira incuti mu rungano rwo hanze bagendana na rwo... Bitewe n'ikibi cyiganje mu isi ya none, ni iby'ingenzi ko abana bashyirirwaho urubibi, ababyeyi bakwiriye gukuba imihati yabo kugira ngo bizirikeho imitima y'abana babo kandi bereke abana ko bagambiriye kubanezeza. 14

Ababyeyi bakwiriye gushaka uko bacudika n'abana babo - Nta rusika rw'urugwiro ruke cyangwa kwizigama bikwiye kuba hagati y'abana n'ababyeyi babo. Ababyeyi nibamenyerane n'abana babo, basobanukirwe ibyo bakunda n'ibyo babogamiramo, bacengere mu byiyumviro byabo, kugira ngo bamenye akabari ku mutima.

Babyeyi, mwereke abana banyu ko mubakunda kandi ko muzakora uko mushoboye ngo mubanezeze. Nimubigenza mutyo, urubibi muzabashyiriraho rukwiriye ruzagira agaciro mu ntekerezo zabo zigikura. Mubayoborane ubugwaneza n'impuhwe mwibuka ko "abamarayika babo iteka, bareba mu maso ha Data uri mu ijuru" Niba mushaka ko izo ntumwa z'ijuru zikorera abana banyu umurimo Imana yabashinze, ni mukorane na zo mukora uruhare rwanyu.

Abana nibayoborana amakenga n'urukundo bikwiriye kurangwa mu rugo nyakuri, ntibazigera bifuza kujya gushakira umunezero wabo ahandi no mu ncuti zabo. Ikibi [194] ntikizabakurura. Uwo mutima bakuye i muhira uzatunganya imico yabo, bazahatunganiriza ingeso zabo, baharonkere n'amabwirizwa azababera ingabo ibakingira ibishuko n'iyi bagera igihe bava i muhira bakajya gushaka ahandi ho gutura

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU KINGEREZA
1	Temoignages pour l'église vol 1 p 164	Testimonies for the church vol 1 p 396
2	Manuscript 45,1912	Manuscript 45,1912
3	Review and herald 30 august 1881	Review and herald 30 august 1881
4	Ministere de la guerison p 327 (rayon de la santé p45,46)	Ministry of healing p 388
5	Temoignages pour l'église vol 1 p 158	Testimonies for the church vol 1 p 391
6	Temoignages pour l'église vol 1 p 153	Testimonies for the church vol 1 p 387
7	Temoignages pour l'église vol 1 p 159	Temoignages pour l'église vol 1 p 362
8	Fundamental of Christian education p 65,66	Fundamental of Christian education p 65,66
9	Signs of the time 3 avr 1901	Signs of the time 3 avr 1901
10	Ministere de la guerison p 328 (rayon de la santé p46,47)	Ministry of healing p 389
11	Counsel to the teachers, parents and students p 124	Counsel to the teachers, parents and students p 124
12	Christian temperance and bible hygiene p 65	Christian temperance and bible hygiene p 65
13	Temoignages pour l'église vol 1 p 362	Testimonies for the church vol 3 p 134,135
14	Temoignages pour l'église vol 1 p 153,154	Testimonies for the church vol 1 p 387,388
15	Ministere de la guerison p 331,332 (rayon de la santé p49,50)	Ministry of healing p 394

ICYIGWA CYA 31: URUKUNDO RUTERA UMUTEKANO

Ubushobozi bw'urukundo: Urukundo rufite ubushobozi bw'agatangaza kuko rukomoka ku Mana. Iyaba twari tuzi igisubizo cyiza "Gihosha uburakari", urukundo "Rwihanganira byose" kandi "rwuzuye ubugwaneza ", rukugira neza " rutwikira ibyaha byinshi" mbega ukuntu ubuzima bwacu bwahabwa ubushobozi bw'umwuzuro kandi imibereho yacu yahindurwa ! Isi yahinduka umusogongerero w'ijuru.

Ibyo byigisho byiza byakwigishwa mu buryo bwumvikana ku buryo n'abana batoya babyumva. Umutima w'umwana uroroshe kandi unyurwa vuba: ni cyo gituma, twebwe tubaruta dusabwa guhinduka "nk'abana bato" igihe imitima yacu iziga kwiyorosha, ubugwaneza n'urukundo rw'Umukiza, bizotworohera kugera ku mitima y'abana bacu no kubabwira iby'uwo murimo wo gukiza ari wo murimo w'urukundo. 1

Mu maso y'ab'isi, amafaranga yerekana imbaraga; ariko mu birebana n'ubukristo, urukundo ni rwo mbaraga. Ubwenge hamwe n'imbaraga z'umwuka birakenewe mu gushyira mu bikorwa iri hame. Ukuri nyakuri kurahagije mu gukora ibyiza, kandi nta kindi kwakora atari ugukora ibyiza. Rushoboza kwirinda kutumvikana n'imibabaro, rugatanga n'umunezero nyakuri. Akenshi ubutunzi ni bwo soko yo gukora ibibi no kononekara; imbaraga zishobora gutera gukora ikibi; ariko ukuri n'ubuntu ni byo biranga urukundo nyakuri.2

Urukundo, ikimera gikwiye kugaburirwa. - Mu rugo, ni ho hakwiye kuba ihuriro y'urukundo ruboneye cyane rwo ku rwego rwo hejuru cyane. Amahoro, ubumwe, urukundo n'umunezero bigomba gushakishwa umunsi ku wundi kugeza ubwo bizacengera mu mitima y'abagize umuryango bose. Ikimera cy'urukundo kigomba kugaburirwa neza, bitari ibyo kizapfa.

Ihame ryose ryiza rikwiriye kubungabungwa ni ba dushaka ko rikurira mu mutima. Ibyo Satani abiba mu mutima : -urwango, ishyari, igomwa, gukekana, kuvuga nabi, kutihangana, kwibwira nabi, kwikunda, ubwibone; kwifuzza kubi-, ibyo byose bikwiriye kurandurwa. Iyo ibyo bibi birekewe mu mutima, bizera imbuto zizanduza n'abandi bantu benshi. Mbega ukuntu ari abantu benshi babiba ibimera by'ubumara byica za mbuto nziza z'urukundo, bikanduza n'umutima ! 3

Mwibuke ubuto bwanyu: Ntimugategeshe ubukana abana banyu, mwibagiwe ko ari bato kandi ko namwe mwiyeze kungana na bo. ntimugategereze ko baba intungane, kandi ntimugategereze ko bakora nk'abantu bakuru kandi bakiri bato. Mugukora mutyo muzugarira amarembo y'imitima yabo, maze mutume bayugururira ibidakwiriye, ibyo bikaba byatuma abandi bonona intekerezo zabo zikiri ntoya, mbere y'uko mubona ko ari akaga...

Ababyeyi ntibakwiye kwibagirwa igihe bari bakiri bato, uko bari bakeneye urukundo n'impuhwe, nuko bababaraga babacyahanaga ubukana. Bagomba guhinduka bato mu byiyumviro kandi bagashira intekerezo zabo ku rugero rw' abana babo.4

Abana bakeneye kumva amagambo y'urukundo kandi abakomeza. Mbega ukuntu byokorohera nyina w'abana kuvuga amagambo y'ubugwaneza kandi y'urukundo yinjira mu mitima y'abana nk'umurasire w'izuba, maze ayo magambo akabibagiza ibibateye agahinda!5

Babyeyi, mugaragarize urukundo abana banyu : kuva bakiri bato cyane, mu bwana bwabo, no mu busore bwabo bwose. Ntimukabereke mu maso hanyu hijimye, ahubwo muhore mukeye mu maso igihe cyose.6

Murindire abana banyu mu munezero: Iyo abana bafite ibibagoye, mukwiye kugerageza kwihatira kubahumuriza. Guhera mu bwana bwabo kugeza bakuze, abana ntibitabwaho nkuko bikwiriye.

Dukeneye ababyeyi b'abagore bazashobora kurera abana babo, ku buryo abo bana baziyumvamo ko na bo bari mu bagize umuryango koko! Uwo mubyeyi agomba kuganira n'abana be iby'ibyiringiro byabo n'iby'ibyaho bahugiramo. Ababyeyi bibuke ko abana babo bagomba kubitahombere y'abanyamahanga. Bakwiriye kurindirwa ahameze neza babifashijwe na nyina.7

Fasha abana banyu kugera intsinzi ...Mubakikize urukundo. Gutyo muzashobora kunesha akamenyero kabo ko kutagondeka.8

Abana bakeneye urukundo kuruta ibyo kurya- Ababyeyi b'abagore benshi birengagiza cyane imiryango yabo, kugira ngo umwanya munini wabo bawuharire kuzuza ububiko bwabo

imyambaro itagira akamaro y'abana babo. Kandi mu gihe abana bakeneye cyane nyina kurusha ibyo bindi; barirengagizwa ahubwo ababyeyi bakanezewa no kubaha ibyo kurya gusa. Ariko, muri uwo mwanya si ibyokurya bari bakeneye, ahubwo bibagwa nabi. Icyo bakeneye kurushaho, ni ukugaragarizwa urukundo na nyina. Umubyeyi wese w'umugore yari akwiye gufata umwanya wo kubwira amagambo meza abana be, ibyo bikaba bikenewe cyane mu buto bwabo ndetse no mu gihe bamaze gukura. Muri ubwo buryo, umutima wabo n'umunezero byabo bizifatanya ni ibya nyina. Umubyeyi w'umugore abereye abana be icyo Imana itubereye cyo.⁹

Ibyifuzo byiza nabyo bigomba kubahirizwa - Mugomba kumvisha abana banyu ko mubakunda; ko mukora kubw'inyungu zabo; ko umunezero wabo muwufite ku mutima kandi ko nta kindi mugambiriye atari uko bamererwa neza. Mubashimishe igihe cyose mushoboye kubikora.¹⁰

Mu kuyobora abana banyu, nti mukigere mubikorana ubuhubutsi. Mugerageze guhuza ubutegetsu n'urukundo. Mushakisha kandi mwimenyereze ibintu byose byiza kandi bikunzwe, mwigishe abana banyu kwifuzwa no kumenya Kristo. Mu kubangira ibyabagirira nabi, mubereke ko mubakunda kandi ko mubashakira ibyabagwa neza. Uko biyerekanaga ko ari babi, abe ari ko murushaho kubereka ko mubakunda. Igihe umwana amaze kunyurwa ko mushaka kumugirira neza, urukundo rurimbura inkomyi zose. Ubwo ni bwo buryo Umukiza akoresha mu mibanire ye n'umuntu. Ni na bwo buryo bukwiye gukoreshwa mu itorerero.¹¹

Urukundo rugomba kugaragazwa - Mu miryango myinshi, ni gake abayirimo bagaragarizanya urukundo. Nubwo bidakenewe cyane kugaragarizanya amarangamutima, ariko birakenewe kugaragazanya urukundo n'ubugwaneza ufite kwiyoroshya, kwera no gutungana. Abenshi bishimira kugira umutima ukomeye, maze bakihatira kwerekanira mu mvugo no mu bikorwa, kamere ikomoka kuri Satani. Urukundo rwuzuye rugomba guhora iteka rubungabungwa hagati y'umugabo n'umugore, ababyeyi n'abana no hagati y'abavindimwe. Ijambo ryose ry'uburakari rigomba kwirindwa, kandi nti hakaboneke ikintu cyose n'ubwo cyaba gito kitarangwamo urukundo yemwe no mu buryo bagaragaramo. Ni inshingano ya buri wese mu bagize umuryango kugaragaza urukundo no kuvugana ubugwaneza.¹²

Mwimenyereze ubugwaneza n'urukundo bigaragarira mu magambo no mu kuzirikana abandi byuzuye impuhwe. 13

Uburyo bwiza bwo kwigisha abana kubaha ababyeyi babo ni ukubaha amahirwe yo kubereka uburyo ise yita kuri nyina, n'uburyo nyina nawe agaragariza se uko amwubaha kandi n'uko amuha agaciro. Bamaze kubona urukundo bakundana, abana na bo baheraho biga kwitondera rya tegeko rya gatanu no gukurikiza inama y'intumwa igira iti: "Bana, mwumvire ababyeyi banyu mu Mwami wacu, kuko ari byo bibakwiriye" 14

Ababyeyi bakwiye kuba indorerwamo y'urukundo rwa Yesu - Umubyeyi w'umugore igihe amaze kwiringirwa n'abana be, akabigisha kumukunda no kumwumvira, azaba amaze kubigisha icyigwa cy'ibanze cy'imibereho ya gikristo. Bagomba gukunda Umukiza wabo, bakamwiringira no kumwumvira nk'uko bakunda ababyeyi babo, bakabizera kandi bakabumvira. Urukundo umugabo cyangwa umugore agaragariza abana be binyuriye mu kubitaho no kubarera neza ni indorerwamo nyakuri y'urukundo Yesu akunda abamwizera bose. 15

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	Education, P.111	Education, P.114
2	Testimonies for the church, vol. 4, P.138	Testimonies for the church, vol. 4, P.138
3	Signs of the Times, 20 Juin 1911	Signs of the Times, 20 June 1911
4	Témoignages pour l'Eglise, vol.1. P.153,154	Testimonies for the church vol 1 p 387,388
5	Review and Herald, 9 Juillet 1901	Review and Herald, 9 July 1901
6	Manuscrit 129, 1898	Manuscript 129, 1898
7	Manuscrit 127, 1898	Manuscript 127, 1898
8	Manuscrit 114, 1903	Manuscript 114, 1903

9	Manuscrit 43, 1900	Manuscript 43, 1900
10	Testimonies for the church, vol. 4 p 140	Testimonies for the church, vol. 4 p 140
11	Manuscrit 4, 1893	Manuscrit 4, 1893
12	Signs of the Times, 14 Novembre 1892	Signs of the Times, 14 November 1892
13	The youth's Instructor, 21 Avril 1886	The youth's Instructor, 21 April 1886
14	Review and Herald, 15 Novembre 1892	Review and Herald, 15 November 1892
15	Signs of the Times, 4 Avril 1911	Signs of the Times, 4 April 1911

ICYIGWA CYA 32: KWITA KU KARIMA K'UMUTIMA

Ababyeyi, Abarinzi b'akarima k'umutima - Umwami yashinze ababyeyi umurimo ukomeye kandi wera. Bagomba guhinga babyitondeye akarima k'umutima, bityo bashobora gukorana n'Imana. Itegereje ko barinda kandi bakita neza ku karima k'umutima w'abana babo. Bagomba kubibamo imbuto nziza no kuranduramo ibyatsi bibi byose. Imico mibi yose yo mu ngeso n'ibyifuzo bibi byose bigomba gukurwamo; kuko baretse bikagumamo, bizanduza ubwiza bw'imico yabo.1

Babyeyi, urugo rwanyu bwite ni wo murima wa mbere muhamagarirwa gukoramo. Amakene yanyu y'ibanze agomba kwerekezwa ku kwita ku karima k'umuryango wanyu. Inshingano yanyu ni iyo kubera amaso imitima nk'abazayibazwa. Tekereza neza ku nshingano yanyu, ku miterere yayo n'ibiyigize byose n'umusaruro wayo.2

Imbere y'umuryango wanyu, muhafite akarima gato mugomba kwitaho, kandi Imana izababaza umusaruro w'umurimo yabashinze.3

Gufata neza umurima Mu isi uko bisanzwe bigenda, bareka abasore bakikurikiza uko ubwenge bwabo bubategetse. Kandi iyo ari abanyamahane bakiri bato, ababyeyi bavuga ko bazahinduka nyuma y'igihe gito, bamaze imyaka cumi n'itandatu cyangwa cumi n'umunani y'ubukuru. Bakagira ibyabo bitekerezo, bakareka ingeso zabo mbi, hanyuma bakaba abagabo n'abagore b'ingirakamaro. Mbega ifuti! Bamara imyaka myinshi bemerera umwanzi kubiba mu murima w'umutima; bakareka ingeso mbi zigakura kandi akenshi umuhati wose bazakoresha ngo barandure ibyo bibi muri uwo mutima ntacyo wazamara...

Ababyeyi bamwe bakundiye abana babo kugira ingeso mbi, zikaba ibimenyetso bigaragara mu mibereho yose. icyo cyaha kiri ku babyeyi. Abo bana biyita ko ari abakristo nyamara batagira umurimo runaka w'ubuntu mu mutima. Kandi iyo bahindutse mu mibereho, ingeso zabo za kera zigaragara mu byo bakora byose maze bakagaragaza ingeso ababyeyi babo babemereye kugira.4

Ntitwari dukwiye kwemerera urubyiruko ko rwiga nta gutandukanya ikibi n'icyiza, mu kwitwaza ko igihe ni kigera icyiza

kizaganza ikibi. Ikibi kizakurira muri bo bwangu kuruta icyiza. Birashoboka ko, nyuma y'imyaka itari mike cyazarandurwa; ariko ni nde uzirengera izo ngaruka? Igihe ni kigufi. Biroroshye kubiba imbuto nziza mu mitima y'abana banyu aho kurandura imbuto mbi yabibwe. Ibyiyanditse mu bwenge bw'abakiri bato biragoye kubihanagura muri bo. Ari cyo gituma ari ngombwa ngo ibyo bigishwa bibe ari byiza cyane kugira ngo ubushobozi bwabo bwerekezwe mu cyerekezo cyiza.⁵

Mubibe imbuto nziza kandi muzibagarire. Guhera mu myaka ya mbere yo kubaho k'umwana, umutima we wakagombye gutegurwa neza, kugirango wakire ibitonyanga by'ubuntu buva ku Mana. Hanyuma, imbuto z'ukuri zikwiye guteranwa ubwitonzi, nyuma umurima ukabagarirwa uko bikwiriye. Imana na yo, yo iha umugisha imirimo yose ikozwe mu izina ryayo, izameza imbuto zabibwe; hazabanza kumera umugengararo, hagakurikiraho amahundo, hanyuma hakamera imbuto zavuye muri ayo mahundo. Kenshi na kenshi, bikomotse ku bunenganenzi bubi bw'ababyeyi, Satani ni we ubiba imbuto ye mu mitima y'abana, bityo akaba ateguye kuzasarura umubabaro no gukorwa n'isoni. Isi y'ubu ntigira ubuntu bw'umutima kubera ko ababyeyi batashoboye kurerera neza abana i muhira. Ntibashoboye kubahungisha ubucuti bw'abagenzi babo batagira icyo bitaho kandi badatekereza. Kubw'ibyo, abana bazimiriye mu isi kugira ngo bayikwirakwizemo imbuto z'urupfu.⁶

Umurimo ukomeye wo kurera wo kurandura ibyatsi bibi kandi by'ubumara bwangiriza ni uw'ingenzi. Kuko ibyo byatsi iyo biretswe birakura maze bikamira ibyatsi byiza byo gutungana n'ukuri.⁷

Iyo umurima uretswe ntuhingwe, uzameramo ibyatsi bibi bizogorana kurandura. Birakwiye rero ko umurima utegurwa neza, ibyatsi bibi bigakurwamwo, mbere y'uko imbuto nziza zishobora gukura. Imbuto igomba kubanza guteranwa ubwitonzi, kugira ngo ikimera gikure neza. Umubyeyi w'umugore niyirengagiza kubiba imbuto nziza maze akiringira ko azasarura imbuto nziza, azakorwa n'isoni kuko azasarura ibitovu n'amahwa. Satani yiteguye iteka kubiba imbuto zizamera zikazabyara umusaruro mwinshi uhuye n'imico ye y'ubusatani.⁸

Tugomba kubera abana bacu maso ubudatuza. Akoresheje ubushukanyi bwe bwinshi, Satani atangirira umurimo we, mu byiyumviro byabo no mu bushake bwabo uhereye bakivuka. Umutekano wabo ushingiyeye k'ubwenge no kuba maso kw'ababyeyi.

Abo bagomba kurwanira mu rukundo no mu kubaha Imana kugira ngo bashikame mu birindiro byabo, bigishoboka ko uwo murima ari wo mutima babibamo imbuto nziza z’umutima zo kubaha, zikomotse mu mico y’ukuri ivuye ku rukundo no kubaha Imana.9

Kwita ku bwiza karemano: Ababyeyi n’abigisha bakwiye gushakana umwete ubwenge Yesu yiteguye kubaha, kuko bahanganye n’imyuka yo mu gihe gikomeye cyo gutera imbere kwabo, kandi bakihutira gusingingira ubwo bwenge. Bagire intego yo gukuza ubwenge n’ubushobozi bw’abasore, kugira ngo, ku ntambwe yose y’ubuzima bwabo, haboneke ubwiza karemano bwagenewe ikigero barimo, bakura buhoro buhoro nk’uko ibimera n’indabo bikura mu mirima

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFA- RANSA
1	Manuscript 13, 1898	Manuscript 13, 1898
2	Signs of the Times, 14 Novembre 1892	Signs of the Times, 14 Novembre 1892
3	Review and Herald, 15 Novembre 1892	Review and Herald, 15 Novembre 1892
4	Temoignages pour l’église vol 171,172	Testimonies for the church vol 1p 403
5	Christian Temperance and Bible Hygiène, P.138, 139	Christian Temperance and Bible Hygiène, P.138, 139
6	Manuscript 49,1901	Manuscript 49,1901

7	Review and herald 14 avr 1885	Review and herald 14 apr 1885
8	Manuscript 43, 1900	Manuscript 43, 1900
9	Manuscrit 7, 1899	Manuscrit 7, 1899
10	Temoignages pour l’église vol 2 p 539	Testimonies for the church vol 6 p 204,205

ICYIGWA CYA 33: AMASEZERANO YO KUYOBORWA N'IMANA

Mbega ukuntu bihumuriza kumenya ko ufite inshuti iva ku Mana – Umukiza wanyu wuje impuhwe ababera maso mu rukundo n'impuhwe, yiteguye kumva amasengesho yanyu no kubazanira ubufasha mukeneye. Azi ibiremereye imitima yose yababyeyi kandi ni we nsuti yabo magara. Amaboko ye akomeza mu bintu byose umubyeyi w'umugore wubaha Imana. Igihe yari akiri kw'isi, nyina yahanganye n'ubukene, ingorane no kuburagizwa. yifatanya n'abakristokazi mu ngorane n'imibabaro byabo byose.

Uwagaruriye umupfakazi umwana we w'ikinege wo bari biteguye gushyingura akabakabwa n'imibabaro ya buri mugore wese. Uwarize amarira y'impuhwe ku mva ya Lazaro, maze akagarurira Mariya na Marita musaza wabo bari bashyinguye; wababariye Mariya magadalena, wibutse nyina ubwo yarari ku musaraba yenda kunogoka, wabonekeye abagore bariraga maze akabagira intumwa ze za mbere zo kwamamaza inkuru nziza y'Umukiza wazutse no muri iki gihe aracyari incuti magara y'umugore kandi yiteguye kumufasha mu bimubaho byose byo mu buzima.1

Nta murimo n'umwe wangana n'uw'umubyeyi w'umukristo. Akora umurimo we azirikana icyo kwigisha no gukosora abana be nk'uko Umwami ashima bisobanuye. Kenshi cyane, agira ibiyumviro by'uko umurimo we uremereye cyane. Ariko rero, mbega ukuntu bagira amahirwe menshi bashobora gukura mu kubaragiza Imana binyuze mu masengesho! Ashobora ku bashyira ku birenge by'Imana maze akahakura imbaraga zizamushoboza kandi zikamuha umwete n'ubwenge mu bihe bikomeye.

Ku mubyeyi w'umugore wugarijwe n'ingorane, birahumuriza kumenya ko afite inshuti nk'iyi izamufasha mu ngorane ze. Iyaba ababyeyi bashaka kwegera Kristo kenshi, bamwiringira cyane, imitwaro yabo yaborohera kuyikorera kandi bamuboneraho ikiruhuko imitima yabo ikeneye.2

Imana yo mu ijuru yumva amasengesho yanyu - Nta bufasha buvuye mu ijuru, ntimwashobora kurera abana banyu nk'uko mubishaka, kuko ya kamere yononekaye ya Adamu ihora ishaka gutegeka. Umutima ukwiye gutegurirwa kwakira amahame y'ukuri kugira ngo ashinge imizi mu mutima maze atezwe imbere n'inararibonye y'ubuzima.3

Ababyeyi bakwiye gusobanukirwa ko bisunze amabwirizwa y'Imana mu burere bw'abana babo, bazaronka ubufasha buturutse mu ijuru. Bo ubwabo bazabyungukiramo bihagije, kuko mu kwigisha abana babo, na bo ubwabo bazaba biyigisha. Abana babo bazegukana intsinzi kubw'ubumenyi bazaba bakomoye mu gukurikiza inzira z'Uwiteka. bBzashobora kunesha akamenyero kabo bavukanye n'ako bavanye mu ihererekanyamurage ribi.4

Babyeyi, mukorana imbaraza zidacogora mukorera abana banyu? Imana yo mw'ijuru yandika ukwitanga kwanyu kose n'imihati yanyu itaryarya no kuba maso kwanyu ubudatuza. Yumva amasengesho yanyu. Mu kwihangana n'urukundo murere abana banyu, mubarerere Umwami. Ijuru ryose riyitaye ku murimo wanyu ... Imana izifatanya namwe kandi ihe intsinzi imihati yanyu.5

Igihe muzihatira gushira ahabona ukuri kw'agakiza, n'igihe muzayobora abana banyu kuri Kristo nk'Umukiza wabo bwite, muzagira abamarayika i ruhande rwanyu. Umwami izaha ubwo buntu ababyeyi bashoboye gukundisha abana babo inkuru z'amateka meza y'umwana w'i Betelehemu, ari we wenyine byiringiro by'isi.6

Musabe muzahabwa: Kugirango ababyeyi bashobore gusohoza inshingano ikomeye yabo, bagomba gusaba no kwakira ubufasha mvajuru. Nubwo kamere yabo, akamenyero n'uburyo bigishijwe bitari byiza, niba ibyigisho bigishijwe mu bwana bwabo no mu bugimbi bwabo bitarabateye kugira imico myiza, ariko ntibagomba kwiheba. Imbaraga ihindura y'Imana ishobora guhindura akamenyero kakomotse mu ihererekanyamurage n'ako twigishijwe, kuko iyobokamana rya Yesu rishobora kuzahura umutima. "Kubyarwa ubwa kabiri bisobanuye guhinduka no kuvuka bushya muri Yesu Kristo."7

Twigishe abana bacu dukurikije inyigisho z'Ijambo ry'Imana. Nimusaba Imana izabasubiza. Izavuga iti : Ndi hano, ushaka ko ngukorera iki? Ijuru ryifatanya n'isi kugirango umutima wose usohoze inshingano washinzwe. umukiza akunda abana be bose, yifuza ko mu gihe bakura basobanukirwa umuhamagaro wabo.8

Umwuka wera azabayobora - Nyina w'abana yari akwiye kugaragaza ko afite inyota yo kuyoborwa n'umwuka wera, kugira ngo yironkere we ubwe inarararibonye ye bwite mu kumvira inzira n'ubushake bw'Imana. Noneho, kubw'ubuntu bwa Kristo, ashobora guhinduka umurezi w'umunyabwenge, woroheje kandi wuzuye

urukundo.9. Kristo yakoze ibyo yari gukora byose kugira ngo ababyeyi bose bemera kuyoborwa n'umwuka wera bahabwe imbaraga n'ubuntu byo kuba abarezi beza mu muryango. Uburezi n'ikinyabupfura bikorerwa i muhira bizatanga icyitegererezo cyo kwiganwa.10

Imbaraga z'Imana zifatanije n'iz'umuntu - Nta bushake bwa kimuntu imbaraga z'Imana ntacyo zageraho. Imana izakoresha imbaraga ababyeyi bazemera kuyishingikirizaho, bakanyurwa n'inshingano yera bashinzwe, maze bakihatira guha uburezi bwiza abana babo. Bazakorana n'uwo barerera abana babo, babikuye ku mutima kandi basenga bazakorera agakiza kabo n'ak'abana babo muri ubwo buryo. Bazashyira muri bo ubushake n'ugukora bihujе n'ubushake bw'Imana.11

Imbaraga za kimuntu zonyine ntizabashoboza gufasha abana banyu gutunganya imico yabo izabageza mu ijuru; ariko babifashijwemwo n'Imana, umurimo w'igitangaza kandi wera ushobora gukorwa.12

Nk'ababyeyi, igihe mwujuje inshingano zanyu mufashijwemo n'imbaraga z'Imana, mugambiriye kutarambirwa ngo imihati zanyu icogore, no kutigera munanirwa gusohozе inshinganozanyu mu ntambara zanyu kugira ngo muhindure abana banyu abo Imana ishaka ko baba bo, Imana izabagaragariza ko ibashyigikiye. Izi ko mukora uko mushoboye kandi izongerа ubushobozi bwanyu. Yo ubwayo izikorera ibyo ababyeyi badashobora gukora. Mu mihati irimo ubwenge no kwihangana by'umubyeyi w'umugore wubaha Imana, imana yongeraho iyayo. Babyeyi, Imana ntifite umugambi wo gukora inshingano yabashinze mu ngo zanyu. Nti mugomba guhugira mu bunenganenzi no kuba abakozi b'abanebwe, niba mushaka ko abana banyu barindwa akaga kabugarije mu isi.13

Igihe muhuye n'ibigeragezo, mwisunge Yesu - Babyeyi, muhurize hamwe imirasire y'umucyo mvajuru imurikira inzira zanyu. Mugendere mu mucyo kuko Kristo nawe ari umucyo. Niba mushaka kugira uruhare mu gukiza abana banyu no kuguma ku rwego rwo hejuru rwo kwera, ibigeragezo bikomeye cyane bizabazaho. Ariko nti mugacogore. Mmukururuke kuri Yesu. Avuga ati : "Uzisunga imbaraga zanjye azuzura nanjye ndetse niyuzure nanjye." Ibirushya biziyadukiza. Muzahura n'inkomyi. Muhange amaso Yesu ubudatuza. Igihe muzagira amakene yihutirwa , muzabaze Umukiza muti : "Mbese nakora iki?"14

Uko urugamba rurushaho gukomera, ni ko ababyeyi bakenera ubufasha bwa Data wo mw'ijuru, kandi ni ko intsinzi izarushaho kuboneka.15

Gukorana kwizera - Mu kwihangana no mu rukundo nk'ibisonga bikiranuka by'ubuntu bwinshi bwa Kristo, ababyeyi bakwiriye kuzuzwa inshingano bashinzwe. Basabwa kuzasangwa bakiranutse. Byose ni bikorwe no kwizera. Bakwiye gusenga ubudasiba kugira ngo Imana ihe ubuntu bwayo abana babo.

Ntibakwiye na rimwe, mu mirimo yabo, gutsindwa n'intege nke, no kutihangana n'uburakari. Bakwiye komatana n'Imana n'abana babo. Iyaba ababyeyi bakoranaga kwihangana n'urukundo, bagerageza gufasha bivuye ku mutima abana babo kugera ku rugero ruhanitse rwo kwera n'urwo guca bugufi bakageze ku ntsinzi.16

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANS	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	Sings of the Times, 9 Septembre 1886 4	Sings of the Times, 9 September 1886 4
2	Signs of the Times, 13 Septembre 1877	Signs of the Times, 13 September 1877
3	Review and Herald, 25 Octobre 1892	Review and Herald, 25 October 1892
4	Review and Herald, 6 Juin 1899	Review and Herald, 6 June 1899
5	Review and Her ald, 29 Janvier 1901	Review and Herald, 29 January 1901
6	Jésus-Christ, P.512	Desire of ages p 517
7	Review and Herald, 13 Avril 1897	Review and Herald, 13 April 1897
8	Manuscrit 31, 1909	Manuscript 31, 1909

9	Counsels to Teachers, Parents and Students, P.128	Counsels to Teachers, Parents and Students, P.128
10	Manuscrit 36, 1899	Manuscript 36, 1899
11	Signs of the times, 25 Septembre 1901	Signs of the times, 25 September 1901
12	Review and Herald, 25 Octobre 1892	Review and Herald, 25 October 1892
13	Review and Herald, 10 Juillet 1888	Review and Herald, 10 July 1888
14	Manuscrit 67, 1901	Manuscript 67, 1901
15	Review and Herald, 30 Août 1881	Review and Herald, 30 August 1881
16	Manuscrit 138, 1898	Manuscript 138, 1898

**UMUGABANE WA 9:
UMUGABO,IMBARAGA
Z'URUGO**

ICYIGWA CYA 34: UMWANYA N'INSHINGANO Z'UMUGABO

Ubusobanuro nyakuri bw'umugabo - Urugo ni ikigo cyashinzwe n'Imana, yashatse ko uruziga rw'umuryango : umugabo, umugore n'abana, bagira aho kuba muri iyi si nk'impamvu yo kubaho kwa rubanda.1

Umurimo wo gutuma urugo ruba urunezerewe ntugomba gushingwa umugore gusa. Umugabo nawe afite uruhare yabikoraho. Umugabo ni we nkingi y'urugo, ni we uhuza abagize umuryango umugore n'abana, abungishije umurunga w'ubumwe ukomeye cyane, anyuriye mu rukundo rwimbitse, rukiranuka kandi rwitanga.2

Iyi mvugo “umurunga uhuza ab'urugo” isobanura, ubusobanuro nyakuri bw'akamaro k'umugabo. ... Nabonye ko ari abagabo bake cyane basobanukiwe n'inshingano zabo. 3

Ni we mutwe w'urugo - Kuko umugabo ari we mutwe w'urugo, birumvikana ko umugore we amutegerejeho urukundo, kumwumva n'ubufasha bukwiye kugira ngo arere abana. Abo bana rero barabasangiye, ukubaho neza kwabo kureba n'umugabo. Abana bo bategereje ko se ababera inkingi n'umuyobozi. Nafate rero ubuzima uko buri, amenye guhitamo ibikorwa n'abaturanyi bazakikiza umuryango we; ikiruta byose, akorere byose mu rukundo no kubaha Imana kandi akurikije inyigisho z'ijambo ryayo, kugira ngo ayobore intambwe z'abe mu nzira nziza...

Umugabo agomba gukora ibimureba byose kugira ngo umunezero wiganze mu rugo rwe. Reka ingorane ze [212] n'ibimuremerera uko byaba bimeze kose nti bihungabanye umunezero w'umuryango. Igihe arangije imirimo ye aje ataha iwe afite kumwenyura ku minwa ye n'amagambo yuje urukundo.4

Ushingamategeko n'umutambyi - Umugabo ni inkingi y'umuryango nyakuri. Ni we utanga amategeko agaragariza mu mibereho ya kigabo imico myiza, idatezuka n'imbaraga, gukiranuka, ubugwaneza, kwihangana, umwete no kuba ingirakamaro. Umugabo ni we mutambyi w'ab'urugo agashyira ku gicaniro cy'Imana igitambo cya mu gitondo na nimugoroba. Umugore n'abana bagomba gushishikarizwa ko bakwiriye guhurira kuri iryo turo bagafataniriza hamwe kuririmba no guhimbaza. Mu gitondo na

nimugoroba se w'abana, ari na we mutambyi w'ab'urugo, akwiriye kwatura ibyaha bye n'ibyakozwe n'abana be muri uwo munsu. Ibyaha yamaze kumenya, n'ibihishwe byamennywe n'Imana yonyine bigomba kwaturwa. itegeko ry'uyu murimo ni rikurikizwa ryitaweho cyane na Se w'abana, igihe ari i muhira, nyina w'abana akarukurikiza mu gihe umugabo we adahari, bizabera ab'uwo muryango umugisha.5

Mu muryango we, umugabo ni we uhagarariye umunyamategeko mukuru wo mu ijuru. Ni we ukorana n'Imana, agira uruhare mu gusohozza ubushake bw'Imana no kwinjiza mu bana be amahame y'ubunyangamugayo azabiteguza kwakira imico yera kandi itunganye. Azaba agaburiye umutima wabo icyatuma batubaha ababyeyi babo bo ku mubiri gusa, ahubwo bakanubaha na se wo mu ijuru.6

Umugabo ntakwiriye kugambanira inshingano ye yera. Nta na rimwe akwiye kwihakana ubutware bwe bwa kibyezi.7

Kugendana n'Imana – Umugabo, agendeye ku kwizera ku murimo, azazana abana be ku ntebe y'Imana. Yiyambuye imbaraga ze bwite, yegurira Yesu umutima we w'umuntanteye nke, akambara imbaraga z'Isumbavyose. Bene data, musenge muri i muhira, mu muryango wanyu mu gitondo na nimugoroba musengane umwete mu rwiherero; kandi n'igihe muhugiye mu mirimo yanyu ya buri munsu muzamure imitima yanyu ku Mana binyuze mu masengesho. Uko ni ko Enoki yagendanye n'Imana. Amasengesho asenganywe umwete kandi ya bucece azazamuka nk'umubavu uhumura neza agera ku ntebe y'ubuntu kandi azemerwa n'Imana nk'aho yasengewe mu buturo bwera. Ku bamushaka bese, Kristo azababera umufasha mu gihe bamukeneye. Bazahabwa imbaraga mu gihe cy'ibigeragezo.8

Ugukura gukenewe - Umugabo nta kwiriye kumera nk'umwana akora ikimujemo cyose ahubutse. Aziritswe ku muryango we n'imirunga yera.9

Ubwiza bw'inyigisho ze mu rugo buzarangwa no kumenya Imana y'ukuri na Yesu Kristo, uwo yatumye. Paulo yaravuze ati : “Nkiri umwana muto navugaga nk'umwana muto, ngatekereza nk'umwana muto ariko maze gukura mva mu by'ubwana.” Umugabo akwiye guhagararira umuryango we, atameze nk'umwana w'umuhungu

utagira ikinyabupfura wakuranye ikivumba, ahubwo agomba guhagarara nk'umugabo w'imico ikuze, ushobora gutegeka irari rye. Agomba kugira imico myiza. Imyitwarire ye mu buzima bwo mu rugo ikwiye kuyoborwa n'amahame yera y'ijambo ry'Imana. Noneho ni ho azagera ku gihagararo gishyitse cy'umuntu uri muri Kristo.10

Kugandukira ubushake bw'Imana: Ndabwira umugabo ari we Se w'abana nti: Ube uzi yuko ibyo ugamije byose bitunganye kandi byera, ukwiriye guhora wigira kuri Kristo iminsi yose. Ntukazigere na gato rwose ugaragaza umutima wo gutoteza mu rugo. Umugabo ugenza utyo aba akora umurimo wa Satani. Reka ubushake bwawe bwumvire ubushake bw'Imana. Ukore uko ushoboye kose kugira ngo imibereho y'umugore wawe ibe iya kunezeza kandi anezerwe, ugire ijambo ry'Imana umujyenama wawe. Jya ugira imibereho yigisha ijambo ry'Imana mu rugo rwawe ni ho uzagira imibereho yaryo mu itorero kandi ukazajya uyijyana aho ukora hose. Amahame yo mu ijuru azongera icyubahiro cy'imirimo yawe yose. Abamarayika b'Imana bazafatanyaga na we bagufashe kugaragariza ab'isi Kristo.11

Isengesho rikwiriye umugabo urakara vuba:- Ntimwemerere ingorane zanyu zo ku kazi ngo zonone imibereho zanyu yo mu rugo. Nimubura kwihangana, mukananirwa kugaragaza ubugwaneza n'urukundo igihe muhuye n'ikintu n'ubwo cyaba kidafite akamaro ariko kikaba kije gihabanye n'ibyo mwari mwiteze, muba mugaragaje ko mutahisemo inshuti ya yindi yabakunze cyane igatanga ubugingo bwe ku bwanyu kugira ngo mube umwe na we.

Mu buzima bwa buri munsi, muzahura n'ibintu byinshi bibatungura ari bibi, bitaneje kandi byo kubashuka. Ijambo ry'Imana ribivugaho iki? "Murwanyeye satani" mu kwishingikiriza ku Mana mushikanye "nawe (Satani) azabahunga. Mwegere Imana na yo izabegera" "Uzisunga imbaraga zanjye kandi azuzura nanjye" Reba kuri Yesu igihe cyose n'ahantu hose, muzamure amasengesho zanyu bucece n'umutima utaryarya kugira ngo mumenye uko mwakora ibyo Imana ishaka, noneho igihe umwanzi azabagwa gitumo nk'umwuzure, umwuka w'Imana uzakaguruka imbere zanyu ukore igihome kizabarinda. Igihe muzaba mugeze mu gihe cyo kunamuka no kubura kwihangana no kwitegeka, mu geze mu gihe cyo kuba inkaka n'umunyaburakari, muri kuregwa n'umurizi imbere y'umucamanza; muba mugeze mu gihe cyo gusenga iri sengesho muryohereza mu ijuru rivuga riti: "Ooh! Mana mfasha ngo mbashe gutsinda ibigeragezo, mfasha kwirukana mu mutima wanjye urwango rwose, uburakari bwose n'amagambo mabi yose.

Impa ubugwaneza , kwiyoroshya , kwihangana n’urukundo byawe. Ntiwemere ko nsuzuguzwa Umucunguzi wanjye. Mfasha nje nita ku magambo n’ibyifuzo by’umugore wanjye, iby’abana banjye, iby’abavandimwe banjye n’ibya bashiki banjye mu kwizera. Mfasha mbe mwiza, ukabakabwa, ugira impuhwe n’imbabazi. Mfasha kuba umuhuza w’umuryango wanjye no kugaragaza imico ya Kristo imbere y’abandi.”12

Gutegakana kwiyoroshya: Kuba umugabo mu rugo ntibigaragazwa n’uko umugabo atsimbaraye ku gaciro afite ko kuba umutwe w’urugo rwe. Ntibimwongerera icyubahiro kumwumva avuga ibyanditswe bishyigikira ubutegetsu bwe. Guhatira umugore we, we nyina w’abana be gukora ibyo yagambiriye nkaho bitabasha kuba amafuti, si byo bituma aba umugabo. Uwituka yashyiriyeho umugabo kuba umutwe w’umugore ngo amubere umurinzi; ni umwe mu muryango w’ab’inzu ubumbira hamwe abawugize nk’uko Kristo ari umutwe w’itorero n’Umukiza waryo. Umugabo wese uvuga ko akunda Imana akwiriye kwiga yitonze ibyo Imana imushakaho aho ari. Amategeko ya Kristo akurikizwa mu bwenge no mu mahoro, uko ni ko umugabo akwiriye gukoresha ubutware bwe yigana Umutwe w’itorero. 13

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU KINGEREZA
1	Lettre 9, 1904	Letter 9, 1904
2	Signs of the Times, 13 Septembre 1877	Signs of the Times, 13 September 1877
3	Testimonies for the church, vol.1, P.547	Testimonies for the church, vol.1, P.547
4	Ministère de la guérison, P.330 (Rayons de santé, P.47, 48)	Ministry Of healing p 390,392
5	Testimonies for the church, vol, 2, P.701	Testimonies for the church, vol, 2, P.701
6	Signs of the Times, 10 Septembre 1894	Signs of the Times, 10 September 1894
7	Lettre 9, 1904	Letter 9, 1904

8	Testimonies for the church, vol.4, P.616	Testimonies for the church, vol.4, P.616
9	Testimonies for the church, vol.1, P.547	Testimonies for the church, vol.1, P.547
10	Manuscrit 36, 1899	Manuscript 36, 1899
11	Lettre 272, P.1903	Letter 272, P.1903
12	Lettre 105,1893	Letter 105,1893
13	Lettre 18b, 1891	Letter 18b, 1891

ICYIGWA CYA 35: KWAKIRANA IMITWARO

Inshingano z'umugabo ataherereza ku wundi - Inshingano z'umugabo afite ku bana be ntashobora kuziherereza ku mugore we. Ni ba umugore akora inshingano ze neza umutwaro we urahagije. Ni mu gukorera mu bumwe k'umugabo n'umugore bashobora gukora neza umurimo Imana yabashinze.1

Umugabo ntakwiye kwirengagiza gukora uruhare rwe mu kurera abana be kugira ngo bazabe ingirakamaro muri ubu buzima no mu bwiteka ryose. Akwiriye gukora uruhare rwe mu nshingano ashinzwe. Hariho ibireba umugabo n'ibireba umugore. Ababyeyi bakwiye kwerekana urukundo no kubahana niba bashaka ko iyo mico myiza ikurira mu bana babo.2

Umugabo akwiye gutera akanyabugayo no gukomeza umugore mu murimo we akoresheje inyifato n'amagambo yuzuye ubugwaneza.3

Mugerageze gufasha abagore banyu mu ngorane bahura nazo. Mwitondere uburyo muvuga; mu byo mukora mwerekane impuhwe, urugwiro n'urukundo kandi muzagororerwa.4

Ibikorwa by'ubugwaneza bazoroshya umutwaro w'umugore- Inshingano n'amaganya yaba afite, uko byaba bingana kose, umugabo nahorane mu muryango we inyifato imwe yo kumwenyura n'inyitso y'ijwi imwe yuje urukundo agirira abashyitsi n'abanyamahanga ahura nabo umunsi wose. umugore yiyumvemo ko ashobora kubonera ikiruhuko mu rukundo rwinshi rw'umugabo we. Azamuramira, amukomeze kandi amufashe kwikorera amaganya n'ibimugoye. azamukomeza mu bimutera intege nke maze uburemere bw'umutwaro we bugabanukemo kabiri. Mbese abana si ababo bombi? 5

Umugore ashobora kwikorera ibimuremereye afata nk'iby'agaciro gakomeye kurusha gufasha umugabo we kugira uruhare mu byo ashinzwe kandi niko bishobora kugendekera umugabo. Kugaragazanya ibikorwa by'urukundo ni ingirakamaro cyane. Umugabo akunze kumva ko afite umudendeze wo kwishyira akizana uko yishakiye nk'uri mu kiruhuko cy'izabukuru aho kwitwara nk'umutware w'umuryango.6

Inshingano z'i muhira zirera kandi ni ingirakamaro; ariko n'ubwo bimeze gutyo, zikorwa mu buryo bumwe bityo zikarambirana. Kwita kuri mugenzi wawe mu buryo butabarika bihinduka umutwaro iyo bikozwe mu buryo budahindagurika...ashobora gukorera umugore we niba abihisemo cyangwa se abonye ko ari ngombwa kubikora . Ubuzima bwa nyina w'abana mu mirimo ye iciye bugufi ya buri muni , bugizwe no kwitamba guhoraho, biraruhije kuyihanganira niba umugabo atayihira agaciro cyangwa se ngo amufashe.7

Kwita k'umugore w'umunyantege nke - Umugabo akwiye kugaragaza ko yitaye cyane ku muryango we. ashingiye ku bushobozi buke buri muri kamere y'umugore, akwiye kugaragaza ko amwitayeho mu buryo budasanzwe. Bityo, ashobora kumukingira indwara nyinshi. Amagambo yuje urukundo, akomeza azagaragaza ko afite agaciro kenshi kurusha imiti myinshi cyane; ayo magambo azamukomeza mu gihe umutima wacitse intege kandi wihebye; umunezero n'imirasire y'izuba bizanywe mu rugo n'ibikorwa n'amagambo birimo urukundo bizitura uwo muhati inshuro ijana. Umugabo agomba kwibuka ko ibibazo byinshi bijyanye n'uburezi bw'abana bishingiye kuri nyina w'abana. Yibuke kandi ko umugore afite inshingano nyinshi akora kugira ngo atunganye imico y'abana be. Ibyo rero byatuma amugaragariza ubugwaneza no kumufasha kumworohera umutwaro we. Agomba kumushishikariza kuruhukira mu rukundo rwe rwimbitse, no kwerekeza umutima we mu ijuru, aho imbaraga , amahoro n'uburuhukiro by'abarushye biba. Ntakwiye gutaha iwe yakambije agahanga, ahubwo kugaragara mu rugo kwe gukwiye kuba nk'imirasire y'izuba mu muryango; akwiye gutuma umugore we yitegereza Imana kandi akayizera. Bashyize hamwe, bashobora gusaba ya masezerano y'Imana kumanurira ya migisha yayo y'ikirenga ku muryango wabo.8

Kuyoboresha abe ubwitonzi - Umugabo wese ashobora gukura icyigwa ku bwitonzi bwagaragajwe n'umukurambere Yakobo, uwo mwungeri w'umutima amaze guhamagarirwa kugira urugendo rw'ikubagahu kandi rugoranye; yaravuze ati : “Abana nta mbaraga bafite, kandi mfite imikumbi n'amashyo byonsa babigendesha uruhato, na ho waba umunsi umwe gusa byapfa byose... Ndagenda buhoro, nk'uko kugenda kw'amatungo nshoreye kuri, kandi nk'uko kugenda kw'abana kuri.”

Mu nzira igoye y'ubuzima, umugabo , nawe akwiye “Kujya mbere buhoro buhoro”, akurikije imbaraga no kwihangana kw'abo bafatanije urugendo. Hagati mu isi yiruka, bamaranira ubutunzi

n'ubushobozi; niyige kugabanya intambwe “kugira ngo akomeze kandi afashe abamwishingikirijeho... Umugabo n'akikize umugore we ubugwaneza n'urukundo rudashira. Niba ashaka kumubona anezerewe kandi akomeye, nk'umucyo w'izuba mu nzu ye, akwiriye kumufasha mu mirimo ye. Ubugwaneza n'uburinzi azamugaragariza bizamubera inkomezi, umunezero azamugaragariza bizazanira umutima we bwite amahoro n'ibyishimo...

Niba uwo atagaragarizwa kwitabwaho no kumukomeza ubuzima bwe busaba. Niba umunaniro, agahinda n'umubabaro bica intege imbaraga ze, abana azabyara bazaba batagira ubutaraga, ubwenge butekereza vuba n'umunezero bagakwiye kuragwa. Ni iby'ingenzi cyane kumuha ubuzima bwiza no kutagira icyo abura. Narindwe imirimo inaniza n'amaganya acogozza kugira ngo abana be bazaremwe neza kandi bazashobore kubaho mu buzima bafite imbaraga zabo bwite.9

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	Fundamentals of Christian Education, P.69	Fundamentals of Christian Education, P.69
2	Signs of the Times, 22 Juillet 1889	Signs of the Times, 22 July 1889
3	Signs of the Times, 13 Septembre 1877	Signs of the Times, 13 September 1877
4	Testimonies for the church, vol. 2.P.84	Testimonies for the church, vol. 2.P.84
5	Christian Temperance and Bible hygiène, P.70 2 3 4	Christian Temperance and Bible hygiene, P.70
6	Manuscrit 80, 1898	Manuscript 80, 1898
7	Signs of the Times, 6 Décembre 1877	Signs of the Times, 6 December 1877
8	Testimonies for the church, vol.1, PP.306, 307	Testimonies for the church, vol.1, PP.306, 307
9	Ministère de la guérison, PP.315 - 317 (Rayon de santé, P.34,35)	Ministry of Healing p 374

ICYIGWA CYA 36: INCUTI NYAKURI Y'ABANA BE

Kumara umwanya hamwe n'abana - Abagabo benshi birengagiza ibihe by'agaciro byo kwireherezaho no kwegerana n'abana babo. Iyo bavuye ku mirimo yabo, bagombaga gufata ibihe bamaranye n'abana babo nk'ibinezeza bikwiriye.1

Abagabo bakwiye kwiyambura icyubahiro cyabo gipfuye , bagatandukana no gupfusa ubusa igihe, kugira ngo bifatanye n'abana babo, basuzumana ubugwaneza ibibazo byabo bito, mu kubikururiraho bakoresheje umurunga wera w'urukundo, no mu kugira icyo bakorera intekerezo zabo zihindagurika, ku buryo inama zabo zizafatwa nk'izera.2

Ita by'umwihariko ku bana b'abahungu - Umugabo ufite abana b'abahungu agomba kuba hafi yabo. Atume bigira ku nararibonye ye nyinshi kandi ababwirane ubugwaneza n'ukwiyoroshya kugira ngo agere ku mitima yabo. Agomba kubumvisha ko ashishikajwe n'ibyabagwa neza kandi bikabazanira umunezero.

Ufite abana b'abahungu mu rugo rwe, inshingano yaba afite iyo ari yo yose ntabwo agomba kwirengagiza imitima yashinzwe. Yabyaye abo bana mu isi, yiha inshingano ivuye ku mana y'uko azakoresha imbaragaze uko ashoboye kose kubarinda inshuti mbi no kubana n'ababi. Ntakwiriye kureka abahungu be b'inkubaganyi ngo barerwe na nyina burundu. Uwo ni umutwaro umuremereye cyane. Akwiriye kuringaniza neza uko barererwa mu buryo bushimishije abana na nyina. Bishobora gukomerera nyina cyane kwimenyereza kwitegeka no gukoresha ubwenge mu gihe yigisha abana be. Biramutse bibaye bityo, se abakwiriye kwikorera umutwaro uruseho mu mutima we. Akwiriye kugambirira gukorana umuhati, agakiza abana be. 4

Mutoze abana kuba ingirakamaro - Umugabo, nk'umutwe w'inzu ye, akwiye kumenya uko akwiriye kwigisha abana be kuba ingirakamaro. Iyo ni yo nshingano ye y'ibanze iza ku mwanya w'imbere kurusha iyindi yose. Mu myaka ya mbere y'ukubaho, irema mico ry'umwana rikomoka cyane kuri nyina, ariko agomba kwiyumvamo ko akeneye gufashwa n'umugabo we. Niba afite akazi kamubuza kwita ku muryango we nk'uko bikwiriye, byakabaye byiza ahatse akandi kazi kazamuha umwanya wo kuwitaho uko bikwiriye. Iyo atabitayeho, aba ahemutse ku nshingano yashinzwe n'Imana.

Umugabo agomba kwigisha abana be inyigisho zizababashisha gutsinda ibishuko byo mu isi. Akwiye kwiga inyifato n'ingeso za buri umwe mu bagize umuryango we kugira ngo amenye ibyo bakeneye n'ingorane bahura nazo, gutyo agashobora gukumira ikibi no gukomeza icyiza.5

Umwuga yokora uwo ari wo wose, nti washyirwa imbere ku buryo watsindishiriza kudashobora kuzuza inshingano ze zimureba nk'umugabo ari zo kwigisha no kurerera abana be mu nzira z'Umwami.6

Iga kumenya ubudasa bw'imico yabo - Umugabo ntiyagakwiriye gutwarwa n'imibereho y'akazi cyangwa se amashuri kugeza ubwo atamenya imico n'amakene y'abana be. Agomba gushakisha uburyo butandukanye ashobora gukoresha mu kubitaho abaha inyigisho z'ingenzi kandi abashinga imirimo ikwiranye n'ubushobozi bwabo.7

Bagabo mumare umwanya munini ushoboka hamwe n'abana banyu. mugerageza kwimenyereza imico yabo itandukanye, kugira ngo mushobore kubarera mu buryo buhuye n'ijambo ry'Imana. Nta jambo ry'irica ntege rikwiye gusohoka mu kanwa kanyu. Nti muzane umwijima mu nzu yanyu. Mube abumva kandi mugirire urukundo abana banyu ariko mutabagirira impuhwe birenze ngo mubateteshe. Bareke bikorere ingorane zabo nk'uko bigomba buri wese. Nti mukabashyigikire mu kuregana imbere yanyu. Bigishe kwihanganira abandi kandi ubigishe kwiringirana no kubahana.8

Ifatanye nabo mu mirimo yabo no mu mikino yabo: Bagabo, muhuze ubutegetsu n'urukundo, ugushikama na ko muguhuze n'ubugwaneza n'impuhwe. Mugenere abana banyu amwe mu masaha yo kunezeranwa na bo; iminsi yose mwige kubamenya biruseho, mugire uruhare mu mirimo yabo no mu mikino yabo, mwigarurire icyizere cyabo n'ubucuti bwabo by'umwihariko iby'abana b'abahungu banyu. Uko ni ko muzabaha icyitegererezo cyiza.9

Mubigishe ibyigwa mukomoye ku byaremwe: Reka umugabo agerageze korosha imirimo y'umugore... Nakururire amatsiko y' abana be ku ndabo nziza, ibiti by'inganzamarumbu, ku bibabi byinshi bigaragaza imirimo n'urukundo by'Imana. Akwiriye kubigisha ko Imana yaremye ibyo byose ikunda ibyiza n'ibimeze neza. Kristo yararikiye abigishwa be kwigira ku ndabo zo mu mirima no ku nyoni zo mu kirere. Yabasobanuriye

uko Imana ibyitaho, n'ukuntu mu buryo bw'umwihariko yita ku muntu w'agaciro kenshi kuruta indabo n'inyoni . Mubwire abana ko, n'aho twamara igihe kingana gute twita ku buranga bwacu, ko butashobora kuba bwiza nk'ubw'indabo zo mu [223] mirima. Bityo, intekerezo zabo zizakurwa ku bikomoka ku muntu maze babyerekeze ku byaremwe. Bazamenya ko Imana yabahaye ibyo bintu byose byiza kugira ngo bibanezeze kandi ko nabo ibasaba kuyiha urukundo rwimbitse rwo mu mitima yabo.

Ba se bashobora kubazana mu busitani maze akabereka ubwiza bw'indabo n'amabara atandukanye y'indabo zitandukanye. ako ni ko kanya keza ko kubigisha ibyigwa bikomeye birebana n'Umuremyi, mu kubumbura imbere yabo igitabo gikomeye cy'ibyaremwe, aho urukundo rw'Imana rugaragarira muri buri guti cyose, buri rurabo rwose no muri buri kimera cyoroheje cyose. Ashobora kubasobanurira ko niba Imana yita cyane ku biti n' n'indabo ko azita byumwihariko ku kiremwa cyaremwe ku ishusho yayo. Ibyo bizamushoboza kubasobanurira hakiri kare ko Imana ishaka ko abana banezerwa batabikomeye mu binezeza bya kimuntu ahubwo babikomeye mu bwiza bw'imico, ubwiza bukomoka mu bugiraneza no mu rukundo buzuzuzanya mu mitima yabo ibyishimo n'umunezero.11

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU KINGEREZA
1	Signs of the Times, 6 Décembre 1877	Signs of the Times, 6 December 1877
2	Signs of the Times, 6 Décembre 1877	Signs of the Times, 6 December 1877
3	Counsels to Techars, parents and students, P.128	Counsels to Teachers, parents and students, P.128
4	Manuscrit 79, 1901	Manuscript 79, 1901
5	Review and Herald, 30 Août 1881	Review and Herald, 30 August 1881
6	Signs of the Times, 10 Septembre 1894	Signs of the Times, 10 September 1894

7	Counsels to Teachers Parents, and students, P.127, 128	Counsels to Teachers Parents, and students, P.127, 128
8	Manuscrit 60, 1903	Manuscript 60, 1903
9	Ministère de la guérison, P.330 (Rayons de santé, P.48)	Ministry of healing p 391,392
10	Christian Temperance and Bible Hygiène, P.70	Christian Temperance and Bible Hygiene, P.70
11	Signs of the Times, 6 Décembre 1877	Signs of the Times, 6 December 1877

ICYIGWA CYA 37: UMUGABO UDAKWIRIYE KUBA

Umugabo wibwira ko umugore we agomba kwikorera imitwaro y'inkubwe ebyiri - Mu miryango myinshi, harimo abana bo mu kigero gitandukanye, bamwe muri bo, nti basabwa gusa kwitabwaho no kuyoborwa neza na nyina ahubwo banakeneye no kuyoborwa n'itegeko rishikamye ryuzuyemo urukundo rya se. Ni abagabo bake bita kuri iki kibazo uko byagakwiriye. Birengagiza inshingano yabo bwite, gutyo bagatuma abagore babo bikorera umutwaro uremereye cyane, maze bakabanenga ndetse bakabagayira kudashobora gusoza inshingano zabo. Ananijwe n'inshingano no kunengwa, uwo mugore w'indushyi ageraho akiyumvamo ko yakosheje maze akicuza ibyo yakozze yaba ari ibyo yakoranye ubunyangamugayo cyangwa se ibyo yakoranye ubujiji, kandi inshuro nyinshi aba yakozze uko ashoboye kose ariko ingaruka akaba ari we zigeraho. Bityo, aho kugira ngo imiruhu ye ihabwe agaciro kandi ayishimirwe maze umutima we wuzurwemo n'umunezero, agendera munsu y'igicu cy'umubabaro no kwivovota bitewe n'uko umugabo we, udaha agaciro inshingano ze, amusaba gukora wenyine inshingano zibareba bombi. Umugabo we yitegereza gusa ibimunyuze atitaye ku ngaruka zizagera ku mugore we. 1

Abagabo benshi ntibamenya cyangwa ngo bahe agaciro gakwiriye inshingano n'imitwaro abagore babo bafite, bihora bibaboshye iteka umunsi wose buzuzura inshingano zo mu rugo. Bataha kenshi i muhira bakambije agahanga ntibazane umucyo na muke mu ruziga rw'umuryango. Iyo asanze ibyo kurya bitabonekeye igihe, uwo mugore urushye kuko ari we mukozi, umuforomo umutetsi ndetse akaba n'umugore warwo byose icyarimwe atangira gutukwa. Umugabo w'umutegetsu apfa gufata umwana uri kurira kugira ngo nyina ateke ibyo kurya ariko umwana iyo adacecetse maze agakomeza kwigurumbanya mu maboko ye, umugabo yumva ko ari inshingano y'umugore kumucecekesha no kumuturisha. Ntiyita ku masaha menshi nyina yihanganirye amahane y'abana, maze akamubwirana ubukana ati : "Mugore, ngwino ufate umwana wawe." mbese uwo mwana si uw'umugore nkuko ari n'uw'umugabo? Mbese umugabo nawe ntakwiriye kugira uruhare mu kurera abana be no kwikorera imitwaro yabo? 2

Inama ku mugabo utwaza igitugu-Ubuzima bwawe bwarushaho kuba bwiza mu gihe utagerageza kugaragaza ubutware bwawe ukoresheje itegeko ridahinduka witwaje ko uri umugabo na se w'abana. Uburyo ukoresha bwerekana ko utazi neza icyo uri cyo

n'akamaro kawe - ako "kuba umuhuza w'urugo." uri umunyaburakari kandi utwaza igitugu, ntugira mu buryo bukomeye kwibaza. uko wakora uko ari ko kose mu bihe bimwe na bimwe, ntibyagaraga ko bitunganye mu maso y'umugore n'abana bawe. Iyo wafashe umwanzuro, ni gake gusa ushobora kuwuhindukaho. Ufata imyanzuro yo gushyira mu bikorwa ibyo watekereje kandi rimwe na rimwe utari mu nzira nziza, ibyo na byo ugomba kubizirikana. ukeneye urukundo rwinshi no kwihangana, no kwiyemera gake mu byo uvuga no mu byo ukora. Mu buryo ubyifatamwo, aho kuba umuhuza w'umuryango, uzaba nk'icyuma cyo kwangiriza no konona abandi...!

Mu gihe ugerageza guhatira abandi gushyira mu bikorwa ibitekerezo byawe kuri buri ngingo, uba ugize nabi kuruta kwemera kugamburuzwa kuri zo. Nubwo ibyo wibwira mu bitekerezo byaba ari iby'ukuri ariko bishobora kuba atari ukuri. Iyo ugisha inama abo hanze y'umuryango maze abo bazikugiriye mugafata umwanzuro kimwe, ibyo nibyo igutera kugwa mu mafuti menshi yo guhata ku mbaraga no kutumva ibitekerezo by'abawe ahubwo ukabahatira gukora nk'uko ubyumva.³

Utekereza mu buryo butandukanye ku birebana n'imyitwarire y'umuryango wawe. Utanga amategeko adahinduka kandi y'igitugu adaha umudendezo abagukikije. Wibwira ko bihagije kwitwa umutwe w'umuryango, kandi ko umutwe wawe wonyine ugomba gukoresha abagize umuryango nk'imishani iri mu biganza by'uyikoresha. Nimwe mushyiraho amategeko kandi mukanayishirisha mubikorwa. Ibyo bibabaza ijuru kandi bikarakaza abamarayika. Witwara mu mu muryango wawe nk'aho ari wowe wenyine ufite ubushobozi bwo kuyobora. Wababajwe no kubona umugore wawe agira igitekerezo gihabanye n'icyawe kandi ko n'imyanzuro ye ihabana n'ibyo wibwiraga.⁴

Abagabo b'abanyaburakari kandi b'abanyamahane: Reka Abagabo bateze imbere imibereho y'iby'umwuka y'abagore babo ... Kuri benshi muri bo, inyifato yo gukunda kurakara bayimitse uhereye mu gihe bari mu buzima bwa gisore. Ntibigeze bashobora kurandura iyo myitwarire yo mu bwana bwabo. Bishimira muri ibyo byiyumviro, kugeza ubwo bahindura ubuzima bwabo ingumba kandi bukijimishwa no kwivovota bihoraho, bativovotera ubuzima bwabo gusa ahubwo n'ubw'abandi. Bafite umwuka muri bo wa Ishimaeli, yazinutswe bese nawe baramuzinukwa.⁵

Umugabo wikunda kandi utihanganira abandi - Mwene data B, si wa muntu washobora gutuma umucyo w'izuba umurika mu muryango we. Muri iryo shami afite umurimo ukomeye agomba gukora niba asa n'igicu aho kuba nk'imirashi y'umucyo. Arikunda cyane ku buryo atabwira amagambo atera akanyabugabo abagize umuryango we byumwihariko umugore we, ufite uburenganzira bwo gukundwa no kubahwa na we. ntiyihangana, avuga nabi, kandi atwaza igitugu; amagambo ye kenshi arakomeretsa agasiga ibikomere atihatira komora no gukiza yoroshya imico ye, yimenyaho ibicumuro bye kandi abyatura...

Mwene data B, akwiriye guca bugufi, akwiriye kwimenyereza ubwitonzi no kwiyorosha, agomba guhora yiteguye kugirira impuhwe n'urukundo umugore we. Uwo bangana muri byose; ntakwiye kwigera asohora ijamba ribabaza kandi rikijimisha umutima we. Akwiye gutangirira umurimo we w'ubugorozi mu muryango, agaragaza urukundo kandi arenga imyitwarire itari iya kimuntu, y'uburakari, yo kudakabakabwa, n'urwango byo mu mico ye.⁶

Umugabo wijimye, wikunda kandi utwaza igitugu, ntiyibuza amahoro wenyine gusa ahubwo azanira urugo rwe kuremererwa n'agahinda. Azasarura ibyo yabibye, igihe azabona umugore we yarwaye kandi acitse intege n'abana be baremerejwe n'imyitwarire nk'iyeye.⁷

Umugabo wikunda kandi utagira impuhwe:- Usaba byinshi umugore wawe n'abana bawe birenze ubushobozi bwabo. Urabagenzura birenze. Iyaba wakwihatiraga kuba umunyarukundo n'umugwaneza, iyaba wababwiranaga ubwitonzi n'urukundo, wakwinjije izuba mu nzu yawe aho kwinjiza ibicu, umubabaro no gucika intege. Uribona cyane, wafashe imyanzuro ikomeye, kandi ntiwemeye ko ibitekerezo by'umugore wawe bigira imbaraga byakagombye kugira mu muryango. Wowe ubwawe ntufite akamenyero ko kubaha umugore wawe, kandi ntiwigishije abana bawe guha agaciro imyanzuro ye. Ntiwamufashe nk'uwo mungana ahubwo wafashe mu kiganza umwamikazi w'umuryango n'inshingano ze maze ubyizirikaho. Ntiwita k'urukundo n'ubugwaneza. Iyo ni yo miterere y'imico ugomba kwihatira kugira, niba ushaka kuba umuneshi no kwakira imigisha y'Imana mu muryango wawe.⁸

Umugabo wirengagiza urugwiro rwa gikristo - Wafashe nk'intege nke kuba umunyarukundo, umugwaneza ^[228] n'uwumvikana n'abandi , kandi watekereje ko ari iby'agaciro gake kuganira n'umugore wawe wicishije bugufi, wiyoroheje kandi wuzuye urukundo. Wakoze ibihabanye n'ibikenewe muri ubwo buryo ugwa mu makosa menshi. Uko kudashaka kugaragariza umugore wawe urukundo ni byo ntege nke kandi ni yo nenge yo mu mico yawe. Ariko ibyo wita intege nke, bifatwa n'Imana ko ari rwo rugwiro nyakuri rwa gikristo, ishaka kubona abana bayo barushira mu bikorwa. Kuko ari nawo mutima Kristo yahoranye.9

Abagabo bakwiye kugaragaza urukundo no kwita ku bandi - Umugabo niba ari umunyamahane, agorana, anenga buri gihe ibikorwa byose by'umugore we, ntashobora kubona icyubahiro n'urukundo ahawe n'umugore we kandi imibanire y'abashakanye izahindukira umugore ikintu giteye iseseme. Kuko uwo mugabo atigera agerageza kuba umunyamahoro, umugore we ntazamukunda namba. Abagabo bakwiriye kuba abanyamakenga, abagiraneza, abashikamyeye, inyangamugayo n'abiringirwa. Bagomba kugaragaza urukundo no kumvikana...Niba umugabo afite kwera kw'imico, gutungana k'umutima n'intekerezo zitunganye bisabwa buri mukristo wese ushikamyeye, azanabigaragariza mu mibanire y'abashakanye... Azita ku buzima bwiza bw'umugore we no kumukomeza. Azihatira kuvuga amagambo yo gukomeza abandi azarema umwuka w'amahoro mu muryango we. 10

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU KINGEREZA
1	Signs of the Times, 6 Décembre 1877 3	Signs of the Times, 6 December 1877
2	Signs of the Times, 6 Décembre 1877	Signs of the Times, 6 December 1877
3	Lettre 19 a, 1891 2	Letter 19 a, 1891
4	Testimonies for the Church, vol. 4, P.36,37	Testimonies for the Church, vol. 4, P.36,37
5	Lettre 107,1898	Letter 107,1898
6	Testimonies for the Church, vol. 4, P.36,37	Testimonies for the Church, vol. 4, P.36,37

7	Ministère de la guérison, P.316 (Rayons de santé, P.34,35	Ministry of healing p374,375
8	Testimonies for the Church, vol. 4, P.255	Testimonies for the Church, vol. 4, P.255
9	Testimonies for the Church, vol. 4, P.256	Testimonies for the Church, vol. 4, P.256
10	Manuscript 17, 1891	Manuscript 17, 1891

**UMUGABANE WA 10:
UMUGORE, UMWAMIKAZI
W'URUGO**

ICYIGWA CYA 38: UMWANYA N'INSHINGANO Z'UMUGORE

Ni mugenzi w'umugabo we bahwanye - Umugore agomba kuba mu mwanya Imana yamuhaye kuva mu irema. Ni ukuvuga kuba mugenzi w'umugabo we bahwanye. Isi ikeneye abagore batari abo ku izina gusa ahubwo bahuje n'ubusobanuro bw'iryo zina. Dushobora kuvuga nta gushidikanya kandi nta bwoba ko inshingano zitandukanye z'umugore zera cyane kandi zitunganye kurusha iz'umugabo. Umugore nazirikane kwera kw'inshingano ze, kandi azikore afashijwe n'imbaraga z'Imana no kuyubaha. Yigishe abana be kuba ingirakamaro muri iyi isi ndetse no muri ya si izaba irushijeho kuba nziza.1

Umugore kandi akaba nyina w'abana ntagomba kumara imbaraga ze kandi ntakwiye kuryamisha ubushobozi yifitemo yishingikirije ku mugabo we muri byose. Ubumuntu bwe ntibukarigitire mu bw'umugabo we. Akwiye kwiyumvisha ko ari mugenzi w'umugabo we bahwanye. Kandi akagenda i ruhande rwe akiranuka ku nshingano zimureba kimwe n'umugabo we. Akamaro ke mu burezi bw'abana be karakomeye mu mpande zose, kandi gafite agaciro kurusha ibyo umugabo ahamagarirwa gukora byose, n'aho byaba gusohozza inshingano z'umukuru w'igihugu.2

Umwamikazi w'urugo: Umwami wicaye ku ntebe ye ntafite inshingano z'ingenzi kuruta iz'umugore. Ni umwamikazi w'urugo. Afite ubushobozi bwo guhindura imico y'abana be kugira ngo abahindure abakwiye kuzaragwa ubugingo buhoraho. Ndetse na marayika ntashobora gusaba umurimo uruta uw'umugore urera abana, kuko mu gukora uwo murimo aba ari ku murimo w'Imana. Niyite gusa ku kamaro k'umurimo we, ibyo bizamuha imbaraga. Nahe agaciro umurimo we kandi yambare intwaro zose z'Imana kugira ngo abashe gutsinda ibishuko byo gusa n'isi. Umurimo we ureba igihe cya none n'icy'iteka ryose.3

Umugore ni umwamikazi w'urugo kandi abana be ni bo baturage ayoboye. Agomba kuyoborana urugo rwe ubwenge mu cyubahiro cy'agaciro ke k'umugore. icyitegererezo cye kigomba kugirwa nyambere haba mubyo avuga no mu mategeko atanga. Niba ari umukristo uyoborwa n'Imana, azatera abana be kumwubaha. 4

Abana bagomba kwigishwa kudafata nyina nk'umucakara ugomba gukorera abana be ibyo bakennye byose ahubwo ko ari umwamikazi ugomba kubayobora, kuberekera no kubigisha umurongo ku murongo, itegeko ku itegeko.5

Igereranya hagati y’agaciro k’imirimo y’umugabo n’umugore:

Ni iby’imbonekarimwe ko umugore aha agaciro imirimo ye akora, ahubwo kenshi ibyo akora abifata nk’aho ari uburetwa bw’i muhira. Umunsi ku wundi, uko ibyumweru biha ibindi ahora yizengurukaho mu bikorwa bimwe nta musaruro ugaragara yakwerekana. Ntashobora kuvuga mu mpera z’umunsi umubare w’imirimo mito mito yakoze neza. Iyo agereranije ibyo akora n’umusaruro uva mu mirimo y’umugabo we, yiyumvamo ko ntacyo akora gikwiriye kuzirikanwa.

Umugabo kenshi atahana igabo atewe ishema no kuvuga ibyo yakoze n’ibyo yagezeho umunsi wose. Akinjirana amategeko asaba umugore kumwitaho kuko we nta bindi yigeze akora usibye kwita ku bana, guteka no gushyira inzu kuri gahunda, ntiyigeze acuruza, ntacyo yaguze kandi ntacyo yagurishije, ntiyigeze ajya mu murima guhinga kandi nta nubwo yigeze ajya ku kazi kamuhemba, akavuga ko muri rusange umugore ntacyo yakoze cyamutera kunanirwa. Umugabo aramunenga, agacyaha kandi agategeka nk’aho ari we waremye byose. Ibyo ni byo ^[233] bibabaza cyane umubyeyi w’umugore akaba na nyina w’abana, kuko yitanze cyane akananirwa umunsi wose ariko ukaba utabona umusaruro w’imirimo ye maze noneho agacika intege.

Iyaba inyegamo yakurwagaho maze umugabo n’umugore bakabona uko Imana iha agaciro imirimo ya buri munsi n’uko ijisho ryayo ridasobwa rigereranya imirimo yabo bombi, batangazwa n’uko Imana ibibona. Umugabo yabona uko imirimo ye yoroheje ugereranije n’iy’umugore we, mu gihe umugore we yakwiyongeramo akanyabugabo n’imbaraga nshya zo gukomeza gukora umurimo afite ubwenge, kwihangana no gushinyiriza. Noneho umugore yasobanukirwa n’agaciro k’umurimo we. Mu gihe umugabo we yita ku bintu bishira kandi byangirika, umugore we yita ku iterambere ry’ubwenge n’imico, kandi ntabikorera kugera ku musaruro w’iki gihe gusa ahubwo anabikorera kugera ku musaruro w’iteka ryose.⁶

Imana ni yo yamushinze umurimo we: Byakabaye byiza ko buri mugore wese azirikana ugukomera kw’imirimo n’inshingano ze kandi akanazirikana ingororano azahabwa nazikiranukaho.⁷

Umugore wishimira gusohoza inshingano ashinzwe, yiyumvamo ko kubaho bimubereye iby’agaciro kuko Imana yamuhaye umurimo wo gukora. Ntagomba kwemerera intekerezo ze kugwingira cyangwa ngo yemerere ubwenge bwe gucika intege igihe akora uyu murimo.⁸

Umurimo w'umugore yawuhawe n'Imana kugira ngo arere abana be mu kumenya Imana no kuyoborwa na yo. Urukundo no kubaha Imana bigomba guhora iteka mu ntekerezo zabo zikiri ntoya. Igihe biri ngombwa kubakosora, bagomba gusobanurirwa ko bari gukeburwa n'Imana, yanga ibinyoma, ubuhemu n'ibikorwa byabo bibi. Muri ubwo buryo, intekerezo z'abana bato zishobora kugirana umushyikirano uhoraho n'Imana, kandi ibyo bazakora byose n'ibyo bazavuga byose bizaba ibyo kuyihesha icyubahiro; kandi mu myaka yabo mikuru ntibazaba nk'urubingo ruhungabanywa n'umuyaga, mu guhitamo hagati y'ibyo kamere yabo ibogamiramo n'inshingano zabo.⁹

Kubayobora kuri Yesu si byo bikenewe gusa... Abo bana bagomba kwigishwa no kurerwa kugira ngo bahinduke abigishwa ba Kristo kuko "abahungu bacu bazaba nk'ibiti byikuririza bakiri abasore, n'abakobwa bacu bakaba nk'amabuye akomeza imfuruka, abajwe nk'uko babaza amabuye arimbishwa inyumba." Uwo murimo wo kurema imico, kuyiboneza no kwigisha ikinyabupfura ni uw'umugore. Imico y'umwana igomba gukuzwa. Umugore agomba guharatura ku nkingi z'imitima yabo ibyigisho bizaramba iteka ryose; azaba arakaje Imana niyirengagiza gukora uwo murimo wera cyangwa se niyemerera icyo ari cyo cyose kuwukoma mu nkokora...Buri mugore w'umukristo afite umurimo yashinzwe n'Imana. Nakomeza kugirana umushyikirano uhoraho n'Imana kandi akuzuzwa Umwuka wayo , ntazawirengagiza.¹⁰

Inshingano ye iragutse kandi ni iy'agaciro - Imana yashinze umugore wese umurimo w'agaciro katagereranwa kandi w'inyungu zitagira akagero. Imirimo yoroheje y'umugore nubwo kenshi ifatwa nk'igihano kitanejeje, yakagombye gufatwa nk'imirimo myiza kandi ikomeye. Umugore afite amahirwe yo gushobora gutuma isi ihabwa umugisha maze ingaruka yabyo ikanzeza umutima we. Ashobora kuyobora intambwe z'abana be, mu minsi myiza no mu minsi mibi, mu nzira igana mu ijuru. Ariko ibyo azabigeraho gusa mu gihe nawe ubwe yihatira gukurikiza inyigisho za Yesu ni bwo kandi azashobora kurema imico y'abana be igasa n'iy'ab'ijuru.¹¹

Mu mirimo yose yo mu buzima, umurimo wera cyane w'umugore ni uwo kwita ku bana be. Ariko kenshi na kenshi, uwo murimo urengagizwa kubwo guhaza kwikunda. Inyungu z'akanya gato n'iz'iteka ryose z'abana zashinzwe ababyeyi babo. Abo bakwiye gutwara no kuyobora ingo zabo ngo baheshe Imana icyubahiro. Amategeko y'Imana ni yo yonyine agomba kuba umuyobozi wabo bakayoboza urukundo mu kantu kose.¹²

Nta wundi murimo ukomeye kandi wera cyane Niba abagabo bafite abagore bajya ku murimo, bagasiga abagore barera abana i muhira nyina w'abana aba akora umurimo ukomeye kandi w'ingenzi rwose uhwanyeye n'uwo se w'abo bana akora. N'ubwo umwe yaba ari mu murimo w'Imana mu bihugu bya kure, undi nawe aba akora umurimo w'Imana i muhira, ugomba kwitonderwa, uruhije kandi uremereye kuruta uw'umugabo we. Umurimo we ni uw'icyubahiro kandi ni ingenzi... Umugabo wagiye gukorera Imana mu misozi ahabwa icyubahiro gikwiriye abagabo, nyamara umukozi uruha cyane w'i Muhira ntabashe kubona icyubahiro cyo mu isi kubwo imirimo ye. Ariko niba akorera cyane kungura ab'urugo rwe, agashaka kuboneza ingeso zabo ngo zibe nk'icyitegererezo cyacu cyo mu ijuru, Marayika wandika ibikozwe yandika izina rye ko ari iry'umuntu wakoze umurimo w'Imana ukomeye cyane mu isi kuruta abandi bose. Imana ntireba ibintu nk'uko abantu bagira ibitekerezo bigufi babireba.13

Umugore ni umukozi w'Imana ushinzwe gucengeza ubukristo mu rugo rwe. Agomba kuba icyitegererezo cy'iyobokama rya Bibiliya akerekana uburyo rigomba kutuyobora mu mirimo ya buri muni no mu binezeza, akigisha abana be ko bashobora gukizwa n'ubuntu bwayo gusa, binyuriye mu kwizera ko mpano y'Imana. Ibi byigisho bihoraho bigaragaza icyo Kristo atumariye n'icyo amariye abana, urukundo, ubugiraneza, imbabazi byagaragariye mu nama y'agakiza, bizagira ingaruka nziza kandi zera ku mitima. 14

Kwigisha abana ni umugabane w'ingenzi mu mugambi w'Imana wo kwerekana imbaraga z'ubukristo. Ababyeyi bafite inshingano ikomeye yo kurera abana babo kugira ngo ubwo baziroha mu isi bazashobore gukora ibyiza aho gukorera ibibi abo bazahura nabo bose.15

Umukozi wunganira umugabura: Umugabura afite ishami agomba gukoreramo n'umugore we na we akagira irye. Umugore agomba kuzanira abana be Yesu ngo abahe umugisha. Agomba kwigaburira amagambo ya Kristo kandi akayigisha abana be. Uhereye mu bwana bwabo, agomba kubatoza kwitegeka no kwiyanga no kubacengezamo akamenyero ko kugira isuku na gahunda. Agomba kwigisha abana be ku buryo bazajya batega amatwi amagambo y'abagabura b'ijambo ry'Imana babikunze. Imana ikeneye abagore bakoresha italanto yabahaye mu mashami yose y'ibikorera mu ngo zabo kandi bagahindura abana babo

abakwiriye kuba abo mu muryango w'ijuru. Umuryango uyobowe n'ubukiranutsi ukorera Imana cyane kuruta ubwiriza ijambo gusa. Nk'uko umwarimu ku ishuri yiyumva, ababyeyi bagomba kwiyumvisha ko ari abarezi b'abana babo. 16.

Icyitegererezo cy'akamaro k'ababyeyi b'ababakristo ntikigomba kugarukira mu nzu yabo gusa. Ashobora kandi agomba kugaragaza mu baturanyi no mu itorero ry'Imana icyitegererezo gikiza agaragariza mu rugo rwe. Urugo si gereza ku mugore wiyeguriye Imana. 17

Inshingano y'ubuzima bwe bwose: Umugore nazirikane kwera kw'inshingano ze, kandi azikore afashijwe n'imbaraga z'Imana no kuyubaha. Yigishe abana be kuba ingirakamaro muri iyi isi ndetse no muri ya si izaba irushijeho kuba nziza. Turabwira abagore b'abakristo duti: tubagiriye inama yo gusobanukiwa inshingano zanyu nk'ababyeyi no kutabaho mubereyeho kwinezeza ubwanyu, ahubwo mubereyeho guhesha Imana icyubahiro. Umukiza ntiyinejeje ubwe ahubwo yafashe akamero k'umugaragu. 18

Isi yuzuyemo imbaraga iganisha mu gusayisha, ibigezweho n'imigenzo bikurura abasore bikoresheje imbaraga nyinshi. Iyo umubyeyi w'umugore mu nshingano ze atabashije kwigisha, kuyobora no gucyaha, abana be bazemera ikibi maze batere umugongo icyiza. Ni mutyo inshuro nyinshi umubyeyi wese asange Umukiza asenga ati: "Twigishe, mbese dukwiriye kuyobora umwana dute kandi tuzamugenza dute?" Mureke uwo mubyeyi yumvire amabwiriza Imana yatanze mu ijambo ryayo, bityo azahabwa ubwenge nk'uko abukeneye. 19

Kurema imico yabo ku cyitegererezo mvajuru: Mu ijuru hari Imana, umucyo n'ubwiza bwayo bihabwa umubyeyi wese w'umugore ushaka gukura abana be mu kibi. Nta murimo ukomeye nk'uwe. Ntiyerekanira ubwiza ku gitambaro nk'umunyabugeni cyangwa ngo abyerekanire ku giti nk'uzi guconganga. Si nk'umwanditsi ngo abwerekanire mu nyandiko ze ku nsanganyamatsiko yihitiyemo, si nk'umuririmbyi ngo abugaragarize mu byiyumviro bye mu ndirimbo nziza ifite injyana nziza, ahubwo agomba guconganga umutima abifashijwemo n'Imana akawuhindura uhuje n'ishusho y'Imana.

Umugore usobanukiwe n'umurimo we azawufata nk'ufite agaciro katagereranwa. Azihatira kwigisha abana be igitekerezo gihanitse akiranutse, binyuriye mu mico ye bwite no mu buryo akoresha abarera. Yihanganye kandi afite akanyabugabo, azashakisha uko

yakwagura ubushobozi bwe kugira ngo abukoreshe bwose mu burere bw'abana be. Ikizamushishikaza ni ukumenya Imana muri byose kandi azigana ijamba ryayo ubwitonzi. Azahora ahanze amaso Yesu kugira ngo mu mihati n'imirimo ye ya buri munsi, ubuzima bwe bushobore kugaragaza imico nyakuri ya Yesu uri muri we. 20

Izina ry'umugore ukiranuka ryanditswe mu gitabo cy'urwibutso: Kwiyanga no kwikorera umusaraba ni umugabane wacu. Mbese tuzabyemera? Nta n'umwe wo muri twe ugomba kwishuka ko ubwo igihe cy'igeragezwa rikomeye kandi riheruka kizaba kitugezeho ari bwo umwuka wo kwitamba n'ubutwari bizakurira muri we ako kanya ngo kuko azaba awukeneye. Ibyo si byo rwose. Tugomba kugaragaza uwo mwuka mu mibereho yacu ya buri munsi, kandi tukawinjiza mu mitima no mu ntekerezo by'abana bacu, byaba binyuriye mu nyigisho kimwe no mu byitegererezo. Abagore mu Isirayeri bashoboraga kutaba abarwanyari ariko bashoboraga kurera abarwanyari bambaraga intwari z'ubwoko bwose kandi bakarwana kigabo intambara z'Uwiteka.21

Babyeyi, umurage w'iteka w'abana banyu uri mu biganza byanyu ku rugero runini. Ni munanirwa inshingano zanyu, muzaba mushyize abana banyu mu mirongo y'umwanzi kandi mukaba mubagize abakozi be akoresha mu kurimbura imitima; ariko binyuriye mu kubaha icyitegererezo cyiza cyo kubaha Imana n'ikinyabupfura kiboneye mushobora kubayobora kuri Kristo kandi mukabahindura ibikoresho mu biganza bye byo gukiza imitima myinshi.22

Niba umurimo w'umugore w'umukristo ukoranywe gukiranuka ntuzapfa. Abakunda ibigezweho ntibazabona kandi ntibazatahura na mba ubwiza butagashuka bw'uwo murimo, bazakoba ibitekerezo n'imyenda iciriritse by'uwo mugore ukiranuka bavuga ko bitajyanye n'igihe, ariko icyubahiro cy'ijuru kizandika izina rye mu gitabo cy'urwibutso. 23

Ibihe bye byose ni iby'agaciro katagereranywa: Imibereho yose Mose yagize, umurimo ukomeye yasohoje nk'umuyobozi w'Abisirayeri bigaragaza akamaro k'umurimo w'uwo mubyeyi w'umukristo. Nta wundi murimo wangana n'uwo...Ababyeyi bakwiriye kwigisha no gutoza abana babo bakiri bato kugira ngo bazakure ari abakristo. Twahawe abana kugira ngo tubigishe, atari nk'abazaragwa intebe y'ubwami bw'isi ahubwo nk'abami bazimana n'Imana ibihe bidashira.

Mureke umubyeyi wese yumve ko ibihe bye ntacyo [239] yabigura, umurimo we uzasumwa ku muni w'urubanza. Ku muni w'amateka bizagaragara ko ibyaha byinshi n'ubugome by'abagabo n'abagore ari ingaruka z'ubujiji n'uburangare bw'abari bafite inshingano zo kuyobora ibirenge by'abana mu nzira y'ukuri. Ni nabwo bizagaragara ko benshi bahesheje isi umugisha kubera umucyo w'ubuhanga, n'ukuri no gukiranuka babikesha ababyeyi babo basenga kandi b'abakristo.24

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	Christian Temperance and Bible Hygiene, P.77	Christian Temperance and Bible Hygiene, P.77
2	Pacific Health journal, Juin 1890	Pacific Health journal, Juin 1890
3	Signs of the Times, 16 Mars 1891	Signs of the Times, 16 Mars 1891
4	Counsels to Teachers, Parents and Students, P.111	Counsels to Teachers, Parents and Students, P.111
5	Lettre 272, 1903	Lettre 272, 1903
6	Sings of the Times, 13 Septembre 1877	Sings of the Times, 13 Septembre 1877
7	Signs of the Times, 11 Octobre 1910	Signs of the Times, 11 Octobre 1910
8	Pacific Health journal, Juin 1890	Pacific Health journal, Juin 1890
9	Good Health, Janvier 1880	Good Health, Janvier 1880
10	Good Health, Janvier 1880	Good Health, Janvier 1880
11	Patriarches et prophètes, PP.560, 561	Patriarchs and prophets p 572
12	Signs of the Times, 16 Mars 1891	Signs of the Times, 16 Mars 1891
13	Témoignages pour l'Eglise, vol. 2, PP.278,279	Testimonies for the church vol 5 p 594

14	Review and Herald, 15 Septembre 1891	Review and Herald, 15 Septembre 1891
15	Manuscrit 49, 1901	Manuscrit 49, 1901
16	Manuscrit 32, 1899	Manuscrit 32, 1899
17	Pacific Health journal, Juin 1890	Pacific Health journal, Juin 1890
18	Testimonies for the church, vol. 3, P.565	Testimonies for the church, vol. 3, P.565
19	Patriarches et prophètes, P.561	Patriarchs and prophets p 572,573
20	Ministères de la guérison, P.318 (Rayons de santé , P.36)	Ministry of healing p 377,378
21	Témoignages pour l'Eglise, vol.2, P.31	Testimonies for the church vol 5 p 135
22	Signs of the Times, 11 Mars 1886	Signs of the Times, 11 Mars 1886
23	Signs of the Times, 13 Septembre 1877	Signs of the Times, 13 Septembre 1877
24	Patriarches et prophètes, P.222	Patriarchs and prophets p 244

ICYIGWA CYA 39: ICYTEGEREREZO CY'UMUGORE

Icyitegererezo cy'umutegarugori kizageza iteka ryose: Umutegarugori ashobora kuba afite icyubahiro gike; ariko icyitegererezo cye hamwe n'icy'umugabo we bishobora guhoraho. Imbaraga y'umutegarugori yo gukora ibyiza ikurikiye iy'Imana kandi ifite ubushobozi ku isi.1

Icyitegererezo cy'umugore ni imbaraga igenda yaguka ubudatuza; iyo agikoresheje mu byiza, imico y'abana be izahamya umurava we n'agaciro ke. Ukumwenyura kwe, akanyabugabo ke bishobora kuba imbaraga yakwiganwa. Umugore ashobora kuba imirashi y'izuba mu mitima y'abana be binyuriye mu kubabwira ijamba ry'urukundo cyangwa kumwenyura ko kunyurwa...

Niba akoresheje icyitegererezo cye mu kurengera ukuri no gukiranuka, niba ayoborwa n'ubwenge mvajuru, mbega ukuntu ubuzima bwe buzaba imbaraga ihamya Kristo! Ingaruka ze zizagaragara muri iki gihe kugeza iteka ryose. Mbega ukuntu bikomeye kumva ko indoro, amagambo n'ibikorwa by'umugore bizera imbuto kugeza mu buzima bw'iteka ryose, kandi ko agakiza no kurimbuka kw'abantu benshi bizakomoka mu cyitegererezo cye!2

Umugore ntasobanukirwa neza uko icyitegererezo cy'uburezi bwiza aha abana be, kigira ingaruka mu buzima bwabo bwa none kikanaguka kikageza no mu buzima bw'ahazaza, mu bugingo buhoraho. Kurema imico ukurikije icyitegererezo mvajuru bisaba gukiranuka, imbaraga no gushinyiriza; ariko uwo murimo uzajya mbere kuko Imana iha ingororano ibyo dukora byose mu gukiza imitima.3

Uko umugore ameze ni ko abana baba: Isāno ikomeye kuruta izindi zose ku isi, ni ihuza umwana na nyina. Umwana abangukira gukururwa n'imibereho n'icyitegererezo bya nyina kuruta ibya se kuko hari umurunga ukomeye w'isāno imuziritse kuri nyina.4 Ibitekerezo n'ibiyumviro by'umugore bizagira ingaruka [241] zikomeye ku murage azasigira umwana we. Niyemerera intekerezo ze gutindagira ku byo yiyumvamo, niyishimira kuguma mu kwikunda, naba umunyabukana n'intagondwa, imico y'umwana we izaba nk'iyeye. Uko ni ko abantu benshi bakiriye umurage w'imico itagondeka yo gukora ikibi. Umwanzi w'imitima asobanukiwe ibyo kurusha ababyeyi benshi, azashyira umugore mu bishuko bye azi

ko niba adahanganye na byo, azagera ku mwana we amunyuriyeho. Ibyiringiro rukumbi by'umugore biri ku Mana. Kuri yo ni ho ashobora guhungira akahakura imbaraga n'ubuntu, kandi ntazaruhira ubusa. 5

Umugore w'umukristo agomba guhora ari maso kugira ngo ashobore gusobanukirwa n'akaga kagose abana be. Nawe ubwe, azarindira umutima we mu gukiranuka no mu kwera, imico ye n'amahame ye azabyegurira ijambo ry'Imana, kandi azasohozza inshingano ye akiranutse, abaho asumba ibishuko bito bito bihora iteka bimwugarije.6

Imbaraga ikiza y'umugore wihangana: Inshuro nyinshi ku munsu, humvikana ijwi ry'umwana muto uhangayitse nyuma hakumvikana n'iry'undi rigira riti: "Mama, Mama!" kugira ngo nyina yitabe ayo majwi agomba kujya hirya no hino acuragira, kugira ngo asubize amakene ya buri wese. Umwe aba yugarijwe n'akaga kandi akeneye inama z'ubwenge zikomotse kuri nyina kugira ngo aturitse umutima we. Undi we aba yishimiye ibyo amaze kugeraho ashaka kumwereka yibwira ko na we arishima nka we. Ijambo ryo kunyurwa no kumushima rizamubera nk'umurashi w'izuba uzamurikira umutima mu masaha menshi. Umugore ashobora gukwirakwiza mu bana be bato imirashi y'umucyo n'iy'ibyishimo. Mbega ukuntu kubana na bo byabazirika ku mutima we maze iwabo hakababera ahantu heza kuruta ahandi ku isi.

Ariko hari ubwo kenshi kwihangana k'umugore kumarwa n'utwo tugerageze twinshi tumuburagiza bisa nk'aho bitoroshye kudukemura twose. Ubwo butoki buto bukubagana n'utwo turenge tutaba hamwe bimuha akazi kanini n'amaganya menshi. Agomba kumenya uko agenzura inyifato ye akitegeka, bitabaye bityo amagambo yo kutihangana azasohoka mu kanwa ke. Rimwe na rimwe asa nk'uwataye umutwe ariko isengesho rya bucece yohereza ku Mukiza w'impuhwe riturisha imyakura ye, maze rikamusubizamo imbaraga zo gushobora kwitegeka akabikora atuje. Bityo akavugana ubwitonzi ariko bimusabye kwirinda amagambo akakaye, n'uburakari, mu gihe iyo ayavundereza byari kurimbura icyitegererezo cye cyari kuzagaruka hashyize kera.

Abana babangukira kugenzura kandi ijwi ririmo kwihangana n'urukundo bazi kuritandukanya n'itegeko ritarimo kwihangana, ritanganywe uburakari, rirandura urukundo n'urugwiro mu mitima yabo. Umugore w'umukristo nyakuri ntazirukana abana be akoresheje kubarakarira no kutabereka urukundo.

Guha intekerezo n'imico icyerekezo: Iyi nshingano ireba by'umwihariko umugore. Ni muri we amaraso atungira umwana kandi akarema umubiri we; anamuha umugabane w'ubwenge bwe n'ibyumwuka bye bizagira uruhare ku iterambere rye ry'imico n'ubwenge bwe. Yokebedi, uwo Muheburayokazi yari yuzuye kwizera kutajegajega kandi ntiyaterwaga ubwoba n'itegeko ry'umwami, ni we wabyaye Mose umucunguzi w'Isirayeli. Ni Hana wa mugore w'umunyamasengesho wari uzi kwitangaho igitambo, wahumekekewemo n'Imana wari nyina wa Samweli, umwana wigishijwe n'ijuru, umucamanza utakira impongano, uwashinze amashuri yera y'abahanuzi mu Isirayeli. Ni Elizabeti wari ufitaneye isano y'amaraso n'iy'umwuka na Mariya w'i Nazareti wabyaye integuza ya Mesiya.8

Umwenda isi irimo abagore: Umunsi w'Imana uzagaragaza umwenda isi ifitiye ababyeyi b'abagore b'abakiranutsi, umwenda ifitiye abagabo babaye abavugizi bashikamye b'ukuri n'ubugorozi, abantu bashikamye bagakora ibisa no kwigerezaho, bahagaze batajegajega hagati y'ibigeragezo n'ibishuko, abantu bahisemo inyungu zihaniste kandi zera z'ukuri no guhesha Imana icyubahiro bakabirutisha icyubahiro cy'isi cyangwa ubuzima bwabo bwite. Bagore, mumenye ko icyitegererezo cyanyu n'rugero rwanyu bigira ingaruka ku mico n'ahazaza h'abana banyu; kugira ngo mushobore kuzuza inshingano zanyu, mwihatire kugira intekerezo zihagaze neza n'imico iboneye igaragaza ukuri, urukundo n'ubwiza.10

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU KINGEREZA
1	Good Health, Mars 1880	Good Health, Mars 1880
2	Signs of the Times, 16 Mars 1891	Signs of the Times, 16 Mars 1891
3	Good Health, Juillet 1880	Good Health, July 1880
4	Testimonies for the church, vol.2, P.536	Testimonies for the church, vol.2, P.536
5	Signs of the Times, 13 Septembre 1910	Signs of the Times, 13 September 1910

6	Lettre 69, 1896	Letter 69, 1896
7	Signs of the Times, 13 Septembre 1877	Signs of the Times, 13 September 1877
8	Ministère de la guérison, PP.313, 3142 (Rayons de santé, P.32)	Ministry of healing p 372
9	Signs of the Times, 11 Octobre 1910 2	Signs of the Times, 11 October 1910 2
10	Signs of the Times, 9 Septembre 1886	Signs of the Times, 9 September 1886

ICYIGWA CYA 40: GUSOBANUKIRWA NABI UMURIMO W'UMUGORE

Umugore yibwira ko umurimo we nta gaciro ufite: Umurimo w'umugore umugaragarira kenshi nk'aho nta gaciro ufite. Ni iby'imbonekarimwe ko uhabwa agaciro. Abandi basobanukiwe gake imiruhu n'imitwari imuvuna. Iminsi ye yuzuye imirimo myinshi mito isaba imihati yo kwihangana, kwitegeka, uburyo, ubwenge n'urukundo rugizwe no kwitanga; kandi ntabwo ashobora kwishima nk'uwakoze ibikomere. Umurimo we ni uwo gutuma ikintu cyose cyo mu rugo iwe kidahungabana. Kenshi usanga ananiwe kandi ahangayitse ariko yihatira kubwirana abana be akanyamuneza, akabaha ibyo bahugiramo, akabanezeza no kuyobora intambwe zabo zigiteguza mu nzira yo gukiranuka. Yiyumvamo ko ntacyo yakozwe. Ariko si ko biri abamarayika b'ijuru bita ku mubyeyi ucogoye kandi bakandika imirimo akora umunsi ku wundi. Izina rye rishobora kutamenyekana mu isi, ariko ryanditswe mu gitabo cy'ubugingo cy'umwana w'Intama.1

Umugore nyakuri kandi nyina w'abana ... azuzura inshingano ze afite ubunyangamugayo no mu maso hakeye kandi gukoresha amaboko ye ikintu icyo ari cyo cyose cyatuma urugo rwe rujya kuri gahunda ntabifate nk'aho bisuzuguritse. 2

Uwo murimo ufatwa nk'uri muni y'uw'ibwirizabutumwa: Mbega ukuntu nta murimo w'ingirakamaro nk'uw'umubyeyi w'umugore! Nyamara ababyeyi benshi banishwira no gushaka gukora umurimo w'ibwirizabutumwa, bakibwira ko iyaba bashoboraga kujya mu bihugu by'amahanga aribwo bakwiyumvamo ko bakoze umurimo w'ingirakamaro. Kuzuzura inshingano za buri muni zo mu buzima bw'i muhira babifata nk'umurimo uruhije kandi utagira ishimwe.3

Abagore bifuzaga gukora mu murimo w'ibwirizabutumwa, bafite uwo murimo mu ngo zabo... Mbese imitima y'abana babo ntifite agaciro nk'iy'abapagani? Mbega ukuntu bagakwiriye kwita kuri iyo mitima igikura bafite umwete n'ubugwaneza kandi bakayobora intekerezo zabo ku Mana! Ni nde washobora izo nshingano nk'umubyeyi ukunda kandi akubaha Imana? 4

Hari abagore bamwe bibwira ko baramutse batagiye mu murimo w'ibwirizabutumwa mu buryo buziguye ko baba badakora

umurimo w'Imana; ariko ibyo ni ukwibeshya. Buri wese afite umurimo wo gukorera Databuja. Guhindura urugo uruhiriwe byose bikajya ku murongo ni umurimo w'igitangaza. Niba umutima we yaraweguriye Imana, italanto umugore afite zigaragara nk'izisuzuguritse zishobora guhindura umuryango ukamera nk'uko Imana ishaka ko uba. Umucyo urabagirana uzamurika nk'umusaruro w'umurimo ukoranywe umutima mwiza mu murimo w'Imana. Abagabo n'abagore bashobora gukorera Imana ibihwanye n'iby'umugabura uri ku ruhimbi, niba bita ku byo bumvishe, niba bigisha abana babo kubaha no kwirinda kubabaza Imana.5

Abo bagore bakoresha amaboko inshingano zabo n'umutima ukunze bafasha banezerewe abagabo babo kwikorera imitwaro kandi bakigisha abana babo kubaha Imana, na bo ni ababwirizabutumwa bo mu rwego rwo hejuru.6

Imirimo y'itorero ntisimbura inshingano z'i muhira: Niba utita ku nshingano zawe nk'umugore na nyina w'abana kandi ukaba usaba Imana kuguha undi murimo, umenye neza ko Imana itivuguruza; ikwereka umurimo ugomba gukora mu rugo rwawe. Niba wibwira ko washinzwe umurimo ukomeye kandi wera kurusha uwo, uribeshya. Mu gukorana ubunyangamugayo mu rugo rwawe, ukorera gukiza imitima igukikije, ushobora kwakira ubushobozi buruseho buzakubashisha gukorera Kristo mu mashami yagutse kurutaho. Ariko umenye neza ko abirengagiza inshingano zabo zo mu ruziga rw'umuryango ntibaba biteguye gukora bakorera indi mitima.7

Imana ntiyaguhamagariye kwirengagiza umuryango wawe, umugabo wawe n'abana bawe. Ntiyigeze ikora muri ubwo buryo kandi ntizigera ibikora... Ntugatekereze n'akanya na gato ko Imana yagushinze umurimo ugusaba gutandukana n'umukumbi wawe muto w'agaciro kenshi. Ntukabasige batazangirizwa n'inshuti mbi zikabanangira imitima bakagutera umugongo nawe. Byaba ari ukumurika umucyo wawe mu buryo bubwiye. Bitewe nawe abana bawe bazagira ingorane zikomeye zo kuba abo Imana ishaka no mu iherezo kuzemerwa mu bwami bw'ijuru. Imana yita kuri bo kandi icyo ni cyo nawe ugomba gukora ni ba uvuga ko uri umwana wayo.8

Guhera mu myaka yabo ya mbere ni ho ugomba gukora, usenga, uba maso kandi ukomeza buri ntambwe yose igana mu cyiza. Uwo murimo ugomba gukurikiranwa nta gucogora. Bashobora kugusaba kujya mu materaniro yagenewe ababyeyi n'amahugura yo kudoda

kugira ngo ubabwirize ariko niba udafite umurezi ukiranuka wo gusigira abana bawe kandi wumvikana, ni inshingano yawe gusubiza ko Umwami yagushinze undi murimo kandi ko bitaba ari iby'ubwenge kuwirengagiza. Ntushobora gukora undi murimo w'inyongera uwo ari wo wose, utirengagije umurimo w'uburezi bw'abana bawe bato washoboraga gukora nk'uko Imana ishaka. Nk'umukozi ukorana na Kristo ugomba kuzabamumurikira baratojwe ikinyabupfura kandi barigishijwe neza.⁹

Uruhare runini rw'ubutandame mu mico y'umwana warezwe nabi rukomoka kuri nyina. Umugore ntiyakagombye kwemera inshingano zo mu itorero zishobora kumutera kuwirengagiza abana be. Umurimo mwiza agomba kwishoramwo ni uwo kutagira icya musoba mu burezi bw'abana be...

Umugore aramutse yeguriye igihe cye abamwegamiyeho bamutegerejeho uburezi no kwigishwa ni bwo buryo buruta ubundi bwo gufasha itorero.¹⁰

Ubuhahara bwo kujya kubwiriza kure ni imfabusa: Abagore bamwe basanzeye kujya mu ibwirizabutumwa mu gihe basuzugura imirimo yoroheje cyane bashinzwe batasimburwaho n'undi. Abana bariirengagizwa, urugo ntirube rukiri rwiza kandi ntirwishimirwe n'abarugize; kenshi humvikana amajwi no kwivovota kandi urubyiruko rukura rwumva ko iwabo ari ahantu habi ho kuba. Maze bagategereza batihanganye umunsi bazahava maze bakirundurira mu isi kuko batarinzwe n'icyitegererezo n'inama nziza z'imuhira.

Ababyeyi bakagombye kugira umugambi umwe rukumbi wo kuyobora no kwireherezaho imitima y'abana babo bato babayobora mu nzira nziza, bapfusha ubusa ayo mahirwe bahawe n'Imana, babaye impumyi ku nshingano ziruta izindi mu mibereho kubw'ibyo rero barushywa n'ubusa bahagizwa no gukora umurimo w'ibwirizabutumwa rya kure.¹¹

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSI	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	Counsels to Teachers, Parents and Students, P.144	Counsels to Teachers, Parents and Students, P.144

2	Signs of the Times, 9 Septembre 1886	Signs of the Times, 9 September 1886
3	Review and Herald, 9 Juillet 1901	Review and Herald, 9 July 1901
4	Manuscrit 43, 1900	Manuscript 43, 1900
5	Manuscrit 32, 1899	Manuscript 32, 1899
6	Testimonies for the Church, vol. 2, P.466	Testimonies for the Church, vol. 2, P.466
7	Review and Herald, 15 Septembre 1891	Review and Herald, 15 September 1891
8	Lettre 28, 1890	Letter 28, 1890
9	Manuscrit 32, 1899	Manuscript 32, 1899
10	Manuscript 75,1901	Manuscript 75,1901
11	Health Reformer, Octobre 1876	Health Reformer, October 1876

ICYIGWA CYA 41: ICYITEGEREREZO KIBI CY'UMUGORE

Intwari mu kwibwira - Ingo nyinshi ziragowe kubwo kwivovota guhoraho kw'umutwarekazi w'urugo, yivovotera imirimo yoroheje yo mu buzima busanzwe bw'i muhira. Kwita ku inshingano zimureba abifata nk'ibirushya maze ikitari kumuhindukira inyungu n'umunezero gusa ahubwo cyari kumubera umugisha kikamuhindukira umutwaro w'indaterurwa bitewe n'uko yabikoze atanezerewe. Arebana agasuzuguro imibereho ye afata nk'ubucakara maze akibwira ko ubwo abaye intwari.

Ni iby'ukuri ko inziga z'imashini y'i muhira haba ubwo zitikaraze neza, bigasaba kwihangana kwinshi kandi bikakunyaga imbaraga. Ariko mu gihe abagore atari bo nyirabayazana b'inzitizi ziyadukije kandi badafite icyo bazikoraho, nyamara ntitwabura kuvuga ko uko bazakira ari byo bishyira itandukaniro mu mibereho yabo. Ariko icyo banengwa ni uko bemerera ingorane zikabatwara, zikabateshura ku mahame, mu gihe bananiwe bakirengagiza inshingano zabo kandi bakabura ku mirimo ibareba.

Umugore urenga ibirushya afite akanyabugabo kandi abandi bagore babirundukiyemo kubwo kubura kwihangana, gushikama no gushinyiriza, usibye kuba yakira imbaraga imubashisha kuzuzanya inshingano zimureba ahubwo aba yigaragaje nk'ushobora gufasha abandi byaba binyuriye mu magambo cyangwa mu cyitegererezo kuko aba yarize gutsinda ibishuko n'ibirushya. Benshi bakora uko bikwiriye igihe ibintu bimeze neza maze imico yabo igahita ihinduka igihe ibigerageze no kurwanywa byiyadukije; ubushobozi bwabo bukagabanuka uko amaganya yiyongera. Imana ntiyigeze ishaka ko ingorane zitwadutseho zitugaragura nk'agakinisho.¹

Guhembēra uburakari bubi: Abagabo benshi cyane n'abana batagira icyo babona kinezeza mu rugo, bahora bahura ^[249] n'ibitutsi no kwivovota, bashakira ihumure n'ibiganiro ahandi hatari i muhira, mu tubari cyangwa ahandi hakorerwa ibintu bidakwiriye byo kwinezeza. Umubyeyi w'abana ahora ahugiye ku mirimo y'urugo, akenshi ntiyita ku bintu bito akwiriye gukorera kugira ngo urugo rubere umugabo we n'abana be ahantu h'umunezero, nubwo yakwirengagiza imiruhu ye n'amagorwa ye igihe bamureba. Mu gihe ahugiye mu kuringaniza ibyo kurya n'ibyo kwambarwa, umugabo we n'abana be baba binjira kandi basohoka nk'abashyitsi.

Nubwo umutwarekazi w'urugo yakuzuzwa inshingano zo hanze neza, ntabura gukomeza kurwanya icyo yita ubucakara bwamugwiririyeye agakabya inshingano ze akivovotera ibyo abuzwa agereranya umwanya arimo n'urugero yifuza kubaho nk'umugore uhiriwe... Mu gihe yahagizwa n'ikitagize icyo kimaze ari cyo kugira imibereho itandukanye n'uko asanzwe, yigaburira uburakari bubi maze agatera umwuka wo mu rugo rwe kuba mubi haba ku mugabo kimwe no ku bana.²

Gutwarwa n'ubupfu bw'isi: Satani yateguye ibirangaza byinshi byiza cyane imbere y'ababyeyi kimwe n'imbere y'abana. Aziko aramutse ashoboye kuyobya ababyeyi b'abagore, azabyungukiramo cyane. Inzira y'isi itatswemo ibinyoma, uburiganya n'umubabaro ariko bigaragara mu buryo bushukana; niba abana n'abasore batararezwe kandi ngo bigishwanye ubwitonzi, bazatandukana byihabya n'inzira yo gutungana. Niba badafite muri bo amahame ashikanye, ntibazashobora guhangana n'ibishuko.³

Kuvunwa n'imitwari itari ngombwa: Ababyeyi benshi b'abagore bamarira igihe cyabo mu bitagira umumaro. Amatsiko yabo yose bayerekeza by'iki gihe binezeza umubiri kandi ntibagira igihe cyo gutekereza ku by'iteka ryose. Mbega ukuntu benshi muri bo birengagiza abana babo, bagakurira mu bitagira umumaro, ubwamanzi no mu bujiji!⁴

Igihe ababyeyi byumwihariko ab'abagore bazasobanukirwa umurimo w'ingenzi Imana yabahaye, ntibazarangazwa n'iby'abaturanyi babo bitabareba na gato. Ntibazagenda inzu ku yindi bavuga amazimwe, bazimura iby'amafuli, amakosa n'imiterere by'abaturanyi babo. bazafata uburezi bw'abana babo nk'inshingano ikomeye cyane ku buryo itabasigira akanya ko kunenga abandi. Iyaba umugore yashakaga Imana ngo imuhe imbaraga kandi imukomeze agakora inshingano ze za buri munsu yubaha Imana yakwigarurira icyizere n'icyubahiro by'umugabo we, kandi azabona abana be bahindutse abantu bakuru, abagabo n'abagore bubahwa bafite imbaraga z'ubwenge zo gukora ibyiza. Ariko abagore birengagiza amahirwe bafite muri iki gihe, maze inshingano zibareba bakaziharira abandi ngo bazikore mu mwanya wabo bazabona ko inshingano yabo ikiri ya yindi; bazasarurana umubabaro ibyo babibye mu kwirengagiza no mu bunenganenzi. Mu buzima nta mahirwe abaho atuma ibintu byikora; umusaruro uzaterwa n'ubwoko bw'imbutu yabibwe.⁶

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	Signs of the Times, 29 Novembre 1877	Signs of the Times, 29 November 1877
2	Signs of the Times, 29 Novembre 1877	Signs of the Times, 29 November 1877
3	Review and Herald, 27 Juin 1899	Review and Herald, 27 June 1899
4	Signs of the Times, 22 Juillet 1889	Signs of the Times, 22 July 1889
5	Testimonies for the Church, vol.2, P.466	Testimonies for the Church, vol.2, P.466
6	Signs of the Times, 4 Avril 1911	Signs of the Times, 4 April 1911

ICYIGWA CYA 42: UBUTARAGA NO KUGARAGARA NEZA K'UMUGORE

Ubutaraga bw'umugore bugomba kurindanwa ubwitonzi:

Imbaraga z'umugore zigomba kurindanwa ubwitonzi bukomeye. Aho kugira ngo acogozwe n'umurimo unaniza, yakagombye kurindwa uko bishoboka kose amaganya no kumworohereza imitwaro. Umugabo we yirengagiza kenshi amategeko agenga impagarike atera umuryango we kumererwa neza yagombaga kumenya. Arundukira mu ntambara z'ubu buzima cyangwa mu nyungu ze cyangwa se agaheranwa n'ibibazo bye n'ibimuhangayikishije, arekera umugore we mu bihe bigoranye yuzuza inshingano zirenze ubushobozi bwe maze bikamutera intege nke n'uburwayi.1

Mu nyungu ze bwite n'iz'umuryango we agomba kuzibukira imirimo yose idafite akamaro kandi agakoresha ubushobozi bwose ashoboye arinda ubuzima bwe, ubutaraga bwe n'imbaraga Imana yamuhaye kuko akeneye ubushobozi bwe bwose kugira ngo ashobore kuzuza inshingano ye ikomeye. Yakagombye gufata umwe mu migabane y'igihe cye afata umwuka mwiza, akora imyitozo ngororamubiri kugira ngo agarurwemo imbaraga zizamushoboza kuzuza inshingano ze z'imuhira anezerewe kandi zimunyuze ndetse akaguma ari umucyo n'umugisha ku muryango.2

Abagore bagomba kuba abavugizi b'ubugorozi bw'iby'umuze

muke: Abagore bahishuriwe mu buryo bwuzuye ubushake bw'Imana; Imana ishaka binyuriye mu magambo no mu cyitegererezo ko baba abavugizi b'ubugorozi bw'iby'umuze muke. Bagomba gushikama ku mahame, kugira ngo batica mu buryo bwose amategeko agenga impagarike Imana yashyize muri bo. "Bashikanye ku mahame" mu bunyangamugayo bwose, abagore bazakira imbaraga z'intekerezo bakomoye mu ijuru n'ubuntu buzababashisha kumurika umucyo wabo ku isi, mu buzima bwabo bwite no mu bwiza bw'imico y'abana babo.3

Kwimenyereza kwitegeka mu birebana n'ibyo kurya: Umugore asabwa kugira kwitegeka nyakuri; kugira ngo abigereho, agomba kumenya ibyitonderwa byose kugira ngo adata umurongo mu birebana n'impagarike cyangwa ubwenge. Imibereho ye igomba kuba ifitanye isano n'amategeko y'Imana n'ay'ubuzima. Kubera ko ibyo turya bigira ingaruka ku ntekerezo no ku mico, agomba kwirinda kuri iyo ngingo, arya ibyo kurya bikize ku intungamubiri ariko bidakangura umubiri, kugira ngo imyakura ye ihore

ituje agaragaza umunezero. Bityo bizamworohera kugaragaza kwihangana imbere y'abana be bafite imico itandukanye no kubayoborana gushikama kuvanze n'ubugwaneza. 4

Murika umucyo w'izuba mu bihe byose: Umugore agomba kandi ashobora gukora ibyiza mu gutegeka imitsi ye mu bihe byo gucika intege. Ndetse n'igihe arwaye ashobora aramutse abigerageje kuba umunyarugwiro n'uworoheje kandi akihanganira urusaku rwose kurusha uko yabikekaga. Ntagomba kwereka abana intege nke ze cyangwa ngo yijimisha intekerezo z'abasore, ku buryo bakwibwira ko inzu ari igituro n'icyumba cya nyina ko ari ahantu ha mbere habi ku isi. Intekerezo n'imitsi bizakangurwa kandi bikomezwe no gutoza ubushake. Imbaraga zabwo zizaba igiturisha cyiza cy'intekerezo. Ntukigere wereka abana bawe agahanga gakambije. 5

Guha agaciro umugabo n'abana: Mu gihe bakora, bashiki bacu ntibakwiriye kwambara imyenda ituma bagaragara nk'utudahwema turinda imyaka. Kubabona bambaye imyambaro isa neza bigaragara neza imbere y'abana, abagabo babo kimwe no ku bashyitsi n'abanyamahanga. ^[253] Abagore bamwe n'ababyeyi bamwe bagaragaza ko uko bagaragara ntacyo bitwaye igihe bari mu mirimo yabo cyangwa se igihe bari kumwe n'abagabo n'abana babo gusa, mu gihe bambara neza cyane bagiye guhura n'abatabafitiye agaciro kanini. Guha gaciro no gukunda umugabo n'abana mbese ntibigomba kugira agaciro gakomeye kuruta kubiha abanyamahanga n'incuti zisanzwe? Buri mugore wese agomba gufata umunezero w'umugabo n'abana be nk'ikintu cyera kuruta uko afata abandi bose. 6

Mwambare imyenda ibabereye. Ibyo bizongera agaciro mufite imbere y'abana banyu. Kandi mubazirikane nabo bambare mu buryo bwiza. Ntimukabemerere ko bagira akamenyero ko kwambara incabari n'ibijagaraye. 7

Ntukabe umugaragu wa baragira ngo iki?- Kenshi abagore bagira ibyiyumviro birwaye ku byerekeye ibyo abandi babavugaho birebana n'akamenyero, imyambarire n'ibitekerezo byabo; mbese ku rugero ruhanitse bahindutse imbata za baragira ngo iki! Mbese ntibibabaje kubona imitekerereze n'imyifatire y'abantu batekereza ishingira kubyo abaturanyi babo babavugaho aho gushingira kubyo Imana ibasaba? Kenshi tubamba ukuri ngo tutanyuranya n'ibyo abandi bakora bakaduseka...

Umugore ntiyashobora kuba imbata y'ibitekerezo by'abandi ngo abiheraheze kuko agomba gutegura abana be muri ubu buzima no mu buzima bw'ahazaza. Abagore nibirinde gushaka kwibonekeza hamwe n'imitako itagize icyo imaze mu myambarire yabo.8

Kwigisha inyigisho z'isuku no kwera: Niba abategarugori biyambarira uko babonye bitagira gahunda mu gihe bari i muhira, baba bigisha abana babo gukurikiza inzira yabo y'umwanda. Ababyeyi benshi b'abagore batekereza y'uko umwambaro uwo ari wo wose uhagije kwambarira i muhira, nubwo waba wuzuye umwanda cyane kandi ari incabari. Ariko bidatinze abo mu ngo zabo baba batakimvye. Abana bagereranya imyambaro ya nyina n'iy'abandi bambaye neza, maze icyubahiro bari bamufitiye kikagabanuka.

Babyeyi, mwihatire kugaragara neza mu buryo bushoboka bwose; atari ukwambarana agakabyo imyenda idakwiriye ahubwo mukambara mwikwije imyambaro ifite isuku. Muzashobora mutyo kwigisha abana banyu inyigisho z'isuku no kwera. Urukundo no kubahwa n'abana be ni bigirwe iby'agaciro gakomeye kuri buri mubyeyi. Impagarike ya buri mubyeyi niyigishye isuku na gahunda bishimangirwe mu ntekerezo z'abana bihujwe no kwera. Abakiri bato bose basanganywe igitekerezo cyo gukunda ibibereye n'ibiri kuri gahunda; none ni gute bashishikarira ibyo kwera no kubonera kandi nta kindi babona buri munsu kitari imyambaro isa nabi n'ibyumba byuzuyemo akajagari? Ni gute abashyitsi bo mu ijuru batuye aho ibintu byose biboneye kandi byera bararikirwa kwinjira mu nzu nk'iyi? 9

Gahunda no kwera ni itegeko ry'ijuru; niba dushaka kugirana ubumwe n'abo mu ijuru tugomba kugaragaza isuku no kurimbisha aho tuba. 10

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFA-RANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	Ministère de la guérison, P.315 (Rayon de santé P.33, 34)	Ministry of Healing, p.373
2	Pacific Health journal, Juin 1890	Pacific Health journal, June 1890

3	Good Health, Février 1880	Good Health, February 1880
4	Pacific Health, journal, Mai 1890	Pacific Health, journal, Mai 1890
5	Témoignages pour l'Eglise, vol. 1, P. 152, 153	Testimonies for the Church vol 1, p.387
6	Testimonies for the Church, vol.1, P.464, 465 2 3 4 5	Testimonies for the Church, vol.1, P.464, 465
7	Lettre 47 a, 1902	Letter 47 a, 1902
8	Review and Herald, 31 Mars 1891	Review and Herald, 31 Mars 1891
9	Christian Temperance and Bible Hygiène, P.143, 144	Christian Temperance and Bible Hygiene, P.143, 144
10	Testimonies for the Church, vol.4, P.142, 143	Testimonies for the Church, vol.4, P.142, 143

ICYIGWA CYA 43: IMYITWARIRE Y'UMUBYEYI MBERE YO KUBYARA

Abagore nibitoze kuba ababyeyi: Abagore bakeneye kwihangana kwinshi begereje kuba ababyeyi. Imana yategetse ko bategurirwa kuzuza iyo nshingano. Umurimo w'umubyeyi ufitanye isano na Kristo ni uw'agaciro katarondoreka. Umwanya umugore akoreramo urera. Kristo arakenewe muri buri muryango kuko imirimo y'urukundo y'umugore ishobora kuhahindura Beteli nshya. Abashyiringanywe bagomba kugirana umusabano. Mbega ukuntu twagira isi nziza mu gihe ababyeyi b'abagore bose bakwemera kwishyira ku gicaniro cy'Imana bo ubwabo, n'abana babo, haba mbere yo kuvuka kw'abana babo cyangwa nyuma!1

Akamaro k'inyigisho zihabwa ababyeyi mbere yo kubyara: Ababyeyi benshi birengagiza inyigisho za mbere yo kubyara nk'aho nta gaciro zifite, nyamara si ko ijuru ribifata. Ubutumwa bwazanywe na marayika inshuro ebyiri kuri Manowa mu buryo bukomeye, bugaragaza ko iyo ngingo tugomba kuyitondera.

Mu kubwira uwo mubyeyi w'umuheburayokazi [Umugore wa Manowa], Imana ibwira abagore b'ibinyejana byose iti: "Azitondera ibyo namutegetse byose" kumererwa neza k'uwo mwana utegerejwe kuvuka gushingiye ahanini ku kamenyero ka nyina, we, ibyo akunda n'ibyo ararikira bikwiye kugendera ku mahame. Niba ashaka kuzuza imigambi Imana yashatse ko yuzuza igihe yamuhaga umwana, bizamusaba guhara ibintu bimwe na bimwe. 2

Isi yuzuye imitego myinshi irindiriye urubyiruko, kandi ikururwa n'imibereho irangwa n'ibinezeza byo kwikunda no kunezeza umubiri. Ntibashobora gutahura akaga kabyihishemo cyangwa inzira mbi ibirimo isa [256] nk'ibayobora mu munezero.

Guhaza ipfa ryabo n'irari ryabo bikamura imbaraga zabo. Kandi ni muri ubwo buryo ibihumbi byinshi byo muri bo batakaza ubuzima bwabo bwa none n'ubw'iteka ryose. Ababyeyi ntibagomba kwibagirwa ko abana babo bazahura n'ibyo bishuko, bityo bagomba kubategurira kuzahangana na byo no kubinesha uherye mbere yo kuvuka kwabo.3

Niba mbere yo kuvuka ku mwana we, umubyeyi w'umugore yikunda, atihangana kandi ari intagondwa, iyo mico izigaragaza no kubana be bato. Uko niko abana benshi mu kuvuka kwabo bakiriye

imico mibi badashobora kunesha. Ariko iyo uwo mubyeyi yiziritse ku mahame meza ashikamye, aramutse ari umuntu wirinda kandi uzi kwigomwa, umugwaneza, umugiraneza n'umuntu utihugiraho abasha kwanduza izo ngeso nziza umwana azabyara.4

Iby'ingenzi byo kwitabwaho mbere yo kubyara: Ikosa akenshi rikorwa n'umubyeyi utegereje kubyara ni ukudahindura bihagije imibereho yari asanzwe afite. Muri icyo gihe, umubyeyi aba agomba koroherezwa akazi. Impinduka zikomeye ziba zirimo kubera mu mubiri we. Umubyeyi aba akeneye amaraso menshi mu mubiri, bityo rero aba agomba kubona ibyokurya byinshi bikize cyane ku ntungamubiri z'ingenzi zifasha mu kongera amaraso. Niba umubyeyi atabonye ibyo byokurya by'inyongera bitunga umubiri, ntashobora kugumana imbaraga z'umubiri, kandi n'umwana atwite akaba avukijwe ibyangombwa by'ingenzi.* Agomba kandi kwitondera imyambaro yambara. Umubiri we ugomba kwitabwaho cyane ukarindwa ubukonje bukabije. Ntakwiriye kubona ko imbaraga akoresha ashakira umubiri imyambaro yo kuwurinda ari imfabusa. Niba umubiri we utabona ibyokurya by'ingirakamaro, byiza, kandi byubaka umubiri, ntuzabasha kubona amaraso meza ahagije. Ugutembera kwayo kuzagabanyuka maze umwana abure ibyangombwa by'ingenzi. Kubwo ibyo, umubiri w'uwo mwana ntuzabasha gukūra mu byokurya ibyangombwa ukeneye ngo ubihinduremo amaraso awugaburira. Ubuzima bwiza bw'umubyeyi n'ubw'umwana buzaterwa n'imyambarire ye ikwiriye, ishyushye, no kubona ibyokurya byubaka umubiri bihagije.5

[Icyitonderwa: Ku nama zirambuye zirebana n'iyi ngingo soma igitabo Inama ku mirire n'ibyo kurya, mu gice kivuga “Imirire y'umubyeyi utwite”]

Bigomba kwitonderwa cyane gushakira umubyeyi ahantu aho aba heza kandi hanejeje. Umugabo afite inshingano yo gukora ibyo ashoboye byose mu kumworohereza imirimo ye. Agomba kwikorera uko ashoboye kose, ibyo imiterere y'ubuzima bw'umugore we imusaba. Akwiye kuba umugwaneza, umunyarugwiro, uwiyorosha, uwumva abandi, umunyarukundo kandi byumwihariko akita kubyo yifuza. Hariho abagore bamwe na bamwe batwite abana batitabwaho ku rugero rutageza no kuri kimwe cya kabiri cy'uko bita ku nyamaswa ziri mu kiraro cyazo.6

Ipfa ryonyine si umuyobozi nyakuri: Imvugo yo kwibwira ko abagore, bitewe n'uko kuntu baba bamerewe, ko bagomba guhaza

irari ry'ibyo bakeneye mu buryo bukabije, ni ikinyoma gishingiye ku kamenyero n'umuco w'abantu, aho gushingira ku by'ukuri bigaragara. Irari cyangwa ipfa ry'abagore bamerewe gutyo ribasha guhindagurika, bakagira ibyo batwarira, maze ntibibe byoroshye kurihaza; kandi umuco ukaba wemera ko bagomba guhabwa ibyo bifuzwa, nta kugisha inama umutimanama ngo wibaze niba ibyokurya [ibyokunywa] nk'ibyo bibasha guhaza no kugwa neza imibiri yabo, kandi bigatuma imikurire y'umwana igenda neza. Imirire ikwiriye kuba ifite intungamubiri, idafite ibikangura umubiri... . Niba hari igihe cyo gushakira umubyeyi indyo yoroheje no kwitondera imiterere y'ibyokurya agomba kurya, ni iki gihe

Abagore bagendera ku mahame kandi bigishijwe neza ntibazareka gukoresha indyo yoroheje mu gihe nk'iki kurenza ibindi bihe byose. Babona ko hariho ubundi buzima bagomba kubeshaho, maze bakitonda mu migenzereze yabo yose, by'umwi- ^[258] hariko mu mirire yabo. Ntibagomba kurya ibitaribwa cyangwa ibikangura umubiri, bitewe gusa no kwishakira ibibaryoheye. Bazabona abajyanama benshi babemeza ibyo bagomba gukora binyuranye n'icyo umutimanama wabo ubabwira kureka. Abana bavukana uburwayi bitewe n'umururumba w'ababyeyi...

Iyo umubyeyi ariye ibyokurya byinshi ku buryo ingingo z'urwungano ngogozu ziba zigomba gukora cyane kugira ngo zibitunganye kandi zikure mu mubiri imyanda y'ibikangura byo muri ibyo byokurya, uwo mubyeyi aba ahemukiye umubiri we bwite, kandi agateza n'imbutu z'indwara ku bana azabyara. Niba ahisemo kurya ibyo yumva yishakira kandi ararikiye, atitaye ku ngaruka zabyo, azahura n'ingorane, zitazamugeraho wenyine. Umwana we w'inzirakarengane aba agomba kuzagerwaho n'ingaruka z'uburangazi bwa nyina.⁷

Kwitegeka no kwirinda ni ingenzi: Ibyo umubiri w'umugore ukeneye ntibigomba kwirengagizwa na gato: ubuzima bwa babiri bushingiye kuri we. Ibyo yifuzwa bigomba kwitabwaho kandi bikakiranwa ubugwaneza n'amakene ye agakemurwa mu buryo bwimbitse. Ariko muri icyo gihe kuruta ibindi byose agomba kwirinda mu mirire ye ikintu cyose gishobora gucogoza imbaraga ze z'umubiri n'iz'ubwenge. Amategeko y'Imana amusaba kwitegeka byuzuye.⁸

Binyuriye mu kamenyero gashikamye ko kwigenzura nimwo umubyeyi w'umugore yiringira kuva mu bwana bw'umwana we

kugira ishingiro ry'imico itunganye ye... Iyi ngingo igomba kwiganwa ubwitonzi. 9

Gushyigikira ibyishimo no gucya mu maso: Umubyeyi wese uri hafi yo kubyara, uko yaba ameze kose akwiriye guhorana umunezero, akeye kandi anyuzwe azi neza ko imihati agira azayishyurirwa inshuro icumi mu ngeso z'iby'umubiri n'iby'umwuka by'abazamukomokaho. Si ibyo gusa, ashobora kwimenyereza kugira ingeso yo kugira ibitekerezo by'umunezero, akaba agira umunezero mu bwenge no kumurikishiriza ab'urugo rwe umunezero wo mu mutima ndetse n'abandi babana. Ibyo bizatuma agubwa neza mu mubiri we cyane. Azagira imbaraga mu bugingo, amaraso ntazajya agenda buhoro mu mubiri nk'uko byamera aramutse yemeye kujya yiheba no kugira agahinda. Kugubwa neza k'ubwenge n'uk'umubiri biterwa n'imbaraga n'ibyiringiro byo mu mutima we. Imbaraga y'ubushake ishobora kurwanya ibitekerezo by'ubwenge maze bigatuma imitsi yumva igubwa neza biruseho. Abana bambuwe izo mbaraga bari bakwiriye kuragwa n'abababyeyi babo bakwiriye kwitabwaho cyane. Kwitondera cyane amategeko yo kubaho kwabo bishobora gutuma hakorwa ibintu byiza cyane biruseho. 10

Kugumana amahoro no kwiringira: Umugore wiringiye y'uko azabyara abana akwiriye guhora akundisha Imana umutima we. Ubwenge bwe bukwiye kugira ituza; akwiriye kuruhukira mu rukundo rwa Kristo, akora iby'ijambo rya Kristo rivuga. Akwiriye kwibuka ko nyina w'abana ari umukozi ukorana n'Imana.

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	Manuscrit 43, 1900	Manuscript 43, 1900
2	Ministère de la guérison, P.314 (Rayons de santé, P.32,33)	Ministry of healing p 372
3	Ministère de la guérison, P.313(Rayons de santé, P.31, 32)	Ministry of healing p 371
4	Ministère de la guérison, P.314(Rayons de santé, P.31, 32)	Ministry of healing p 372,373
5	Testimonies for the Church, vol.2, P.381, 382	Testimonies for the Church, vol.2, P.381, 382

6	Testimonies for the Church, vol.2, P.381, 382	Testimonies for the Church, vol.2, P.381, 382
7	Testimonies for the Church, vol.2, P.382,383	Testimonies for the Church, vol.2, P.382,383
8	Ministère de la guérison, P.315 (Rayons de santé, P.33)	Ministry of healing p 373
9	Good health fevr 1880	Good health February 1880
10	Solemn appear p 123,124	Solemn appear p 123,124
11	Signs of the Times 9 avr 1896	Signs of the Times 9 April 1896

ICYIGWA CYA 44: KWITA KU BANA BATO

Inyifato ibereye umugore wonsa: Ibyo kurya byiza by’umwana ni ibikomotse ku bimera karemano. Ibyo ntakwiriye kubyimwa nta mpamvu. Umubyeyi aba abaye intavumera niba yihunza gukora umurimo mwiza wo konsa akana ke, abitewe no kwishakira umunezero cyangwa kudamarira hamwe n’abandi.1

Igihe umwana yonka amashereka ya nyina ni igihe cyo kwitonderwa cy’ingenzi. Ababyeyi benshi igihe bonsa bakora imirimo igusha agacuho maze amaraso yabo agashyuha bitewe no guteka; uruhinja rurarwara cyane, bidatewe n’amashereka y’umuriro uva mu mabere ya nyina gusa ahubwo bitewe nuko amaraso yarwo yandujwe n’ibyo kurya bitarimo ibitunga umubiri nyina yariye byamuteye indwara y’umurimo umubiri wose, maze bikanduza amashereka umwana yonka. Umwana kandi yanduzwa nuko ubwenge bwa nyina bumeze. Iyo ari umuntu uhorana agahinda, urakara vuba, usharira, ushoza intambara, amashereka umwana yonka arandura kenshi bikamutera kurwara icyo munda, kugubwa nabi, ubundi kandi bikamutera indwara yo gushiguka no kwikanga.

Ingeso z’umwana kandi zituruka ku rugero rutewe nuko amashereka ameze. Ni ikintu cy’ingenzi cyane ku mubyeyi mu gihe yonsa ko agira umunezero mu mutima we, agategeka umutima we rwose. Iyo agenje atyo, nta cyo amashereka y’umwana aba, kandi ituze, n’ingeso yo kwitegeka nyina afite mu byo agirira umwana we bigira icyo bimara mu byo gutunganya ubwenge bw’uruhinja. Niba uruhinja rwikanga, rugashiguka ku mpamvu nkeya, nyina akwiriye kugira uburyo bwo kumuhumuriza adahubutse no kumuhendahenda, ubwo nibwo umwana azabasha gukura neza cyane afite amagara mazima.2

Uko imibereho y’umwana yoroheje kandi ituje niko igira uruhare mu iterambere ry’impagarike ye n’ubwenge bwe. Mu bihe byose, umubyeyi w’umugore akwiriye kwihatira guhora atuje, yitonze kandi yitegeka.3

Ibyo kurya ntibisimbura kwita ku mwana: Abana benshi barwaye kutitabwaho bikwiriye. Igihe bamereye nabi babaha ibyo kurya kugira ngo batuze kandi kenshi kumererwa nabi kwabo kuba kwatewe no kurya ibyo kurya byinshi biteguwe nabi bitewe n’akamenyero kabi k’ababyeyi babo mu gutegura ibyo kurya.

Kongerera kubaha ibyo kurya bituma kumererwa nabi kwabo kwiyongera, igifu cyabo kiba cyamaze kuzura.

Uko bisanzwe abana bakurwa ku kariri no gushaka kurya maze bakigishwa ko babereyeho kurya. Umubyeyi agira ibyo akora byinshi byerekeye kurema ingeso z'abana be bakiri bato. Ashobora kubigisha gutegeka irari ryabo cyangwa ashobora kubigisha kwishimira irari maze bakaba abanyandanini. Kenshi umubyeyi aringaniza inama y'imirimo akwiriye kurangiza mu munsu, maze igihe abana bamurushya mu kigwi cyo kubahendahenda abahoza, abahoresha ibyo kurya, bagahora umwanya muto ariko hanyuma bikarushaho kubatera kumurushya biruseho. Ibifu by'abana biba byaremerejwe mu gihe batabishakaga na gato. Ariko icyari ngombwa ni umwanya nyina yabahozamo no kubitaho. Ariko abona ko igihe cyane ari icy'igiciro cyane, bituma atabona igihe cyo gukinisha abana be. Kunezeza abashyitsi mu buryo bwiza, no guteka ibyo [262] kurya bye mu buryo bushya ni byo ashiraho umutima cyane kuruta umunezero n'amagara mazima by'abana be.4

Ibyo kurya bikwiriye kuba bifite isuku kandi biteye ipfa ariko byoroheje: Ibyo kurya bikwiriye kuba byoroheje ku buryo kubitegura bidatwara umwanya wose w'umubyeyi. Ni iby'ukuri ko akwiriye gushyira ku meza ibyo kurya biteguranywe isuku kandi biteye ipfa.

Ntimukibwire ko ibyo kurya muhuje uko mwishakiye biba ari byiza ku bana. Ariko twakagombye kumara igihe gito mu gutegura ibyo kurya bidafite isuku binezeza ipfa rihindanye ahubwo igihe kinini tukacyegurira kwigisha no kurera abana.5

Gutegura imyambaro y'uruhinja: Mubyo gutegura imyambaro y'uruhinja; umunezero, ihumure n'amagara mazima ni byo bikwiriye gushakwa mbere yo guhimba ibishya cyangwa gushaka ibitangaza abantu. Nyina w'abana ntakwiriye gukoresha igihe ataka cyangwa arimbisha utwenda duto, ibyo ni ukwivunisha imirimo idahwitse nkaho yakoze ibifitiye ubuzima bwe n'ubw'abana be umumaro. Ntakwiriye kwinaniza adoda kuko bibabaza cyane amaso n'imitsi yumva mu gihe akwiriye kuruhuka cyane no gukora imyitoto inejeje. Akwiriye kumenya inshingano ye yo kwiyongeramo imbaraga kugira ngo azabashe imirimo ye imukwiriye.6

Guhorana isuku, ubushyuhe n’umwuka mwiza: Uruhinja rukeneye kuba ahantu hashyushye, ariko ni ikosa rikomeye cyane kumushyira mu cyumba gishyushye cyane kitagerwamo n’umwuka mwiza....

Agomba kurindwa ikintu cyose cyacogoza cyangwa kikangiriza umubiri we. Aho ari hagomba kuba isuku isesuye mu buryo bwimbitse. Nubwo ari iri ingenzi ko arindwa imihindagurikire itunguranye y’ubushuhe, tuzita na none ko haba ku manywa cyanwa nijoro, yaba ari maso cyangwa asinziriye ko ahumeka umwuka mwiza kandi ubeshaho.7

Kwita ku bana barwaye: Indwara z’abana kenshi zikomoka ku mafuti cyangwa ku kutagira amakene. Kurya ku masaha ahindagurika, imyenda idahagije yo kwambara mu gihe cy’ubukonje, kudakora imyitozo ngororamubiri kugira ngo amaraso atembere neza, kubura umwuka mwiza bishobora nabyo kuba intandaro zazo. Ababyeyi nibihatire kumenya impamvu z’indwara no kuzivura mu buryo bushoboka bwose hakiri kare. Bose bashobora kwiga uburyo bwo kuzirinda n’ubwo kuzivura. Nyina w’abana by’umwihariko agomba kumenya uko yakwita ku bagize umuryango we mu gihe barwaye mu buryo bwihutirwa n’uko yavura umwana we yarwaye. Urukundo rwe no gukabakabwa kwe bizamubashisha gukora ibyo undi uwo ari we wese atakora.8

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	Ministère de la guérison , P.323 (Rayons de santé, P.41)	Ministry of Healing p 383
2	Conseils sur la nutrition et les aliments, PP.268, 269	Counsel on diet and food p 228
3	Ministère de la guérison, P.321 (Rayons de santé, P.39)	Ministry of Healing p 381
4	Solemn Appeal, PP.268, 269	Solemn Appeal, PP.268, 269
5	Christian Temperance and Bible Hygiène, P.141	Christian Temperance and Bible Hygiene, P.141

6	Ministère de la guérison, P.321 (Rayons de santé, P.39, 40)	Ministry of Healing p 381,382
7	Ministère de la guérison, P.321 (Rayons de santé, P.39,)	Ministry of Healing p 381
8	Ministère de la guérison, P.325 (Rayons de santé, P.43)	Ministry of Healing p 385

ICYIGWA CYA 45: INSHINGANO Y'IBANZE Y'UMUGORE NI UKURERA ABANA BE

Ubushobozi bw'umwana Warezwe neza - Imana ibona ubushobozi bwose bushobowe n'ikiremwa kikiri gito. Izi ko binyuriye mu burezi bwiza, umwana ashobora guhinduka imbaraga y'icyiza mu isi. Yitegerezanya amatsiko menshi niba ababyeyi bazashyira mu bikorwa umugambi we cyangwa se bitewe n'ubunenganenzi bwabo bazanyuranya n'imigambi yayo maze bakayobora abana babo mu irimbukiro rya none n'iry'iteka ryose. Guhindura icyo kiremwa kigaragara nk'ikidafite icyo kimaze kuzaba umugisha ku isi kandi gihesha Imana icyubahiro ni umurimo ukomeye kandi uremereye. Ababyeyi ntibakwiriye kwihanganira inkomyi yose ibabuza kwita ku bana babo uko byagakwiriye.1

Umurimo ukorerwa Imana n'igihugu: Abitondera amategeko y'Imana bita ku bana babo n'ibiyumviro bitagereranywa, buzuye ibyiringiro n'ubwoba, bibaza uruhare bazagira mu ntambara ikomeye ibategereje. Umugore w'umunyamakenga aribaza ati: "Ni iyihe nzira nzayoboka? Nakora iki kugira ngo mbategurire kuzura uruhare rwabo no kuzaronka icyubahiro cy'iteka?" Inshingano zikomeye ziri kuri mwe babyeyi b'abagore. Kabone nubwo mutagera mu nama nkuru y'igihugu, ...mushobora gukora umurimo ukomeye muwukorera Imana n'igihugu cyanyu. Mushobora kurera neza abana banyu. Mushobora gufasha abana banyu kugira imico itazayoborwa kandi ngo ikurikize ikibi ahubwo ibiri amambu izayobora kandi igatera abandi gukora icyiza. Binyuze mu masengesho ahoraho yo kwizera mushobora kuba ukuboko kunyeganyeza isi.2

Uburezi bugomba gutangwa mu bwana no mu bugimbi. Abana bagomba kwigishwa kuba ingirakamaro no kugira uruhare mu mirimo y'i muhira; ababyeyi bashobora guhindura iyo mirimo inejeje mu buryo bushoboka bwose binyuriye mu mabwiriza no mu gushima bikoranywe ubugiraneza. 3

Uburezi bwo mu muryango bwirengagizwa na benshi: Nubwo abantu bishimira iterambere ryagezweho mu byerekeye uburezi, ariko kwigisha no gutoza abana byo ntibihagije. Uburezi bwo mu muryango ni bwo bwirengagizwa kenshi. Ababyeyi by'umwihariko abagore ntibasobanukiwe neza inshingano zabo. Ntibagira

kwihangana n'ubwenge bwo kwigisha no kwita ku bana babo bato bashinzwe.4

Ni uby'ukuri ko abagore benshi batari mu birindiro byabo bakiranuka ku nshingano yabo. Imana ntacyo idusaba tutashobora gusohoza binyuze mu mbaraga zayo nta na kimwe kitatuzanira ibyiza n'abana bacu idusaba.5

Abagore bagomba gushakashaka ubufasha mvajuru: Iyaba abagore biyumvishaga cyane agaciro k'umurimo wabo, kenshi bakagombye kwitabaza amasengesho yo mu rwiherero, bagashyira Yesu abana babo babasabira umugisha we, kandi bishyuzwa ubwenge buzabashoboza kuzuzwa inshingano yabo yera. Mureke buri mugore wese akoreshe buri myanya yose atoza kandi aboneza imico n'akamenyero by'abana be. Niyite abyitondeye ku iterambere ry'imico yabo, acyahe ingeso mbi zikunda kugaragara cyane ateza imbere kandi akomeza abanyanteye nke. Imibereho ye ni ibere intangarugero n'icyitegererezo kubo ashinzwe.

Umugore agomba gukorana umurimo we akanyabugabo n'imbaraga, agahora yitabaza ubudatuza ubufasha mvajuru mu mihati ye yose. Ntazigera yumva anyuzwe igihe azaba atarabona ku bana be ihinduka ry'iterambere ry'imico, igihe bazaba bataragira mu mibereho yabo intego yo mu rwego rwo hejuru irenze kwishakira kwinezeza ubwabo gusa.6

Ntibishoboka kugera ubugari bw'icyitegererezo cy'umugore usenga. Azi Imana mu nzira ze zose. Ayobora abana be imbere y'intebe y'ubuntu, akabamurikira Yesu, akabasabira umugisha. Amasengesho nk'ayo ababera "isoko y'ubugingo". Iyo ayo masengesho asenganywe kwizera ahinduka ubufasha n'imbaraga by'umubyeyi w'umukristo. Kwirengagiza gusengana n'abana bacu ni ugutakaza imwe mu migisha ikomeye twakagombye kubona, ni ugutakaza bumwe mu bufasha bw'ingirakamaro cyane mu maganya, mu nshingano n'imitwano iremereye yo muri ubu buzima bwa buri muni.7

Imbaraga z'amasengesho y'umugore ntizigira akagero. Uzapfukama iruhande rw'umuhungu we n'umukobwa we, mu isaha yo guhangana n'ibibazo byo mu bwana n'akaga ko mu busore azamenya ku muni w'urubanza icyo imbaraga y'amasengesho ye yahinduye ku mibereho yabo. Niba umugore binyuze mu kwizera akomeje kugirana isano n'umwana w'Imana, ikiganza kigiraneza cye kizarinda umuhungu we imbaraga z'igishuko kandi kibuze

umukobwa we kwishimira mu icyaha. Igihe irari rizasa nk'aho ryegukanye intsinzi, imbaraga y'urukundo, imbaraga y'icyitegererezo y'umugore ukiranuka kandi umasha ishobora kugarura umutima mu nzira itunganye.⁸

Igihe abashyitsi batunguranye: Mugomba gufata igihe cyo kuganira no gusengana n'abana banyu bato kandi, ntimwemere ko icyo gihe cyo gusabana n'Imana n'abana banyu ko cyakomwa mu nkokora. Mushobora kubwira abashyitsi banyu muti: "Imana yampaye umurimo ngomba gukora kandi nta gihe mfite cyo gupfusha ubusa mu matakaragasi." Mugomba gusobanukirwa ko mufite inshingano yo gusohozwa muri iki gihe no mu cy'iteka ryose. Inshingano ya mbere muyifite ku [267] bana banyu.⁹

Abana banyu ni bo bibanze kurusha abashyitsi cyangwa ikindi kintu icyo ari cyo cyose... Umurimo mugomba gukorera abana banyu mu myaka yabo ya mbere ntiwakwihanganira ubunenganenzi bwose. Nta na rimwe mu buzima bwe amahame agomba kwibagirana.¹⁰

Ntukabwire abana bawe ngo bajye hanze kugira ngo ubone uko uganira n'abashyitsi bawe, ahubwo bigishe gutuza no kubaha imbere yabo.¹¹

Abagore bagomba kuba icyitegererezo cy'ubugwaneza n'ubupfura: Babyeyi, mujye mumenya kubyaza umusaruro ibihe byanyu byose. Mwibuke ko abana banyu bakura kandi ko bidatinze muzaba mutakibagenzura no kubarera. Mushobora kubabera icyitegererezo cy'ibyiza biboneye kandi byera. inyungu zanyu muzihuze n'izabo.¹²

Nubwo ibindi mwabigiramo intege nke, kuri iyi ngingo mube mushikamyeye bihagije. Igihe abana banyu bazaba bavuye mu rugo rwanyu aho baboneye uburere bukwiriye, niba ari abera kandi ari abanyangeso nziza, kabone nubwo baba bari ku mwanya wa nyuma kandi woroheje cyane mu mugambi w'Imana wo gukiza isi, ubuzima bwanyu ntibuzafatwa nk'igihombo cyangwa ngo burangwe no kwicuza na guke.¹³

Abana ni indorerwamo ya nyina ashobora kureberamo ingeso n'imico ye. None se akwiriye kwitondera ururimi rwe n'ingeso ze

bingana bite imbere y'utwo twigishwa duto! Ingeso zose ashaka kubona abana be bafite ni zo akwiriye kugira ubwe. 14

Mugambirire kugera ku rugero ruhanitse kuruta urw'ab'isi: Umugore ntakwiriye kwemera gutegekwa n'imyumvire y'ab'isi cyangwa ngo agambirire kugera ku rugero rwabo. Akwiriye kwifatira umwanzuro ku birebana n'intego yo mu rwego rwo hejuru n'igitekerezo cy'ubuzima kandi akabishoramo imbaraga zose. Kubwo kubura igihe ashobora gushira ku ruhande imirimo yo mu rugo rwe ntahure n'ingaruka nyinshi mbi, ariko ntashobora kwirengagiza uburezi bw'abana be ngo abure guhanwa. Imico mibi y'abana be izagaragaza ubunenganenzi bwe. Amafuti yirengagije gukosora, kwikaza no guhubuka, akamenyero k'ubunebwe no kugenda biguru ntege bizaba isoko yo kumwubahuka kandi bizamunga ubuzima bwe. Babyeyi, umurage w'abana banyu ahanini uri mu biganza byanyu. Ni munanirwa inshingano yanyu, mushobora kuzabaroha mu mirongo ya Satani kandi mubahindure abakozi be bazayobya indi mitima. Ibiri amambu uburezi muzabaha n'icyitegererezo cyanyu cyiza gishobora kubayobora kuri Kristo, kandi umusaruro uzavamo n'uko bazakizwa ku bwanyu.15

Mushyigikire icyiza mucyahe ikibi: Ababyeyi bagomba gukorana n'Imana, barera abana babo mu rukundo rwayo no kuyubaha. Bashobora kuyibabaza gusa, igihe birengagije kuyobora abana babo mu nzira itunganye...Bagomba kurinda babyitondeye amagambo n'ibikorwa by'abana babo. Bitabayeye bityo umwanzi ni we uzabigarurira kandi ni byo yifuza cyane kugira ngo abone uko akoma mu nkokora imigambi y'Imana. Buzuye ubugwaneza, ubugiraneza, urukundo no kubitaho, ababyeyi bagomba kwita ku bana babo, bagashyigikira icyiza cyose kandi bagacyaha ikibi cyose cyo mu mico yabo.16

Umunezero ukomoka mu murimo wakoze neza: Abana ni umwandu ukomoka ku Uwiteka kandi tuzamumurikira uko twarinze umutungo we. Kurera no gutoza abana babo kuba abakristo ni umurimo wo mu rwego rwo hejuru ababyeyi bazasobanurira Imana uko bawukoze. Kwiga gukurikira Yesu ni uburyo bwiza bwo gukorana n'Imana ishaka ku babyeyi. Iyo nshingano isaba gushinyiriza n'imihati idatuza yo mu buzima bwose. Kuyirengagiza tuba tugaragaje ko turi ibisonga bikiranirwa... Ababyeyi bagomba gukorera abo bashinzwe bafite urukundo, kwizera no gusenga kugeza ubwo bazahagarara imbere y'Imana buzuye umunezero bavuga bati: "Ndi hano nje n'abana Uwiteka yampaye".17

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	Signs of the Times, 25 Septembre 1901	Signs of the Times, 25 September 1901
2	Review and Herald, 23 Avril 1889	Review and Herald, 23 April 1889
3	Manuscrit 12, 1898	Manuscript 12, 1898
4	Signs of the Times, 11 Mars 1886	Signs of the Times, 11 March 1886
5	Signs of the Times, 9 Février 1882	Signs of the Times, 9 February 1882
6	Signs of the Times, 25 Mai 1882	Signs of the Times, 25 May 1882
7	Good Helath, Juillet 1880	Good Health, July 1880
8	Signs of the Times, 16 Mars 1891	Signs of the Times, 16 March 1891
9	Signs of the Times, 22 Juillet 1889	Signs of the Times, 22 July 1889
10	Counsels to Teachers, Parents and Students, P.129	Counsels to Teachers, Parents and Students, P.129
11	Signs of the Times, 23 Août 1889	Signs of the Times, 23 August 1889
12	Review and Herald, 15 Septembre 1891	Review and Herald, 15 September 1891
13	Testimonies for the Church, vol. 5. P.44	Testimonies for the Church, vol. 5. P.44
14	Signs of the Times, 9 Septembre 1886	Signs of the Times, 9 September 1886
15	Signs of the Times, 9 Février 1882	Signs of the Times, 9 February 1882
16	Manuscrit 49, 1901	Manuscript 49, 1901
17	Paraboles, P.164, 165 (anc. éd. P.192, 193).	Christ object lesson p 195,196

ICYIGWA CYA 46: MUKA SE W'ABANA

Inama kuri muka se w'abana: Ugushyingiranwa kwawe n'umugabo ufite abana kwagakwiriye kukubera umugisha... Uri mu kaga ko kuba uwikunda. Ufite ingeso zo mu mico z'agaciro zikeneye gukangurwa no gutezwa imbere... Urugo rwawe rushya ruzagushoboza kwakira inararibonye izakwigisha uko ugomba kwita ku mitima. Urukundo, urugwiro n'ubugwaneza bizakuzwa no kwita ku bana. Inshingano ushinzwe mu muryango wawe zishobora kukubera isōko y'imigisha ikomeye. Abo bana bazaguhindukira nk'igitabo cy'agaciro cyo kwigirwamo. bazakuzanira imigisha myinshi nusoma icyo gitabo neza. Uruhuri rw'inararibonye uzaheshwa no kubitaho bizagutoza akamenyero ko kugira ubugwaneza, urukundo n'impuhwe. Nubwo abo bana atari ubura bwawe mu mubiri, babaye abawe kuko washyingiranywe na se ubabyara kandi ugomba kubakunda, ukabakundwakaza, ukabigisha kandi ukabarera. Kubana na bo bizakungura ibitekerezo kandi bikwigishe kugira igenamigambi rizakubera umugisha mu bihe runaka... Binyuriye mu nararibonye uzakomora mu muryango wawe, uzakira ibitekerezo byo kwikubiraho bitesha agaciro umurimo wawe kandi uzakubura imigambi wari ufite worohe kandi ugwe neza...

Ugomba kwitoza ubugwaneza bwinshi no kumva abandi kugira ngo ushobore kwiyegereza abakeneye amagambo y'ubugwaneza, anejeje kandi yuje urukundo. Abana bawe bazigāna iyo mico kandi bazagufasha ugire ubushishozi n'intekerezo zagutse. Mu kugirana nabo umusābāno wuje urukundo, uziga gukabakabwa no kugirira impuhwe ikiremhamuntu kibabaye mu mirimo yawe.1

Umucyaho kuri muka se w'abana utagira urukundo: Wakundaga umugabo wawe kandi waramushyingiwe. Igihe ^[271] washyingiranwaga na we wari uzi ko wiyemeje kuba nyina w'abana be. Ariko hari icyo ubura kuri iyi ngingo. Uratandanye mu buryo buteye agahinda. Ntukunda abana b'umugabo wawe kandi kereka gusa muri wowe no mu buryo uyobora urugo rwawe habayeho ihinduka ryuzuye naho ubundi ayo mabuye y'agaciro azazimira burundu. Urukundo no kubagaragariza urugwiro ntibirangwa mu burezi ubaha...

Ubuzima bw'abo bana bakagombye kuba incuti zawe magara wabuhinduye ubushaririye cyane by'umwihariko ubw'abakobwa. Urugwiro, ubugwaneza, urukundo, kwihangana n'impuhwe

wabishyize he? Mu mutima wawe utejejwe huzuyemo urwango si urukundo. Ibitutsi bidudubizwa ku minwa yawe kuruta kubashima no kubatera akanyabugabo. Imyitwarire, gukariha no kudakabakabwa kwawe ugirira uwo mwana ukiri muto w'umukobwa bimeze nk'imvura y'umugaru igwa ku myaka ikiri mito ikisuka kuri buri kimera kugeza ubwo gipfa cyangwa kigacikamo kabiri.

Uko uyobora urugo bikamya imiyoboro y'urukundo, iy'ibyiringiro n'umunezero mu bana bawe. Agahinda gahoraho kagaragara mu maso y'ako gakobwa, ariko aho kugira ngo bigukanguremo impuhwe n'ubugwaneza ahubwo bikubuyutsamo kutihangana no guhangana. Uramutse ubyemeye wahindura ukabagaragariza ibyishimo n'umunezero...

Abana bitegereza ishusho yo mu maso ha nyina; bazi gutandukanya igihe agaragaje urukundo cyangwa uburakari. Ntusobanukiwe n'ubwaguke bw'ibyo uri gukora. Mbese ayo maso y'ako kana ababaye, uko kuniha gukomeye gukomoka mu mutima washenguwe no kubura urukundo ntibigukanguramo impuhwe? 2

Ingaruka zo gukariha: Hashize igihe kirekire neretswe ibya J. Amafuti ye n'amakosa ye nabyeretswe neza, ariko mu ^[272] iyerekwa rya nyuma nahawe, neretswe ko yari agikora amakosa nk'ayo, ko yari intavumera kandi ntiyagiriraga impuhwe abana b'umugabo we. Arabahana cyane kandi akabacyaha atari uko bakoze amakosa akomeye ahubwo akabahora n'utuntu duto tutari dukwiriye kwitabwaho. Guhoza umwana ku rutoto ni icyaha kandi umwuka wa Kristo ntiwatura mu mutima w'urufite.

Uwo mugore yirengagiza ku bushake ibyo abo bana bakoze byiza, nta jambo na rimwe ryo kubashimira no kubakomeza ababwira; ariko ahora iteka yiteguye kubahana igihe cyose abonye bakoze agafuti. Ubwo bukana bwe bubaca intege kandi bukabatera kuba abanenganenzi. Abatera umutima mubi ukandura kandi ugahumana. Abana bamenyerejwe guhanwa batyo bazasoreza mu kuba ibyihebe, kandi kamere mbi izigaragaza nta kwita ku ngaruka...

Mushiki wanjye J. agomba kwimenyereza kugira urukundo n'impuhwe. Akwiriye kugaragariza urugwiro rwimbitse abo bana

babuze nyina ashinzwe kwitaho. Ibyo bizabera umugisha abo bana Imana ikunda kandi na bo bazamwitura urugwiro no kumukunda.3

Igihe kwitabwaho by'umwihariko bikenewe: Abana bisanze batarahawe urukundo rwa nyina bahuye n'igihombo kitagaruzwa. Kandi igihe umuntu yishyizeho umutwaro wo gusimbura nyina w'iyo mikumbi mito yashengutse, agomba kubitaho inkubwe ebyiri kandi akabagaragariza ko abakunda mu buryo bushoboka bwose, akabababarira mu buryo bukomeye kandi akabihanganira kurusha uko nyina wababyaye yakabibakoreye, kugira ngo icyuho abo bana bato bagize gishobore kuzibwa.4

#	IBITABO BYAKORESHWE MU GIFA-RANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGE-REZA
1	Letter 329,1904	Letter 329,1904
2	Testimonies for the church vol 2 p 56,58	Testimonies for the church vol 2 p 56,58
3	Testimonies for the church vol 3 p 531,532	Testimonies for the church vol 3 p 531,532
4	Testimonies for the church vol 2 p 58	Testimonies for the church vol 3 p 531,532

ICYIGWA CYA 47: IHUMURE RYA KRISTO KU BABYEYI

Yesu yahaye umugisha abana: Mu gihe cya Kristo, ababyeyi benshi bazaniraga abana babo Umukiza kugira ngo abahe umugisha abarambitseho ibiganza. Ababyeyi mu gukora ibyo babaga bagaragaje ko bizeye Yesu kandi ko bitaye cyane ku mitima y’abana babo no ku kumererwa neza kwabo muri ubu buzima no mu bw’ahazaza bw’abo baragijwe. Ariko abigishwa ntibabonaga agaciro mu kurogoya umwigisha mu kwigisha kwe ngo bamumurikire abo bana, maze igihe birukanaga abo babyeyi; bacyashywe na Yesu, wasabye imbaga y’abantu guha inzira abo babyey bakiranuka n’abana babo. Arababwira ati: “Mureke abana bato bansange, ntimubabuze, kuko abameze batyo ubwami bwo mu ijuru ari ubwabo.”

Mu gihe abo babyeyi bagendaga urugendo rurerure rwuzuyemo umukungugu basanga Umukiza, yabonye amarira agwa buri kanya n’iminwa yabo idandabirana, mu gihe basengaga bucece basabira abana babo. Yumva amagambo yo gucyaha y’abigishwa be maze abaha itegeko ry’ikubagahu. Umutima we wuzuye urukundo wari witeguye kwakira abo bana. Umwe ku wundi abakira mu biganza bye abaha umugisha, mu gihe umwana muto we yari aryanye mu gituza cye. Yesu avuga amagambo akomeza ababyeyi mu mirimo yabo ; mbega ukuntu mu ntekerezo zabo yabateyemo akanyabugabo! Mbega ukuntu buzurwagamo n’umunezero igihe bibukaga ubugwaneza n’ubuntu bya Yesu batazibagirwa! Amagambo ye y’ubugiraneza yakuyeho umutwaro wo mu mitima yabo maze abaha akanyabugabo n’ibyiringiro. Ibitekerezo byose byo gucika intege byarayoyotse.

Ni icyigwa gikomeza ababyeyi b’ibihe byose. Igihe bakoze ibyo bashoboye byose kugira ngo abana babo bamererwe neza, bashobora kubazanira Yesu. Yemwe n’impinja ziri mu biganza byabo ni iz’agaciro mu maso y’Umukiza. Igihe imitima yabo isaba ubufasha batashobora kwigezaho, ubuntu batakwiha, igihe birunduriye bo ubwabo n’abana babo mu biganza by’imbabazi bya Kristo, arabakira kandi akabaha umugisha; amahoro, ibyiringiro n’umunezero. Ayo ni yo mahirwe atangaje Yesu aha buri mubyeyi wese.1

Ubutumire bwa Yesu buracyahari: Kristo, umutware w’Ijuru yaravuze ati: “Mureke abana bato bansange, ntimubabuze kuko abameze batyo ubwami bwo mu ijuru ari ubwabo.” Yesu ntiyoroheje abana ku batambyi; ntiyanabohereje ku bafarisayo; kuko yarazi neza ko babigisha kwirengagiza inshuti yabo y’ukuri. Ababyeyi

bazaniye abana babo Yesu bakoze nk'uko bikwiriye.... Reka ababyeyi ba none bakore batyo. Reka ababwiriza butumwa bwiza bafate abo bana mu biganza, kandi babahe umugisha mu izina rya Yesu. Reka amagambo yimbitse y'ubugwaneza abwirwe abo bana bato kuko Yesu yafashe abana b'intama b'umukumbi mu biganza bye kandi abaha umugisha.2

Reka ababyeyi bazanire Yesu amaganya yabo. Bazamukuraho ubuntu buhagije bwo kwita ku bana babo. Amarembo aruguruwe ku mubyeyi wese wifuza kuzana umutwaro we ku birenge bya Yesu... Yesu racyakomeza kubararikira kuzana abana babo kugira ngo abahere umugisha. Binyuriye mu kwizera k'umugore usenga, n'umwana muto uri mu biganza bye ashobora kwibera mu nsi y'igicucu cy'Ishoborabyose. Yohana umubatiza yujujwe umwuka wera akivuka. Niba tugirana isano n'Imana, dushobora gutegereza natwe ko umwuka w'Imana waboneza abana bacu bato uhereye bakivuka.3

Gukabakabwa kw'abana bato: Kristo yisanishije n'abaciye bugufi, abakene n'abababaye. Yafashe abana bato mu biganza bye maze yishyira ku kigero cyabo. Umutima we wuzuye urukundo washoboraga gusobanukirwa n'imibabaro yabo n'amakene yabo kandi yari azi kwishimira ibibanezeza. Intekerezo ze zabaga zicogojwe n'ibitutsi n'umunaniro wo mu muji wari utuwe n'abantu benshi, ananijwe n'abantu yabanaga nabo b'indyarya n'inshakura, yaboneraga ikiruhuko n'amahoro mu kubana n'abana b'abaziranenge kubana nabo bitamugiragaho ingaruka na zimwe. Umutware w'ijuru yemeraga gusubiza ibibazo byabo kandi akoroshya inyigisho ze ku buryo intekerezo zabo zabasha kuzisobanukirwa. Yabibaga mu bwenge bwabo bukiri buto bugikura imbuto y'ukuri, izamera kandi ikera umusaruro mwinshi igihe bazaba bamaze gukura.4

Yari azi ko abo bana bazategera amatwi inama ze kandi ko bazamwemera nk'Umucunguzi wabo, mu gihe abafite ubwenge bw'isi kandi bakagira umutima ukomeye bazaba abanyuma mu kumukurikira kandi ko bizabagora kubona umwanya mu bwami bw'Imana. Mu gusanga Kristo no kwakira inama ze n'umugisha we, abo bana bari bakuruwe no mu maso he n'amagambo meza ye bitigeraga bisibangana mu ntekerezo zabo zari zikiri nto zitarangirika. Tugomba gukura icyigwa ku myitwarire ya Kristo ko imitima y'abakiri bato yakira inyigisho z'ubukristo, ko yoroherwa no kwakira kwera n'ibyiza, kandi ko ihora yiteguye kwakira no kuzigama ibyo yigishijwe.5

“Mureke abana bato bansange , ntimubabuze, kuko abameze batyo ubwami bwo mu ijuru ari ubwabo” abagore bose kimwe n’abagabo bose bagomba guhora iteka bibuka ayo magambo y’agaciro. Azabafasha gutera abana babo [276] kumenya Yesu no gusaba Data mu izina rye, guha umugisha no kuwuzuzaza mu muryango wose. Si abana beza bakwiriye kwitabwaho byumwihariko gusa ahubwo n’abana b’ibyigenge, b’abanyamafuti nabo bakeneye uburezi bwitondewe no kuyoboranza urukundo.6

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	Good Health, Janvier 1880 3	Good Health, January 1880 3
2	Review and Herald, 24 Mars 18	Review and Herald, 24 Mars 18
3	Jésus-Christ, P.509, 510 (anc. éd, P.546, 547)	Desire of ages p 512
4	Testimonies for the church, vol.4, P.141	Testimonies for the church, vol.4, P.141
5	Testimonies for the church, vol.4, P.142	Testimonies for the church, vol.4, P.142
6	Signs of the Times, 13 Août 1896	Signs of the Times, 13 August 1896

**UMUGABANE WA 11:
ABANA BAHUJE
N'IMIBEREHO
Y'UMURYANGO**

ICYIGWA CYA 48: IJURU RYITA KU BANA

Abana baguzwe amaraso ya Kristo: Kristo aha cyane agaciro abana banyu abo yatangiye ubugingo nk'ibiremwa byacungujwe amaraso ye. Mubamurerere mufite kwihangana no gushikama. Mubatozanye urukundo n'impuhwe. Nimukora mutyo bazabahindukira ikamba ry'ubwiza kandi bazarabagirana nk'umucyo mu isi.1

Umwana muto cyane ukunda kandi akubaha Imana ni mukuru mu maso y'Umukiza kuruta umuntu ufite ubushobozi bwinshi n'ubuhanga bwinshi ariko wirengagiza agakiza ke. Mu kurundurira imitima yabo n'imibereho yabo ku Mana, abasore baba biziritse ku isoko y'ubwenge bwose no gutungana kose.2

“Ubwami bwo mu ijuru ni ubw'abameze nk'abo”: Umutima w'abana bato wizera Kristo ni uw'agaciro mu maso ye kurusha abamarayika bakikije intebe ye y'ubwami. Ni ngombwa kubazanira Yesu no kubamurerera. Bagomba kuyoborwa mu nzira yo kumvira, nta gucira akari urutega ubusambo bwabo n'ubwirasi bwabo.3

Iyaba twashoboraga gusa kwiga ibyigisho by'ingenzi Kristo yashakaga kwigisha abigishwa be anyuriye mu bana bato! Mbega ukuntu ibintu byinshi bibagaragarira nk'imisozi itakurirwa y'ibirushya yabura yose! Igihe abigishwa bazaga kuri Yesu bakamubaza bati: “Ni nde mukuru mu bwami bw'ijuru?”... Yesu yahamagaye umwana muto amuhagarika [280] hagati muri bo maze arababwira ati: “Ndababwira ukuri y'uko nimudahinduka ngo mumere nk'abana bato, mutazinjira mu bwami bwo mu ijuru. Nuko uzicisha bugufi nk'uyu mwana muto, ni we mukuru mu bwami bwo mu ijuru.” 4

Umutungo w'Imana waragijwe ababyeyi: Imibereho y'abana no kubaho kwabo babikesha ababyeyi babo, nyamara ubuzima bwabo babuhawe n'imbaraga irema y'Imana, kuko Imana ari yo itanga ubuzima. Bityo mwibuke iteka ko mudakwiriye gufata abana banyu nk'umutungo wanyu bwite. Ni umurage w'Uwiteka kandi inama y'agakiza irimo gucungurwa kwabo kimwe n'ukwacu. Baragijwe ababyeyi kugira ngo babarerere mu bumenyi no mu rukundo rw'Umukiza kandi kugira ngo bazashobore kuzuza inshingano zabo muri iki gihe no mu gihe cy'iteka ryose.5

Bagore, murerane abana banyu bato ubugwaneza. Kristo nawe ubwe yabaye umwana muto. Kubw'ibyo muhe abana agaciro.

Mubafate nk'ikigega cyera, kidakwiriye guteteshwa, gushonyagizwa cyangwa gufatwa nk'ikigirwamana ahubwo nk'ugomba kwigishwa kubaho ubuzima buboneye kandi butunganye. Ni umutungo w'Imana; irabakunda kandi ibahamagarira gukorana na yo kugira ngo ibafashe kurema imico itunganye.6

Niba ushaka kuzahura n'Imana mu mahoro, ubu, gaburira umukumbi wayo ibyo kurya by'umwuka, kuko buri mwana wese afite ubushobozi bwo kugera mu buzima bw'iteka. Abana n'urubyiruko ni umutungo wihariye w'Imana.7

Urubyiruko rugomba gusobanukirwa ko italanto baragijwe ko Atari izabo bwite. Imbaraga, igihe, ubwenge ni ubutunzi batijijwe; ni ubw'Imana. kandi buri muhungu wese na buri mukobwa wese agomba kwifatira umwanzuro wo kubukoresha neza uko bishoboka. Buri wese ni umuzabibu Imana yiringiye kuzasaruraho imbuto, ni igisonga igishoro cyacyo kigomba kwiyongera ubudatuza, ni umucyo ugomba kumurika mu mwijima ubundikiye isi. Buri muhungu wese, buri mukobwa wese na buri mwana wese afite umurimo wo kuzuzwa mu guhesha Imana icyubahiro no gukorera ikiremamuntu ibyiza.8

Inzira ijya mu ijuru ikwiranye n'ubushobozi bw'abana:
Neretswe ko Yesu azi ubumuga bwacu kandi ko yabayeho imibereho yacu muri byose, usibye ko we atakoze icyaha; ni muri ubwo buryo yaduteguriye inzira ikwiranye n'imbaraga zacu n'ubushobozi bwacu, nk'uko Yakobo yagendeye i ruhande rw'abana bato buhoro buhoro, n'ubwitonzi bwinshi, ashingiye ku bushobozi bwabo, kugira ngo tugire ubwishingizi bwo gukomezwa no kubana na we kandi akatubera umuyobozi wa twese uhoraho. Ntasuzugura, ntiyirengagiza kandi ntasiga inyuma abana bato b'umukumbi. Ntadusaba kujya imbere ngo tuyireke. Ntiyihuta ku buryo adusiga inyuma twe n'abana bacu. Ibirenze ibyo, yateguye inzira igana ku bugingo mu buryo ishobora kugendwamo n'abana, kandi ababyeyi bategekwa mu izina rye kuyobora abo bana mu nzira ifunganye. Imana yateguye inzira ikwiranye n'imbaraga n'ubushobozi bw'abana.9

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	Signs og the Times, 3 Avril 1901	Signs of the Times, 3 April 1901
2	Messages à la jeunesse, P.327	Message to young people p 329
3	Review and Herald, 30 Mars 1897	Review and Herald, 30 Mars 1897
4	Manuscrit 13, 1891	Manuscript 13, 1891
5	Signs of the Times, 10 Septembre 1894	Signs of the Times, 10 September 1894
6	Signs of the Times, 23 Août 1899	Signs of the Times, 23 August 1899
7	Lettre 105, 1893	Letter 105, 1893
8	Education, P.55	Education p 57,58
9	Testimonies for the church vol 1 p 388,389	Testimonies for the church vol 1 p 388,389

ICYIGWA CYA 49: ABAFASHA B'UMUBYEYI W'UMUGORE

Abana bagomba kuzana ubufasha bwabo mu ruziga rw'umuryango: Abana kimwe n'ababyeyi bafite inshingano ikomeye yo kuzuzwa. Bagomba kwigishwa ko nabo ari abagize umuryango. Barahagaburirirwa, bakahambikirwa, bakahavurirwa kandi bakaharonkera urukundo. Mu kugaragaza ko bashimye ibyo byiza byinshi bahabwa, bakagombye kugira uruhare mu gutuma umuryango umererwa neza kandi bakihatira gutuma haba ahanejeje.1

Reka buri mugore wese yigishwe abana be ko ari bamwe mu bagize umuryango kandi ko bagomba gufatanya inshingano zo mu rugo. Buri wese akwiriye kwikorera izo nshingano azikiranutseho nk'uko abizera b'itorero buzuzura inshingano zaryo. Abana nibamenye ko mu gutumwa gukora imirimo itandukanye baba bafasha ababyeyi babo. Mubahe imirimo runaka babakorera kandi mubabwire ko nyuma yo kuyikora mubaha umwanya wo kujya gukina.2

Abana bafite intekerezo nzima kandi bakeneye gukoreshwa ngo bikorere ku mitwano yo mu buzima bwa buri muni...Ntibagomba kurekerwa mu guhugira mu turimo twabo ubwabo. Ababyeyi bagomba kubigenzurira.3

Inshingano z'ababyeyi n'iz'abana: Ababyeyi bafite inshingano yo kugaburira, kwambika no kwigisha abana babo, kandi abana bagomba gukorera ababyeyi babo imirimo banezerewe, badacogora kandi bakiranutse. Igihe abana batacyiyumvamo ko bakwiriye gufatanya n'ababyeyi babo kwikorera amaganya n'imitwano yo muri ububuzima, mbese bazategereza ko ababyeyi babakemurira amakene yabo? Mu kutuzuzura inshingano zibareba ari zo kuba [283] ingirakamaro ku babyeyi babo, kubaruhura imitwano yabo, bakora mu cyimbo cyabo ibyashoboraga kubagwa nabi no kubananiza, abana baba binyaze amahirwe yo kwiga neza kuba ingirakamaro mu buzima bw'ahazaza.4

Imana ishaka ko abana b'abizera bose bamenyerezwa uhereye mu bwana bwabo kwikorera imitwano borohereza ababyeyi bafite inshingano yo kubarera. Bagomba kugira uruhare mu mirimo y'i muhira, bakita ku byumba byabo no ku mahirwe bahawe yo kwicara ku meza y'abagize umuryango. Imana itegeka ababyeyi babo kubagaburira no kubambika. Ariko inshingano z'ababyeyi n'iz'abana ni magirirane. Ku ruhande rwabo, abana bategekwa kubaha no kumvira ababyeyi babo.5

Ababyeyi ntibagomba kuba imbata z'abana babo n'ibitambo byabo mu gihe abana bakurira mu bunenganenzi ntacyo bitayeho imitwaro yose ivuna ababyeyi.⁶

Ubunenganenzi butewe n'impuhwe zipfuye: Abana bakwiriye kwigishwa hakiri kare kuba ingirakamaro, bifasha ubwabo banafasha n'abandi. Muri iki gihe abakobwa benshi bashobora kwitegereza nta bwoba ba nyina baremerewe n'imirimo, bateka, bamesa cyangwa batera ipasi mu gihe bo bicaye mu ruganiriro basoma inkuru z' amanjwe, bafuma cyangwa bashyira imitako ku bitambaro. Imitima yabo ntigikabakabwa yabaye nk'ibuye.

Ni nde nyirabayazana w'iryo kosa? Ninde mu by'ukuri twabigayira kurusha abandi? Ni abahanya b'ababyeyi bishutse! Birengagije ibyiza by'ahazaza by'abana babo maze mu rukundo rwabo ruhumye, barabaretse bakurira mu bunebwe cyangwa mu kwita ku bintu bidafite akamaro, bidasaba imbaraga nyinshi z'umubiri n'iz'ubwenge, kandi batsindishiriza ubunenganenzi bw'abakobwa babo ko ari inzabya zoroshye. Ni igiki cyabahinduye abanyanteye nke gutyo? Kenshi, ni amahame mabi agenga uburezi bahawe n'ababyeyi babo. Imirimo myinshi itandukanye ikorerwa i muhira yakagombye kuba yarakomeje ^[284]intekerezo zabo n'umubiri wabo. Ariko barayirinze binyuriye mu bitekerezo bipfuye by'ababyeyi babo bityo amaherezo bafashe imirimo mu yindi shusho barayizinukwa.⁷

Niba abana banyu bataramenyerejwe kwiyuha akuya, bazaruha vuba. Bazataka bidatinze ko bari kubabara mu mbavu, mu bitugu, ko ingingo zoroshye zirushye bityo ushobora kuzabagirira impuhwe maze ugasigara ukora wenyine aho kubareka ngo bababare mu gihe gito. Mubasabe kubanza gukora umurimo unaniza gake, ugendewongera umurimo wabo buhoro buhoro buri muni kugeza ubwo bazashobora gukora igihe kirekire nta kunanirwa.⁸

Akaga k'ubunebwe: Neretswe ko ubunebwe ari isoko y'ibyaha byinshi. Abo amaboko n'intekerezo byabo bikora ntibabona igihe cyo gutegera amatwi ibishuko by'umwanzi; ariko ibiganza n'intekerezo bidakora bihora byiteguye kuyoborwa na Satani. Iyo intekerezo zidahuze neza, zitindagira ku bitekerezo byanduye. Ababyeyi bagomba kwigisha abana babo ko kugira ubunebwe ari icyaha.⁹

Nta kintu na kimwe gishora abana mu kibi nko kubabuza imirimo yose, ukabarekera mu mibereho irangwa n'ubunebwe, bakabaho nta mugambi mu buzima, ntacyo bakora cyangwa bagakora gusa ibyo bishakiye. Intekerezo z'abana ni nzima bityo iyo zidahugijwe n'ibyiza

ndetse n'ibifite akamaro, zirundukira mu bibi. Nubwo ari byiza kuri bo gushaka ibibaruhura ariko bakagombye kwigishwa gukora, kugira amasaha adahindagurika yo gukora imirimo y'amaboko n'ayo gusoma ibitabo no kwiga. Mwrite ko baba bafite imirimo ihwanye n'ikigero barimo kandi ko bafite ibitabo by'ingirakamaro kandi bishamaje.10

Umurimo w'ingenzi ni umurinzi nyakuri: Umutekano nyakuri w'uruburuko ushingiyeye ku kugira umurimo [285] w'ingirakamaro. Niba baramenyerejwe gukora no gukoresha neza igihe cyabo, ntibazagira ibinezeza biniga imirimo yabo cyangwa ngo birundurire mu ndoto z'ibidahari z'ubupfu. Kuri bo, akaga gakomoka mu kamenyero ko gukora ibibi no kugira incuti mbi kazaba gake.11

Niba ababyeyi bafite byinshi byo gukora ku buryo badashobora kwirundurira mu kwita ku bana babo nk'uko bikwiriye, Satani we azabitaho.12

Abana bagomba kwiga kwikorera imitwari: Ni inshingano y'ingenzi ababyeyi bagomba kwitaho: abana babo bagomba kugira uruhare mu mirimo yo mu rugo... Reka ababyeyi babigishe uko bamenya ukuri k'ubuzima, uko basobanukirwa ko bafite inshingano yo kuba ingirakamaro mu isi. Mu rugo, munsu y'ubugenzuzi bwa nyina, abahungu n'abakobwa bagomba kwakira uburezi bwabo bw'ibanze burebana no guhangana n'inshingano zo muri ubu buzima.13

Uburezi bw'umwana mu cyiza no mu kibi, butangirira mu buto bwe... Mu gihe abana bakuru bakura, bakagombye gufasha kwita ku bana bakiri bato bo mu muryango. Nyina ntagomba kurushywa no gukora imirimo abana be bashoboye kandi bagomba gukora.14

Gusangira inshingano bitera kunyurwa: Babyeyi, mufashe abana banyu gukora ibyo Imana ishaka, buzuza inshingano bashinzwe bakiranutse nk'abagize umuryango. Ibyo bizabaha inararibonye y'agaciro kandi bizabigisha ko badakwiriye kwitekerezaho bo ubwabo, bakora ibyo kwinezeza n'ibyabashimisha bo ubwabo gusa. Mubigishe mwihanganye gukora uruhare rwabo mu muryango kugira ngo imihati yabo bakoresha mu gusangira imitwari na se na nyina na bene nyina ihembwe ikamba ry'insinzi. Bityo bazanyurwa no kubona bafite agaciro.15

Abana bashobora kwigishwa kuba ingirakamaro. Mu miterere yabo ni abanyamuhati kandi bakunda gukora; iyo mirimo ikwiriye kuyoborwa mu cyerekezo cyiza. Bashobora kwigishwa uherye mu bwana bwabo gukora buri munsu uturimo tworoheje, buri mwana wese akwiriye kugira umurimo we wihariye agomba gukora kandi agomba gusobanura uko yawukoze imbere y'ababyeyi be cyangwa umuyobozi we. Bityo abaziga uherye mu mabyiruka yabo kuzuzza inshingano zibareba, kandi izo nshingano nto zizababera umunezero; kandi zizabaha ibyishimo bikomoka mu gukora ibyiza gusa. Bityo bazamenyera gukora no kwikorera inshingano, kandi bazabona umunezero mu mirimo yitaweho, basobanukirwe ko ubuzima bwabahishiyemo akamaro gakomeye karuta kuzerera...

Umurimo ni mwiza ku bana; abana banezerwa cyane igihe bitaweho mu buryo bwiza mu gihe cy'ingenzi cy'ibihe byabo; gukora inshingano zuzujwe neza bazabiha agaciro kuruta ibinezeza bidafite akamaro. Umurimo ukomeza umubiri n'intekerezo. Abagore bashobora kubona abafasha b'ingenzi mu bana babo kandi mu gihe babereka uko baba ingirakamaro, nabo ubwabo bigiramo ubumenyi bw'imiterere y'umuntu n'uburyo bwo kubufata neza bafatanije n'abo bana bato; ahorana umutima ukabakabwa imbere y'abana be n'imbere y'urubyiruko. Abo nabo bakiringira nyina kandi bakamukunda kandi bagashakira ubufasha n'imbaraga hafi y'Umukiza wabo. Abana barezwe neza biga uko bakura, gukunda imirimo izoroshya imitwaro y'incuti zabo.16

Gukora bituma intekerezo zihagarara neza: Mu kuzuzza inshingano zabo nto, abana bashobora kugira ubwonko buzima bufata neza n'intekerezo zihagaze neza, kandi uko ahorana umucyo wo mu maso niko agira n'imico iboneye. Kuzuzza inshingano nto zikurikirana za buri munsu [287] bimuhamagarira kubyibazaho no kubishyira kuri gahunda. Igihe abana bakura, umuntu ashobora kubategeka gukora imirimo iruseho. Ariko nayo ntigomba kuba imitwaro iremereye cyane ibananiza kandi ibaca intege; umurimo ugomba gutoranywa hashingiwe ku iterambere ry'impagarike n'imbaraga z'abana n'uko intekerezo n'imico byabo bimeze.17

Mu mushyikirano n'ibiremwa mvajuru: iyaba abana bigishwaga gufata imirimo yoroheje ya buri munsu nk'inshingano bashinzwe n'Uwiteka, mbega ukuntu imirimo yo mu rugo yababera myiza kurushaho kandi bakayubaha! Igitekerezo cy'uko buri gikorwa cyo mu mirimo yacu kigomba gukorwa kubwo guhesha Imana icyubahiro, bitera guha agaciro by'umwihariko imirimo yoroheje

cyane kurusha iyindi. Iyo mirimo ihinduka umurunga uhuza ikiremamuntu n'ibiremwa byera, byuzuzubushake bw'Imana mu ijuru.18

Mu ijuru haba imirimo ubudatuza. Nta munebwe ubayo. Kristo aravugaga ati: "Data arakora kugeza n'ubu, nanjye ndakora". Ntidushobora kwibwira ko mu isaha y'insinzi iheruka, igihe ubuturo bwacu buzaba bwateguwe, tutazongera gukora ahubwo ko tuzibera mu bunebwe tunezerewe gusa.19

Umurimo ukomeza ubumwe bw'umuryango: Mu burezi bw'urubyiruko, ihame ryo gufatanya ni iry'agaciro katagereranwa. Abana bakuze bakwiriye gufasha ababyeyi babo, bakamenya imigambi yabo kandi bagasangira inshingano n'imitwaro yabo. Reka ababyeyi bafate igihe cyo kwigisha abana babo, babereke ko baha agaciro ubufasha bwabo, babereke ko bifuzabiyiringiro byabo kandi ko bishimira kubana nabo kandi abana nabo bazabiha agaciro. Bityo si umurimo w'ababyeyi uzoroha gusa ahubwo n'abana nabo bazabyungukiramo uburezi bushyizwe mu bikorwa bufite agaciro katagereranywa, ariko na none ubumwe bw'umuryango buzakomera kandi n'urufatiro rw'imico ruzashikama.20

Umurimo utera gukura mu bwenge, mu ntekerezo no mu by'umwuka: Abana n'abasore muri rusange bakwiriye kubonera umunezero wabo mu korohereza ababyeyi babo amaganya, bita ku bintu byo mu rugo. Mu kwikorera banezerewe imitwaro ibareba baba bitegura kuba ingirakamaro mu myanya y'iringirwa. Uko umwaka utashye bagomba gukora imishinga ikomeye, isimbura buhoro buhoro ariko neza iyo bakoraga mu bwana mu gihe bakuze. Mu kuzuzabakiranutse inshingano zoroheje z'i muhira, abakobwa n'abahungu babikoramo ishingiro ryo kwera ko mu bwenge, mu ntekerezo no mu by'umwuka.21

Umurimo utanga ubuzima bw'impagarike n'amahoro y'umutima: Hari ubwishingizi nyakuri bwo kwemerwa n'Imana ku bana bose bemera banezerewe kuzuzauruhare rwabo mu mirimo y'i muhira no gusangira imitwaro n'ababyeyi babo. Bazabihemberwa kugira amagara mazima n'amahoro yo mu mutima; kandi bazishimira kubona ababyeyi babo banezerewe muri rubanda kandi bagira uruhare mu binezeza byongera iminsi yabo yo kubaho. Igihe bazava iwabo i muhira, abahawe uburezi bwo gukora imirimo ngiro yo mu buzima bazaba abaturage b'ingirakamaro muri

rubanda; bityo noneho bazagira umutwaro urenze uwo bakomora mu kwirundurira mu ishuri uhereye mu bwana, mu gihe yaba ari umubiri cyangwa intekerezo bitahakomoye bihagije kwihanganira ibiremereye.²²

Mu bihe runaka, byakabaye byiza ko abana bagira imirimo mike ku ishuri ahubwo bagatozwa gukora biruseho inshingano z’i muhira. Mbere ya byose bagomba kwigishwa guha ibintu agaciro no kuba ingirakamaro. Ibintu byinshi ^[289] byigirwa mu bitabo bifite agaciro gake ugereranije n’inyigisho zikomoka mu gukora no mu mirimo ishyizwe mu bikorwa.²³

Umurimo utanga ibitotsi biruhura: Nyina w’abana agomba kwigisha abakobwa be guteka no kubatoza kwita ku nzu. Uyu murimo ukwiranye n’ubuzima bwabo, uzashikamisha kandi ukomeze imitsi yabo. Ku iherezo ry’umunsi, intekerezo zabo zizaba ari nziza cyane kandi ziri ku rwego rwo hejuru. Birashoboka ko bazaruha, ariko mbega ukuntu bazagira ikiruko cyiza nyuma yo gukora imirimo ibakwiriye! Ibitotsi byo kiruhuko karemano kibagaruramo imbaraga zabo, kizagarurira umubiri unaniwe ubuyanja kandi kizabafasha kwitegura gukora inshingano z’umunsi ukurikiyeho. Ntimugatere abana banyu kwizera ko gukora no kutagira icyo ukora ko ntacyo bitwaye. Mubigishe ko mukeneye ubufasha bwabo kandi ko igihe cyabo gifite agaciro.²⁴

Kureka abana bagakurira mu bwebwe ni icyaha. Ni bakoreshe ingingo zabo n’imitsi yabo nubwo ibyo byaba bibananiza. Niba badafite umunaniro w’ikirenga kubera iki kunanirwa kwabo kwabangiriza kurusha mwebwe? Hari itandukaniro rinini hagati yo kunanirwa no gucogora. Abana bakeneye cyane gukora imirimo itandukanye no kugira igihe cyo kuruhuka kurusha abakuze; ariko nubwo baba ari bato cyane bashobora gutangira kwiga gukora kandi bazanezewa no gutekereza ko na bo ari ingirakamaro. Ibitotsi byabo bizaba byiza kandi bazakanguka baruhutse biteguye gukora imirimo mishya y’umunsi ukurikiyeho.²⁵

Ntukavuge uti: “abana banjye barangora”: Abagore bamwe baravuga bati: “ Oh! Abana banjye barangora iyo bagerageje kumfasha.” abana banjye nabo niko bari, ariko mwibwira ko mbibabwira? Mutere akanyabugabo abana banyu. Mubigishe umurungo ku wundi, itegeko ku rindi. Ibyo ni byiza kuruta gusoma ibinyamakuru, gusura abanda cyangwa gukurikiza ibigezweho by’isi.²⁶

Kwigira ku cyitegererezo: Mu gihe runaka, Umutware w’ijuru, Umwami w’icyubahiro, yabaye uruhinja i Betelehemu, umwana muto mu biganza bya nyina. Mu bwana bwe yakoraga imirimo nk’umwana wumvira, aziba icyuho cy’ibyifuzo by’ababyeyi be yuzuzura inshingano zikwiranye n’ubushobozi bwe.

Ibyo ni byo abana bose bakwiriye gukora kandi bagomba kurerwa no kwigishwa mu buryo bashobora gukurikiza icyitegererezo cya Kristo. Kandi we yakoze ku buryo ahinduka umugisha ku muryango we wamwakiriye: yumviraga ababyeyi be kandi bityo agakora umurimo w’ibwirizabutumwa mu mibereho ye y’i muhira. Biranditswe ngo: “Nuko uwo mwana arakura agwiza imbaraga, yuzuzwa ubwenge kandi ubuntu bw’Imana bwari muri we.” “Kandi Yesu akomeza kugwiza ubwenge, abyiruka ashimwa n’Imana n’abantu.” 27

Ni amahirwe akomeye ku bigisha n’ababyeyi yo gushyikirana bigisha abana gusogengera ku munezero w’imibereho ya Kristo no gukurikiza urugero rwe. Imyaka ya mbere y’Umukiza yabaye ingirakamaro. Yafashaga nyina mu rugo; igihe yakoraga imirimo y’i muhira kandi yakoraga mu ibarizo ry’umubaji, yuzuzaga akiranutse na none inshingano ye ubwo yatangiraga umurimo we wo kubwiriza muri rubanda.28

Mu gihe cy’ubuzima bwe hano ku isi, Kristo yabaye intangarugero ku muryango wose w’ikiremwamuntu. Yarumviraga kandi akaba ingirakamaro mu muryango. Yize umwuga w’ububaji kandi yakoresheje amaboko ye mu ibarizo rito ry’i Nazareti... Mu gihe yakoraga atyo mu bwana bwe no mu mabyiruka ye intekerezo ze n’umubiri we byateraga imbere. Imbaraga ze z’impagarike ntiyazipfushaga ubusa ahubwo yazikoresheje kugira ngo ahorane ubuzima bwiza kugira ngo ashobore gukora umurimo mwiza mu byiciro byose.29

[291]

#	IBITABO BYAKORESHWEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHWEJWE MU CYONGEREZA
1	Ministère de la guérison, P.332 (Rayons de santé, P.50)	Ministry of healing p 394

2	Review and Herald, 23 Juin 1903	Review and Herald, 23 June 1903
3	Manuscrit 57, 1897	Manuscript 57, 1897
4	The youth's Instructor, 20 Juillet 1893	The youth's Instructor, 20 July 1893
5	Manuscrit 128, 1901	Manuscript 128, 1901
6	Manuscrit 126, 1897	Manuscript 126, 1897

7	Témoignages pour l'Eglise, vol.1, P.160, 161	Testimonies for the church vol 1 p 686
8	Témoignages pour l'Eglise, vol.1, p 161,162	Testimonies for the church vol 1 p 687
9	Témoignages pour l'Eglise, vol.1, 163	Testimonies for the church vol 1 p 395
10	Temperance and Bible Hygiène, PP.134, 135	Temperance and Bible Hygiene, PP.134, 135
11	Review and Herald, 13 Septembre 1881	Review and Herald, 13 September 1881
12	Signs of the Times, 3 Avril 1901	Signs of the Times, 3 April 1901
13	Lettre 106, 1901	Letter 106, 1901
14	Manuscrit 126, 1903	Manuscript 126, 1903
15	Manuscrit 27, 1896	Manuscript 27, 1896
16	Health Reformer, Décembre 1877	Health Reformer, December 1877
17	Health Reformer, Décembre 1877	Health Reformer, December 1877
18	Patriarches et prophètes, P.562	Patriarchs and prophets p 574
19	Manuscrit 126, 1897	Manuscript 126, 1897
20	Education, P.291	Education p 285

21	Messages à la jeunesse, P.209, 210	Message to the young people p 211,212
22	Counsels to Teachers, Parents and students p 148	Counsels to Teachers, Parents and students p 148
23	Manuscrit 126	Manuscript 126
24	Témoignages pour l'Eglise, vol.1, P.162, 163	Testimonies for the church vol 1 p 395
25	Christian Temperance and Bible Hygiène, P.135	Christian Temperance and Bible Hygiene, P.135
26	Manuscrit 31, 1901	Manuscript 31, 1901
27	Signs of the Times, 17 Septembre 1894	Signs of the Times, 17 September 1894
28	Review and Herald, 6 Mai 1909	Review and Herald, 6 Mai 1909
29	Counsels to Teachers, Parents, and students, P.147	Counsels to Teachers, Parents, and students, P.147

ICYIGWA CYA 50: ICYUBAHIRO KIGOMBWA ABABYEYI

Umwenda abana bafitiye ababyeyi: Abana bakwiriye kwiyumvisha ko bafitiye umwenda ababyeyi babo bababereye maso uhereye mu bwana bwabo kandi babavuye igihe bari barwaye. Bagomba kumenya ko ababyeyi babo babahangayikiye kuri iyo ngingo. Ababyeyi b'umutima kandi bera byumwihariko bakoze ibyo bashoboye byose kugira ngo abana babo bagendere mu nzira nziza. Mbega ukuntu imitima yabo yashengukaga igihe babonaga amakosa yabo! Iyaba abashenguye imitima y'ababyeyi babo bitegerezaga umusaruro w'imyitwarire yabo, mu by'ukuri bagakabakabwe. Iyaba bitegerezaga amarira yaba nyina kandi bakumva amasengesho berekezaga ku Mana babasabira, iyaba bumvaga kwahagira gukomeye bagiraga, imitima yabo yakoroha, bakihatira kwihana amafuti yabo no kubasaba imbabazi. 1

Igihe abana bazakura bazashimira ababyeyi buzuje inshingano zabo zo kurera bakiranutse kandi batabemereye gushonyagiza ibyiyumviro byabo no kwishimira mu kamenyero kabi.2

Itegeko rireba buri wese: “Wubahe so na nyoko kugira ngo uramire mu gihugu Uwiteka Imana yawe iguha.” Ni itegeko rya mbere ririmo isezerano. Rireba abana n'abasore, abakuze n'abasaza. Nta gihe na kimwe umuntu ageramo cyamuha urwitwazo rwo kutubaha ababyeyi. Iri bwiriza rikomeye rireba abahungu bose n'abakobwa bose kandi ni naryo shingiro ryo kuramira mu gihugu Imana izaha abakiranutse. Ntirifite agaciro gake ahubwo rifite agaciro gakomeye. Isezerano rihambiriwe ku kumvira. Nimwumvira, muzaramira mu gihugu Uwiteka, Imana yanyu ibaha. Nimutumvira ntimushobora kuzaramira muri cyo iminsi yanyu.3

Ababyeyi bakwiriye ku rugero rwo hejuru gukundwa no kubahwa kuruta uko byakorera undi muntu uwo ari we wese. Imana ubwayo ibashinga imitima yabaragije kandi ibasaba kuyisimbura ku bana babo mu myaka ya mbere yo kubaho kwabo. Uwanga kumvira ubutware bwite bw'ababyeyi aba yanze bityo kumvira ubutware bw'Imana. Dukurikije itegeko rya gatanu, ntitugomba kubaha no kumvira ababyeyi gusa ahubwo tugomba no kubazengurutsa urukundo n'ubugwaneza, tukaborohereza imitwaro yabo, kurindana ifuhe icyubahiro cyabo no kubabera icyishingikirizo n'umuhumuriza mu busaza bwabo.4

Imana ntishobora guteza imbere abirengagiza nkana itegeko ryasobanuwe neza mu ijamba ryayo rireba abana ku babyeyi babo... niba batubaha cyangwa ngo bite ku babyeyi babo, ntibazubaha cyangwa ngo bakunde Umuremyi wabo.5

Niba abana bafite ababyeyi batizera, babategeka ibihabanye n'amategeko ya Kristo, bagomba ku giciro icyo ari cyo cyose kumvira Imana maze bakayiharira ingaruka.6

Benshi bica itegeko rya gatanu: Muri iyi minsi iheruka, kutumvira no kutuba kw'abana ni ikimenyetso cyo kwegereza imperuka imbere y'Imana. Ibyo bigaragaza ko Satani ari hafi kwigarurira intekerezo zose z'abasore. Umubare munini muri bo, ntibacyubaha abakuze.7

Abana benshi bavuga ko bazi ukuri ariko ntibaha ababyeyi babo icyubahiro n'urukundo byari bibakwiriye. Babagaragariza urukundo ruke, ntibita ku kubakorera [294] ibibanezeza babakorera ibyo bifuza kandi ntibashakisha uko baboroheraza amaganya yabo. Benshi bavuga ko ari abakristo ntibasobanukiwe icyo "kubaha so na nyoko" bivuze. Ibiri amambu ababyeyi si bo barebwa n'aya magambo agira ati: "Kugira ngo uramire mu gihugu Uwiteka, Imana yawe iguha."8

Abatararezwe neza ntibazasobanukirwa muri iki kinyejana cyo kwigomeka inshingano bafite ku babyeyi babo. Kenshi ababyeyi bakorera abana ibintu byinshi ariko abana ni indashima cyane kandi babuha gake.

Abana bateteshejwe kandi bafashwe neza birenze urugero baba biteze ko bizahora utyo iteka; iyo bitagenze utyo bariheba kandi bagacika intege. Iyo myitwarire izigaragaza mu buzima bwabo bwose. Bazananirwa kwiyobora ubwabo kandi bazahora iteka bategereza ko abandi babafasha, babanezeza kandi ko bihanganira amafuti yabo. Igihe bamaze gukura, iyo bahuye no kurwanywa bifata nk'aho bahohotewe. Bimenyereza nabi ubuzima kugeza ubwo bananirwa kwikorera imitwaro yabo bwite, bivovota kenshi kandi barakazwa n'ikintu cyose kidahuje n'ibyifuzo byabo.9

Nta mwanya mu ijuru w'abana b'indashima: Neretswe ko Satani yahumye intekerezo z'abasore kugira ngo badashobora gusobanukirwa n'ukuri ko mu ijamba ry'Imana. Gukabakabwa kwabo kwarapfuye ku buryo batita ku mabwiriza y'intumwa agira ati: "Bana muje mwumvira ababyeyi banyu mu Mwami wacu, kuko ari byo bibakwiriye. Wubahe so

na nyoko (iryo niryo tegeko rya mbere ririmo isezerano) kugira ngo ubone amahoro uramire mu isi.” “Bana mwumvire ababyeyi banyu muri byose kuko ibyo ari byo Umwami ashima.” Abatumvira ababyeyi babo ^[295] maze bakabubahuka, basuzugura inama zabo n’inyigisho zabo, ntibashobora kugira umugabane mu isi nshya. Igihe isi izezwa, nta mwanya uzayibamo w’abahungu n’abakobwa b’ibygomeke, batagira ikinyabupfura kandi b’indashima. Nibatigira uherye hano mu isi kumvira no kubaha, ntibazigera babyiga; amahoro y’abacunguwe ntazahungabanywa n’abana batumvira, batagira ikinyabupfura kandi b’abapfu. Nta n’umwe mu bica amategeko uzaragwa ubwami bw’ijuru.10

Kumenya kugaragaza urukundo: Nabonye abana batagiriraga urukundo cyangwa ngo bagaragarize ibimenyetso na bike by’urukundo ababyeyi babo n’ubugwaneza bakagombye guhabwa kandi baha agaciro. Ariko abo basore bazi kugaragariza ubucuti n’ubugwaneza incuti zabo bihitiyemo kandi ari na zo bagaragariza urukundo rwinshi. Mbese ibyo ni byo Imana yashatse? Oya, ntibikabeho! Umucyo wanyu, urukundo rwanyu no kwita ku bandi mubiharire by’umwihariko abagize uruziga rw’umuryango. Papa wawe na mama wawe bazishimira utuntu duto ubakorera. Imihati yawe ukoresha mu koroshya imitwara yabo, mu kwirinda ijamba ryose rivuganywe umwuka mubi cyangwa ryo kutanyurwa, bigaragaza ko utari umwana w’ingayi kandi ko uzi gushima kwitabwaho n’urukundo ababyeyi bawe bakugaragarije uherye mu buto bwawe.11

Bana birakwiriye ko ba mama banyu babakunda, bitabaye ibyo ntimwanezerwa. Ariko se si byiza ko n’abana bakunda ababyeyi babo kandi bakabagaragariza urukundo binyuriye mu ndoro yuje urukundo, mu magambo meza, no kubaha ubufasha, bafasha ba se mu mirimo yo hanze y’urugo na ba nyina mu nshingano z’i muhira?12

Ibikorwa bisa n’ibikorewe Yesu: Niba mwarahindutse by’ukuri, niba muri abana ba Yesu, muzubaha ababyeyi banyu; ntimuzanezewa no gukora ibyo bababwiye gusa ahubwo muzashakisha uko mwabona akanya ko gukora ibibanezeza. Mu gukora mutyo, muba mukorera Kristo. Ibyo bikorwa n’ibyo mugaragaza byose abifata nk’aho ari we ubikorewe. Ni umurimo w’ibwirizabutumwa ukomeye cyane; kandi abakiranuka mu gusohoza izo nshingano nto za buri muni babikuramo inararibonye y’agaciro.13

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	Témoignages pour l'Eglise, vol.1, P.163	Testimonies for the Church, vol.1 p 395,396
2	Signs of the Times, 13 Juillet 1888	Signs of the Times, 13 July 1888
3	Testimonies for the Church, vol.2, P.80, 81	Testimonies for the Church, vol.2, P.80, 81
4	Patriarches et Prophètes, P.280, 281	Patriarchs and prophets p 308
5	Testimonies for the Church, vol.3, P.232	Testimonies for the Church, vol.3, P.232
6	Review and Herald, 15 Novembre 1892	Review and Herald, 15 November 1892
7	Témoignages pour l'Eglise, vol.1, P.84 2 3 4 5 6	Testimonies for the Church, vol.1 p 217, 218
8	Message à la jeunesse, P.329	Message to the Young people p 331
9	Témoignages pour l'Eglise, vol.1, PP.159, 160	Testimonies for the Church, vol.1 p 392,393
10	Testimonies for the Church, vol.1, P.497, 498	Testimonies for the Church, vol.1, P.497, 498
11	The Youth's Instructor, 21 Avril 1886	The Youth's Instructor, 21 April 1886
12	Manuscrit 129, 1898	Manuscript 129, 1898
13	The Youth's Instructor, 30 Janvier 1884	The Youth's Instructor, 30 January 1884

ICYIGWA CYA 51: INAMA KU BANA

Gushaka Imana uhereye mu bwana: Abana n’abasore bagomba gushaka Imana hakiri kare; kuko akamenyero n’ibyo umuntu yakiriye uhereye mu bwana bigira ingaruka ku buzima no ku mico. Niyo mpamvu abashaka gusa na Samweli, na Yohana kandi by’umwihariko na Kristo, bagomba kuba indahemuka ku bintu bito, bakirinda kugira incuti zikora ibibi kandi zitekereza ko ubuzima bwabo muri iyi si bukwiriye kurangwa no kwinezeza ndetse no kwikunda. Imirimo yoroheje y’i muhira kenshi ifatwa nk’idafite agaciro, ariko iyo yirengagijwe, bizageza ubwo n’imirimo ikomeye nayo yirengagizwa. Niba mushaka kuba abagabo n’abagore bafite imico yera, ishikamye kandi itunganye, tangira gukorera mu rugo, kora imirimo yoroheje utivovota kandi neza. Igihe Uwiteka azabona ko uri indahemuka mu tuntu duto, azagushinga n’inshingano zikomeye. Mwirinde cyane uko mwubaka n’ibikoresho mukoresha. Imico murema muri iki gihe izageza iteka ryose.

Reka Kristo agire icyicarwo mu ntekerezo, mu mutima no mu biyumviro byanyu. Mukore nk’uko Kristo yakoraga, musohoza neza inshingano z’i muhira, mwiya kandi mukora n’ibikorwa by’ubugiraneza. Mukoreshe igihe cyanyu neza, mwirinde ibyaha bigaragara ko ari bito kandi mushime ku byiza bito mwakiriye; bityo uzaba ugaragaje ubuhamya bwatanzwe kuri Yohana, Samweli na Kristo by’umwihariko: “Nuko Yesu akomeza kugwiza ubwenge, abyiruka ashimwa n’Imana n’abantu.” 1

“Impa umutima wawe”: Uwiteka abwira umusore wese ati: “Muhungu wanjye, impa umutima wawe” Umukiza w’isi akunda ko abana n’urubyiruko bamwegurira imitima yabo. Bityo bashobora kurema umutwe w’ingabo z’abana bazakomeza gukiranukira Imana kuko bagendeye mu mucyo nk’uko Kristo ari Umucyo. Bazakunda Umukiza Yesu kandi bazanezewa no kumushimisha. Aho kubabara bacyashwe, bazanezeza umutima wa se n’uwa nyina binyuriye mu bugwaneza, mu kwihangana no mu kwiringirana kandi biteguye gukora ikintu cyose cyaborohereza imitwari yo mu buzima bwa buri muni. Mu bwana bwabo no mu bugimbi bwabo bazakomeza kuba abigishwa b’indahemuka ku Mukiza.2

Buri wese agomba kugira amahitamo ye ku giti cye: Mube maso kandi musenge ndetse mugire inararibonye yanyu ku giti cyanyu ku birebana n’iby’iyobokamana. Ababyeyi banyu bashobora

kubigisha, bashobora kugerageza kuyobora intambwe zanyu mu nzira nziza; ariko ntibyabashobokera guhindura imitima yanyu. Mugomba kuwuragiza Yesu kandi mukagenda mu mucyo w'agatangaza w'ukuri yabahaye. Mwuzuzanye gukiranuka imirimo y'i muhira kandi binyuriye mu buntu bw'Imana, mushobora kugera ku gihagararo gishyitse Kristo yifuza ko abana bakurira muri we bageraho. Kuba ababyeyi banyu bubahiriza isabato kandi bumvira ukuri ntibibaha ubwishingizi bw'agakiza. Kuko n'aho igihugu cyaba kirimo aba bantu batatu Nowa, Yobu na Danieli "ndirahiye ko batagira icyo barokora ari abahungu cyangwa ari abakobwa, nibo barokoka bonyine."

Mu bwana bwanyu no mu busore bwanyu mushobora kugira inararibonye mu murimo w'Imana. Mukore ikintu cyose muzi ko ari ukuri. Mwumvire ababyeyi banyu, mutege amatwi inama zabo kuko niba bakunda kandi bubaha Imana, nibo bashinzwe inshingano yo kurera, yo kwigisha, yo gutunganya umutima wanyu kugira ngo uzabone ubugingo bw'iteka ryose. Mwakirane gushima ubufasha bifuza kubazanira kandi mushimishe imitima yabo mwumvira mudahaswe amabwiriza mukomora ku bitekerezo byabo bisobanutse. Muri ubu buryo, muzabubaha, muzahesha Imana icyubahiro kandi muzahinduka umugisha ku bantu bose muzahura na bo.³ Bana, murwane intambara kandi mwibuke ko buri nsinzi mugeraho ibaha imbaraga zo kunesha umwanzi biruseho.⁴

Abana bagomba gusenga kugira ngo bafashwe: Abana bagomba gusenga kugira ngo bahabwe ubuntu buzababashisha kwihanganira ibishuko bibugarije, ari byo bishuko byo gukora bakurikije ubushake bwabo no guhaza kwikunda kwabo. Niba basaba Kristo kubafasha kuba inyangamugayo, abagwaneza, abubaha no kwikorera inshingano zabo zo mibereho yo mu rugo, izumva amasengesho yabo yicishije bugufi.⁵

Yesu yifuzaga ko abana n'abasore bamusanga bafite ibyiringiro nk'ibyo bagaragariza ababyeyi babo. Nk'uko umwana asaba umutsima nyina cyangwa ise igihe ashonje, ni ko Uwituka yifuza ko mumusaba ibyo mwifuza byose. Yesu azi amakene y'abana kandi anezezwa no gutegera amatwi amasengesho yabo. Nibitandukanye n'isi n'ibyakurura intekerezo zabo zikajya kure y'Imana; nibamenye neza ko ijisho ry'Imana ricengera mu mitima yabo kandi rigasoma ibyifuzo byo mu mutima kandi ko bashobora kuganira na Yo, umuntu wese ku giti cye...

Bana, musabe Imana ibakorere ibyo mutashobora kwikorera mu bushobozi bwanyu. Mubwire byose Yesu. Mumubwire amabanga yo mu mutima wanyu; kuko ijisho rye rigenzura ibibi bihishwe mu mutima kandi asoma intekerezo zanyu nk'igitabo kibumbuwe. Igihe mwasabye ibyagwaneza umutima wanyu, mwizere ko muzabyakira kandi muzabona bisohoye.⁶

Mwuzuze n'umutima ukunze inshingano z'i muhira: Abana n'abasore bakagombye kuba ababwirizabutumwa mu muryango kandi bagakora imirimo igomba gukorwa kandi bakayikora neza nk'uko n'undi wese yayikora... Mu gukora utuntu duto tugaragara nk'utudafite akamaro, mushobora kugaragaza ko mufite umwuka nyakuri w'ibwirizabutumwa.

Ubushake bwiza muzagaragaza mukora inshingano mubonye, muzahura nyoko uremerewe, bizaba igihamya cy'uko mushoboye kwikorera inshingano ziremereye. Mutekereza ko bigayitse koza amasahani, ariko ntimukunda ibyo kurya byaruriwe ku masahani atogeje! Mbese mutekereza ko binezeza nyoko kimwe namwe? Mbese mwifuzaga ko ari we ukora imirimo mutekereza ko ari mibi kandi ari we unaniwe mu gihe mwebwe mwikinira imikino ibanejeje? Ni ngombwa gukubura, guhanagura amatapi no gushyira icyumba kuri gahunda; nimwirengagiza kubikora, mbese mutegereje ko muzashingwa inshingano zikomeye? Mbese mwigeze mutekereza ku nshuro nyoko yikoreye izo nshingano mu gihe mwe mwari mukiri ku ishuri no mu kwinezeza?⁷

Abana benshi bakora imirimo yo mu rugo nk'igihano gikomeye; ibitari ibyo mu maso habo hagaragaza kutishima. Ibintu byose babikora bivovota kandi binuba nta na kimwe bakora bashaka. Aho ntihagaragara umwuka wa Kristo ahubwo ni uwa Satani; niba mubyishimira muzahinduka nka we. Muzahinduka abahanya kandi muhindure abahanya ababakikije. Ntimukivovotere ibyo mufite gukora byose n'agahe gato musigaranye ko gukina ariko umurimo wanyu muwuhorane ku mutima kandi muhorane isuku. Mu guharira igihe cyanyu gukora imirimo y'ingenzi, muzakinga amarembo y'ibishuko bya Satani. Mwibuke ko Yesu ^[301] atizirikanye ubwe, kandi ko mugomba kuba nka we. Mufate iyo ngingo nk'ihame ry'iyobokamana kandi musabe Yesu kubafasha. Mu gutoza intekerezo muri icyo cyerekezo, muba mwiguye kuzuzwa inshingano mu murimo w'Imana nk'uko mwashoboye kuzanira ubufasha abagize umuryango. Muzagira icyitegererezo cyiza ku bandi kandi muzabarehereza gukora umurimo wa Kristo.⁸

Muhe ababyeyi banyu ubushobozi bwo kwihugenza n’ubwo kuruhuka: Biragoye ku mugore ukunda abana be kubasaba ku mufasha, mu gihe abona ko banga gukora kandi ko bashaka inzitwazo zose zo guhunga imirimo itanejeje. Kristo ahanze amaso abana n’ingimbi. Mbese azasanga muri abanabwwe ku murimo yabashinze?

Niba mwifuza kwibera ingirakamaro, muba mubonye ayo mahirwe. Inshingano yanyu y’ibanze ni iyo gufasha nyoko wakoze byinshi ku bwanyu. Mumwakire imitwaro ye, bityo mu muhe ubushobozi bwo kubona iminsi myiza y’ikiruhuko; kuko yabonye ibiruhuko n’ibimuhugenza bike cyane mu mibereho ye. Mwasabye uburenganzira bwo kwihugenza, ariko igihe cyarageze ngo muhinduke umurashi w’umucyo mu muryango. Mwuzuze inshingano zanyu; mujye ku murimo. Binyuriye mu kwitanga kwanyu, muhe nyoko ikiruhuko n’ibyishimo.⁹

Ingororano z’Imana zihabwa ba Danieli bo muri iyi minsi: Muri iki gihe cyacu, dukeneye abagabo bameze nka Danieli bakora kandi bazi gufata imyanzuro. Isi ikeneye muri iki gihe abafite imitima yera kandi ishikamye. Imana ishaka ko abo bagabo bivugurura ubudatuza, ko bazamuka buri munsu urwego rwo kwera. Izadufasha nitwifasha ubwacu. Ibyiringiro by’umunezero wacu muri iyi si no mu isi izaza bishingiye ku kwera kwacu kwa hano mu isi...

Basore nkunda, Imana irabahamagarira umurimo mushobora gukora mufashijwe na Yo. “Nuko bene data ndabinginga, kubw’imbabazi z’Imana ngo mutange imibiri yanyu, ibe ibitambo bizima byera bishimwa n’Imana ariko kuyikorera kwanyu gukwiriye.” Kuko Imana ari yo mukomoraho kuba abagabo n’abagore, bityo muyibere inyangamugayo. Mu byo mukunda, mu byo mubogamiramo ^[302] no mubyo mwamenyereye mugaragaze kwera nk’ukwa Danieli. Imana izabagororera kugira imitsi ikomeye, intekerezo zisobanutse, ibitekerezo byera no gukabakabwa kwimbitse. Abasore b’iki gihe bafite amahame ashikamye kandi atanyeganyezwa bazahabwa umugisha mu buzima bw’impagarike, ubw’intekerezo n’ubw’imitima yabo.¹⁰

Mutangire gucungura ibyahise ubu: Ubu niho abasore bashobora kugena uko akazaza habo h’iteka hazaba hameze; kandi nshaka kubatera amatsiko mbibutsa itegeko Imana yahishemo iri sezerano: “Kugira ngo uramire mu gihugu Uwiteka Imana yawe iguha.” Bana, ni ba mwifuza kuzabona ubugingo buhoraho mwubahe kandi mwumvire ababyeyi banyu. Ntimukabaterere

agahinda n'ishavu mu mitima yabo; ntibakarare amajoro badasinziye bitewe namwe buzuye guhangayika n'umubabaro batewe n'amafuti yanyu. Niba mwarakoze icyaha maze mukananirwa kubagaragariza urukundo no kubumvira bibakwiriye mutangire ubu gucungura ibyahise. Nta bindi mushobora gukora bitari ibyo, bitagenze utyo bisobanuye ko mubuze ubugingo buhoraho.11

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	The youth's Instructor, 3 Novembre 1886 3	The youth's Instructor, 3 November 1886 3
2	Message à la jeunesse, P.331	Message to the young people p 333
3	The youth's Instructor, 17 Août 1893	The youth's Instructor, 17 August 1893
4	Manuscrit 19, 1887	Manuscript 19, 1887
5	Review and Herald, 17 Novembre 1896	Review and Herald, 17 November 1896
6	The youth's Instructor, 7 Juillet 1892	The youth's Instructor, 7 July 1892
7	The youth's Instructor, 2 Mars 1893	The youth's Instructor, 2 March 1893
8	The youth's Instructor, 30 Janvier 1884	The youth's Instructor, 30 January 1884
9	The youth's Instructor, 2 Mars 1893	The youth's Instructor, 2 March 1893
10	The youth's Instructor, 9 Juillet 1903	The youth's Instructor, 9 July 1903
11	The youth's Instructor, 22 Juin 1893	The youth's Instructor, 22 June 1893

**UMUGABANE WA 12:
URUFATIRO
RW'IMIBEREHO
Y'ABAGIZE UMURYANGO**

ICYIGWA CYA 52: UBUYOBOZI BW'UMURYANGO

Amahame agomba kuyobora umuryango: Abantu benshi mu isi bizirika ku bintu bishobora kuba byiza kuri bo gusa; barabyishimira kandi ntibashakisha ibyisumbuyeho kandi bikomeye Kristo ashaka kubaha. Ntitugomba kugerageza kubaka gitunguro ibyo bafite. Mubamenyeshe ubwiza n'agaciro k'ukuri, kandi mubayobore ku komatana na Kristo no mu rukundo rwe; bityo bazatera umugongo ikintu cyose cyabatandukanya na we. Iryo ni ryo hame ababyeyi bagomba gukoresha mu burezi bw'abana babo. Binyuriye mu myitwarire mugira imbere y'abana bato, mushobora gutunganya imico yabo mufashijwe na Kristo ikaba ikwiriye ubuzima buhoraho.1

Ababyeyi bagakwiriye kwegurira imibereho yabo mu kwiga uburyo bwo guhindura abana babo abera bashobozwa n'imihati ya kimuntu ifatanije n'iy'Imana. Uyu murimo mu bwaguke bwawo n'inshingano zijyanirana nawo, barabyemeye uhereye igihe babyaraga abana mu isi.2

Amategeko ni ingenzi mu gutuma urugo rugenda neza: Buri muryango wa gikristo wose ukwiriye kuyoborwa n'amategeko; ababyeyi bagomba guha abana babo icyitegererezo kizima bifuzwa kuzabona muri bo binyuriye mu magambo yabo n'imyitwarire bagirirana... Mwigishe abana n'ingimbi kwiyubaha ubwabo, kuba abanyakuri ku Mana no kuba abakiranutsi ku mahame; kubaha amategeko y'Imana no kuyumvira. Aya amategeko azayobora noneho imibereho yabo kandi bazayifashisha mu mibanire bagirana n'abandi.3

Amahame ya Bibiliya agomba gukurikizwa: Ni ngombwa ubudatuza gukurikirana ko amahame agenga ubuyobozi bw'umuryango ko atirengagijwe. Uwiteka ashaka ko imiryango yo mu isi iba igishushanyo cy'imiryango yo mu ijuru. Igihe iyo miryango izayoborwa mu nzira nziza, umwuka uzasukwa ku itorero kandi uryeze.4

Mbere y'uko ubutware Imana yifuza ko bugaragarira muri buri muryango bushyirwa mu bikorwa, ababyeyi bagomba guhinduka ubwabo kandi bagasobanukirwa icyo kubaha nk'abana bato ubushake bw'Imana ari cyo, bazana intekerezo zafashwe mpiri na Yesu Kristo.5

Imana ubwayo ni yo yashyizeho urufatiro rw'isāno y'abagize umuryango. Ijambo ryayo ni ryo muyobozi nyakuri mu burezi bw'abana. Ubwenge bwa kimuntu ntibwakoze ubushakashatsi burenze ubumenyi bw'Imana kandi ntibwatekereje icyerekezo cy'uburezi cyuzuye ubwenge burenze icyatanzwe n'Umukiza wacu. Ninde wamenya amakene y'abana kurusha Umuremyi wabo? Ninde wabashakira kugera ku byiza kurusha uwabacunguje amaraso ye bwite? Iyaba twiganaga ijambo ry'Imana ubwitonzi kandi iyaba twaryubahaga dukiranutse cyane, imitima mike ni yo yashavuzwa n'imitwarire mibi y'abana yuzuye ubugome.⁶

Mwubahe uburenganzira bw'abana: Mwibuke ko abana bafite uburenganzira bugomba kubahwa.⁷

Abana bafite uburenganzira ababyeyi bagomba kubaha no guha agaciro. Bafite uburenganzira bwo kwigishwa no guhabwa uburezi buzababashisha kuba ingirakamaro, bubashywe kandi bakunzwe muri rubanda hano ku isi kandi buzabaha ubushobozi bw'ubwenge bukwiye buzababashoboza kuba mu bantu bera kandi batunganye bo mu isi y'ahazaza. Ni ngombwa kubwira abasore ko umunezero wabo wa none n'uw'ahazaza ushingiyeye ahanini ku kamenyero bimenyereje mu bwana bwabo no mu bugimbi bwabo. Bakagombye kwimenyereza hakiri kare kubaha, kwitoza, kwiyanga no kwita ku munezero w'abandi. Bagomba kwigishwa gutegeka imiterere yabo ihubuka, gufata ijambo ryose ry'uburakari, bakaba iteka abanyarukundo, abanyarugwiro n'abitegeka.⁸

Ku mubyeyi umwe wangirijwe n'urukundo ruhumye: Guhera kera, mwaretse muyoborwa n'urukundo ruhumye, rutari ikindi usibye urukundo rubi. Biroroshye gufatana ku ntugu ariko ntimwari mukwiriye gushyigikira ibyo bimenyetso by'urukundo keretse gusa bishyigikiwe no kumvira kuzuye. Ubunenganenzi bwanyu, gusuzugura kwanyu amabwiriza y'Imana ni ubwicanyi bubu. Mushyigikira kandi mugashakira inzitwazo kutumvira muvuga muti: "Umuhungu wanjye arankunda." urukundo nk'urwo ruraciriritse kandi nta gaciro rufite. Urukundo nyakuri rugomba kuyobora mu muryango nta gaciro rugira keretse gusa ko rugaragarira mu kumvira...

Niba mukunda imitima y'abana banyu, mushikamane nabo. Ariko mwahumishijwe n'ibimenyetso by'ubugwaneza bigaragarira inyuma gusa kandi barabizi. Ibyo bimenyetso mubihe agaciro gake, ahubwo wimbike kandi ugaragaze ibigize urukundo nyakuri. Anga

ibyho bimenyetso bitagira ishingiro kandi by'uburyarya mu gihe cyose bitereshejwe kumvira no kubaha amabwiriza yawe.9

Ntimukagaragaze yaba urukundo ruhumye cyangwa gukariha birenze urugero: Niba tutari ingaruzwamuheto z'urukundo ruhumye, ntituri n'ingaruzwamuheto zo gukariha birenze urugero. Abana ntibazanwa kuri Kristo ku mbaraga. Bashobora kuyoborwa nta gahato karimo. Yesu yaravuze ati: "Intama zanjye zumva ijwi ryanjye, ndazizi kandi zirankurikira" ntiyavuze ati: intama zumva ijwi ryanjye kandi nziyoborana imbaraga mu nzira yo kubaha. Uburezi bugomba kugira ikimenyetso cy'urukundo.

Ababyeyi ntibagomba gukomeretsa na rimwe abana babo binyuriye mu bukonje bwabo n'amategeko yabo atarimo ubwenge. Gukariha bisunikira imitima mu nshundura za Satani.10

Imbaraga y'ubutegetsi bufatanije n'urukundo igomba kudushoboza guhagaraga dushikamye kandi tukagira ubugwaneza mu buyobozi bw'umuryango. Birahagije gusa ko intego yacu iba iyo guhesha Imana icyubahiro no kwarura abana bacu mu nzira y'ikibi no kutagitera inkunga.11

Gukariha ntibitera kumvirwa: Ntihakagire n'umwe wibwira ko gukariha no gusharira bikenewe kugira ngo yubahwe. Nabonye ingo ziyobowe neza zitarangwagamo no kubwirana no kurebana nabi. Nagiye mu yindi miryango aho amategeko yose yatangwaga mu ijwi rya gitegetsi kandi urutoto ruhoraho n'ibihano bishaririye ari byo byayoboraga kenshi. Mu muryango wa mbere abana biganaga ababyeyi babo, kandi byari ingume ko bavuganaga hagati yabo bafite gukariha. Mu muryango wa kabiri urugero rw'ababyeyi rwakurikizwaga neza n'abana; amagambo akomeretsa ashaririye, kunengana n'intonganya byahumvikanaga kuva mu gitondo kugeza ni mugoroba.12

Amagambo ababaza abyara ubwoba kandi akarandura urukundo mu mutima; nayo akwiriye kwirindwa. Aho kubyutsa mu muryango ubwoba bubu, umugabo w'umunyabwenge, ufite urukundo kandi utunganye azababera icyanzu cy'urukundo mu muryango. Niba tunywere ku isoko y'amazi y'ubugingo, izaduha amazi meza atagira ubusharire na buke.13

Amagambo akarishye ababaza umutima kandi agakomeretsa imitima y'abana kandi inshuro nyinshi ibyo bikomere bitinda gukira.

Abana babazwa no gukiranirwa guto; kandi bamwe muri bo bikabaca intege, bikarangira batagitega amatwi ijwi rikomeye kandi rirakaye ribategeka, kandi na none bikarangira batakibabazwa n'igihano icyo ari cyo cyose wabahanisha.14

Biteye akaga gucyahana ubukana bwinshi amafuti yoroheje. Ukunenga gukarishye cyane, amategeko atarangwamo imbabazi na nke biyobora mu gusuzugura amategeko ayo ari yo yose kandi buhoro buhoro, abana barezwe batyo bazagaragaza kutubaha n'amategeko ya Kristo.15

Garagaza gushikama kudahinduka n'ubutware butajegajega: Abana bafite imiterere ikabakabwa kandi yo gukunda. Ushobora kubahindura mu buryo bwihuse abanezerewe cyangwa ababaye. Nyina w'abana ashobora kwireherezaho imitima y'abana be binyuriye mu kubatoza ku rugero, mu magambo no mu bikorwa byuzuye urukundo. Kuba umunyabukana cyane n'umunyagitugu cyane ku bana ni ifuti rikomeye cyane. Gushikama guhoraho n'ubutware butajegajega ni ingenzi ku migendere myiza ya buri muryango. Mugaragaze mwitonze ibyo mushaka kuvuga, mukorane amakenga kandi mukore icyo mwagambiriye gukora ariko nta na kimwe muhindutseho.

Muzashobora kugaragariza urukundo abana banyu. Reka ubunenganenzi bwanyu ntibubatere kubarekera mu mikino yabo, mu bibanzeza no mu bibatera agahinda by'abana. Ntimukemere kugira mu maso hijimye kandi ntimukemerere akanwa kanyu gusohokamo amagambo akarishye. Imana yandika ibyo byose mu gitabo cy'urwibutso.16

Ntibihagije gucyaha no kuburira: Bene data nkunda, nk'itorero mwirengagije mu buryo buteye agahinda inshingano zanyu mufite ku bana n'abasore. Mu gihe mubaha amabwiriza n'amategeko, mwagombaga kubagaragariza imiterere y'umukristo mu mico zanyu kandi ntimugaragaze uruhande rwa Satani. Abana bakeneye guhora bitabwaho no kugirirwa impuhwe. Mwireherezeho imitima yabo kandi mubabwire iby'urukundo rw'Imana cyane kuruta gutinya Imana. Ababyeyi ntibazashobora kuyobora bagenzi babo mu gihe bazaba batazi kuyobora imico yabo bwite. Ntibihagije gucyaha no kuburira abana banyu. Mugomba na none kwiga gukorana gukiranuka n'urukundo, no kugendana n'Imana mwicishije bugufi.17

Inama ku mubyeyi w'umwana w'umunyabushake:

Umwana wawe si umutungo wawe, ntushobora kumukoresha [310] uko wishakiye kuko ari umutungo w'Imana. Mwhiteho ubudatuza, umubwire ko ari uw'Imana. Ku bw'ubwo burezi igihe azakura azaba umugisha ku bamuzengurutse. Ariko bizagusaba kugira amakenga menshi kugira ngo ucubye ibyiyumviro bye byo gushaka kubayobora mwembi no gukora mukurikije ubushake bwe.18

Ubuyobozi butajegajega kandi bushikamye: Neretswe ko imiryango myinshi igenda idandabirana kubera ko umuyobozi wayo yayitwazaga igitugu mu gihe ibintu byose byagakozwe mu bwumvikane iyo yita ku nama n'ibyiyumviro bya bose.19

Ubuyobozi butagira gushikama mu muryango buteza ingorane nyinshi zikomeye; mu by'ukuri ni bubi kuruta uko butabaho. Ikibazo cyibazwa ni iki ngo, kubera iki abana b'ababyeyi bizera kenshi baba intumva, abashizi b'isoni n'ibygomeke. Ibyo bikomoka ku burezi bakomoye iwabo. Kenshi, ababyeyi ntibemeranya ku miterere y'ubuyobozi bw'umuryango.20

Ubuyobozi bujegajega: -Igihe kimwe baba bashikamye ku kubaha amabwiriza, ikindi gihe ugasanga batubahiriza ibyo babuzaniye- buteza akaga ku mwana.21

Itegeko rusange rireba ababyeyi n'abana: Imana ni yo mushingamategeko n'umwami wacu, kandi ababyeyi bagomba kubaha amategeko yayo. Ayo mategeko abuza ababyeyi guhata abana kandi akabuza abana gusuzugura ababyeyi babo. Umukiza yuzuwe n'urukundo, imbabazi n'ukuri. Itegeko rye rirera, ni iry'ukuri kandi ni ryiza, kandi rigomba kumvirwa n'ababyeyi kimwe n'abana. Amategeko agomba kuyobora imibereho y'ababyeyi n'iy'abana akomoka mu mutima w'urukundo rutagira akagero, kandi imigisha ikungahaye y'Imana izakwira ku babyeyi bashyira mu bikorwa itegeko ryayo mu ngo zabo no ku bana bazaryumvira. Tugomba kumvamo ubushobozi bw'inkubwe ebyiri bukomoka mu mbabazi n'ubutabera. "imbabazi n'umurava birahuye, gukiranuka n'amahoro birahoberanye." Imiryango yumvira iryo hame bazagenda mu nzira y'Uwiteka bakorana ubutabera n'amakenga.22

#	IBITABO BYAKORESHEJWE GIFA- RANSA	MU	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGE- REZO
1	Manuscrit 4, 1893		Manuscript 4, 1893
2	Fundamentals of Christian Education, P.67		Fundamentals of Christian Education, P.67
3	Lettre 74, 1896		Letter 74, 1896
4	Manuscrit 80, 1898		Manuscript 80, 1898
5	Review and Herald, 13 Mars 1894		Review and Herald, 13 Mars 1894

6	Signs of the Times, 24 Novembre 1881		Signs of the Times, 24 November 1881
7	Lettre 47 a, 1902		Letter 47 a, 1902
8	Fundamentals of Christian Education, P.67		Fundamentals of Christian Education, P.67
9	Lettre 52, 1886		Letter 52, 1886
10	Review and Herald, 29 Janvier 1901		Review and Herald, 29 January 1901
11	Manuscrit 24, 1887		Manuscript 24, 1887
12	Signs of the Times, 11 Mars 1886		Signs of the Times, 11 Mars 1886
13	Lettre 8 a, 1896		Letter 8 a, 1896
14	Testimonies for the Church, vol.3, P.532		Testimonies for the Church, vol.3, P.532
15	Manuscrit 7, 1899		Manuscript 7, 1899
16	Testimonies for the Church, vol.3, P.532		Testimonies for the Church, vol.3, P.532
17	Testimonies for the Church, vol 2 P 621		Testimonies for the Church, vol 2 P 621

18	Lettre 69, 1896	Letter 69, 1896
19	Testimonies for the Church, vol.4, P.127	Testimonies for the Church, vol.4, P.127
20	Signs of the Times, 9 Février 1882	Signs of the Times, 9 February 1882
21	Lettre 69, 1896	Letter 69, 1896
22	Manuscrit 133, 1898	Manuscript 133, 1898

ICYIGWA CYA 53: INGABO Y'UBUMWE Y'UMUTAMENWA

Inshingano zigomba gusangirwa: Binyuriye mu bumwe bwuzuye no mu masengesho niho umugabo n'umugore bagomba kwikorera inshingano ziremereye zigizwe no kuyobora abana babo mu nzira nziza. 1

Ababyeyi bagomba gukorera hamwe nk'itsinda. Nta macakubiri agomba kuba hagati muri bo. Ariko ababyeyi benshi bakora barwanyana kandi abana bakagerwaho n'ingaruka z'amakosa yabo.... Bijya bibaho ko umwe muri bo aba uworoheje cyane undi akaba inkarishyi cyane. Iyo myitwarire igira ingaruka mbi mu irema mico ry'abana. Ntibikenewe cyane gukoresha imbaraga zihubukiweho kugira ngo hakorwe ubugorozi ku ngingo runaka, ariko na none ntihakenewe kugaragaza impuhwe zirenze. Nyina w'abana ntakwiriye guhisha amafuti y'abana ise, no kubemerera gukora ibyo se yababujije. Ntagomba kubiba ishidikanya na rito mu ntekerezo z'abana abatera kwanga imyanzuro yafashwe na se. ntagomba na rimwe, binyuriye mu mikorere ye, gukoma mu nkokora icyitegererezo cy'umugabo.2

Umugabo n'umugore nibabusanya kandi nibakora barwanyana, umwe arwanyana icyitegererezo cy'undi, umuryango uzahungabana; yaba umugore cyangwa umugabo ntibazagira icyubahiro cyangwa ngo bagire icyizere gikenewe mu gutuma urugo ruyoborwa neza... Abana bihutira gutahura icyatuma amategeko n'amabwiriza agenga umuryango bita agaciro kandi by'umwihariko ababuza umudendezo.3

Umugabo n'umugore bakwiriye gushyira hamwe kugira ngo bashobore kurera abana babo; buri umwe muri bo agomba gukora uruhare rwe, asobanukiwe imbere y'Imana inshingano imureba yo kurera abana be mu buryo bakwiringira uko bakora kose kugira amagara mazima n'imico itunganye.4

Uko gukora amakosa byigishwa: Hari abagore benshi b'abanyanteye nke bemerera abana babo gukora amakosa atakwihanganirwa, kandi na none bakayahisha umutware w'urugo. Ku birebana no kwitaka cyangwa ibindi, nta na kimwe ababuza keretse azi ko se ari bubimenye kuko azi ko yabirwanya.

Bityo bakaba bigishije abana kubeshya. Nyuma se w'abana yabimenya, batangira gusaba imbabazi ariko bakavuga ukuri kw'igice. Ni ukubura ubupfura ku ruhande rw'umugore: aba yibagiwe ko umugabo yita kubana kimwe na we kandi ko adakwiriye guhishwa amafuti yabo n'amakosa akwiriye kubakosora uhereye mu buto bwabo. Abana bakamenya kutumvikana kuri hagati y'ababyeyi babo n'ingaruka bibyara. Abana bagatangira kubeshya no guhisha ibyo bakoze, ntibavuge ibintu uko biri yaba kuri nyina kimwe no kuri se; batangira gufata akamenyero ko gukabya, ko kubeshya, ko kuba indyarya no guhemuka, nta mutimanama ubabuza amahoro.

Ikibi cyatangiyeye igihe umugore yahishaga umugabo we kandi nawe arebwa n'imico y'abana be. Yagakwiriye kubwizwa ukuri kandi akabwirwa ibintu uko biri. Kugaragaza kutumvikana bitera abana kugira akamenyero ko kubeshya, k'uburyarya no kutaba inyangamugayo.5

Ababyeyi b'abakristo bagakwiriye gufata nk'ihame kumvikana ku birebana n'uburezi bw'abana babo. Bamwe bacumura kuri iyi ngingo: nta bumwe bagirana. Guteta kw'abana no gukora amafuti yose kenshi bikomoka ku mafuti ya se ariko cyane ku ya nyina. Imirimo ikura umugabo kenshi mu rugo kandi umugore we ni we ugira ingaruka nyinshi ku bana; icyitegererezo cye gifite uruhare rukomeye mu irema mico ry'abana.6

Abana bahungabanywa n'amacakubiri ari mu babyeyi babo: Umuryango ugomba kuyoborwa neza. Umugabo n'umugore bashyize hamwe bagomba gutekereza ku nshingano zabo kandi bakuzuzwa inshingano zabo bazi impamvu. Nta kutumvika kugomba kugaragara hagati muri bo. Reka umugabo n'umugore ntibakanenge igenamigambi ryabo n'imyanzuro bifatiye imbere y'abana babo.

Niba umugore ataragira inararibonye ihagije mu kumenya Imana, yakagombye kwiga impamvu n'ingaruka z'uburezi atanga kugira ngo amenye niba bitaba isoko yo kongera ibibazo umugabo we ahura na byo mu murimo akora wo gukiza abana be. Mbese nkurikira inzira z'Uwiteka? icyo gikwiriye kuba ikibazo cy'ingenzi.7

Niba ababyeyi batumvikana ku ngingo runaka, nibayijyeho impaka batarikumwe n'abana kugeza ubwo bayumvikanaho.8

Kenshi ababyeyi ntibumvikana ku miyoborere y'umuryango. Umugabo ubana gake n'abana be kandi akaba atazi imiterere

yihariye ya buri mwana n'imyifatire yabo arakariha. Ntazi kwiyobora no kwitegeka mu gihe yarakaye. Umwana azi ibyo kandi aho kumvira, yanga igihano. Rimwe umugore yirengagiza amafuti runaka mu gihe ikindi gihe ayahanira yihanukiriye. Abana ntibazi uko bifata kandi bagerageza kubara aho bashobora kujya ntibahanwe. Uko niko tubiba imbuto mbi zizamera kandi zikera imbuto.9

Niba ababyeyi bahuriye hamwe muri uyu murimo wo kurera, umwana azasobanukirwa icyo ategerejweho. Ariko umugabo binyuriye mu ijambo cyangwa mu ndoro, agaragaje ko atemera imikorere y'umugore we; niba abona ko adakurwa ku ijambo kandi ko agomba kumugaragariza ko atanyuzwe na byo anyuriye mu gukariha no kugaragariza impuhwe zirenze abana be no kubatetesha, uyu mugabo aba yayobye. Azasobanukirwa byihuse ko agomba gukora ibyo ashaka. Ababyeyi bakorera abana babo iri futi bazabazwa kurimbuka kw'imitima yabo.10

Abamarayika bitegereza buri muryango wose babyitayeho bashaka kureba uko abana bafatwa n'ababyeyi babo, n'abarezi n'inshuti zabo. Abamarayika ni abahamya b'imiyoborere mibi iba mu rugo rurangwamo no kutumvikana k'umugabo n'umugore.

Indoro, amagambo n'inyitso y'ijwi by'abagabo n'abagore byose bigaragaza ko batumvikana mu kurera abana babo. Umugabo anenga umugore, kugeza ubwo abana bazasuzugura ubugwaneza n'urukundo nyina abagirira. Nyina w'abana, we agashaka kugaragariza urukundo abana be, kubatetesha no kubanezeza, kuko atekereza ko se akarishye kandi ko atihangana kandi ko agomba gucubya gukariha yagaragaje.11

Musenge cyane kandi mutekereze mutuje: urukundo ntirwaramba, yemwe no mu ruziga rw'umuryango mu gihe ubushake bwa kimuntu butumvira ubushake bw'Imana. Ubushobozi bwose n'ibiyumviro byose bigomba kuba bihuje neza n'imico ya Yesu Kristo. Niba mu rukundo no mu kubaha Imana, umugabo n'umugore bahuriza hamwe inyungu zabo kugira ngo bayobore neza urugo rwabo, baziyumvamo amakene yo gusenga cyane no gutekereza byimbitse. Uko bazashakisha Imana, amaso yabo azahweza kandi bazabona intumwa mvajuru zije kubarinda nk'igisubizo cy'amasengesho yabo y'urudaca asenganywe kwizera. Bazanesha intege nke zo mu mico yabo kandi bazerekeza ku gutungana.12

Imitima igomba guhuzwa n'imirunga yera y'urukundo:
 Babyeyi, muhuzishe imitima yanyu imirunga yo gushyikirana n'umunezero. Ntimugakurire mu kutumvikana, ahubwo mwegerane biruseho; bityo nibwo muzaba mwiteguye kwireherezaho imitima y'abana banyu mukoresheje imirunga yera y'urukundo.13

Mukomeze kubibira iki gihe n'igihe cy'iteka. Ijuru ryose ryitegereza imihati yose ikoreshwa n'ababyeyi b'abakristo.14

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	Counsels to Teachers, Parents, and students, P.127	Counsels to Teachers, Parents, and students, P.127
2	Review and Herald, 30 Mars 1897	Review and Herald, 30 March 1897
3	Review and Herald, 13 Mars 1894	Review and Herald, 13 March 1894
4	Pacific Health journal, Avril 1890	Pacific Health journal, April 1890

5	Témoignages pour l'Eglise, vol. 1, P.53	Testimonies for the church vol 1 p 156, 157
6	Témoignages pour l'Eglise, vol. 1, P.52, 53	Testimonies for the church vol 1 p 156,
7	Manuscrit 79, 1901	Manuscript 79, 1901
8	Review and Herald, 30 Mars 1897	Review and Herald, 30 March 1897
9	Signs of the Times, 11 Mars 1886	Signs of the Times, 11 March 1886
10	Review and Herald, 13 Mars	Review and Herald, 13 March
11	Manuscrit 36, 1899	Manuscript 36, 1899

12	Review and Herald, 15 Septembre 1891	Review and Herald, 15 September 1891
13	Review and Herald, 15 Septembre 1891	Review and Herald, 15 September 1891
14	Review and Herald, 15 Septembre 1891	Review and Herald, 15 September 1891

ICYIGWA CYA 54: IYOBOKAMANA MU MURYANGO

Ubusobanuro bw'iyobokamana ryo mu muryango: Gushyira mu bikorwa iyobokamana mu muryango bigizwe no gukuza abana mu kumenya no kubaha Imana. Buri umwe mu bagize umuryango agomba kwigaburira inyigisho za Kristo, kandi inyungu za buri mutima ni ukurindwa neza, kugira ngo Satani adashobora kuwuyobya no kuwutandukanya na Kristo. Uru ni urugero buri muryango wose ugomba kwihatira kugeraho. Buri umwe mubawugize agomba kwiyemeza kutazigera ananirwa inshingano ye kandi ko atazigera acika intege. Igihe ababyeyi bigisha abana babo bari maso kandi bashikamyeye, nibabarerere guhesha Imana icyubahiro, baba bakorana n'Imana mu gukiza imitima y'abana Kristo yapfiriye.1

Inyigisho z'iyobokamana zifite agaciro kanini kuruta inyigisho za gipagani. Ibyo bisobanuye ko mugomba gusengana n'abana banyu, mukabigisha uko bakwegera Yesu kandi bamubwire ibyo bakennye byose. Ibyo bisobanuye ko mu buzima bwanyu Yesu ari byose kuri mwe kandi ko urukundo rwe rubatera kwihangana, kuba abanyarukundo n'abanyempuhwe ariko ko mushikamyeye ku mabwiriza muha abana banyu nk'uko byari bimeze kuri Aburahamu.2

Uko mwitwara mu rugo rwanyu byandikwa mu bitabo byo mu ijuru. Ushaka kuzaba umwe mu bera bo mu bwami bwo mu ijuru agomba kubanza kwitwara nk'uwera mu muryango we. Niba ababyeyi babaho nk'abakristo nyakuri mu muryango wabo, bazaba n'abizera b'ingirakamaro mu itorerero; bazashobora kuzaza inshingano z'itorero n'iza rubanda neza nk'uko bayobora neza umuryango wabo. Babyeyi, icyampa iyobokamana ryanyu ntiribe irinyamuhango ahubwo ribe iry'ukuri.3

Iyobokama rikwiriye kuba umugabane w'uburezi butangirwa mu muryango: Iyobokamana ryo mu muryango ryirengagizwa mu buryo buteye agahinda. Abagabo n'abagore bishimira cyane umurimo wa kure. Bisanzura birenze urugero kandi bakihumuriza bibwira ko ibyo bakora mu murimo w'Imana bizatsindishiriza icyitegererezo kibi batanga ku ngo zabo. Ariko ingo zabo ni umurima w'ibwirizabutumwa batasimburwaho n'undi, kandi Imana nta rwitwazo na ruke yemera rwatuma birengagiza kuwukoramo.4

Urugo iyobokamana rishyirwa mu bikorwa ni umugisha nyakuri. Iyobokamana rizashoboza ababyeyi kuzuza umurimo nyakuri w'ibwirizabutumwa Imana yabashinze. Abana bazarererwa mu kubaha no mu kumvira Imana.⁵

Niba abasore bo muri iki gihe batita ku by'iyobokamana, ni ukuvuga ko iyobokamana ryirengagijwe kuri iyi ngingo. Si urukundo nyakuri kwemerera abana bacu guhaza ibyifuzo byabo no kutabahanira gusuzugura amategeko yacu. Kimwe nk'uko igiti kitagorowe kigondama.⁶

Kugira ngo iyobokamana rigire imbaraga muri rubanda, rigomba kugira imbaraga mu muryango. Iyaba abana batozwaga gukunda no kubaha Imana mu rugo; igihe bazinjira mu buzima bazaba biteguye kuyobora imiryango yabo mu nzira y'Imana; amahame y'ukuri azashimangirwa muri rubanda kandi imbaraga zayo zizahigaragariza. Iyobokamana ntirishobora gutandukanywa n'uburezi bwo mu muryango.⁷

Iyobokamana ryo mu rugo ni ingenzi cyane kurusha iryo mu itorerero: Ubukungu bw'itorero bushingiye ku mibereho yo mu rugo. Imbaraga iyobora imibereho yo mu rugo ni nayo iyobora iyo mu itorerero; niyo mpamvu inshingano zo mu itorerero zigomba guhera mu rugo.⁸

Nitugira imibereho myiza y'iyobokamana i muhira, [319] amateraniryo yacu na yo azaba anejeje. Ubuyobozi bw'umuryango wanyu mubufate neza kandi mu bwegurire Imana; ibirenzeho, mukore kandi muvuge nk'abakristo iwanyu i muhira.

Mube abagira urukundo, mwihangane, mube beza kandi mwiyoroshye muzi neza ko muri abarezi. Buri mugore wese ni umwigisha ariko buri umwe akwiriye kuba umwigishwa mu ishuri rya Kristo, kugira ngo bige uko bakwigisha abana babo, kugira ngo bareme muri bo intekerezo zo gutungana.⁹

Iyo nta mibereho ya gikristo i muhira, ibyizerwa twiringira nta gaciro byagira... Benshi baribeshya igihe batekereza ko imico yabo izahinduka ku kugaruka kwa Kristo, ariko nta mutima n'umwe uzahinduka igihe azatunguka. Ubu ni cyo gihe cyo kwihana amafuti yo mu mico yacu kandi tukayanesha dufashijwe na Kristo, mu gihe igihe cy'imbabazi kikiriho. Aha ku isi niho twitegurira kuba abagize umuryango wo mu ijuru.¹⁰

Birakwiye kubaho iwawe bihuje no kwizera kwawe. Iyo amagambo tuvugira i muhira aba ayo atarakwiriye kuba yo, ubuhamya dutanga mu itorero ntibuzagira agaciro. Niba mutagaragaza ubugwaneza, ubugiraneza, kwiyoroshya n'urugwiro iwanyu, iyobokamana ryanyu rizaba ari imfabusa. Iyaba mu miryango hari ubukristo bwimbitse, mu itorero habonekamo imbaraga nyinshi.11

Ni ikosa rikomeye gushyira ku ruhande inyigisho z'iyobokamana: Biteye akaga gakomeye kureka abana bagakura batazi Imana.12

Ababyeyi bakora ikosa rikomeye cyane, iyo birengagiza kwigisha iby'iyobokamana abana babo bibwira ko nyuma y'igihe runaka bazabiha agaciro kandi ko igihe bazaba bamaze kuba bakuru, bazifuza kugira inararibonye y'ibiyobokamana. Babyeyi, mbese ntimubona ko nimutabiba mu mitima yabo imbuto y'agaciro y'ukuri, y'urukundo n'amabwiriza mvajuru ko Satani we azahabiba urukungu?13

Kenshi ababyeyi bareka abana bagakura nta yobokamana bagira, kuko batekereza ko bakiri bato, ko batashobora kuzuzanya inshingano za gikristo... Igihe cyose nabo ari abagize umuryango, ikibazo kirebana n'inshingano z'abana mu by'iyobokamana nta gukekeranya na guke kigomba gushakirwa umuti. 14

Babyeyi muhagarare mu mwanya w'Imana hafi y'abana bayo kugira ngo mubabwire mushikanye kandi mwitegeka ibyo bagomba gukora n'ibyo badakwiriye gukora. Imihati yose mukoresha ku bwabo mwuzuye ubugwaneza no kwitegeka bizateza mu mico yabo ibitera ubushake no gufata imyanzuro... Ababyeyi bafite inshingano yo kwigisha hakiri kare iyi ngingo, ku buryo umwana atazigera na rimwe atekereza kwica isabato, cyangwa gusuzugura igicaniro cy'umuryango cyangwa gukorakora. Umurongo ntarengwa ugomba gucibwa n'ikiganza cy'ababyeyi ubwabo.15

Uhereye mu bwana niho uburezi bwiza buhuje n'amahame ya Kristo bugomba gushyirwaho no gukurikizwa neza. Igihe imitima y'abana igikabakabwa niho bagomba kubwirwa ibirebana n'ukuri kw'iteka ryose. Ababyeyi bagomba guhora iteka bibuka ko babaho, bakavuga kandi bagakorera mu maso y'Imana.16

Babyeyi, mbese mukora mute? Mutekereza ko mu by'iyobokamana abana bakwiriye guharirwa umudendezo usesuye bakikorera ibyo bishakiye? Mbese muzabareka nta kubaha inama cyangwa kubahana mu bwana bwabo no mu bugimbi bwabo? Mbese muzabemerera gukomeza gukora ibyo bishakiye? Niba ari uko bimeze, musuzugura inshingano Imana yabahaye.17

Inyigisho muzihuze n'imyaka y'abana: Mu gihe abana bakiri mu myaka yo kumva, ababyeyi bagomba kubabarira amateka ya Yesu kugira ngo bashobore kumenya ukuri kw'agaciro kurebana n'umwana w'i Betelehemu. Mubinjizemo ibitekerezo byo kwera koroheje gukwiranye n'imyaka yabo n'ubushobozi bwabo. Binyuriye nu ^[321]masengesho, abana banyu mubayobore kuri Yesu, kuko yabahaye ubushobozi bwo kwiga ingingo z'iby'iyobokamana nk'uko biga kuvuga.18

Igihe bakiri bato, abana bashobora gufata icyitegererezo cy'ijuru. Imana ibitaho by'umwihariko kandi iyo barezwe batinya kandi bubaha Imana, bahinduka ubufasha aho kuba inkomyi ku babyeyi babo.19

Ababyeyi bakwiriye kwita ku iyobokamana ryo mu rugo rwabo: Umugabo n'umugore bafite inshingano yo kurinda iby'iyobokamana i muhira.20

Umugore ntakananizwe n'imirimo myinshi imubuza guharirira igihe ku kwita ku makene y'iby'umwuka mu muryango. Reka ababyeyi basabe Imana ngo ibayobore mu mirimo yabo. Bapfukamyeye imbere yayo, bazahakura gusobanukirwa neza inshingano zabo. Bityo bashobora kuragiza abana babo wa Wundi utajya wibeshya mu nama Ze no mu nyigisho Ze...

Umutware w'urugo ntakwiriye guharira umugore we, inshingano zose zo kwigisha iby'iyobokamana. Ni umurimo ukomeye kandi buri wese agomba gukora uruhare rwe mu gutegura abana babo ku muni ukomeye w'urubanza.21

Babyeyi muhorane abanyu igihe musohoza inshingano z'iyobokamana. Mubakomereshye ikiganza cyo kwizera kwanyu kandi mubegurire Kristo. Ntihakagire na kimwe kibatera guhunga inshingano ibareba yo kurera abana banyu neza; ntihakagire inyungu y'iby'isi ibatera kubyirengagiza. Imibereho yanyu ya gikristo na yo ntikabatandukanye na bo. Mwembi mubayobore ku Mukiza kandi mubamenyereze ukuri mvajuru. Mubahe akanya ko gushyikirana n'abakunda Imana. Mubahuze n'ubwoko

bw'Imana nk'abana mushaka gufasha kubaka imico izababashisha kugira ubugingo buhoraho.22

Iyobokamana mu rugo ni iki ritageraho? Niryo rizakora umurimo Imana yifuza kubona usohozwa muri buri muryango. Abana bazarererwa mu kumenya no mu kubaha Umukiza. Bazigishwa kandi barererwe kuba abagize umuryango w'Imana atari ab'isi.23

Abana bategereje ku babyeyi babo imibereho idahindagurika:

Byose bisiga ikimenyetso mu ntekerezo z'abasore. Bitegereza imyitwarire y'ababyeyi babo, bakagerwaho n'ingaruka z'amajwi yabo kandi bakigana neza imyitwarire yabo. Ababyeyi bahora bahekenya amenyo baba bigisha abana babo ibyigisho bibi mu gihe runaka bizabagora gucikaho ku giciro icyo ari cyo cyose. Abana bagomba kubona imibereho y'ababyeyi babo ihuje no kwizera kwabo. Mu kugira imibereho idahindagurika no kwitegeka niho ababyeyi bashobora guteza imbere imico y'abana babo.24

Imana yubaha urugo rurimo gahunda: Abagira Imana nya mbere mu muryango wabo, abigisha abana babo ko kubaha Imana ari ishingiro ry'ubwenge, bahesha Imana icyubahiro imbere y'abamabarika n'imbere y'abantu bamurikira isi umuryango uyobowe neza kandi ukunda Imana ndetse ukayubaha aho kuyigomekaho. Kristo si umunyahanga mu rugo rwabo, izina rye ni izina ry'umuryango, ryererezwa kandi ryubahwa. Abamarayika bishimira kuba mu rugo Imana ari umwigisha mukuru, n'aho bigisha abana kubaha iyobokamana, Bibiliya n'Umuremyi. Imiryango nk'iyi ishobora kwitirirwa iri sezerano: "abanyubaha nibo nzubaha." 25

Uko bugururira amarembo y'umuryango Kristo: Iyo Kristo atuye mu mutima, yinjizwa mu muryango. Abagabo n'abagore basobanukirwa agaciro ko kubaho wumvira umwuka wera, kugira ngo abamarayika bo mu ijuru bakora "Umurimo w'abazaragwa agakiza" bashobore kubigishiriza mu miryango yabo no kubashoboza kurera abana babo. Birashoboka kugira itorero rito ryubaha kandi rihesha icyubahiro Umucunguzi i muhira.26

Iyobokamana ni ribe irireshya: Muhindure imibereho ya gikristo ikintu kireshya. Muvuge iby'ubwami abakurikira Kristo bazabamo. Nimukora ibyo, Imana izayobora abana banyu mu kuri kose, kandi izabaha ibyifuzo byo kugera ku rugero rushyitse ruzababashisha gutura mu mazu Kristo yagiye gutegurira abamukunda bose.27

Ababyeyi ntibagomba kwemerera abana kugira iyobokamana ry'umuhango ahubwo bagomba kwihatira kubagaragariza amahame y'iteka nk'ukuri kureshya.28

Binyuriye mu mucyo wo mu maso habo, mu rugwiro rwabo rwa gikristo n'urukundo rwabo rwumva abandi, ababyeyi bagomba kwizirika ku iyobokamana rya Kristo. Bagomba gusaba abana kugira kubaha no kumvira. ni ngombwa gucengeza mu mwana amahame meza.29

Abasore bagomba guterwa akanyabugabo ko gukora ibyiza. Ariko ifeza na zahabu ntibihagije mu gukora ibyo. Tubahishurire urukundo, imbabazi n'impuhwe za Kristo, agaciro gakomeye k'ijambo rye n'umunezero ubukiwe abaneshi. Mu kwigisha mutyo, muba mukora umurimo uzahoraho iteka ryose.30

Kubera iki ababyeyi bamwe batsindwa?: Nubwo bavuga ko ari abakristo, ababyeyi bamwe ntibasobanurira abana babo ko bagomba kumvira Imana no kuyikorera, kandi ko ibinezeza byabo, ibyifuzo cyangwa umunezero mwiza wabo n'ibyo babogamiramo bitagomba gukoma mu nkokora uburenganzira Imana ibafiteho. "Kubaha Imana ni ishingiro ry'ubwenge." Iri hame rigomba guharaturwa neza mu mibereho yabo no mu mico yabo. Ni ngombwa guharatura mu ntekerezo zabo imiterere nyakuri y'Imana, binyuriye muri Kristo wapfuye kugira ngo dushobore gukizwa.31

Babyeyi mbese mwatekereza ko nta gihe mufite cyo gukora ibyo byose; ariko mugomba kugifata mukora umurimo wanyu mu muryango wanyu, bitari ibyo ni Satani uzabunganira mu ntege nke zanyu. Mukure mu mibereho yanyu ikintu cyose kibabuza gukora neza izo nshingano, kandi murere abana banyu mukurikije amahame y'Imana. Ntimwite ku birebana n'ubutunzi, ahubwo mwishimire imibereho yoroheje, mugabanye amakene yanyu; ariko mu izina rya Kristo, ntimukirengagize uburezi bw'iyobokamana n'ubw'abana banyu. 32

Buri muntu mu bagize umuryango agomba kwiyegurira Imana: Amabwirizwa yahawe Mose mu gihe cya Pasika afite ubusobanuro bwimbitse; agomba gushyirwa mu bikorwa n'ababyeyi n'abana bo muri iki gihe....

Umugabo yagombaga kuba umutambi w'urugo rwe. Igihe yapfaga, n'imfura y'umuhungu we wagombaga gukora uwo muhango wari ukomeye wo gusiga amaraso ku nkomanizo z'umuryango. Iki ni igishushanyo cy'umurimo ugomba gukorwa muri buri muryango. Ababyeyi bagomba guhuriza hamwe abana babo mu ngo zabo maze bakabamurikira Kristo nka Pasika yabo. Umugabo agomba kwegurira Imana buri umwe mu bagize umuryango we kandi agakora umurimo washushanyaga umuhango wa Pasika. Ni akaga kurekera abandi bagakora uwo murimo ukomeye mu cyimbo cyawe.³³

Reka ababyeyi b'abakristo bafate imyanzuro yo kuba indahemuka ku Mana; nibateranirize abana babo mu ngo zabo kandi bashyire ku nkomanizo z'imiryango yabo amaraso ashushanya Kristo, yo yonyine afite ubushobozi bwo kurinda no gukiza kugira ngo malayika murimbuzi atagira icyo atwara uruziga rukundwa rw'umuryango. Mukore uko mushoboye kugira ngo isi ibone ko mu rugo rwanyu imbaraga irenze iya kimuntu ari yo ikoreramo. Ababyeyi nibagirane umushyikirano muzima n'Imana; nibahagarare iruhande rwa Kristo kandi bagaragaze binyuriye mu buntu bwe ibyiza byose byakorwa n'ubuhuze bwabo.³⁴

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	Manuscrit 24 b, 1894	Manuscript 24 b, 1894
2	Lettre 8a, 1896 2 3 4 5 6 7 8	Letter 8a, 1896
3	Manuscrit 53, non daté	Manuscript 53,
4	Signs of the Times, 23 Août 1899	Signs of the Times, 23 August 1899
5	Review and Herald, 13 Mars 1894	Review and Herald, 13 March 1894
6	Testimonies for the Church, vol.2, P.701	Testimonies for the Church, vol.2, P.701
7	Signs of the Times, 8 Avril 1886	Signs of the Times, 8 April 1886

8	Signs of the Times, 1er Septembre 1898	Signs of the Times, 1er September 1898
9	Manuscrit 70, non daté	Manuscript 70,
10	Signs of the Times, 14 Novembre 1892	Signs of the Times, 14 November 1892
11	Messages à la jeunesse, P.315	Message to the young people p 327
12	Signs of the Times, 23 Avril 1894	Signs of the Times, 23 April 1894

13	Signs of the Times, 6 Août 1912	Signs of the Times, 6 August 1912
14	Review and Herald, 13 Avril 1897	Review and Herald, 13 April 1897
15	Manuscrit 119, 1899	Manuscript 119, 1899
16	Review and Herald, 13 Mars 1894	Review and Herald, 13 March 1894
17	Review and Herald, 13 Mars 1894	Review and Herald, 13 March 1894
18	Signs of the Times, 27 Août 1912	Signs of the Times, 27 August 1912
19	Signs of the Times, 23 Avril 1912	Signs of the Times, 23 April 1912
20	Manuscrit 47, 1908	Manuscript 47, 1908
21	Lettre 90, 1911	Letter 90, 1911
22	Signs of the Times, 23 Avril 1912	Signs of the Times, 23 April 1912
23	Manuscrit 7, 1899	Manuscript 7, 1899
24	Testimonies for the Church, vol 4, P.621	Testimonies for the Church, vol 4, P.621

25	Témoignages pour l'Eglise, vol.2, P.158, 159	Testimonies for the church vol 5 p 424
26	Manuscrit 102, 1901	Manuscript 102, 1901
27	Review and Herald, 29 Janvier 1901	Review and Herald, 29 January 1901
28	Signs of the Times, 27 Août 1912	Signs of the Times, 27 August 1912
29	Review and Herald, 27 Juin 1899	Review and Herald, 27 June 1899
30	Manuscrit 93, 1909	Manuscript 93, 1909
31	Review and Herald, 24 Juin 1890	Review and Herald, 24 June 1890
32	Manuscrit 12, 1898	Manuscript 12, 1898
33	Review and Herald, 21 Mai 1895	Review and Herald, 21 May 1895
34	Review and Herald, 19 Février 1895	Review and Herald, 19 February 1895

ICYIGWA CYA 55: URUGERO RW'IBYUMWUKA

Satani ashaka guhindanya ihame ry'ubukwe: Wari umugambi wa Satani yari yarize neza mbere y'umwuzure guhindanya umuhango w'ubukwe; agaca intege ibisabwa muri wo, kandi akagabanya ukwera kwawo. Nta bundi buryo yari yizeye yajyaga gukoresha ngo yangirize ishusho y'Imana mu muntu, kandi ngo akingurire urugi ibyago n'ingeso mbi.1

Satani azi neza igikoresho agomba kurwanya mu mutima w'umuntu. Kubera ko yabyize abishishikariye mu gihe cy'imyaka ibihumbi byinshi, azi impande runaka zo mu mico yigarurira mu buryo bworoshye; kandi mu bisekuruza byinshi byagiye bikurikirana, yagiye agerageza kugusha abantu bakomeye, ibikomangoma mu Bisirayeli, akoresheje ibigeragezo nk'ibyageze ku ntego yabyo i Baali-pewoli. Mu bihe byagiye bikurikirana, habayeho abantu badafite imico ishikamye bagiye banyerera ku bitare byo kunezeza irari.2

Intambara mu Isirayeli: Ukwishyira ukizana ni icyaha cyakururiye urubanza rw'Imana kuri Isirayeri. Ukwiyubahuka kugaragazwa n'abagore gutuma imitima igwa mu bishuko ntikwarangiranye n'ibyabereye i Baalipewoli. Kabone nubwo ibihano byagwiriye abanyabyaha mu Isirayeli, icyo cyaha cyisububiyemo inshuro nyinshi. Satani yakoresheje imbaraga ze zose, kugira ngo acogoze ubwoko bw'Isirayeli.3

Ibyo intambara barwanye n'ibihugu n'imivumo ya Balamu bitashoboye gutwara Abaheburayo, ibikorwa byabo bwite byo kwiyandarika byabigezeho. Batandukanye n'Imana yabo. Uburinzi bari bafite bubakurwaho. Imana ihinduka umwanzi wabo. Abantu benshi b'ibimenywa bose, ibikomangoma n'abaciye bugufi bacumuzwa no guhaza irari ry'umubiri wabo kugeza ubwo icyo cyaha gihinduka icyaha rusange cy'ishyanga, gitera uburakari bw'Imana ku iteraniro ryose.4

Amateka ari kwisubiramo: Ubwo twegera iherezo ry'ibihe, nk'uko yabigenje kera, Satani azakoresheje ubushobozi bwe bwose n'ubushukanyi bumeze nk'ubwo yakoresheje mu Isirayeli ya kera mbere y'uko binjira mu gihugu cy'isezerano. Azatega imitego abavuga ko bakomeza amategeko y'Imana n'abegereje kugera ku rugabano rwa Kanani yo mu ijuru. Azakoresheje imbaraga ze zose kugira ngo agushe imitima mu nshundura

ze kandi atere abiyita abana b'Imana ahereye ku ntege nke zabo. Satani yamaramaje kugusha no kwanduza imitima anyuriye mu bishuko bye no mu mitima y'abantu batategetse irari ryabo ngo barisanishe n'ubushobozi bw'ikirenga bw'impagarike, bemereye intekerezo zabo kuyoborwa n'ibyifuzo byabo bya kamere n'iruba ryabo rya kinyamaswa. Satani ntiyita by'umwihariko ku bikoreho bitagira akamaro ahubwo imitego ye ayitega abantu ashobora gukoresha nk'abakozi be kugira ngo bayobye abantu maze babatere kugira umudendezo uciriweho iteka n'amategeko y'Imana. Abantu bafite imyanya yiringirwa, bigisha ibyo amategeko y'Imana asaba kandi mu kanwa kabo huzuyemo ibihamya byo kurengera ayo mategeko abo ni bo Satani atega iyo mitego ye. Abo ni bo imbaraga ze za kidaimoni azigabaho kandi ashoramo uburyo bwe bwose kugira ngo abaneshe ahereye ku ntege nke zo mu mico yabo, kuko azi neza ko uwishe itegeko rimwe aba ayatsembye yose. Bityo akaba yigaruriye umuntu wese. Intekerezo, umutima, umubiri n'umutimanama byose bikajyanwa ku kurimbuka. Niba ibyo bibaye ku ntumwa yo gukiranuka yahawe umucyo mwinshi, cyangwa Imana ikaba yaramukoresheje nk'igikoreho cyihariye mu murimo wo kwamamaza ukuri, intsinzi ya Satani iba ibaye nini cyane. Umwanzi aba anesheje naho Imana yo ikaba yubahutswe cyane.⁵

Gukora ibibi biriganje muri iki gihe: Neretswe imiterere y'isi muri iki gihe mu mashusho ateye ubwoba. ^[328] Ubukozi bw'ibibi ni gikwira ahantu hose. Ukwishyira ukizana ni icyaha kigwiriye muri iki gihe. Nta gihe na kimwe icyaha cyigeze cyigaragaza mu buryo buteye isoni nk'ubu. Ibitotsi byica bitwikiriye isi kandi abakunda ukuri n'ubugwaneza bari hafi gucika intege kuko babona ko gukiranirwa kumaze kuba gikwira muri iki gihe, ko kwafashe impande zose kandi gufite umwete. Kandi si mu batizera no mu bakobanyi gusa. Iyo bizaba kuba ari ibyabo gusa! Ariko ibiri amambu abakristo benshi nabo barabikora! Yemwe n'abavuga ko biringiye kandi bategereje kugaruka kwa Kristo ntibabyiteguye kurusha Satani. Ntibiyezaho imyanda yose. Biyeguriye mu busambanyi ku buryo ibitekerezo byabo bitaboneye no kwibwira kwabo kukaba guhindanye. Nibidashoboka ko intekerezo zabo zagarukira ku ngingo zera kandi ziboneye nk'uko utagerageza kubuza amasoko ya Niagara gutemba... Buri mukristo wese agomba kwiga gutegeka irari rye kandi akayoborwa n'amahame nyakuri. Ibitari ibyo, izina ry'umukristo ntiriyaba ridukwiriye.⁶

Urukundo rw'agahararo ruraganje. Abagabo bubatse bagirana agakungu n'inkumi n'abagore; abagore na bo wagira ngo bararozwe cyangwa ngo bataye ubwenge, ntibacyibaza ku by'umwuka no gutekereza neza, bakora ibyo ijamba ry'Imana n'ibihamya

by'umwuka w'Imana biciraho iteka. Bazi neza imiburo n'imicyaho, ariko ibyo ntibibabuza kujya mu nzira mbi abandi babanje gucamo. Wagira ngo bari gukina umukino wo kubayobya ubwenge, Satani abayobora mu kwirimbura, mu gushyira mu kaga umurimo w'Imana, ku kongera kubamba Umwana w'Imana no kumukoza isoni.⁷

Ubujiji, gukunda ibinezeza, kumenyera icyaha byangiriza umutima, umubiri n'intekerezo, byuzuza mu isi ibibembe by'iby'umwuka; malariya y'iby'umwuka igatsembe ibihumbi n'uduhumbagiza. Ni iki twakora ngo dukize urubwiruko rwacu? Twe twakora bike, ariko Imana nzima, iri ku ngoma ibasha gukora byinshi.⁸

Ubwoko bw'Imana bugomba kwitwara bitandukanye n'ab'isi: Gukora ibibi nta rubibi kuriho muri iki gihe cyo kwangirika ntikugomba kugenderwaho n'abigishwa ba Kristo. Agakungu kaboneka muri iki gihe ntikari gakwiye kubaho mu bakristo bitegura kuzabaho mu mibereho idapfa. Niba kwifuza, kwangirika k'ubwenge, ubusambanyi, ubugome n'ubwicanyi ari inkuru isanzwe mu batazi ukuri kandi banga kuyoborwa n'amahame y'ijambo ry'Imana, mbega ukuntu abavuga ko ari abigishwa ba Kristo, bafitanye umushyikirano n'Imana n'abamarayika bagakwiriye gutanga urugero rwiza kandi rwera! Ni ngombwa cyane, binyuriye mu kwera kwabo n'inyifato yabo kugaragaza itandukaniro riri hagati yabo n'abayoborwa n'irari rya kinyamaswa!⁹

Kurimbuka n'akaga bigenda byiyongera: Muri iki gihe cy'ubuhenebere, hazaboneka abantu benshi bahumishijwe n'icyaha ku buryo bazihitiramo gukora ibibajemo kuko ari byo bihuje n'ibyifuzo bibi bya kamere n'umutima wabo uhindanye. Aho kwirebera mu ndorerwamo y'amategeko y'Imana no kwisanisha n'amahame y'Imana, bemerera abakozi ba Satani kwimika amategeko ye mu mitima yabo. Abantu bamaze kwandura mu mutima biraborohera cyane kugoreka ibyanditswe kugira ngo batsindishirize gukiranirwa kwabo aho kuzibukira guhindana n'ibyaha byabo, ngo baboneze imitima n'ubuzima bwabo. Abantu nk'abo bagenda biyongera kuruta uko twibwira, kandi bazaba benshi uko turushaho kwegereza iherezo ry'ibihe.¹⁰

Iyo imbaraga iyobya ya Satani yigaruriye umuntu, Imana iribagirana, mu gihe umuntu wuzuyemo ibyifuzo bihindanye ashyirwa hejuru. Iruba

ryihishe rishyirwa mu bikorwa n'iyoy mitima nk'aho ari ugukiranuka. Ibyo ni nk'uburozi... Mu buyobe no mu iruba iteka harimo imbaraga yangiriza. Intekerezo zicura umwijima ntizongere gutekereza iby'ubwenge, kandi kwibwira kukazitandukanya ubudatuza no kwera. Amaso y'iby'umwuka acura umwijima kandi abantu batagiraga inenge mu mico yabo kugeza icyo gihe, bakayobywa n'ubucakura bw'abakozi ba Satani biyita ko ari intumwa z'umucyo. icyitegererezo batanga gikomoka ku bushobozi bwabo bwo kwizera ibitari byo. Iyo biyerekana nk'uko bari kandi bagahishura ibishuko bahangana na byo, bakabyirukanye nta gushidikanya ariko babanza gukora bashaka kwigarurira impuhwe n'icyizere cy'abandi, babigaragazaho nk'abantu b'Imana bera, bitangiye umurimo w'Imana nta nyungu bakeneye. Nk'intumwa za Satani zidasanzwe ubwo ni bwo bongera gukora umurimo wabo w'uburiganya wo kwigiza imitima kure y'inzira nziza mu kugerageza gutesha agaciro amategeko y'Imana.11

Abagabo n'abagore bakwiye guhora mu mwanya wabo kandi bakabaho ari inyangamugayo - Intekerezo z'umugabo cyangwa umugore ntizigwa umunsi umwe, ngo zive mu kwera no mu gutungana maze ngo zijye mu guhindana, kwangirika no mu bugizi bwa nabi. Bisaba igihe kirekire ngo kamere ya kimuntu ihinduke ise na kamere y'Imana, cyangwa guhindura ibyaremwe mu ishusho y'Imana ngo bihinduke ibiremwa bikurikiza iruba ryabyo riva kuri Satani. Mu kwitegereza neza niho duhindurwa. Nubwo umuntu yaremwe mu ishusho y'Imana, ariko ashobora kwigisha intekerezo ze kugeza aho icyaha cyamuteraga ubwoba, bisoza gihindutse ikimuryohera. Narakeraho kuba maso no gusenga azaba anarekeye aho kurinda igihome cy'umutima we, kandi azaba yishyize mu nzira y'icyaha n'ubugizi bwa nabi. Intekerezo zirandura kandi ntuba ugishobora kwikura muri uko guhindana mu gihe cyose uba ugifite akamenyero ko gutegekwa n'ubushobozi bw'ubwenge n'ubw'intekerezo biwuganisha mu irari rihindanye. Birakwiye kurwana intambara nta gucogora turwana n'umwuka wa kamere; imbaraga iboneza y'ubuntu bw'Imana, izakuza intekerezo kandi ikazimenyereza kwibwira ibyera kandi bitunganye zizatuzaho ari nk'ubutabazi bukwiye.12

Nta muntu n'umwe, yaba muto cyangwa mukuru, waba mu mutekano igihe cyose atiyumvamo amakene yo gushaka kuri buri ntambwe inama z'Imana. Abahorana umushyikirano wabo n'Imana, nibo bonyine gusa baziga kwereza ubushake bw'Imana, imbere y'ubw'abantu, no gukunda kwera, kwera kw'umutima, kwicisha bugufi n'ubugwaneza. Umutima wabo ugomba gushikama nk'uwa

Yozefu. Ibishuko bigambiriye kubakura mu nzira nziza bazabineshanya ubutwari bavuga ngo: “Nabasha nte gukora icyaha gikomeye gityo, ngacumura ku Mana?” Igishuko gikomeye cyane ntikiduha urwitwazo rwo gutsindwa na cyo. Igitutu mwaba mushyizweho uko cyaba kingana kose, icyaha giterwa n’umwanzuro wihitiyemo wowe ubwawe. Ikibi cyose gikomoka mu mutima utarahindutse. 13

Kugira ngo dushobore guhangana n’akaga ko muri iki gihe, nk’ubwoko bukomeza amategeko y’Imana, mbese ntidushobora gukura hagati muri twe icyaha cyose, gukiranirwa kose no kwangirika kose? Mbese abagore bavuga ko bizera ukuri, ntibazahagarara ku minara yabo no ku mazamu yabo kugira ngo badaha urwaho na ruto urukururano n’agakungu? Bashobora kugarira amarembo y’ibishuko byinshi niba bazi kwitegeka no kwifata neza igihe cyose.14

Abagore bakwiriye kugira imyitwarire ihanitse: Ndandika ibi mfite umutima ubababye, abagore b’iki gihe abubatse n’abatari bubaka kenshi ntibiyubaha nk’uko bibakwiriye. Bakora umurimo w’ubushukanyi wo kureshya abagabo. Bashakisha uko abagabo bashyingingiwe n’abasore batarashyiringirwa babitaho kandi abatagira imbaraga z’ubwenge bafatwa n’iyo mitego. Amakosa nk’ayo iyo yirengagijwe, byica ubushobozi bw’ubwenge kugeza ubwo gukora ibidakwiriye bidafatwa nk’aho ari icyaha. Bityo mu bwenge hakavuka ibitekerezo bitajyaga kubaho iyo umugore yigumira mu mwanya we wo kwiyoroshya no kwiyubaha. Umugore ashobora no kuba atari afite umugambi mubi ngo abe yabanje kubitekerezaho ariko ntibyamubuza kubera igisitaza abagabo bashukika bari bakeneye ubufasha bwose ku bo bahura na bo bose. Ibibi byinshi byakumirwa umugore aramutse agira amakenga, yiyubaha, adakabya kwisanzura n’abo badahuje igitsina, ahubwo akagumana kwifata ko mu rwego rwo hejuru n’ubunyangamugayo.15

Hashize igihe kirekire mfashe umwanzuro wo kubwira barumuna banjye ko nkurikije ibyo neretswe n’Uwiteka inshuro nyinshi, bazabazwa iryo futi rikomeye cyane. Ntibirinda igisa n’ikibi cyose. Ntibagira amakenga mu myitwarire yabo nk’uko byagakwiriye abagore bavuga ko ari abakristo. Amagambo yabo na yo ntiyatoranijwe nk’uko byagakwiriye abagore bakiriye ubuntu bw’Imana. Bagirana urukururano na basaza babo.

Nkurikije umucyo Uwiteka yampaye, Barumuna bacu nibahindure inyifato. Bakagombye kwifata cyane, bakareka kuba inshyōmōtsi, kandi bakimenyereza muri bo “Kugira isoni no kwirinda”. Igihe abahungu n’abakobwa bahuye bavuga amahomvu menshi mu biganiro byabo. Abagore bavuga ko ari abakristo bakunda imigaryo, urwenya no gukwenkwenuka. Ibyo ntibikwiriye kandi bibabaza umwuka w’Imana. Iyo myitwarire igaragaza ko batagira kwera nyakuri kwa gikristo. Aho gushikamisha imitima ku Mana, bazana umwijima ukomeye, birukana abamarayika b’ijuru bera kandi batunganye maze abo baroshye muri ibyo bibi bakagwa buheriheri.16

[333]

Inshuro nyinshi abagore ni abashukanyi. Mu nzira nyinshi abagore bikururiraho abagabo bubatse cyangwa batari bubaka maze bakabatera gukandagira amategeko y’Imana kugeza ubwo barimbura akamaro bari bafite mu murimo w’Imana no gushyira imitima yabo mu irimbukiro... Iyaba abagore bazamuraga gusa urugero rw’imibereho yabo, kandi bagahinduka abakozi bakorana na Kristo icyitegerezo cyabo cyateza akaga gake. Ariko ubunenganenzi bwabo bwo kudasobanukirwa inshingano bafite ku muryango n’ibyo Imana ibasaba, bitera icyitegererezo cyabo kwerekera mu cyerekezo kibi, ubushobozi bukagabanuka n’umurimo wabo nawo ntugire ikimenyetso cy’Imana.17

Hari abakobwa benshi bataye umutwe, abagore batagira umutima, batagira isoni, bafite impano yo kureshya, bishimira kubana n’abasore, bashakisha uko bashyeshyengwa n’abagabo kandi bagatera abagabo bashyingiwe cyangwa abasore batarashyirwa kubifuzza; bityo rero ni mudahorana gushikama nk’icyuma, muhanze amaso yanyu Yesu, muzafatwa n’inshundura za Satani.18

Abagore nk’abahagarariye Kristo, ndabahendahenda, mwebwe muvuga ko mufite ukuri kw’iki gihe, kutigera mugirana umushyikirano na muke n’abanduye mu ntekerezo kandi mu gahunga ubucuti bw’abantu bayoborwa n’intekerezo zanduye. Mwange urunuka ibi byaha byanduza. Haba ndetse no mu biganiro byanyu mwitandukanye n’abashobora kwerekeza intekerezo zanyu muri byo, kuko “Ibyuzuye umutima ari byo akanwa kavuga.”za rwihereranwa kuko ibyo bwakwanduza umutima nk’uko amazi yanduye ahindanya umuyoboro anyuramo.19

Umugore wemera ko bavugira imbere ye amagambo adakwiriye, cyangwa ko bamushimagiza ntameze nk'uko Imana yifuza; abagore bemera kugira urukururano, cyangwa bakira ibitekerezo byanduye ntibihesha agaciro gakwiriye umugore waremwe mu ishusho y'Imana.²⁰

Kurindwa n'igihome cyo kwera: Bashiki bacu bagomba kwimenyereza kwiyoroshya nyakuri; ntibagomba kwigira inshyanutsi, indondogozi n'abashizi b'isoni ahubwo bakwiriye kuba abitonda n'abifata by'umwihariko mu magambo. Ni bimakaze urugwiro. Ni byiza kandi birakwiriye imbere y'Imana ko abagore baba abanyarukundo, abagwaneza, abanyempuhwe, bazi kubababirira kandi bicisha bugufi. Nibagira iyi nyifato, ntibazakururwa n'ibirangaza by'abagabo baba abo mu itorero cyangwa abo hanze yaryo. Bose bazasobanukirwa ko abo bagore bubaha Imana ko bakikijwe n'igihome cyo kwera kibarinda urukururano ruteye akaga.

Abagore bamwe bavuga ko ari abakristo bagaragaza kwishyira ukizana n'ubuhutsi bibashora mu kugwa mu mafuti no gukora ibibi. Ariko abagore b'abakristo bamenyereza intekerezo zabo n'imitima yabo kwibwira ingingo zikomeza kwera kw'imibereho yabo, kandi imitima yabo ikagirana umushyikirano n'Imana, ntibizoroha kubatandukanya n'inzira itunganye yo gukiranuka. Bene abo bazatsinda uburiganya bwa Satani kandi bazaba biteguye guhangana n'imyambi ye. ²¹

Ndabahamagara mwe abigishwa ba Kristo kwereza ibyo mwizera, mwimakaza ibuye ry'agaciro kenshi ari ryo kwiyoroshya. Rizarinda gutungana kwanyu.²²

Gutegeka intekerezo: Mukwiye gutegeka intekerezo zanyu, ntibizaborohera; muzabigeraho gusa binyuriye mu mihati ikurikirana kandi rimwe na rimwe ishahiriye. Ibyo ni byo Imana ibasaba; ni inshingano ireba ikiremwa cyose gifite ubwenge. Imbere y'Imana muzabazwa ibitekerezo byanyu. Nimwishimira mu nzozi z'ubupfu, mwemerera intekerezo zanyu gutindagira ku ngingo zitera, imbere y'Imana muri abanyabyaha ku rugero runaka, nk'aho ibyo bitekerezo byashyizwe mu bikorwa. Kuba ibyo bitekerezo bitashyizwe mu bikorwa n'uko uburyo bwo kubikora bwabuze. Kurara ututira mu muyaga, ukabyuka ^[335] wubaka mu kirere ni akamenyero kabi kandi kangiriza. Iyo ako kamenyero kamaze

gushinga imizi, biragorana cyane kugahindura ngo intekerezo zerekezwe ku ngingo zera, ziboneye kandi zihanitse.²³

Mwirinde gushyeshyengwa: Njya mbabara cyane iyo mbonye abagabo bahimbazwa, bashyeshyengwa kandi bashimagizwa. Imana yanyeretse ko abishimira gukorerwa bene ibyo badakwiriye kuvuga izina ryayo. Nyamara ntibabura gushyirwa hejuru n’abantu bafite ubwenge bufite aho bugarukira barebera ku bigaragara gusa. Barumuna banjye ntimugashyeshyenge na rimwe kandi ntimugashonyagize abagabo bashobora kwibeshya kandi bayoba baba ari abasore cyangwa abasaza, baba bubatse cyangwa batubatse. Ntimuzi ahari intege nke zabo kandi ntimuzi niba uko iyo nyifato mubagaragariza ndetse n’uko gutakagizwa kurenze bitazatebutsa kurimbuka kwabo. Nterwa ubwoba ngashoberwa iyo mbonye ukuntu benshi bagaragaza kutagira ubwenge kuri iyi ngingo.

Abagabo bakora umurimo w’Imana kandi batuje Kristo mu mitima yabo ntibazoroshya urwego rwo kwera kwabo ahubwo bazaruzamura ubudatuza. Ntibazanezwa no gushimagizwa n’abagore cyangwa no kwitabwaho na bo. Abagabo baba abubatse cyangwa ingaragu, bakwiriye kuvuga bati: “Muramenye! Sinzigera na gato ntanga urwaho rwatuma izina ryanjye ryiza rivugwa nabi. Izina ryanjye ni igishoro cy’agaciro kiruta ifeza n’izahabu. Reka ndirinde kugira ibizinga. Abantu nibibasira izina ryanjye bye kuzaba bitewe n’uko nabahaye urwaho rwo kumvuga, ahubwo bizabe bitewe n’impamvu zihuye n’izateye abantu kuvuga nabi Kristo: bamuhoye kwera no gutungana kw’imico ye, kuko yari umucyaho uhoraho kuri bo.”²⁴

Niba umugabura agerageje kukureshya: Kureshyareshya kose nubwo kwaba kugihingutsa umutwe uwaba abikoze uwo ari we wese, ukurarikira kwishimira mu cyaha cyangwa agutera kurenga imbibi washingiwe akwiriye gufatwa nk’igitutsi gikomeye cyane gitesha agaciro umugore. Ku gusoma ku itama bikorewe ahantu cyangwa mu bihe bitandukanye bikwiriye kugutera kwirukana iyo ntumwa ya Satani uzinutswe. Niba bikozwe n’ufite umwanya w’ingenzi, ukora imirimo yera, icyo cyaha cyikuba inshuro icumi kuba kibi kandi kigomba gutera umugore cyangwa umukobwa utinya kandi akubaha Imana guhinda umushyitsi, atari uw’icyaha yashakaga ko mukora gusa ahubwo akanaterwa ubwoba n’uburyarya n’ubucakura bwagaragajwe n’umuntu wubashywe kandi uzwi nk’umugaragu w’Imana. ²⁵

Niba bigeze aho umugabura w'ubutumwa bwiza ananiwe gutegeka irari rye ribi kandi akaba adakurikiza icyitegererezo cy'intumwa, bityo agasuzuguzwa umurimo we no kwizera kwe kugeza ubwo yishimira mu cyaha; ntibikwiriye ko bashiki bacu bavuga ko bera batekereza n'akanya na gato ko icyaha cyangwa igicumuro cyagabanije gukomera kwacyo ngo ni uko umugabura wabo na we yagikoze. Niba abantu bari mu myanya yiringirwa birunduriye mu gukora icyaha, ntibigomba koroshya uburemere bw'icyaha mu ntekerezo z'uwo ari we wese. Icyaha kigomba kugaragazwa nk'igikomeye kandi nk'igishishana nk'uko byari bimeze batari bagikora; kandi abafite intekerezo zitunganye kandi zihanitse bagomba kwanga urunuka no kwirinda uwishimira kuba mu cyaha nk'uko bahunga babonye inzoka y'ubumara bwica. Iyaba abakobwa beraga kandi bakagira kubonera ko mu mutima, bagashwishurije ibitekerezo byanduye bibageraho nubwo byaba bikomotse ku mugabura wabo ku buryo atazongera kubisubira.26

Gukiranuka ku masezerano yo gushyingiranwa: Mbega ukuntu umutware w'urugo agomba kugira amekenga menshi niba ashaka kuguma akiranutse ku masezerano yo gushyingirwa! Mbega ukuntu agomba kugira amakenga kugira ngo adatera mu bakobwa cyangwa mu bagore bashyingiwe ibitekerezo binyuranye n'umugambi uhanitse kandi wera w'amategeko y'Imana! Kristo atugaragariza uburyo ayo mategeko afite ubusobanuro bwagutse; agera no mu ntekerezo, mu byifuzo n'imigambi yo mu mutima. Aho benshi ntibahitayeho. Ibyiyumviro byabo ntibiboneye kandi imico yabo nti yera nk'uko Imana ibibasaba. Uko umuhamagararo wabo waba ungana kose, uko italanto zabo zaba zirabagirana kose, Imana izabandikaho gukiranirwa kwabo; izabaciraho iteka ko ari abanyabyaha ruharwa kandi ko bakwiye gusukwaho umujinya wayo kurusha abafite italanto nto, abahawe umucyo muke kandi n'abari bafite imbaraga rukuruzi nke.27

Nahawe ubutumwa bwo kubwira abagabo bashyingiwe ngo: Mugomba guha abagore banyu bo babyeyi b'abana banyu urukundo n'icyubahiro kurusha abandi bose. Ni bo mugomba kugaragariza ko mubitayeho kurusha abandi kandi kugambirira ibyabanezeza ni byo bigomba kuzura mu ntekerezo zanyu .28

Nabonye ingo nyinshi aho umugabo atashoboraga kwifata kandi atiyubahaga nk'ibikwiriye umugabo waremwe mu ishusho y'Imana kandi ukwiriye kuba umwigishwa wa Kristo. Yirengagije kugaragariza urukundo, ubugwaneza n'urugwiro bikwiye umugore

we yari yarasezeranije imbere y’Imana n’imbere y’abamarayika ko azamukunda, ko azamwubaha kandi akamuha icyubahiro mu kubaho kwabo kose. Ahubwo umukobwa wari umukozi wo mu rugo yiyitayeho, atangira kurimbisha imisatsi ye mu buryo bureshya uwo mugabo atangira kunezezwa na we , amukunda urukundo rw’ubupfu. Ntiyongera kwita ku mugore we no kumugaragarariza urukundo nka mbere. Nta gushidikanya aha ni Satani wari uyoboye. Mwubahe abakozi banyu, mubagaragarize ubugwaneza, mubahe agaciro ariko ntimukarengwe ingabano. Reka inyifato yanyu ye kugaragaramo icyatuma bibwira ko mukeneye kugirana umushyikirano wihariye na bo.29

Uruziga rw’umuryango ntirugomba kuvogerwa: Mbega ukuntu ubuzima bw’abantu benshi bwashaririye bitewe no kuvogera uruziga rw’amabanga agomba kwiharirwa na buri muryango, rwagenewe kurinda kwera no kubonera kwawo! Umugore yiringiye undi muntu wa gatatu amugira incuti magara amuhishurira amabanga yihariye y’urugo. ^{Ni [338]} uburiganya bwa Satani bugambiriye gutandukanya imitima y’abashyingiranywe. Uwagira ngo ibyo bihagarare! Ingorane nyinshi zakwirindwa. Amafuti uzi kuri mugenzi wawe yabike mu mutima wawe. Ibirushya byawe byose ubibwire Imana yonyine. Ishobora kuguha inama nziza kandi ikakubera umuhumuriza utagira impinduka .30

Igihe umugore abwira undi mugabo ingorane zo mu rugo rwe n’ibitagenda neza ku mugabo we, aba yishe amasezerano yo gushyingiranwa kwabo; aba atesheje agaciro umugabo we kandi akaba ahiritse inkuta zirinda kwera kw’abashyingiranywe; akaba yuguruye cyane amarembo kandi akaba ararikiye Satani kwinjira mu muryango we n’ibishuko bye bibi byose. Ibyo ni byo na Satani yifuza. Igihe umugore asanze mwene data akamubarira inkuru z’ingorane, ibimutera agahinda n’ibigeragezo bye, agomba kumugira inama ko niba ari ngombwa ko izo ngorane azibwira undi muntu, agomba guhitamo abagore yiringira akaba ari bo abibwira, bityo hazaba hirinzwe igisa n’ikibi cyose cyazana igitutsi ku murimo w’Imana.31

Uko twakwirinda ubuyobe: Ndabwira abantu bacu nti: niba muhagaze hafi ya Kristo, mugambiriye kurimbisha kwizera kwanyu, imibereho ifite gahunda n’ibiganiro byera ibirenge byanyu ntibizakandagira mu nzira zabuzaniye. Nimuba maso, mugakomeza kuba maso musenga, mugakora ikintu cyose nk’aho Imana ibahanze ijisho, muzarindwa kugwa mu bishuko kandi hari ibyiringiro by’uko muzagumana kwera nta kizinga kugeza ku

iherezo. Nimugumana kwiringirwa mwatangiranye kugeza ku iherezo, muzagenda mu nzira z’Imana kandi icyo ubuntu bw’Imana bwatangiye muri mwe, kizahembwa ubwiza mu bwami bwo mu ijuru. “Imbutu z’umwuka ni urukundo, ni ibyishimo, ni amahoro no kwihangana, no kugira neza, n’ingeso nziza no gukiranuka, no kugwa neza no kwirinda, ibimeze bityo nta mategeko abihana. Aba Kristo Yesu, babambanye kamere n’iruba n’irari byayo.” 32

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	Patriarches et prophètes, P.312	Patriarchs and prophets p 338
2	Patriarches et prophètes, P.437	Patriarchs and prophets p 457
3	Review and Herald, 17 Mai 1887	Review and Herald, 17 Mai 1887
4	Review and Herald, 17 Mai 1887	Review and Herald, 17 Mai 1887

5	Review and Herald, 17 Mai 1887	Review and Herald, 17 May 1887
6	Témoignages pour l’Eglise, vol. 2, P.459	Testimonies for the church vol 2 p 346,347
7	Manuscrit 19 a, 1890	Manuscript 19 a, 1890
8	Manuscrit 8, 1894	Manuscript 8, 1894
9	Testimonies for the Church, vol.2, P.459	Testimonies for the Church, vol.2, P.459
10	Testimonies for the Church, vol.5, P.141	Testimonies for the Church, vol.5, P.141
11	Testimonies for the Church, vol.5, P.142, 143	Testimonies for the Church, vol.5, P.142, 143
12	Testimonies for the Church, vol.2, P.478, 479	Testimonies for the Church, vol.2, P.478, 479

13	Manuscrit 19 a, 1890	Manuscript 19 a, 1890
14	Témoignages pour l'Eglise, vol.2, P.287	Testimonies for the Church vol 5 p 601,602
15	Manuscrit 4 a, 1885	Manuscript 4 a, 1885
16	Testimonies for the Church, vol.2, P.455	Testimonies for the Church, vol.2, P.455
17	Témoignages pour l'Eglise, vol.2, P.281	Testimonies for the Church vol 5 p 596,597
18	Médical Ministry, P.145	Medical Ministry, P.145
19	Témoignages pour l'Eglise, vol.2, P.39	Testimonies for the Church vol 5 p 146,147
20	Manuscrit 4 a, 1885	Manuscript 4 a, 1885
21	Testimonies for the Church, vol.2, P.456	Testimonies for the Church, vol.2, P.456
22	Testimonies for the Church, vol.2, P.458	Testimonies for the Church, vol.2, P.458
23	Testimonies for the Church, vol.2, P.461	Testimonies for the Church, vol.2, P.461
24	Témoignages pour l'Eglise, vol.2. P.279, 280	Testimonies for the Church, vol.5, 595
25	Testimonies for the church, Vol. 2, P.458, 459	Testimonies for the church, Vol. 2, P.458, 459
26	Testimonies for the Church, vol.2, P.457	Testimonies for the Church, vol.2, P.457
27	Témoignages pour l'Eglise, vol. 2, P.279	Testimonies for the Church, vol.5, 594,595
28	Lettre 231, 1903	Letter 231, 1903
29	Testimonies for the Church, vol.2, P.461	Testimonies for the Church, vol.2, P.461
30	Testimonies for the Church, vol.2, P.462	Testimonies for the Church, vol.2, P.462

31	Testimonies for the Church, vol.2, P.306	Testimonies for the Church, vol.2, P.306
32	Témoignages pour l'Eglise, vol.2, P.40, 41	Testimonies for the Church, vol.5 p 148

ICYIGWA CYA 56: UBUTANE

Ugushyingirwa ni isezerano ry'ubuzima bwose: Mu ntekerezo z'abasore, ugushyingirwa ni ikimenyetso cy'urukundo, biragorana kugukuraho iyo shusho ubwenge bwibwiye ko ari yo, no gutekereza neza uburemere bw'inshingano zirebana n'amasezerano yo gushyingirwa. Uko gushyingiranwa n'uko kwiyemeza guhuza ibiremwa bibiri bihujwe n'umurunga uzacibwamo gusa n'urupfu.¹

Byagakwiriye ko bibanza gutekerezwaho byimbitse mbere yo gushyingirwa, kuko gushyingirwa ari intambwe iterwa rimwe gusa mu buzima. Reka umugabo n'umugore bibazanye ubwitonzi niba bazakomeza gukiranuka ku masezerano bagiranye mu ngorane zo mu buzima zose, mu gihe cyose bazaba bakiri kumwe mu buzima.²

Yesu yagoroye ibitekerezo bipfuye ku gushyingirwa: Mu bayuda umugabo yari afite uburenganzira bwo gusenda umugabo we ku bw'amafuti menshi adakomeye, kandi yari afite umudendezo wo kongera gushaka. Uwo mugenzi wazanye imibabaro myinshi n'icyaha. Mu kibwiriza Yesu yabwiririje ku musozi, yasobanuye neza ko nta gikwiriye gutandukanya abashyingiranywe, uretse kwica amasezerano yo gushyingirwa. Yaravuze ati: "Umuntu wese uzasenda umugore we, atamuhora gusambana, akarongora undi, azaba asambanye, kandi ucyura uwasenzwe, na we aba asambanye."

Hanyuma igihe abafarisayo bamubazaga ibyerekeye kwahukana n'iby'itegeko rya gatanya, yabwiye abari bamuteze amatwi iby'umuhango wo gushyingirwa wejeje mu irema. Yaravuze ati: "Kuko imitima yanyu inangiye Mose yabemereye gusenda abagore banyu; ariko uhereye mbere hose ntibyari bimeze bityo." Yibukije iby'iminsi y'amahirwe yo muri Edeni, igihe Imana yavugaga ko ibyaremwe byose ari "byiza cyane".

Ubwo ni bwo Isabato n'ubukwe byatangiye, imihango ibiri ^[341] yerekana icyubahiro cy'Imana mu byo kunganira abantu. Nuko Umuremyi afatanya abo bantu bombi bashyingiranywe, aravuga ati: "Nicyo gituma umuntu azasiga se na nyina, akabana n'umugore we akaramata, bombi bakaba umubiri umwe", yavuze ibyo gushyingirwa kw'abana ba Adamu bose kugeza ku iherezo ry'ibihe. Icyo Uwitwaga Data wa twese yivugiye ko ari cyiza cyabaye itegeko ryo guhesha abantu umugisha ukomeye no gutuma bajya mbere.³

Yesu yaje mu isi yacu kugorora ibitekerezo bipfuye birebana no gushyingirwa no kuvugurura ishusho y'Imana mu muntu. Ibitekerezo bipfuye ku birebana no gushyingirwa byigaragarizaga mu ntekerezo z'abayobozi b'Isirayeli. Ibyo byatumaga uwo muhango wera utakaza agaciro kawo. Umutima w'umugabo washoboraga kuzinukwa umugore nta mpamvu zumvikana maze agatandukana na we, cyangwa iyo yabishakaga yatandukanyaga umugore n'abana be maze akamusenda. Ibyo byafatwaga nk'ihohoterwa rikomeye kandi kenshi byateraga umubabaro ukomeye ku wabaga yasenzwe.

Yesu yaje guciraho iteka iyo migirire kandi igitangaza cye cya mbere yagikoreye mu muhango w'ubukwe. Bityo atangariza isi ko ubukwe bukozwe mu buryo bwera kandi butagira inenge ari umuhango wera.⁴

Inama igirwa ushaka gutana: Ibitekerezo byawe ku birebana no gushyingirwa birapfuye. Ubusambanyi gusa ni bwo bushobora guca isāno no gukuraho isezerano ry'abashyingiranywe. Turiho mu gihe kigoranye, aho nta kintu na kimwe cyatwizeza umutekano wacu keretse gusa kwizera dushikamyeye kandi tutajegajega muri Kristo Yesu. Nta muntu n'umwe uburiganya bwa Satani butatandukanya n'Imana keretse gusa abaye maso kandi asenga.

Buno uba ufite amagara mazima iyaba intekerezo zawe zifite amahoro kandi zituje; ariko zicuze umwijima kandi ntizishikamyeye. Ibitekerezo byawe byo kwifuza gutandukana birapfuye, kandi impamvu watanga izo ari zo zose ntizashyigikira ibyo ugiye gukora. Abagabo ntibafite umudendezo wo kwishyiriraho amategeko yabo ubwabo ngo barwanyeye ay'Imana maze ngo bakurikize ibyo kamere yabo irarikiye. Bagomba kumvira amahame yera akomeye yo gukiranuka kw'Imana...

Imana yagaragaje neza impamvu imwe rukumbi ishobora gutuma umugore atandukana n'umugabo we cyangwa umugabo atandukana n'umugore we: iyo mpamvu ni ubusambanyi. Iki kibazo kigomba gusuzumwa mu mwuka w'amasengesho.⁵

Inama ku muryango wamaze gutana: Mwene data nawe murumuna wanjye, mumaze igihe kirekire mutabana hamwe. Iyo mwembi mwimenyereza kwihangana, gukunda no kwihanganirana bigomba guhora iteka hagati y'umugabo n'umugore, ntimuba mwarishyize muri iyo nzira kandi ntimuba mwarageze aho. Nta n'umwe muri mwe uba warategekesheje undi ubushake bwe kandi akagerageza kumutegeka akoresheje ibitekerezo bye

n'igenamigambi rye atitaye ku ngaruka bizana. Nta n'umwe muri mwe wari gutsimbarara ngo ajye akora ibyo yishakiye. Mwemerere umwuka w'Imana gukorera mu mitima yanyu maze uyoroshye, uyiyobore kandi ubashoboze kurera abana banyu... Musabe So wo mu ijuru abafashe guhangana n'ibishuko byo kubwirana amagambo atarimo kwihangana, akarishye kandi ategeka. Mwembi mufite imico itaboneye. Kuko mutishyize munsu y'imbaraga y'Imana, imyitwarire yanyu mugaragarizanya ntirangwamo ubwenge.

Ndabahendahendera kwishyira mu biganza by'Imana. Igihe muzageragereshwa kuvuga amagambo ashotorana ibyiza n'uko mwaceceka. Muzashukwa kuri iyi ngingo kuko mutanesheje iyo mico mibi yo mu ngeso zanyu. Ariko ni ngombwa ko ingeso mbi yose ineshwa. Mwirundurire mu Mana mu buryo bwuzuye. Mwikubite kuri Rutare ari rwo Kristo maze mushenjagurike. Nk'umugabo n'umugore mwigie kwitegeka. Musabe ubutabazi bwa Kristo. Anezezwa no kubakiza ubutandame bwanyu akoresheje urukundo rwe mvajuru n'ubuntu bwe...

Mwihane imbere y'Imana ibikorwa mwakoze ahahise. Mugerageze kumvikana kandi mwongere kubana nk'umugabo n'umugore. Mukure mu ntekerezo zanyu ibyababayeho kera bibi kandi biteye agahinda. Mukure imbaraga mu Mukiza. Mukingie amadirishya y'imitima yanyu yerekeye mu isi, mwugurure ayerekeye mu ijuru. Niba amasengesho yanyu azamuka ku Mana asaba kumurikirwa, Umukiza Yesu Kristo we mucyo n'ubugingo, amahoro n'umunezero, azumva kurira kwanyu. We, Zuba ryo gukiranuka azamurikira mu ntekerezo zanyu kandi azamurikira urusengeru rwo mu mutima wanyu. Nimwakira imirasire y'izuba ryo kuboneka kwe mu muryango wanyu, ntimuzongera kuvuga amagambo mabi ashobora kubahindura abahanya. 6

Ubutumwa ku mugore ufatwa nabi utagira ibyiringiro: Nakiriye urwandiko rwawe, mu kugusubiza, nifuza kukubwira ko ntaguha inama yo gusubira kuri D, keretse ubonye ihinduka ryimbitse muri we. Imana ntinejeje n'ibitekerezo yagize mu buryo afata umugore... Niba umugabo wawe agitsimbaraye ku myumvire ye ya kera, ahazaza hanyu hazaba habi nk'ahashize. Umugabo wawe ntazi uko umugore afatwa.

Ibyo byose bimbabaza cyane. Mbabazwa na D, ariko sinakugira inama yo gusubirana na we ngo nyuranye n'ubushake bwawe. Ndakubwiza ukuri nk'uko namubwiye na we: byaba biteye akaga cyane kuri wowe kongera kwishyira munsu y'igitugu cyo. Niringiraga

ko azahinduka...Imana isobanukiwe neza ibyababayeho byose...Mukomerere mu Mana, ntizabāhāna na hato; mwiringire ko mbitaho kandi ko mbakunda cyane.7

Ku mugabo watawe -“Ikorere umusaraba wawe”-: Si mbona ikindi cyari gukorwa kuri iyi ngingo, kandi nibwira ko ikintu kimwe ushobora gukora ni ukuzibukira umugore wawe. Niba kuri iyi ngingo, umugore wawe yarafashe umwanzuro wo kutazongera kubana na we, kubihatiriza bizabatera mwembi kubabara kurutaho. Kandi kuko umugore wawe yiyemeje kwikorera ingaruka ze, nawe ukwiriye kwikorera umusaraba wawe kandi ugahagarara kigabo. 8

Abatandukanye mu mategeko y’igihugu, ntibaba batandukanye mu maso y’Imana: Umugore ashobora gutandukana n’umugabo we byemewe n’amategeko y’igihugu cye, ariko akaba atatandukanye nawe mu maso y’Imana n’imbere y’amategeko yera. Mu maso y’Imana, igitandukanya umugabo n’umugore mu masezerano yo gushyiranwa kwabo ni icyaha cy’ubusambanyi gusa. Nubwo amategeko y’igihugu yaba yabahaye gatanya nyamara baba bakiri umugabo n’umugore dukurikije Bibiliya n’amategeko y’Imana.

Nabonye ko kugeza ubu, mushiki wacu... adafite uburenganzira bwo kongera gushyingirwa undi mugabo; ariko niba we cyangwa undi mugore uwo ari we wese, ahawe gatanya yemewe n’amategeko y’igihugu bitewe n’uko umugabo we yasambanye, aba afite umudendezo wo gushyingiranwa n’uwo yihitiyemo.9

Gutandukana n’utizera: Niba umugore atizera kandi akaba arwanya iyobokamana, amategeko y’Imana ntiyemerera umugabo we gutandukana na we. Kugumana na we ni byo bihuje n’icyo amategeko y’Ushoborabyose avuga keretse ari we uhisemo gutandukana na we. Ashobora kubabazwa no kurwanywa, kugeragezwa mu buryo butandukanye, ariko azabonera ubutabazi, ubufasha n’imbaraga ze mu Mana yo ishobora kumuha ubuntu mu ngorane izo ari zo zose. Agomba kuba umugabo ufite intekerezo ziboneye, ufata imyanzuro myiza kandi ushikamye ku mahame ni bwo Imana izamuha ubwenge bw’ingenzi buzamwereka inzira akwiriye kunyuramo. Ntacyo azajya akora ahubutse ahubwo gushyira mu gaciro bizamubashisha gutegeka irari rye.10

Hindura inyifato aho guhindura irangamimerere: Nakiriye urwandiko rw'umugabo wawe. Ndacyakomeza nvuga ko impamvu imwe rukumbi ishobora gutuma umugabo atandukana n'umugore we, n'umugore agatandukana n'umugabo we byemewe n'amategeko ko ari ubusambanyi.

Niba mu mico hari ibyo mudahuza, mbese ntibyahesha Imana icyubahiro muramutse muhinduye iyo miterere? Umugabo n'umugore bagomba kwimenyereza gukundana no kubahana; bagategeka umwuka wabo, amagambo n'ibikorwa kugira ngo birinde ikintu cyose cyaba isoko yo kutumvikana kwabo no kubabazanya. Buri wese agomba kwita kuri mugenzi we, akora icyo ashoboye cyose kugira ngo akomeze urukundo rwabo.

Ndabasaba mwembi gushaka Imana. Mwuzuze inshingano buri wese afite kuri mugenzi we mufite urukundo n'ubugwaneza. Umugabo agomba kuba umukozi, akora uko ashoboye kose kugira ngo ashobore gukemura amakene y'umuryango we. Ibyo bizamutera kubahwa n'umugore we... Murumuna wanjye, ntushobora kunezeza Imana mu gihe ukomeje gutsimbarara ku nyifato ufite ubu.

Babarira umugabo wawe. Ni umugabo wawe, kandi uzabona umugisha niwihatira kuba umugore witanga kandi ugira urukundo. Reka mu minwa yawe hagaragare amategeko y'ubugwaneza. Mushobora kandi mugomba guhindura inyifato.¹¹ Mugomba kwigira hamwe uburyo mushobora kuzuzanya mutitaye kubyo mudahuriyeho... ubugwaneza n'ubwitonzi bizazanira imibereho yanyu ihinduka ritangaje.¹²

Gusambana, gutandukana no kuba mu itorero: Ku byerekeye ibya mushiki wacu, A.G, wabeshywe n'umugabo we, turavuga ibi ku gisubizo dusubiza ibibazo byabajijwe na ...Abenshi cyane bo mu bantu, bameze nk'umugabo we, baguye mu cyaha, bagaragaza byihariye kutamenya gukomera kwacyo. Bamwe na none bashobora kwinjizwa kandi bongera kwinjizwa mu itorero batari bagirirwa icyizere n'ubwoko bw'Imana gikomotse mu kwihana kwimbitse n'agahe k'igeragezwa kagaragaza ko kwihana kwabo kumaramaje. Ibintu bimwe nk'ibi biriho bitera ingorane nubwo bitaba hose kandi turashaka gusa kubabwira twongeyeho ibi bikurikira:

1. Mu gihe itegeko rya karindwi ryishwe, kandi uwabikoze ntagaragaze kwihana nyakuri, niba uwo bashakanye wababajwe

ashobora kubona gatanya atiteje ibibazo cyangwa ngo abiteze abana be –niba abafite-, agomba kumva afite umudendeze wo kubikora.

2. Niba abona ko gutandukana n’uwo bashakanye bishobora kumuteza ibibazo yaba we ndetse n’abana be, mu bumenyi dufite nta murongo w’ibyanditswe byera uciraho iteka uwahemukiwe niba akomeje kubana n’uwo bashakanye.
3. Igihe, imihati, amasengesho, kwihangana, kwizera ndetse n’imibereho yubaha Imana bishobora gutera ihinduka. Kubana n’uwishe isezerano ryo gushyingirwa, yitwikiriye umugayo n’isoni by’urukundo rwahemutse kandi akaba aticuza ibyo byaha bimunga ubuzima; mu rundi ruhande gutandukana n’uwo mwashakanye ni igisebe kimunga umutima imibereho yose. Yabaye Uwiteka yagiriraga impuhwe ya nzirakarengane itacumuye! Mbere yo gushyingirwa, umuntu agomba gutekereza byimbitse.
4. Kubera iki, kandi kubera iki abagabo n’abagore bakagombye kuba beza, bakubahana, kandi ku iherezo bakazagira amahirwe yo kwibera mu bwami bwo mu ijuru, bagurisha imitima yabo Umwanzi ku giciro giciriritse?

Bakomeretsa imitima y’incuti zabo, bagatera igisuzuguriro imiryango yabo, bakaba igitutsi ku murimo w’Imana, bakazasoreza muri Gehinomu. Mana bagirire imbabazi!

Kubera iki abafata icyaha baguyemo nk’icyoroheje, batagaragaza kwihana guhwanye n’uburemere bw’igicumuro cyabo, kandi badashakisha uko bahungira kuri Kristo kugira ngo abababarire kandi yomere uko bishoboka kose ibikomere bateje abandi?.

5. Ariko, niba badakora uko bagakwiriye gukora, kandi uwahemukiwe akaba afite uburenganzira bwo gutana, cyangwa kubana n’uwahemutse nyuma yo kumenya icyaha cye, ntitubona ko icyo cyaha cyajya kuwahemukiwe kandi uburenganzira bwe bw’umwuka bwo gutandukana n’uwo bashakanye bugaragara nk’ikibazo, niba imibereho ye n’ubuzima bwe bitazahura n’ingaruka mu mibereho ye yo hanyuma .13*

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGE- REZA
1	Testimonies for the Church, vol.4, P.507	Testimonies for the Church, vol.4, P.507
2	Lettre 17, 1896	Letter 17, 1896
3	Jésus et le bonheur, P.71, 72	Thoughts from mount of blessing p 63,64
4	Manuscrit 16, 1899	Manuscript 16, 1899
5	Lettre 8, 1888	Letter 8, 1888
6	Lettre 47, 1902	Letter 47, 1902
7	Lettre 148, 1907	Letter 148, 1907
8	Lettre 40, 1888	Letter 40, 1888
9	Lettre 4, a, 1863	Letter 4, a, 1863
10	Lettre 8, 1888	Letter 8, 1888
11	Lettre 168, 1901	Letter 168, 1901
12	Lettre 157, 1903	Letter 157, 1903
13	Review and Herald, 24 Mars 1868	Review and Herald, 24 Mars 1868

[icyitonderwa: iyi ni imwe mu nama nkeya mu zo Ellen G White yatanze afatanije n'umugabo we, bayumvikanyeho bombi akaba ari ubuhamya by'uko ibitekerezo biyirimo E.G White yabyemeye. Byumvikane ko kugarurwa k'umwizera mu itorero bivugwa mu intangiriro y'iki cyigisho ntibyibanze ku butane ahubwo bivuga cyane ku busambanyi. icyo gika kibanza ntabwo icyo kigambiriye ari ubutane. Ibihamya bivuga ku butane no kugarurwa mu itorero bivugwa mu bika bikurikiraho, ntibireba umugabo wahemutse, ahubwo byibanda ku mugore wahemukiwe hamwe n'itorero rye kuko ari we ufite ububasha bwo guhitamo gutana cyangwa kugumana n'umugabo we. ABAGISONZORANIJE.]

ICYIGWA CYA 57: UKO WAKWITWARA IMBERE Y'UWO MWASHAKANYE NIBA ATIZERA

Umugore w'umukristo, mbese agomba gutana n'umugabo utizera?: Nakiriye amabarwa menshi yanditswe n'abagore benshi bambwira iby'ibigeragezo bahura na byo kandi bansaba inama. Ndababwira ibyabaye kuri umwe kuri iyi ngingo. Umugabo akaba na se w'abana ntiyizeraga, ibyo byateraga umugore kuremererwa n'inshingano yo kurera abana be. Umugabo we yari umuntu udasenga, usamara, kandi yabwiraga umugore amutuka gusa kandi yigishaga abana be gusuzugura ubuyobozi bwa nyina. Iyo nyina w'abana yageragezaga gusengana nabo, yabasakurizaga mu buryo bushoboka maze akabavurunga avuma Imana kandi atuka ndetse anyyega Bibiliya. Uwo mugore agacogora maze ubuzima bwe bukamubera umutwaro. Ni ikihe cyiza yari gukora uwo mugore? Ni iyihe nyungu abana be bari kunguka iyo nyina aguma mu rugo? Yiyumvisemo ko agomba gukora mu ruzabibu rwa Nyagasani, kandi yabonye ko byaba ari byiza gusiga urugo rwe kuruta kurugamo kuko umugabo we yakomezaga ubudatuza gutera abana be kumusuzugura no kumwubahuka.

Kubisa bityo, ngiyi inama yanjye: Bagore, uko ibigeragezo mwihanganira byaba binyuriye mu bukene no gukomeretswa, ubwicanyi buzanwa no gukariha no kunnyegwa n'umugabo bibabaza umutima wawe uko byaba bingana kose; ntimugasige abana banyu; ntimugatume bakurikiza icyitegererezo cy'umugabo utizera. Inshingano yanyu ni iyo gusubiza kuri gahunda ibikorwa bye, kuko ayoborerwa munsi y'ubutware bwa Satani. 1

Mube icyitegererezo kizima cyo kwitegeka: Mufite ibigeragezo ndabizi, ariko ibyiza ni ukugaragaza uko ubibona aho kwigenga. Umugabo wawe akeneye buri munsi kubona icyitegererezo kizima cyo kwitegeka no kwihangana. Mukore ibibashobokera byose kugira ngo mu mushimishe, ariko ntugakandagire ihame na rimwe ry'ukuri...

Kristo yifuza ko impagarike yose yakora umurimo we – umutima, ubugingo, ubwenge n'imbaraga. Ni mumuha ibyo abategerejeho byose, muzamugaragariza mu mico yanyu. Reka umugabo wawe abone umurimo w'Umwuka Wera ukorera muri wowe. Bagore mugire amakenga kandi mwirinde, mwihangane kandi mwiyoroshye. Ntukamuhate ukuri. Kora inshingano yawe nk'uko bikwiriye umugore maze uzirebera ko umutima we utazakabakabwa.

Ntugatere umugabo wawe kwanga kukugaragariza urukundo. Mushimishe mu buryo bwose bushoboka. Reka iby'iyobokamana byawe wemeye ntibikagutandukanye na we. Mwubahe Imana bivuye ku mutima kandi unezeze umugabo wawe igihe cyose ubishoboye...

Reka bese babone ko ukunda Yesu kandi ko umwiringira. Ereka umugabo wawe n'inshuti zawe z'abizera n'abatizera igihamba ko ushaka ko na bo basogongera ku byiza by'ukuri. Ariko ntukabagaragarize umubabaro, ubwoba no gushenguka akenshi bitesha agaciro ibikorwa byiza wakoze...

Ntukabwire umugabo wawe ijambo ribi ryo kumutongera cyangwa se iryo kumunenga. Rimwe na rimwe munyura mu bihe bikomeye ariko ntimukabivuge. Guceceka ni iby'agaciro. Amagambo arimo umujinya azongera gusa umubabaro wanyu. Mube abagwaneza n'abishimye, mwirukane igicucu mu rugo rwanyu; ahubwo muhashyire imirashi y'izuba uko bishoboka. Reka imirashi y'umucyo wa Zuba ryo gukiranuka irasire mu rusengeru rw'umutima wanyu. Bityo, umubavu w'imibereho ya gikristo uzatama mu ngo zanyu. Ntimuzashengurwa n'ingingo zo guhangayikisha kenshi zikomoka mu kwibwira gusa.²

Umugore uremerewe agirwa inama yo gutuza: Kuko umugabo wawe yateye umugongo Yesu, ubu ufite inshingano yikubye kabiri. Nzi ko bizakugora cyane gushikama ukiranuka wenyine ku ijambo ry'Imana. Ariko ni nde uzi niba imibereho yawe yo Kwizera no kubaha itazatera umunsi umwe umugabo wawe kugarukira ukuri? Yobora abana bawe ukunda kuri Yesu. Bigishe amagambo y'ukuri ukoresheje amagambo yoroheje. Baririmbishe indirimbo z'umunezero kandi zibamenyereza zinabagaragariza urukundo rwa Kristo. Zana abana bawe kuri Yesu kuko akunda abana bato.

Garagaza umwuka mwiza. Ntukibagirwe ko ufite umufasha, Umwuka Wera, uwo Kristo yakohereje. Ntuzigera uba wenyine. Niba utega amatwi ijwi rikuburira uyu munsi, niba witaba udatindiganije ukomanga ku rugi rw'umutima wanwe maze ukavuga uti: "Injira, Mukiza Yesu kugira ngo dusangire." umushyitsi waturutse mu ijuru azinjira. Kandi igihe cyose imbaraga y'Imana izaba iki kuriho, uzagira amahoro n'ikiruhuko.³

Gushikama ku mahame ya gikristo: Umuryango utubaha Imana umeze nk'ubwato buri hagati mu Nyanja butagira umusare

cyangwa se ingashya. Umuraba urabugota kandi ababurimo bose bashobora kubupfiramo. Mumenye ko ubuzima bwanyu n'ubw'abana banyu ari ubw'agaciro mu maso ya Kristo, kuko mwe n'abagabo banyu mugomba guhagarara imbere y'intebe y'ubwami bw'Imana muri kumwe nabo. Aho koroshya amahame ashikamye ya gikristo mugomba kuyashikamaho ubudatuza. Nubwo ibyo bishobora kubangamira umugabo wawe kandi no kurwanywa kose yagira, ugomba kugira kutajegajega, gukiranuka kandi ukagira gushikama nk'uko bikwiriye umugore w'umukristo. Bityo nubwo yakubwira icyo ari cyo cyose kibi ariko mu mutima we azaba akubaha niba umugabo wawe adafite umutima ukomeye nk'ibuye.⁴

Imana igomba kuba nyambere: Mwene data T... yagaragaje uburyarya. Yishyize mu kunywa itabi ariko yashakaga ko bene se batabimenya. Neretswe ko iki cyaha cyakomye mu nkokora iterambere rye ry'iby'umwuka. Igihe azaba ashaje, agomba kwihatira kwirinda irari ry'umubiri rirwanya umutima. Yakunze ukuri kandi aranakubabarizwa. Noneho birakwiriye ko yishimira ingororano z'iteka, ubutunzi bw'ijuru, umurage n'ikamba ritangirika ku rugero rw'uko yatandukana anezerewe no guhaza ibyifuzo bye bihindanye, kugira ngo umurimo wo kwezwa haba mu mubiri no mu ntekerezo ukorerwe muri we, bona uko ingaruka zangana kose kandi zamubabaza.

Neretswe noneho umukazana we. Yakunzwe n'Imana, ariko abaho nk'imbata; ni umuhigo w'ubwoba, wo guhangayika, wo gucika intege, wo gushidikanya kandi ni n'umunyaburakari. Uwo mukobwa ntagomba kwiringira ko ubushake bwe akwiriye kuburagiza umugabo utizera ufite myaka mike ku ye.

Niyibuke ko gushyingirwa bidasenywa ubumuntu bwe. Imana imufiteho uburenganzira burenze ubw'abatega b'iyi si. Kuko yacungujwe amaraso ya Kristo, si uwe ngo yigenge. Ariko ntiyiringira mu buryo bwuzuye Imana; yemera kubamba kwemera kwe n'umutimanama uhana we imbere y'umugabo w'umuyobozi kandi w'umunyagitugu. Satani anyurizamo buri gihe imbaraga ze za kidaimoni kugira ngo ahungabanye umutima utinya kandi utengurwa w'umugore we. Uyu mugore yumviye ibishyika byinshi ku buryo urusobe rw'ubwonko bwe rwacogoye ku buryo yahindutse nk'utagira agaciro. Mbese bihuje n'ubushake bw'Imana ko uwo mukobwa aba muri icyo nyifato maze Imana nayo ikabihomberamo umurimo yakagombye gukorerwa? Siko biri. Ugushyingirwa kwe kwakomotse mu buriganya bw'umubi. Bityo, yakagombye

kubimenyera neza, agakorana ubugwaneza imbere y’umugabo we kandi akamunezeza mu buryo bushoboka bwose atabangamiye umutimanama uhana we; kuko niyigumira mu bwigomeke bwe, iyi isi niyo izaba Paradizo ye gusa. Ibiri amambu, ntibihuje n’ubushake bw’Imana ko yitabira amateraniri kugira ngo anezeze umugabo we w’umutegetsi uyobowe n’umwuka w’ikiyoka.⁵

Ngibi ibyo dusoma mu mugani w’ubukwe : “Undi aravuga ati: Narongoye, niyo mpamvu ntitabiriye.” icyaha cy’uyu muntu si uko yari yashyngiye, ahubwo icyo yakozwe ni uko yashyngiye umuntu wahinduye intekerezo ze akazikura ku byera no ku by’ingenzi mu mibereho ye. Umugabo nta kwiriye kwemerera umugore we n’umuryango we gutandukanya ibitekerezo bye na Kristo cyangwa kumutera kwanga irarika ry’ubutumwa bwiza.⁶

“Ushaka byose ahomba byose”: Mwene data K, wahuye n’ibicanteye byinshi, ariko ugomba guhora ukiranuka, ushikanye, kandi wuzuzwa inshingano ku bo ushinze kandi ukabatera gukurukiza urugero rwawe niba bishoboka. Ntugomba gusubira inyuma imbere y’ibikomere uko byangana kose kugira ngo bafate imyanzuro yo kuguherekeza mu nzira yo kwera. Nubwo umugore n’abana bawe bayanga, nubwo bagarageza kugukura ku nshingano zawe, no ku mahirwe wagize y’iby’umwuka; ugomba gukomeza kujya mbere nubwo byagusaba kugenda wenyine. Ugomba kubaho wubaha Imana, imyanya yose ubonye yo kwitabira amateraniri ukayabyaza umusaruro, kandi ukakira imbaraga y’umwuka uko bishoboka kose kuko uzazikenera mu minsi izaza. Ubutunzi bwose bwa Loti bwarakongotse. Nugera igihe cyo gutakaza byose, ntugacike intege, ariko niba ushobora kurokora bamwe mu bagukikije, ibyo ni byiza kuruta guhomba bwose. ⁷

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU KINGEREZA
1	Lettre 28, 1890	Letter 28, 1890
2	Lettre 145, 1990	Lettre 145, 1990
3	Lettre 124, 1897	Lettre 124, 1897

4	Lettre 76, 1896	Lettre 76, 1896
5	Testimonies for the Church, vol.2, P.99, 100 2 3	Testimonies for the Church, vol.2, P.99, 100
6	Manuscrit 24, 1891	Manuscrit 24, 1891
7	Testimonies for the Church, vol.4, P.112, 113	Testimonies for the Church, vol.4, P.112, 113

ICYIGWA CYA 58: UMURYANGO W'UMUGABURA

Imibereho y'umuryango y'umugabura igomba kuba icyitegererezo cy'ubutumwa bwiza: Imana ishaka ko uwigisha ibya Bibiliya mu muryango we aba icyitegererezo kizima cy'ukuri yamamaza. Imibereho y'umuntu igira imbaraga kuruta amagambo ye. Kwera agaragaza buri munsu bizaha imbaraga ibihamya by'umugabura. Kwihangana, guhuza amagambo, ibikorwa n'urukundo bizagira ingaruka nziza ku mitima itashoboraga kugirwa n'ibibwiriza.¹

Uburezi bw'abana b'umugabura niba bukorwa nk'uko bikwiriye buzagaragaza inyigisho atangira ku ruhimbi. Ariko nibwirengagizwa kandi bityo umugabura akaba agaragaza kudashobora gutegeka no kuyobora abe agomba kwigishwa ibyo Uwitwaga amutegerejeho ari byo kurera neza abana be, mbere y'uko yuzuza inshingano ze nk'umwungeri w'umukumbi w'Imana.²

Inshingano ye y'ibanze ni ukwita ku bana be: Umubwirizabutwaga afite inshingano ku bamukikije no ku bari kure ye, ariko inshingano ye y'ibanze ni ukwita ku bana be. Ntagomba guhugira ku mirimo ye kugeza ubwo yirengagiza inyigisho abana be bakeneye. Birashoboka ko afata icyo inshingano nk'itari icy'ibanze; ariko mu by'ukuri ni yo shingiro ryo gukungahara kw'abantu ndetse na rubanda. Ku rugero runaka rwo hejuru, umunezero w'abagabo n'abagore n'intsinzi y'itorero bishingiye ku cyitegererezo cy'umuryango...

Nta rwitwazo na rumwe umugabura azabona niba yirengagiza umuryango we kubw'impamvu zo hanze. Kumererwa neza mu by'umwuka kw'umuryango we biza mbere y'ibindi byose. Ku munsu w'urubanza, Imana izamubaza ibyo yakozwe kugira ngo azanire Kristo abo yabyaye. Ibikorwa byiza bikomeye yakoreye abandi ntibyamutsindishiriza mu maso ^[354] y'Imana ku kuba yarirengagije kwita ku bana be.³

Imbaraga rukuruzi y'umugabura: Abana b'abagabura kenshi ni bo birengagizwa kuko ise abana na bo gake, kandi barekerwa umudendezo w'uburyo bakoresha igihe cyabo n'ibyo bahugiramo.⁴

Bityo, ingaruka ziterwa nuko ise w'abana yirengagije inshingano ye ni nyinshi cyane, ariko zikuba inshuro icumi icyo zigaragariye mu miryango y'abayobozi b'itorero. Niba abo bayobozi bananiwe

kuyobora ingo zabo, baba batanze icyitegererezo kibi kandi bakaba bateye abantu benshi kwishora mu bibi. icyitegererezo cyabo kigera kure cyane uko umwanya wabo urushaho guhanika.⁵

Umugore n’abana nibo bazahamya kwera kwe: Imico yacu igaragarira gake mu byo tubwiriza mu ruhame kurusha mu mibereho tubaho i muhira. Umugore w’umugabura, abana be n’abakozi be nibo bashobora guhamya neza ubukristo bwe no kwera kwe. Umugabo mwiza azaba umugisha mu rugo rwe. Umugore we, abana be n’abakozi be bazakomora ibyiza mu iyobokama rye.

Bene data, mwinjize Kristo mu miryango yanyu; n’abane namwe ku ruhimi n’aho mujya hose. Ntimuzakenera bityo gusobanurira abantu agaciro ko kubaha umurimo, kuko muzagaragaza inzandiko z’ibyete by’ijuru zihamya ko muri abagaragu ba Kristo.⁶

Umugore w’umugabura yaba umufasha cyangwa inkomyi?: Iyo umuntu yemeye kwikorera inshingano z’umurimo aba yigaragaje nk’umuvugizi w’Imana ushinze kubwira ubwoko amagambo ava mu kanwa k’Uwiteka. [355] Mbega ukuntu yakagombye guhora hafi y’umwungeri nyakuri, agenda yicishije bugufi imbere y’Imana kandi atireherezaho abandi ahubwo akerereza Kristo! Mbega ukuntu ari iby’agaciro ko imico y’umugore we yakagombye guhamanya n’icyitegererezo cya Bibiliya, kandi abana be bakareranwa ubwitonzi!

Umugore w’umugabura w’ubutumwa bwiza ashobora kuba umufasha mwiza n’umugisha ukomeye ku mugabo we cyangwa akaba inkomyi ku murimo we. Kuba ingirakamaro umunsi ku wundi k’umugabura ku bamukikije cyangwa gusigingira kwe biterwa ahanini n’umugore we.⁷

Neretswe ko abagore b’abagabura bagomba gufasha abagabo babo mu mirimo yabo kandi bakita ku cyitegererezo batanga kuko bahanzwe amaso kandi bategerejweho byinshi kurusha abandi. Bagomba kuba icyitegererezo mu myambarire yabo, mu myitwarire yabo no mu biganire byabo, bakaba impumuro izana ubugingo atari izana urupfu. Neretswe ko bagomba guca bugufi, bakiyoroshya, bashikame ariko babe inyangamugayo, kandi ibiganire byabo bibe ibyo kuyobora intekerezo mu ijuru. Ikigomba kubahangayikisha cyane kigomba kuba iki ngo : “Ni gute na kiza umutima wanjye kandi nkagira uruhare mu gukiza bagenzi banjye?” Imana ntiyemera umurimo ukoranywe imitima ibiri. Ishaka ko uyegurira umutima wose, inyungu zawe zose cyangwa ukayima byose. icyitegererezo

cy'abagore kirengera ukuri bidasubirwaho cyangwa kikakurwanya. Bateranya na Yesu cyangwa bagasandaza. Umugore utejejwe ni we muvumo ukomeye w'umugabura kurusha iyindi.⁸

Satani ari ku murimo ubudatuza kugira ngo acogoze kandi atere abagabura Imana yahisemo gutera umugongo kubwiriza ukuri. Inzira imwe rukumbi yabonye yamufasha kugera ku ntego ye, ni ukunyurira mu cyitegererezo cy'abagize umuryango no ku bagore batejejwe. Ashoboye kuyobora intekerezo zabo, ashobora kugera mu buryo bworoshye ku bagabo babo bakorera gukiza imitima binyuriye mu kubwiriza no kwigisha... Satani yihatira iteka kuyobora ibikorwa by'abagabura yifashishije icyitegererezo cy'abagore bikunda bishakira ibinezeza byabo.⁹

Inama ku bagabura ku kuyobora ingo zabo: Mufite inshingano mugomba kuzuzwa mu ngo zanyu mudashobora kwirengagiza niba mushaka gukomeza gukiranukira Imana no ku nshingano yabashinze... Umurima w'ibwirizabutumwa ni isi. icyifuzo cyanyu Ni ukubiba muri uwo murima ukuri k'ubutumwa bwiza, mutegereza ko Imana yuhirira imbuto yabibwe kugira ngo yerei mbuto. Kandi, akarima gato mwaragahawe, ariko mureka kameramo amahwa n'ibitovu mu gihe muba muri gutongora umurima w'abandi. Umurimo mwashinzwe ntuzwa ku mwanya wa kabiri ahubwo ni uw'ingenzi cyane. Mwe mwigisha ukuri abandi namwe mugushyire mu bikorwa mu miryango zanyu.¹⁰

Mu gihe mutaremeranya kurera neza abana banyu, wowe n'umugore wawe mugomba kwitandukanya no kwikura ku nshingano kugira ngo itorero ry'Imana mutariha icyitegererezo cyo kwishyira ukizana no kutagira ikinyabupfura. Nzi abagabura benshi b'abapfapfa bihagije bakubita hirya no hino mu gihe bafite abana batagira ikinyabupfura. Imbaraga y'ibibwiriza byabo ikomwa mu nkokora n'imyitwarire mibi y'abana babo.¹¹

Mwite ku bana b'abandi: Umumaro wanyu ntugomba kugarukira ku muryango wanyu gusa ahubwo ugomba kugera no ku yindi. Niba mwemera gucumbikira bene so, ni iby'ukuri ko baba bifuza kugira icyo bakungukiraho. Genzura umumaro mufitiye ababyeyi n'abana, mwihatire kubigisha no kubakorera ibyiza. Mwiyeze umurimo w'Imana kandi ube umugisha kubakwakiye bose; ganira n'ababyeyi ariko ntiwirengagize n'abana. Ntiwibwire ko mu maso y'Imana abana bawe bafite agaciro kurusha ab'abandi.¹²

Ihamagara ku muhungu w’umugabura w’umunyamafuti: Iso ni umugabura w’ubutumwa bwiza, kandi Satani agerageza uburyo bwose kugira ngo abana b’abagabura basuzugure ababyeyi babo. Iyo abishoboye, abagira imbohe y’ubushake bwe kandi akabacengezamo ibiyumviro bye bibi. Mbese uzemera ko agukoresha kugira ngo acogozze ibyari ibyiringiro n’imbaraga by’ababyeyi bawe? Ababyeyi bawe mbese bazasabwa guhora bakurebana agahinda kuko wishyize mu butware bw’umubi? Mbese uzemera ko bacibwa intege no gutekereza ko bareze abana banga uburere babahaye maze bagakurikiza ibyo barakira batitaye ku ngaruka?...

Ufite ibyifuzo byiza, kandi ababyeyi bawe biringiye byinshi kandi bagutegerejeho byinshi ariko wabuze imbaraga zo kunesha ibishuko kandi Satani anezezwa no kubona witeguye gukora ibyo ashaka byose. Utanga kenshi amasezerano aha ibyiringiro ababyeyi bawe ariko ucogora kenshi kuko udashaka guhangana n’umwanzi. Ntushobora kwiyumvisha agahinda utera ababyeyi bawe iyo wishyize mu ruhande rwa Satani. Kenshi uravuga uti: “Sinakora ibi” kandi “sinakora na biriya” ariko urabizi neza ko ibintu uvuga ko utakora ari byo bintu bikunezeza kubikora. Ushobora kurwanya umwanzi utifashishije imbaraga zawe bwite, ahubwo wifashishije imbaraga Imana ihora yiteguye ku guha. Niwishingikiriza ku ijambo ryayo, ntuzigera uvuga uti : “sinabishobora.”...

Ndagutongera mu izina ry’Uwiteka, ngo uhindure inyifato amazi atararenga inkombe. Ababyeyi bawe kuko ari abakozi bakorana n’Imana, wagakwiriye kugira imyitwarire myiza, ariko kubw’amafuti yawe, usuzugura so na nyoko kandi kasanira umuvumo umurimo bihatira gukora. Mbese mama wawe ntiyari afite imitwaro iremereye utiriwe wongeraho imico yawe mibi? Mbese urakomeza kwitwara ku buryo umutima wa so ukomeza kuzura umubabaro? Mbese bizakunezeza kubona ijuru ryose rikurebana umubabaro? Mbese birakunyuze kwishyira mu mirongo y’umwanzi kugirango utegekwe kandi uyoborwe na we?

Oh! Bicyitwa uyu muni ubwo ihamagara rikicyumvikana, wakagarukiye Umukiza! Buri gikorwa cyawe cyose kikugira mwiza kurushaho cyangwa mubi kurushaho. Niba ukorera Satani, ahagukikije uzahatera icyitegererezo kizakomeza kwera imbuto mbi. Abera, intungane n’imbonera nibo bonyine gusa bazaba mu murwa wera w’Imana. “Uyu muni ni wumva ijwi ryayo ntiwinangire umutima”, ariko garukira Umukiza kugira ngo binyuriye mu bikorwa byawe utazasiga amateka yuzuye umubabaro.¹³

Umugabura agomba kugaragaza ubugwaneza kandi akita ku bana: Abagabura nibagaragaze ubugwaneza kandi bikundirize ku bana babo. Bagomba guhorana mu ntekerezo zabo ko ari bo bagabo n’abagore b’ejo hazaza, abagize umuryango w’Imana. Abo bana bashobora kuba hafi y’Umwigisha kandi bakaba inkundwa ku mutima we. Niba baratojwe kandi bakigishwa neza, bashobora gukorera Imana uhereye mu bwana bwabo. Kristo ababazwa n’ijambo ryose ribabaza, rikarishye kandi rihubukiwe ribwiwe abana. Uburenganzira bwabo kenshi ntibwubahizwa, kandi akenshi bafatwa nk’aho batagira imiterere yabo yihariye ikeneye gutezwa imbere kugira ngo batazatera umugongo inzira nziza maze umugambi Imana ibafiteho ntugerweho.¹⁴ Itorero ni ryite by’umwihariko ku bana b’intama b’umukumbi, kandi bikururireho icyitegererezo cyose cyabo kugira ngo babakunde kandi babazirike ku kuri. Abagabura abizera bagize itorero bagomba guhuriza hamwe imbaraga zabo kugira ngo bayobore abana mu nzira itunganye. Imana irahamagara urubyiruko kuko ishaka kubagira abakorana na yo kugira ngo bakore umurimo w’ingirakamaro muni y’ibendera ryayo.¹⁵

Ubuhamya bukomeye: Umugabura agomba guhugura abizera be kubirebana n’uburezi bw’abana kandi abana be bagomba kuba icyitegererezo kizima cyo kumvira.¹⁶

Ubumwe bugomba kuganza mu muryango w’umukozi w’Imana: Bityo buzaba igihamya gikomeye ku myitozo yo kwera gushyizwe mu bikorwa. Mu gihe umugabura w’ubutumwa bwiza n’umugore we buzaza inshingano zabo z’i muhira bakiranutse bacyaha, bakosora, baburira, batanga inama kandi bayobora, baba bigaragaje ko bashoboye kuzaza inshingano z’itorero kandi ko bafite ubushobozi bwo gukora umurimo w’Imana hanze y’ingo zabo. Bityo ab’urugo bakaba abagize umuryango w’ijuru n’imbaraga yo gukora ibyiza itanga icyitegererezo kigera kure. ¹⁷

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	Le Ministère évangélique, P.199	Gospel workers p 204
2	Lettre 1, 1877	Letter 1, 1877

3	Le Ministère évangélique, P.199, 200	Gospel worker p 204
4	Le Ministère évangélique, p 201	Gospel workers p 206
5	Patriarches et prophètes, P.567	Patriarchs and prophets p 579
6	Testimonies for the Church, vol.5, P.161	Testimonies for the Church, vol.5, P.161
7	Lettre 1, 1877	Letter 1, 1877
8	Témoignages pour l'Eglise, vol.1, P.39	Testimonies for the church vol 1p 139
9	Testimonies for the Church, vol.1, P.449, 451	Testimonies for the Church, vol.1, P.449, 451
10	Testimonies for the Church, vol.1, P 381	Testimonies for the Church, vol.1, P 381
11	Lettre 1, 1877	Letter 1, 1877
12	Testimonies for the Church, vol.4, P.382	Testimonies for the Church, vol.4, P.382
13	Lettre 15 a, 1896	Letter 15 a, 1896
14	Témoignages pour l'Eglise, vol.1, P.609	Testimonies for the Church, vol. 4 p 397,398
15	Review and Herald, 25 Octobre 1892	Review and Herald, 25 October 1892
16	Lettre 1, 1877	Letter 1, 1877
17	Le Ministère évangélique, P.200	Gospel workers p 204, 205

ICYIGWA CYA 59: ABABYEYI BAGEZE MU ZABUKURU

“Wubahe so na nyoko”: Amabwiriza areba abana yo kubaha ababyeyi babo afite agaciro igihe bakiriho. Iyo ababyeyi bacogojwe n’imyaka, abana bakwiriye kubagaragariza urukundo no kubitaho bijyaniranye n’amakene yabo. Nubwo byabasaba kwitambaho igitambo, bagomba gushyira imibereho yabo kuri gahunda ku buryo babarinda guhangayika kose n’agahinda kose bafite ubudahemuka no kumaramaza...

Abana bagomba kwiga gukunda no kwita ku babyeyi babo bafite ubugwaneza. Mwebwe mubiteho ubwanyu; udukorwa duto tw’urukundo mubagaragariza baduha agaciro kurusha uko byaba bikomotse k’uwundi uwo ari we wese. Mubyaze umwanya umusaruro w’agaciro mubonye kugira ngo mubibe imbuto z’urukundo.¹

Inshingano dufite ku babyeyi bacu ntizirangirana no kugira imyaka myinshi. Urukundo rwacu tubakunda n’urwo badukunda ntirugererwa ku bihe cyangwa ku ntera iri hagati yacu na bo; kandi ntitugomba kwikuraho inshingano tubafiteho.²

Abana nibibuke babyitondeye ko ababyeyi babo bageze mu zabukuru basigaranye umunezero no kunyurwa guke. Ni iki cyababaza cyane nko kubona basuzugurwa n’abana babo? Ni ikihe cyaha gikomeye cyakorwa kirusha gutera umubabaro iso cyangwa nyoko ugeze mu zabukuru kandi atagira gifasha?³

Gutegura inzira: Iyo abana bamaze gukura, bamwe bibwira ko inshingano yabo ari yo gushakira ababyeyi babo aho kuba gusa. Babaha ibyo kurya n’ibyo kwiyorosa, ariko ntibabagaragariza impuhwe n’urukundo. Igihe aba babyeyi babo bageze mu zabukuru, kandi bahagizwa no kuzengurutswa urukundo n’impuhwe no kumvwa, abo bana babanyaga nta mpuhwe kubitaho. nta na rimwe twagakwiriye kubura kubaha no gukunda ababyeyi bacu. Mu gihe ababyeyi bakiriho, tugomba kubanezeresha kububaha, kubumvira no kubaha amahoro mu buzima bwabo n’umucyo w’izuba ushoboka. Bityo tuzoroshya inzira yabo igana ku gituro. Kubwira umuntu ko akunda kandi ko yubaha ababyeyi be, ni ryo shimwe rikomeye kurusha ayandi ku isi n’ubuhamya bwiza bushobora kwandikwa mu bitabo byo mu ijuru.⁴

Kutanyurwa n'ibyo ababyeyi bagukorera: Mbese byashoboka ko abana batakwita ku makene y'ababyeyi babo? Ko badashakisha impamvu zose zibatera agahinda umusubirizo, babitaho kandi babitangira ubudatuza? Mbese ni gute iminsi ya nyuma yo kubaho kw'ababyeyi babo batayifata nk'akanya ko kubakorera ibyiza maze ngo iyo minsi ibabere myiza kuruta iyindi yo kubaho kwabo kose? Ni gute umwana w'umuhungu cyangwa w'umukobwa yakwifuza gushinga abanyamahanga kwita kuri se cyangwa nyina? Nubwo nyina w'umwana yaba atizera cyangwa afite imico mibi, ibyo ntibikuraho inshingano ku mwana ko agomba kumwitaho nk'uko Imana ibimusaba.⁵

Kutubahwa gukomotse ku babyeyi bamwe na bamwe: Igihe ababyeyi bemereye umwana kubasuzugura akiri muto, bakareka akajya ababwirana ubukana kandi akabatuka, bagomba kwitega kuzasarura umusaruro mubi cyane mu myaka iri mbere. Niba batarabatoje kubaha no kumvira byimazeyo bakiri bato, ntibababa barashyizeho urufatiro nyakuri rw'imico yabo. Baba barabateguriye kuzabubahuka mu gihe bazaba bageze mu zabukuru kandi bakabatera gushenguka imitima mu gihe bari hafi kujya mu gituro keretse gusa imitima n'imico y'abana babo bihinduwe n'ubuntu bwa Kristo.⁶

Ntukagaragarize inzika ababyeyi bakiranirwa: Umuntu umwe yavuze kuri nyina ati: "Iteka nanze mama kandi na mama ubwe yaranyangaga". Ayo magambo yanditswe mu bitabo byo mu ijuru kandi azahishurwa ku munsu w'urubanza igihe buri wese azagorerwa hakurikijwe ibyo yakoze.

Igihe abana basobanukiwe ko bareranywe ubukana mu buto bwabo, ibyo bizabafasha gukurira mu buntu no kumenya Kristo no kugaragaza ishusho ye cyangwa bazagaragaza umwuka w'inzika no kwihorera ku babyeyi babo by'umwihariko igihe bazaba bacitse intege kandi bageze mu zabukuru? Intege nke z'ababyeyi babo mbese ahubwo ntizakabateye kubagirira urukundo? Amakene ya se cyangwa nyina bageze mu zabukuru mbese ntibizabyutsa mu mitima yabo umwuka w'ubugiraneza, kandi binyuriye mu buntu bwa Kristo ntibazita ku babyeyi babo bafite ubugwaneza no kububaha? Oh! icyampa umutima wanyu ntiwinangirire so cyangwa nyoko! Ni gute umukobwa uvuga ko ari umukristo ashobora gushonyagiza umwuka wo kwanga nyina by'umwihariko igihe arwaye cyangwa akuze? Reka abana bahorane mu mitima yabo

ubugwaneza n'urukundo bagirira ababyeyi babo, ari byo mbuto z'imibereho ya gikristo mizima! 7

Mwihanganire ubumuga bwabo: Birababaje cyane kubona umwana ashobora kunanirwa kwihanganira nyina ugeze mu zabukuru, w'umunyantega nke kandi ufite ubumuga butewe n'imyaka afite byakomotse mu bwana bwe. Mbega ukuntu abana bagakwiriye kwihanganira no gukunda umubyeyi nk'uwo! Agomba kujya ababwira amagambo y'urukundo kugira ngo atababaza. Umukristo nyakuri ntazaba inkorwahato cyangwa ngo yirengagize ababyeyi be uko ibihe byahinduka bite, ahubwo azumvira itegeko rya gatanu rigira riti: "Wubahe so na nyoko" Imana irongera iravuga iti: "Ujye [363] uhagurukira umeze imvi, wubahe umusaza"

Bana, mureke ababyeyi bafite ubumuga kandi batihagije ubwabo mu kwiyitaho, iminsi yabo ya nyuma bayibeho mu munezero, mu mahoro no mu rukundo. Mu izina rya Kristo, mubaherekereshe mu nzira yabo igana ku gituro amagambo yo kubumva, yuje urukundo, yo kubashima n'imbabazi. Mbese mwifuza ko Umukiza abakunda, ko abagirira impuhwe kandi akabababarira ndetse akabitaho igihe murwaye? Mufate bagenzi banyu nk'uko mwifuza ko babafata namwe.8

Umugambi w'Imana wo kwita ku bageze mu zabukuru: Ikindi kibazo cyakunze kwibazwa inshuro nyinshi ni ikirebana no kwita kuri bene data na bashiki bacu bageze mu zabukuru batagira imiryango. Ni iki twabakorera? Amabwiriza nahawe n'umwami nayasubiriwemo inshuro nyinshi. Kubaka ibigo bizabamo abasaza gusa si cyo gisubizo. Ntibagomba na none kubashyira kure y'ingo zabo kugira ngo bitabweho. Reka abagize umuryango bite ku babyeyi babo. Niba bidashoboka, iyo nshingano ireba itorerwa kandi rigomba kuyemera nk'inshingano n'amahirwe babonye. Abafite umwuka wa Kristo bose bazagaragariza impuhwe no kubaha by'umwihariko abacogojwe n'imyaka.9

Amahirwe atera kunyurwa n'umunezero: Igitekerezo kimwe rukumbi ko wagize uruhare mu kumererwa neza kw'ababyeyi bawe, biha abana umwuka wo kunyurwa mu buzima bwabo bwose, kandi bizababera isoko y'umunezero igihe nabo ubwabo bazaba bakeneye kwitabwaho no gukundwa. Abafite imitima yuzuwemo urukundo bafata korohereza ababyeyi babo bageze mu zabukuru imibereho nk'amahirwe atagira uko angana. Bazanezewa no kubona baragize

uruhare mu gutuma ababyeyi babo bakunda banezerwa kandi bakagira amahoro mu minsi yabo ya nyuma. Ibiri amambu, nitwanga guha abageze mu zabukuru kandi bacogoye kwitabwaho bagahawe n'abahungu n'abakobwa, tuzabaho imitima ishengurwa n'umubabaro, keretse gusa nayo niba yaraguye ikinya kandi igakonja nk'ibuye.10

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANS	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	Manuscrit 18, 1891	Manuscript 18, 1891
2	Review and Herald, 15 novembre 1892	Review and Herald, 15 November 1892
3	Review and Herald, 15 novembre 1892	Review and Herald, 15 November 1892
4	Review and Herald, 15 novembre 1892	Review and Herald, 15 November 1892
5	Review and Herald, 15 novembre 1892	Review and Herald, 15 November 1892
6	Manuscrit 18, 1891	Manuscript 18, 1891
7	Manuscrit 18, 1891	Manuscript 18, 1891
8	Manuscrit 18, 1891	Manuscript 18, 1891
9	Témoignages pour l'Eglise, vol.2, P.593	Testimonies for the church vol 6 p 272
10	Review and Herald, 15 novembre 1892	Review and Herald, 15 November 1892

**UMUGABANE WA 13:
IBY'IMIKORESHEREZE
Y'AMAFARANGA**

ICYIGWA CYA 60: IBISONGA BY'IMANA

Tugomba kumenya ko Imana ariyo nyiri bintu byose:

Gusobanukirwa ko Imana ifite ibintu byose ni byo shingiro ry'ubunyamugayo n'insinzi nyakuri mu mirimo yose. Umuremyi w'ibiriho byose, ni we nyiri bintu byose. Twebwe turi ibisonga bye. Ibyo dufite byose yarabidushinze kugira ngo tubikoreshe dukurikije amabwiriza ye.

Aho niho hari amabwiriza areba buri muntu wese kandi areba n'amashami yose y'umurimo we. Twabishaka cyangwa tutabishaka turi ibisonga, byahawe n'Imama italanto n'uburyo butandukanye kandi byashyizwe mu isi kugira ngo bihakorere umurimo yadushinze.1

Amafaranga si ayacu; kimwe n'amazu, imirima, ibibaho, ibikoresho byo mu nzu byose, imyambaro n'ibikoresho byo kwinezeza. Aha ku isi, turi abagenzi n'abimukira. Imana itwemerera gukoresha gusa ibikoresho by'ingenzi ku mibeho no ku buzima bwacu... Imigisha yacu yo muri iki gihe twayihawe nk'ububiko kugira ngo bigaragaze niba twashobora cyangwa tutashobora kubika ubutunzi bw'iteka. Iri suzuma nituritsinda neza, Imana izaduha ubwo butunzi yikubitiye kandi yadusezeranije ari bwo ubwiza, icyubahiro no kudapfa.2

Umunsi umwe, tuzagaragaza uko twakoresheje imitungo yacu:

Iyaba abizera bacu bemeraga gushyira gusa mu murimo w'Imana amafaranga babikijwe by'umwihariko ayo bakoresha mu kunezeza irari ryabo ryo kwikunda no guhaza iruba ryabo, bakibiye ubutunzi bwabo mu ijuru kandi bityo bagakora umurimo nyakuri Imana ibasaba gukora. Ariko kimwe n'umutunzi wo mu mugani baba mu mibereho yo kwikubiraho. Ayo mafaranga Imana yabashinze ngo bayakoreshe bahesha izina ryayo icyubahiro bayapfusha ubusa. Ntibafata akanya ko gupima inshingano bafite ku Mana. Bibagirwa ko umunsi uje kandi uri bugufi ngo basobanure uko bakoreshe ubutunzi baragijwe.3

Tugomba kwibuka ko ku munsi w'urubanza, tugomba gusobanura uko twakoresheje amafaranga y'Imana. Tuyakoresha kenshi mu kwinezeza no guhaza kwikunda kwacu bitatuzanira ibyiza na bike, ahubwo bidutera ingaruka mbi zifatika. Nidusobanukirwa ko Imana ari yo mugaba w'ibyiza byose kandi ko n'amafaranga ari aye, tuzagaragaza ubwenge mu mikoreshereze

y'amafaranga bijyaniranye n'ubushake bwe bwera. Ibigezweho n'akamenyero k'isi ntituzabifata nk'iby'ingenzi dukwiriye gukurikiza. Ntituzakora dukurikiza imigirire yabyo, kandi ntituzemerera ibyifuzo byacu ko ari byo bituyobora.4

Mu mikoreshereze yacu y'amafaranga, dushobora kugira amafaranga nk'icyadufasha gukura mu by'umwuka nituyafata nk'ubutunzi bwera twaragijwe butagomba gukoreshwa mu guhaza ubwibone, ubwirasi, ipfa n'irari byacu.5

Neretswe ko Marayika wandika ibikorwa y'abantu mu bitabo byo mu ijuru yandikamo mu buryo bwitondewe ituro ryose rituwe Imana rigashyirwa mu bubiko, akandika umusaruro uheruka w'uko ryakoreshejwe. Ijisho ry'Imana rigenzura buri faranga ritangiwe umurimo wayo n'ubushake bwiza cyangwa umutima mubi wa nyiri ukuritanga. Umugambi umuteye gutanga nawo urandikwa.6

Amaturo y'umuryango akwiriye: "Umuntu wese muri mwe abike iwe ibimushobokera nk'uko atunze..." buri wese mu bagize umuryango uhereye ku mukuru ukageza ku muto akwiriye kugira uruhare muri uyu murimo w'ubugiraneza... umugambi w'ubugiraneza ukwiranye [369] n'ubushobozi bwa buri wese, uha buri muryango wose ubwirinzi bwo gutsinda ibishuko byo gukoresha mafaranga mu bitagira umumaro, kandi bizanira umugisha abakire kuko bibarinda gusayisha.

Buri byumweru byose, abashyira mu bikorwa uwo mugambi bararikirwa kwibuka ibyo Imana isaba buri muryango. Bitandukanije no gukoresha iby'agakabyo kugira ngo bakungahaze ubutunzi bwo mu nzu y'Imana, bese bize muri ubwo buryo inyigisho z'agaciro mu birebana no kwiyanga k'ubwo guhesha Imana icyubahiro. Inshuro imwe mu cyumweru buri wese ahangana n'ibyo yakoze mu minsi ihise – agomba kubara inyungu yinjije nk'igisonga n'amafaranga yatakaje agura ibitagira umumaro. Kandi imbere y'Imana, umutimana uhana we uramushinja cyangwa ukamushinjura. Bityo yiga ko kugira ngo agumane amahoro yo mu mutima no kwemerwa n'Imana; agomba kurya, akanywa kandi akambara kugira ngo aheshe Imana icyubahiro.7

Amabwiriza y'Imana ni nyambere: Ibyo Imana isaba bigomba kuzuzwa ku mwanya wa mbere. Ntituba dukoze ibyo ishaka, mu gihe tuyegurira ibisigara nyuma yo kugura ibyo dukeka ko twari dukennye. Mbere yo gukoresha ibyo twungutse byose, tugomba gushyira ku ruhande kandi tugaha Imana umugabane wayo. Mu

gihe cya kera, amaturo y'ubushake yagurumanaga ubudatuza ku gicaniro nk'ikimenyetso cy'uko umuntu abeshejweho n'Imana. Niba imishinga yacu itera imbere, nuko Imana iduha umugisha. Umugabane umwe w'ibyo twungutse ugomba guhabwa abakene, kandi undi mugabane urushijeho kuba munini ukerekezwa mu murimo w'Imana. Igihe tuzaba tumaze guha Imana ibyo idusaba, izababoneza kandi ihe umugisha ibisigaye tugomba gukoresha mu mibereho yacu. Ariko niba twiba Imana, tugundira ibyayo, umuvumo wayo uzaba ku butunzi bwacu bwose.⁸

Mwibuke abakene: Niba dushaka kugaragaza imico ya Kristo, tugomba gukūra mu mutima wacu buri kantu kose ko kwikunda. Mu kuzuzanya inshingano Imana yadushinze, bizaba ngombwa ko dutanga kugeza ku ifaranga rya nyuma dushobora kuzigama. Bazatubwira iby'imiryango ikennye kandi iri mu mibabaro ikeneye gufashwa, n'ibyabahanya bakwiriye kugobokwa. Tuzi gake ibirebana n'imibabaro y'ikiremwanu kituzengurutse, ariko igihe cyose tubonye uburyo, tugomba guhora twiteguye gufasha byihuse abababaye cyane.⁹

Igihe dupfusha ubusa amafaranga yacu mu kwinezeza, tuba tugomwe abakene ibyakagombye kubatunga no kubambika. Ibyo dupfusha ubusa mu bwibone ku myambaro, ku nzu, ku bikoreho byo mu nzu, ku bupfu bw'uburyo bwose no mu mitako byashoboraga koroshya imibabaro y'imiryango myinshi iri mu bwihebe no mu bwigunge. Ibisonga by'Imana bigomba gukora umurimo bikorera abakene.¹⁰

Umuti mvajuru ku kwikunda no kwibona: Ubugiraneza bukomotse mu mwuka wo kwitanga ni umugisha ku witanze we ubwe. Bimushoboza gusobanukirwa byuzuye n'umurimo wa Kristo, wajyaga aya mu gace kamwe ajya mu kandi gukora ibyiza, afasha abababaye no gukemura amakene y'abakene. ¹¹

Gutanga bihora kandi udashaka inyungu ku bandi ni umuti Imana yageneye kwikunda no kwibona bimunga imico yacu. Imana yashyizeho ihame ry'ubugiraneza kugira ngo rishyigikire umurimo wayo no gufasha abababaye n'abakene. Yagambiriye ko tugira akamenyero ko gutanga kugira ngo tuburizemo akaga n'icyaha kibi cy'ubugugu. Bityo, niduhora dutanga, ubwibone ntibuzaba bukidutegeka. Hakurikijwe umugambi w'Imana, ubugiraneza bugambiriye kuzahura ushaka gukomeza ^[37] kugira ibyiza ashobora kugeraho, kugira ngo abyegurire Imana, ari Yo ibabeshaho...

Nidushyira mu bikorwa ubugiraneza nk'uko umugambi w'Imana uri, akamenyero kacu k'ubugugu kazagabanuka kandi kugiraneza kwacu kuzakura. Uko ubutunzi bwiyongera, abantu yemwe n'abavuga ko ari abakristo niko babuzirikaho umutima wabo, kandi uko barushaho kugwiza amafaranga ni ko batanga make mu bubiko bw'Imana. Ubutunzi bityo buhindura abantu abikunda, kugwiza ibintu bikabatera ubugugu kandi uko iminsi ishira ni ko burushaho kumwigarurira. Imana izi akaga twishoramo kuri iyi ngingo. Kandi yatuzengurikishije igihome cyo kuturinda kurimbuka. Idusaba kugira ubugiraneza ubudatuza kugira ngo akamenyero ko gukora ibikorwa byiza kaburizemo ako gukora ibikorwa bibi.12

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	Education, P.136	Education p 387
2	Lettre 8, 1889	Letter 8, 1889
3	Lettre 21, 1898	Letter 21, 1898
4	Lettre 8, 1889	Letter 8, 1889
5	Lettre 8, 1889	Letter 8, 1889
6	Testimonies for the Church, vol.2, P.518, 519	Testimonies for the Church, vol.2, P.518, 519
7	Testimonies for the Church, vol.3, P.412	Testimonies for the Church, vol.3, P.412
8	Témoignages pour l'Eglise vol.1. P.639	Testimonies for the Church, vol.4vp 477
9	Manuscrit 25, 1894	Manuscript 25, 1894
10	Review and Herald, 8 Décembre 1896	Review and Herald, 8 December 1896
11	The youth's Instructor, 10 Septembre 1907	The youth's Instructor, 10 September 1907
12	Testimonies for the Church, vol.3, P.548.	Testimonies for the Church, vol.3, P.548.

ICYIGWA CYA 61: AMAHAME AGENGA UMUTUNGO W'UMURYANGO

Amafaranga ashobora kuba umugisha cyangwa umuvumo
: Amafaranga si umuvumo gusa ahubwo afite agaciro kenshi kuko aramutse akoreshejwe neza, ashobora gufasha mu gukiza imitima kandi adufasha gufasha abakennye kuturusha. Ariko iyo akoreshejwe nta makenga ndetse n'ubwenge bibirimo,... amafaranga ahinduka umutegeko ku uyakoresha. Uyakoresha mu guhaza ubwibone bwe n'ibyifuzo bye, abikomoramwo umuvumo mu cyimbo cy'umugisha. Amafaranga ashya ibiyumviro byacu mu igeragezwa. Uwunguka ibirenze ibikenewe agomba gushakisha ubwenge n'ubuntu bwo kwisobanukirwa no kubera maso umutima we bwite. Bityo azirinda kwihimbira amakene no kuba igisonga kibi acukurira igishoro Imana yamuhaye.

Nidukunda Imana kurusha ibindi byose, ibintu byo muri iyi si bishira bizagira umwanya wabyo mu byiyumviro byacu. Nidushaka kwicisha bugufi n'umwete uko twagira ubumenyi n'ubushobozi bukwiriye kugira ngo dukoreshe neza ubutunzi bw'Umukiza wacu, tuzakira ubwenge mvajuru. Igihe twumviye ibyifuzo n'irari ryo mu mutima wacu, igihe dukundwakaje igitekerezo cy'uko tudafashijwe n'Imana "amafaranga yaduha umunezero", ayo mafaranga ahinduka umutegeko w'igitugu utegeka umuntu; akiringirwa, kandi akaramywa nk'imana. Akabambwaho icyubahiro, ubunyangamugayo, ukuri no gukiranuka. Amategeko y'Imana agaterwa umugongo, kandi ukayoborwa n'imihango n'imigenzo y'isi yashyizweho n'ikigirwamana Mamoni. 1

Shakisha umutekano ushaka aho kuba: Iyaba twarakomeje kumvira amategeko y'Imana, imyitwarire y'isi yacu mu by'umwuka, mu by'ubwenge no mu by'ubutunzi byakabaye bitandukanye n'uko bimeze ubu. Kwikunda no [373] kwirarira ntibyakwigaragaje nk'uko biri ubu, ariko buri wese yakwitaye afite ubugwaneza ku munezero no kugubwa neza kw'abandi... Aho kureka abakene bagakandamizwa n'abakire, aho kureka abandi kubatekerereza no kubakorera igenamigambi ryabo mu by'umubiri no mu by'umwuka, Abakene bagakwiriye kugira ubushobozi bwo kugera k'ubwigenge bwo mu ntekerezo no mu bikorwa.

Kumenya ko bafite inzu yabo bwite bitera muri bo ibyifuzo byimbitse byo gutera imbere . Mu buryo bwihuse, bazashobora kwishyiriraho igenamigambi no kwiyobora ubwabo; bazacengeza akamenyero ko gukora no kuzigama mu bana babo, bityo ubushobozi bw'ubwenge buzakomera biruseho. Abari mu cyiciro

cy'abakene baziyumvisha ko ari abantu atari imbata, kandi baziyumvisha ko bashoboye ku rugero ruhanitse kongera kwigirira icyizere cyo kwiyubaha ubwabo no kwigenga ko mu bwenge bari barazimije. 2

Mwigishe abizera bacu kuva mu mijyi bajya mu cyaro, bashobora kuhabona akarima ko guhinga no kuhubaka inzu yabo n'iy'abana babo.3

Umuburo urebana no kugurisha amazu yo kubamo: Bene data na barumuna banjye benshi b'abakene banyandikiye bambaza niba bagurisha amazu yabo maze ibivuyemo ngo babishyire mu murimo w'Imana. Bavuga y'uko bahungabanijwe n'amahamagara yacu kandi bashakaga icyo bakorera Umutware wabo wakoze byose ku bwabo. Narabasubije nti: Ntimwasabwe kugurisha amazu yanyu meza mato ari mu mirima yanyu ubu, ahubwo mubibwire Imana, izumva amasengesho yanyu asenganywe umwete kandi izabaha ubwenge bukwiriye kugira ngo musobanukirwe aho mugomba gukorera inshingano yanyu.4

Imana ntisaba muri aka kanya abizera kwikura mu mazu babamo; ariko niba abafite ibintu byinshi bituma batumva ijwi ryayo, niba batitandukanya n'isi kandi bakaba batanzezwa no kwitambaho ibitambo kubwe izabazinukwa kandi izegukira abiteguye gukora ikintu cyose bakorera Yesu n'ubwo byabasaba kugurisha amazu yabo kugira ngo bakenure amakene y'umurimo w'Imana.5

Ubwigenge bushimwa: Hari ubwoko bw'ubwigenge bushimwa. Ni ibisanzwe ko wakwiyitaho weho ubwawe kandi ko wabaho nta n'umwe wishingikirijeho. Kwifuza kwihaza ubwawe ni icyifuzo cyiza kandi cy'agaciro. Ni ngombwa kwimenyereza akamenyero ko gukora no kuzigama.6

Ingengo y'Imari imeze neza: Ni benshi kandi ni benshi cyane batiyigishije uburyo bwo gukoresha imari yabo mu buryo buhwanye n'imali binjiza. Ntabwo biga kubaho mu buryo buhwanye n'uko bameze, nuko bakaguzza, bagakomeza kuguzza kugeza ubwo imyenda ibasaguka, bikageza aho bituma bacogora maze bakiheba.7

Barura neza amafaranga ukoresha: Akamenyero ko gukunda kwinezeza cyangwa kutamenya gushyira mu gaciro k'umubyeyi, bishobora guhora bimara amafaranga. Nyamara uwo mugore aba

atekereza y'uko akora neza kuko atigeze yiga kwifata mu byo ashaka cyangwa mu byo abana be bashaka, kandi akaba atigeze yigishwa uko yakwifata mu by'urugo. Aho niho ab'urugo rumwe bashobora gukoresha amafaranga yikubye inshuro ebyiri z'ahagije ab'urundi rugo rufite abantu bangana n'ab'urwo rugo.

Bose bakwiriye kwiga kwandika uko amafaranga akoreshejwe. Bamwe birengagiza kubikora ngo ntacyo bimaze ariko ibyo ni bibi. Amafaranga yose yakoreshejwe ni ngombwa gusobanura neza icyo yakoreshejwe.⁸

Akamenyero kabi ko kwaya amafaranga: Uwiteka yashatse kumenyesha neza akaga gakomoka mu kugira [375] akamenyero ko kwaya; kugira ngo mbashe kuburira ababyeyi kugira ngo bigishe abana babo icungamutungo riboneye. Mubigishe ko amafaranga akoreshejwe mu by'agakabyo aba adakoze uko byagakwiriye.⁹

Niba mukunda kwaya, mwitandukanye na byo mutazuyaje, nibitaba bityo, muzarimbuka by'iteka ryose. Akamenyero ko gukora, kuzigama no kutaya ni umurage ukomeye ku bana banyu kuruta impano zose zikomeye wabaha. Turi abashyitsi n'abimukira muri iyi si. Ntitugakoreshe amafaranga yacu mu guhaza ibyifuzo Imana yatubujije. Duhamye kwizera kwacu binyuriye mu gushyira rutangira ku byifuzo byacu.¹⁰

Umucyaho ku mubyeyi waya umutungo: Ntuzi gukoresha umutungo wawe mu buryo bw'ubwenge kandi ntiwize uko wabaho bihwanye n'ubushobozi bwawe... Wifuza ubudatuza kubona amafaranga, kugira ngo uyakoreshe wisanzuye no mu byo wifuza, nyamara inyigisho zawe, n'icyitegererezo cyawe kuri iyi ngingo byabaye umuvumo ku bana bawe. Baha agaciro gake amahame. Bibagirwa Imana buhoro buhoro, ntibite ku kumubabbaza kandi bakanga ibibarwanya byose. Uko baronka amafaranga menshi mu buryo bworoshye niko bashima gake. ¹¹

Ku muryango ubaho birenze ubushobozi bwawo: Mugomba kwita ku byo musohora kugira ngo bitarenga ibyo mwinjiza. Mugabanye amakene yanyu. Birababaje cyane ko umugore wawe asa na we cyane kuri iyi ngingo kandi ntashobora kugufasha kugenzura uko amafaranga akoreshwa mu tuntu duto duto kugira ngo bikurinde kwaya. Mu muryango wawe, ntimutuza gukoresha amafaranga adakenewe. Umugore wawe

yishimira kubona abana be bambaye imyenda ihenze cyane ugereranije n'ubushobozi bwanyu, kandi muri ubwo buryo, mumenyereza abana banyu gukunda no kugira akamenyero ko kwibona no kwirata. Iyaba mwigaga kuzigama, iyaba mwasobanukirwaga akaga kose kihishe mu kwaya, n'ingaruka zibageraho mwe ubwanyu no ku bana banyu no ku murimo w'Imana! Mwakagize inararibonye y'ingenzi mu kurema imico yanyu ya gikristo. Ariko nimutabigeraho, abana banyu bazagaragaraho mu mibereho yabo icyitegererezo cyanyu kibi...

Ntibihagije kuri mwe kurundanya amafaranga menshi, ibyo byabagora cyane, ahubwo ndagira inama mwembi gukoresha amafaranga yanyu mubyitondeye, no kwigisha buri munsu abana banyu kwirinda, kwiyanga no kuzigama. Bagomba kwigishwa binyuriye mu mahame no mu cyitegererezo.¹²

Umuryango wahamagariwe kwiyanga: Mwene data, murumuna wanjye, neretswe ko mufite byinshi byo kwiga. Mubaho birengeje ubushobozi bwanyu. Ntimwigishijwe kuzigama. Iyo mwahembwe umushahara mwinshi, ntimuzi kuzigama umugabane runaka wo muri wo. Aho gukorana ubushishozi, mukurikiza ibyifuzo byanyu n'ibyo murarikiye. Rimwe na rimwe, mutakaza amafaranga mu kugura ibyo kurya bihenze, ibyo bene so batashobora kugura. Amafaranga asohoka mu buryo bworoshye mu mifuka yanyu. ...Kwiyanga niryo somo mugomba kwiga mwembi.¹³

Ababyeyi bagomba kwiga kubaho bakurikije ubushobozi bwabo kandi bakigisha abana babo kwiyanga, binyuriye mu mahame no mu cyitegererezo. Bagomba kugira amakene make kandi nayo yoroheje kugira ngo baharire igihe cyabo kinini mu gutoza intekerezo zabo no mu iterambere ryabo ry'iby'umwuka.¹⁴

Kwiyoroshya birenze si ikimenyetso cy'urukundo: Ntimukamenyereze abana banyu kwibwira ko ubwo [377] mubakunda mugomba gucira akari urutega ubwibone, amafuti n'ibyifuzo byabo byo kwinezeza. Iki si cyo gihe cyo kugerageza gushaka uburyo bwo kwaya amafaranga yanyu. Ahubwo ibiri amambu, mukoreshe ibitekerezo byanyu byose uko mwayazigama.¹⁵

Kuzigama no kugira ubuntu ntibitandukanywa: Urubyiruko rw'iki gihe rusa n'abashaka kwirengagiza no gusuzugura kuzigama; babyitiranya n'ubugugu no kwanga abandi. Ahubwo, uburyo bwo gukoresha amafaranga bijyanirana n'ibitekerezo n'ibiyumviro byagutse cyane kandi byuzuye kugira ubuntu. Ahatari kuzigama nta

kugira ubuntu nyakuri kuba guhari. Ntihakagire umuntu n'umwe wibwira ko bitamushobokera kuzigama no gukoresha neza ibyasigaye.16

Agakabyo ko mu bundi buryo ni ukuzigama kutarimo ubwenge: Imana ntihabwa icyubahiro mu gihe twirengagije umubiri wacu cyangwa mu gihe tuwokoresheje birenze urugero, bityo tukawutera kunanirwa gukora umurimo wayo. Kwita ku mubiri uwugaburira ibyo kurya biryoshye kandi bikungahaye ku intungamubiri ni imwe mu nshingano z'ibanze z'umugore. Byaba byiza cyane amafaranga make akoreshejwe mu myambaro no mu bikoresho byo mu nzu ahubwo menshi akerekezwa mu byo kurya.

Abagore bamwe bagomwa abagize umuryango wabo igaburo runaka, kugira ngo bakire abashyitsi babo neza. Ibyo nta bwenge bubirimo. Twicishe bugufi imbere y'abashyitsi bacu kandi mbere ya byose twite ku makene y'abagize umuryango wacu. Kuzigama kurimo agakabyo n'imigenzo yo hanze bitubuza kenshi kwimenyereza kwakira abashyitsi igihe bizaba bikenewe kandi byakatubereye umugisha. Ameza yacu akwiriye kuba yuzuye ibyo kurya kugira ngo abashyitsi batari bateganijwe badatuma haba gukora imirimo y'ikirenga itateganijwe.17

Umwuka wacu wo kuzigama ntuzatera ibibazo abanyeshuri bacu bagomba kwakira ibyo kurya bihagije kandi byiza. Ariko abashinzwe guteka bagomba gukusanya ibyasigaye kugira ngo hatagira igipfa ubusa.18

Kuzigama si ukugira ubugugu ahubwo ni ugukoreshanya amafaranga ubwenge kuko hariho umurimo ukomeye ugomba gukorwa.19

Guha umugore ibikoresho bihagije byo kumworohera inshingano ye: Umuryango wa mwene data E, wihatira gushyira mu bikorwa ihame ryo kuzigama... Bivuye ku mutima, Mwene data E yafashe umwanzuro wo kutubaka igikoni n'aho kubika inkwi zikenewe ku muryango we mugari, kuko atiyumvagamo uko yakwaya amafaranga ye kugira ngo yikungahaze we ubwe mu gihe umurimo w'Imana ukeneye amafaranga wo kuwuteza imbere. Nagerageje kumwereka ko ari byiza ku buzima no ku bwenge bw'abana be, guhindura urugo rwe ahantu heza no gushaka ibikoresho byo mu rugo bizafasha koroshya kuzuza inshingano z'umugore we.

Amafaranga umugore yigengaho: Mugomba gufashanya. Ntimukabifate nk'aho ari iby'ukuri guhambira uruhago rwanyu, mwanga guha abagore banyu amafaranga.21

Buri cyumweru ugomba kumuha umubare w'amafaranga runaka, kandi ukamuha umudendeze wo kuyakoresha uko ashaka. Ntimwamuhaye amahirwe yo kwimenyereza kugira ubuntu no gukora ibyo ashaka kuko udasobanukiwe neza inshingano umugore agomba kuzuzwa. Umugore wawe afite ibitekerezo bizima kandi bihagaze neza.22

Jya uha umugore wawe ku mafaranga ubona, reka nawe ayagireho umugabane nawe abe aye, kandi umureke ayakoreshe uko ashaka. Yari akwiriye kuba yarahawe uburenganzira bwo gukoresha ayo abonye nk'uko yumva mu bwenge bwe bimubereye byiza. Iyo agira amafaranga ahabwa ngo ayakoreshe nk'aye bwite atarebwa nabi, mu bwenge bwe haba harakuwemo uburemere bukomeye. 23.

Shakisha imbaraga n'ubutaraga: Mwene data P, ntiyakoresheje neza amafaranga ye. Aho kureka ngo ayoborwe n'ibitekerezo byera, yemereye ko ibitekerezo n'ibyifuzo by'abana be ko ari byo bimuyobora. Ntiyabasobanuriraga neza uburyo n'ubushobozi bafite; yakagombye kuyakoresha afite ubushishozi kugira ngo abashe kuronka ibikoresho by'ingenzi akeneye mu gukomeza kujya mbere no gutera ubuzima bwiza abamukomokaho. Umuryango wose ukwiriye kugira iterambere kuri iyi ngingo. Ibintu byinshi ni iby'ingenzi kuri we, niba ashaka kuronka imbaraga n'ibikoresho runaka. Kubura gahunda mu kuyobora umuryango bifite ingaruka zangiriza kandi zirimbura.24

Kwambara ubushwambagara no kugomwa urugo rwawe ibyarutera gukomera, kurabagirana no gukora ntibizaduha umutima wera kandi uboneye.25

Imana ntitegeka ubwoko bwayo kwigomwa ibyangombwa nkenerwa ku buzima bwabo no ku kugubwa neza kwabo, ariko ntiyemera kwigenga , kwaya cyangwa gukunda kwinezeza na guke.26

Rindana umutungo wawe ubwenge: Mukwiriye kwiga kumenya igihe cyo kuzigama n'igihe cyo gukoresha amafaranga. Ntitubasha kuba abayoboze ba Kristo, keretse twiyanze tukikorera umusaraba. Dukwiriye gutanga tugereranya; duteraniriza hamwe akantu gato kose; mudoda imitwe yanyu icitse kandi mukamenya ibyo

mushobora kwita ibyanyu. Mukwiriye kubara utuntu twose mwakoresheje mwinezeza. Mukwiriye kumenya icyo mwakoresheje mushaka kwimara ipfa kandi mwimenyereza irari ribi ryo kugira inda nini. Amafaranga mwakoresheje mu byo kurya by'imburamumaro biryoshye yabasha kongerwa kuyo kunezeza ab'urugo ku bintu bikwiriye kandi bibagiriye umumaro. Ntimukwiriye kuba abanyabuntu buke, mukwiriye kugira umutima utabacira urubanza, mugakiranuka no ku bavandimwe. Ubuntu buke bubavutsa imigisha y'Imana. Gutanga birenze urugero nabyo ni bibi. Agatoya kagiye wibwira ko ntacyo kamaze, hanyuma iyo utekereje usanga karimo byinshi. 27

Umutima wumvira uzayoborwa: Aha si ingenzi gusobanura uko kuzigama kwakorwa muri buri kantu kose. Abeguriye Imana umutima wabo, kandi bayoborwa n'ijambo ryayo, bazamenya uko bazitwara mu nshingano zose zo mu buzima. Bazigira mu ishuri rya Yesu, we w'umugwaneza kandi woroheje mu mutima; mu kwimenyereza kwihangana nka Kristo, bazugarira amarembo ku bishuko byinshi.28

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	Lettre 8, 1889	Letter 8, 1889
2	Historical sketches of S.D.A Foreign Mission, p. 165,166 2 3 4 5 6 7	Historical sketches of S.D.A Foreign Mission, p. 165,166
3	Général conference bulletin, 6 Avril 1903	General conference bulletin, 6 April 1903
4	Témoignages pour l'Eglise, vol.2, P. 386	Testimonies for the Church, vol. 5 P734
5	Review and Herald, 16 Septembre 1884	Review and Herald, 16 September 1884
6	Testimonies for the Church, vol. 2, P.308	Testimonies for the Church, vol. 2, P.308
7	Review and Herald, 19 Décembre 1893	Review and Herald, 19 December 1893

8	Le Ministère évangélique, P.449	Gospel workers p 460
9	Christian Temperance and Bible Hygiene, P.63	Christian Temperance and Bible Hygiene, P.63
10	Review and Herald, 24, Décembre 1903	Review and Herald, 24, December 1903
11	Lettre8, 1889	Letter 8, 1889
12	Lettre 23, 1888	Letter 23, 1888

13	Testimonies for the Church, vol. 2, P.431, 432	Testimonies for the Church, vol. 2, P.431, 432
14	Review and Herald, 24 Juin 1890	Review and Herald, 24 June 1890
15	1 Testimonies for the Church, vol.6, P.451	Testimonies for the Church, vol.6, P.451
16	Testimonies for the Church, vol.5, P.400	Testimonies for the Church, vol.5, P.400
17	Ministère de la guérison, P.271 (Rayon de santé, P.108)	Ministry of healing p 322
18	Témoignages pour l'Eglise, vol.2, PP.544, 545	Testimonies for the church vol 6 p 209
19	Lettre 151, 1899	Letter 151, 1899
20	Lettre 9, 1888	Letter 9, 1888
21	Lettre 65, 1904	Letter 65, 1904
22	Lettre 47, 1904	Letter 47, 1904
23	Lettre 157,1903	Letter 157,1903
24	Testimonies for the Church, vol.2, P.699	Testimonies for the Church, vol.2, P.699
25	Review and Herald, 16 Mai 1882	Review and Herald, 16 may 1882

26	Review and Herald, 19 Décembre 1893	Review and Herald, 19 December 1893
27	Lettre 11, 1888	Letter 11, 1888
28	Christian Temperance and Bible Hygiene, P.63	Christian Temperance and Bible Hygiene, P.63

ICYIGWA CYA 62: KUZIGAMA GUSHYIZWE MU BIKORWA

Guteranya ubuvungukira: umunsi umwe, Kristo yigishije abigishwa be icyigwa cyerekeye kuzigama tugomba kwitaho by’umwihariko. Yari amaze gukora igitangaza cyo kugaburira ibihumbi byinshi by’abantu bari baje gutegera amatwi inyigisho ze. Igihe bose bari bahaze, Kristo ntiyashatse ko ibyari bisigaye bipfushwa ubusa. We, wari ufite ubushobozi bw’ubumana, washoboye kugaburira ibyo bihumbi byinshi by’abantu akabahaza bijyaniranye n’amakene ya buri wese, yategetse abigishwa be guteranya ubuvungukira bwari kwasigaye kugira ngo hatagira igipfa ubusa. Iki cyigisho kiratureba natwe nk’uko cyarebaga abigishwa be bo mu gihe cye. Umwana w’Imana yita ku buzima busanzwe bw’abantu. Ntiyasuzuguye ibyari bisigaye nyuma yo kugabura, n’ubwo yari ashoboye kongera gukora igitangaza gisa gityo. 1

Icyigisho cyatanzwe na Kristo kigomba gushyirwa mu bikorwa mu mashami atandukanye y’ubuzima. Kuzigama kugomba kubaho mu bintu byose. Muteranye ibyasigaye, kugira ngo hatagira igipfa ubusa. Hari ubwoko bw’ubukristo bw’ubunyamihango budahindura umutima ahubwo ibiri amambu ari ubw’amagambo gusa. Iyobokamana nk’iryo ntirishyirwa mu bikorwa mu mibereho isanzwe. Inshingano z’iby’iyobokamana n’ubuhanga buhanitse mu byo gucunga umutungo bigomba kujyanirana ubudasigana. 2

Mwigāne Kristo mu kwiyanga: Kugira ngo amenye we ubwe guhemukirwa, ibigeragezo n’imibabaro bigera ku kiremwa muntu; Kristo yari yoroheje cyane kugeza ubwo yigeza ku rwego rw’umuhanya no gucishwa bugufi. Yaciye inzira abigishwa be bagomba gukurikiza. Yarababwiye ati: “Umuntu nashaka kunkurikira, yiyange yikorere umusaraba we ankurikire.” Ariko abavuga ko ari abakristo ntibiteguye kwiyanga Kristo abategerejeho. Ntibiteguye gushyira rutangira ku byifuzo byabo no ku ipfa ryabo

kugira ngo bagere ku rugero rwo kwiyegurira Imana. Bamwe baravuga bati: “Umuryango wanjye ukeneye kwinezeza, kandi binsaba amafaranga menshi kugira ngo babigereho.” Ibyo bigaragaza ko abantu nk’abo ngabo bakwiriye kwiga ibyigisho byo kuzigama byigishijwe n’imibereho ya Kristo...

Twese dushobora kugerwaho n’ibishuko byo kwifuza kunezeza kwikunda kwacu kandi gupfuye; ariko twibuke ko Uwituka ufite ubuzima n’ubwiza yaje muri iyi si kugira ngo yigishe inyokomuntu isomo ryo kwiyanga. 3

Abatabayeho ku bwabo ntibakoresha n’ifaranga na rimwe mu guhaza amakene yabo bihimbiye n’ipfa ryabo ryo kwihimbaza, ariko bazibuka ko ari abigishwa ba Kristo kandi ko abandi bakeneye ibyo kurya n’imyambaro.4

Muzigame kugira ngo muteze umurimo w’Imana imbere: Hari byinshi byo kubwira urubyiruko ku mahirwe bakomora mu gufasha umurimo w’Imana binyuze mu kuzigama no kwiyanga. Benshi batekereza ko bakwiha ibyabanezeza byose, bityo, bakagira akamenyero ko gukoresha umushahara wabo wose. Imana ishaka ko twibaza byimbitse kuri iyi ngingo. Tuba twihemukiye mu gihe tubereyeho kurya, kunywa no kwambara. Imana ifite ikintu cyo mu rwego rwo hejuru ishaka kuduha. Niba twiteguye gushyira ku ruhande ibyifuzo byacu byo kwikunda; imbaraga zacu zo mu mutima no mu ntekerezo zacu tukazegurira mu murimo w’Imana, abanyembaraga bo mu ijuru bazakorana natwe kandi bazaduhindura umugisha kuri bagenzi bacu.

Nubwo yaba ari umukene, umusore w’umukozi kandi uzigama ashobora gushyira ku ruhande amafaranga runaka yo guteza imbere umurimo w’Imana.5

Igihe ushutswe no kugura ibidakenewe: Igihe Ushutswe kugura ibidakenewe, ugomba kwibuka kwiyanga no ^[383] kwitambaho igitambo nk’uko Kristo yihanganiye gukiza umuntu wacumuye. Abana bacu bagomba kwigishwa, kwimenyereza kwiyanga no kwitegeka. Impamvu ituma abagabura benshi biyumvamo ko bibakomereye kubijyaniranye n’ingingo y’iby’umutungo n’uko batigeze bareka ipfa ryabo n’iby babogamiramo. Impamvu ituma abagabo benshi bahinduka abahanya ndetse n’inkunda mugayo kuby’umutungo, biterwa nuko bashaka guhaza ibyifuzo by’ abagore babo n’abana babo bakoresheje kwaya.

Mbega ukuntu abagabo n'abagore bakagombye kwigisha babyitondeye abana babo kuzigama binyuriye mu mahame n'icyitegererezo! 6

Nifuza guharatura mu ntekerezo za buri wese ko kwaya umutungo w'Imana mu by'ubupfu ari icyaha gikomeye. Gutakaza amafaranga nubwo yagaragara ko ari make bishobora kumuzanira ingorane z'uruhuri z'urudaca zigenda zisubiramo kugeza iteka ryose. Ubw'imanza zizashingwa, ubw'ibitabo bizabumburwa ibitaragenze neza mu mibereho yawe bizashyirwa imbere y'amaso yawe n'ibyiza wakagombye kuba warakoze mu ducogocogo tw'ubuzima bwawe ndetse n'amafaranga yakoreshejwe mu kunezeza kwikunda.⁷

Buri faranga ryose na buri giceri cyose bifite agaciro: Ntukaye amafaranga yawe nubwo yaba udufaranga duke cyangwa uduceri duke ubigura ibidafite agaciro. Ushobora kwibwira ko utwo dufaranga ntacyo twamara cy'agaciro, ariko iyo uduteranyije tugera ku mafaranga atubutse. Iyaba twabishoboraga, twagerageza gusobanura umutungo dutakaza mu bintu by'agakabyo mu myambarire no mu byo guhaza ibyifuzo byacu byo kwikunda. Ariko ubukene bw'uburyo bwose ni gikwira ahantu hose. Kandi Imana yadutegetse gufasha ikiremamuntu kibabaye mu buryo ubwo ari bwo bwose bushoboka.

Umukiza yifuza ko ubwoko bwe bwirinda kandi bukagira umutima utabucira urubanza; nibige kandi bashyire mu bikorwa kuzigama mu bintu byose, kandi ntihagire ikintu na kimwe bapfusha ubusa.⁸

Amafara dukoresha iminsi yose mu bidafite agaciro, ^[384] twitwaza ko ayo yo ntacyo atwaye, ko ari make ariko aramutse akubwe n'iminsi magana atatu mirongo itandatu n'itanu igize umwaka, kandi mu myaka myinshi, amafaranga wabona ashobora kuba menshi cyane utakwizera ko wayakozeho.⁹

Ntukigane abaturanyi bawe bakurikiza ibigezweho: Si byiza kwigira umukire cyangwa kwigira uwo utari we; mwikuyemo kuba abigishwa b'abagwaneza kandi baciye bugufi. Niba abaturanyi bacu bubatse cyangwa bashatse ibikoresho byo mu nzu mu buryo tutashobora kwigana, ntitugomba guhangayikishwa na byo na gato. Mbega ukuntu Yesu yagaya imbaraga twakoresha twikunda dushaka guhaza ipfa ryacu, kunezeza abashyitsi bacu, cyangwa gukurikiza ibyo tubogamiramo ubwacu! Kugerageza kwiyerekana

cyangwa kwemerera abana bacu kutwigana kuri iyo ngingo ni umutege wa Satani.10

Inararibonye y’ibyakozwe na Madame White mu bwangavu bwe: Ku myaka cumi n’ibiri, nari nzi icyo kuzigama ari cyo. Njye na murumuna wanjye, twize umwuga kandi nubwo twinjizaga ibiceri makumyabiri na bitanu ku munsu, twakoreshaga umugabane umwe wayo mu kuyazigama. Bityo buhoro buhoro twashoboye kwizigamira ku ruhande amadorali mirongo itatu. Nyuma igihe twumvaga ubutumwa bwo kugaruka kwa Kristo, kandi ubwo abantu bahamagarirwaga kwitanga no gutanga umutungo, twiyumvishemo ko tugomba guha Data amadorali mirongo itatu; twamusabye ko yakorehwa mu kwandika ibibarankuru, n’impapuro ziriho ubutumwa bwiza kugira ngo zibwamamaze mu bantu bari bakiri mu mwijima...

Njye na murumuna wanjye, twashoboraga kwigurira imyenda binyuze mu mirimo twikorera. Twahaye amafaranga Mama maze turamubwira duti: “Genda utugurire imyambaro, ku buryo hasigara umugabane w’amafaranga yo gushyira mu murimo w’ibwirizabutumwa.” Kandi yarabikoze, bityo niko yadutozaga kugira umwuka [385] w’ibwirizabutumwa.11

Kugira kuzigama ni ihame: Abitaba ihamagara ryo gushyigikira umurimo w’Imana no kuzahura abababaye n’abakene, ntibagira gahunda nke, ntibaba abanenganenzi kandi ntibirengagiza ibirebana n’imishinga yabo bwite. Iteka ryose bita ku gutuma ingengo y’imari yabo ihora ku rugero rwiza. Kuri bo kuzigama ni ihame; biyumvamo ko ari inshingano yabo kuzigama kugira ngo bazashobore kubona ibyo batanga.12

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSI	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	1 Testmonies for the Church, vol.4, pp. 572, 573	Testimonies for the Church, vol.4, pp. 572, 573
2	Manuscript 31, 1897	Manuscript 31, 1897
3	Lettre 4 a, 1902	Letter 4 a, 1902

4	Review and Herald 21 août 1894	Review and Herald 21 August 1894
5	The youth's Instructor, 10 Septembre 1907	The youth's Instructor, 10 September 1907
6	Lettre 11, 1888	Letter 11, 1888
7	Review and Herald, 11 Août 1891	Review and Herald, 11 August 1891
8	Lettre 21, 1898	Letter 21, 1898
9	Christian Temperance and Bible Hygiene P. 63	Christian Temperance and Bible Hygiene P. 63
10	Lettre 8, 1889	Letter 8, 1889
11	The youth's Instructor, 10 Septembre 1907	The youth's Instructor, 10 September 1907
12	Testimonies for the Church, vol.4, P.573	Testimonies for the Church, vol.4, P.573

ICYIGWA CYA 63: KWIGISHA ABANA UKO BABONA AMAFARANGA N'UKO BAYAKORESHA

Kwigisha kwiyoroshya mu buzima bwa buri muni: Ababyeyi bagomba kurera, gutoza no kwigisha abana babo mu buryo bubacengezamo kugira akamenyero ko kwirinda no kwiyanga. Bagomba ubudatuza kubibutsa inshingano zabo ari zo: kubaha ijamba ry'Imana no kubaho bagambiriye gukorera Yesu. Bagomba kwigisha abana babo ko ari iby'ingenzi ko mu buzima bwabo bwa buri muni baja babwinjizamo kugira akamenyero ko kwiyoroshya no kwirinda gukoresha amafaranga menshi mu myambaro, mu byo kurya, mu kubaka amazu yabo no mu gushyiramo ibikoresho .1

Abana bagomba kwigishwa uhereye mu buto bwabo, gusoma, kwandika no kubara kugira ngo babashe kugira no kurinda neza ububiko bwabo. Ni ubumenyi bagomba kwiga buhoro buhoro. Ariko mbere ya byose bagomba kwigishwa ko kubaha Uwitaka ari byo shingiro ry'ubwenge.2

Urubyiruko rugomba kwita ku ngengo y'imari y'umuryango: Ibitekerezo biyobya ku mikoreshereze y'amafaranga bishobora guteza urubyiruko rwacu akaga gakomeye. Ntibagomba guhabwa amafaranga maze ngo barekerwe mu kwibwira ko isoko yayo idakama kandi ko bagomba kuyivomamo kugira ngo bikenure mubyo bakennye byose. Amafaranga agomba gufatwa nk'impano twahawe n'Imana, kugira ngo dutenze umurimo wayo imbere, twubaka ingoma yayo. Urubyiruko rugomba kwiga gutangira ibyifuzo byabo.3

Ntimukihimbire amakene menshi, by'umwihariko igihe amafaranga akoreshwa n'umuryango afite aho agarukira. Amakene yanyu mukwiriye kuyahuza n'ibyo ababyeyi banyu binjiza. Umukiza azasobanukirwa kandi azemera imbaraga mukoresha zidashaka inyungu ku bandi... Mube abiringirwa mu tuntu duto. bityo, ntimuzagwa mu kaga ko kuba abanenganenzi mu nshingano zikomeye. Ijambo ry'Imana riravuga riti: "Ukiranuka ku cyoroheje cyane, aba akiranutse no ku gikomeye.4

Mwigishe agaciro k'amafaranga: Amafaranga urubyiruko ruhabwa nta mbaraga bakoresheje ntagira agaciro gakomeye mu maso yabo. Ababyeyi bamwe bagomba gukora kugeza ubwo biyuha akuya kandi bakagira n'ibyo bigomwa kugira ngo bashobore kubaho. Ariko mbega ukuntu urubyiruko rwagakwiriye

gusobanurirwa aho amafaranga bakoresha aya, ayo bagura imyenda yabo, ibyo kurya byabo kandi by'umwihariko icyo bisaba kugira ngo bagure inzu!

Hari uburyo bwinshi abana bashobora kubonamo amafaranga no kugira uruhare mu maturo y'ishimwe aturwa Yesu we watanze ubugingo bwe ku bwabo... Bagomba kwigishwa ko amafaranga babona atari ayabo kandi ko batagomba kuyakoresha uko intekerezo zabo zitarakura zibibasaba, ahubwo ko bagomba kuyakoresha mu buryo bwiza, kandi bita no ku murimo w'Imana. Ntibagomba kunezezwa no gusaba ababyeyi babo amaturo kuko ayo mafaranga si ayabo. Bagomba kwibaza bati: "Mbese natura ituro ritamvunnye?"⁵

Kenshi tubura ubwenge mu bufasha duha abana bacu. Ababa mu bigo kandi bakaba babikoramo akazi kugira ngo babone ibibatungira muri ibyo bigo by'amashuri baha agaciro cyane amahirwe yabo kurusha uwitabwaho n'abandi kuko we azi icyo bimusaba n'imbaraga abishoramo. Ntitugomba kwita ku bana bacu kugeza ubwo bahinduka imitwari badashobora kwifatira umwanzuro n'umwe.⁶

Ababyeyi ntibababuzuzwa inshigano yabo uko byagakwiriye igihe bagirira impuhwe umusore utarigeze ukora umurimo w'ingirakamaro n'umwe ngo abone amafaranga kandi afite imbaraga z'umubiri nyinshi bakamukorera ibyo akeneye byose kugira ngo yige ubumenyi bw'ibiyobokamana (teologia) cyangwa ubuvuzi mbere y'uko agira inararibonye mu kwigirira akamaro no kuzigama.⁷

Menyereza abana kwishakira amafaranga yabo bwite: Abana benshi badatuye mu muji bashobora gutunganya akarima gato kandi bakiga uko bahatera ibintu bizabaha umutungo uzabafasha guteza umurimo w'Imana imbere. Abahungu n'abakobwa bashobora bose hamwe gukora uwo murimo; kandi bayobowe neza, bashobora guha amafaranga agaciro kayo kandi bakanayazigama. Muri ubwo buryo, abana ntibashobora kubona ibyo gufasha umurimo gusa, ahubwo bashobora kubona n'amafaranga yo kwigurira imyambaro, kandi bagomba gushyigikirwa kuri iyi ngingo.⁸

Kudashyigikira imikoreshereze mibi y'amafaranga: Mbega ukuntu ari amafaranga menshi apfushwa ubusa mu kugura ibidafite agaciro i muhira, mu mitako, mu myambaro idakomeye, mu birungo n'ibindi byinshi by'agakabyo! Babyeyi mwigishe abana

banyu ko ari kosa gukoresha amafaranga y’Imana mu kwinezeza... Mubatere akanyabugabo ko kuzigama uko bishoboka kose umugabane w’amafaranga yabo kugira ngo bazayegurire umurimo w’ibwirizabutumwa. Bazagira batyo inararibonye ikomeye binyuriye mu kwiyinga kandi ibyo bizabarinda kwirundurira mu kugira akamenyero ko kutirinda.⁹

Abana bashobora kwiga kugaragaza urukundo bafitiye Kristo bibuza ibidafite agaciro bituma amafaranga abanyura mu myanya y’intoki. Inyigisho nk’iyo igomba kwigishwa muri buri muryango. Imana isaba ko habaho uburyo n’ubuhanga bwo gukora, ariko nibyo burezi bw’ibanze abana bagomba guhabwa. Kandi niba abana bato bashaka kuzana amaturo yabo k’Uwiteka, ubugiraneza bwabo bwagaragazwa muri uyu mugani mwiza uvuga ngo: “Udusoko turema ingezi.”¹⁰

Shyira agasanduku mu nzira cyangwa ahantu gashobora kugaragara. Abana bashobora gushyiramo amaturo yabo batuye Imana. ... Ibyo bizagira uruhare mu kubatoreza gukora umurimo w’Imana. ¹¹

Mwigishe abana gutanga icyacumi n’amaturo: Imana ntidusaba icya cumi nk’icyo yikubutiye gusa, ahubwo itwereka n’uko tugomba kukiyibikira. Iravuga iti: “Wubahishe Uwiteka ubutunzi bwawe, n’umuganura w’ibyo wunguka byose.” Ibyo ntibisobanuye y’uko tugomba gukoresha amafaranga mu byacu gusa maze ngo tuzanire ibisigazwa Imana, nubwo ibyo byasigaye byaba bihwanye n’icya cumi twagombaga gutanga. Oya! Reka umugabane w’Imana ushyirwe ku ruhande rugikubita. Imiburo Umwuka Wera aduha binyuriye mu ntumwa Paulo, ishyira ahagaraga ihame rirebana n’icya cumi: “Kuwa mbere w’iminsi irindwi, umuntu wese muri mwe abike iwe ibimushobokera nk’uko atunze...” Aya mahame areba ababyeyi n’abana icyarimwe.¹²

Ifuti rikorwa kenshi n’abagabo bakize: Ibihe umwana abamo bigira ingaruka kenshi kuri we kurusha yemwe n’icyitegererezo ahabwa n’ababyeyi. Abagabo bamwe batekereza ko abana babo bazaba nk’uko bo bari bameze mu busore bwabo; iyo bitagenze bityo, bavuga ko iki gisegukuru cya none cyahindanye. Ariko ntibafite uburenganzira bwo kwibwira ibisa bityo ku bana babo, keretse gusa nabo bashyizwe mu mwanya kandi bagahabwa amahirwe nk’ayo bari bafite. Ibyo ise yahuye na byo mu buzima bwe, ni byo byamugize

icyo ari icyo. Guhera mu bwana bwe, yatsikamiwe n'ubukene kandi byamusabaga gukorana umwete no gushinyiriza. Imico ye yahinduwe n'ishuri rikomeye ry'ubukene. Yahuye n'inzitizi mu gekenura amakene ye, mu kuzuza inshingano ze no kwiyoroshya mu byo akunda. Kugira ngo ashobore kubona ibyo kurya n'ibyo kwambara, byamusabaga gukoresha imbaraga ze zose no kuzigama ibyo yinjije.

Ababyeyi baba bigiriye nabi iyo bemereye abana babo kubaho batuje gusa ntacyo bakora, aho kugira ngo babeho nk'uko na bo babayeho mu itangira ryabo. Iryo ni ifuti rusange. Iyaba abana b'iki gihe bigiraga mu ishuri nk'iryo ba se bigiyemo, bakabayeye ingirakamaro nk'abo. Ababyeyi bahinduye uburyo bwo kubaho kw'abana babo. Umugabo ubukene bwamubereye umwigisha; umuhungu we, we nta kindi azi usibye ibintu byinshi bimuzengurutse, ibyifuzo bye byose birakemuka. Imico y'umwe yahinduwe n'ishuri rikomeye ryo kwibeshaho, aho udukorwa duto tw'ubugiraneza twahabwaga agaciro. Ubumuntu n'akamenyero by'undi bizatunganywa n'imiterere y'igihe turimo irangwa n'ubuzima bworoshye no kwishyira ukizana aho gutunganywa n'ibyatunganije imico y'uwa mbere...Mu bihe nk'ibyo, kandi mu gihe agakabyo kiganje ahantu hose, ni gute we yabyanga?13

Umurage mwiza ababyeyi bagomba kuraga abana babo:

Umurage mwiza ababyeyi bagomba kuraga abana babo, ni ukubigisha gukora umurimo w'ingirakamaro no kubaha icyitegererezo cy'imibereho irangwa no kugira ubuntu. Imibereho nk'iyi izabasobanurira agaciro nyakuri k'amafaranga, kuko adafite agaciro keretse gusa ko ashobora kutuzanira ibyiza, adufasha gukemura amakene yacu n'aya bagenzi bacu, ndetse by'umwihariko kubwo guteza umurimo w'Imana imbere.14

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFA-RANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	Review and Herald, 13 Novembre 1894	Review and Herald, 13 November 1894
2	Counsels to Techers, parents and students, P.168, 169	Counsels to Teachers, parents and students, P.168, 169

3	Témoignages pour l'Eglise Vol 2, 550	Testimonies for the church vol 6 p 214, 215
4	Manuscrit 2, 1903	Manuscript 2, 1903
5	Lettre 11, 1888	Letter 11, 1888
6	Lettre 50, 1895	Letter 50, 1895
7	Lettre 103, 1900	Letter 103, 1900
8	Lettre 356, 1907	Letter 356, 1907
9	The youth's Instructor, 1er Novembre 1904	The youth's Instructor, 1er November 1904
10	Review and Herald, 25 Décembre 1900	Review and Herald, 25 December 1900
11	Manuscrit 128, 1901	Manuscript 128, 1901
12	Review and Herald, 10 Novembre 1896	Review and Herald, 10 November 1896
13	Manuscrit 58, 1899	Manuscript 58, 1899
14	Témoignages pour l'Eglise, vol.1, P.436	Testimonies for the church vol 3 p 399

ICYIGWA CYA 64: UBUNYANGAMUGAYO MU MIRIMO

Bibiliya ni yo muyobozi w'amahame agenga ubucuruzi: Nta shami iryo ari ryo ryose ry'umurimo wemewe, Bibiliya idatangaho amabwiriza ya ngombwa y'uko ukwiriye gukorwa. Ayo mahame yayo yo kuba umunyamwete, inyangamugayo, kuzigama, kwirinda no kwera niyo banga ryo kugera ku nsinzi nyakuri. Aya mahame nk'uko agaragara mu gitabo cy'Imigani agizwe n'ubutunzi bw'ubwenge bushyizwe mu bikorwa. Ni hehe umucuruzi, umunyabukorikori, umuyobozi w'abantu mu ishami iryo ari ryo ryose ry'umurimo ashobora kubonera amabwiriza meza amugenga kandi akanagenga abakozi be kuruta uko aboneka muri aya magambo y'umunyabwenge ngo:

“Hari umuntu w'umunyamwete mu byo akora ubonye, bene uwo azaba imbere ku mwami ntazakorera abagufi”

“Umurimo wose utera inyungu, ariko amazimwe y'ururimi atera ubukene agatubya”

“Umutima w'umunyabute urifuza kandi ntacyo ari bubone.”

“Kuko umusinzi n'umunyandanini bazakena, kandi umunyabitotsi bizamwambika ubushwambagara.”

Umuntu urenze umwe yakabaye yarasimbutse iki kibazo cyangwa ku kugwa mu gihe iyi miburo yo mubyanditswe yasubiwemo inshuro nyinshi yabaye yarubahirijwe:

“Uwihatira kuba umukire ntazabura guhanwa.”

“Ubutunzi bw'amahugu buzagabanuka, ariko urundarunda avunika azunguka.”

“Ubutunzi bushakishwa ururimi rubeshya buyoka nk'umwuka, ababushaka baba bashaka urupfu.”

“Uguza aba ari nk'umugaragu w'umugurije.”

“Uwishingira uwo atazi bizamubabaza, ariko uwanga kwishingira aba amahoro.” 1

Itegeko rya munani riciraho iteka... ubwambuzi n'ubujura. [392] Risaba kugira ubunyangamugayo buhamye mu ducogocogo two mu mibereho yacu. Ribuzanya kubeshya mu bucuruzi kandi rigatekeka kwishyura imyenda yose n'imishahara. 2

Ubwenge n'imico biteshwa agaciro no kutaba inyangamugayo: Uhitamo kubeshya no kuriganya atakaza kwiyubaha. Ashobora kwibwira ko Imana itamureba mu gihe izi buri gakorwa kose yakoze mu bucuruzi, kandi abamarayika bera bakaba bapima impamvu zimutera gukora kandi ko bategera amatwi amagambo ye, kandi ko azahemberwa ibyo yakoze; ariko, kwibwira ko yashobora guhisha ibibi bye abantu n'Imana, kumenya ko yakoze ibyo bikorwa bibi, birahagije gusa gusigingiza intekerezo ze n'imico ye. Igikorwa kimwe kibi ntigihindura imico yose, ahubwo kiyishyiramo icyuho, maze kigategururira kugwa mu gishuko gikurikiraho mu buryo bworoshye, kugeza ubwo uzagira akamenyero ko kubeshya no kutaba inyangamugayo mu mirimo kugeza igihe n'abagukikije bazagutakariza icyizere cyose.3

Niba mu mibanire yacu n'abandi, tugaragaje ubunyangamugayo buke mu bintu byoroheje, cyangwa tukagaragaza uburiganya bukomeye, ni nako tuzabikorera Imana. Abantu bakomeza kwirundurira mu kubeshya bizarangira amahame bayashyize ku ruhande kandi banduze imitima yabo ubwabo, maze babure batyo ijuru n'ubugingo buhoraho. Kugira ngo baronke inyungu zabo zo mu by'ubu buzima zoroheje, ntibazatindiganya kubamba icyubahiro cyabo n'iyobokamana ryabo.4

Mwirinde imyenda: Imiryango myinshi ikeneshejwe no gukoresha amafaranga yabo yose bakiyabona. 5

Mugomba kwirinda ku buryo muyobora imirimo yanyu, mu buryo itabajyana mu gufata imyenda... Igihe umuntu runaka yiyemeje gufata imyenda, aba aguye mu nshundura Satani atega imitima...Umwe mu mitego ni uwo gupangira amafaranga no kuyakoresha mu mugambi runaka na mbere yo kuyabona.6

Imicyaho ku muntu ubaho birenze ubushobozi bwe: ntimugomba kwemera ko amafaranga ababera inzitizi bitewe n'uko murimo umwenda, ibyo byaca intege kwizera kwanyu kandi bikabacogoza, ndetse kandi no kubitekerezaho ubwabyo birabarakaza. Mugomba kugabanya ibyo mukoreshamo amafaranga

kandi mukihatira gukosora ayo mafuti yo mu mico yanyu. Mushobora kandi mugomba kugaragaza imihati ifite icyerezo kugira ngo mushobore gukoma mu nkokora ibyifuzo byanyu byo gusohora amafaranga arenze ayo mwinjiza.⁷

Umurimo w’Imana wahazaharira: Isi ifite uburenganzira bwo gutegereza kubona abiyita abakristo bagaragaza ubunyangamugayo buhamye. Bitewe n’umuntu umwe utita ku kwishyura ibimureba, itorero ryose riba riri mu kaga ko gushinjwa ko abarigize bose ari abatiringirwa.⁸

Abategereje kugera ku kwera bagomba kubaha amahame bizera kandi ntibemere ko umurimo w’Imana ukomwa mu nkokora n’ubunenganenzi bwabo. Intumwa Paulo iravuga iti: “Ntimukagire umwenda uwo ari wo wose.”⁹

Inama ku muntu urimo umwenda: Fata umwanzuro wo kutongera gufata undi mwenda uwo ari wo wose. Kugira ngo utagwa mu gufata indi myenda, igomwe ibintu igihumbi. Kuko iyo myenda yahindutse umuvumo ku buzima bwawe. Ugomba kuyirinda nk’uko wirinda ubushita.

Gambirira imbere y’Imana kwishyura imyenda yose binyuriye mu migisha yayo, kandi no kutagira umwenda uwo ari wo wose ugirira umuntu wese nubwo wasigara utunzwe n’agakoma n’agasate k’agatsima gusa. Mbega ukuntu byoroshye cyane kwaya amafaranga runaka mu gutegura igaburo ryanyu mu bintu by’agakabyo! Ucuha neza ibiceri bye azabona amafaranga menshi. Mu gusohora amafaranga mu tuntu duto aha na hariya, mu kugura aka kantu cyangwa kariya bimara byihuse amafaranga menshi... Mu bintu byose, igihe cyose mu gifite imyenda, mwihatire kubaho mwigomwa... Ntugacogore, ntugacike intege kandi ntugasubire inyuma. Ntukite ku bikunezeza cyangwa ibyo unyotewe, zigama ifaranga ku rindi kandi wishyure imyenda yawe. Uyishyure mu buryo bwihuse bishoboka, igihe uzaba utagifite umwenda w’umuntu uwo ari we wese, uzaba wegukanye intsinzi ikomeye. ¹⁰

Kumva abarimo imyenda badafite ubushobozi bwo kwishyura: Igihe umuntu yisanze arimo imyenda, kandi akaba atashobora kuzusa inshingano ze zimureba, ntakwiriye gutegekwa ibirenze ubushobozi bwe. Mu kumuha amahirwe yo kwishyura imyenda arimo, ntagomba gushyirwa mu mwanya utamubashisha kwishyura umwenda we. Nubwo imigirire imwe n’imwe yo

kumuhata kwishyura ishobora gufatwa nk'ihuje n'ubutabera, aho ntihaba hagaragaye ibimenyetso by'imbabazi n'urukundo rw'Imana.11

Akaga ko kuba gufata umwanzuro ukomeye: Bamwe ntibagira ubwenge kandi bafata imyenda bashoboraga kwirinda. Abandi nabo, bagaragaza amakenga menshi agaragaza ko batagira kwizera. Mu kugera mu bihe runaka dushobora rimwe na rimwe gushora amafaranga mu mishinga myiza izatuma umurimo w'Imana ujya mbere kandi ugakomera ndetse dushikamye ku mahame y'ukuri.12

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU KINGREREZA
1	Education, P.133, 137	Education, P.135, 136
2	Patriarches et Prophètes, P.314	Patriarchs and Prophets, P.309
3	testimonies for the Church, vol.5, P.396	testimonies for the Church, vol.5, P.396
4	Review and Herald, 18 Septembre 1888	Review and Herald, 18 September 1888
5	Conseils à l'économie, P.283	Counsel to stewardship p 269
6	Lettre 63,1 897	Letter 63,1 897
7	Lettre 48, 1888	Letter 48, 1888
8	Témoignages pour l'Eglise, vol. 2, P.50	Testimonies for the church vol 5 p 179
9	Témoignages pour l'Eglise, vol. 2, P.53	Testimonies for the church vol 5 p 181, 182
10	Conseils à l'économie P.271, 272	Counsel to stewardship p 257
11	Manuscrit 46, 1900	Manuscript 46, 1900
12	Manuscrit 20, 1891.	Manuscript 20, 1891.

ICYIGWA CYA 65: GUTEGANYIRIZA AHAZAZA

Gushaka ibintu no kuzigama birwanya kwaya: Mwene data na murumuna wanjye B. Ntibigeze biga kuzigama... Bashaka gutunga ibyo babona byose, uko byaba bingana kose, bashaka kunezewa na byose kandi iyo ibyago bibatunguye ntibaba biteguye guhangana na byo... Iyo baba ibisonga birinda neza ubutunzi bwabo, biteguye kwiyanga, kuri ubu baba bifitiye inzu nziza yabo kandi bakaba barazigamyeye amafaranga ku ruhande yabafasha guhangana n'ingorane n'ibihombo. Ariko birengagiza kuzigama nk'uko abandi babikoze, bagerageje rimwe na rimwe gusaba abandi kubitaho. Nibaguma muri iyo nyifato, ntibazagera ku kwera kw'imico ku munsu w'Imana. 1

Inama y'ingenzi: Mu bihe runaka mwakoze imirimo yabahaye inyungu nyinshi. Mu maze kuronka amafaranga menshi, ntimwagerageje gushyira ku ruhande amwe muri yo ngo muyazigame kugira ngo azabagoboke mu gihe muzaba mutari kubona amafaranga biboroheye, ahubwo mwakoresheje amafaranga menshi mu guhaza amakene mwihimbiye. Iyaba wowe n'umugore wawe mwasobanukirwaga n'uko Imana ibasaba kwiyanga no gutandukana n'ibibanezeza n'ibyo murarikiye, maze mukiteganiriza ahazaza, aho kubaho nk'abari bubeho two munsu gusa, mwakabaye mufite ibyo gukemuza amekene yanyu, n'umuryango wanyu wakwishimira kubaho neza. Hari isomo mugomba kwiga... ni iryo gushaka ibyiza mu bintu bike. 2

Kwiga kuzigama mu buryo bwiza: Iyaba mwarazigamyeye amafaranga nk'uko byagakwiriye kuba, muri iki gihe mwagakwiriye kuba mufite igishoro kinini kibafasha kuziba icyuho mu byo mukeneye no gufasha umurimo w'Imana. Buri cyumweru mugomba gushyira umugabane muto w'umushahara wanyu ku ruhande, kandi ntimuyakoreho kereka gusa habayeho amakene yihutirwa nyakuri, cyangwa ari ukuyatura Imana, Umugiraneza wacu ukomeye...

Amafaranga mwinjije ntiyakoreshejwe mu buryo bw'ubwenge kandi bwiza, mwakagombye kuba mwarazigamyeho amafaranga mwakoresha mu gihe mwaramuka murwaye cyangwa mu gihe umuryango wawe uzaba utagifite ubufasha bwawe mu by'umutungo. Abawe bagomba kwishingikiriza ku gishoro runaka mu gihe uzahura n'inzitizi zo kubakorera. 3

Aho kuzigama umutungo: Mugomba gushyira ku ruhande kuva ku madorale atanu kugeza ku icumi ahantu hari umutekano, utazigera ukoresha keretse gusa warwaye. Ibiri amambu, ubwo buryo bwo kuzigama bwakuzanira inyungu. Nyuma yo kwishyura imyenda yanyu, mushobora kwizigamira kandi anariko mucunga neza ibyo mwinjiza.⁴

Nzi umuryango wakoreshaga amafaranga yose winjizaga angana n'amadorale makumyabiri, mu gihe umuryango wundi wari ufite abantu bawugize bangana n'uwa mbere binjizaga bo amadorale cumi n'abiri ku cyumweru ariko wo wageragezaga kuzigama idorale rimwe cyangwa abiri buri cyumweru, kuko wo wirindaga kugura ibintu bigaragara ko ari iby'ingenzi ariko bashoboraga kwirengagiza ntibigire icyo bitwara.⁵

Murindishe isezerano ahazaza h'ubutunzi bwanyu: Ibisonga bikiranuka by'Imana bizamenya neza aho imirimo yabo iri, kandi nk'abantu b'abanyabwenge bazahora biteguye ibishobora kubabaho byose. Nibapfa gitunguro, abazahamagarirwa gutunganya igenamigambi ryabo ntibazahura n'ingorane nyinshi.

Abantu benshi ntibatekereza uko baraga mu gihe bagifite amagara mazima, ariko bene data bagomba kubayitaho. Birakwiriye ko bamenya ingano y'ubutunzi bwabo neza kandi imirimo yabo ntibayirekere mu kajagari. Nibakore iby'ingenzi kugira ngo byose bizabe bisobanutse mu gihe umunsi umwe bapfa.

Ukuraga kugomba gukorwa gukurije amategeko. Igihe kwamaze kwandikwa, kuzahora utyo mu myaka myinshi, kudateje ingorane ku muntu wese mu gihe uwaraze akomeje gutanga impano ze mu murimo w'Imana. Bene data, kwandika inzandiko zo kuraga kwanyu ntibizagabanya n'umunsi umwe mu kubaho kwanyu. Mu kwita ku muryango wanyu, ntimukibagirwe n'umurimo w'Imana. Muragijwe ubutunzi bw'Imana; kandi amabwiriza mvajuru niyo mugomba guha umwanya w'imbere. Ntimugomba gusiga umugore wawe n'abana bawe mu buhanya; mukurikije amakene yabo mugomba kubafatira imyanzuro ibagwa neza. Ariko ntukuzuze ku rupapuro rwo kuraga kwawe amazina menshi y'abantu mufitanye isano y'umubiri batari ngombwa ngo n'uko umuco wawe ubigusaba.⁶

Mwibuke umurimo w’Imana mu gihe mu kiriho: Ntihakagire n’umwe wibwira ko azahuza n’Umukiza kubwo kuraga umugabane w’ubutunzi bwe mu murimo w’ubugiraneza yarundanije mu buzima bwe bwose.⁷

Bamwe bacunga ubutunzi bwabo mu buryo bwo kwikunda mu mibereho yabo yose, bibwira ko ubunenganenzi bwabo bazabukuzamo kuraga umugabane w’ubutunzi bwabo mu murimo w’Imana. Ariko munsu ya kimwe cya kabiri cy’uwo murage, kizagira inyungu ku wawurazwe. Bene data na barumuna banjye, mwibikire ubutunzi bwanyu mu bubiko bwo mu ijuru, kandi inshingano yanyu y’ubusonga ntimukayikureho ngo muyishyire ku bandi.⁸

Ubuhubutsi bwo kwirindwa ni ukwegurira ubutunzi bwawe gucungwa n’umwana: Ababyeyi bagomba kwita cyane ku kumenya niba abana bagiye gushinga ubutunzi Imana yabashyize mu biganza byabo ko batinya kandi bubaha Imana ndetse ko bita ku murimo wayo kandi ko bakunda kuwiyegurira na bo ubwabo; ko bazaba inyangamugayo cyane, kandi ko bazarushaho kuba abanyamuhati mu guteza imbere uwo murimo no kuzaba abanyabuntu mu gihe bizasaba guteza imbere amashami atandukanye y’uwo murimo asaba amafaranga ariko ababyeyi benshi begurira ubutunzi bwabo abana babo, bakabashinga inshingano zo kuba ibisonga kandi ibyo biterwa n’uko Satani ari we ubibakoresheje. Iyo migirire, iba ishize ubwo butunzi mu biganza by’umwanzi. Uwo mwanzi akora kugira ngo asohoze imigambi ye, kugira ngo agomwe umurimo w’Imana ubutunzi ukeneye, kandi bwashoboraga kuwufasha neza.⁹

Kurundanya ubutunzi ni umuvumo: Ababona ubutunzi bafite umugambi umwe wo kuburundanya gusa, baraga abana babo umuvumo ukomeye. Bakora icyaha gishishana gishyira umutima mu kaga kandi ingaruka zabyo zikazagera kubazabakomokaho. Kenshi abana bamarira amafaranga mu kwaya, no mu busambanyi, kugeza ubwo bazasabiriza. Ntibazi agaciro k’umurage baye mu by’ubupfu. Iyaba ababyeyi babo barabahaye icyitegererezo cyiza, atari ugushakisha ukurundanya ubutunzi gusa ahubwo bakabukwirakwiza ahatandukanye, bakibikiye ubutunzi bwabo mu ijuru maze bakakira amahoro n’umunezero muri ubu buzima n’ubutunzi bw’iteka mu buzima bw’ahazaza. ¹⁰

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU KINGEREZA
1	Testimonies for the Church, vol.3, P.30, 31 2 Id., vol.2, P.432, 433 3 4 5	Testimonies for the Church, vol.3, P.30, 31
2	Testimonies for the Church, vol. 2 P 432	Testimonies for the Church, vol. 2 P 432
3	Lettre 5, 1877	Letter 5, 1877
4	Uncopied Letter 49, 1884	Unoccupied Letter 49, 1884
5	Lettre 156, 1901	Letter 156, 1901
6	Témoigances pour l'Eglise, vol.1, pp.645, 646	Testimonies for the church vol 4 p 482
7	Review and Herald 27 Février 1894	Review and Herald 27 February 1894
8	Review and Herald 12 Octobre 1886	Review and Herald 12 October 1886
9	Testimonies for the Church, vol.2, P.655	Testimonies for the Church, vol.2, P.655
10	Lettre 20, 1897	Letter 20, 1897

**UMUGABANE WA 14:
KURINDA INZIRA
Z'UMUTIMA**

ICYIGWA CYA 66: KUMENYA GUTEGEKA IBYIYUMVIRO BYACU

Kubera iki Imana yaduhaye ubushobozi bwo kureba, kumva no kuvuga: Imana yahaye abantu amaso kugira ngo bishimire ibintu byiza byakomotse mu mategeko yayo. Yabahaye amatwi kugira ngo bumve ubutumwa buvugwa n'ababwirizabutumwa be. Yabahaye itaranto yo kuvuga kugira ngo bagaragaze Kristo nk'Umukiza ubabarira ibyaha. Mu mutima we, umuntu yizera gukiranuka kandi binyuze mu kanwa ke yatura ko yacunguwe. 1

Ni gute Satani yinjira mu mutima: Bose bakwiriye kurinda ubwenge kugira ngo Satani atabanesha; kuko ari bwo nzira y'umutima.2

Uzaba ubaye umurinzi ukiranuka wo kurinda amaso yawe, n'amatwi yawe n'ubwenge bwawe bwose nushobora kurinda umutima wawe, ukabuza ibitekerezo by'amanjwe kandi bibi kwanduza umutima wawe. Imbaraga y'ubuntu bw'Imana ubwayo, niyo ishobora kurangiza uyu murimo w'ingenzi.3

Satani n'abamarayika be bahirimbanira kuremaza ubwenge bwo kumenya, kugira ngo inama, imiburo no gucyahwa bititabwaho; cyangwa ngo nibabyumva bye kugira icyo bimarira umutima kandi bye kugorora imibereho.4

Bene data, Imana irabahamagarira kugendera mu mucyo mwebwe abigishwa be. Mukeneye kuba ku minara yanyu. Icyaha kiri muri mwe kandi ntimwiyumvamo ubwaguke bwacyo. Intekerezo za benshi muri mwe zamaze kugwa ikinya binyuriye mu kunezeza irari no kumenyerana n'ikibi. Dukeneye kuba hafi y'ijuru.5

Ubucakura bwa Satani ni uguhungabanya ibyiyumviro: Umurimo wa Satani ni uwo gutera abantu kwirengagiza Imana, kugira ngo yigarurire kandi ategeke intekerezo zabo kandi abibagize Umukiza. Uburezi bahawe bwahungabanije intekerezo zabo kandi buhumisha amaso yabo ntiyabona umucyo nyakuri. Satani ntashaka ko biga kumenya Imana. Anezezewa by'umwihariko iyo ashoboye gutera umwijima mu ntekerezo z'urubwiruko anyuriye mu binezeza no mu ma kinamico mu gihe bari bazengurutse n'umucyo.6

Satani ntiyakwinjira mu ntekerezo zacu tutamuhaye urwaho:

Tugomba kwibutsa abantu ko Imana yagennye ko tutazageragezwa ibirenze ibyo dushobora kwihanganira. Ahubwo mu kigeragezo cyose izashyiraho ubuhungiro. Niba tugira imibereho irundukiye mu Mana, ntituzakundira ubwenge bwacu kwishimira mu bitekerezo byo kwikunda.

Niba hari inzira iyo ari yo yose Satani abasha gucamo akemererwa kwinjira mu bwenge, azabiba urukungu rwe maze arutere gukura ruzageze aho rwera umusaruro mwinshi. Nta buryo Satani abasha gutegeka ibitekerezo, amagambo n'imirimo keretse nidukingura urugi tukamurarikira kwinjira ku bushake bwacu. Ubwo nibwo azinjira maze ukuri aguhindure kuba imbaramumaro akoresheje kurimbura imbuto nziza yabibwe mu mutima.⁷

Mwime umwanzi urwaho rwose: Abitwa abakristo bose bagomba kuba maso no gusenga kandi bakarinda umutima wabo, kuko Satani ari ku murimo ngo yangirize kandi arimbure mu gihe abonye urwaho nubwo rwaba ruto.⁸

Ntabwo byatugwa amahoro kumara igihe kirekire dutekereza ingaruka ikomoka ku kumvira inama za Satani. icyaha gikoza isoni kandi kikarimbura umuntu wese ucyishimira, nyamara kamere yacyo ni uguhuma amaso no kuriganya, kandi kitwohesha ingororano zo kudushyeshyenga. Niba twidegembya ku rubuga rwa [403] Satani, nta byiringiro tuba tugifite byo kurindwa imbaraga ze. Uko bishoboka kose, dukwiriye kwica inzira yose umushukanyi abasha gucamo adusanga.⁹

Mbega ukuntu nta n'umwe wasobanukirwa n'ingaruka ziteye ubwoba zatugezeho mu gihe twashukwaga binyuriye mu buhubutsi bwacu! Umutekano rukumbi wacu bwite ushingiye ku guhungira mu buntu bw'Imana, no mu kutishingikiriza ku bitekerezo byacu kugira ngo tutita ikibi icyiza, n'icyiza tukacyita ikibi. Nta gutindiganya cyangwa kujya impaka tugomba kugarira amarembo umwanzi anyuriramo ajya mu mutima wacu kandi tukanawurinda umubi.¹⁰

Umukristo wese akwiriye guhora yirinze agenzura inzira yose y'umutima aho Satani abasha kunyura. Akwiriye gusaba gutabarwa n'Imana, kandi ubwo nyine akarwanya irari ryose ry'icyaha ashikamyeye. Abasha kuneshesha umuhati w'ubutwari, uwo kwizera

n'uwo kwihangana. Ariko akwiriye kwibuka ko kugira ngo aneshe intambara, Kristo akwiriye kuguma muri we, nawe akaguma muri Kristo. 11

Irinde gusoma, kureba, no kumva ibikururira mu kibi: Intumwa Petero yashatse kwigisha abizera ko ari ingenzi kutemerera intekerezo zabo kuraragirira ku ngingo zabuzanjwe cyangwa kumarira imbaraga zabo bibwira ibitagira umumaro. Abadashaka guhinduka umuhigo wa Satani, baba bakoze neza bashoboye kurinda neza imitima yabo birinda gusoma, kureba cyangwa kumva ibyabatera kugira ibitekerezo byanduye. Intekerezo zabo ze kujya zitindagira kuri buri ngingo bazaniwe n'umwanzi. Turindane imitima yacu gukiranuka, nibitaba bityo abanzi bacu b'inyuma bazabyutsa ab'imbere maze umutima wacu uraragirire mu mwijima.12

Ikintu cyose gishobora gukorwa gikwiriye gukorerwa kwishyira ubwacu n'abana bacu aho tutareba gukiranirwa gukorerwa mu isi. Dukwiriye kurinda twitonze ibyo amaso yacu areba n'ibyo amatwi yacu yumva kugira ngo ibyo bintu bibi cyane bitatwinjira mu bwenge. Igihe ibinyamakuru byinjiraga mu rugo, numvaga nabihisha kure, kugira ngo hatagira umuntu usoma ibintu bibi cyangwa bikangura byabaga birimo. Biragaragara ko umwanzi aba ari ku ntangiriro y'ibinyamakuru bya buri muni. Ibyo twabona nk'amahano bishyirwa imbere y'uruhame nk'uko biri.13

Abashaka kugira ubwenge bukomoka mu ijuru bagomba guhinduka abapfu imbere y'abantu bahindanye b'iki gihe Bagomba guhuma amaso yabo ngo batabona ikibi cyangwa ngo bacyigane. Bagomba kuziba amatwi kugira ngo batumva ikibi no gutandukana n'ikintu cyose gishobora kwanduza intekerezo n'ibikorwa byabo; bagomba kurinda na none ururimi rwabo kugira ngo batavuga amagambo ahindanye no kurinda akanwa kabo kuvuga ibinyoma. 14

Kugururira ibishuko amarembo bigabanya ubushobozi bwo guhangana nabyo: Ntukarebe ko wabasha kugenda hafi y'imanga mbi ngo wibwire ko uri bube amahoro. Wirinde kwegera ahari akaga. Ibifitiye umutima umumaro ntibikwiriye gukinishwa. Ubutunzi bwawe ni ingeso zawe. Zirinde nk'uko warinda ubutunzi bw'izahabu. Kwera, kwiyubaha, imbaraga ikomeye yo kudacogora bikwiriye guhora bigundiye kandi bikomejwe. Mubyo uzigamye ntihakwiriye kuvamo na kimwe. Akamenyero n'ubwenge buke bishobora gushyira

umutima mu kaga wemeye gukingurira ibishuko urugi, maze imbaraga yo kurwana ikagabanuka. 15

Umugambi wa Satani ni uwo kwijimisha ubwiza bw'ahazaza: Satani yashakishije ubudatuza kwijimisha ubwiza bw'isi y'ahazaza no gukururira abantu bose ku kwibona ko muby'ubu bugingo. Yihatiye gushyiraho ibirangaza kugira ngo intekerezo zacu, ibyo duhugiramo n'imirimu yacu tubikure ku byiza by'agaciro k'iteka ryose maze tubyegurire kwita ku by'ubu buzima. Isi n'ibyo isaba bifite umwanya munini mu gihe Yesu n'ubutunzi bwo mu ijuru bifite umugabane muto mu ntekerezo no mu mutima wacu. Tugomba kuzuzanya inshingano zacu za buri munsu neza ariko birakwiriyeye ko hejuru ya byose tugira urukundo rwera dukunda Umukiza wacu Yesu Kristo. 16

Twasezeraniye gufashwa n'abamarayika: Tugomba guhorana mu ntekerezo ko abamarayika beza n'ababi bahoro biteguye Kurwanira gutegeka intekerezo zacu. Bakorana n'imbaraga ikomeye ariko itagaragara. Abamarayika b'Imana bakorera Imitima, kandi bagira imbaraga rukuruzi mva juru ku ntekerezo no ku mitima, mu gihe umwanzi ukomeye w'Imitima, Satani n'abamarayika be nabo bakora ubudatuza kugira ngo baturimbure...

Nubwo mu mutima wacu twasobanukirwa byimbitse ko duhanganye n'imbaraga zo mu ibanga kandi zitagaragara, tugomba kwiringira ko ntacyo zadutwara turamutse tutazihaye urwaho. 17

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU KINGEREZA
1	Lettre 21, 1899	Letter 21, 1899
2	Testimonies for the Church, vol.3, P.507	Testimonies for the Church, vol.3, P.
3	Testimonies for the Church, vol.2 P.561	Testimonies for the Church, vol.2 P.561
4	Témoignages pour l'Eglise, vol.2, P.232	Testimonies for the church vol 5 p 493

5	Témoignages pour l'Eglise, vol.1 P 461	Testimonies for the church vol 3 p 476
6	Review and Herald 13 Mars 1900	Review and Herald 13 March 1900
7	Review and Herald 11 Juillet 1893	Review and Herald 11 July 1893
8	Témoignages pour l'Eglise, vol.1 P 461	Testimonies for the church vol 3p 476
9	Jésus et le bonheur, P.124, 125	Thoughts from mount of blessing p 171
10	Testimonies for the Church, vol.3, P.324	Testimonies for the Church, vol.3, P.324
11	Testimonies for the Church, vol.5 P 47	Testimonies for the Church, vol.5 P 47
12	Conquérants pacifiques P.464, 465	Acts of apostles p 518,519
13	Notebook leaflets, Education N° 1	Notebook leaflets, Education N°1
14	Solemn Appeal, P.76	Solemn Appeal, P.76
15	Medical Ministry, P.143	Medical Ministry, P.143
16	Review and Herald, 7 Janvier 1890	Review and Herald, 7 January 1890
17	Review and Herald, 19 Juillet 1887	Review and Herald, 19 July 1887

ICYIGWA CYA 67: IBITUYOBYA TWUMVA KANDI TUBONA

Ikibi mu byo tubona no mubyo twumva bidukikije: Mufite impamvu zabatera guhangayikira abana banyu kuko bahura n'ibishuko kuri buri ntambwe y'ubuzima bwabo. Ntibyabashobokera kwirinda guhura n'inshuti mbi... Ibyo bareba n'ibyo bumva bizagira ingaruka mbi ku mibereho yabo, niba batazirinze, buhoro buhoro ariko neza bizangiriza imitima yabo kandi bihindanye imico yabo.1

Bose bakeneye ingabo yo kubarinda ibishuko: Mu ngo z'abakristo hakagombye gushyirwaho igihome cyo kubarinda ibishuko. Satani akoresha uburyo bwe bwose, kugira ngo ibibi n'amahano bibe ikibi rusange mu bantu. Ntidushobora kuzenguruka utuyira two mu mijyi yacu nta kubona amatangazo yamamaza iby'inkuru n'amakinamico bifite insanganyamatsiko z'ubugome n'ubwicanyi. Intekerezo bityo zimenyerana n'icyaha. Mu binyamakuru by'iki gihe abanditsi bahabwa umwanya wo kwandika ibiciriritse n'ibihindanye n'ibintu byose byabyutsa iruba bifite insanganyamatsiko zireshya.2

Ababyeyi benshi ni abanenganenzi kandi ntibagira icyo bitaho ku buryo batabona itandukaniro riba ku bana babo mu gihe biga mu ishuri ry'itorero no mu ishuri rusange. Baravuga bati: "Turi mu isi kandi ntidushobora kuyivamo". Nubwo bimeze bityo, ariko niba tubishaka dushobora kwitarura isi. Biradushobokera kwirinda kureba ibibi binshi byiyongeranya muri iyi minsi iheruka no kumva ibivugwa ku kwangirika n'ubugome bumaze kuba gikwira muri iki gihe cyacu.3

Mubibe akajagari muzasarura ubugome: Muri iki gihe, ibyandikwa mu binyamakuru byuzuye ibikurura iruba ryangiriza urubyiruko kandi bibajyana mu nzira yo kurimbuka. Umwana muto nta cyo asigaje kwiga ku birebana n'ubwicanyi. Ibyo basoma bibarehereza mu kibi. Batekereza ko bari gutangira ubushakashatsi bwabo bw'ibyo basomye kandi baba bashaka kureba na bo aho bashobora kugera, maze na bo bakishora mu nzira yo kwica amategeko nta kwita ku ngaruka.

Ku ntekerezo z'abana n'urubyiruko zihora ziteguye gushyira mu bikorwa ibyo babonye byose, imikino yahimbwe bashaka uko bayishyira mu bikorwa bayihindura ukuri. Bagerageza gushaka impinduramatwara n'ibindi bikorwa byo kwigumura byica amategeko. Abenshi, binjiza mu bwenge bwabo urwo ruhuri rw'ibyo

babona, maze bagakora ibyaha by'inkoraruguma yemwe bikomeye kuruta n'ibyo basomye. Uko ni ko isi yononekaye, kandi ni nako ibibwamo akajagari. Nta n'umwe ukwiriye gutangazwa no kubona havamo ibyaha by'uburyo bwinshi.4

Gukururwa n'indirimo zigezweho: Nababajwe cyane no kubona abahungu n'abakobwa benshi bavuga ko bizera ukuri ari abanenganenzi. Imana isa nk'umunyamuhanga mu ntekerezo zabo. Intekerezo zabo zibanda ku bitagira umumaro. Ibiganiro byabo ni amahomvu kandi ni iby'ubupfu. Bakururwa n'imiziki kandi Satani azi neza aho yakora kugira ngo abigarurire kandi abayobye, kugeza ubwo bazaba batagikururwa na Kristo. Imitima yabo nticyahagizwa no kumenya Imana cyangwa gukura mu by'umwuka bakurira mu buntu. Neretswe ko urubyiruko rugomba kugera ku rugero ruhanitse kandi bakagira ijamba ry'Imana umujyenama wabo n'umuyobozi wabo. Inshingano zikomeye ziri kuri bo, ariko bo barabyoroshya. Aho gutoza urubyiruko kwera no kugira by'umwuka, imiziki yinjijwe mu ngo zabo maze zikura intekerezo zabo ku kuri.

Bishimira cyane indirimbo z'ubupfayongo n'imiziki igezweho. Ibihe bakeguriye gusenga, babimarira mu gucuranga ibyuma by'imiziki. Iyo zitangirijwe, indirimbo zihinduka umugisha, ariko iyo zikoreshejwe nabi zihinduka umuvumo ukomeye cyane. Zikora nk'ikiyobyabwenge, ariko ntizitanga imbaraga n'akanyabugabo umukristo yabonera gusa imbere y'intebe y'imbabazi, agaragaza amakene ye yuzuye kuniha n'amarira menshi, abwira Imana amakene ye kandi ayisaba imbaraga zo kumubashisha guhangana n'ibishuko by'umubi. Satani ari gufata urubyiruko nk'imbata ze. Ni iki nababwira kugira ngo bave mu mbaraga ze ziyobya? Satani n'umuhendanyi w'umuhanga uyobya urubyiruko kandi akaberekeza mu irimbukiro.5

Intekerezo zanduye zitera gukora ibikorwa byanduye: Turiho mu gihe kwangirika kumaze kuba gikwira mu bintu byose. Irari ry'amaso n'iruba rihindanye biterwa imbaraga ahantu hose n'ibyo tubona n'ibyo dusoma byose. Umutima urogwa no kwibwira kandi intekerezo zikanezezwa no kwitegereza ibintu bikangura iruba rya kinyamaswa. Ibyo bikorwa bibi, bigaragarira mu ntekerezo zanduye, byanduza ubushobozi bw'ubwenge kandi bigatera ababyirunduriyemo guha urwaho iruba ryabo ribi rya kinyamaswa. Umusaruro wabyo ni ugukora ibyaha n'ubugome bisigingiza ibiremwa byaremwe ku ishusho y'Imana, bikabageza ku rugero rumwe n'inyamaswa, kandi bikabajyana ku iherezo mu irimbukiro.6

Sinshaka kureba iki: Ababyeyi bagomba kuba maso ubudatuza kugira ngo abana babo batajya kure y’Imana. Ibyifuzo bya Dawidi bigaragara muri Zaburi y’ijana na rimwe bigomba kuba ibya buri muyobozi w’umuryango ushinzwe kurinda ibyitegererezo byo mu muryango: “Sinzagira ikintu kidakwiriye nshyira imbere yanjye, nanga imirimo y’abiyobagiza, ntizomekana nanjye. Umutima ugoranye uzamvaho, sinzamenya ikibi. Ubeshyera mugenzi we rwihereranwa nzamurimbura, ugamika akagira umutima wibona sinzamwihanganira. Amaso yanjye azaba ku banyamurava bo mu gihugu kugira ngo tubane, ugendera mu nzira itunganye niwe uzankorera. Uriganya ntazaba mu nzu yanjye; ubeshya ntazakomerezwa imbere yanjye.”⁷

Vuga ushikamye uti: “ sinzigera mfata akanya kanjye na gato nsoma ibitangirira umumaro kandi bitamfasha no gufasha abandi. Igihe cyanjye n’intekerezo zanjye nzabyegurira guteza umurimo w’Imana imbere. Nzahuma amaso yanjye ku by’ubupfu kandi biciriweho iteka. Amatwi yanjye ni ay’Uwiteka kandi sinzigera nemera ibitekerezo by’abahagarariye umwanzi. Ijwi ryanjye ntirizigera na rimwe rikorera utayoborwa n’imbaraga y’umwuka w’Imana. Umubiri wanjye ni urusengeru rw’umwuka wera kandi nzakoresha imbaraga zose z’impagarike yanjye ku kugera ku ntego iboneye.”⁸

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	Pacific Health journal, Juin 1890	Pacific Health journal, June 1890
2	Bible Echo, 15 Octobre 1894	Bible Echo, 15 October 1894
3	Notebook Leaflets, Education N°1	Notebook Leaflets, Education N°1
4	Ministère de la guérison, P.381 (Rayons de santé, P.266)	Ministry of healing p 444,445
5	Testimonies for the Church, vol.1, pp.496, 497	Testimonies for the Church, vol.1, pp.496, 497
6	Testimonies for the Church, vol.2, P.410	Testimonies for the Church, vol.2, P.410

7	Counsels to Teachers, Parents, and Students, P.119	Counsels to Teachers, Parents, and Students, P.119
8	Témoignages pour l'Eglise, vol.3, P.119	Testimonies for the Church, vol.7 p 64

ICYIGWA CYA 68: INGARUKA Z'IBYO DUSOMA

Gaburira ubwenge bw'umwana ibyo kurya bimukwiriye Igihe intekerezo z'umwana zigikura, umwana w'ingurumbanya intekerezo ze ntizihanganira kwigishwa. Ababyeyi na bo ubwabo bagomba gushakisha amakuru ahagije kugira ngo bashobore kugaburira intekerezo z'abana babo mu buryo bukwiriye. Intekerezo kimwe n'umubiri, imbaraga zazo zizikomora mu byo kurya zigaburirwa. Ziraguka kandi zikisumburaho bitewe n'ibitekerezo bikomeye kandi byera kandi intekerezo zisigingizwa ndetse zikangirizwa n'ibitekerezo byo ku rwego rwo hasi bidakura.

Babyeyi, nimwe ubwanyu mugomba guhitamo niba intekerezo z'abana banyu zizaba zigizwe n'ibitekerezo bitunganye cyangwa ibiyumviro byanduye. Ntimushobora kubuza intekerezo zabo nto kwinyagambura; ariko ntimunashobora kubatandukanya n'ikibi kibugarije. Mu kubacengezamo amahame meza niho muzashobora kubamururamo intekerezo mbi. Niba ababyeyi batabiba imbuto z'ukuri mu mitima y'abana babo, umwanzi we azayibibamo urukungu. Inyigisho nziza kandi iboneye gusa niyo izabarinda kononekara gukomoka mu byo basoma bibi, byangiriza imico yabo myiza. Ukuri kuzarinda umutima ibishuko bigomba kurwanywa ubudatuza.¹

Ababyeyi bagomba kwita ku byo abana babo basoma: Abasore benshi bagirira ibitabo ishyushyu. Bifuza gusoma ikintu cyose babashije kubona. Ndahendahemda ababyeyi babo ngo bakumire iryo shyushyu. Ntimukarekere ku ntebe ibibarankuru n'ibinyamakuru birimo amateka y'inkuru z'inkundo; mubisimbuze ahubwo ibitabo bizafasha urubwiruko kuronka iby'ingenzi bizabafasha kurema imico myiza ari byo ibirebana n'urukundo, kubaha Imana no kumenya Kristo. Mutere akanyabugabo abana banyu ko kuzuza mu ntekerezo zabo ubumenyi bw'agaciro kugira ngo ibyiza byuzure mu mitima yabo kandi bitegeke ubushobozi bwabo, ^[411] bidaha urwaho ibitekerezo bipfuye kandi bihindanye. Mutegeke irari ry'ibyo basoma bitazanira intekerezo ibyo kurya byiza.²

Ababyeyi bagomba kugerageza gutandukanya icyitegererezo kitazana ibyiza n'urugo rwabo. Kuri iyi ngingo, bamwe baracyafite byinshi byo kwiga. Ku bakunda gusoma inkuru n'ibinyamakuru ndababwira nti: Muri kubiba imbuto zizera umusaruro

utazabazanira umunezero na muke. Ibyo musoma bimeze bityo ntibibazanira imbaraga na nke z'iby'umwuka. Ibiri amambu, birimbura urukundo rw'ukuri kwera kw'ibyanditswe. Binyuriye muri izo nkuru no muri byo binyamakuru, Satani yihatira kuzuzanya intekerezo ubupfapfa n'ubujajwa zakagombye kwigana ubwitonzi ijamba ry'Imana. Bityo bagatakaza igihe kinini, imbaraga nyinshi no kwifata gukenewe kwakabashishije guhangana n'ingorane zikomeye zo mu buzima. 3

Abana bakeneye gusoma ibikwiriye, bishobora kubanezeza no kubaruhura kandi bitandukanya intekerezo cyangwa ngo bice intege umubiri. Nibigishwa gukunda inkuru z'urukundo no gusoma impapuro zitandukanye z'ibinyamakuru, bizarangira babonye ibitabo bidafite akamaro n'ibinyamakuru bikungahaye cyane mu bibi. Umugabane munini w'abana n'abasore bakeneye kubona ibyo basoma; nimutabahitiramo ibyo basoma, bazabyihitiramo. Bashobora kubona ibitabo bishukana ahantu aho ari ho hose kandi baziga kubaha agaciro mu buryo bwihuse. Ariko nibahabwa ibyo basoma byiza kandi bibubaka bizabanezeza. 4

Mwige gutoza no kuyobora ibyo abana banyu bakunda: Ibyo abana bakunda bigomba kuyoborana no kwigishanywa ubwitonzi bukomeye. Ababyeyi bagomba gutangira hakiri kare kwigisha ibyanditswe mu ntekerezo nto z'abana babo, kugira ngo bagire imitekerereze myiza yo mu bwenge.

Imbaraga zose zishobora gukoreshwa mu gucengeza amahame meza binyuriye mu kuyigisha. Niba intekerezo zishakira kujarajara muzigarure ku mugambi nyamukuru. Niba ibyo ubwenge n'itekerezo bikunda byarangirijwe no gusoma inkuru zipfuye kandi zireshya, maze intekerezo zikaba zitagishobora kwihanganira inyigisho nzima nk'uko byari bisanzwe, hagomba gutegurwa urugamba rukomeye kugira ngo ako kamenyero kabi kabashe kuneshwa. Irari ryo gukunda inkuru mpimbano rigomba kwiganza ridatindiganije. Imyanzuro ya kigabo igomba gufatwa kugira ngo intekerezo zigume zishikanye neza.5

Mwirinde gutera ingabo mu bitugu gukunda inkuru mpimbano: Abana bacu bazasoma iki? Iki ni ikibazo gikomeye gikwiriye gusubirishwa igisubizo gikomeye. Birambabaza iyo mbonye mu ngo z'abakomeza isabato bafite ibinyamakuru n'amagazeti arimo ibitekerezo bitagira icyiza bisiga mu ntekerezo z'abana n'abasore. Nitegereje abafite irari ry'ibitekerezo by'ibinyoma

bimenyereje batyo, bagize amahirwe yo kumva iby'ukuri, bamenye neza impamvu zo kwizera kwacu, ariko barakuze bageze ku myaka ishitye bareka kubaha Imana kw'ukuri no gukora ibyiza.6

Abasomyi b'ibitekerezo by'ibinyoma biha ibibi byonona ingeso z'iby'umwuka byijimisha ibyiza by'ibyanditswe byera.7

Ubwinshi bw'ibitabo bibi: Isi yuzuye ibitabo byari bikwiriye gutwikwa aho gukwirakwizwa. Byakabaye byiza urubyiruko rudasomye izo nkuru zireshya zigambiriye kugera ku nyungu z'ubucuruzi gusa. Ibyo bitabo birimo ubuhendanyi bwa Satani... Akamenyero ko gusoma inkuru ni bumwe mu buryo Satani akoresha mu kurimbura imitima. Bitera gukangura umubiri bidasanzwe kandi nabi, bigatera igihu ibitekerezo, bigatera intekerezo zose kutagira akamaro ndetse zikananirwa kuzuza inshingano z'iby'umwuka. Zikura umutima mu gusenga no mu gukunda ibyera.8

Inkuru z'inkundo, ibinyamakuru bipfuye cyangwa birimo imitego ni umuvumo ku musomyi. Umwanditsi ashobora kuvuga ko hari icyo byigisha abantu, yemwe ndetse akaba yanashiramo ibitekerezo byo mu iyobokamana ariko kenshi usanga bigambiriye guhisha ubusazi bwabo n'ubusa bubuzuye.9

Abanditsi batizera: Ahandi akaga gakomoka dukwiriye

Guhora twirinda ni ugusoma ibitabo byanditswe n'abatari abakristo bene iyo mirimo iyoborwa n'umwanzi w'iby'ukuri, kandi nta n'umwe wabisoma ngo abure gushyira umutima we mu byago. Ni iby'ukuri y'uko abo byamaze guhindura hanyuma bakira; ariko abamaze gukururwa n'ibibi byabyo baba bishyize mu butware bwa Satani, maze akabagira abe rwose. Igihe bararikira ibishuko bye kubazaho, nta bwenge baba bafite byo kubisobanukirwa cyangwa imbaraga zo kubitsinda. Imbaraga ireshya kandi iroga, no kutizera no gukiranirwa byibohera ku bwenge bwabo.10

Inkuru z'ibinyoma n'ibitekerezo by'ibihimbano: Mu byo abana n'abasore bigishwa, umwanya mu nini uhabwa ibitekerezo bitari iby'ukuri birimo ibinyoma n'ibitekerezo by'ibihimbano. Ibitabo bimeze bityo ni byo bikoreshwa mu mashuri kandi biri no mu ngo nyinshi. Ababyeyi b'abakristo bashobora bate kwemerera abana babo gukoresha ibitabo byuzuye amagambo y'ibinyoma? Igihe abana babajije ubusobanuro bw'ibitekerezo binyuranye cyane n'ibyo ababyeyi babo bigisha, icyo basubizwa ni uko ibyo bitekerezo atari

ukuri. Nyamara ibyo ntibikuraho ingaruka mbi iturutse ku kubikoresha. Ibiterezo byo muri ibyo bitabo biyobya abana, byerekana imibereho mu buryo bw'ibinyoma, bigatera n'ubushake bwo kwemera ibinyoma...

Ntabwo ibitabo birimo amagambo ahindura iby'ukuri bikwiriye gushyirwa mu maboko y'abana n'abasore. Mu byerekeye kujijurwa, abana bacu ntibakwiriye kugira inama bahabwa zibasha kuba imbuto z'icyaha. 11

Uko imbaraga z'ubwenge zacogojwe: Niba abantu bahagaze ^[414] neza mu ntekerezo ari bake ni uko ababyeyi birengagije inshingano zabo zikomeye zirebana no guteza imbere imico y'abana babo ikiri hasi no gucyaha imico yabo iteje akaga. Bibagirwa ko inshingano yabo y'ibanze ari iyo kwita ku byifuzo bya buri mwana wese no kubacengezamo binyuriye mu byigisho byabo akamenyero keza ko mu buzima no gutekereza neza. 12

Menyereza ubushobozi bw'ubwenge n'ubw'intekerezo. Ntukemere ko ubwo bushobozi bucika intege kandi ko bwakononwa no gusoma ibitabo byinshi nubwo byaba ari ibibarankuru Nzi abantu bakomeye, intekerezo zabo zaguye mu guta gahunda kandi zikaba zaraguye ikinya zose cyangwa umugabane umwe wazo bitewe no kutirinda mu byo basoma. 13

Gusoma bikangura bituma umwana abura amahoro kandi akarotaguzwa: Abasomyi b'ibitekerezo by'amanjwe by'ibihimbano bahinduka abadakwiriye inshingano z'imibereho ikwiriye, bibera mu isi y'ibihimbano. Nitegereje abana bemerewe kugira akamenyero ko gusoma bene ibyo bitekerezo, ari iwabo i muhira cyangwa ahandi, ntibaba bafite amahoro basa n'abasinziye, batabasha kugira icyo baganira kitari ibintu bisanzwe. Ibitekerezo by'idini n'ibiganiro byayo byari inzaduka rwose mu bwenge bwabo, kuko barereshejwe kugira irari ry'ibitekerezo biteye ubwoba. Irari ry'iby'ubwenge ryarahindutse, maze bituma ubwenge butanyurwa keretse bugaburiwe ibyo kurya bigwa nabi ubuzima. Nta rindi zina nabona rikwiriye abishimira bene uko gusoma rirenze ku bita "abasindishabwenge". Ingeso zo kutirinda mu byo gusoma zifite icyo zitwara ubwonko, zimeze nk'uko ingeso zo kutirinda mu byo kurya no mu kunywa zifite icyo zitwara umubiri. 14

Bamwe batarempera ukuri kw'iki gihe bari baramenyereye gusoma ibitabo by'ibitekerezo, bamaze gufatanya n'itorero bagira umuhati wo

kunesha iyo ngeso. Bene abo kubaha ibyo basoma bihwanye n'ibyo baretse bihwanye no guha umusinzi ibisindisha. Bahora bishyira ibishuko, bidatinze bakabura uburyohe mu gusoma ibikomeye. Ntibaterwa ubwuzu no kwiga Bibiliya, imbaraga yabo y'ubutungane irazongwa, icyaha kikagaragara ko ari kibi buhoro buhoro; bikagaragara ko gukiranirwa byiyongera, no kwanga inshingano zikwiriye mu mibereho bigakura. Iyo ubwenge bumaze kuyobywa, buba bwiteguye gusoma igitabo cyose gitera ugisomye kugira ibitekerezo bibi. Uko niko inzira yugururwa, Satani akigarurira umutima burundu. 15

Gusomana ihubi kandi kw'amajyejuru bicogoza kwita kubyo usoma: Kubw'ibitabo byinshi bihora byoherezwa biva mu icapiro, abasaza n'abasore bagira ingeso zo gusomana ubwira kandi bagasoma ibyo hejuru gusa, maze ubwenge bukabura imbaraga yabwo yo gutekereza ibigira umumaro. Ikindi kandi, ibinyamakuru n'ibitabo byinshi bimeze nk'ibikeri byo mu Egiputa byuzuye mu gihugu, si uko ntacyo bimaze gusa, bikaba bitagize icyo byungura, ahubwo biranduye kandi byangiriza umutima. Amaherezo yabyo si ukwangiriza ubwenge gusa, ahubwo byonona kandi bikica umutima 16

“Sinafata ifatabuguzi ku binyamakuru by'abadiventiste”: Hari benshi bavuga ko ari bene data ariko bakaba batarigeze bafata ifatabuguzi ku binyamakuru byacu mu gihe bakira ubudatuza ikinyamakuru kimwe cyangwa bibiri bibiri. Abana babo banezewa no gusoma inkuru mpimbano n'amateka basoma muri ibyo binyamakuru, kandi ababyeyi babo ntibazuyaza kugura ibyo binyamakuru mu gihe bavuga ko badafite amafaranga yo kugura ibinyamakuru byacu n'ibibarankuru byacu bivuga ku kuri kw'iki gihe...

Ababyeyi bakwiriye guhoza ijisho ku bana babo, bakabigisha kurinda kwera kw'intekerezo zabo kandi bakirinda nk'abirinda ibibembe gusoma inkuru z'urukundo zishushanijwe zanditswe mu binyamakuru. Reka mu kabati kacu no mu isomero ry'ibitabo byacu habemo ibinyamakuru ^[416] biteza imbere ubwenge n'iyobokamana, ku buryo bizatera abana bacu gukunda gusoma ibyazamura intekerezo zikagera ku rugero ruhanitse. 17

Ubutumwa ku basore bacu ku ntego yo gusoma: Iyo nitegereje akaga gaterwa no gusoma ibyanduye ku rubyiruko, sinshobora kwirengagiza kwita ku miburo nahawe irebana n'iki kibi gishishana.

Abantu ntibamenya ko hari ingaruka ziterwa no gusoma ibintu bibi. Ibyo basoma birabakurura kandi bikabakangurira kwita ku ngingo basomye; imirongo imwe n'imwe ikiharatura mu bwonko bwabo; ibitekerezo bimwe bigatangwa. Nabo ubwabo batabizi bakigana umwanditsi; intekerezo zabo n'imico yabo bikakira ikimenyetso cy'ikibi. Bamwe bafite kwizera guke n'imbaraga nke zo kwitegeka kandi birabagora gukura mu ntekerezo zabo byabyawe n'ibyo basomye. 18

Iyaba abasore basobanukirwaga ingano y'ingaruka mbi baterwa n'izo nkuru zireshya mu ntekerezo zabo! Mbese iyo mumaze gusoma ibitabo nk'ibyo, mushobora kubumbura Bibiliya maze mugasoma ijambo rihasha ubugingo mubikunze? Mbese ntimusanga ijambo ry'Imana ritakinejeje? Ibyo bisobanuye ko kunezezwa no gusoma inkuru z'inkundo bihungabanya intekerezo zawe, bikarimbura imbaraga kandi bikababuza kwita ku kuri kw'ingenzi kandi kw'agaciro kurebana n'umunezero wawe w'iteka ryose. Mu kumarira igihe cyawe wakagombye gukoreshereza Imana n'ababyeyi bawe mu by'ubupfu nk'ubwo, uba ucumuye ku babyeyi bawe no ku Mana. 19

Bana, mbafitiye ubutumwa. Ubu niho muri gutegura ahazaza hanyu h'iteka kandi uko murema imico yanyu bigaragaza ko bizabakingira amarembo y'ubwami bw'Imana... Mbega uko bibabaza Yesu, Umucunguzi w'isi, kubona umuryango urimo abana badakunda Imana cyangwa ngo bubahe ijambo ryayo, ahubwo bakaba baratwawe ingamira no gusoma inkuru z'inkundo! Igihe gitambutse muri ubwo buryo, kikunyaga icyifuzo cyo kuba ingirakamaro mu muryango, kandi bikunyaga amahirwe yo kuzashobora kuzuza inshingano zawe nk'umutware w'urugo; ni mwinangirira muri iyo nzira, muzahinduka buhoro buhoro imbohe z'imitego ya Satani... Bimwe mu bitabo musoma, birimo amahame meza ariko mwisomera amateka abirimo gusa. Iyaba mwasomaga mushaka gukuramo inyigisho zabafasha mu iremamico ryanyu, gusoma kwanyu kwakabafashije mu bintu bimwe. Mu gihe mwiga buri rupapuro rwacyo, mbese mwibaza iki kibazo: Mbese ni iyihe ntego nshaka kugeraho? Mbese nshaka kubona ubumenyi bw'ingirakamaro? Ntushobora kubaka imico myiza urufatiro urwubakishije ibiti, ibyatsi n'ibikenyeri.20

Biba mu ntekerezo imbuto z'ukuri kwa Bibiliya: Hari isano ritangaje hagati y'umurima utarahinzwe n'intekerezo zitatojwe. Umwanzi abiba urukungu mu ntekerezo z'abana n'abasore

kandi ababyeyi nibataba maso, izo mbuto zizakura kandi zizera imbuto mbi. Kugira ngo uHINGE umurima ari wo intekerezo maze ngo ubibemo imbuto y'agaciro y'ukuri ni ngombwa kubwitaho ubudatezuka. Abana bakwiriye kwigishwa gushyira ku ruhande ibyo basoma bitabungura n'ibinyamakuru bibakurura ahubwo bagasoma inyandiko zuzuye ubwenge, zibanda ku kwigisha intekerezo iby'amateka, iby'ibyanditswe n'iby'ibitabo bya Bibiliya. Gusoma kugambiriye gucukumbura igitabo cyera ufite icyifuzo cyo ku cyiga ntiguteza akaga; ahubwo ni ingirakamaro.21

Abasore ntibashobora kugira imbaraga zera z'ubwenge n'amahame aboneye y'iby'iyobokamana niba batishimira gusoma ijambo ry'Imana. Iki gitabo cyuzuye amateka ashamaje kurenza andi yose yigeze kubaho; yerekana inzira y'agakiza kabonerwa muri Kristo kandi niyo muyobozi wacu utugeza ku bugingo bwo hejuru burushijeho kuba bwiza. 22

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	Counsel to Teachers, Parents, and students, P.121	Counsel to Teachers, Parents, and students, P.121
2	Counsel to Teachers, Parents, and students, P.133	Counsel to Teachers, Parents, and students, P.133
3	Counsel to Teachers, Parents, and students, P.120,121	Counsel to Teachers, Parents, and students, P.120,121
4	Review and herald 11 December 1879	Review and herald 11 December 1879
5	Counsel to Teachers, Parents, and students, P.136	Counsel to Teachers, Parents, and students, P.136
6	Counsel to Teachers, Parents, and students, P.132	Counsel to Teachers, Parents, and students, P.132
7	Youth instructor 9, octobre 1902	Youth instructor 9,october 1902
8	Counsel to Teachers, Parents, and students, P.133,134	Counsel to Teachers, Parents, and students, P.133,134
9	Ministere de la guerison p381 (rayon de la santé p266,267)	Ministry of healing p 445

10	Counsel to Teachers, Parents, and students, P.135,136	Counsel to Teachers, Parents, and students, P.135,136
11	Counsel to Teachers, Parents, and students, P.384, 385	Counsel to Teachers, Parents, and students, P.384,385
12	Review and herald 12 novembre 1908	Review and herald 12 November 1908
13	Testimonies for the church vol 2 p 410	Testimonies for the church vol 2 p 410
14	Counsel to Teachers, Parents, and students, P.134,135	Counsel to Teachers, Parents, and students, P.134,135
15	Temoignages pour l’eglise vol 3 p 218,,219	Testimonies for the church vol 7p 203
16	Education p 193,	Education p 189,190
17	Review and herald 11 December 1879	Review and herald 11 December 1879
18	Temoignages pour l’eglise vol 3 p 218	Testimonies for the church vol 7p 203
19	Temoignages pour l’eglise vol 1p 269	Testimonies for the church vol 2 p 236
20	Letter 32, 1896	Letter 32, 1896
21	Counsel to Teachers, Parents, and students, P.136,137	Counsel to Teachers, Parents, and students, P.136,137
22	Testimonies for the church vol 2 p 410, 411	Testimonies for the church vol 2 p 410, 411

**UMUGABANE WA 15:
UBUNTU BUMURIKIRA
IMIBEREHO Y'ABAGIZE
UMURYANGO**

ICYIGWA CYA 69: URUGWIRO N'UBUGIRANEZA

Urugwiro ruzakumira kimwe cya kabiri cy'indwara zo mu buzima: Ihame ryatanzwe nk'itegeko. “Ku byo gukunda bene data mukundane rwose” nibyo bigize ishingiro ry'urufatiro rw'umunezero w'umuryango. Urugwiro rwa gikristo rugomba kuyobora muri buri muryango. Kubigeraho bisaba imbaraga nke, ariko bifite imbaraga zo koroshya imico, biramutse bitabayeho imitima yakwinangira kandi igahura no kononekara mu buryo bworoshye. Iyaba twakwimenyerezaga kugira urugwiro mu buryo buhoraho, kandi twifuzaga gukorera abandi ibyo twifuza ko na bo ubwabo badukorera, twakagabanije kimwe cya kabiri cy'imibabaro yo muri ubu buzima.1

Urugwiro rutangirira i muhira: Niba twifuza ko abana bacu bagira imyitwarire irangwa n'ubugwaneza, urugwiro n'urukundo, tugomba kubabera icyitegererezo.2

Ababyeyi bagomba kugaragarizanya urugwiro no mu tuntu duto two mu buzima. Ubugwaneza bugaragarijwe bose bugomba kuba itegeko rigenga umuryango. Amagambo mabi kandi akomeretsa ntagomba kwihanganirwa. 3

Bose bashobora kugumana mu maso hakeye, ijwi ryoroheje n'imyitwarire inejeje ari byo bigize ubutwari nyakuri. Abana bakururwa n'inyifato inejeje kandi irabagirana umunezero. Mubagaragarize ubugwaneza bwinshi n'urugwiro kandi na bo bazabagaragariza umwuka nk'uwo ndetse bawugaragarize n'abandi.4

Urugwiro no gutuza kwawe bizagira ingaruka nziza ku mico y'abana banyu kuruta amagambo yanyu.5

Kugirirana neza bihindura urugo Paradizo: Mu kubwira neza abana babo no kubashimira igihe bagerageza gukora ibyiza, ababyeyi bashobora kubatera akanyabugabo kandi bagatuma banezezerwa; bityo bakazengurutsa uruziga rw'umuryango umwuka wuzuye ubugwaneza uzeyura igicu cy'umwijima kandi ukinjizamo imirashi myiza y'izuba muri rwo. Kugirirana neza no kwihanganirana bizahindura urugo Paradizo kandi bizahakururira abamarika bera; aba bamarayika bahunga [422] urugo aho abarugize bikakaza, bavuga amagambo arakaza kandi azana intonganya. Ubukaka, kwivovota no kurakara byirukana Yesu mu rugo.6

Ibikorwa bitandukanye by'urugwiro byo mu mibereho ya buri muni n'urukundo abagize umuryango bakwiriye kugaragarizanya ntibikomoka ku bibera hanze yawo.7

Amagambo atuje, uburyo bwo kugaragarizanya urukundo n'urukundo rwimbitse bigaragarira mu bikorwa byose, bihujwe n'akamyero ko gukora, ko kugira isuku n'ako kuzigama bishobora guhindura ivundi ryoroheje urugo runejeje kurusha izindi kandi abarugize bakiringira kwemerwa n'Umuremyi.8

Benshi ntibakwiriye kwita cyane ku bivugwa n'abari hanze y'umuryango wabo, ahubwo bakita cyane ku bivugwa n'abagize umuryango wabo. Bagomba kugaragariza urugwiro n'urukundo ruke abashyitsi n'abanyamahanga ugereranije n'ibyo bakwiriye kugaragariza umuryango wabo kuko bakwiriye kuwugaragariza urugwiro rwinshi, urukundo rwimbitse, ubugwaneza n'impuhwe.9

Ikinyabupfura nyakuri: Ubugwaneza nyakuri burakenewe mu muryango. Ni cyo gihamya kirengera ukuri neza mu muryango. Uburyo ubwo ari bwo bwose, kugaragaza ubupfu mu magambo no mu myitwarire ni ikimenyetso cy'umutima wanduye. Ukuri gukomotse mu ijuru ntiguhumanya ukwakiriye kandi ntikumuhindura inkaka cyangwa uhubuka. Mugomba kugira imbaraga yoroshya kandi igatunganya. Iyo abasore bakwakiriye mu mitima yabo, kubahindura abubaha n'abafite ikinyabupfura. Nta wagira urugwiro rwa Gikristo keretse gusa ayobowe n'umwuka wera. Ntibikomoka ku kwandura, cyangwa ku gusa neza kw'inyuma; cyangwa se ngo bibe bikomotse ku gusirimuka gupfuye dusanga kenshi ku bafite umwuka w'isi kandi batazi neza ikinyabupfura cya gikristo icyo ari cyo.

Kumenya kwibeshaho neza n'uburezi nyakuri buboneka gusa binyuze mu bumenyi ngiro bw'ubutumwa bwiza bwa Kristo. Urugwiro n'ikinyabupfura nyakuri bigaragarira mu bugiraneza ugirira abantu bose, baba bakomeye cyangwa boroheje, baba ari abakire cyangwa abakene. 10

Guha abandi agaciro ni byo shingiro ry'ikinyabupfura nyakuri. Uburezi bukenewe kandi buramba, ni ubwagura urugwiro mu muntu bugashyigikira kugirira neza bose. Iyo ngirwamuco y'uburezi idatera abasore kubaha ababyeyi babo, ngo babashimire ibyo babakoreye bihanganira amakosa yabo yo mu mico, ndetse ngo babafashe mu byo bakenera; ntitume urubwirako ruha agaciro cyangwa rugire impuhwe n'ubugiraneza, maze rube ingirakamaro ku

bato, abakuru n'imbabare, ndetse ntirushobore kwitera igikundiro kuri bose; bene ubwo burezi ntacyo bumaze.11

Urugwiro rwa gikristo ni umurunga w'izahabu uhuriza abagize umuryango mu mirunga y'urukundo, mu rukundo rwimbitse kandi rwiyoungera uko umunsi uhaye undi.12

Itegeko ry'izahabu rigomba kwemerwa nk'ihame: Muri Bibiliya ni ho tubona amahame y'ibanze agenga imibanire y'abagize umuryango na rubanda. Ntiyuzuyemo gusa ibitekerezo mbonezamubano byiza gusa ahubwo harimo n'ibanga ry'uko abantu babana neza. Ikibwirizwa cyo ku musozi kirimo ibyigisho bitigeze bihabwa agaciro na bose, yaba abasore n'abana bato. Kigomba gusomwa kenshi mu ruziga rw'umuryango, kandi inyigisho zikigize zigashyirwa mu bikorwa mu buzima bwa buri munsi: "Ibyo mushaka ko abandi babagirira, abe ari byo mubagirira namwe", nk'uko intumwa Paulo ibidutega iti "Ku bw'icyubahiro buri wese ashire imbere mugenzi we.", bigomba guhinduka itegeko riyobora umuryango. Abimenyereza kugira umwuka wa Kristo bazagaragaza ikinyabupfura mu muryango n'ubugiraneza kandi bitange kugeza no ku turimo duto two mu buzima. Bazashakisha ubudatuza uko ahabazengurutse haba ahanezerewe, biyibagirwa ubwabo mu bikorwa bito bakorera abandi. Ibyo ni umusaruro w'imbutu zera ku giti cy'ubukristo.13

Itegeko ry'izahabu ni ryo shingiro ry'urugwiro nyakuri kandi mu mibereho no mu mico ya Kristo ni mo byagaragariye neza. Mbega ukuntu imirashi y'ubugwaneza n'ubugiraneza yakomokaga buri munsi k'Umukiza wacu. Mbega ubwiza nk'ubw'uburabyo yahoranaga! Umwuka nk'uwo uzagaragarizwa mu bana be. Abantu Kristo abamo bazahora bagoswe n'ubwiza bw'Imana. Amakanzu yabo yera yo kubonera azatamwaho n'impumuro nziza yo mu murima w'Uwiteka. Mu maso habo hazarabagirana umucyo w'Imana, maze hamurikire inzira y'abarushye kandi bagenda basitara.14

Uburyo bwiza bwo kumenya kwibeshaho: Impuguro iruta izindi muzigeze zandikwa, n'ibyigisho byagaciro Umukiza yatanze hamwe n'amagambo umwuka wera yavugiye mu ntumwa Paulo; ni amagambo agomba guharaturwa ubudasibangana mu bwenge bwa buri wese yaba umusore cyangwa umusaza: "Mukundane nk'uko nabakunze, mube ariko namwe mukundana" "Urukundo rurihangana, rukagira neza, urukundo ntirugira ishyari, urukundo

ntirwirarira, ntirwihimbaza, ntirukora ibiteye isoni, ntirushaka ibyarwo, ntiruhutiraho, ntirutekereza ikibi ku bantu, ntirwishimira gukiranirwa kw'abandi. Ahubwo rwishimira ukuri, rubabarira byose, rwizera byose, rwiringira byose, rwihanganira byose. Urukundo ntabwo ruzashira.”¹⁵

Bibiliya idusaba kugira ikinyabupfura, kandi iduha ibyitegerezo byinshi by'umutima wo kutikunda, ubugwaneza n'ubukirantsi biranga ikinyabupfura nyakuri. Ibyo ni byo kurabagirana imico ya Kristo. Kugira neza kose n'ikinyabupfura biboneka ku isi, n'ubwo byagirwa n'abatarigeze bamenya izina rya Kristo, byose bikomoka kuri we. Yifuza ko bene iyo mico irabagiranira mu bana be mu buryo butunganye. Ni umugambi we ko binyuriye muri twe, abantu babona ubwiza bwe.¹⁶

Ubukristo buzahindura abantu abagwaneza, Kristo yari umunyarugwiro ndetse no ku bamurenganyaga. Abigishwa be nyakuri bazagaragaza umwuka nk'uwo. Murebe intumwa Paulo ayanwa imbere ya Agripa: amagambo ye yose n'icyitegererezo cy'urugwiro rushyitse kimwe no gushyanyuka kwemeza. ubutumwa bwiza ntibwigisha ikinyabupfura cy'ubunyamihango bw'ab'isi, ahubwo cyigisha cya kinyabupfura gifite isoko yacyo nyakuri mu mutima wuzuye ubugwaneza.¹⁷

Ntitubategeka kugaragaza ibyo isi yita urugwiro, ahubwo ni urugwiro rw'agahebuzo rwa rundi buri wese azimukana mu mazu y'abahiriwe.¹⁸

Urukundo ni isoko y'urugwiro nyakuri: Gukomeza Imihango ikomeye yo kwigaragaza kwinyuma ntibihagije gukuraho uburakari, kunenga gukarishye no kwigira intagondwa no kuvuga ibidakwiriye. Kubonezwa nyakuri ntibizigera bigaragara igihe cyose inarinjye yacu izaba ifite umwanya wa mbere. Urukundo rugomba gutura mu mutima, umukristo nyakuri avoma ibyifuzo by'ibimutera gukora mu rukundo rwimbitse rw'umwigisha. Ni ku bw'urwo rukundo muri we hazadudubiza impuhwe zo kwiyanga kubwa bene se.¹⁹

Mu bintu byose bigomba gushakashakwa, kwimenyerezwa no gutezwa imbere, nta gifite agaciro mu maso y'Imana nk'umutima uboneye, wuzuye gushima n'amahoro. Niba ubumwe bw'urukundo n'ukuri mvajuru byiganje muri twe, bizigaragariza mu magambo yacu no mu bikorwa byacu... Umwuka w'ubugiraneza nyakuri ugomba gutura mu mutima. Urukundo ruzanira urufite ubuntu,

amahoro no kugubwa neza mu myitwarire. Rutera gucya mu maso, rukoroshya ijwi, rutunganya kandi rukaboneza impagarike y'umuntu yose. Rutuma agirana ubumwe n'Imana kuko ari impano mvajuru.20

Ikinyabupfura nyacyo nticyigirwa mu kubahiriza amategeko y'umugenzo. Kugira inyifato nziza bigomba kuzirikanwa ibihe byose, aho ari ho hose, ariko bitabangamiye amahame. Kubahiriza abandi bizadutera kugendana n'imico bagenderaho ariko kandi ikinyabupfura nyacyo ntikidutera kubamba amahame ngo dukorere mu bwumvikane. Iby'ivangura ntikibikozwa. Cyigisha kwihesha agaciro, kwita ku gaciro k'umuntu kuko ari umuntu, no guha buri wese agaciro dusangiye ubuvandimwe bukomeye bwo kuba umuntu.21

Urukundo rwigaragariza mu ndoro, mu magambo no mu bikorwa: Imbere ya byose ababyeyi bagomba kuzengurutsa abana babo umwuka w'ibyishimo, urugwiro, urukundo, ubugiraneza n'ubugwaneza. Urugo rwiganjemo urukundo, kandi rukagaragarira mu ndoro, mu magambo no mu bikorwa, abamarayika bakunda kuhibera. Babyeyi, mureke imirashi y'izuba ry'urukundo, ibyishimo n'umunezero byinjire mu mitima yanyu; kandi icyitegererezo cyabyo gituje gikwire mu muryango wose. Mugaragaze umwuka w'ubugwaneza no kwihangana kandi mufashe abana banyu kugera ikirenge mu cyanyu, mwimenyereza ubuntu bwose buzamurikira imibereho y'umuryango. Umwuka uzabivamo uzababera icyo umwuka mwiza n'izuba bibera isi y'ibimera, bizana ubutaraga n'imbaraga ku ntekerezo no ku mubiri.22

Ubugiraneza, ibiganiro bituje n'ibikorwa by'urukundo bizazirikira imitima y'abana ku babyeyi babo binyuriye mu mirunga yera y'urukundo kandi bizatuma urugo rukundwa kandi rube urureshya kuruta kurwuzuzamo imitako y'agaciro kenshi.23

Abantu bafite imiterere itandukanye bagomba guhuzwa: Biri mu mugambi w'Imana ko abantu bafite imiterere itandukanye bagirana ubumwe. Igihe ibyo bibaye, buri wese mu bagize umuryango agomba kwita abikuye ku mutima ku byiyumviro by'abandi no kubahiriza uburenganzira bwabo. Uko ni ko guhana agaciro no kugirirana impuhwe bizatezwa imbere; kwibwira bizeyuka kandi imiterere y'imico mibi izoroshywa. Ubumwe bushobora

kubaho kandi guhuza abantu bafite imiterere itandukanye bishobora kuzanira ibyiza buri wese. 24

Nta kintu na kimwe cyasimbura kubura urugwiro: Abiyita abigishwa ba Kristo kandi bakaba bikakaza, bavuga amagambo mabi, batagira urugwiro mu magambo no mu nyifato yabo ntabwo bigiye mu ishuri rye. Umuntu wibona, ukunda kurakara, kandi ugira umwete wo gushakisha amakosa ku bandi, si umukristo; kuko kuba umukristo ni ugusa na Kristo. Inyifato ya bamwe biyita abakristo, kuri iyi ngingo ntibagira urukundo, ikinyabupfura, urugwiro kugeza ubwo amaherezo banenga n'ibyiza nabo ubwabo bakora. Kuba abanyakuri kwabo gushobora kuba kudakemangwa kandi n'ubunyangamugayo bwabo bukaba butagishwa impaka ariko; kuba umunyakuri n'inyangamugayo ntibyatsindishiriza kubura ubugwaneza n'urugwiro byabo. Umukristo agomba kuba inyangamugayo n'umunyakuri, agira impuhwe n'urugwiro, akiranuka kandi avuga ukuri.25

Igihe twirengagije kugaragarizanya hagati yacu urukundo mu muryango, hagati y'ababyeyi n'abana; kwirinda n'ubugwaneza birabura maze imico itari iya gikristo akaba ari yo yimakazwa. Ariko aho kugaragarizanya urukundo mu tuntu duto duty bibyara umusaruro mwinshi. Bikwirakwiza mu buzima umubavu uhumura neza uzamuka ku Mana nk'umubavu wera.26

Benshi bahagizwa no kubabarana: Abantu benshi bafite inyota yagutse y'urukundo n'ubucuti... Tugomba kwiyibagirwa ubwacu kandi tugashakisha uko twavumbura no mu turimo duto twa buri munsu uko twagaragaza gushima ku bw'ubufasha twahawe n'abandi; tugatera akanyabugabo bagenzi bacu tubazanira ubufasha no kubahumuriza mu maganya yabo no mu mitwaro yabo binyuriye mu bikorwa by'ubugiraneza no kubagaragariza urukundo mu tuntu duto. Kwitanaho nk'uko kugaragarira bwa mbere mu muryango, kuraguka kukarenga uruziga rw'umuryango kukazana ibyiza bitera ibyishimo mu buzima. Ibiri amambu, kwirengagiza utwo dukorwa tugaragara ko tudafite agaciro bizazana ubusharire n'agahinda.27

Uko tubana n'abandi byoroshya imibanire yacu n'ab'isi: Mu kugirana isano n'abandi niho abakristo buhurira n'isi. Imana isaba buri mugabo na buri mugore wese wasogongeye ku rukundo rwa Kristo kandi akaba yarakiriye mu mutima we umucyo mvajuru,

kuwukwirakwiza mu nzira icuze umwijima y'abatazi inzira nyakuri iyo ari yo.28

Dushobora kugaragaza ibyifuzo byacu mu nzira igihumbi: Mu kugaragariza abandi urugwiro mu magambo y'urukundo no mu ndoro y'ubugiraneza natwe bizatugarukira. Mu kwirengagiza bagenzi babo, abakristo b'abanenganenzi baba bagaragaje ko badafitanye isano n'Imana. Ni ibidashoboka kugirana ubumwe na Kristo utagira urukundo imbere y'abandi kandi wirengagiza uburenganzira bwabo. 29

Twese tugomba guhinduka abahamya ba Kristo, imbaraga z'abantu zezeshejwe ubuntu bwa Kristo zigomba gukoreshwa zikiriza Kristo imitima. Dukwiriye kwereka ab'isi ko tudashishikajwe n'inyungu zacu bwite, ko ahubwo ko twifuza gusangira n'abandi imigisha n'impano twagabiwe. Bakwiriye kubona ko idini ryacu ritaduhinduye abatagondeka, batwaza igitugu. Abahamya ko babonye Kristo bakwiriye kugenza nka we bagirira abandi akamaro. Ntidukwiriye na rimwe kwerekana ko abakristo ari abantu bijimye kandi bagushije ishyano.30

Niba turi abanyarugwiro n'abanyarukundo mu rugo, igihe tuzaba turi kure yarwo tuzagendana imico y'umunezero. Niba tugaragaza impuhwe, kwihangana, ubugwaneza, n'akanyabugabo mu rugo tuzashobora kubera isi umucyo.31

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	Signs of the Times, 9 Septembre 1886	Signs of the Times, 9 September 1886
2	Signs of the Times, 25 Mai 1882	Signs of the Times, 25 May 1882
3	Good Health, Janvier 1880	Good Health, January 1880
4	Education, P. 245	Education, P. 240
5	Review and Herald, 13 Juin 1882	Review and Herald, 13 June 1882

6	Signs of the Times, 17 Avril 1884	Signs of the Times, 17 April 1884
7	Signs of the Times, 23 Août 1877	Signs of the Times, 23 August 1877
8	Signs of the Times, 2 Octobre 1884	Signs of the Times, 2 October 1884
9	Signs of the times, 2 Octobre 1884	Signs of the times, 2 October 1884
10	Manuscrit 74, 1900	Manuscript 74, 1900
11	Education P.246	Education P.241
12	Signs of the Times, 29 Novembre 1877	Signs of the Times, 29 November 1877
13	Signs of the Times, 1er Juillet 1886	Signs of the Times, 1er July 1886
14	Jésus et le bonheur, pp.140,141	Thoughts from the mounts of blessing p 192,193
15	Education P.247	Education P.242
16	Education P.247	Education P.241,242

17	Ministère de la guérison, pp.423,424 (Rayons de santé, P.364)	Ministry of healing p 489,490
18	Signs of the Times, 13 Août 1912	Signs of the Times, 13 August 1912
19	Ministère de la guérison, P.424 (Rayon De santé, P.364)	Ministry of healing p 490
20	Testimonies for the Church, vol.4, P.559,560	Testimonies for the Church, vol.4, P.559,560
21	Education P.245,246	Education P.240
22	Counsels to Teachers, Parents and students P.115	Counsels to Teachers, Parents and students P.115

23	Sign of the Times, 2 Octobre 1884	Sign of the Times, 2 October 1884
24	Signs of the times, 4 avril 1911	Signs of the times, 4 April 1911
25	The youth's Instructor, 31 Mars 1908	The youth's Instructor, 31 Mars 1908
26	Manuscrit 107, 1898	Manuscript 107, 1898
27	Testimonies for the Church, vol 3, pp.539,540	Testimonies for the Church, vol 3, pp.539,540
28	Testimonies for the Church, vol 4 p 555	Testimonies for the Church, vol 4 p 555
29	Testimonies for the Church, vol 3, p 134, 135	Testimonies for the Church, vol 3, p 134, 135
30	Jésus Christ, pp.134,135	Desire of ages p 152
31	Signs of the Times, 14 Novembre 1892	Signs of the Times, 14 November 1892

ICYIGWA CYA 70: UMUCYO WO MU MASO

Umukristo nyakuri agomba gucya mu maso: Ntukemerere ingorane n'amaganya bya buri muni kuburagiza intekerezo zawe no kwijimisha mu maso hawe. Ni muramuka mubikoze, buri muni hazajya havuka ibyo kubarakaza no kubaremerera. Ubuzima buba icyo tubugize cyo kandi tuzabubonamo icyo tubushakamo. Nitwimenyereza kugira agahinda no guhangayika; niba intekerezo zacu zifite akamenyero ko gutubura ingorane zoroheje, tuzahurira na zo bihagije mu nzira yacu kubwo kuzitekerezaho no kuziganiraho. Ariko niturebera ibintu mu ruhande rwiza, tuzabona ibyatuma ducya mu maso kandi tunezerwa. Nidukwirakwiza kumwenyura, natwe tuzamwenyurirwa; nituvuga amagambo meza kandi anejeje natwe tuzayabwirwa.

Igihe abakristo bagaragaje ko bijimye kandi bacogoye nk'aho bizeye ko nta nshuti bafite, baba baha iyobokamana ishusho ihindanye. Bamwe bibwiye ko gucya mu maso bidahamanije n'icyubahiro cy'ingeso z'umukristo ariko ni ifuti. Ijuru ryose ryuzuye umunezero; nitugumana mu ntekerezo ibyishimo byose by'ijuru kandi tukabigaragariza mu magambo yacu, no mu myitwarire yacu, tuzarushaho kwemerwa na Data wo mu ijuru kuruta uko twaba twijimye kandi tubabaye.

Ni inshingano ya buri wese kwimenyereza gucya mu maso aho kwijima, aho kurundanya ibigutwara ingamira n'ibikubabaza. Muri ubwo buryo, abantu benshi ntibigira abatindi gusa ahubwo babamba ubutaraga bwabo, n'umunezero wabo ku bw'ibitekerezo byabo bipfuye. Ibintu bimwe bibazengurutse ntibibanezeza kandi inyifato yabo igaragaraza neza kurakara kwabo guhora kuruta amagambo yabo. Ibyo byiyumviro bicogoza bitera ikizinga gikomeye ku buzima bwabo bw'impagarike: Urugero, mu gukoma mu nkokora imikorere y'igogora, baba bavurunze imirire. Agahinda no kubura amahoro ntibishobora gukiza indwara n'imwe; ariko byatera akaga gakomeye mu gihe kumurikira inzira y'abandi, gucya mu maso n'ibyiringiro ari "Ubuzima k'uwabibonye n'ubutaraga ku mubiri we wose."1

Madame White yagumanaga gucya mu maso mu bimurwanya: Mbese hari ubwo mwahoraga mumbona nijimye, nabuze amahoro kandi nivovota? Kwizera kwanjye kurabirwanya. Inyifato nk'iyi ikomoka ku kwiyumvisha nabi icyo imico nyakuri y'umukristo n'umurimo we bigomba kumera. Kwijima, gucogora no kubabara biterwa no kubura iyobokamana nyakuri. Abakristo nyakuri bihatira

kwigana Yesu, kuko kuba umukristo ari ugusa na Kristo. Ni iby'ingenzi bidasubirwaho kumenya bimwe mu byaranze ubuzima bwa Kristo n'ibyo yaramenyereye kugira ngo amahame ye agaragarire muri twe twifuza gusa na we.

Kugira imitima ibiri, gukunda isi, kwikunda no gukunda ibinezeza bipfuye ng'ibyo ibiranga umugaragu w'intinyamaso kandi w'ikigwari; akurikira Kristo; ariko akamukurikirira kure cyane. Umurimo w'ubushake kandi w'ukuri ukorera Yesu usozereza mu bukristo burabagirana. Ababaho bafitanye isano na Kristo ntibigera bijima, kuko muri we harimo umucyo, amahoro n'ibyishimo bihoraho. Kugira urugero ruhanitse rw'umwuka wa Kristo, n'umwuka muke w'isi, ukabaho imibereho ya gikristo mu buryo bwimbitse no kwikunda kukagabanuka; ibyo ni byo dukeneye.²

“Mugende nk'abana b'umucyo”: Si ubushake bw'Imana ^[432] ko twaburagizwa ngo tubure kwihangana cyangwa ngo tube aboroheje ndetse batagira akamaro. Ariko Satani afite gahunda yateguye neza kugira ngo ajye avana abantu mu gakabyo kamwe abajyana mu kandi. Kuko turi abana b'umucyo, Imana ishaka ko twakwimenyereza kugira umunezero wo mu mutima no gucya mu maso kugira ngo tubashe kuririmbira indirimbo zo guhimbaza uwaduhamagariye kuva mu mwijima akatuzana mu mucyo we w'itangaza.³

Mwireherezeho abana: Babyeyi namwe bigisha, mujye mukunda kumwenyura. Niba imitima yanyu ibabaye, mwirinde kugira ngo bitagaragarira mu maso yanyu. Mureke inyifato yanyu igaragaze umucyo w'umutima ukunda kandi ushima. Ntimugakomeze kwishimira mu cyubahiro cyuzuye ububi, mwimenyereze kwisanisha n'amakene y'abana kandi mutume babakunda. Niba mwifuza ko ukuri kwacengera mu mitima yabo, musabwa kubanza kubikundishaho.⁴

Mumaramaze kandi mugire ijwi rinejeje: Babyeyi, muhore mukeye mu maso, mudahorana amafuti, ahubwo mube abantu bakunda gushima, abubaha kandi mwumvire So wo mu ijuru. Igihe habayeho ikintu kitanejeje, ntimufite umudendezo wo gukora uko mubyumva. Urukundo rushobora kwireherezaho imitima, rugomba kumera nk'amazi yimbitse ahora adudubiza ubudatuza kubw'ibyiza by'abana banyu. Ni abana b'intama b'umukumbi w'Imana. Muzanire abo bana bato Kristo. Niba ababyeyi bashaka kurera abana babo ngo bazabe abanyarukundo, ntibagomba kubabwirana ijwi rishaririye.

Mubanze mwimenyereze ubwanyu kumaramaza no kuvugana ijwi ryoroheje kandi rinejeje uko bishoboka kose. Abamarayika b’Imana bari hafi y’abana banyu bato, kandi inyitso y’ijwi ryuzuye uburakari ryumvikana mu buryo butanejeje mu matwi yabo.5

Ni ngombwa ko umubyeyi wo mu rugo yimenyereza kunyurwa, gucya mu maso no kugira ibyishimo. Umuhati wose muri icyo cyerekezo uzagororerwa mu buryo bwagutse iterambere ry’ubuzima n’imico myiza y’agahozo y’abana be. [433] Intekerezo ze zinezereye zizaba isoko y’umunezero ku muryango we kandi zizamubashisha kugira ubuzima bwiza.6

Mwihatire kweyura igicucu no koroshya inshingano: Ubuzima muburebere mu mfuruka y’ibyishimo kandi mushake uko mwakweyura igicucu kuko igihe kigundiriwe gisoza cyijimishije umutima. Mugirire abandi ineza. Nimureke umucyo wo mu maso, ubugiraneza n’urukundo byiganze mu rugo rwanyu. Inyungu zanyu z’iby’umwuka ziziyongera kandi muzuzuzwa n’umutima woroheje inshingano zanyu zaba izoroheje n’izikomeye.

Gucya mu maso kutarangwamo kujenjeka ni ubuntu bwa gikristo: Tugomba kwimenyereza ubunyangamugayo Nyakuri bukwiriye abakristo kandi tugakomeza kuba abantu bakeye mu maso ndetse mu nyifato yacu tukaba tunejeje. Gucya mu maso kutarangwamo kujenjeka ni bumwe buntu bwa gikristo.8

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	Signs of the times, 12 Février 1885	Signs of the times, 12 February 1885
2	Manuscrit 1, 1867	Manuscript 1, 1867
3	Australasian Union Conférence record, 1er Novembre 1904	Australasian Union Conference record, 1er November 1904
4	Fundamentals of Christians Education, P.68	Fundamentals of Christians Education, P.68
5	Manuscrit 126,1897	Manuscript 126,1897

6	Ministère De la guérison P. 316 (Rayon De santé, P. 34)	Ministry of healing p 374
7	Signs of the Times, 1er Septembre 1898	Signs of the Times, 1er September 1898
8	Testimonies for the church, vol.4 , P. 62	Testimonies for the church, vol.4 , P. 62

ICYIGWA CYA 71: KUVUGA

Ijwi ni italanto: Ijwi ni italanto twahawe, kandi tugomba kuryifashisha kugira ngo dufashe, dutere akanyabugabo no gukomeza bagenzi bacu. Niba ababyeyi bashaka gukunda Imana no gukurikira inzira zayo mu gukiranuka n’ubushishozi, imvugo yabo ntizabonekamo amarangamutima arwaye. Amagambo yabo azaba mazima, aboneye kandi yubaka. Baba bari iwabo cyangwa ahandi, bazavuga mu buryo bukwiriye. Ntibazagwa mu kuvuga amahomvu.1

Buri jambo ryose rifite imbaraga: Buri jambo ryose rivuzwe n’ababyeyi rigira ingaruka nziza cyangwa mbi ku bana. Nibavugana uburakari, nibagaragaza umwuka nk’uw’abisi, Imana izabafata nka bo kandi ntizabafata nk’abahungu n’abakobwa bayo.2

Ijambo ryiza rivuzwe mu gihe gikwiriye rishobora kumera nk’imbuto nziza yabibwe mu ntekerezo z’abana kandi rishobora kuyobora ibirenge byabo biteguza mu nzira itunganye; mu gihe ijambo ribi rishobora kubayobora mu nzira yo kurimbuka. 3

Abamarayika bumva ibivugirwa mu rugo byose. Ku bw’ibyo ntimugatongane, mureke icyitegererezo cy’amagambo yanyu kizamuke mu ijuru kimeze nk’umubavu uhumura neza.4

Ababyeyi bagomba guhorana amagambo atera umunezero uboneye ameze nk’impumuro nziza bagaragaza impuhwe n’urukundo, kandi bagomba gushikama, batajegajega ku mahame. Nimugaragaza kutajegajega imbere y’abana, bashobora kwibwira ko mutabakunda. Mushobora kwitega ko ibyo bizababaho, ariko ntimukabagaragarize ubukaka. Ubutabera n’imbabazi bigomba kugendana bibangikanye; ntibikwiriye ko habaho kudafata imyanzuro cyangwa se kuyifata uhubutse.5

Ibyuzuye umutima ni byo akanwa kavuga: icy’ingenzi gisabwa mu mvugo ni uko iba iboneye, irimo ubugwaneza n’ukuri kuko ari byo bigaragaza ubuntu buri mu mutima... Ishuri ryiza ryo kwigiramo urwo rurimi ni i muhira.6

Amagambo y’urukundo ameze nk’ikime, ni nk’ibitonyanga by’ubugiraneza ku mutima. Ibyanditswe byera bivuga kuri Kristo ko mu kanwa ke “Havagamo amagambo y’ubuntu” kugira ngo “akomereshye urushye amagambo”. Kandi Umukiza aratubwira ati:

“Jambo ryanyu rifatanye iteka n’ubuntu bw’Imana risize umunyu, kugira ngo mumenye uko mukwiriye gusubiza umuntu wese.” 7

Kwimenyereza ijwi ryiza mu rugo: Inyigisho zirebana no kumenyereza ijwi zigomba gutangwa mu rugo. Ababyeyi bagomba kwigisha abana babo umwuga wo kuvuga mu buryo busobanutse kugira ngo ababumva basobanukirwe mu buryo bworoshye buri jambo ryose rivuzwe. Bagomba kubigisha uko bakwiriye gusoma Bibiliya mu ijwi ryumvikana kandi buri jambo rikavugwa ritandukanye n’irindi mu buryo buhesha Imana icyubahiro. Reka umuntu wese upfukamywe kugira ngo asenge Imana mu muryango, yirinde gupfukisha ibiganza ijwi rye cyangwa ngo yunamye munsu y’intebe mu gihe avugana n’Imana. Nibubure umutwe wabo kandi begere intebe y’ubuntu bafite ukubaha kwera kuvanzemo no gushira amanga.⁸

Reka injyana y’ijwi ryawe ibe iboneye. Mwigye kuvugana ijwi rituje kandi ryemeza aho kuvugana ijwi rikakaye kandi rya gitegetsu. Mwigishe abana amasomo arebana no kuvuga neza. Mubamenyereze kuvuga neza kugira ngo bazashobore kwirinda kuvuga amagambo mabi kandi akomeretsa mu gihe bahuye n’ingorane.⁹

Gutoza ijwi bifite ingaruka nyinshi ku buzima bw’abanyeshuri. Abasore bagomba kwigishwa guhumeka neza, no gusoma ku buryo umuhogo n’ibihaha bitaruka mu buryo budasanzwe, ahubwo imitsi yo mu nda na yo ibigiremo uruhare. Iyo ijwi riturutse mu muhogo ku buryo amajwi aturuka ku gice cyo haruguru cy’ingingo zishinzwe kuvuga, izo ngingo zicika intege n’imbaraga zazo zikagabanuka.

Umugabane munini w’umurimo ugomba gukorwa n’imitsi yo mu nda, umuhogo wo ugomba kuba umuyoboro gusa. Abantu benshi bapfuye bari kurama igihe kirekire iyo baba barigishijwe gukoresha amajwi yabo neza. Gukoresha neza imitsi yo mu nda mu gusoma uranguruye bizaba umuti w’imbaraga nke z’imirya y’ijwi no kwandura kw’inzira z’ibihaha kandi bizaba imwe mu nzira yo kurama.¹⁰

Ingaruka y’amagambo mabi arimo intonganya: Mu rugo rwumvikanamo amagambo mabi, ahubukiwe, arimo intonganya, umwana ararira cyane. Kwiyumvisha kwe kwiza kwanduzwa n’ikirere cy’uburakare n’intonganya. Kubw’ibyho rero babyeyi muhorane mu maso harabagirana. Mujye mumwenyura kenshi uko

bishoboka; intekerezo n'umutima w'umwana wanyu bizarabagirana ibyishimo byo mu maso hanyu nk'uko igihangano kirimbishijwe cy'umubaji kigaragaza ishusho y'uwigikoze. Muharanire ko Kristo aba muri mwe kugira ngo ishusho y'Imana yiharature mu ntekerezo zoroshye z'abana banyu.11

Mwirinde imvugo yose ihungabanya umutekano wo mu rugo: Ntimukemerere amahane n'amacakubiri kwinjira mu rugo rwanyu. Muvugane ubugwaneza, nta guhutaza, ntakuzamura ijwi. Mutuze. Mwirukane kunenga kose n'ibinyoma byose. Mubwire abana banyu ko mwifuzza kubafasha kwitegura ijuru aho byose ari amahoro, nta jwi ry'amacakubiri na rito riharangwa. Mubihanganire igihe bafite ibigeragezo nubwo byaba bigaragara mu maso yanyu ko ari bito ariko mu maso yabo birabakomereye.12

Ababyeyi nibaramuka bihannye bagahinduka, mu mahame yabo yo kurera hazagaragara ihinduka ryuzuye. Ibitekerezo byabo bizahinduka n'imvugo yabo ubwayo izahinduka...Mu rugo, ntawe uzasakuza kandi ntawe uzavuga ayobowe n'uburakari. Amagambo babwirana azaba isoko y'amahoro n'umugisha ku uyumva. Kura mu ijwi ryawe ibyatuma ritaba irinejeje.13

Ijambo ryose rikomeretsa, ritanejeje, ritarimo kwihangana kandi ryuzuye agahinda ni ituro tuba tuba dutambiye ku cyotero cy'icyubahiro cya Satani. Kandi ni ituro rihenze, kandi rirushijeho guhenda cyane kuruta amaturo yose dushobora gutura Imana; kuko rimbura amahoro n'umunero w'umuryango wose. Rimbura ubutaraga, kandi rishobora kuzimiza ubugingo n'umunezero by'iteka ryose.14

Mbese amagambo yaba isoko y'urumuri rw'izuba cyangwa igicucu? Ni iby'ingenzi ko abana n'abasore bigishwa kurinda amagambo n'ibikorwa byabo, kuko amagambo n'ibikorwa byabo bizana urumuri rw'izuba cyangwa igicucu, atari mu rugo rwabo gusa, ahubwo no mu ngo z'abo bashyikirana na bo bose.15

Gukoresha nabi impano yo kuvuga bituma habaho kubabaza abandi. Bibiliya ntiyemerera umuntu n'umwe kuvugana ubukaka, bityo agatuma habaho kugubwa nabi n'umubabaro mu muryango. Abandi bagize umuryango bubahuka umuntu uvuga amagambo nk'ayo, mu gihe we yakagombye kugirirwa icyizere no gukundwa na bese iyaba yashoboraga gukumira ibyiyumviro bye bibi. 16

Bwira abana amagambo abanejeje, vugana n’ababyeyi ububashye: Ababyeyi nibabwire abana babo amagambo anejejeje gusa kandi n’abana na bo bavugane n’ababyeyi babo bakoresheje amagambo arimo kubaha. Ibi bigomba kuzirikanwa cyane mu mibereho yo mu rugo; kuko mu kurema imico y’abana iyo batojwe akamenyero keza, bashobora kwakira inyigisho z’Imana no kumvira iby’Imana ibasaba biboroheye. 17

Mwitandukanye n’amagambo yose ashira isoni: Babyeyi, bagabo, bene bata na barumuna banjye, ntimukagire akamenyero ko gukora, kuvuga no gutekereza iby’ubupfu. Amagambo ashira isoni, imigaryo, kubura ikinyabupfura n’urugwiro mu ruziga rw’umuryango bizahinduka kamere yanyu ya kabiri kandi bizatuma muhinduka abadakwiriye gufatanya n’abashaka kwezwa n’ukuri.

Urugo ni ahantu hera cyane ku buryo rudakwiriye kwanduzwa no kwikakaza, iruba, kuvuguruzanya no gukozanya isoni. Mucyahe ijambo ryose ry’ubugome kandi mute kure igitekerezo cyose cyanduye kuko Umuhamba w’ukuri apima buri jambo, buri gikorwa cyose akagicira urubanza; aravuga ati: “Nzi imirimo yawe”. 18

Amagambo y’ubupfu, atanejeje kandi y’urukozasoni ntagomba kubona umwanya mu muryango. Niba umutima uboneye, ubutunzi butagereranwa bw’ubwenge buzawutembamo. 19

Ntimukemere ko mu ngo zanyu havugirwamo amagambo atagira umumaro. Ndetse n’abana bato bashobora kungukira mu “cyitegererezo cy’amagambo mazima”. Niba ababyeyi baganira ibiganiro by’ubupfu kandi by’imbaramumaro gusa, kubw’icyitegererezo cyabo bazayobora abana babo gukora nka bo; ibiri amambu, amagambo mazima, aboneye, y’ukuri kandi atarimo imigaryo azaba icyitegererezo ku bagize umuryango kandi azatera abawugize kuyigana. 20

Ibibi bizanwa n’uburakari no guhubuka: Igihe muganira n’abana banyu murakaye muba mukora umurimo w’umwanzi w’ibyiza byose. Muhe buri mwana wese amahirwe uhereye akivuka. Uburezi bugomba gutangira umwana akiri muto cyane nta kugaragaza ubukaka cyangwa kurakara ahubwo mu bugwaneza no kwihangana; kandi ubwo burezi bugomba gukurikiranwa imyaka yose kugeza ku myaka y’ubukure. 21

Mureke abagize buri muryango wose bakoresheje amasengesho asenganywe umwete bashake ubufasha ku Mana

buzabashoboza gukora umurimo wayo. Nibatsinde akamenyero ko kuvuga urudaca no kunenga abandi. Nibitoze kugira urukundo n'urugwiro iwabo mu rugo kandi bareme akamenyero ko gushyira mu gaciro no kwita ku bandi.22

Uzaba uteje ibibi byinshi mu muryango nuramuka uvuganye kutihangana kuko bitera undi kugusubiza nk'uko uvuze no mu mwuka nk'uwo wavuganye. Bityo mugatukana, buri wese agashaka uko yakwirengera maze ayo magambo aremereye y'umutwaro udaterurwa akagutsika ku ijosi kuko ayo magambo ashaririye agira ingaruka mbi ku mutima wawe.23

Amagambo mabi yinjirira mu gutwi kugeza ubwo agera ku mutima maze agakangura irari ribi mu mibereho kandi agatera abagabo n'abagore kwica amategeko y'Imana...Amagambo ni nk'imbutu ibibwe.24

Amagambo mabi na yo ni ugutukana: Abagize imiryango myinshi bafite akamenyero ko kuvuga boroheje ariko batabanje gutekereza; barushaho kugenda bavuga amagambo akomeretsa maze kugeza ubwo bavuga amagambo yo kwiyemera bayobowe n'imbaraga za Satani batayobowe n'iz'Imana... Nta na rimwe dukwiriye kuvuga amagambo mabi tuyobowe n'uburakari, kuko mu maso y'Imana n'abamarayika bera ahwanye no gutukana. 25

Uko umugabo atakarizwa icyizere n'abana be: Mwene data, amagambo yawe y'igitugu atesha umutwe abana bawe. Uko imyaka ihita, imiterere yabo yo kunenga nayo izakura. Akamenyero kawe ko gushaka amafuti kamunga imibereho yawe n'iy'umugore wawe, n'iy'abana bawe. Gatuma abana bawe batakwiringira kandi ntibimenyeho amafuti yabo kuko bazi ko byanze bikunze ugiye kubakankamira. Kenshi amagambo yawe agwa kuri bo ameze nk'urubura rurimbura rugwa ku byatsi byoroshye; ntiwasobanukirwa n'ikibi gikomeye uba ubakoreye. Bageza ubwo bakubeshya kugira ngo utababwira amagambo mabi. Bareka kuvuga ukuri kugira ngo bahunge gucyaha no guhana kwawe. Itegeko bahawe mu ijwi rikakaye no mu ijwi rikomeretsa nta cyiza na kimwe ryabagezaho.26

Ibyo usabwa kurahirira: Byaba byiza buri wese yiyemeje yanditse kuzavugana urukundo mu rugo rwe no gushyira mu bikorwa itegeko ry'urukundo mu mvugo ye. Babyeyi, ntimukavuge muhubutse. Abana banyu nibaramuka bakoze amakosa,

mubacyahe ariko mubacyahane ubugwaneza n'urukundo. Igihe cyose mutonganye, muba mutakaje amahirwe y'agaciro yo kubaha isomo ryo kugira impuhwe no kwihangana. Mureke urukundo rwiganze igihe cyose mukosora amafuti.27

Ikiganiro cyo ku meza: Mbega ukuntu mu miryango myinshi urwikekwe no gushyogoranya ari byo bagize ibirungo by'igaburo ryabo rya buri muni! Banegura imico y'incuti zabo maze bakabyigaburira nk'urwikūzo ruryoshye. Maze bakazana ku meza akamanyu gato ko kunegura kugira ngo kayongobezwe n'abakuru ndetse n'abana bakavugaho. Ibyo byose bisuzuguzwa Imana.28

Umwuka wo kunengana, kunegurana no gushakisha amafuti ku bandi ntugomba kubona umwanya mu rugo. Amahoro y'urugo arera cyane ku buryo adakwiriye kwanduzwa n'uwo mwuka. Ariko inshuro nyinshi mu gihe cyo kurya, abagize umuryango bahererekanya isahani yo kunenga, kunegurana no gushakisha amafuti ku bandi no kubavuga nabi. Mbese Kristo aramutse aje uyu muni, ntiyasanga mu ngo nyinshi z'abiyita abakristo bishimira nta nkeke kunegura abandi? Abagize iyo miryango ntibiteguye gufatanya n'abagize imiryango yo mu ijuru.29

Mureke ibiganiro bibera ku meza bisige mu ntekerezo z'abana impumuro nziza.30

Guhwihwisa no kunegura: Turashishwa iyo dutekereje ku muntu ushimishwa no kurya inyama z'uwo amaze kwica, ariko se ingaruka z'iyi mico mibi zaba ari mbi cyane kurenza ishavu n'amakuba zizanwa no gutera umuntu urubwa, kumusebya no kumusesereza? Abana n'urubyiruko ni bigishwe icyo Imana ivuga kuri izo ngeso mbi. "Ururimi ni rwo rwica kandi ni rwo rukiza" 31

Kunegura no guhwihwisa nibo bakozi b'inararibonye ba Satani bo kubiba amacakubiri, gutandukanya incuti no kurimbura ibyiringiro bya benshi ngo bive mu mahame yacu ashikamye.32

Ubiba agasuzuguro aba akorana n'umwanzi: Bitewe na kamere yacyo, ikiremhamuntu gihora kibogamiye mu kuvuga amagambo akomeretsa. Ababigize akamenyero baba bakinguriye Satani imitima yabo ubashoboza kuba abahanga mu kwibuka amafuti n'ibyaha by'abandi. Bagatinda ku gutsindwa no kudatungana kwabo, bakavundereza amagambo atesha agaciro umuntu ukora ibishoboka byose kugira ngo yuzuze inshingano ze nk'umukozi ukorana

n'Imana. Izo mbuto zo gukeka kenshi zikwirakwizwa n'abantu batahawe amahirwe bibwiraga ko bafitiye uburenganzira.³³

Imana irasaba abizera ngo bareke kwirundurira mu kunegurana no kureka kuvuga bahubutse amagambo atarimo ubugwaneza. Babyeyi, mureke amagambo yanyu agaragaze urukundo, ubugwaneza igihe muvugana n'abana banyu; bityo muzafasha abamarayika kubayobora kuri Kristo. Mu itorero ryo mu rugo hakenewe ubugorozi bwimbitse kuri iyi ngingo. Bugomba gutangira bidatindiganije. Kwivovota, gukariha no gutongana nibirekeraho. Abakunda gukankama no gutongana baba bakingiye abamarayika b'ijuru amarembo maze bakayugururira abamarayika ba Satani.³⁴

Ihamagara ku babyeyi kugira ngo bagaragaze impuhwe no kwitegeka: Babyeyi igihe mwumva murakaye, ntimugomba gukora icyaha nk'icyo cyo kuroga imibereho y'umuryango binyuriye mu mwuka wawe mubi. Muri ibyo bihe, mube maso inkubwe ebyiri kandi mufate imyanzuro mu mitima yo kutagira uwo mubabaza binyuriye mu magambo yanyu, kandi mumaramaze kuvuga amagambo anejeje gusa kandi akomeza abandi. Mugambirire muti: "Sinzigera nanduza umunezero w'abana banjye bitewe no kurakara kwanjye." Nimukomeza kwitegeka bene ako kageni, muzaba abanyambaraga kurushaho. Urwungano rwanyu rw'intekerezo ntiruzaba urunyantege nke kandi muzakomezwa n'amahame y'ibyiza. Kwiyumvisha inshingano mwakoze bizabakomeza. Abamarayika b'Imana bazemera imihati yanyu kandi ibatere kumwenyura ndetse babafashe.³⁵

Babyeyi, mubwize abana banyu ubugwaneza. Mwibuke ko namwe ubwanyu mukabakabwa, kandi ko mwihanganira bibagoye kugawa: mubitekerezeho mumenye ko abana banyu bameze nka mwe. Ntimukabikoreze umutwaro namwe ubwanyu mutashobora. Niba utashobora kwihanganira gucyahwa no kunengwa, bo b'abanyantege nke kubarusha ntibazabyihanganira namba. Reka amagambo y'urukundo kandi anejeje abe iteka nk'imirashi y'izuba ku muryango wawe. Nimuba abantu bitegeka kandi bashyira mu gaciro n'abanyamihati ibyo mwakoze muzabigarurirwa inshuro ijana.³⁶

Igihe cyo guceceka cyangwa kuririmba: Nta gushidikanya, ibigeragezo bizaza gitunguro ndetse no kuri ba babandi bitanze mu buryo bwuzuye. Kwihangana kw'abashikamyeye cyane kuzashyirwa mu kigeragezo gikomeye. Umugabo cyangwa umugore ashobora

kuvuga amagambo yatera abo abwira kumusubizanya byihuse uburakari, ariko reka ubwiwe aceceke. Mu guceceka harimo umutekano. Akenshi guceceka bihinduka igihano gikomeye gikwiye guhabwa uwacumuje ururimi rwe.37

Igihe abana n’abasore babuze kwitegeka kandi bakarakara igihe bavuga, inyifato nziza bakwiriye kugira ni uguceceka mu cyimbo cyo gucyaha, kuja impaka no guca amateka. Ntibazatinda kwihana. Kuko guceceka ari izahabu, kuzagira imbaraga kuruta ibyo bashobora kuvuga byose.38

Igihe abandi babuze kwihangana, bakababara kandi bakarakara kuko batashoboye gutegeka inariye yabo, muje muririmba indirimbo z’i Siyoni. Igihe Yesu yakoreraga mu ibarizo rye, incuti ze zaramuzenguruka, rimwe na rimwe bashaka gucogoza kwihangana kwe, ariko yaririmba indirimbo zitangaje za Zaburi kandi mbere y’uko bo basobanukirwa n’ibyababayeho, bafatanyaga nawe kuririmba, bagakururwa batabizi n’imbaraga y’Umwuka Wera yariri muri we.39

Gutegeka ururimi ni intambara: Imana irasaba ababyeyi ko bakoresheje icyitegererezo cyo gushikama mu ngeso zabo no kwitegeka bakwirakwiza umucyo mu mukumbi wabo muto badatindiganije. Nta kiganiro gifuye cyangwa kidafite akamaro kigomba kwihanganirwa mu rugo. Imana itahura amabanga yose yo mu buzima. Kuri bamwe, intambara idakura mu ruge igomba kurwanwa kugira ngo bagumane kwitegeka. Buri muni barwana bucece kandi basenga barwanya akamenyero ko kuvuga bakarishye ndetse n’imiterere yabo. Birashoboka ko abandi bataha agaciro izo ntambara zirwanwa. Hashobora kutabaho ishimwe ry’abantu bagushimira imihati ikoreshwa mu guhagarika amagambo ahubukiwe abyiganira ku minwa. Ab’isi bazahora iteka batazi izo ntsinzi. Kandi nubwo bazimenya, bazasuzugura abazegukanye. ariko mu bitabo byo mu ijuru, abarwana intambara nk’izo bandikwa mu baneshi. Hariho Uwitegereza izo ntambara n’izo ntsinzi zo mu ibanga maze akavuga ati: “Utihutira kurakara aruta intwari kandi utegeka umutima we aruta utsinda umudugudu.” 40

Niba mwanga kurakara, gutera imidugararo no gusakuza Imana izabaha uburyo. Izabafasha gukoresha italanto yo kuvuga mu buryo buhwanye n’ubwa Kristo, kimwe no kwihangana, ubufasha, urukundo bizaba ingoboka y’agaciro ku rugo rwanyu. 41

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	Manuscrit 36, 1899	Manuscript 36, 1899
2	Manuscrit 100, 1902	Manuscript 100, 1902
3	Review and Herald, 24 Juin 1890	Review and Herald, 24 June 1890
4	Lettre 10, 1912	Letter 10, 1912
5	Review and Herald, 30 Mars 1897	Review and Herald, 30 Mars 1897
6	Education, P.239	Education, P.235
7	The youth's Instructor, 31 Mars 1908	The youth's Instructor, 31 Mars 1908
8	Manuscrit 4, 1901	Manuscrit 4, 1901
9	Manuscrit 60, 1903	Manuscript 60, 1903
10	Counsels to Teachers, Parents and students, P.297	Counsels to Teachers, Parents and students, P.297
11	Review and Herald, 8 Septembre 1904	Review and Herald, 8 September 1904
12	Manuscrit 14, 1905	Manuscript 14, 1905
13	Lettre 75, 1898	Letter 75, 1898
14	Témoignages pour l'Eglise, vol.1, P.121	Testimonies for the church vol 1 p 310
15	The youth's Instructor, 5 Novembre 1896	The youth's Instructor, 5 November 1896
16	Manuscrit 60, 1903	Manuscript 60, 1903
17	Review and Herald, 17 Novembre 1896	Review and Herald, 17 November 1896
18	Signs of the Times, 14 Novembre 1892	Signs of the Times, 14 November 1892

19	Review and Herald, 17 Mai 1898	Review and Herald, 17 May 1898
20	Review and Herald, 14 Avril 1885	Review and Herald, 14 April 1885

21	Manuscrit 53, 1912	Manuscript 53, 1912
22	Manuscrit 31, 1907	Manuscript 31, 1907
23	Review and Herald, 27 Février 1913	Review and Herald, 27 February 1913
24	Lettre 105, 1893	Letter 105, 1893
25	The youth's Instructor, 20 Septembre 1894	The youth's Instructor, 20 September 1894
26	Lettre 8, a 1896	Letter 8, a 1896
27	Lettre 29, 1902	Letter 29, 1902
28	Témoignages pour l'Eglise, vol.1, P.564	Testimonies for the church vol 4 p 195
29	Signs of the Times, 17 Février 1904	Signs of the Times, 17 February 1904
30	Manuscrit 49, 1898	Manuscript 49, 1898
31	Education, P.240	Education, P.235
32	Témoignages pour l'Eglise, vol.1, P.563	Testimonies for the church vol 4 p 195
33	Lettre 169, 1904	Letter 169, 1904
34	Lettre 133, 1904	Letter 133, 1904
35	Témoignages pour l'Eglise, vol.1, P.151	Testimonies for the church vol 1 p386,387
36	Témoignages pour l'Eglise, vol.1, P.169	Testimonies for the church vol 1 p401
37	Manuscrit 70, 1903	Manuscript 70, 1903
38	Manuscrit 59, 1900	Manuscript 59, 1900
39	Manuscrit 102, 1901	Manuscript 102, 1901

40	Signs of the Times, 23 Août 1899	Signs of the Times, 23 August 1899
41	Manuscrit 67, 1901	Manuscript 67, 1901

ICYIGWA CYA 72: GUCUMBIKIRA ABASHYITSI

Muri iki gihe abamarayika bashobora kudasura: Bibiliya yibanda cyane ku gucumbikira abashyitsi. Ntabwo ibidusaba nk'inshingano gusa ahubwo itwereka n'ibyiza bibikomokamo ndetse n'imigisha bituzanira. Reka tubanze kuvuga ibyabaye kuri Aburahamu...

Imana yashimye ibikorwa bye by'urugwiro maze byandikwa mu Ijambo ryayo, kandi nyuma y'imyaka irenze igihumbi, intumwa Paulo ihumekewemo n'umwuka ibivugaho iti: "Ntimukirengagize gucumbikira abashyitsi, kuko bamwe bacumbikiye abashyitsi, bacumbikiye abamarayika batabizi."

Amahirwe Aburahamu na Loti bagize natwe ashobora kuba ayacu. Mu kwakira abana b'Imana iwacu, natwe dushobora kwakira abamarayika mu ngo zacu. No muri iki gihe, abamarayika binjira mu ngo z'abantu bafite ishusho ya kimuntu maze bakishimana na bo. Abakristo bagendera muni y'amaso y'Imana iteka baherekezwa n'abamarayika batagaragara kandi basiga inyuma yabo imigisha ku ngo zacu.¹

Amahirwe n'imyanya byirengagijwe: "Ukunda gucumbikira abashyitsi" ni imwe mu ngingo yatanze n'Umwuka Wera igomba kuranga umuntu utorerwa kwikorera inshingano zo kuyobora itorero. Kandi itorero ryose ryahawe uyu muburo ugira uti: "Mucumbikirane mutitotomba. Kandi nk'uko umuntu yahawe impano ari ko muzigaburirana, nk'uko bikwiriye ibisonga byiza by'ubuntu bw'Imana bw'uburyo bwinshi."

Iyi micu yirengagijwe mu buryo buteye agahinda. Yemwe n'abavuga ko ari abakristo ni gake bacumbikira abashyitsi. Mu bizera bacu gucumbikira abashyitsi ^[446] ntibifatwa nk'uko byagakwiriye, nk'amahirwe n'umugisha. Dushyikirana gake, kandi mu kwiyorosha kwacu ntiturarika n'abantu babiri cyangwa batatu ku meza yacu kereka gusa twihotoye cyangwa bikorewe kwiyerekana.²

Inzitwazo zidashobora kwemerwa: Numvishe benshi badashaka kwakira abera b'Imana mu ngo no mu mitima yabo, batanga urwitwazo rukurikira: "Ntacyo nateguye; nta byo natetse, byaba byiza bagiye ku wundi." maze bajya ahandi, nabo bagahimba urwitwazo rwo kutabakira; maze abo bashyitsi bakababara bikomeye maze bakagenda bababajwe n'uko abo biyita bene se na bashiki babo batagira kwakira abashyitsi.

Mushiki wanjye, niba udafite akamanyu k'umutsima, kora nk'uko Bibiliya ibivuga; jya ku muturanyi wawe maze umubwire uti: "Nshuti yanjye, nzimanira imitsima itatu, kuko inshuti yanjye impingutseho ivuye mu rugendo none nkaba ntafite icyo nyizimanira."

Nta rugero na rumwe tubona rw'uko kubura ibyo kurya byaba urwitwazo rwumvikana rwo kwanga kwakira umushyitsi. Igihe Eliya yasuraga umupfakazi w'i Sarefati, yasangiye akamanyu k'umutsima n'uwo mugaragu w'Imana, wamukoreye igitangaza. Bityo igikorwa cyo gucumbikira umuhanuzi yakoze amuha akamanyu k'umutsima yari amusabye, byatumye abona ibyo kurya yari akeneye ndetse ubuzima bwe n'ubw'umuhungu we byararinzwe. Abantu benshi ibisa bityo byabagirirwa mu gihe baba bemeye gukora nk'uwo mugore, banezerewe bagambiriye guhesha Imana icyubahiro.

Benshi bivovotera ubukene bwabo maze bakavuga bati: "Iyaba twagiraga imbaraga, twagakoze byinshi". Bihugiyeho igihe kirekire, bamurikiye bihagije intekerezo zabo gusa, bavuze cyane iby'imibabaro yabo, iby'ibigeragezo byabo n'iby'intimba zabo nk'aho ari byo byonyine bibahugije. [447] Bitekerezaho bo ubwabo gusa nk'aho abandi badakeneye impuhwe n'ubutabazi bwabo. Niba udafite imyambaro ihagije maze ugahura n'uwambaye ubusa ukennye kandi agusaba umutsima: " Jya urekura utange ibyo kurya byawe, ukagaburira abashonji, ukazana abakene bameneshejwe ukabashyira mu nzu yawe, wabona uwambaye ubusa ukamwambika, ntiwirengagize bene wanyu. Maze rero umucyo wawe uzaherako utambike nk'umuseke, ubukire bwawe buzatoha vuba." Gukora ibyiza ni umuti mwiza w'indwara nyinshi.

Abiyeguriye mu murimo bararikirwa gutubaza no kwishingikiriza ku Mana, yo yasezeranije kuzabakira. Imitima yabo "izahazwa mu bihe by'amapfa, bazamera nk'urutoki rwuhirwa kandi bazaba nk'isoko y'amazi idakama:"³

Gukunda kwirebaho gusa kutubuza imigisha myinshi: Imana ibabazwa no kwikunda tugaragaza kenshi kurebana na " Njye n'umuryango wanjye". Abatekereza batya bagomba kwizirika ku mahame yera y'ubutumwa bwiza yashyizwe mu gaciro n'imibereho ya Kristo. Mu kwihugiraho, mu kwanga kwakira abashyitsi neza, baba bahombye imigisha myinshi.⁴

Abamarayika batwitegereza bashaka kureba niba tubyaza umusaruro imyanya tubonye yo kudukorera ibyiza, niba tuzi kugira uruhare mu munezero wa bagenzi bacu kugira ngo nabo baduhe

umugisha nyuma yo kubikora. Imana yashatse ko twese tuba mu buzima butandukanye, bamwe ni abakene, abandi ni abakire abandi ni abanyamubabaro– kugira ngo twese dushobore guteza imbere imico yacu. Niba Imana yaremeye ko habaho abakene, kwari ukugira ngo itugerageze no kudufasha kwagura gukabakabwa kwacu.5

Iyo umwuka wo gucumbikira abashyitsi ubuze, kwikunda gutera imitima yacu kugwa ikinya.6

Ni nde ukwiriye gucumbikirwa?: Reka imibanire yacu n’abandi ye kuyoborwa n’imikorere y’isi ahubwo iyoborwe n’umwuka wa Kristo n’inyigisho zo mu ijamba rye. Abisirayeli bararikaga mu birori byabo abakene, abanyamahanga n’abalewi biteregezaga umutambyi mu mirimo yo mu buturo bwera, kandi yari afite inshingano yo kwigisha iby’iyobokamana. Kuri buri birori bya rusange cyangwa iby’iyobokamana, bese bafatwaga nk’abashyitsi b’iteraniro, kandi iyo barwaraga cyangwa bakagira andi makene, babitagaho bafitiwe ubwuzu. Abo ni bo bantu tugomba kwakira mu mazu yacu. Ibyo bizuzuzwa ibyishimo n’akanyabugabo ku muganga w’umubwirizabutumwa cyangwa umwigisha, ku mugore wo mu muryango uremerejwe n’amaganya kandi unanijwe n’umurimo cyangwa ikiremwa gicitse intege n’umusaza utagira umuryango urwana ubudatuza n’ubukene no gucika intege.

Kristo yaravuze ati: “Nurarika abantu ngo musangire ku manywa cyangwa nijoro, ntukararike inshuti zawe cyangwa bene so, cyangwa bene wanyu cyangwa abaturanyi b’abatunzi, batazakurarika nawe bakakwitura. Ahubwo nurarika utumire abakene n’ibirema n’abacumbagira n’impumyi ni bwo uzahirwa kuko bo badafite ibyo bakwitura. ahubwo uziturwa abakiranutse bazutse.”

Abo ni bo bashyitsi boroheje wakwakira bitakuvunnye, udakoresheje ibyo kurya bigoye cyangwa bihenze. Ntuzasabwa gushyiramo agakabyo. Kubakirana umucyo wo mu maso kandi unyuzwe, kubaha icyicaro ku meza yawe, kubaha amahirwe yo kugira uruhare mu kugabana ku mugisha w’igicaniro cy’umuryango bizabera benshi muri bo nk’umurashi w’umucyo w’ijuru.

Impuhwe zacu zigomba kurenga imbibi z’inarijye n’inkuta z’inzu yacu. Hari amahirwe atangaje ku bantu bifuzwa ko urugo rwabo ruhinduka umugisha n’umunezero ku bandi. Imibanire yacu n’abandi ifite imbaraga itangaje. dushobora kuyifashisha, niba tubishaka, kugira ngo dufashe abaturanyi bacu.7

Ubuhungiro k'urubyiruko ruri mu bishuko: Ingo zacu zigomba kuba ubuhungiro ku rubyiruko ruri mu bishuko. Abasore benshi bari mu mahuriro y'inzira. Ibibageraho byose, ibyo bakira byose bigaragaza imiterere y'ahazaza habo muri ubu buzima n'ubw'ahazaza. Ikibi kirabashaka; kibambika ishusho irabagirana kandi ireshya. Kirakira neza uje ugisanga. Ahatuzengurutse hari abasore benshi batagira imiryango n'abandi benshi badakomora mu ngo zabo ubufasha na buke bw'ubwenge n'inkomezi izo ari zo zose. Bagwa mu bishuko maze bikabajyana mu irimbukiro kandi ibyo bikabera no mu marembo y'inzu zacu.

Abo basore bakeneye ko tubaramburira ibiganza dufite impuhwe. Amagambo y'ubugwaneza avuganywe kwicisha bugufi, ibikorwa bito by'urukundo bizeyura ibishuko bibugarije. Gusobanukirwa k'umukristo nyakuri gufite imbaraga zo kugururira imitima byumwihariko abantu bakeneye kumva amagambo y'ubugiraneza no kwiyumvisha umusabano mwiza kandi woroheje w'urukundo rwa Kristo. Iyaba twifuzaga kugaragaza ko twitaye ku rubyiruko rwacu, tukabararika mu ngo zacu, tukabazengurutsa imbaraga ikomeza kandi y'ubugiraneza, abahungu benshi n'abakobwa benshi bakwiyemeza banezerewe kujya mu nzira ijya mu ijuru.8

Mugumane kwiyoroshya mu muryango: Igihe haje abashyitsi , ntabwo bikwiriye ko igihe cyose n'ibikorwa byose by'umugore byamarirwa kuri bo kuko ari byo bikunda gukorwa kenshi; ahubwo kumererwa neza k'umubiri n'iby'umwuka by'abana ni byo bigomba kuza ku mwanya w'imbere. Ntagomba kumarira igihe cye mu gutegura imigati minini, za keke n'ibyo kurya birimo inyama byangiriza ubuzima. Ibyo byose bitera gukoresha amafaranga atarateganijwe abantu bose badakwiriye kwiha uburenganzira bwo kuyakoresha. Ariko muri icyo cyitegererezo cyatanzwe niho higanje ikibi. Muje mumenya kugumana kwiyoroshya mu muryango wanyu. Ntimukagerageze kubaho birenze ubushobozi bwanyu. Ntimukagerageze kwigaragaza uko mutari by'ukuri haba mu gutegura ibyo kurya kwanyu no mu myitwarire yanyu yose muri rusange.

Mu gihe mwihatira gufata abashyitsi banyu neza mubagaragariza urukundo kugira ngo biyumvemo ko bari iwabo, mugomba guhora mwibuka iteka ko muri kurera abana Imana yabahaye. Abana baba babahanze amaso, kandi nta kintu na kimwe cyo mu nyifato yanyu kigomba kubayobora mu nzira mbi. Mwitware imbere y'abashyitsi banyu nk'uko mwitwara buri gihe imbere

y'abagize umuryango wanyu, mufite urukundo, kubaha n'urugwiro. Kuri iyi ngingo, bose bashobora gutanga amasomo kandi bakaba icyitegererezo cy'ibyiza, bityo bakerekana ko hari ikintu kirushijeho kuba ingenzi kuruta guhangayikishwa n'ibyo kurya, n'ibyo kunywa n'uko bazambara.⁹

Musigasire umwuka w'amahoro kandi uruhura: Twari kurushaho kunezerwa no kuba ingirakamaro cyane iyaba imibereho yacu y'i muhira no muri rubanda yayoborwaga n'ubugwaneza no kwiyoroshya kwa Kristo. Aho kugira ngo twimare imbaraga kugira ngo dutangirirwe cyangwa twifuze abashyitsi, twakagombye kwihatira guha abatuzengurutse umunezero binyuriye mu gucya mu maso kwacu, mu mpuhwe zacu no mu rukundo rwacu tubagaragariza. Mureke abashyitsi babone ko twihatira gusohoza ubushake bwa Kristo. Bagomba kutubonaho kwicisha bugufi tugomba kugira, intekerezo zituje kandi zishima. Umwuka w'urugo nyakuri rw'umukristo ugomba kurangwa n'amahoro n'umutuzo. icyitegererezo nk'icyo nti cyabura imbaraga.¹⁰

Ijuru ryandika ibyo twakoresheje: Kristo yandika ibyo twakoresheje byose mu kwakira mu izina rye abashyitsi bihitira. Kubw'ibyo agatanga ibikenewe byose. Abakira bene se kubw'urukundo bakunda Kristo, bakora ibibashobokera byose kugira ngo ugusurwa kwabo kubabere umugisha no ku babasuye, bandikwa mu ijuru nk'abakwiriye guhabwa umugisha w'umwihariko...

Mu gihe cy'ubuzima bwe hano ku isi, Kristo nawe ubwe yatanze icyitegererezo cyo gucumbikira abashyitsi. Igihe yari ku nkengeri y'inyanja, ubwo yari azengurutse n'inteko nini y'abantu bashonje, ntiyigeze abasezerera amaramasa atabamaze amakene yabo. Abwira abigishwa be ati: "Abe ari mwe mubagaburira". Kandi ku bw'igitangaza cy'ubushobozi bwe bwo kurema, yabahaye ibyo kubamara inzara mu buryo buhagije. Nyamara kandi byari ibyo kurya byoroheje cyane bitarimo agakabyo. We wari ufite ubushobozi ku butunzi bwose bw'ijuru yagombaga kubagaburira ibyo kurya bikungahaye, ariko abaha ibikenewe ni ukuvuga ibyo kurya bya buri muni by'abarobyi bo ku kiyaga.

Uwagira ngo muri iyi minsi yacu abantu bagire akamenyero ko kwiyoroshya, uwagira ngo babeho bahamanije n'amategeko agenga ibyaremwe, haboneka ibyo kurya bihagije byo kugaburira abaturage

bose bo ku isi. Amakene yihimbiwe yagabanuka maze hakaboneka igihe gihagije cyo gukora ibihuje n'ubushake bw'Imana...

Ubukene ntibugomba kutubera inkomyi yo gucumbikira abashyitsi: Tugomba gusaranganya ibyo dufite. Abantu bamwe bagomba gukora kugira ngo babone uko babaho kandi bafite ibibazo bikomeye mu guhuza ibyo bakeneye n'ibyo binjiza; ariko bakunda Yesu binyuze mu bagaragu be kandi biteguye kwakira abashyitsi baba ari abizera cyangwa abatizera, bagerageza gutuma gusurwa kwabo gutanga umusaruro. Abashyitsi bakwiriye kwakirwa ku meza no ku gicaniro cy'umuryango. Iki gicaniro cy'umuryango kizakabakaba abashyitsi bawo; gusurwa bishobora kuba akanya ko gukiza ubugingo urupfu. Iki gikorwa, Imana igiha agaciro maze ikavuga iti: "Nzabagororera" 11

Kubyaza umusaruro ibihe: Bene data na barumuna banjye ni mukanguke. Ntimugire ubwoba bwo gukora imirimo myiza. "Twe gucogora gukora neza kuko igihe ni gisohora tuzasarura nitutagwa isari." Ntimugategereze ko bababwira ibyo mukora, mwubure amaso yanyu maze mwitegereze ababazengurutse; ^[452] mushyikirane n'ibicibwa, abababaye n'abakene. Ntimukabitarure kandi ntimugashake uko mwakwiyobagiza amakene yabo. Ni nde muri twe ugaragaraza ibimenyetso ko ashyira mu bikorwa ibiranga idini y'ukuri kandi iboneye itarangwamo kwikunda kose no kononekara kose nk'uko ryavuzwe na Yakobo? Ni nde witeguye gukora ibimushobokera byose kugira ngo atange inkunga mu nama y'agakiza?12

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	Témoignages pour l'Eglise, vol.2, pp.662, 664	Testimonies for the Church, vol.6 P341,342
2	Témoignages pour l'Eglise, vol.2, pp.664	Testimonies for the Church, vol.6 P 342, 343
3	Testimonies for the Church, vol.2, P.28, 29	Testimonies for the Church, vol.2, P.28, 29
4	Témoignage pour l'Eglise, vol.2, P.665	Testimonies for the Church, vol.6 P344

5	Testimonies for the Church, vol.2, P.28	Testimonies for the Church, vol.2, P.28
6	Manuscrit 41, 1903	Manuscript 41, 1903
7	Ministère de la guérison, pp. 298, 299 (Rayons de santé, pp.28, 29) 2	Ministry of healing p352, 354
8	Ministère de la guérison, P.299 (Rayons de santé, P.29, 30)	Ministry of healing p 354
9	Christian Temperance and Bible Hygiène, P.143	Christian Temperance and Bible Hygiene, P.143
10	Review and Herald, 29 Novembre 1887	Review and Herald, 29 November 1887
11	Témoignage pour l'Eglise, vol.2, P.666, 669	Testimonies for the Church, vol.6 P344, 347
12	Testimonies for the Church, vol.2, P.29	Testimonies for the Church, vol.2, P.29

**UMUGABANE WA 16:
IMIBANIRE
Y'UMURYANGO NA
RUBANDA**

ICYIGWA CYA 73: AMAKENE RUSANGE

Imana yakenuye amakene rusange yacu: Mu mitunganirize y'uburezi bw'ubwoko bw'Imana bwatoranijwe byerekana ko uburezi bushingiye ku Mana ari bwo buzima bushyitse. icyo I mana yari yarabonye ko bazakenera cyose, yari yarashyizeho uburyo bwo kugikenura kandi yashakaga guteza imbere buri bushobozi bwo yaremye mu muntu. Umuhanzi w'ibyiza byose nawe ubwe agakunda ibyiza bibereye ijisho, yateganiye ibyashimisha abana be bikabatera gukunda ibyiza. Yatanze ibikenerwa mu mibanire yabo kugira ngo bakundane kandi bafashanye mu mibereho yabo , ari byo bigira uruhare runini mu kwimakaza impuhwe no gutuma ubuzima buryoha kandi bukabera abantu umunezero.1

Imbaraga y'ubucuti: Buri wese ashaka aho yakura umushyikirano. Imbaraga ikomeye cyangwa yoroheje y'ibyiza cyangwa y'ibibi izaba ihwanye n'imbaraga y'ubucuti ihuza abantu n'abandi. Bose bazagira inshuti bazareshya, na bo bareshywe ku bwabo.2

Ijambo ry'Imana riha agaciro imbaraga y'ubucuti haba ku bagabo ndetse no ku bagore bakuze. Ariko mbega ukuntu iyo birebana no kuremwa kw'intekerezo n'imico by'abana n'abasore imbaraga yaryo yaguka kurushaho! Inshuti zibana nabo, amahame bakurikiza n'akamenyero bagira bigena akamaro kabo ko muri iki gihe n'umurage wabo w'ahazaza.

Nibidashoboka ko abasore bakwishakira incuti maze ngo icyitegererezo cyazo kibure kubagiraho ingaruka. Hari imirunga y'ubwiru iboheranya imitima hamwe. Umutima w'umwe uhuza n'uw'undi: umwe akagira ibitekerezo, ibiyumviro n'umwuka nk'iby'undi.

Ubucuti nk'ubwo bushobora guhinduka umugisha cyangwa umuvumo. Abasore bashobora gufashanya no gukomezanya bashaka kuvugurura inyifato yabo, imyitwarire yabo n'ubumenyi bwabo; ariko iyo bemereye ubunenganenzi no gukiranirwa bikabatwara bishobora kugira ingaruka yangiriza.3

Bavuze ukuri ngo: “Mbwira inshuti yawe ndakubwira uwo uri we” abasore ntibajya bamenya ko imico yabo n'icyubahiro cyabo cyangirizwa n'uburyo bahisemo inshuti. Muri kamere yacu dukunda

gushaka inshuti zifite ibyifuzo , akamenyero n'imibereho bihuje n'ibyacu. Uhitamo kubana n'injiji n'umunyangeso mbi aho kubana n'umuntu w'umunyabwenge kandi mwiza, aba agaragaje ko ari umunyantege nke mu ngeso. Ibyifuzo bye n'akamenyero ke bishobora gusa nk'ibihabanye n'ibyabo yifuza ko bamubera inshuti , ariko uko azarushaho kwivanga n'abantu babi nk'abo, ibitekerezo bye n'ibiyumviro bye bizahinduka; azabamba amahame ye meza kugira ngo yimanure by'ubupfu kugeza ubwo agera ku rugero rw'inshuti ze. Nk'uko amazi y'umugezi agaragaza imiterere y'ubutaka yanyuzemo, ni ko n'intekerezo n'akamenyero k'abasore byihindura bidashidikanywaho nk'imico y'abantu bakunda kubana nabo.4

Ibyifuzo bya kamere by'umuntu bimuganisha mu kumwangiriza:
Uwashobora kwemeza abasore ngo bacudike n'abantu bafite imico myiza gusa n'inyifato yuzuye kwirinda n'urukundo babyungukiramo. Iyaba bahitagamo inshuti zubaha Imana, icyitegerezo babakuraho cyabayobora ku gushaka ukuri, kwera no kuzuzanya inshingano zabo. Imibereho ya gikristo ihanye ni imbaraga y'ibyiza. Mu rundi ruhande abacuduka n'abagabo n'abagore bafite imyitwarire mibi kandi bafite akamenyero kabi bidatinze na bo bazagenda muri iyo nzira. Ibyifuzo bya kamere by'umuntu bimuganisha mu kumwangiriza. Umuntu ucudika n'utizera bidatinze nawe azareka kwizera, umuntu wifatanya n'umunyamabi nawe bidatinze nawe azakora ibibi. Gukurikiza inama z'abatizera ni ugutera intambwe ya mbere mu nzira y'abanyabyaha no kwicarana n'abakobanyi.5

Ku basore b'isi, gushaka kubana n'abantu benshi n'ibinezeza bihinduka irari riconshomera. Gukurikiza ibigezweho, gusohoka, kunezeza akamenyero n'ibyifuzo bya kamere no kuzerera ahari ibirangaza bisa nk'aho ariyo ntego nyamukuru yo kubaho kwabo. Biyumva bagushije ishyano bari mu bwigunge. Icyifuzo cyabo gikomeye ni ukwemerwa, gushonyagizwa no gutangirwa ku babazengurutse kandi iyo bitagezweho babona kubaho batabyihanganira.6

Kenshi abakunda gucudika, barabishakisha kugeza ubwo bihinduka irari nyaryo.... Gusoma Bibiliya no kwibwira iby'umwuka bumva batabyihanganira. Bumva bagushije ishyano iyo batabonye ikibakangura. Muri bo nta cyabatera umunezero bafite, kuri bo umunezero bawukomora ku kubana n'abandi basore batagira ubwenge kandi batagira icyo bitaho nkabo. Aho kwerekeza

intekerezo zabo ku birushijeho kwaguka, batekereza ku gukora iby'ubupfu gusa no kwirangaza.7

Imigisha izanwa no kubana n'abakristo nyakuri: Ubwoko bw'Imana mu by'ukuri bashyikirana n'abandi gake.... Abihugiraho bo ubwabo, badashaka kwihuza n'abandi no kubabera ingirakamaro bahomba imigisha myinshi. Mu by'ukuri, kubw'uko gushyikirana intekerezo za buri wese ziratunganywa kandi zikanogerezwa; kubana n'abandi bigatera kumenyana, bikarema ubucuti, bigatera ubumwe n'urukundo runejeje mu maso y'Imana n'imbere y'abaturage b'ijuru. By'umwihariko abasogongeye ku rukundo rwa Kristo bagomba kwagura muri bo impano yo gushyikirana n'abandi, ari yo izabashoboza gukiriza Umukiza imitima.

Ntibagomba guhisha Kristo mu mitima yabo, nk'ubutunzi bwera kandi bwiza buhishwe kandi bw'agaciro bagomba kwishimira bo ubwabo, cyangwa ngo bamugaragarize abo bishimira gusa. Ni ngombwa ko abanyeshuri bacu bigishwa kwigana Kristo bita kandi bagaragaza ubugwaneza ku babakeneye kwera nubwo baba atari inshuti zabo bihitiyemo. Mu bihe byose na buri hantu hose Yesu yagaragarizaga impuhwe umuryango wa kimuntu kandi umucyo wo kurabagirana waturukaga muri we.8

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSI	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	Education, P. 36, 373	Education, P. 41
2	Témoignages pour l'Eglise, vol.1 , P.676	Testimonies for the Church, vol. 4 P 587
3	Counsels to Teachers, parents, and students, P. 220	Counsels to Teachers, parents, and students, P. 220
4	Counsels to Teachers, parents, and students, P. P.221	Counsels to Teachers, parents, and students, P. P.221
5	Témoignages pour l'Eglise, vol. 1 , pp. 676, 677	Testimonies for the Church, vol. 4 P 587

6	Testimonies for the Church, vol. 5,112	Testimonies for the Church, vol. 5,112
7	Testimonies for the Church, vol. 4, P. 624	Testimonies for the Church, vol. 4, P. 624
8	Témoignages pour l'Eglise, vol. 2, P.511,512	Testimonies for the Church, vol. 6 P 172,173

ICYIGWA CYA 74: UBUCUTI BWIZA N'UBUBI

Ibigira icyo bihindura kuri twe no ku bana bacu: Imibanire yacu uko yaba imeze kose igira ingaruka kuri twe. Urugero bizatugiraho ingaruka ruzaba rujyaniranye n'urugero rw'ubucuti, tubana n'inshuti n'ingano y'urukundo rwacu n'uko dufata umuntu ducuditse na we.1

Nitwihuza n'abantu bafite imico ishobora gutuma twibagirwa ko Imana ifite uburenganzira ndakuka kuri twe, tuba twishize mu gishuko kandi tugahinduka abanyanteye nke batashobora kucyihanganira. Tuzagera aho tugera ku rugero rwo kubona no gutekereza ibintu kimwe n'abo tubana maze tubihe agaciro kuruta ukuri kw'agaciro k'iteka ryose kandi kera. Muri magufi, tugerwaho no guhinduka umwanzi yifuzaga.

Abasore bahuye n'icyitegererezo nk'icyo bagirwaho n'ingaruka mu buryo bworoshye kuruta abantu bakuru. Byose bisiga ikimenyetso mu ntekerezo zabo ; byaba imyitwarire babona, amajwi bumva, aho bagenda, abantu babana nabo n'ibitabo basoma. Nta wasuzugura ingaruka zikomeye inshuti twihitiyemo zigira ku buzima bwacu bwa none n'ubw'iteka ryose kandi by'umwihariko ku bana bacu.2

Akaga duterwa no kugirana ubucuti n'abatizera: Isi ntigomba kutubera urugero. Ntitugomba kwifatanya n'abatizera ngo dutekereze kimwe na bo, kuko bateshura imitima yacu ku Mana kugira ngo dusenge imana z'ibinyoma. Umukristo nyakuri, wiziritse ku kwizera kwe, ashobora gukora ibyiza byinshi; ashobora kugeza ku bamukikije imigisha myinshi kuko amategeko y'Imana ari mu mutima. Ahubwo ntitugomba kwifatanya ku bushake n'abakandagira amategeko y'Imana, kandi ngo turinde kwizera kwacu kwera kandi kutagira ikizinga. Tuziyinjizamo umwuka wabo, nitutitandukanya na bo, tuzaba twifataniye nabo kugeza ubwo tuzasangira umurage. 3

Kwifatanya n'abasenga ibigirwamana ndetse no kujya mu birori byabo ni byo byatumye Abaheburayo bashorwa mu kwica amategeko y'Imana bityo bakururira ishyanga ryabo ibihano byayo. No muri iki gihe, iyo Satani atumye abayoboke ba Kristo bifatanye n'abatubaha Imana, kandi akabatera kujya mu binezeza byabo, agera ku ntego ye neza yo kubagusha mu cyaha. "Nuko ni muve hagati ya babandi, mwitandukanye, ni ko Uwituka avuga, kandi ntimugakore ku kintu

cyose gihumanya.” Imana ishaka y’uko ubu habaho itandukaniro rinini cyane hagati y’abantu bayo n’ab’isi, haba mu migenzo, mu ngeso no mu matwara nk’uko yabisabaga Abisirayeli ba kera.⁴

Amahitamo avuye ku mutima ya Samusoni: Imana mu buntu bwayo yari yaritaye kuri Samusoni kugira ngo ategurirwe gusohoza umurimo yari yarahamagariwe gukora. Kuva akivuka, yari akikijwe n’ibintu byiza byari bikwiriye kugira ngo agire imbaraga z’umubiri, iz’ubwenge no gutunganya mu mico iboneye. Ariko binyuze mubo yafatanije na bo b’abanyabyaha, yaretse kwifatanya n’Imana kandi ari byo burinzi bw’umuntu bwonyine, maze yorama mu bibi. Abageragerezwa mu nzira z’inshingano bashinzwe bakwiriye kumenya ko Imana izabarinda, ariko niba abantu bishyira mu maboko y’ibishuko ku bushake bwabo, bitinde, bitebuke bazagwa.⁵

Umusemburo ukwirakwira w’ikibi: Banyeshuri nkunda, amasengesho y’ababyeyi banyu azabaherekeza amanywa n’ijoro. mwumvire gucyaha n’imiburo byabo kandi ntimugahitemo inshuti z’abasore zitagira ubwenge. Ntabwo mushobora gusobanukirwa urugero imbuto y’ikibi ishobora konona intekerezo zanyu maze bigatuma mutakaza akamenyero kanyu keza ndetse bikabatera kongera gukora ibikorwa by’urukozasoni maze muri mwe hakiyongera ingeso mbi zidatunganye Mushobora kudasobanukirwa ako kaga nyakuri kandi mukibwira ko muzashobora gukora ibyiza mu buryo bworoheje nk’uko mwabikoraga mutaragwa muri icyo gishuko, ariko murishuka. Ababyeyi n’abigisha bakunda Imana kandi bakayubaha bazaba bakoze neza nibababurira, bakabagira inama kandi bakabahendahenda, ibyo bose bizaba imfabusa ni mutiyegurira Imana kandi ni mudaha agaciro itaranto Imana yabahaye ngo muzikoreshe muyihesha icyubahiro.⁶

Mwirinde abadaha agaciro iyobokamana: Niba abana bivanze n’abafite ibiganiro byibanda ku bitagira umumaro no kuby’isi, intekerezo zabo zizamanuka zigere ku rugero rumwe n’urwabo. Niba banegura amahame y’iby’iyobokamana, bakavuga nabi kwizera kwacu kandi bagashaka ibihamya byihishe byo kurwanya ukuri, intekerezo n’imico byabo bizandura.⁷

Nta kintu na kimwe gishobora gukoma mu nkokora cyangwa ngo cyirukane icyitegererezo cyiza n’ibyifuzo byiza nko gucudika n’abadafashije, batagira icyo bitaho kandi bahindanye. Imyitwarire iyo ari yo yose bashobora kugira binyuze mu bwenge bwabo, imyumvire yabo yo kunnyega n’umucyo wo mu maso habo, uko

iby'iyobokamana babifata mu buryo bworoheje, kandi ntibabyiteho ni impamvu ihagije yo kudacudika na bo. Uko barushaho gukururwa n'abandi ni ko tugomba kurushaho gutinya icyitegererezo cy'ubucuti bwabo, ku rugero aho imibereho yabo itageraho yo irangwa n'ibibi kandi itabasha kudukurura.8

Gushyikirana n'abatizera birakurura kandi bikazimiza ubwenge kuburyo abahura n'imbaraga zabyo batashobora gusangwa mu kwera, mu kubaha Imana, mu gukiranuka no kuba inyangamugayo ari byo bizaba imbaraga izabashoboza guhora bashikamye. Imibereho yoroheje kandi iciye bugufi ya Kristo ntiyigera ibareshya mu maso yabo. Kuri benshi biyita abahungu n'abakobwa b'Imana, Yesu, Umutware w'ijuru ni " nk'igishyitsi cyumburira mu butaka bwumye, kitagira ishusho nziza cyangwa igikundiho kandi kitagira ubwiza bwatuma tucyifuza." 9

Ubucuti bwanyu ntibukibande kubo mudahuje kwizera: Ntidushobora gukorera Imana n'isi icyarimwe. Urukundo rwacu ntirugomba kwibanda ku bantu bafite umwuka w'isi, badafite icyifuzo na kimwe cyo kumenya ukuri.

Dushobora kugerageza mu buryo bwose kugaragaza umucyo; ariko ntibikwiriye ko amagambo, inyifato, akamenyero ndetse n'ibikorwa byacu bifatira urugero ku migenzo no ku bitekerezo byabo byanduye. Tugomba gushaka uko twamenyekanisha ukuri mu mibanire tugirana na bo. Ibyo nitutabigeraho, ni ko umushyikirano wacu uzagabanuka, kandi ni byo byiza ku by'umwuka byacu.10

Muzibukire kubana n'abanyangeso mbi: Si byiza ko umukristo acudika n'abantu bafite imico mibi. Kugirana ubucuti bwa buri muni n'umuntu ukumarire igihe kandi ntacyo akungura mu bwenge biteje akaga. Niba abantu runaka barangwa n'ibitekerezo byanduye kandi bitejejwe, ahubwo bihindanya, ababana na bo bazagera igihe batahure ko buhoro buhoro imitima n'ubwenge bwabo biri kurogwa n'ibyo bitekerezo kandi biganishwa ku kurimbuka mu buryo butapfa kugaragara. Ni akaga kugirana ubucuti magara n'abafite intekerezo zangiritse. Buhoro buhoro, mu buryo utakwiyumvisha, abafite umutimanama ukiri muzima kandi bashaka kwera bazandura; bazamanuka bagere ku rugero rumwe n'inshuti zabo, amaherezo basangire ubugoryi n'ubutindi bwo mu ntekerezo maze bihore iteka bibagose.11

Kuvugwa neza bifite agaciro kurusha izahabu. Abasore bakunda gucudika n'abo barusha ubwenge no kwera. Ni umunezero ungana iki umusore ashobora gutegereza kuzakomora mu nshuti zifite intekerezo, ibiyumviro n'imico bibi? Hari abantu bafite ibyifuzo n'akamenyero kononekaye, kandi abazacudika na bo amaherezo bazakurikiza icyitegererezo cyabo. Turi mu bihe by'akaga byagateye imitima yose kugira ubwoba.12

Abasore benshi bagwa mu bishuko kubwo gutinya gusekwa: Abana... bagomba guhitamo incuti zidasebya ibyera n'ibiboneye ahubwo zirengera ibyo gukiranuka. Gutinya gusekwa bituma abasore benshi bagwa mu bishuko no kugera ikirenge mu cy'abatizera. Ba nyina bashobora gukora byinshi binyuriye mu magambo yabo no mu cyitegererezo cyabo kugira ngo babigishe guhora ari inyangamugayo n'abanyakuri bahanganye no gusuzugurwa n'ababakoba.13

Kubera iki abasore bacu badasobanukirwa yuko abashaka kuyobora abandi mu nzira zabuzaniye na bo ubwabo bazatwarwa n'ibishuko mu buryo bworoshye kandi ko Satani yabagize ibikoreho kugira ngo ateze imbere ibikorwa by'imico mibi itagira gahunda no kwisekera abakiranuka kandi bifuzaga kugumana ubunyangamugayo bw'imico yabo.14

Imbere y'ab'isi mwifate nk'abari imbere y'Imana: Basore ncuti, ntimukamarane isaha n'abantu bashobora kubateshura gukora umurimo w'Imana utunganye kandi wera. Ntukagire icyo ukora imbere y'ab'isi utakwifuzaga gukorera imbere y'ababyeyi bawe cyangwa cyagukoza isoni imbere ya Kristo n'imbere y'abamarayika bera. Bamwe bashobora kwibwira ko imiburo nk'iyi itareba abaruhuka isabato; ariko ababwirwa aya magambo bazi neza icyo nshatse kuvuga. Basore, ndabahendahenda ngo mwirinde, kuko ntacyo mwakora ngo gisobwe amaso y'Imana n'ay'abamarayika. Ntimushobora gukora igikorwa kibi ngo kibure kugira ingaruka ku bandi. Imyitwarire yawe ihishura ibikoreho wubakishije imico yawe, ariko ifite imbaraga rukuruzi ku bandi. Ntukigere wibagirwa ko uri uw'Imana, ko yagucunguje igiciro cyinshi kandi ko uzamumurikira italanto zose yaguhaye.15

Mu gihe gikwiriye ubufasha budasanze bwarasezeranywe : Ntabwo tugomba gushyira abana bacu [464] ahantu bazazengurukwa n'abasore bononekaye kandi bafite intekerezo zihindanye. Bitewe n'ubushake bw'Imana, bishoboka ko abasore bacu babana

n'abatera kandi batirinda, ariko ni bigenda bityo Imana izabaha imbaraga z'imico zikenewe n'ubushobozi bwo guhangana n'ibishuko nk'uko yabikoreye Daniyeli na bagenzi be i Babuloni niba biteguye gukorana na yo.

Bagomba kugirana isano ihoraho n'Imana, bagomba guhora ari abera, banga gukora icyo ari cyo cyose kidahesha Imana icyubahiro, bakabaho bifuzaga gusa kuyihesha icyubahiro. Abasore bacu bafite inshingano yo kurinda imitima, bagakorera bakiranutse abo ishusho y'Imana yahanaguritsemo kandi bagashaka uko babagorora, bakabakuza bakabakungahaza mu ngeso nziza.16

Muhitemo incuti zishyira mu gaciro kandi zitajahagurika: Abasore bafitanye umushyikirano na Kristo, bazahitamo incuti zizabafasha gukora ibitunganye kandi bazirinda gucudika n'abatabongerera igikuriro mu mahame n'imigambi bitunganye. Ahantu hose tuhabona abasore basigingiye mu bitekerezo. Nibiba ngombwa ko babana n'abameze batyo, abamaze gufata umwanzuro wo guherera ku ruhande rwa Kristo batizigamye ntibazigera bava mu murongo w'inyifato uyoborwa n'ibitekerezo byabo n'umutimanama wabo.17

Nimureke abifuzaga bese kugira imico myiza bahitemo incuti zitajahagurika, zishyira mu gaciro, zirunduriye mu by'iyobokamana. Abashakaga gukorera iby'iteka ryose, kandi bamaze kubara icyo bizabasaba, bagomba guhitamo ibikoresho byiza byo kubakisha. Nibakoresha ibikenyeri byaboze, nibanyurwa n'imico idashyitse, inyubako yabo izasenyuka. Buri wese yirinde uko yubaka. Umugaru w'ibishuko uzikubita kuri icyo nyubako, kandi niba idashikamye, ntizihanganira igeragezwa.18

Binyuriye mu kubana n'abagendera mu mahame meza, n'abatari abanenganenzi baziga gukunda gukiranuka. Mu gukora ibyo gukiranuka, mu mitima yabo hazagukiramo kwanga ikibi cyose kidahuza n'amahame y'ijambo ry'Imana.19

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFA-RANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGE-REZA
1	Testimonies for the church, vol.5, P. 222,223	Testimonies for the church, vol.5, P. 222,223

2	Testimonies for the church, vol.5, P. 543	Testimonies for the church, vol.5, P. 543
3	Manuscrit 6, 1892	Manuscript 6, 1892
4	Patriarche et prophètes 438	Patriarch and prophetess P 458
5	Patriarche et prophètes P.555	Patriarch and prophetess P 568
6	The youth's Instructor, 18 Janvier 1894	The youth's Instructor, 18 January 1894
7	Testimonies for the church, vol.5, P.545	Testimonies for the church, vol.5, P.545
8	Testimonies for the church, vol.3 p 126	Testimonies for the church, vol.3 p 126
9	Manuscrit 6, 1892	Manuscript 6, 1892

10	Testimonies for the church, vol.5, P.543	Testimonies for the church, vol.5, P.543
11	Testimonies for the church, vol.vol.3, P.125	Testimonies for the church, vol.vol.3, P.125
12	Témoignages pour l'Eglise, vol. 1, P.677	Testimonies for the church, vol 4 p 588
13	Review and Herralld, 31 Mars 1891	Review and Herald, 31 Mars 1891
14	The youth's instructor, 18 Janvier 1894	The youth's instructor, 18 January 1894
15	Testimonies for the church , vol.5, P.398,399	Testimonies for the church , vol.5, P.398,399
16	Maniscrit 18, 1892	Manuscript 18, 1892
17	Counsels to Teachers, parents and students, P.226 3	Counsels to Teachers, parents and students, P.226
18	Temoignages pour l'Eglise, vol.1,P.677	Testimonies for the church , vol 4 p 588
19	Counsels to Teachers, Parents and students, P.222	Counsels to Teachers, Parents and students, P.222

ICYIGWA CYA 75: INAMA KU BABYEYI ZIREBANA N'IMIBANIRE YABO N'ABANDI

Imbaraga y'ikibi iri hafi kwiganzura: Imbaraga y'ikibi izengurutse abana bacu iri hafi kwiganzura; yonona intekerezo zabo kandi ikabayobora mu irimbukiro. Abasore muri kamere yabo bakunda iby'ubupfu; uhereye mu buto bwabo, mbere y'uko imico yabo iremwa, n'intekerezo zabo zigakomera, bagaragaza kenshi kwifuza kubana n'inshuti zizabagiraho icyitegererezo kibonona.1

Iyaba ababyeyi bose bo mu isi banyumvaga, nabahendahendera kutemera ibyifuzo by'abana babo igihe bibaye ngombwa ko bihitiramo incuti zabo cyangwa abo babana. Ni gake ababyeyi batekereza ko abasore bagerwaho n'ingaruka z'ikibi mu buryo bwahuranije aho gukururwa n'iby'Imana. Ubucuti bwabo bwakagombye kwimika mu mutima igikuriro cy'ubuntu n'ukuri byagaragariye mu ijamba ry'Imana.2

Abasore bagomba gushyirwa ahantu hakwiriye heza bishoboka kuko ubucuti bagirana n'abandi, amahame bigana n'iby bimenyereza bizagena mu buryo butibeshya akamaro bazagira muri ubu buzima no mu bw'ahazaza.3

Akaga k'umudendezo utagira urubibi: Babyeyi, abahungu n'abakobwa banyu ntibarinzwe bikwiriye. Ntimugomba kubemerera kugenda no kugaruka uko bishakiye, batabamenyesheje cyangwa batabasabye uruhushya. Mu guha umudendezo wagutse utyo abana bo muri icyo kigero, byatumye habaho kurimbuka kw'ibihumbi byinshi byo muri bo. Mbega ukuntu ari benshi bemererwa kuba ku muhanda nijoro! Ababyeyi ntibitaye ku kumenya uwo basohokanye. Mu gihe kenshi incuti bihitiramo zibononesha icyitegererezo cyabo.... Mu ijoro ni ho abahungu bibumbira mu dutsiko, bakiga isomo ryabo ry'ibanze ryo gukina amakarita, urusimbi, kunywa itabi no kunywa inzoga n'ibiyobyabwenge...

Abahungu b'ababyeyi bakiranuka ntibashidikanya kujya mu kabari kugira ngo basogongere ku nzoga cyangwa ngo bahaze ipfa ryabo ry'ubundi bwoko, maze bakishyira batyo mu nzira y'ibishuko. Umwuka w'aho hantu wuzuye ubushizi bw'isoni no kwangirika ko mu bwenge. Nta wushobora kuhamara umwanya muremure ngo ahawe atahangirikiye. Ni mu materaniro nk'ayo abasore bari batanze icyizere birangira baguye mu kunywa ibiyobyabwenge no gukora

amahano. Tugomba kwirinda igisa n'ikibi cyose kigihingutsa umutwe. Babyeyi nti mugomba kwemerera abana banyu kugendagenda mu ijoro kugira ngo bajye gushungera ibirangaza runaka cyangwa kujya kureba abandi basore no kuhishimishiriza niba mutizeye ko ahabazengurutse hameze neza. Nimushikama kuri iri hame, bazagira akamenyero ko kuryumvira kandi ntibazongera kwifuza kurirwanya. 4

Ababyeyi bagomba guhitiramo abana babo incuti : Ababyeyi bagomba kumenya ko kubana n'abantu bafite imico mibi n'imytwarire y'akajagari ko bigira ingaruka mbi k'urubyiruko. Nibananirwa guhitiramo abana babo incuti nziza, niba babemerera gucudika n'incuti zifite imytwarire ishidikanywa bazaba babashyize cyangwa babateye kujya ku rubuga rubi aho bazigira amasomo y'ubupfu mbere y'uko bo babushyira mu bikorwa. Bashobora gutekereza ko abana babo bafite imbaraga zihagije zo guhangana n'icyo gishuko, ari ko se babyiringira bate? Biroroshye kugwa mu ngeso mbi kuruta kuzirwanya. Mbere y'uko babimenya, abana bandura ibitekerezo bikomotse ku ncuti zabo maze bikabagusha mu ntege nke no kurimbuka.5

Akaga kugarije abasore kariyongera mu buryo bwagutse iyo birunduriye mu gucudika n'udutsiko tw'incuti banganya imyaka kandi imico n'imibereho byabo bihabanye cyane. Nyamara ni muri icyo gihe ababyeyi benshi bacogora aho gukuba imihati yabo ngo barinde kandi babere maso abana babo.6

Mu mwuka w'amasengesho no guhuriza hamwe ababyeyi ni ho bashobora kuzuzwa inshingano yabo iteye ubwoba yo kubayobora mu nzira itunganye. Bashobora kugaragaza ubunenganenzi mu bindi, ariko ntibagomba kwemerera abana babo kuyobera mu nzira y'icyaha. Abenshi ni abemerera abana babo kujya aho bashaka, no gukora ibyo bishakiye, kurangara no kwishakira incuti mbi. Ariko ku munsu w'urubanza abo babyeyi bazamenya ko abahungu babo n'abakobwa babo babuze ijuru kuko bananiwe kubarindira mu ruziga rw'umuryango.7

Amajoro yabo bayamara he?: Igihe batari mu rugo nijoro, abahungu n'abakobwa bagomba kubazwa impamvu yabyo. Ababyeyi babo bagomba kumenya incuti bari kumwe n'inzu bari barimo muri iryo joro. Abana bamwe babeshya ababyeyi babo kugira ngo bataberurira imytwarire yabo mibi.8

Ibyatsi bibi bimera mu murima utarahinzwe: Kenshi ababyeyi bemerera abana babo kwihitiramo ibibanezeza, incuti zabo n'uko bakoresha igihe cyabo. Umusaruro ubikomokamo uhuje neza n'ibyo wategereza. Mureke umurima urare, uzameramo amahwa n'ibihuru byo mu ishyamba. Ntimuzigera mubona ururabo rwiza cyangwa agahuru keza mu byatsi bibi kandi birimo uburozi. Igitovu kitagira umumaro kizakura gishishe bidasabye imbaraga, mu gihe ikimera cy'ingirakamaro kandi cyiza gikeneye kwitabwaho. Ni nako bimeze ku rubyiruko rwacu. Nirwimenyereza akamenyero keza kandi rugakurikiza amahame akiranuka, ruzashobora gukorerwa umurimo wimbitse. Kugira ngo akamenyero kabi gakosorwe, hakenewe gukora cyane no gushinyiriza ngo iyo nshingano irangire.⁹

Kumenyereza abana kwiringira ubushishozi bw'ababyeyi: Babyeyi, mwite ku mahame n'akamenyero k'abana banyu nk'imboni y'ijisho ryanyu. Ntimukabemerere kugendana n'uwo mutazi imico ye. Ntimukabemerere kwiyunga n'incuti mutaragira ubwishingizi ko zitabateza ingaruka mbi. Menyereza abana bawe kwiringira ubushishozi n'inararibonye byawe. Bigishe ko usobanukiwe neza imico y'abantu kubarusha kandi ko imyanzuro yawe batagomba kuyisuzugura.¹⁰

Kumenya guhuza ubugwaneza no gushikama: Ababyeyi ntibagomba kuba inganzwa imbere y'ibyifuzo by'abana babo, ahubwo bagomba gukurikiza umurongo ngenderwaho Imana yabaciriye ari wo kubarerana ubugwaneza, kurwanya irari ryabo ribi bashikamye kandi bafite kumaramaza, ariko bakabikorana urukundo; bakabayoboza imihati yo gushinyiriza, bataryarya kandi basenga, bagakura ibirenge byabo mu nzira y'isi maze bakabayobora mu y'ubugingo buhoraho. Ntabwo tugomba kwemerera abana kujya mu nzira bishakiye, cyangwa ngo bagendere mu nzira izo ari zo zose zibakingukiye ngo bajye kure y'inzira itunganye. Nta muntu n'umwe uri mu kaga gakomeye nk'umuntu utagira ikimutera ubwoba kandi utemera imiburo no kugirwa inama.¹¹

Murinde uko bishoboka kose abana banyu icyitegererezo kibi kuko biroroha cyane mu gihe bakiri bato kurangwa n'ibyo bakira, byaba ari iby'ubunyangamugayo, kwera n'urukundo, cyangwa kwikunda, kutera no kutubaha. Nibemererwa gukururwa n'umwuka wo kwivovota, kwibona, kwirata no kutera, bashobora kuzabigaragaza mu mibereho yabo yose isigaye.¹²

Kubera ko uburezi bwo mu muryango bufite intege nke, ni yo mpamvu urubyiruko rutiteguye kumvira ubutegetsu buzima. Ndi nyina w'abana, nzi icyo mvuga igihe mvuga ko abasore n'abana batarinzwe neza gusa, ahubwo bahirwa cyane igihe bumvira bafite ikinyabupfura kizima kuruta igihe bakurikiza ibyifuzo bibi byabo.¹³

Ntibyemewe ko abana kuja gusura badaherekejwe : Bamwe bakora ifuti rikomeye mu kurekera abana babo umudendezo mwinshi. Babagirira icyizere cyinshi ku buryo batabona n'amafuti yabo. Ni ifuti kwemerera abo bana gusura kure y'iwabo badaherekejwe n'ababyeyi babo cyangwa n'abashinzwe kubitaho. Ibyo nta byiza bibazanira ahubwo bibongeramo ibiyumviro by'uko bafite agaciro gakomeye cyane. Bongera kumva kandi ko bafite uburenganzira bwo kubikora ndetse bakumva bahemukiwe iyo ubabujije kubikora. Bigereranya n'inshuti zabo zigira aho zishaka, abo baha umudendezo usesuye kuruta uwabo.

Umubyeyi atinya ko abana be bamurega ko atari umunyakuri, agahaza ibyifuzo byabo, amaherezo bikabateza akaga gakomeye. Abana bato bajya gusura batari kumwe n'ababyeyi babo ngo bababere maso babyitondeye, kandi ngo bakosore amafuti yabo, bazahura n'ibibazo bizasaba amezi menshi kubihanagura.¹⁴

Uko wasubiza abatanga inama mbi: Murindire abana banyu i muhira, kandi abantu nibakubwira bati: "Abana bawe ntibazamenya uko bitwara mu isi" muzabasubize ko icyo kibazo kitabashishikaje cyane, ahubwo ko ikibaraje ishingira ari ukuyobora abana banyu kuri Kristo kugira ngo abahe umugisha nk'uko yabikoreye ababyeyi b'Isirayeli ba kera igihe bazaniraga Yesu abana. Mubwire abo bajyanama muti: "Abana ni umurage w'Uwiteka, kandi ngomba kwita ^[471] ku kibitsanyo nabikijwe nkiranuka... Abana banjye bagomba kurerwa mu buryo batazakururwa n'imbaraga y'isi n'ibishuko mu buryo bazashobora kubihakanira aho kubyemerera babibwira bati Oya babikuye ku mutima..." Mubwire inshuti zanyu n'abaturanyi banyu ko mwifuzza kubona abana banyu bemerwa mu marembo y'umurwa w'ubwiza.¹⁵

Igeragezwa rikomeye riri imbere y'Abasore bacu: Abana bagomba gutozwa no kurerwa ku buryo bazashobora guhangana n'ibirushya, n'ibigeragezo ndetse n'akaga. Bagomba kwigishwa kwitegeka no kurenga ibigeragezo bafite akanyabugabo. Nibatishyira mu kaga ku bushake kandi ntibidegembye mu nzira y'ibishuko nta mpamvu, nibirinda imbaraga yonona n'ubucuti bubi, igihe bazasabwa kubana n'inshuti ziteje akaga bazagira imbaraga z'imico

zikwiriye kugira ngo bakorane gutungana, bakiranuka ku mahame meza kandi baneshe ku bw'imbaraga z'Imana ari na ko barinda ubwenge bwabo ngo budahungabana. Abasore ubushobozi bwabo bwateye imbere mu buryo bukwiriye, nibiringira Imana, bazashobora gutsinda ibigeragezo biteye ubwoba.16

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	Témoignage pour l'Eglise, vol.1, P.169	Testimonies for the Church, vol.1 P 400,401
2	Testimonies for the Church, vol.5, P.544, 545	Testimonies for the Church, vol.5, P.544, 545
3	Testimonies for the Church, vol.5, P.545	Testimonies for the Church, vol.5, P.545
4	Fundamentals of Christian Education, P.63	Fundamentals of Christian Education, P.63
5	Counsels to Teachers, Parents and students, P.120	Counsels to Teachers, Parents and students, P.120
6	Counsels to Teachers, Parents and students, P.232	Counsels to Teachers, Parents and students, P.232
7	Review and Herald, 8 Septembre 1904	Review and Herald, 8 September 1904
8	Counsels to teachers, parents, and students, P.332, 333	Counsels to teachers, parents, and students, P.332, 333
9	Review and Herald, 13 Septembre 1881	Review and Herald, 13 September 1881
10	Counsels to teach , parents, and students, P. 120	Counsels to teach , parents, and students, P. 120
11	Testimonies for the church, vol.5, P.545, 546	Testimonies for the church, vol.5, P.545, 546
12	Signs of the times, 16 Avril 1896	Signs of the times, 16 April 1896
13	Fundamentals of christian Education, P.62, 63	Fundamentals of Christian Education, P.62, 63
14	Témoignage pour l'Eglise, vol.1, P.170	Testimonies for the church, vol.1 p 401,402

15	Signs of the Times, 23 Avril 1894	Signs of the Times, 23 April 1894
16	Health Reformer, December 1872	Health Reformer, December 1872

ICYIGWA CYA 76: IMINSI Y'IBIRUHUKO N'AMASABUKURU

Inama zirebana n'iminsi mikuru: Nabonye y'uko iminsi yacu y'ibiruhuko idakwiriye gukorwamo ibyo kwigana ab'isi ariko kandi ntikwiriye gushira ititaweho kuko ibyo byatera abana bacu kubabara. Iyi minsi irimo akaga kuko abana bacu bareba ibibi maze bakanduzwa n'umunezero no gusamarira iby'isi, ababyeyi bakwiriye kwiga ikintu gikwiriye kujya mu mwanya w'ibiganiro byinshi biteye akaga. Menyesha abana bawe ko ugambiriye kubaha ibyiza kandi binejeje.1

Mu byo gukomeza iyo minsi y'ibiruhuko, abantu bo mu isi n'abo mu itorero bamenyerejwe kwizera y'uko iyo minsi y'ubunembwe ari myiza ku buzima no kuzana umunezero, ariko amaherezo bigaragara ko iyo minsi yari yuzuye ibibi.2

Twashyizeho umwete wo kugerageza gutuma iminsi y'ibiruhuko iba iyo kunezeza abasore n'abana uko bishobotse kose, ubwo twahinduraga gahunda y'iyi minsi. Umugambi wacu wari uwo kubabuza kureba amashusho yo kwinezeza no kuganira n'abatizera.3

Ni ibiki abamarayika bandika mu bitabo byo mu ijuru?: Iyo umunsi wo gushaka umunezero ushize, kunyurwa k'uwawushakaga kuba hehe? Abakozi b'abakristo bafashije bande kugira ngo bagire imibereho myiza biruseho kandi yera biruseho? Mbese icyo babona ni iki baramutse barebye icyo abamarayika banditse? Uwo munsi wapfuye ubusa! Kuby'ubugingo bwabo uwo munsi wapfuye ubusa, uwo munsi wapfuye ubusa ari ntacyo umariye Kristo, kuko ari nta cyiza cyawukozwemo. Ahari bazagira indi minsi ariko ntabwo ari uwo banembwemo baganira ibiganiro by'amanjwe, by'ubupfapfa, by'abakobwa baganira n'abahungu, n'abahungu baganira n'abakobwa. Ntabwo iyo myanya izongera kuboneka ukundi, baba barakoze umurimo ukomeye cyane kuri uwo munsi w'ikiruhuko. Ntibakoresheje umunsi wabo w'ikiruhuko neza, none wahise ubutazagaruka, ujya kubarega imbere mu rubanza ko wabayeye umunsi wapfuye ubusa.4

Isabakuru, igihe cyo guhimbaza Imana: Mu bihe by'Abayuda, igihe umwana yabaga yavutse baturaga Imana ituro nk'uko yabitegetse. Ubu tubona ababyeyi bihatira gushaka impano zo guha abana babo ku munsi wo kuvuka kwabo, ibyo babikorera kubahiriza

umwana, nk'aho icyubahiro gikwiriye umuntu. Ibyo Satani yabibonyemo iye nzira; yayobeje ubwenge bwabo n'impano abyerekeza ku bantu; uko ni ko intekerezo z'abana ziba izo kwihugiraho nk'aho ari bo bakwiriye guhabwa izo mpano....

Mu gihe cy'umunsi wo kuvuka, abana bakwiriye kwigishwa yuko bakwiriye gushimira Imana ineza y'urukundo rwayo kuko yarinze ubugingo bwabo, ikabageza mu wundi mwaka. Uko niko ibyigisho by'ingenzi bishobora kwigishwa. Dukwiriye gushimira utanga imigisha yose, ubugingo, amagara mazima, ibyo kurya n'imyambaro, kandi cyane cyane tukamushimira ibyiringiro yaduhaye by'ubugingo buhoraho. Imana ikwiriye guhabwa impano ziyikwiriye kandi tugatura amaturo y'ishimwe kuri nyiri ubuntu waduhaye ibyo dufite byose. Impano zitangwa ku munsi wo kuvuka zishimirwa cyane n'ijuru.5

Umwanya wo kwibuka ibyakozwe mu mwaka ushize: Mujye mubigisha kwibuka imibereho yabo y'umwaka ushize, bazirikane ko banezwe no kubona imimuriko y'ibyo bakoze uko biri mu bitabo byo mu ijuru. Mubatere umwete wo kwibaza cyane y'uko ingeso zabo, n'ibyo bavuga n'ibyo bakora binezeza Imana. Mbese bahirimbanira gutuma ubugingo bwabo burushaho gusa n'ubwa Yesu, buba bwiza kandi bunezeza imbere y'Imana? Mubigishe kumenya umwami, n'inzira ze n'mategeko ye.6

Umurimo w'Imana ube nyambere: Nabwiye ab'urugo rwanjye n'inshuti zanjye y'uko ndashaka ko hagira n'umwe umpa impano y'umunsi wo kuvuka cyangwa y'umunsi wa Noheli ahubwo ko byanshimisha bazishize mu bubiko bw'Uwiteka kugira ngo zizakoreshwe mu murimo wo guhanga amatorero.7

Uko umunsi w'ishimwe wubahirizwa: Umunsi w'ishimwe uregereje. Mbese uzaba umunsi wo kwihimbaza ubwacu nk'uko tubona bikorwa ne benshi? cyangwa uzaba uwo kuzamura amashimwe ku Mana? Iyo minsi yacu y'amashimwe tugomba kuyihindura iyo kuzana inyungu ku mitima yacu na bagenzi bacu niba tubyaza umusaruro iyo myanya maze tukibuka abakene bo muri twe...

Hari uburyo butabarika bwo gufasha abakene tubumvisha dufite kwiyoroshya ko baba batugiriye neza baramutse bakiriye impano zacu n'impuhwe zacu. Tugomba kwibuka ko gutanga bihesha umugisha kuruta guhabwa. Bene data bo bagirira Ubuntu abo

bifuza ko bazabitura kububaha no kubaha agaciro nubwo ntacyo baba bakennye muri byose imvugo yabo igezweho ni iyi ngo: “Ha uguha” ariko uko si ko gutanga kuvugwa na Bibiliya. Bibiliya ntihamanya n’iyo migirire yo gutanga impano ugambiriye kwihimbaza, kandi iravuga iti: “Uhongera abakire bombi bazakena nta kabuza.”

Igihe kiri bugufi ubwo amahame yacu azashyirwa mu igeragezwa. Dutekereze duherereye ubu icyo twakorera abakene Imana yadushinze. Binyuriye muri twe ishobora kubasukaho imigisha. Mwibuke umupfakazi, impfubyi, umuryango ukennye mushobora gufasha atari ukugira ubuntu byo kwiyerekana ahubwo kugira ngo Imana iduhindure igikoresho inyurizamo imigisha yayo ngo igere ku bakene...

Ariko inshingano yanyu ntigararukira aho gusa. Muhe ituro inshuti yanyu magara, umushimire ubugiraneza bwe, umushimire ibyiza yagukoreye; uzanire Imana ituro ry’ishimwe... Mwene data nawe muruma wanjye, mutegure igaburo ryoheje ry’umunsi mukuru w’ishimwe, kandi amafaranga mwagombaga gukoresha mu gakabyo kubwo kunezeza ipfa ryanyu, muyature nk’ituro ry’ishimwe k’Umukiza ugira ubuntu.⁸

Ntimukongere kwizihiza iyo minsi y’amashimwe munezeza ipfa n’ubwibone bwanyu. Dufite impamvu yo kuza mu bikari by’Uwituka dufite amaturo y’ishimwe kuko yarinze ubuzima bwacu mu mwaka ushize. Niba ibyo birori bigomba gukorwa ni bibe ibyo gufasha abakene.⁹

Umunsi wo gushima*: Dufite Impamvu nyakuri zidutera gushima. Tugomba kunezerwa no kwishimira mu Mana kuko yadukoreye ibyiza byinshi...Dushaka ko uyu munsi uhuza n’impamvu yatumye ushyirwaho. Ntimwemere ko uteshurwa ku mugambi wawo cyangwa ngo uhindanywe. Ahubwo ni ube ubusobanuro nyakuri bw’izina ryawo: umunsi w’ibikorwa by’ubugiraneza. Mureke amajwi yacu azamuke mu mashimwe!¹⁰

Kubera iki iminsi y’ibiruhuko yo itaba iy’Imana? Mbese ntibyaba byiza kurutaho duhayeho Imana iminsi y’ibiruhuko, tukavugurura ubwenge bwacu, twibuka ibyo yadukoreye? Mbese ntibyaba byiza twibuka imigisha yaduhaye mu bihe byashize, tukibuka imiburo iteye ubwuzu yaje mu mitima yacu kugira ngo twe kuzibagirwa Imana?

Ab'isi bafite iminsi y'ibiruhuko myinshi, maze abagabo bagahugira mu mikino, no gusiganwa kw'amafarashi no [476] gutera urusimbi, no kunywa itabi no gusinda... Mbese abantu b'Imana ntibari bakwiriye guhora bagira amateraniro yera yo gushimiramo Imana imigisha yayo myinshi?11

Iminsi y'ibiruhuko itanga umwanya wo gukora umurimo w'ibwirizabutumwa: Dushaka abagabo mu itorero bafite ubwenge bwo gukoresha mu byo kuringaniza no guha abasore n'inkumi imirimo ikwiriye yo korohereza abantu ubukene, no guhesha abagabo abagore, abasore n'abana agakiza

[Icyitonderwa: Igice cy'ikibwirizwa cyabereye mu rusengero rw'i Battle creek tariki 27/11/1884] Ntibizashobokera bese kwegurira umwanya wabo wose mu murimo kubera y'uko bakwiriye gukora umurimo wo kubahesha ikibatunga buri munsi. Nyamara bafite iminsi y'ibiruhuko n'ibihe bashobora gutanga kugira ngo bakore umurimo wa Kristo no kugira ibyiza bakora muri ubwo buryo ni ba badashobora kugira amafaranga yabo menshi batanga.12

Igihe ufite umunsi wo kuruhuka, jya uwugira umunsi mwiza kandi unejeje abana bawe, kandi ujye uwugira umunsi mwiza ku bakene n'abababaye. Uwo munsi ntugashire utazaniye Yesu amaturo y'ishimwe.13

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	Testimonies for the church, vol.1, P.514, 515	Testimonies for the church, vol.1, P.514, 515
2	Fundamentals of Christians Education, P.317	Fundamentals of Christians Education, P.317
3	Review and Herald, 29 Janvier 1884	Review and Herald, 29 January 1884
4	Lettre 12, 1892	Letter 12, 1892
5	Review and Herald, 9 Décembre 1890	Review and Herald, 9 December 1890
6	Review and Herald, 23 Décembre 1884	Review and Herald, 23 December 1884
7	Review and Herald, 27 Décembre 1906	Review and Herald, 27 December 1906

8	Review and Herald, 18 Novembre 1884	Review and Herald, 18 November 1884
9	Review and Herald, 23 Décembre 1884	Review and Herald, 23 December 1884
10	Review and Herald, 23 Décembre 1884	Review and Herald, 23 December 1884
11	Counsels to Teachers, parents and students, P.343	Counsels to Teachers, parents and students, P.343
12	Lettre 12, 1892	Letter 12, 1892
13	Review and Herald, 13 Novembre 1894	Review and Herald, 13 November 1894

ICYIGWA CYA 77: UMUNSI WA NOHERI

Noheri nk'umunsi w'ikiruhuko: “Noheli iraje” Ayo ni amagambo yumvikana mu isi yose uhereye iburasirazuba ukageza iburengerazuba, kuva mu majyaruguru kugeza mu majyepfo. Igihe cy'umunezero rusange, kwishima gukomye haba ku basore, ku bakuze no ku basaza. Ariko Noheli ni iki, byatuma ishishikaza benshi?...

Tariki ya 25/12 ivugwa ko ari umunsi Yesu yavutseho, kandi kwizihiza umunsi wo kuvuka kwe ni gikwira kandi byabaye umugenzo rusange. Ariko, si by'ukuri ko tuba turi kwizihiza umunsi nyakuri wo kuvuka k'Umukiza wacu. Amateka ntaduhamiriza neza iby'iyi ngingo. Bibiliya ntihishura neza itariki nyayo yo kuvuka kwe. Iyaba umukiza yarabonye ko iyo tariki ari iy'ingenzi ku gakiza kacu, aba yarayitubwiye anyuriye mu bahanuzi n'intumwa kugira ngo twese tubimenye. Bityo, ukutabivugaho kw'ibyanditswe bihamya ko iyo tariki tutayihishuriwe kandi kubw'impamvu nziza.

Mu bwenge bwe, Umukiza yahishe aho Mose yahambwe. Imana ni yo yamwihambiye ni na yo yamuzuye maze imujyana mu ijuru. Kubigira ibanga byari ibyo gutuma abantu badasenga ibishushanyo. Uwo abisirayeli bivovoteraga mu gihe yakoraga ari bo akorera, uwo barakaje birenze ibyo umuntu yabasha kwihanganira, yaragiye kuramywa nk'Imana nyuma yo gupfa kwe. Iyo ni yo mpamvu Imana itahishuye itariki nyayo yo kuvuka kwa Kristo. Uwo munsi ntugomba guhabwa icyubahiro gikwiriye Kristo, Umucunguzi w'isi, we wenyine gusa tugomba kwakira, kwiringira, kwishingikiriza; we wenyine gusa ushobora gukiza umutabaje wese. Imitima yacu igomba kumuramya nk'umwana w'Imana ihoraho.1

Umunsi utagomba kwirengagizwa: Kubera ko tariki 25/12 wizihizwa nk'umunsi wo kwibuka kuvuka kwa Kristo kandi abana bakaba barigishijwe kandi bakerekwa ko ari umunsi w'umunezero n'ibyishimo, bizabagora ko uwo munsi warangira mutawutekerejeho. Dushobora gukoresha uwo munsi mu gukora ibyiza.

Urubyiruko rugomba kwitabwaho cyane. Ku munsi wa Noheli ntibagomba kurekwa ngo bajye gushakira ibibahuza mu bitagira umumaro no mu binezeza byangiriza ubuzima bwabo bw'iby'umwuka. Ababyeyi bashobora gukemura iki kibazo binyuriye mu kwerekeza intekerezo z'abana babo ku Mana yo bagomba

kuzanira amaturo yabo yo gufasha umurimo wayo no gukiza imitima. Aho gutangirwa no gucyahwa cyane, ibyifuzo byo kwinezeza bigomba kugenzurwa kandi bikayoborwa n'ababyeyi binyuriye mu mihati idacogora. icyifuzo cyo gutanga impano gishobora guhindurwa uburyo bwera kandi butunganye bwo gukorera icyiza bagenzi bacu mu ishusho y'ituro ritangiwe umurimo ukomeye kandi wihariye wo gukiza abandi wo wazanye Kristo mu isi. Ibikorwa bye byose byaranzwe no kwitanga no kwiyanga. Reka iyo mico iturange natwe, twe tuvuga ko dukunda Yesu, kuko ariwe zingiro ry'ibyiringiro byacu by'ubugingo buhoraho.²

Guhana impano nk'ikimenyetso cy'urukundo: Igihe cy'ikiruhuko no guhanahana impano zijyanye na cyo biratwegereye, yaba abasore n'abasaza baribaza impano bazaha inshuti zabo nk'ikimenyetso cy'ubucuti bafitanye bazabibukiraho. Birashimisha kwakira impano ivuye mu bo dukunda nubwo yaba ari nto bingana iki. Ni ikimenyetso cy'uko batatwibagiwe; kandi igira uruhare mu kurushaho ^[479]kwegeranya imirunga iduhuje na bo...

Si bibi kugaragarizanya ibimenyetso by'urukundo duhana impano z'urwibutso mu gihe cyose tutibagiwe Imana, inshuti yacu magara. Tugomba gutoranya impano zishobora kuzanira ibyiza nyakuri uyakiriye. Nabagira inama yo gutanga nk'ibitabo bifasha gusobanukirwa ijamba ry'Imana cyangwa se ibitwongerera gukunda inyigisho zaryo. Mutange ibitabo bizashobora gusomwa mu majoro maremare y'igihe cy'ubukonje.³

Ibitabo byahabwa abana: abantu benshi ntibafite ibitabo cyangwa ibinyamakuru bivuga k'ukuri kw'iki gihe. Ni ishami ryagutse washoramwo amafaranga akaba ari mu mutekano. Hari abana benshi bato bakwiriye guhabwa ibyo gusomwa. Dore urutonde rw'amazina y'ibitabo bifite agaciro gakomeye, bishobora gushyirwa muri buri muryango wose ntibiwuteze akaga. Uruhererekane rw'imirashi y'izuba (*The sunshine series*), uruhererekane rw'imbuta za zahabu (*Golden grain series*), Ibisigo (*Poems*), Ibisomwa ku isabato (*Sabbath Reading*)* n'ibindi . Amafaranga atakazwa mu kugura bombo, ibikinisho bidafite akamaro ashobora kuzigamwa akazagura ibyo bitabo...

Abashaka guha impano z'agaciro abana babo, abuzukuru, n'abishywa bashobora kwitungira ibitabo by'abana byavuzwe haruguru. Ku basore, Imibereho ya Yozefu Batesi (*Life of Joseph Bates*) ni icy'agaciro, kimwe n'imizingo itatu y'umwuka w'ubuhanuzi (*The spirit of prophecy*)**.

Ibyo bitabo bigomba kuba muri buri rugo. Imana yatanze umucyo wayo uvuye mu ijuru, kandi nta muryango n'umwe ukwiye kubaho utawufite. Reka impano zanyu mutanga zibe izo kumurikira abandi mu nzira ijya mu ijuru.4

Yesu ntagomba kwibagirana: Bene data na barumuna banjye, mu gihe mwibaza impano muteketeza guhana, ndabasaba gutekereza ku nshuti zanyu yo mu ijuru, kugira ngo mutibagirwa ibyo ibasaba. Mbese ntiyanezezwa no kubona ko tutayibagiwe? Yesu, igikomangoma cy'ubugingo, yatanze byose kugira ngo atwegereze agakiza... Yarababaye kugeza apfuye kugira ngo tuzabone ubugingo buhoraho.

****[Icyitonderwa:** Ibi ni ibinyamakuru bitagisohoka muri iki gihe, ariko birimo amahame agishyirwa mu bikorwa muri iki gihe. Niyoy mpamvu byarekewe muri iki gitabo]*

*****[Icyitonderwa:** ibi bitabo bya Ellen White byakurikiye uruhererekane rw'ibitabo byiswe Intambara y'ibihe byose byahinduwe byose mu gifaransa ari byo Abakurambere n'abahanuzi, Abahanuzi n'abami, Uwifuzwa mu bihe byose, Ibyakozwe n'Intumwa n'intambara ikomeye] ABAGISONZORANIJE*

Imigisha yose twayihawe binyuriye muri Kristo Yesu.....Mbese umugiraneza wacu wo mu ijuru, nta mugabane wo kumugaragariza ishimwe n'urukundo ari bwakire? Muze bene data na barumuna banjye, muzane n'abana banyu, yemwe nubwo mwaba mufashe impinja mu biganza byanyu maze muzanire Imana amaturo zanyu uko ubushobozi bwanyu bungana. Reka imitima zanyu imurimbire kandi iminwa zanyu ivuge ishimwe rye!5

Noheli, umunsi wo kubaha Imana: Ku b'isi, iminsi y'ibiruhuko ishirira mu by'ubupfu, agakabyo, ubusambo no kwigaragaza... Ibihumbi byinshi by'amadorali bipfushwa ubusa kuri Noheli no ku bunani kugira ngo banezeze ibyifuzo by'agakabyo. Ni amahirwe yacu ko dutandukana n'imigenzo, imico n'imikorere y'iki kinyejana gihindanye. Aho gushora amafaranga yacu mu guhaza ipfa ryacu, mu mitako idakenewe cyangwa imyambaro igezweho, dushobora kubona amahirwe yo kubaha no guhesha Imana icyubahiro mu biruhuko bigiye kuza. 6

Kristo ni we ugomba kuba ingingo y'ingenzi y'ibitwahagiza; ariko dukurikije uko Noheli yizihizwa, icyubahiro Kristo akwiye guhabwa cyahawe umuntu upfa, we ufite kamere y'icyaha n'imico idatunganye yatumye Umucunguzi aza muri iyi si. Yesu Umutware n'Umwami w'Ijuru yasize ubwami bwe, intebe y'ubwiza, ubutware bwe bukomeye nuko aza mu isi kugira ngo afashe umuntu waguye, wangirijwe n'icyaha, wari wacogoye mu bushobozi bwe bw'intekerezo....

Ibyo ni byo ababyeyi bagomba guhora bibutsa abana babo; bagomba kubigisha, "Umurongo ku murongo, Itegeko ku itegeko" inshingano zabo bafite ku mana atari inshingano bo bibwira ko bafite ku bandi zo kubahana no gushimagizanya binyuriye mu guhana impano n'amaturu.⁷

Muyobore intekerezo z'abana ku wundi mugambi: Dushobora kubona ibintu byinshi bihendutse kandi byiza byo kugura bitameze nk'impano kenshi zihabwa abana n'abavandimwe bacu; bishobora na byo kugaragaza urukundo kandi bikazana umunezero mu muryango. Ushobora kwigisha abana bawe ubasobanurira impamvu wabahaye impano zoroheje; Ubabwire ko wabashakiye umunezero uruta uwo batekereza urimo kubaha Imana. Mubabwire ko mugamije ikirenze kwinezeza ubwanyu no kwihimbaza no kwigana imihango n'imigenzo y'ab'isi muha impano abatazikeneye aho guteza umurimo w'Imana imbere. Nk'uko abanyabwenge ba kera babikoraga mugomba kuzigamira Imana impano nziza, kandi mukayigaragariza uko muha agaciro impano y'agahozo yahaye isi y'abanyabyaha. Muyobore intekerezo z'abana banyu mu cyerekezo gishya, cyo kwiyanga, mubashishikariza kuyizanza amaturu yabo y'ishimwe ku bw'impano y'Umwana wayo w'ikinege.⁸

Mbese tugomba kugira igiti cya Noheli?: Byanezeza Imana kuri Noheli buri torero rishinze igiti cya Noheli amashami yacyo tukayamanikaho amaturu manini n'amato dutura yo gufasha aho dusengera.* Inzandiko nyinshi zangezeho zimbaza iki kibazo Mbese twagira igiti cya Noheli? Mbese ntituba twisanishije n'isi? Turasubiza duti: "Mu gutegura igiti cya Noheli, mushobora kwihuza n'isi muramutse muyibogamiyemo; kandi ushobora no kutaba nk'ab'isi ukitandukanya na bo. Nta kibi kirimo guhitamo umukindo mwiza ngo ushyirwe mu nsengero zacu; ahubwo icyaha cyaba impamvu yatumye tugishyiramo n'impano zashyizwe kuri cyo.

Icyo giti gishobora kuba kirekire n'amashami yacyo akaba magari gihuye neza n'umugambi wacyo; ariko amashami yacyo abe atatsweho imbuto zirabagirana z'ubugiraneza bwanyu kandi muzizanire Imana nk'ituro ryo kuri Noheli! Kandi izo mpano zikwiriye kwezwa n'amasengesho.9

Dushobora kwizihiza Noheli n'ubunani dufasha abakene. Imana ihabwa icyubahiro igihe dutanze ubufasha bwo gukenura amakene y'abafite imiryango migari.10

***[Icyitonderwa:** *Muri iyi ngingo, yabyanditse asanishije n'umushinga wari uriho wo kubaka insengero. Amahame ari muri iki gika ashobora gushyirwa mu bikorwa muri iki gihe, ibi nabyo byarekewe muri iki gitabo.] ABAGISONZORANYIJE*

Si icyaha gutaka igiti impano : Reka ababyeyi ntibishyiremo igitekerezo ko gushyira igiti mu rusengero kubwo kunezeza abizera barwo b'ishuri ryo ku isabato ari icyaha, kuko ibyo bishobora guhindurwamo umugisha ukomeye. Shimangira mu ntekerezo z'abo bizera ko umugambi wabyo ari ukubigisha ubugiraneza. Umugambi wo kwinezeza no kwishimisha ntukigere wemerwa na gato muri ayomateraniro. Mu gihe hari bamwe bakoresha ako kanya mu kwinezeza nta kwitangira, maze bakigomwa kubana n'Imana; ku bandi ako gahe gahinduka isoko y'imigisha ikomeye. Nanyurwa nuko ibyo bikorwa byo kwiruhura bitarimo icyaha byasimbura ibiterane byinshi byangiriza.11

Hitamo ibinezeza byiza kuri uwo munsu: Bene data nkunda na barumuna banjye muri Kristo mbese ntimuzafata imyanzuro mubikuye ku mutima yo gusohoza inshingano yo kubitegura neza mwubaha Imana, kugira ngo uwo munsu utababera imfabusa ahubwo ngo muwugiriremo ibinezeza bitarimo icyaha byakwemerwa n'ijuru? Nzi ko iyi nama izanyura abantu baciye bugufi. Abakire na bo bakwiriye kuyitaho, kandi bakazana impano n'amaturu bihuje n'ubushobozi Imana yabahaye. Reka mu bitabo byo mu ijuru handikwemo umunsu wa Noheli wateguwe utyo mu buryo butigeze buboneka bitewe n'impano zatangiwe gufasha umurimo w'Imana no kubaka ubwami bwayo zawubonetsemo. 12

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	Review and Herald, 9 Décembre 1884	Review and Herald, 9 December 1884
2	Review and Herald, 9 Décembre 1884	Review and Herald, 9 December 1884
3	Review and Herald, 26 Décembre 1882	Review and Herald, 26 December 1882
4	Review and Herald, 11 Décembre 1879	Review and Herald, 11 December 1879
5	Review and Herald, 26 Décembre 1882	Review and Herald, 26 December 1882
6	Review and Herald, 11 Décembre 1879	Review and Herald, 11 December 1879
7	Review and Herald, 9 Décembre 1884	Review and Herald, 9 December 1884
8	Review and Herald, 13 Novembre 1894	Review and Herald, 13 November 1894
9	Review and Herald, 11 Décembre 1879	Review and Herald, 11 December 1879
10	Manuscrit 13, 1896	Manuscript 13, 1896
11	Review and Herald, 9 Décembre 1884	Review and Herald, 9 December 1884
12	Review and Herald, 9 Décembre 1884	Review and Herald, 9 December 1884

ICYIGWA 78: URUGO IKIGO CYO KWITOREZAMO IBWIRIZABUTUMWA

Ababyeyi bagomba kuyobora abana babo mu nzira nziza: Ni inshingano yacu nk'ababyeyi n'abakristo kuyobora abana bacu mu nzira nziza. Tugomba kubayoborana ubwitonzi, ubwenge n'impuhwe mu kugera ikirenge mu cya Kristo. Twasezeranye imbere y'Imana kubatoreza gukora umurimo wayo. Inshingano yacu y'ibanze ni iyo kubazengurutse icyitegererezo kizabashisha guhitamo imibereho yo gukora no kubaha uburezi bukwiriye.¹

Abana bashobora kuba ba Daniyeli na ba Esiteri b'iki gihe: Umugambi Imana ifitiye abana bakurira mu miryango yacu uragutse, urimbitse kandi urahanitse kuruta iby'ubwenge bwacu bugufi bubasha gusobanukirwa. Mu gihe cyashize yagiye ihamagara abo yabonaga ko ari indahemuka, ibakuye mu buzima buciye bugufi, ikabahamagarira kuyihamiriza mu myanya ikomeye yo mu isi. N'abasore benshi babyiruka muri iki gihe biga ijamba ry'Imana n'imirimo yayo, kandi bakiga ibyigisho byo gukiranuka mu byo bakora nk'uko Daniyeli yabyirukiye iwabo i Yudaya, bazahagarara mu nteko zishinga amategeko, mu nkiko, cyangwa mu bikari by'abami nk'abahamya b'Umwami w'abami.

Benshi bazahamagarirwa umurimo wagutse, isi yose ikangukiye kubwirizwa ubutumwa bwiza... Impande enye z'isi yacu haraturuka ihamagara ry'imitima irembejwe n'ibyaha isonzeye kumenya Imana y'urukundo.... Ni inshingano yacu n'abana bacu bamaze kubimenya kwitaba ihamagara ry'abo bantu. Buri muryango, buri shuri, buri mubyeyi, buri mwigisha na buri mwana bamaze kumurikirwa n'umucyo w'ubutumwa bwiza. Muri iki gihe cy'akaga barabazwa ikibazo cyabajijwe umwamikazi Esiteri mu gihe cyari gikomeye mu mateka ^[485] y'Abisirayeli ngo: "Ahari aho icyakwimitse ngo ube umwamikazi, si ukugira ngo ugire akamaro mu gihe gisa n'iki?" ²

Uburyo bwiza bwo kugaragaza Kristo: Abantu bose ntibashobora kuba ababwirizabutumwa mu bihugu bya kure ariko bose bashobora kuba ababwirizabutumwa mu muryango wabo no mu baturanyi babo. Hari uburyo bwinshi ku bizera b'itorero bashobora gukoresha mu kumenyesha ubutumwa ababazengurutse. Bumwe muri ubwo buryo ni ukubaho ubuzima bw'ingirakamaro bwa gikristo kandi budashaka inyungu ku bandi. Abahindutse umuhigo w'ibishuko bikomeye mu ntambara y'ubuzima bashobora gukomezwa no guterwa akanyabugabo

n'utuntu duto tudahenze. Amagambo y'urukundo avuzwe nta mbereka, ibikorwa byiza by'ubugiraneza byoroheje, arahagije kweyura igicu cy'igishuko no gushidikanya bitsikamira umutima. Impuhwe nyakuri za gikristo zigaragajwe nta rwikekwe, zifite ubushobozi bwo kugurura amarembo y'umutima wiyumvamo amakene yoroheje kandi meza akabakaba y'umwuka wa Kristo.³

Hari umurimo wagutse ku bagore kimwe no ku bagabo. Abatetsi beza, abadozi, abaganga; ubufasha bwa buri umwe wese burakenewe. Abakene bakwiriye kwigishwa guteka, kudoda imyambaro yabo, kuvura abarwayi no kwita ku ngo zabo. Ndetse n'abana bakwiriye kwigishwa gukorera ibikorwa by'urukundo n'impuhwe abo barushije amahirwe.⁴

Abana n'abasore mu murimo wo gufasha bagenzi babo: Ababyeyi bamwe bitsindishiriza bakomeje bagira bati: "Inshingano zanjye zo mu rugo, hamwe n'abana banjye binsaba igihe n'umutungo." Babyeyi, abana banyu bagomba kubabera ukuboko gutabara bongera cyane imbaraga zanyu n'ubushobozi bwanyu mu murimo wa Shobuja. Abana ni abato mu bagize umuryango w'Imana. Nibashishikarizwe kwiye gurira Imana, ni abayo kuko yabaremye kandi ikanabacungura.

Nibigishwe ko imbaraga zabo zose z'umubiri, iz'intekerezo hamwe n'iz'umutima ari izayo. Nibigishwe gukorera Imana batikanyiza mu mashami anyuranye y'umurimo. Ntimukemerere abana banyu kuba inkomyi, ahubwo ibiri amambu nibagabane namwe imitwaro y'iby'umwuka n'iby'umubiri. Mu kwitangira bagenzi babo, umunezero wabo no kuba ingirakamaro biziyongera.⁵

Mbega ukuntu mu matorero yacu habamo ihinduka rikomeye, iyaba muri buri torero abahungu n'abakobwa biyeguriraga Imana byuzuye, kandi bakiyanga mu mibereho yabo y'imuhira, bafasha ba nyina barushye kandi baremerewe! Nyina nawe yakabonye igihe cyo gusura abaturanyi be. Abana nabo nubwo baba bakiri bato cyane, bashobora gufasha mu gihe baba babonye uburyo, bakora uturimo duto two kwiyanga turimo urukundo n'impuhwe, bityo bakaba umugisha ku bandi. Bityo dushobora kwinjira mu ngo ibihumbi byinshi z'abakene n'abatindi tudasangiye kwizera. Dushobora gushyira mu ngo nyinshi ibitabo bivuga ku magara mazima n'ibyo kwirinda. Gukwirakwiza ibyo bitabo ni umurimo w'ingenzi, kuko birimo inama z'ingenzi mu kuvura indwara, inama zifite agaciro

gakomeye ku bantu badafite ubushobozi bwo kwiyishyurira umuganga.6

Imana ishaka abana nk'ababwirizabutumwa bato: Imana ishaka ko abana bose bato baba abayo kandi ko barererwa mu muryango wayo. Nubwo baba ari bato bingana iki, bashobora kuba bamwe mu bagize umuryango w'abizera kandi bakaharonkera ubumenyi bw'igicro cyinshi.7

Kuva mu bwana bwabo, bashobora kuba ingirakamaro mu murimo w'Imana... Izabaha ubuntu bwayo n'Umwuka wayo Wera kugira ngo bashobore kunesha kutihangana, kurakara n'icyaha cyose. Yesu arabakunda. Yabazigamiye imigisha kandi anezezwa no kubona bumvira ababyeyi babo. Yifuza ko bamubera abawirizabutumwa bato ^[487] barwanya ibyo babogamiramo n'ibyifuzo by'ibinezeza byo kwikunda kwabo kugira ngo bamukorere umurimo; kandi uwo murimo wemerwa n'Imana nk'uwakorwa n'ingimbi.8

Binyuriye mu mahame no mu cyitegererezo, ababyeyi bagomba kwigisha abana babo gukorera abatarihana. Bagomba gutozwa kugirira impuhwe abageze mu za bukuru n'abanyamubabaro, no koroshya imibabaro y'abakene n'abari mu makuba. Bagomba kwigishwa kuba abanyamwete mu murimo w'ivugabutumwa, kandi uhereye mu buto bwabo bakigishwa kwiyanga no kwitamba, kugira ngo bakorere abandi ibyiza kandi bacengezwemo iterambere ry'umurimo wa Kristo, nuko bahinduke abakozi bakorana n'Imana.8

Ababyeyi nibigishe abana babo ukuri nk'uko kuri muri Yesu. Mu kwicisha bugufi kwabo, abo bana bazasubiriramo bagenzi babo ibyo bigishijwe.10

Itorero rifite umurimo rigomba gukorera urubyiruko: Abayobozi b'itorero nibashyireho igenamigambi rizashoboza abahungu n'abakobwa gukoresha italanto bahawe. Reka abizera bafite inararibonye bihatire gukora umurimo ukomeye kandi wumvikana bakorera urubyiruko. Reka abungeri bashyireho igenamigambi ryiza riha abakiri bato bose bagize itorero ubushobozi bwo gukorana na bo mu murimo wo kubwiriza ubutumwa. Ntukibwire ko kugira ngo mukangure imitima yabo, bibasaba kubwiriza ibibwiriza birebire mu gihe cy'amateraniro yanyu y'ibwirizabutumwa. Mubashyire imbere igenamigambi rizima rishobora gukangura amatsiko yabo. Bose bagire umurimo wo gukora. Ubigishe kuzuza inshingano bahawe, kandi uko icyumweru

gihaye ikindi, mubasabe kubwira iteraniro uko bakoze umurimo wabo, bavuge iby'inararibonye bakuyemo n'intsinzi begukanye binyuze mu buntu bwa Kristo. Iyaba mu materaniro yacu hatangwaga imimuriko y'ibyakozwe n'abakozi bitanze, amateraniro yacu ntiyambiranye kandi ngo yumakare. Yaba ashishikaje kandi ntiyaburamo abayitabira.11

Mushake uburyo mushyikira abaturanyi banyu: Amahirwe ari imbere ya buri wese. Mwikorere umurimo ugomba gukorwa mu baturanyi banyu; ni mwe muwushinzwe.* Ntugategereze ko hari abandi bazaza kuguhatira gukora umurimo.

**[Icyitonderwa: Soma mu gitabo Umurimo w'ubugiraneza ku nama zirambuye zivuga k'uburyo n'akamaro k'umurimo wo kugirira neza abaturanyi-ABASONZORANIJE.]*

Jya mbere utazuyaje, umenya ko uzabazwa ibyawe imbere y'uwatanze ubugingo bwe ku bwawe. Kora nk'aho wiyumviye Kristo aguhamagarira kuva mu bitotsi byawe byica no gukoresha ubushobozi bwose yaguhaye. Ntukibwire ko hari undi iryo hamagara ryo mu ijamba ry'Imana rireba utari wowe. Niba waritanze umaramaje, binyuriye muri wowe izamenyesha abandi ukuri ibifashishe nk'imiyoboro izakoresha igeza umucyo ku mitima myinshi ikiri mu mwijima kugeza ubu.12

Imiryango ya gikristo ni ijye gutura mu birere bicuze umwijima: Imana irahamagara imiryango yose ya gikristo kwinjira muri rubanda rukiri mu mwijima no mu kinyoma bagakorera Shebuja bafite ubwenge, uburyo no kwihangana. Bisaba kwiyanga kugira ngo witabe iri hamagara. Mu gihe benshi muri twe bategereje ko inzitizi zikurwaho, imitima myinshi iri gupfa nta byiringiro kandi nta Mana. Benshi bajya mu birere bitagira umutekano, batitaye ku mibabaro bazahura nayo n'ubwigunge bazahagirira bitewe no gushaka inyungu z'isi cyangwa ngo baronke ubumenyi bw'isi. Ni nde witeguye gukora nk'ibi amenyesha abandi Umukiza? Abagabo n'abagore bari he biyemeje kujya mu birere bitarageramo ubutumwa kugira ngo bamenyeshe abari mu mwijima Umucunguzi?13

Iyaba imiryango yaremeye gutura mu birere bikirimo umwijima, aho abahatuye bakiri mu mwijima w'iby'umwuka, kugira ngo bahamurikire umucyo wa Kristo, umurimo ukomeye wakagombye kuba warakozwe. Nibatangire umurimo wabo bafite amakenga no kwicisha bugufi, badasaba umutungo w'inama rusange keretse gusa

abantu babaye benshi cyane ku buryo ki batashobora kurangiza amakene yabo hatabayeho ubufasha bw'umugabura.14

Aho abakuze batashobora gukora, abana bazahakora: Igihe intumwa mvajuru zizabona ko abakuze batacyemererwa kubwiriza ukuri, umwuka w'Imana uzajya ku bana kandi uzabashoboza kwamamaza ukuri bakuru babo batagishobora gukora kuko babibujijwe.15

Mu iherezo ry'amateka aheruka iyi si yacu, umubare munini w'abo bana n'abasore bazatangaza abantu ku bw'ubuhamya bazatanga barengera ukuri bazagaragaza bicishije bugufi ariko buzuye umwuka n'imbaraga. Bigishijwe kubaha Imana kandi imitima yabo yakabakabwe n'ubuntu kubwo kwigana Bibiliya ubwitonzi no mu mwuka w'amasengesho. Igihe kiregeje ubwo benshi muri bo bazasigwa umwuka wera kandi bazagira uruhare mu murimo wo kwamamaza ukuri mu isi, umurimo muri icyo gihe uzaba utagishora gukorwa neza n'abakuze bo mu itorero.16

Amashuri yacu y'itorero yategetswe n'Imana gutegurira abana umurimo ukomeye. Umwigisha agomba kubigisha ukuri kwihariye kwagenewe igihe cyacu no kubatoreza gukora umurimo w'ibwirizabutumwa. Bagomba kwiyandikisha mu ngabo z'abashinzwe kwita ku barwayi n'imbabare. Abana bashobora kugira uruhare mu murimo w'ibwirizabutumwa n'ubuvuzi no kuwufasha gutera imbere binyuriye mu bushobozi bwabo buke... Binyuriye muri bo ubutumwa bw'Imana buzamenyekana kandi buzahinduka umugisha ku mahanga yose. Bityo noneho, itorero ni ryite ku bana b'intama b'umukumbi. Reka abana bigishwe kandi batorezwe gukora umurimo w'Imana.17

“Koga byigirwa mu mazi, ntibyigirwa i musozi”: Gukunda no kugandukira Kristo ni byo soko y'umurimo wose utunganye. Umutima ukabakabwe n'urukundo rwe uvukamo icyifuzo cyo kumukorera. Reka icyo cyifuzo gishyigikirwe kandi kiyoborwe neza. Haba mu rugo, mu baturanyi cyangwa ku ishuri, kubona abakene, imbabare, injiji cyangwa abamerewe nabi ntibigomba gufatwa nk'ibyago, ahubwo bifatwe nk'amahirwe y'agaciro duhawe yo kubakorera.

Muri uwo murimo kimwe n'undi wose, ubumenyi bukomoka mu murimo ubwawo. Turushaho kuba ingirakamaro iyo twimenyereje inshingano zisanzwe zo kwita ku bakene n'imbabare. Iyo ibyo

bitabayeho ibyifuzo byiza biba imfabusa ndetse bikangiriza. Mu mazi ni ho bigira koga ntabwo byigirwa imusozi.

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	Ministère de la guérison, P.334 (Rayon de santé, P.58)	Ministry of healing p 396
2	Education, P.269, 270	Education p 262, 263
3	Testimonies for the church, vol.9.P.30	Testimonies for the church, vol.9.P.30
4	Témoignage pour l'Eglise, vol.3, P.361	Testimonies for the church, vol9 p 36,37
5	Témoignage pour l'Eglise, vol.3, P 117,118	Testimonies for the church, vol7 p63
6	Manuscrit 119, 1901	Manuscript 119, 1901
7	Lettre 104,1897	Letter 104,1897
8	Review and Herald, 17 Novembre 1896	Review and Herald, 17 November 1896
9	Testimonies for the church, vol.6, P.429	Testimonies for the church, vol.6, P.429
10	Manuscrit 19, 1900	Manuscript 19, 1900
11	Testimonies for the church, vol.6, P.435, 436	Testimonies for the church, vol.6, P.435, 436
12	Manuscrit 128, 1901	Manuscript 128, 1901
13	Témoignage pour l'Eglise, vol.3. P.359	Testimonies for the church, vol 9 p33
14	Testimonies for the church, vol.6, P.442	Testimonies for the church, vol.6, P.442
15	Témoignage pour l'Eglise, vol.2, P.537	Testimonies for the church, vol 6 p 203

16	Counsels to Teachers, Parents, and students, pp.166, 1667	Counsels to Teachers, Parents, and students, pp.166, 1667
17	Témoignages pour l'Eglise, vol.2, pp. 537, 538	Testimonies for the church, vol 6 p 203
18	Education, pp.275, 276	Education, pp.268

**UMUGABANE WA 17:
KWIRUHURA NO
KWINEZEZA**

ICYIGWA CYA 79: IKIRUHUKO NI INGENZI

Imyumvire y’ubwaka ku birebana no kwiruhura: Hari abantu bafite intekerezo zirwaye ku buryo iyobokamana kuri bo ari umunyagitugu ubayoboza inkoni y’icyuma. Bivovota ubudatuza kubwo guhindana kwabo kandi banihishwa n’ibibi bidahari. Mu mitima yabo ntiharangwamo urukundo. Bahora iteka barakaye kandi bakambije agahanga. N’iyo hari usetse bitarimo icyaha birabababaza kabone nubwo yaba ari umwana muto. Buri kintu cyose cyo kwinezeza n’icyo kwiruhuriraho bagifata nk’icyaha; maze bakibwira ko abantu bose bagomba guhora bazinze iminkanyari kandi bashiririye nka bo. Ako ni agakabyo k’uburyo bumwe. Akandi gakabyo kagizwe no kwibwira ko intekerezo zigomba guhora ziteguye kwihimbira ibinezeza n’ibirangaza bishya kugira ngo babone amagara mazima. Bimenyereza ibikangura kamere yabo bikabagora kuba aho bitari. Aba nabo si abakristo nyakuri; nabo baba baguye mu gakabyo k’ubundi buryo. Amahame nyakuri ya gikristo aha abantu bose isōko y’umunezero utabasha gupima uburebure, ikijyepfo, umuramburaro n’ubugari bwawo.1

Guhembura intekerezo no kuruhura umubiri: Ni amahirwe n’inshingano ku bakristo gushaka guhembura intekerezo no kuruhura umubiri babikoresheje kwiruhura kutarimo icyaha, bafite umugambi wo gukoresha imbaraga zabo z’umubiri n’iz’ubwenge mu buryo bwo guhesha Imana icyubahiro. Ibiruhuko byacu byo kongera imbaraga ntibikwiriye kuba ibintu by’umunezero w’ubupfapfa, bifite ishusho yo gusetsa gusa. Dushobora kubikora mu buryo buzatuma bigirira akamaro kandi bikigisha incuti zacu, bigatuma twebwe nabo tuba abashoboye cyane kugera ku nshingano zidukwiriye nk’abakristo.2

Neretswe ko abakomeza Isabato bakoraga cyane nta gufata akanya ngo bahinduranye imirimo kandi ngo baruhuke. Kuruhuka ni ingenzi kubakoresha amaboko yabo kandi bikarushaho kuba ingenzi ku bakoresha ubwenge. Si ingenzi ku gakiza kacu cyangwa ku guhesha Imana icyubahiro guhoza intekerezo zacu ku murimo ubudatuza kandi birenze urugero, nubwo haba mu by’iyobokamana.

Ibikikije urugo n’ishuri byagira uruhare mu kuzana ikiruhuko gikenewe. Mu gihe cyo guhitamo aho gutura cyangwa aho kubaka

ishuri, ibi bikwiriye kwitabwaho. Kubazi ko imibereho myiza y'ubwenge n'umubiri ikwiriye guhabwa umwanya uruta uwo duha amafaranga n'ibyo dusabwa n'imico, n'akamenyero k'iwacu, bagomba gushakira abana babo ibyiza biva mu nyigisho zitangwa n'ibyaremwe, bakabashakira ikiruhuko mu bibazengurutse.⁴

Kuruhuka gutegurira umuntu gukora neza: Igihe gikoreshwa mu myitoto ngororamubiri ntikiba gipfuye ubusa... Imyitoto ikwiriye ku ngingo zose n'ubushobozi bwose bw'umubiri ni ingenzi cyane ku muntu wese kandi ituma akora neza. Igihe ubwonko buhora buremerewe kandi izindi ngingo nzima z'umubiri zidakora, umuntu atakaza imbaraga z'umubiri n'iz'ubwenge. Impagarike y'umubiri itakaza ubutaraga bwayo, ubwenge bugacogora bugatakaza imbaraga maze bigatera ibitekerezo biteye agahinda no kwiheba.⁵

Ni ngombwa kurindana ifuhe amasaha adahindagurika yo gusinzira no gukora. Tugomba gufata igihe cyo kuruhuka, kwihembura no kwitegereza ibidufasha... Amahame yo kwirinda afite agaciro gakomeye kuruta uko dushobora kubiyumvisha.⁶

Abanyeshuri bakeneye ikiruhuko: Abahora biga bakwiriye kugira umwanya wo kugira ibibaruhura bagasubizwamo imbaraga. Ubwenge ntibukwiriye guhora buhugijwe n'ibitekerezo byinshi kuko ubwonko buhangirikira. Umubiri n'ubwenge bikwiriye kugira imyitoto ibiruhura.⁷

Ariko nta gihombo kizabibonekamo. Igihe n'umwete bikoreshwa mu kuvugurura ubwenge n'umubiri, gushimangira umwuka wo kutikanyiza no gusigasira ubumwe buri hagati y'umwigisha n'abanyeshuri, hakoreshejwe imirunga y'ubusabane bwa gicuti, bizagororerwa inshuro ijana. Ibyo bizatuma imbaraga zidatezuka z'urubyiruko zikunze kuba inkomoko y'akaga, ziruhindukiramo isoko y'umugisha. Ibintu byiza uhayeho umwana ngo ubwenge bwe bubihugireho, bimubera ingabo imukingira ikibi kuruta inkuta zitabarika z'amategeko n'ibihano.⁸

Abakozi bo mu biro bakeneye iminsi y'ikiruhuko: Neretswe ko abantu bake ari bo basobanukiwe n'umurimo uremerewe kandi uhoraho w' abafite inshingano zo gukorera mu biro. Umunsi ku wundi, icyumweru ku kindi, bahora mu biro kandi intekerezo zihora ku gitutu bikamunga ubuzima bwabo buri imbere. Abo bene data bari mu kaga ko kwangirika gitunguro. Si ibiremwa bidapfa, kandi

batagize ihinduka, bashobora gucika intege kandi bakava ku murimo. Bene data A, B na C bafite impano zitangaje. Ntidushobora kubemerera kwangiriza ubuzima bwabo kubwo gukorera mu biro cyane ubutaruhuka...

Ntibigeze babona ikiruhuko keretse icyo bafashe bagitewe no kurwara umuriro n'ubundi burwayi. Bakagombye guhinduranya bagafata umwanya wo kuruhuka, bakamara umunsi wose bari kumwe n'imiryango yabo isa nk'aho yababuze. Mu byukuri, bose ntibava k'umurimo icyarimwe ariko bagomba gushyiraho ingengamikorere y'igihe cyabo ku buryo umwe cyangwa babiri bashobora kujya mu kiruhuko maze bagasimburwa n'abandi, nabo bazazaza kubasimbura nyuma y'ikiruhuko.

Neretswe ko abo bene data A, B na C, bagomba kubifata nk'inshingano y'iby'umwuka kurinda amagara yabo n'imbaraga Imana yabahaye. Imana ntibasaba ubu kuba abahowe umurimo wayo. Ntibazigera bahabwa ingororano kubera icyo gitambo kuko Imana ishaka ko babaho.⁹

Shaka ibiruhura byiza kandi byungura: Hariho uburyo bw'ibiruhuko bwo guhembura bifite icyo bimariye ubwenge n'umubiri cyane. Ubwenge bujijutse kandi busobanukiwe buzabona akamaro kenshi gaturuka ku biruhuko n'ibiganiro bigira aho bikomoka bitari ibyera gusa ahubwo bigira icyo byigisha. Kuruhukira hari umwuka mwiza, kwitegereza imirimo y'Imana mu byaremwe ni byo bizagira inyungu ikomeye cyane.¹⁰

Nizera ko igihe dushaka guhembura intekerezo zacu no kuruhura imibiri yacu dusabwa n'Imana gukoresha imbaraga zacu zose ku bw'umugambi mwiza. Dushobora guhura nk'uko biri ubu*, dukorera byose guhesha Imana icyubahiro; dushobora kandi tugomba kwiruhura mu buryo niturangiza kubikora biradushoboza kuzuzanya inshingano zitureba no kubera icyitegererezo cyiza abadukikije. Ni iby'umwihariko ko ako gahe katubera ako kudutera akanyabugabo mu buryo bukomeye. Dushobora gutaha i muhira tumeze neza ku mubiri no mu ntekerezo kandi tukaba twiteguye gusubira ku murimo twuzuye ibyiringiro n'imbaraga nshya.¹¹

Icyo Imana ihamagarira urubyiruko: Imana ihamagarira buri musore wese igira iti: "Mwana wanjye, impa umutima wawe, nzawurindana kwera, nzahaza kwifuzwa kwawo nywaha umunezero nyakuri." Imana ikunda kunezeza urubyiruko, niyo mpamvu yifuzwa

ko urubwiruko ruyegurira imitima yabo kugira ngo ibafashe kurinda imbaraga no guhagara neza k'ubushobozi bwose yabahaye. Ubuzima bafite bukomoka ku Mana. Niyo ituma umutima wabo utera, niyo iha imbaraga ubushobozi bwabo bwose. Ibinezera bitarimo icyaha ntibyatesha agaciro impano n'imwe y'Imana.12

****[Icyitonderwa: Igice cy'urwandiko rwandikiwe abakozi b'ikigo bagera kuri magana abiri bari bagiye kwishimira ikiruhuko ku kiyaga cya Goguac, hafi y'i Battle creek, i Michigan muri Gicurasi 1870]***

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFA-RANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGE-REZA
1	Témoignages pour l'Eglise, vol.1, P.201, 202	Testimonies for the church, vol.1, P.565
2	Health Reformer, Juillet 1871	Health Reformer, July 1871
3	Testimonies for the church, vol.1, P.514	Testimonies for the church, vol.1, P.514
4	Education, P.216	Education p 211,212
5	Fundamentals of christian Education, P.418	Fundamentals of Christian Education, P.418
6	Manuscrit 60, 1894	Manuscript 60, 1894
7	Counsels to Teachers parents and students, P.333	Counsels to Teachers parents and students, P.333
8	Education p 217,218	Education p 213
9	Testimonies for the church, vol.1, P.515, 516	Testimonies for the church, vol.1, P.515, 516
10	Testimonies for the church, vol.4 P 653	Testimonies for the church, vol.4 P 653
11	Témoignage pour l'Eglise, vol.1, P.321	Testimonies for the church, vol.1, P.515,516
12	The youth's Instructor, 5 Janvier 1887	The youth's Instructor, 5 January 1887

ICYIGWA CYA 80: NI IYIHE MIKINO TUGOMBA GUKINA?

Simbuza imikino yonona imikino yera: Abasore ntibashobora kwigengesera nk'abasaza, abana ntibashobora kuguma hamwe nk'abantu bakuru, igihe ibinezeza by'ibyaha biciriweho iteka nk'uko bikwiriye, ababyeyi n'abigisha n'abarezi b'abasore bakwiriye kuringaniza mu kigwi cyabo ibindi binejeje bitazonona ubwenge bwo gutekereza ibyiza. Mwe kubohera abasore ku mategeko akomeye no kubashyiraho ibihindizo bibatera kwiyumvamo y'uko batwazwa igitugu, badacika bakiroha mu nzira y'ubupfapfa no kurimbuka. Mubayobore mukomeje, mufite ubugwaneza n'ibambe, muyobore ubwenge bwabo n'imigambi yabo mufite ubupfura cyane, ubwenge n'urukundo rwinshi, kugira ngo bakomeze bamenye yuko mugambiriye kubakorera ibyiza cyane.1

Hari ibinezeza nko kubyina, gukina amakarita, urusimbi na dame, n'ibindi... Tudashobora kwemera kuko ijuru ribiciraho iteka. Ibyo binezeza byugururira ikibi amarembo. Ntitanga icyitegererezo cyiza kandi igira imbaraga ikurura ishobora gutera abantu bamwe kurarikira imikino y'urusimbi ishobora kubatera kwaya ibyabo. Buri mukristo wese akwiriye gutandukana n'iyi mikino yose bakayisimbuza indi mikino idafite ibyo yangiriza.2

Niba tubujije abana bacu kwirundurira mu binezeza by'ab'isi bishobora kubahindanya no kubayobya, tugomba kubashakira ibyo bahugiramo bitarimo icyaha no kubayobora mu nzira inejeje itarimo akaga. Abana b'Imana ntibagomba guhorana umubabaro n'agahinda. Amategeko y'Imana n'amasezerano yayo birabihamya. Inzira z'ubwenge "Ni inzira z'ibinezeza, kandi imigendere yabwo yose ni iy'amahoro." 3

Nitwanga ibyahimbwe n'abantu nko gusiganwa ku mafarashi, gukina amakarita n'urusimbi, iteranamakofi, kunywa ibiyobyabwenge n'itabi, tugomba kubisimbuza ibinezeza byiza, biboneye kandi byubaka.4

Akamaro k'amazu akorerwamo imyitozo ngororamubiri: Imyitozo ngororamubiri mu mashuri menshi ihabwa umwanya w'ingenzi ariko iyo itayoboranywe ubushishozi, usanga abanyeshuri barenza urugero. Mu mazu akorerwamo imyitozo ngororamubiri, abasore benshi bahakuye ubumuga buhoraho bitewe n'imbaraga nyinshi bakoresheje.

Gukorera imyitoto ngororamubiri mu mazu yabigenewe, nubwo yayoborwa neza, ntihahinduka ahabonerwa ikiruhuko nk'ikibonerwa ahari umwuka mwiza. Kubw'ibyo rero, ibigo byacu bikwiriye guteganya aho bakinira heza.5

Imikino y'umupira w'amaguru: Ntabwo ndwanya imyitoto yoroheje yo gukina umupira, nyamara nubwo uyu mukino woroheje ushobora gukorwa birengeje urugero. Iteka nterwa ubwoba n'ingaruka zikurikira uko kwinezeza. Bijyana ku gusesagura umutungo wari ukwiriye gukoreshwa mu kugeza umucyo w'ukuri ku barimbuka bari kure ya Kristo. Kwinezeza no gusesagura umutungo kugira ngo umuntu yishime, ari byo biyobora buhoro buhoro ku kwihimbaza kandi no kwigisha abantu iyo mikino kugira ngo abantu binezeze, ibyo bibyara gukunda no gutwarwa n'ibyo bintu bidakwiriye mu kuboneza imico ya gikristo.

Ntabwo uburyo urwo rubyiruko rwigishijwe ku ishuri burangwamo imico y'ijuru. Ntabwo buha ubwenge imbaraga. Ntabwo butunganya kandi ngo buboneze imico. Hari imirunga ifatanya imico n'imikorere y'ab'isi kandi abakora iyo mikino baratwarwa ku buryo mu ijuru bafatwa ko bakunda ibibanezeza aho gukunda Imana. Aho kugira ngo ubwenge bugire imbaraga zo gukora umurimo mwiza kurushaho nk'abanyeshuri kandi ngo babe abakristo bujuje ibyangombwa byo gukora inshingano za gikristo, gukina iyo mikino byuzuzwa ubwonko bwabo ibitekerezo birangaza, intekerezo zabo zikibagirwa ibyo biga...

Mbese muri iyo mikino ijisho riba ritumbiriye ikuzo ry'Imana? Nziko ibi atari ko bimeze. Habaho gukura amaso ku nzira z'Imana n'imigambi yayo. Mu gihe cyo kwakira imbabazi, gukoresha abanyabwenge bigenda bisimbura ubushake bw'Imana bwahishuwe maze bukabisimbuza ibyo umuntu yibwira ndetse n'ibihimbano bye, na Satani amuri i ruhande ngo amwuzuze umwuka we. Nimugumane ijambo ry'Imana hafi yanyu. Nimuyoborwa na ryo muzaba abanyabwenge, muzashikama, mutanyeganyezwa kandi urushaho iteka kugwira mu murimo w'Imana. Muri iyi minsi ya nyuma tugomba kuba maso dusenga, umwami Imana yo mu ijuru arwanyacyifuzo kigurumana cyizamura mu kurwanira kuba nya mbere muri iyo mikino irangaza abantu.6

Akaga k'imikino ngororamubiri: Abanyeshuri bagomba gukora imyitoto ibasaba imbaraga. Nta bindi bibi bitera akaga kica kurusha ubunembwe no kubaho nta mugambi. Nyamara icyitegererezo cya myinshi mu mikino ngororamubiri ikorwa, ni ingingo ihangayikishije

abantu bose bifuzaga imibereho myiza y'urubyiruko. Abigisha bata umutwe iyo bitegereje ingaruka z'iyi mikino ku iterambere ry'abana mu ishuri, ndetse no ku kuba ingirakamaro mu buzima bw'ahazaza. Imikino itwara umunyeshuri igihe cyeye kinini, iteshura ubwenge ku masomo. Iyo mikino ntacyo ifasha mu gutegurira urubyiruko kuba ingirakamaro rukorana umwete imirimo yo mu buzima. Imbaraga rukuruzi y'iyi mikino ntiyerekeza abayikina ku gutungana, kugira ubuntu no kubakuzza.

Imwe mu mikino ikunzwe na benshi nk'umupira w'amaguru n'iteramakofi, yahindutse amashuri urubyiruko rwigiramo guhutaza no gukariha. Iyo mikino ikuza mu bantu imico imeze nk'iyazanwaga n'imikino ya Roma ya kera. Inyota yo kurusha abandi, ubwibone bugaragarira mu gukoresha ingufu za kinyamaswa no kwihararukwa, bitera urubyiruko gutakaza ubupfura mu buryo bushishana.

Hari indi mikino ngororamubiri, ariko nubwo itarangwamo guhutaza abandi, na yo ni iyo kwamaganwa kubera agakabyo kaba mu kuyikina. Iyangura umutima wo gukunda ibinezeza n'ibirangaza, maze umukinnyi akazinukwa imirimo y'ingirakamaro, agahunga imirimo y'amaboko n'izindi nshingano zimureba. Birimbura mu muntu kunyurwa n'iby'ukuri byo mu buzima n'ibyishimo bituje bibubonekamo. Uko ni ko amarembo yugururwa maze gusayisha, kugomera amategeko y'Imana n'ingaruka zabyo ziteye ubwoba zikinjira.⁷

Igihe ubuzima budahangayikishije cyane: Mu bihe bya kera, kubakurikizaga amategeko y'Imana ubuzima bwari bworoshye. Bari begeranye cyane n'ibyaremwe. Abana bafatanyaga n'ababyeyi babo imirimo kandi bigaga ubwiza n'ubwiru biri mu butunzi bw'ibyaremwe. Ubwo babaga bari mu mirima no mu mashyamba ahatuje, batekerezaga byimbitse ku kuri gukomeye bahawe nk'umurage wera wagiye uhererekanywa igisekuru ku kindi. Kwigishwa muri ubwo buryo byatumaga haboneka abantu b'intwari.

Muri iki gihe ubuzima bwataye umwimerere wabwo, none abantu barasingiye. Nubwo tudashobora gusubira inyuma ngo tugaruke byuzuye ku mico yoroheje yarangaga abo mu bihe bya kera. Dushobora kubigiraho uko twatuma ibihe by'ibiruhuko tugira bitubera ikiruhuko koko, ibihe byo guhembura by'ukuri imibiri yacu, intekerezo n'ubugingo.⁸

Gusohoka kw'abagize umuryango: Reka imiryango imwe n'imwe ituye mu muji cyangwa mu birorero bishyire hamwe maze bashyire ku ruhande imirimo yabananije ku mubiri no mu bwenge kugira ngo basohokere mu cyaro, ku nkengero y'ikiyaga cyiza cyangwa mu gahuru keza aho ibitangaza by'ibyaremwe biteye ubwuzu. Nibajyane ibyo kurya byiza kandi bifite intungamubiri, imbuto n'ibinyampeke byiza maze bashyire ameza mu nsi y'igicucu cy'igiti cyangwa mu nsi y'ijuru. Kugendagenda, imyitozo n'umwuka mwiza bizakangura ipfa rya bose, kandi bazaharira igaburo abami bakwifuzza.

Muri ibyo bihe, ababyeyi n'abana bagomba kwiyumva ko batandukanye n'ibibatera guhangayika, ibibarushya n'amaganya yose. Buri wese agomba guhinduka umwana ari kumwe n'abana be, bityo ibihe byabo akabahindura byiza uko bishoboka kose. Reka umunsi wose uharirwe ikiruhuko. Imyitozo ngororamubiri ikorewe ahari umwuka mwiza izaba ingirakamaro ku buzima bw'abantu bakorera mu byumba bikingiranye, bicaye gusa. Ababishoboye bose bagomba kwiyumvamo kubikora nk'inshingano. Ntacyo uzabihomberamo, ahubwo uzabyungukiramo byose. Nyuma y'ibyo, bazashobora gusubira mu mirimo yabo bafite ubutaraga bwihembuye, imbaraga nshya kandi bongere gukora imirimo yabo bafite umuhati kandi ikiruseho bizabashoboza guhangana n'indwara.⁹

Mushake umunezero mu bibakurura byo mu byaremwe: Ntimugatekereze y'uko Imana itwifuriza kureka ikintu cyose kibasha kutuzanira umunezero mu isi. Ibyishaka y'uko tureka byose ni ibitaduhesha ibyiza n'umunezero.

Imana ubwayo niyo yateye ibiti by'inganzamarumbu maze ibyambika amababi menshi, niyo yaduhaye indabo zifite amabara ashashagirana kandi ahumura neza kandi tubona ikiganza n'urukundo ku mirimo yose y'ibyaremwe, ntifite umugambi wo kutubabaza; ntiyifuzza kutogomwa gukunda ibyo byaremwe no kunezezwa nabyo. Yifuzza ahubwo ko bidushimisha. Umugambi wayo ni uko twishimira hagati y'ubwiza bw'ibyaremwe, kuko ari Yo muremyi wabyo.¹⁰

Akanya ko gusana n'abandi: Gusabana n'abandi birungura cyane kandi bikigisha igihe abasabanye bafite urukundo rw'Imana mu mitima yabo, igihe bahujwe no kuganira ijambo ry'Imana cyangwa biga uburyo bwateza imbere umurimo wayo bakorera ibyiza bagenzi babo.

Igihe umwuka wera yakiriwe nk'umushyitsi mukuru muri iyo mihuro, igihe ntagikorwa cyangwa ijambo ryamubababaza, ^[503] Imana ihabwa icyubahiro kandi abawitabiriye bahakura ihembura n'imbaraga.11

Imihuro yacu igomba kuyoborwa kandi tugomba ku buryo dutaha iwacu dufite umutima udafite icyo udushinja imbere y'Imana n'imbere y'abantu, twiyumvamo ko nta numwe twakomerekeje cyangwa ngo tumuhutaze mu buryo ubwo ari bwo bwose mubo twahuye nabo bose, kandi tukaba nta cyitegererezo kibi twabagaragarije.12

Yesu yaboneraga umunezero mu birori byera: Yesu yaciriyeho iteka kwikunda uko kwaba kumeze kose, kandi yagiranaga umubano mwiza n'abandi. Yemeraga gucumbika ku bo mu nzego zinyuranye z'abantu, akinjira mu ngo z'abakungu n'utururi tw'abatindi, akinjira mu ngo z'abanyabwenge n'iz'abaswa, kuko yashakaga kubakuramo ibitekerezo bitagira umumaro kugira ngo abatere guhanga amaso yabo ku by'umwuka kandi bihoraho. Ntiyashyigikiraga uburangare ubwo ari bwo bwose kandi imyifatire ye ntiyigeze irangwamo n'igicucu cyo kuzangwa n'ab'isi, umunezero we yawuboneraga, mu bintu byera kandi amateraniro y'abantu yezwaga n'uko ayarimo.

Ubukwe bwa kiyuda bwari ikintu gikomeye cyane kandi umunezero utewe nabwo nta na rimwe utashimishije umwana w'umuntu. Yesu mu kujya muri uwo munsu mukuru w'ubukwe, yari yubahiriye muhango wishyiriyereho n'Imana... umunezero wazanywe n'ibyo birori by'ubukwe washyize mu mutima wa Kristo umunezero utangaje azagira urya munsu azinjiza umugeni mu rugo rwa Se, igihe abacunguwe bazinjira mu bukwe bw'Umwana w'intama.13

Icyitegererezo cye mu magambo no mu nyifato: Igihe, mu itangira ry'umurimo we yararikwaga gusangira mu birori n'umufarisayo n'umukoresha w'ikoro, yemeye ubutumire.... Mubihe nk'ibyo, Yesu yayoboraga ibiganiro bari ku meza kandi akabigisha ibyigisho by'agaciro. Ababaga bitabiriye bamutegera amatwi; hanyuma, mbese ntiyakijije uburwayi bwabo, kandi akoroshya imibabaro yabo, kandi agacigatira abana babo mu biganza akabaha umugisha? Abakoresha b'ikoro n'abanyabyaha ^[504] bazaga kuri we kandi igihe yabumburaga akanwa ngo ababwire, bamuhangaga amaso bashaka kumwumva.

Kristo yigishe abigishwa be uko bakwiriye kwitwara imbere y'abizera n'abatizera. Yabigishije binyuriye mu cyitegererezo cye ko igihe bari mu ruhame badakwiriye guhangayikishwa n'ibyo baravuga. Ariko ibyo yari ababwiye byari bitandukanye n'ibyo bari basanzwe bazi bivugirwa mu birori. Ijambo ryose yavugaga ryari impumuro y'ubugingo izana ubugingo ku bamwumvaga kandi bamutegaga amatwi babyitayeho, bagaragaraza ko ibyo bagiye kumva ko ari bo byagenewe.14

Ellen White yitabiriye ibirori binejeje: Ku musozo w'urugendo rwanjye mu burasirazuba, nagombaga gusanga umuryango wanjye ku gihe kugira ngo dutangirane umwaka mushya I Hilizibaga (Healdsburg), icyumba cy'ikigo cyari gitatswe neza kugira ngo kiberemo amatwari yo ku isabato. Indabo z'imibunda, amababi y'umwimambere, amashami y'imikindo n'indabo zari zatatswe mu buryo bushimishije; umuheto munini waruri hejuru y'urugi, mu rwinjiriro rw'icyumba wari utatsweho amashami y'imikindo kandi uriho n'inzogera. Igiti cyari cyuzuye impano zo kugabanya abakene no gufasha kugura inzogera... Muri ibyo bihe, ntacyavuzwe cyangwa ngo gikorwe cyashoboraga guhungabanya umutimanama wa buri wese.

Bamwe barambajije bati: "Mushiki wacu White, mbese ubitekerezaho iki? Mbese bihuje no kwizera kwacu? Narabasubije nti: "Nibyo, bihuje no kwizera kwanjye."15

Muyoboze abasore imbaraga inesha: Imana yakwifuzaga ko buri muryango wese, buri torero ryose bigira imbaraga ikomeye kugira ngo ikururire abasore kure y'ibinezeza biyobya by'isi n'inshuti zishobora kubagiraho icyitegererezo cyangiriza. Mwige uburyo buzabashoboza kuzanira abasore Yesu.16

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSI	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	Counsels to Teachers, Parents and Students, P.335	Counsels to Teachers, Parents and Students, P.335
2	Review and Herald, 29 Janvier 1884	Review and Herald, 29 January 1884

3	Testimonies for the church, vol.1, P.514	Testimonies for the church, vol.1, P.514
4	Special Testimony « Living by principle » 1898, P.19, 20	Special Testimony « Living by principle » 1898, P.19, 20
5	Education, P.214	Education p 210
6	Notebook Leaflet, vol.1 N°30 3	Notebook Leaflet, vol.1 N°30 3
7	Education, P.214, 215 228	Education, P.210,211
8	Education, pp. 215, 216	Education, p 211
9	Testimonies for the church, vol.1, P.514, 515	Testimonies for the church, vol.1, P.514, 515
10	Review and Herald, 25 mai 1886	Review and Herald, 25 may 1886
11	The youth'Instructor, 4 février 1897	The youth 'Instructor, 4 February 1897
12	Counsels to Teachers, parents and students, P.337	Counsels to Teachers, parents and students, P.337
13	Jésus-Christ, P.134	Desire ages p 150,151
14	Ministère de la bienfaisance, P.216	Welfare ministry p 287
15	Review and Herald, 29 Janvier 1884	Review and Herald, 29 January1884
16	Review and Herald, 29 Janvier 1884	Review and Herald, 29 January1884

ICYIGWA CYA 81: IBIRUHUKO BITANGA KUNYURWA GUHAGIJE

Imyitozo yagura ubushobozi bwo gukoresha amaboko, intekerezo n'imico: Inyungu nyinshi ntiziboneka mu gukora imyitozo ngorora mubiri inaniza no mu mikino nk'uko ziboneka mu gukora imyitozo yoroheje. Ni byiza gukorera imyitozo inanura imitsi ahari umwuka mwiza; ariko izo mbaraga iyaba zakoreshwaga mu gukora imirimo y'ingirakamaro, twagakuyemo ibyiza byo ku rwego rwo hejuru n'ibyiyumviro byo kunyurwa; kubera ko umurimo nk'uwo utera buri wese kumenya ko afite agaciro no kunezewa no kuzuza inshingano.1

Tugomba kubyutsa mu bana no mu basore ibyifuzo byo gukora imyitozo bakora ibintu by'ingirakamaro kuri bo no ku bandi. Imyitozo ngororamubiri ikuza intekerezo n'imico, yagura ubushobozi bwo gukoresha amaboko kandi imenyereza abana kwikorera imitwara yo mu buzima, niyo iha umubiri imbaraga kandi igahembura ubushobozi bwo. Hari ingororano ku muntu wese wuzuza inshingano ze abikuye ku mutima kandi ubuzima bwe akaba yarabweguriye gukora ibyiza. 2

Nta kindi kiruhuko cyabera abana n'abasore ingirakamaro n'umugisha ukomeye, kitari icyo bakwigiramo kubera abanda inyunganizi. Kubera ko ubusanzwe urubwirako rurangwa n'ubwuzu no kuyoboka vuba.3

Icyitegererezo cy'ubusore bwa Yesu : Imibereho ya Yesu yarangwaga no gukora; yakoraga imyitozo yuzuza inshingano zitandukanye zihuje n'imbaraga ze z'impagarike. Kuzuza inshingano yarashinzwe ntibyamusigiraga akanya ko kujya mu binezeza byangiriza kandi by'imburamumaro. Yibuzaga kujya mu bintu byashoboraga kwanduza umutima we no kugabanya ubutaraga bwe, ahubwo yigishijwe gukora imirimo y'ingirakamaro no kwihanganira umunaniro.4

Mu mibereho ye ya hano ku isi, Kristo yabaye icyitegererezo ku muryango wose w'ikiremwa muntu. Yarumviraga kandi akaba ingirakamaro i muhira. Yize umwuga w'ububaji kandi yakoresheje amaboko ye mu ibarizo rito ry'i Nazareti...

Bibiliya ivuga kuri Yesu iti: “Umwana arakura kandi agwiza imbaraga z’umutima, yuzuzwa ubwenge kandi ubuntu bw’Imana bwari muri we”. Uko yakoraga mu bwana no mu busore bwe , intekerezo ze n’umubiri we byaragukaga. Ntiyakoresheje imbaraga ze z’umubiri mu buryo atatekerejeho, ahubwo yazikoresheje ashaka uko zaguma kuri gahunda, kugira ngo ashobore gukora umurimo we mu mashami yose. Ntiyashakaga kugaragaza ko ari ikigwari yemwe no mu buryo yakoraga ibikoresho bye. Yareraga nk’umukozi nk’uko yeraga mu mico ye. Binyuriye mu mahame no mu cyitegererezo Kristo yahesheje icyubahiro umurimo w’ingenzi.

Kugarura ubuyanja unyuriye mu guhinduranya imirimo: Abasore bose bakwiriye kwibuka yuko bazabazwa uko bakoresheje amahirwe bagize yatuma bakoresha igihe cyabo n’ubushobozi bwabo. Bashobora kubaza bati: “Mbese ntidukwiriye kugira ibihe byo kwinezeza cyangwa ibiruhuko? Mbese twahora dukora, dukora, tugakora ubudahinduranya?”⁶

Guhinduranya igihe gito imirimo y’umubiri yananiye imbaraga cyane, byaba byiza kugira ngo babone uko baza kuyikora, bashyizeho umwete wo kuyitunganya cyane biruseho. Ariko kuruhuka bisesuye ntabwo ari ngombwa, nubwo baba bibwira ko amaherezo yabyo yaba meza ukurikije uko imbaraga zabo z’umubiri zimeze. Ntibakwiriye gukinisha ibihe byabo by’igiciro cyinshi, nubwo baba bananijwe n’umurimo w’ubwoko bumwe. Wenda, bashakaga gukora ikindi kitabananiza cyane, ariko kikaba cyabera nyina na bashiki babo umugisha. Baramutse bikuyeho kwibabarira, bakemera kwikorera imitwari iremereye ari yo bakwiriye kwikorera, ubwo ni bwo babona ibikino bikomotse ku mpamvu nyakuri, maze bikabazanira umunezero nyakuri, kandi rero igihe cyabo ntikizaba cyapfuye ubusa cyangwa ngo kube cyakoreshejwe mu byo kwinezeza. Igihe cyakoreshejwe ku bigize akamaro bitewe no guhinduranya baba bacunguye igihe, kandi rero umwanya wose uba ugize uwo ugiriye akamaro.⁷

Abenshi bavugaga y’uko kurinda umubiri neza biterwa no kwinezeza mu bikino. Ni iby’ukuri koko hakwiriye kubaho guhinduranya kugira ngo umubiri ubone uko ukuza amajyambere cyane, kuko ubwenge n’umubiri bisubizwamo imbaraga kandi bigakomezwa no guhinduranya, ariko ibyo ntibiboneshwa kwinezeza mu bupfapfa, ngo umusore yirengagize imirimo ikwiriye gukorwa buri muni.⁸

Gahunda ku banyeshuri Imana yahaye umugisha: Tugomba kwigisha abasore gukoresha ubushobozi bwabo bw’impagarike

n'ubw'ubwenge. Imyitozo ikiza impagarike yose izabaha uburezi bwuzuye. Twagize umurimo ukomeye muri Ostraliya wo kwigisha ababyeyi n'abana gukurikiza ayo mahame; ariko twarihanganye mu mihati yacu kugeza ubwo buri wese yasobanukiwe ko uburezi bwuzuye busaba igihe kigabanywa mu kwigisha iby'ubwenge n'iby'ubumenyi ngiro.

Igice cy'umunsi cyatambukaga dukoze iby'ingirakamaro: abanyeshuri bigishwaga gutema ibihuru byo mu mirima, guhinga no kubaka amazu, uko niko igihe bashobora gutakariza mu mikino no mu bindi birangaza bitandukanye twagikoreshaga. Kandi Umukiza yahaye umugisha abanyeshuri beguriye igihe cyabo kwiga uko baba ingirakamaro.9

Imana yateganije imirimo ifite agaciro itazashoboza abanyeshuri kugira ubuzima bwiza gusa, ahubwo no kwikemurira amakene yabo no gufasha bagenzi babo.10

Aho gutekereza ku bintu bitandukanye bigamije guhuza gusa, hakagombye gutegurwa imirimo y'ubugiraneza.11

Uburyo bwiza bwo gukoresha igihe cyawe: Hariho ibintu byinshi bya ngombwa kandi by'ingirakamaro bikwiriye gukorerwa muri iyi si bishobora gutuma akamenyero ko kwinezeza mu bikino kadakenerwa. Ubwonko, amagufwa n'imihore bizagira gukomera n'imbaraga bitewe no kubikoresha mu mugambi wo gukora ibyiza, gutekereza byimbitse, no gushaka inama zungura kujijuka no gukomeza ingingo z'umubiri mu buryo butuma impano Imana yabahaye zikoreshwa mu kuyihesha icyubahiro.12

Ni nshingano yacu kubyaza umusaruro iteka ubushobozi bw'ubwenge n'ubw'umubiri Imana yahaye urubyiruko kugirango rushobore kuba ingirakamaro ku bandi, baborohereza inshingano zabo, bahumuriza abari mu gahinda, batera akanyabugabo abacogoye, bazanira amagambo y'ihumure abatakaje ibyiringiro, bateshura intekerezo z'abanyeshuri ku bwirasi n'imigaryo kenshi bibatera gutakaza ubunyangamugayo bwabo nk'abagabo n'abagore kandi bibatera gukorwa n'isoni no gusuzugurwa. Umukiza yakwifuzaga ko abantu bagira intekerezo zagutse kandi zishakisha ibyiza bihanitse by'uko baba ingirakamaro.13

Ubushobozi buzashoboza urubyiruko gukoresha neza ubwenge bwabo n'imitsi yabo buzababashisha gukora umurimo uhanitse mu

murimo w'ibwirizabutumwa, ibyo akaba ari byo bizabahindura abakozi bakorana n'Imana, kandi bikabatoreza gukora umurimo w'ingirakamaro hano ku isi binyuriye mu kuzuza umurimo w'ingenzi; kandi iyo ni imwe mu ngingo z'ingenzi mu burezi...

Mbese ubu si bwo bwoko bw'imirimo urubwiruko rwakagombye gukora niba bakora bakurikije amahame ya Kristo? Bateganirijwe ubufasha na Kristo. Abanyeshuri bazabona ibitekerezo byabo byaguka. Bazaba abantu bakomeye, kandi akamaro kabo ntikazarorera gukura yemwe no mu mibereho yabo yo ku ishuri. Amaboko n'ibiganza Imana yaduhaye bigomba gukora imirimo myiza, bifite ikimenyetso cy'ijuru, kugira ngo mu gihe kizaza tuzashobore kumva amagambo ya Databuja agira ati: "Nuko nuko mugaragu mwiza ukiranuka."¹⁴

Inama ku barwayi: Nkurikije amabwiriza nahawe, iyaba abarwayi baterwaga akanyabugabo ko kuva mu byumba byabo maze bakajya ahari umwuka mwiza, kugira ngo bite ku indabo cyangwa ngo bakore indi mirimo yoroheje kandi inejeje, intekerezo zabo zizarekeraho kwikunda, bazarushaho kugarura ubuyanja, bazarekeraho kwintuba no kwivovota kandi bazita ku kintu cyose gifite agaciro ndetse gihembura.¹⁵

Ntidushobora gucya mu maso keretse gusa igihe twumvishe amajwi y'inyoni cyangwa tukitegereza n'amaso yacu ubwiza bw'imirima n'ubusitani butewemo indabo. Twakagombye kumenyereza intekerezo zacu kwita ku bintu byose Umuremyi yaturemeye. Kandi mu gutekereza no kwibwira kuri ibyo bintu bitandukanye bigaragaza urukundo rwe no kutwitaho kwe, tuzibagirwa byoroheje ubumuga bwacu, tuzatwarwa n'umunezero kandi tuzahimbaza Umukiza n'imitima yacu yose.¹⁶

Nk'uko ibyo nabyeretswe inshuro nyinshi mu myaka ishize, twakagombye kubwira abarwayi ko atari byiza guhagarika imirimo y'amaboko yose kugira ngo bagarure ubuyanja. Nibakora batyo, ubushake bwabo buzashira, gutembera kw'amaraso yabo kuzagenda nabi maze amaraso yuzure uburozi. Kandi niba umurwayi yibwira ko arembye nyamara akaba atari ko biri, ukudakora kwe kuzabyara [511] ingaruka mbi cyane. Umurimo uhwanyeye n'ubushobozi bw'umurwayi, umutera kumva ko atari imburamumaro mu mibereho ye, ko nawe ashobora gukora umurimo runaka. Azanyurwa kandi uwo murimo uzamusubizamo imbaraga n'akanyabugabo, ibyo atahabwa n'ibinezeza bipfuye byo mu ntekerezo.¹⁷

Imana yateganije ibinezeza byiza: Imana yageneye umuntu wese umunezero wo kwishimirwa n'umukire kimwe n'umukene; umunezero uturuka ku kwimenyereza kugira ibitekerezo biboneye, n'imirimo itarimo ubwiko, umunezero uturuka ku kuvuga amagambo y'impuhwe no gukora imirimo y'ubugiraneza. Umucyo wa Kristo urabagirana ku bakora iyo mirimo kugira ngo umurikire abari mu mwijima w'imibabaro myinshi.18

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	Fundamentals of Christian Education, P.418 2	Fundamentals of Christian Education, P.418
2	Fundamentals of Christian Education, P.418 ,419	Fundamentals of Christian Education, P.418 , 419
3	Education, P.217	Education, P.212
4	The youth's Instructor, 27 Juillet 1893	The youth's Instructor, 27 July 1893
5	Fundamentals of Christian Education, P.417, 418	Fundamentals of Christian Education, P.417, 418
6	Counsels to Teachers, Parents and Student, P.337	Counsels to Teachers, Parents and Student, P.337
7	Testimonies for the church vol 3 p 223	Testimonies for the church vol 3 p 223
8	The youth's Instructor, 27 Juillet 1893	The youth's Instructor, 27 July 1893
9	Letter 84, 1909	Letter 84, 1909
10	Review and Herald 25 octobre 1898	Review and Herald 25 October 1898
11	Pamphlet recreation pp. 47	Pamphlet recreation pp. 47
12	Notebook leaflet Education no 6 vol 1, no 30 p 1	Notebook leaflet Education no 6 vol 1, no 30 p 1

13	Notebook leaflet Education no 6 vol 1, no 30 p 2	Notebook leaflet Education no 6 vol 1, no 30 p 2
14	Notebook leaflet Education no 6 vol 1, no 30 p 1,2	Notebook leaflet Education no 6 vol 1, no 30 p 1,2
15	Medical Ministry, p, 234	Medical Ministry, p, 234
16	Health Reformer, Juillet 1871	Health Reformer, July 1871
17	Testimonies for the Church, vol. 1, p 555	Testimonies for the Church, vol. 1, p 555
18	Testimonies for the Church, vol. 9 p 57	Testimonies for the Church, vol. 9 p 57

ICYIGWA CYA 82: UKO UMUKRISTO YAHITAMO IBIMURUHURA

Ibiruhuko by'umukristo n'binezera by'ab'isi: Hari itandukaniro hagati y'ikiruhuko no kwishimisha widagadura. Ikiruhuko iyo ari cyo koko nk'uko iryo zina riri, gisobanuye kwisubizamo imbaraga no kongera kwiyubaka. Ni ugushyira ku ruhande ibyo duhugiramo n'ibiduhagarika umutima kandi ikiruhuko gihembura ubwenge n'umubiri nuko tugashobozwa kugarukana imbaraga nshya mu mihati yacu yo mu buzima.

Ku rundi ruhande, kwidagadura bikoranwa umugambi wo kwinezeza kandi akenshi habamo gukabya no gusayisha. Bitwara imbaraga zakagombye gukora umurimo w'ingirakamaro maze bikaba inkomyi ku ntsinzi nyakuri yo mu buzima.1

Hagati y'urugaga rw'abayobokeye ba Kristo beteraniye gukina ibikino byo kugarura ubuyanja bya gikristo n'inteko y'ab'isi bateraniye kugira ibirori byo kwinezeza haba itandukaniro rinini. Mu kigwi cyo gusenga no kuvuga ibya Kristo n'ibyera, uzumva mu minwa y'ab'isi havamo igitwenge cy'ubukubaganyi n'ibiganiro by'amanjwe. Umugambi wabo ni ukugira igihe cyiza cyo kunezerwa kwa bese. Umunezero wabo utangirira mu bupfu kandi ukarangirira mu bitagira umumaro.2

Nko muyandi mashami yose, hakenewe kwirinda mu binezeza kandi imiterere yabyo igomba gusuzumwa byitondewe. Buri musore wese agomba kwibaza ati: Mbese ibyo binezeza bizangiraho ngaruka ki ku buzima bwanjye bw'impagarike, ubw'ubwenge n'ubw'iby'umwuka? Mbese intekerezo zanjye ntizazafatwa mpiri ku buryo zibagirwa Imana? Mbese sinshobora gutesha agaciro icyubahiro cy'Imana? 3

Ibiranga ibinezera byemewe: Ntimukibagirwe ko Kristo ari we soko y'umunezero. Ntanezezwa n'imibabaro y'ikiremnamuntu ahubwo ashimishwa no kubona banezerewe. Abakristo bafite uburyo bwinshi baboneramo umunezero baramutse babishatse, kandi bakwiriye kuvuga mu kuri kutagira amakemwa, ibikino binezeza byemerwa kandi by'ukuri. Bakwiriye kwishimira ibikino byongera imbaraga niba bidashobora kubayobya cyangwa ngo byonone umutima, niba byasiga bitabacogoje kandi ntibibasigire agahinda nyuma yo kubikina, niba bitasiga bibanduje

kandi ngo bisibe amayira y'ukuri. Baramutse bemeye kujiyana na Yesu kandi bakagira umutima usenga bagira amahoro.4

Ibikino ibyo ari byo byose byo kunezeza, ubigiyemo ubisabiye Imana umugisha wizeye ntibyakuzanira akaga. Ariko ibikino byo kunezeza ibyo ari byo byose bikubuzaga gusengera mu rwiherero, bikakubuzaga gusengera Imana ku gicaniro cy'amasengesho, cyangwa bikakubuzaga kubona umwanya wo kujiyana mu materaniro yo gusenga si iby'amahoro ahubwo ni ibizana akaga.5

Ibinezeza bibuza kuzuzanya inshingano za buri muni: Turi muri wa mutwe w'abantu bizera y'uko ari amahirwe yacu ko umuni wose turiho twubahiriza Imana mu isi, kugira ngo twe kuba muri iyi si twinezeza gusa, twikorera ibyo twishakije gusa. Tubereye mu isi kugirira abantu akamaro no guhesha abo turi kumwe umugisha; kandi niba tureka ibitekerezo byacu bikirukira mu nzira mbi, iyo abashakaga ibitagira umumaro kandi by'ubupfapfa bemereye ibitekerezo byabo kunyuramo, twabasha gute kugirira bene wacu n'ab'iki gihe umumaro? Twabasha dute kubera abatuzengurutse umugisha? Ntidushobora kwinezeza mu bikino ibyo ari byo byose bitadukwiriye ngo tube tuboneye kandi ibyo ari byo bishobora kudukuraho rwose inshingano dushinzwe dukiranutse.6

Kugubwa neza k'umutima wacu ntigukwiriye gukomwa mu nkokora no kunezeza ibyifuzo byacu byo kwikunda kandi tugomba kwirinda ibinezeza bikurura cyane intekerezo ku buryo inshingano za buri muni zitatunze kandi ngo zitunze. Mu kwirundurira mu binezeza nk'ibyo, uba wishoye mu nzira mbi maze Satani akayobya ibitekerezo bikarangirira mu kunanirwa gutandukanya icyiza n'ikibi. Muri ubwo buryo, kubaha no kumvira ababyeyi nk'uko Kristo yabigaragaje bisa n'ibitakwihanganirwa.7

Amateraniro aciriweho iteka: Ibintu byinshi ni byiza ubwabyo, ariko bimaze guhindanywa na Satani bihinduka umutego kubatabyitaho.

Nubwo bimenyerewe gukorwa, ibirori byo kwishimisha na byo ni inkomyi ku gikuriro nyakuri cyaba icy'ubwenge cyangwa icy'imico. Kwifatanya n'abandi mu by'ubupfu, ingeso yo gusesagura, kwishakira ibinezeza ndetse no gushayisha kwa buri gihe biraremwa maze bikarundurira ubuzima bwose mu bibi. Mu cyimbo cy'ibyo binezeza, hari byinshi ababyeyi n'abigisha bakora, bakaguranira abana, bakabona ibibahuzanya biboneye kandi bitanga ubuzima.9

Amateraniro amwe yabereye i... Yaberewemo ibinezeza byakojeje isoni ibigo byacu n'itorero ryacu. Byateye kwiyerekana, ubwibone, kwikunda, ibitagira umumaro no kunezerwa by'ubupfu kujya mbere. Satani yahakiriwe nk'umushyitsi mukuru kandi afata mpiri abateguye ayo materaniro.

Kwakira ibirori nk'ibyo narabyeretswe, byahuzaga abantu bavuga ko bizera ukuri. Umwe yari yicaye hafi y'ibyuma by'imiziki kandi indirimbo baririmbaga zateraga agahinda abamarayika barinzi. Hari gukwenkwenuka, ibitwenge by'ubupfu, ubwuzu bwinshi n'ibishyika runaka ariko ibyo byishimo ni bya bindi baba bahumekewemo na Satani gusa. Kumererwa neza nk'uko, n'uko kwiyerekana bitera isoni abakunda Imana. Ibyo binezeza bitera bamwe mu babyitabiriye, ibitekerezo n'inyifato byanduye. Mfite impamvu intera gutekereza ko abagize uruhare mu kwitabira ibyo birori bihannye babikuye ku mutima iyo nyifato yabo idakwiriye.

Amateraniro menshi nkayo narayeretswe. Nayabonyemo gucya mu maso k'ubupfu, kwiyerekana ko kwirimbisha no kwikunda byarahagaragaraga. Buri wese yashakaga kugaragaza kunezerwa: yagaragazaga gukwenkwenuka, kwiyerekana, gushonyagizwa kubi no gutera umwuteri. Amaso arabagirana, amatama akeye naho umutimanama usinziriye. Bakora ibyo bishakiye byose ngo bibagirwe Imana barya, banywa no gusekerana. Ni muri urwo rwego buri wese aba yiboneye Paradizo ye: ijuru rirareba, rirumva kandi ribona byose.¹⁰ Amateraniro y'ibinezeza ahungabanya kwizera kandi agatera urujijo no gushidikanya mu mutima. Imana ntiyemera ufite imitima ibiri. Ishaka umuntu wuzuye.¹¹

Ibinezeza gikwira bike nibyo byemeye: Ibinezeza byinshi byabaye gikwira mu isi muri iki gihe, ndetse bikarangwa no mu bavuga ko ari abakristo bisa n'iby'abapagani. Mu by'ukuri hari bike byo muri byo Satani adahindura mu kurimbura abantu. Abinyujije mu makinamico, Satani yakoze igihe kirekire cyane kugira ngo akangure irari kandi ahe icyicaro ingeso mbi. Imikino ijyana n'umuziki, gucuranga, kubyina no gukina amakarita, ibyo byose Satani arabikoresha kugira ngo asenye imbibi dushyirirwaho n'amahame atugenga kandi akingurire amarembo gushimisha irari ry'umubiri. Mu iteraniro ryose ryo kwinezeza aho ubwibone buhabwa intebe cyangwa hakarangwa n'inda nini, aho umuntu yibagizwa Imana kandi ntabe akizirikana ibyiza bizahoraho, aho niho Satani akoreshereza iminyururu ye akaboha umutima.¹²

Umukristo nyakuri azanga kwinjira ahantu hari ibinezeza no kugira uruhare mu binezeza byose atashobora gusaba Imana umugisha abirimo. Ntuzaboneke mu makinamico ,cyangwa ahakinirwa biyari cyangwa mu nzu y'umukino bita bowulingi (Bowling). Ntazigera yifatanya n'ababyinnyi banezerewe cyangwa ngo yishimishe mu bindi binezeza ibyo ari byo byose bikurura kugeza ubwo akura Kristo mu ntekerezo ze.

Ku baburanira ibinezeza nk'ibyo turabasubiza duti: mu izina rya Yesu w'i Nazareti, n'umutima wacu wose ntidushobora kubijyamo. Umugisha w'Imana ntiwasabwa mu gihe umuntu atakaza igihe cye mu kinamico no mu tubyiniro. Nta mukristo n'umwe wakwifuza gupfira ahantu nk'aho kandi nta numwe wakwifuza ko Yesu amusanga ahantu nk'aho.¹³

Inzu z'ikinamico, urugo rwo kononekara: Ahantu henshi hateye akaga cyane hashakirwa umunezero ni mu nzu yo gukiniramo. Mu kigwi cy'aho habaye ishuri ryo kwigiramo kubonera no kwera nk'uko bivugwa kenshi cyane, ahubwo hahinduka ahantu ho gukorera ibyaha bibi. Ingeso z'ubusambanyi n'irari ry'ibyaha bikururwa kandi bigaterwa imbaraga n'ibyo birori. Indirimbo mbi, gukoresha amaboko ibimenyetso by'ubusambanyi, imvugo n'ingiro y'ibintu byonona ibitekerezo bigasubuzwa hasi ingeso nziza. Umusore wese ujya aho berekanira ibyo, bizatera ingeso ze kononekara.

Nta kintu kiri mu gihugu cyacu gifite imbaraga cyane zo kuroga ibitekerezo no konona ibishakwa n'idini no gucubya uburyohe bw'umunezero utuje n'ingeso y'imibereho yirinda ibisindisha cyaruta kwinezeresha ibikino byo mu nzu ikinirwamo ikinamico. Gukunda ibyo ureba kuriyongera, ukabyifuza cyane nk'uko irari ry'ibinyobwa by'uburozi rigwizwa no kubikoresha. Inzira y'amahoro gusa ni ukwitandukanya no kujya mu nzu ikinirwamo ikinamico n'ibibuga bikinirwamo n'ahantu hose habarizwa ibyo kwinezeza.¹⁴

Kubyina, ishuri ryo kononekara: Mu miryango myinshi ya gikristo kubyina no gukina ikarita bimara igihe mu ruganiriro. Batekereza ko ari ibirangaza byiza by'umuryango byo wakwishimira gukina ufite umutekano mu maso y'ababyeyi. ^[517] Muri ubwo buryo, baba bimenyereza ibyo binezeza bikangura, kandi ibyo bafata nk'aho ntacyo bitwaye mu rugo ntibazitinda guhinduka ibiteye akaga mu rugo no hanze yarwo. Mugomba kumenya ko kwishimisha nk'uko nta byiza na bike bizana. Ntibitanga imbaraga ku mubiri cyangwa ikiruhuko mu ntekerezo. Ntibitanga ibyiyumviro byera cyangwa kugira ingeso nziza. Ibiri amambu birimbura rukuruzi yo gutekereza neza no gukora imirimo

y'iby'iyobokamana. Ibiri amambu, hari itandukaniro rinini hagati yo kwakirwa neza muri rubanda no kwemerwa biba mu tubyiniro rusange. Nubwo bimeze bityo, bamwe kimwe n'abandi bagaragaza inzira ziganisha ku busambanyi.15

Kubyina kwa Dawidi si icyitegererezo: Kubyina kwa Dawidi anejewe no kubaha Imana kwatanzweho urwitwazo kw'abakunda kwinezeza bashaka gushyigikira imbyino zo muri iki gihe, ariko ibitekerezo nk'iby nta shingiro bifite. Muri iki gihe cyacu kubyina bijyana n'ibitekerezo bibi no kwishimisha mu nkera. Ubuzima n'imico myiza biguranwa kwinezeza. Muri ibyo, Imana si yo baba bashize imbere mu bitekerezo haba no kuyubaha, gusenga cyangwa indirimbo zo gusingiza Imana ntibirangwa aho baba bateraniye. Iki gipimo gikwiriye kudashidikanywaho. Abakristo ntibakwiriye gushaka ibinezeza bicogoza urukundo dukunda ibyera kandi bikagabanya uko twishimira umurimo w'Imana. Umuzika no kubyina byabayeho abantu banejewe no gusingiza Imana, igihe bahekaga Isanduku y'Imana ntaho wari uhuriye na hato n'umuziki w'imbyino zo muri iki gihe. Umuziki w'igihe cya Dawidi wari ugamije kwibutsa abantu Imana kandi wererezaga izina ryayo ryera. Umuziki w'iki gihe wo ni igikoresho cya Satani kugira ngo atere abantu kwibagirwa Imana no kuyisuzugura.16

Umukino w'amakarita ni intango y'ubugome: Imikino y'amakarita igomba kubuzanywa. Imiryango ibamo n'ibyifuzo biyigaragaramo biteye akaga. Igikomangoma cy'imbaraga z'umwijima kiba cyicaye ku ntebe y'icyubahiro mu byumba by'imikino n'ahantu hose bakinira amakarita. Abamarayika babi ni abashyitsi basangwa aho hantu. Nta [518] kintu na kimwe muri ibyo binezeza cyagirira umumaro umubiri cyangwa umutima, nta na kimwe gikomeza ubwenge, nta na kimwe gitanga ibitekerezo by'agaciro wakwifashisha hanyuma. Ibiganiro bihabera bivuga iby'ubupfu gusa kandi ni iby'urukoza soni... Ubuhanga mu gukina amakarita bidatinze bizayobora ku gukoresha ubwo bumenyi mu nyungu z'umuntu ku giti cye; bakoresha bwa mbere amafaranga make, bakagenda bongera buhoro buhoro kugeza ubwo inyota yo gukina yiyongera, maze ikabayobora mu irimbukiro.17

Gutinya kwitandukanya n'abandi: Umushukanyi yifashisha abiyita abakristo bafite imico n'inararibonye bya gikristo by'amajyejuru nk'ikigoyi. Abo nibo bahora biteguye kwihuza n'ibinezeza by'ab'isi n'ibikino, bagatoza abandi binyuriye mu cyitegererezo cyabo, abahungu n'abakobwa bagerageje kuba abakristo nk'uko Bibiliya ivuga, bakemera kwihuza n'iby birori

bityo bakaba bakururiwe muri iryo tsinda. Ntabwo basesengura amahame mvajuru n'umwuka w'amasengesho kugira ngo bamenye ibyo Yesu yavuze ku mbuto abakristo bakwiriye kwera. Ntibabona ko ibyo binezeza ari izimano rya satani yateguye kugira ngo abuze imitima kwakira ubutumire bw'ubukwe bw'Umwana w'Intama kandi ngo ayibuze kwakira ikanzu y'ubukwe yera, ari yo gukiranuka kwa Kristo. Barajijwa ntibasobanukirwe inzira umukristo agomba kunyuramo. Ntibashaka kwikura mu bandi no kumva bakurikiza icyitegererezo cy'abandi. bityo munsu y'imbaraga y'abantu bafite imitima n'intekerezo bitigeze bikabakabwa n'ubuntu bw'Imana.18

Irinde gutera intambwe ya mbere mu kwishyira ukizana:

Ntubasha kumenya akaga gakomeye ugiyemo, mu gihe uteye intambwe ya mbere ujya mu bintu by'amanjwe no gushaka kwinezeza ukibwira ko aho uzashakira guhindura imigenzereze yawe bizakorohera gukora ibyiza nk'uko byari kukorohera mu gihe wari utaratangira gukora ibibi. Ibyo si ko biri rwose. Ahubwo kubwo guhitamo incuti mbi, abenshi bavuye mu nzira y'ukuri buhoro buhoro kugeza ubwo bagwa mu mworera wo kutumvira no kuzimira, ibyo bibwiraga mbere hose ko badashobora kugwamo.19

Muhagarare mushikamye ku mahame ya gikristo:

Niba uri uwa Kristo by'ukuri, uzagira ibihe byo kumuhamya. Uzararikirwa kujya mu binezeza maze ari bwo uzaba ubonye umwanya wo guhamya Umwami wawe. Niba uri umunyakuri wa Kristo noneho ntuzashaka urwitwazo rwo kutajyayo, ahubwo uzavuga weruye kandi ufite ikinyabupfura y'uko uri umwana w'Imana, kandi y'uko umutima wawe utagukundira kuba ahantu haba na rimwe utabasha kurarikira Umwami wawe kuhaba.20

Ni umugambi w'Imana ko abana bayo bamenyekanisha amahame y'ubwami bwayo binyuriye muri bo. Kugira ngo abana b'Imana bashobore kugaragaza ibi mu mibereho yabo no mu mico yabo, yifuza ko baba kure y'imihango, akamenyero n'imigenzo y'isi...

Ibintu bitangaje birabera imbere yacu. Muri iki gihe, umuhamya nyakuri agomba kugaragarira mu mibereho y'ubwoko bw'Imana, kugira ngo isi imenye ko muri iki gihe aho ikibi kimaze kuba gikwira, ko hakiri abantu bigomwa ibyo bashaka kugira ngo bashake ibyo Imana ishaka, abantu imitima yabo n'ubuzima bwabo bifite ikimenyetso cy'amategeko y'Imana.

Imana itegereje ko abiyita izina rya Kristo ko bayihagararira. Intekerezo zabo zigomba kwera, amagambo yabo akaba atunganye kandi ahanitse. Iyobokamana rya Kristo rigomba kwivanga neza n'ibyo bakora ndetse n'ibyo bavuga... Imana yifuza ko bagaragaza mu mibereho yabo uko imibereho ya gikristo isumba iy'ab'isi, kandi ngo bagaragaze ko bayoborwa n'igitekerezo cyagutse kurushaho kandi cyera.²¹

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	Education, p. 211	Education, p. 207
2	Review and Herald, 25 mai 1886. 2 3 4 5 Id. , p. 336 6 7	Review and Herald, 25 may 1886
3	Counsels to Teachers, Parents, and students, p. 333, 334	Counsels to Teachers, Parents, and students, p. 333, 334
4	Review and Herald, 19 août 1884	Review and Herald, 19 august 1884
5	Counsels to Teachers, Parents, and students, p.337	Counsels to Teachers, Parents, and students, p.337
6	Counsels to Teachers, Parents, and students, p.336	Counsels to Teachers, Parents, and students, p.336
7	The Youth's instructor, 27 Juillet 1893	The Youth's instructor, 27 July 1893
8	Letter 114,1906	Letter 114,1906
9	Education, p. 215	Education, p. 211
10	1Counsels to Teachers, Parents, and students, p.339, 340.	Counsels to Teachers, Parents, and students, p.339, 340.
11	Counsels to Teachers, Parents, and students, p.215	Counsels to Teachers, Parents, and students, p.215
12	Patriarches et prophètes, p. 440	Patriarchs and prophets, p. 459,460
13	Review and Herald, 28 février 1882	Review and Herald, 28 february 1882

14	Counsels to Teachers, Parents, and students, p.334, 335.	Counsels to Teachers, Parents, and students, p.334, 335.
15	Review and Herald, 28 fevrier 1882	Review and Herald, 28 February 1882
16	Patriarches et prophètes, p. 687	Patriarchs and prophets, p. 707
17	Testimonies for the Church, vol. 4, p 652	Testimonies for the Church, vol. 4, p 652
18	Counsels to Teachers, Parents, and students, p.340, 341	Counsels to Teachers, Parents, and students, p.340, 341
19	Counsels to Teachers, Parents, and students, p.224	Counsels to Teachers, Parents, and students, p 224
20	The Youth's instructor, 4 mai 1893	The Youth's instructor, 4 may 1893
21	Counsels to Teachers, Parents, and students, p.321-324	Counsels to Teachers, Parents, and students, p.321-324

ICYIGWA CYA 83: UMUTEGO W'IBINEZEZA

Umutima wa kamere ushaka ibinezeza: Intekerezo za kimuntu zihora zibogamiye mu binezeza no kwihimbaza. Imigambi ya Satani ni ugushyiraho ibinezeza byinshi mu buryo bushoboka. Ashakisha uko yabyutsa mu ntekerezo z'abantu irari nk'iry'ab'isi mu gukunda kwinezeza, ku buryo bibagirwa agakiza k'imitima yabo. Gukunda ibinezeza biranduza. Uwabyirunduriyemo akubita hirya no hino, ashaka iteka ibyamunezeza bishya.1

Ibinezeza by'isi birayobya, kandi benshi batamba umubano bafitanye n'ijuru, n'amahoro, urukundo n'umunezero bijyanirana naryo, kubw'ibyo binezeza by'ubupfu. Ariko ibyo bintu bishimiraga bidatinze ntibiba bikibanezeza cyangwa ngo bibanyure.2

Amamiliyoni y'abantu baba ahari ibinezeza: Muri iki gihe cy'amateka y'isi, tubona gushakisha ibinezeza ubudatuza. Ahantu hose haganje ubusambanyi no kwishyira ukizana. Imbaga y'abantu banyotewe n'ibinezeza. Intekerezo zihinduka izidafite icyo zimaze kandi zikangirika kuko zitamenyereye kwibwira, no gusoma. Ibiyumviro bipfuye ni gikwira muri iki gihe. Imana ishaka ko buri mutima wose witoza, utunganywa, waguka kandi ukabonera. Ariko kenshi twanga kwakira ubumenyi bw'agaciro ahubwo tukabisimbuza ibirangaza bigezweho n'ibinezeza bidafite icyo bimaze.3

Ibinezeza bikurura byo muri iki gihe cyacu bibata intekerezo z'abagabo n'abagore ariko cyane cyane iz'urubyiruko mu kwivovota kurenze urugero, bikamūra imbaraga z'ubutaraga byihuse cyane kuruta kwiga no gukoresha imbaraga z'umubiri; kandi ibirenzeho bigabanya ubwenge kandi bikangiriza kwiyumvisha kwabo.4

Abasore bakururwa n'umuvumba rusange. Iyo bakunda ibinezeza, baba bugururiye amarembo ibishuko byinshi. Birundurira mu gusekeshwa n'ibitagira umumaro no gukwenkwenukishwa n'iby'ubupfu, bava mu binezeza bimwe bajya mu bindi, kugeza ubwo babura icyifuzo n'ubushobozi bwo kubaho ari ingirakamaro. Kwiyumvamo iby'umwuka birakonja n'ubuzima bw'iby'umwuka bwabo bugashonga ndetse bukijima. Ubushobozi bwiza bw'umutima, ibintu byose bhuza umuntu n'iby'umwuka buragabanuka.5

Abenshi mu bizera b'itorero bari mu bakunda ibinezeza:

Abenshi bagira ishyushyu ryo kugira umugabane mu b'isi, bakiyandurisha kwinezeresha ibikino ijambo ry'Imana ribuzanya. Uko ni ko bitandukanya n'Imana, bakishyira mu bakunda umunezero wo mu isi. Ibyaha byarimbuye abariho mbere y'umwuzure n'imidugudu yo mu kibaya biracyariho n'ubu. Ntibiri mu bihugu by'abapagani gusa, si mu bantu biyita abakristo gusa, ahubwo biri muri bamwe bavuga y'uko bategereje kuza k'Umwana w'umuntu. Iyaba Imana yarikwiriye gushyira ibyo byaha imbere yawe nk'uko bigaragarira imbere yayo, wakorwa n'isoni kandi ukagira ubwoba.6

Kurarikira gusāmāra no kuja mu birori byo kwinezeza ni igishuko n'umutego ku bwoko bw'Imana cyane cyane ku basore. Satani ahora yiteguye ibintu byo gukurura ubwenge kugira ngo bwe kwita ku mwiteguro w'ibintu bizaboneka mu gihe kigiye kuza. Akoresha abakunda ibinezeza byo mu isi ngo abe ari bo bakomeza gutera abantu gusāmāra , bakururira abatitonda gufatanya na bo mu binezeza byo mu isi. Hariho imyiyerekano, ibyigisho n'ibirori by'uburyo bwinshi cyane bigambiriye gutera abantu gukunda isi; kandi binyuriye muri uko kwihuza n'isi, kwizera kuracogora.7

Satani umushukanyi kabuhariwe: Muri rusange, abasore bifashe nk'aho igihe cy'agaciro kenshi, igihe cy'imbabazi tugifite ari igihe cyo kwiruhukira, no kwibera mu isi binezeresha ibikino by'urwenya byo hirya no hino. Satani yashyizeho umwete mwinshi wo kubatera gushakira umunezero mwinshi mu bikino byo mu isi, kandi ngo bikirishe kwerekana y'uko ibyo bikino ntacyo byangirije, ko ari byiza ndetse ko bifitiye ubuzima n'akamaro.8

Satani agaragaza inzira yo gukiranuka nk'igoranye, mu gihe inzira y'ibinezeza by'isi yuzuye indabo. Kugira ngo areshye uruburuko, yambika isi n'ibiyirimo amabara arabagirana kandi ashukana. Ariko ibinezeza by'isi bishira bidatinze kandi ibyabibwe bigomba no gusarurwa.9

Ni umushukanyi n'umuriganya w'umuhanga nk'uko izina rye riri. Atega imitego yaboshywe neza isa nk'aho ntacyo itwaye, ariko iteganywe ubucakura bukomeye kugira ngo ifate abasore n'abatagira amakenga.10

Uburezi budindizwa no gukunda ibinezeza: Ababyeyi bakora ifuti rikomeye cyane igihe bashyigikira abana babo, uhereye bakiri bato kujya mu biterane by'ab'isi: batinya ko bazaba injiji mu gihe batazashobora kwakirwa no gucudika n'abakunda ibinezeza; yemwe no mu gihe bari mu gihe cyo kwiga, babemerera kujya mu birori no kwifatanya n'ab'isi. Ariko iryo ni ifuti rikomeye. Muri ubwo buryo abana biga gukora ikibi vuba cyane kuruta uko biga ubumenyi bwo ku ishuri; intekerezo zabo zikuzuramo ibitagira umumaro, kandi muri icyo gihe, gukunda ibinezeza birimikwa ku buryo bitakibashobokera kwakira ubumenyi bw'ibanze bwo mu ishuri. Ibyo umutima wabo ukunda biba bigabanijemo imigabane ibiri, uwo gukunda kwiga n'uwo gukunda ibinezeza, kandi kubera ko gukunda ibinezeza kwiganza, ^[524] iterambere ry'ubumenyi bwabo rigenda buhoro buhoro.11

Nk'isirayeri ya kera, abakunda ibinezeza bararya, bakanywa maze bagahagurutswa no gukina. Ni umunezero wawe no kurya ukavuyarara n'umunezero w'ubupfu. Muri ibyo byose, abasore bakurikiza urugero rw'abanditsi b'ibitabo bashyizwe mu biganza ngo babyige. Ikibi kurushaho, ni ingaruka zihoraho z'ibyo binezeza ku mico yabo.12

Kwirengagiza ubutumwa buheruka bw'Imana: Ubwo igihe cy'imbabazi cyari kirangiye, abantu bariho mbere y'umwuzure birunduriye mu bikorwa byo kwinezeza byose. Abari bafite ubutware bashyize umwete mu gukururira intekerezo z'abantu mu kwishimisha no kwinezeza, kugira ngo hatagira n'umwe utekereza kuri uwo muburo uheruka. Mbese ibyo ntitubibona muri iki gihe cyacu? Mu gihe abagaragu b'Imana barimo kutubwira ko iherezo rya byose riri bugufi, isi ihugiye mu kwishakira ibinezeza n'ibirangaza. Hari ibikurura abantu bigatuma batita ku Mana ndetse bikababuzza gushaka ukuri kandi ariko konyine kubasha kubakiza kurimbuka kwegereje.13

Abakomeza isabato bazasuzumwa kandi banageragezwe: Abasore bakomeza isabato bakuruwe n'isi bazasuzumwa kandi bageragezwe. Akaga ko mu minsi y'imperuka karatwugarije kandi igeragezwa abantu benshi batiteguye rurindiriye urubyiruko. Urwo rubyiruko ruzashyirwa mu bintu biteye ubwoba cyane kandi impamvu zo kwizera kwabo bazasabwa kuzisobanura. Bavuga ko bategereje kugaruka k'umwana w'umuntu ariko benshi muri bo icyitegererezo cyabo gisa ni icy'abatizera. Banze kureka mu isi ahubwo bihuza nayo bifatanye n'abandi mu ^[525] gusohoka no kujya mu bindi binezeza bitandukanye nyamara nubwo bavuga ko nta kibi kibirimo. Ariko ibyo binezeza nibyo bibatandukanya n'Imana kandi bikabahindura abana b'isi...

Imana ntifata uwinezeza nk'umwigishwa wayo. Abiyanga bonyine, bakabaho imibereho yoroheje, iciye bugufi kandi yera abo nibo bigishwa ba Yesu nyakuri. Abameze batyo ntibanezewa no kuganira ibiganiro bipfuye, byanduye n'abakunda isi.14

Ikintu cy'ingenzi: Reka he kugira n'umwe wibwira ko ibinezeza ari ingenzi kandi ko gutandukana n'umwuka wera mu masaha yahariwe ibinezeza byo kwikunda ko bigomba gufatwa mu buryo bworoheje. Imana ntishaka ko yisekerwa. Reka buri musore wese na buri mukobwa wese yibaze ibi bibazo: “Mbese mfuye uyu muni naba niteguye? Mbese umutima wanjye waba witeguye kuzuzwa inshingano Uwitaka yanshinze gukora ubwanjye?15

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANS	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	Counsels to Teachers, Parents, and students, p.337	Counsels to Teachers, Parents, and students, p.337
2	Review and Herald, 29 Janvier 1884	Review and Herald, 29 January 1884
3	Review and Herald, 6 Decembre 1881	Review and Herald, 6 December 1881
4	Health reformer, Décembre 1872	Health reformer, December 1872
5	Témoignage pour l'Eglise, Vol. 3, p.391	Testimonies for the Church, vol.9 P 90
6	Testimonies for the Church, vol. 5, p. 218	Testimonies for the Church, vol. 5, p. 218
7	Counsels to Teachers, Parents, and students, p.325	Counsels to Teachers, Parents, and students, p.325
8	Testimonies for the Church, vol. 1, p. 501 2 3 4 5 6	Testimonies for the Church, vol. 1, p. 501

9	The Youth's instructor, 1er janvier 1907	The Youth's instructor, 1er janvier 1907
10	Counsels to Teachers, Parents, and students, p.325	Counsels to Teachers, Parents, and students, p.325
11	The Youth's instructor, 27 Juillet 1893	The Youth's instructor, 27 July 1893
12	Testimonies for the Church, vol. 8, p. 66	Testimonies for the Church, vol. 8, p. 66
13	Patriarches et prophètes, p. 78	Patriarchs and prophets, p. 103
14	Counsels to Teachers, Parents, and students, p.327,328.	Counsels to Teachers, Parents, and students, p.327,328
15	The Youth's instructor, 14 août 1906	The Youth's instructor, 14 août 1906

ICYIGWA CYA 84: KUYOBORA ABAKIRI BATO MU BIRUHUKO BYABO

Gusuzugura amahame: Ababyeyi b'abakristo barekera abana babo umudendeze maze bakihitiramo iby'isi. Bugururira amarembo ibinezeza kandi bari barabibujijwe n'amahame.1

Yemwe no ku babyeyi b'abakristo hagaragara impuhwe zirenze ku birebana n'ibinezeza. Bemeye amabwiriza y'isi; bisanishije n'ibitekerezo rusange ko abana bakiri bato n'ingimbi ubuzima bwabo bakwiriye kubumarira mu bunebwe, mu binezeza byo kwikunda no mu by'ubupfu bidakabakaba imitimanama. Mu gukora batyo, bakanguye gukunda ibinezeza byangiriza, abana n'abasore bakishimira mu gukangurwa gusa gutyo, maze ntibongere guha agaciro inshingano z'ingenzi kandi z'ingirakamaro mu buzima. Babaho mu buzima buri hafi kumera nk'ubw'inyamaswa. Ibitekerezo byabo ntibyerekezwa ku Mana no ku kuri kw'iteka ryose, ahubwo bazerera hirya no hino nk'ikinyugunyugu cyo mu cyi. Ntibakora nk'ibiremwa bitekereza bigomba gupima ubuzima bwabo ku bw'Imana, yo bakesha kubaho kwa buri munota wabo.2

Umugore agomba gushaka kandi akayobera ibinezeza: Aho kugira ngo umugore yitarure abana be, kugira ngo atabangamirwa n'urusaku batera bitewe n'ibintu bitandukanye basaba, azasobanukirwa ko igihe cye azaba agikoresheje neza, mu gihe yakoroshya kandi agahugenza intekerezo ze zikora kandi ziburagijwe akoresheje imikino imwe n'imwe cyangwa imirimo mito inejeje. imihati ye n'igihe cye bizagororerwa byuzuye ku buryo azagerageza gutekereza ibinezeza yaha abana be.

Abana bakunda kubana n'abandi. Muri rusange, abana ntibashimishwa no kuba bonyine. Umugore agomba kumenya ko, igihe kirekire, igihe bari mu rugo bagomba kuba mu cyumba ari mo. Ashobora kubahanga amaso kandi agashyira kuri gahunda ibibazo byabo bitandukanye igihe bamwiyambaje; gukosora akamenyero kabo kabi no kugaragaza kwikunda, irari n'uburakari no kuyobora intekerezo zabo mu nzira nziza. Abana bibwira ko ikibanejeje, kiba kinashimishije na nyina, kandi ni ibisanzwe ko bajya kumureba igihe bafite utubazo duto duto. Bityo, agomba kuba maso kugira ngo adakomeretsa umutima wabo woroshye, atitaye ku bibababaje cyangwa yanze guhungabanywa n'utwo tubazo dutoya. Ibisa nk'aho bidafite agaciro mu maso ye, biba bifite agaciro gakomeye mu maso

y'abana. Kandi inama n'umuburo utanzwe mu gihe gikwiriye, bishobora kugira agaciro gakomeye.³

Ntukange ibinezeza bitarimo icyaha: Kubwo kubura igihe cyangwa ibitekerezo, ababyeyi benshi babuza abana babo ibinezeza byiza, mu gihe intoki zabo n'amaso yabo binaniwe bikora ubudatuza umurimo wo kuboha ibitambaro bitazagira icyo bimara, usibye kubyutsa ubwibone n'ibibi muri iyo mitima y'abana. Mu gihe bazaba bakuze, bazagaragaza imbuto z'ibyo bigishijwe binyuriye mu bwibone bwabo no gusuzugura ibyera. Abo bagore bababazwa n'amafuti y'abana babo ariko ntibamenye ko bari gusarura ibyo babibye.

Abandi ntibagira ukuri mu buryo bagira bwo kurera abana babo. Rimwe na rimwe babemerera ibintu bibi, ubundi bakabangira ibinezeza byiza bizuzura mu mitima yabo mito umunezero. Aho ntibaba bigannye Kristo, we wakundaga abana, wabategaga amatwi kandi akisanisha na bo mu binezeza byabo no mu bibababaza.⁴

Uburyo Madame White yakumiraga abana be: Igihe abana bansabye kujya mu rugaga cyangwa mu ishyaka runaka ryo gukina mujye mubabwira muti: “Simbakundira ko mugenda, bana nimwicare hasi aha, mbabwire impamvu. Ndakora umurimo wo kuzababeshaho iteka, kandi ndakorera Imana, Imana yarabampaye kandi irabanshinga. Mpagaze mu mwanya w'Imana mbarera. Bana banjye; ni cyo gituma mbarinda kuko nzababazwa ku muni w'Imana. Mbese murashaka ko izina rya nyoko ryandikwa mu bitabo byo mu ijuru ko yananiwe gukorera abana be inshingano ye, ko yakundiye umwanzi kwinjira agakora umurimo nkwiriye gukora? Bana banjye, ngiye kubabwira inzira ikwiriye iyo ari yo, maze niba mushaka kureka ibyo nyoko abigisha maze mukigira mu nzira y'ibibi, nyoko azahagarara nta kibi kimuriho, ariko mwebweho muzababazwa n'ibyaha byanyu ubwanyu.”

Uko ni ko nagenjereje abana banjye, kandi igihe nabaga ntararangiza, barariraga bakambwira bati: “Mbese ntiwadusabira?” ntabwo nigeze nanga kubasabira. Napfukamyeye iruhande rwabo, ndabasabira. Hanyuma naragiye mpendahenda Imana ijoro ryose ngeza ku gasusuruko, ngirango ibinezeza by'umwanzi bidohoke kandi naranesheje. Nubwo byatumye nkora ijoro ryose nyamara niyumvishemo ko nishyuwe cyane igihe abana banjye bamfashe ku ijosi bakambwira bati: “Mama, turanezerewe cyane kuko utadukundiye kugenda igihe twabishakaga. Noneho tubonye y'uko

byajyaga kutubera icyaha.”Babyeyi, ng’uko uko mukwiriye gukora mubikomeje. Ukwiriye gukora uyu murimo niba wiringiye gukiriza abana bawe mu bwami bw’Imana.5

Ikibazo cy’ingimbi ziruhanije: Hakurikijwe uko isi iteye muri iki gihe, ntibyoshye guha abana bawe uburezi no kubigisha hakurikijwe amahame y’ukuri ya Bibiliya. Banga ibibarwanya byose, bakunda kwishyira ukizana nk’uko bashaka. By’umwihariko hagati y’imyaka icumi na cumi n’umunani babona ko nta ngorane bahura nazo igihe bari kumwe n’inshuti zabo. Ariko ababyeyi bafite inararibonye bashobora kubibonamo akaga. Bazi neza imiterere ya buri mwana wabo kandi bazi icyo uko gucudika gushobora kubatwara; niba bahangayikishijwe n’agakiza kabo, bazabatandukanya n’ibyo binezeza bireshya.6

Kubitaho by’umwihariko birakwiriye nyuma yo kwihana: Igihe abana bahisemo kwitandukanya n’ibinezeza by’isi no guhinduka abigishwa ba Kristo, mbega ukuntu ababyeyi bari maso kandi bakiranuka bumva bakuweho umutwaro! Bityo, ntibagomba gucogora kuba maso. Abo bana baba batangije urugamba barwanya icyaha n’irari ribi ryo mu mutima kandi bakeneye mu buryo bwihariye inama n’uburinzi by’ababyeyi babo.7

Ibanga ryo kurinda abana ibikurura by’isi: Mbega ukuntu ababyeyi benshi bataganyishwa kandi ntibanishwe no kubona abana babo nta kibakururira kuba i muhira kandi ntibanashobore no kuhabarindira! Uhereye mu bwana bwabo, bifuzaga gushyikirana n’abanyamahanga, kandi iyo bamaze gukura, bitandukanya n’abo bibwira ko bari barabaye imbata zabo, kandi batihanganiraga ibitabanezeza; ntibite ku masengesho ya nyina no kunama za se. Turamutse tubishakishije neza, twasanga icyaha kiri ku babyeyi babo. Ntibagize urugo rwabo uko rwakagombye kuba, rureshya, runejeje, rurabagiramo amagambo y’ubugwaneza, indoro y’urukundo n’urukundo nyakuri.

Ibanga ryo gukiza abana banyu rihishe mu kugira urugo rutuje kandi rureshya. Intege nke z’ababyeyi si zo zirehereza abana ku Mana cyangwa ku muryango; ahubwo bizaterwa no gushikama no kugira icyitegererezo cyera, mu kubarera no kubigisha mu nzira nziza. Ibyo ni byo bizakiza abana benshi kujya mu irimbukiro.8.

Ni inshingano y'ababyeyi kurinda amajya n'amaza y'abana babo. Bashobora kubibumvisha binyuriye mu kubagaragariza amahirwe abareshya aba mu muryango, no kubereka ko ababyeyi babitayeho. Umugabo n'umugore bagomba guhindura urugo rwabo rwiza kandi rurimo umutekano.9

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFA-RANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGE-REZA
1	Manuscrit 119,1899	Manuscript 119,1899
2	The Youth's instructor, 20 juillet 1893	The Youth's instructor, 20 July 1893
3	Solemn Appeal, p. 136, 137	Solemn Appeal, p. 136, 137
4	Ministère de la guérison, p. 328, 329 (Rayons de santé, p. 47)	Ministry of healing p 389,390
5	Manuscrit 70, non daté	Manuscript 70, Undated
6	Counsels to Teachers, Parents, and students, p.327	Counsels to Teachers, Parents, and students, p.327
7	Counsels to Teachers, Parents, and students, p.327	Counsels to Teachers, Parents, and students, p.327
8	Review and Herald, 9 décembre 1884	Review and Herald, 9 December 1884
9	Testimonies for the Church, vol. 1, p. 400, 401	Testimonies for the Church, vol. 1, p. 400, 401

**UMUGABANE WA 18:
UZABONA
INGORORANO Yawe**

ICYIGWA CYA 85: INGORORANO ZA NONE N'IZ'AHAZAZA

Ingororano ikomeye yazigamiwe ababyeyi bakiranuka: Iyaba ababyeyi bahaga abana babo uburezi bwiza, nabo ubwabo bakabonye ingororano mu kubona imbuto z'imihati yabo ku bana babo ari zo imico isa n'iya Kristo. Umurimo ukomeye bakorera Imana, ni uwo kwereka isi, urugero rw'umuryango ufite gahunda n'ikinyabupfura, udatinya Imana gusa ahubwo uyubaha kandi ukayihesha icyubahiro binyuriye mu cyitegererezo cyawo ku yindi miryango; muri ibyo baba bamaze kwakira ingororano zabo.1

Babyeyi b'abakristo, mufite inshingano yo kuyobora intambwe z'abana banyu no mu by'iyobokamana. Niba bakunda Imana by'ukuri, bazabubaha namwe, kandi bazabaha umugisha kubwo kubitaho n'ubunyangamugayo mwabagaragarije mukoma mu nkokora ibyifuzo byabo no kutumvira ubushake bwabo.2

Igihe imbuto y'ukuri ibibwe hakiri kare mu mutima kandi ikitabwaho byitondewe, ushobora kwitega ingororano.3

Ababyeyi bagomba gukorera kuzabona umusaruro w'ahazaza. Mu gihe babiba barira kandi bakaba bafite impamvu nyinshi zabatera gucika intege, bagomba gusengana umwete. Gukeka ko umusaruro uzatinda kandi ukazaza ari muke, ntibyagakombye kubabuza kubiba imbuto yabo. "Nyanyagiza imbuto yawe ku mazi menshi" ubyaza umusaruro buri kanya kose witeza imbere kandi ukorera ibyiza abana bawe. Umurimo nk'uwo ntuzaba imfabusa. Mu gihe cy'isarura, ababyeyi benshi bakiranuka bazishima babonye imiba.4

Toza abana bawe iby'ubwenge n'uburezi bw'umwuka. Mukomereshe intekerezo zabo amahame ashikamye kandi yera. Mu gihe mufite umwanya, mushireho urufatiro ruzabagira abagabo n'abagore bakwiriye iryo zina. Muzagororerwa inshuro ijana.5

Ababyeyi bazubahwa n'abana bateguriwe ijuru: Mu ijambo ry'Imana tuhasanga imiterere nyakuri y'umuryango unezerewe n'umugore uwuyobora: "Abana be barahaguruka bakamwita Nyiramugisha, n'umugabo we na we aramushima." Ni ishimwe rikomeye ringana iki umuyobozi w'urugo yakwifuza rirenze iri ryagaragajwe? 6

Niba umugore ari we nyina w'abana akwiriye iryo zina, yishingikiriza ku Mana ngo imuhe imbaraga n'ubutabazi, kandi niba ashakana ubwoba n'ubwenge uko yakuzuza inshingano Zayo za buri munsi, umutima w'umugabo uzaboherwa ku we, kandi azabona abana be babaye abagabo n'abagore bakuze, bafite imbaraga z'ubwenge zizababashisha gukurikiza icyitegererezo cye.⁷

Umugore uremerejwe n'umurimo n'amaganya agomba kubonera akanyabugabo mu gitekerezo cy'uko buri mwana wese warerwanwe gukiranuka, kandi agashyirwamo umurimo w'imbere w'intekerezo zituje kandi z'amahoro, ko azaba yiteguye kwinjira mu ijuru aho azarabagiranira mu bikari by'Umwami.⁸

Umunezero w'ijuru ugomba gutangirira mu rugo: Intera itandukanya ijuru n'isi ntiruta iy'igihe abungeri bumvaga indirimbo y'abamarayika. Nk'uko byari biri kera igihe abantu bo mu miryango iciye bugufi kandi yoroheje bahuraga n'abamarayika ku manywa y'ihangu, bakaganirira n'intumwa zivuye mu ijuru mu mirima, umuntu akomeza gukenera ubufasha bw'ijuru. Ijuru rishobora kutwegera twebwe abanyura mu nzira ziruhije z'ubuzima! Abamarayika bavuye mu bikari byo mu ijuru, bazayobora intambwe z'abubaha amategeko y'Imana.⁹

Ubuzima tugirira hano ku isi ni intangiriro y'ubwo tuzagirira mu ijuru. Uburezi bukorerwa hano ku isi, ni ukwimenyereza amahame yo mu ijuru; umurimo dukora mu buzima bwo ku isi ni umwitozo wo kuzakora umurimo wo mu ijuru. icyo turi cyo kuri ubu, haba mu mico no ku murimo wera, ni igicucu cy'uko tuzaba muri icyo gihe.¹⁰

Umurimo ukoranywe umutima ukunze uzagira ingororano ikomeye. "Nuko so ureba ibyihereye azakugororera" imico yacu ikomoka mu kubaho tugengwa n'imbaraga y'ubuntu bwa Kristo. Umutima ugenda ugarurwamo buhoro buhoro bwa bwiza bwa katanga ka mbere. Imico ya Kristo turayihabwa maze ishusho y'Imana ikongera kuturabagiranamo. Mu maso h'abagabo n'abagore bagenda bakorana n'Imana, harabagiranishwa n'amahoro y'ijuru. Bakikijwe n'umwuka wo mu ijuru. Ku bafite imitima imeze ityo, ubwami bw'Imana bwamaze gutangira, bafite umunezero wa Kristo, umunezero wo kubera ab'isi isoko y'umugisha. Umwigisha yabahaye icyubahiro cyo kubakira mu murimo we no kubemerera gukora mu izina rye.¹¹

Bose bagomba kuba biteguye kuba mu muryango w'ijuru:

Imana ishaka ko umugambi w'ijuru ushyirwa mu bikorwa kandi ko ubumwe na gahunda y'ijuru biyobora muri buri muryango, muri buri torero no muri buri kigo. Iyaba urukundo rwarahinduye rubanda, twakabonye umusaruro w'amahame ye ahanitse mu bugwaneza, mu rugwiro no mu rukundo rwa gikristo byagaragarira mu bacunguwe na Kristo. Ihinduka ry'ibyumwuka ryagaragarira mu miryango yacu, mu bigo byacu no mu matorero yacu. Igihe iryo hinduka rizagerwaho ibyo bigo bizaba ibikoresho Imana izanyurizamo umucyo wayo ngo ugere mu isi; bityo, binyuriye mu kwigishwa n'uburezi bukomotse mu ijuru, bizategurira abagabo n'abagore kuba mu muryango w'ijuru.¹²

Ingororano ku muni ukomeye uheruka: Mubyo mukorera abana banyu byose, mwifashishe imbaraga zose z'Imana. Binyuriye mu masengesho mubaragize Umukiza. Mukorane umwete mutarambirwa, mubakorera. Imana izabumva kandi izabireherezaho. Noneho ku muni ukomeye uheruka, uzahagararana nabo uvuga uti: "Ndi hano, n'abana Imana yampaye."¹³

Igihe Samweli azahabwa ikamba ry'ubwiza, azarirambika ku ntebe y'ubwami kugira ngo yubahe Imana kandi azashimana umunezero ko iryo kamba yambitswe ry'ubwiza budapfa arikesha gukiranukaa kwa nyina mu nyigisho, binyuriye mu buntu bwa Kristo.¹⁴

Umurimo w'ababyeyi b'abanyabwenge ntuzahabwa agaciro n'ab'isi; ariko ku muni w'urubanza, igihe ibitabo bizabumburwa, uzagaragara nk'uko Imana iwubona kandi imbere y'abantu n'abamarayika, azahabwa ingororano. Bazasobanukirwa ko umwana warezwe neza yabaye isoko y'umucyo mu isi. Kurema imico ye byasabye amarira menshi, guhangayika no kurara amajoro nta kugoheka; ariko uwo murimo ababyeyi bawu-koranye ubwenge, bityo ababyeyi bazabwira na Databuja iri jambo rigira riti: "Nuko nuko!"¹⁵

Urwandiko rw'inzira rukwemerera kuba mu bikari by'umwami: urubyiruko n'abana bato nibigishwe kwihitiramo iyo kanzu ya cyami yadodewe mu ijuru ari yo "Mwambaro wera urabagirana", uwo abera bose bo mu isi bazambara. Iyo kanzu ni ikimeyetso cy'imico ya Kristo itagira ikizinga, ihabwa buri muntu wese ku buntu. Ariko abawemera bose, bazawakira kandi

bawambarire hano ku isi. Abana ni bigishwe ko iyo bugururiye imitima yabo kwakira imigambi iboneye yuje urukundo, kandi bakora ibikorwa byiza by'urukundo mu gufasha baba biyambika umwambaro mwiza w'imico ya Kristo. Uwo mwambaro uzabaha ubwiza ndetse n'igikundi hano ku isi kandi ubababere urwandiko rw'inzira ruzabinjiza mu rurembo rw'Umwami. Isezerano rye ni iri ngo: "Bazagendana nanjye, bambaye imyenda yera kuko babikwiriye." 16

Ikaze rizophabwa abacunguwe: Nuko mbona umubare munini w'abamarayika bakuye amakamba arabagirana muri urwo rurembo, uwera wese yagenewe ikamba rye ryanditsweho izina rye. Igihe Yesu yahamagazaga ya makamba, abamarayika barayamuzaniye, maze Yesu mwiza akoresha ukuboko kwe kw'iburyo atangira kwambika abera ya makamba. Nuko abamarayika bazana inanga nk'uko bazanye ya makamba maze Yesu aziha abera bese. Umumarayika wari uyoboye atangira gucuranga, maze amajwi yose bayahanika basingizanya umunezero kandi bashima, kandi buri wese yacuranganaga imirya y'inanga ubuhanga, maze humvikana urusobe rw'amajwi aryoheye amatwi kandi atunganye rwose.

Maze mbona Yesu ayoboye abacunguwe aberekeza ku marembo y'umurwa, Yesu yakoze ku rugi maze rukinguka rwikaraga .ku mapata yarwo arabagirana, nuko asaba ishyanga ryakurikije ukuri kwinjira Muri uwo murwa hari harimo ibintu byose binyuze amaso, ahantu hose bahabonaga ikuzo ritangaje, nuko Yesu yitegereza abera yacunguye mu maso habo arabagirana ikuzo; maze ubwo yakomezaga kubitegereza, amaso yuzuye urukundo avuga n'ijwi ryiza rigorotse ati: "Ndabona umurimo w'ubugingo bwanjye, none ndanyuzwe. Iri kuzo rihebuje ni i ryanyu ngo muryishimire iteka ryose, imibabaro yanyu irarangiye, urupfu ntiruzabaho ukundi, nta gahinda, nta gutaka cyangwa kuribwa bizongera kubaho." Nabonye abacunguwe bese bunama barambika amakamba yabo arabagirana ku birenge bya Yesu.

Ubwo ikiganza cyeye cyuje urukundo cyongeraga kubahagurutsa, bafashe inanga zabo z'izahabu maze ijuru ryose baryuzuzwa umuziki mwiza wabo n'indirimo zo gusingiza Umwana w'intama...Nta rurimi rwabasha gusobanura uko mu ijuru hameze. Iyo ntekereje kuri ibi byose ndatangara kubera gutwarwa n'ubwo bwiza buhebuje n'ikuzo ritavugwa, ndambika ikaramu hasi maze nkarangurura ijwi mvuga

nti: “Mbega urukundo! Mbega urukundo rutangaje!” ururimi ruhebuje izindi ntirwashobora gusobanura ikuzo ry’ijuru cyangwa uburebure butagereranywa bw’urukundo rw’Umukiza.17

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARASA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	Review and Herald, 17 novembre 1896	Review and Herald, 17 November 1896
2	Témoignage pour l’Eglise, Vol. 1, p.171	Testimonies for the church vol 1 p 403
3	Counsels to Teachers, Parents, and students, p.144	Counsels to Teachers, Parents, and students, p.144
4	Review and Herald, 30 août 1881	Review and Herald, 30 august 1881
5	Counsels to Teachers, Parents, and students, p.131	Counsels to Teachers, Parents, and students, p.131
6	Health Reformer, décembre 1877	Health Reformer, December 1877
7	Signs of the times, 29 novembre 1877	Signs of the times, 29 November 1877
8	Testimonies for the Church, vol. 3, p. 566	Testimonies for the Church, vol. 3, p. 566
9	Jésus-Christ, p. 33	Desire of ages p 48
10	Education, p. 311	Education, p. 307
11	Jésus-Christ, p. 301, 302	Desire of ages p 312
12	Testimonies for the Church, vol. 8, p. 140	Testimonies for the Church, vol. 8, p. 140
13	Manuscrit 114, 1903	Manuscript 114, 1903
14	Good health, mars 1880	Good health, mars 1880
15	Signs of the times, 13 juillet 1888	Signs of the times, 13 July 1888
16	Education, p. 254, 255	Education, p. 254, 255
17	Premiers écrits, p.289	Early writings p 288,289

ICYIGWA CYA 86: UBUZIMA BWO MU RUGO RWA EDENI

Edeni igomba kuvugururwa: Umurima wa Edeni wagumye ku isi igihe kirekire cyane nyuma y’aho umuntu yabujijwe kongera kunyura mu tuyira twayo duteye ubwuzu. Umuntu wacumuye yemerewe kuzajya yitegereza gusa aho yahoze atujwe ariko amarembo y’aho yari arinzwe n’abamarayika. Aho, abakerubi bari ku irembo rya Paradizo, hagaragaraga ikuzo ry’Imana. Aho niho Adamu n’urubyaro rwe rwazaga kuramiriza Imana. Ni ho kandi bavugururiye indahiro zabo zo kumvira itegeko bagomeye bigatuma bacibwa muri Edeni. Igihe ibicumuro byuzuraga ku isi, kandi ubwo ubugome bw’abantu bwatumaga barimburwa n’umwuzure, ukuboko kwari kwarashyizeho Edeni ni ko kwayikuye ku isi. Ariko ku iherezo, ubwo ibintu byose bizahinduka bishya, ubwo hazabaho “Ijuru rishya n’isi nshya” [Edeni] nayo ni bwo izavugururwa igarurwe irimbishijwe biruta ibya mbere.

Nuko rero, abakomeza amategeko y’Imana bazahabwa imbaraga yo kudapfa nibegera igiti cy’ubugingo; kandi ibihe n’ibihe abazatura muri iyo si izira icyaha bazabona muri ubwo busitani bunejeje, umusogongerero w’imirimo y’Imana yo kurema izira amakemwa itigeze kugerwaho n’umuvumo w’icyaha bibonere uko isi yose yari kumera, iyo umuntu aza kuzuza umugambi utangaje w’Umuremyi. 1

Umugambi ukomeye w’agakiza ugarura isi mu buryo bwuzuye maze ikongera kungwa n’Imana. Ibyari byarazimiye kubera icyaha byose byaragaruwe. Si umuntu wenyine ahubwo n’isi yaracunguwe, kugira ngo ibere Imana ubuturo bw’iteka ryose. Satani yarwanye intambara mu myaka ibihumbi bitandatu kugira ngo agumane isi mu maboko ye. None ubu umugambi shingiro Imana yari ifitiye isi ikiremwa urasohojwe. “Abera b’isumba byose bazahabwa ubwo bwami babuhindure bube ubwabo iteka ryose.” 2

“Gucungurwa kw’abo Imana yikūbitiye”: Umugambi w’ibanze Imana yari ifite irema isi, ugerwaho mu gihe ihindutse ubuturo bw’iteka bw’abacunguwe. “Abacunguwe bazaragwa isi, kandi bazayibamo iteka ryose”. Hashize igihe kirekire, abera bahagizwa n’uko inkota ityaye yabujije abakurambere bacu kwinjira mu ngombyi ya Edeni, noneho igihe kiraje “Cyo gucungura abo Imana yikūbitiye.” isi yari yarahawe umuntu nk’ubwami bwe, akayegurira

mu biganza bya Satani kandi n'igihe kirekire amaze ayobowe n'uwo mwanzi ukomeye, yagaruwe n'inama ikomeye y'agakiza.³

Ibyatakajwe na Adamu wa mbere bizagarurwa na Adamu wa kabiri. Umuhanuzi Mika aravuga ati: "Nawe munara w'umukumbi, musozi w'umukobwa w'i Siyoni, ubutware bwa mbere buzakugarukira." Pawulo na we yandika ku buturo bw'ahazaza "bw'Uwiteka yazigamiye abo yikubitiye akabacungura." Imana yaremye isi kugira ngo iyigire ubuturo bw'ibiremwa byera kandi binezerewe. Uwo mugambi uzagerwaho, igihe izavugururwa n'imbaraga z'Imana, kandi igakurwamo icyaha cyose n'imibabaro yose, kandi igahinduka ubuturo bw'iteka bw'abacunguwe.⁴

Adamu yagaruriwe Paradizo ye ya kera: Nyuma yo kwirukanwa mu murima wa Edeni, Adamu yagize imibereho yuzuyemo imibabaro n'agahinda ku isi. Ikibabi cyose cyahungukaga kikagwa hasi, igitambo cyose cyavushwaga amaraso, guhinduka kose kwabaga ku kiremwa cyose, inenge yose yabonekaga ku butungane bw'umuntu, ibyo byose byajyaga bimwibutsa icyaha yakoze. Yihebeshejwe cyane no kubona gukiranirwa kumukomokaho gukomeza kwiyongera, maze nk'igisubizo cy'imiburo yari yahawe, agahora yumva ibyaremwe byose bimushinja ko ari we nyirabayazana. Yicishije bugufi kandi yihanganye, uwo mutwaro w'igihano cyo gukiranirwa yawumaranye imyaka hafi igihumbi. Yihannye icyaha cye abikuye ku mutima asigara yiringiye gusa Umukiza wazeyeranywe, maze apfana ibyiringiro byo kuzuka. Umwana w'Imana yacunguye umuntu amuvana mu buhenebere bwe no gucumura kwe, none ubu kubw'impongano Yesu yatanze, Adamu yasubijwe mu mwanya yahozemo mbere.

Asābwe n'ibyishimo, arabukwa ibiti byamunezezaga, ari na byo ubwe yajyaga asoromaho imbuto igihe yari akiri umuziranenge kandi anezerewe. Abona imizabibu yajyaga Ahingira n'amaboko ye, abona uburabyo bwiza yakundaga kubagarira, ibitekerezo bye bigerageza kwiyibutsa ukuri kwabyo; asobanukirwa ko iyo ari Edeni yongeye guhabwa ifite ubwiza burenze ubwo yari ifite ubwo yayirukanwagamo. Umukiza amujyana ku giti cy'ubugingo, maze asoroma ku mbuto zacyo zihebuje kandi amutegeka kuziryaho. Adamu arebye ahazengurutse Umukiza abona imiryango ye myinshi y'abacunguwe bahagaze muri Paradizo y'Imana. Nuko arambika ikamba rye rirabagirana ku birenge bya Yesu, amugwa mu gituzo ahoberana n'Umucunguzi. Afata inanga y'izahabu, maze umurya w'inanga w'indirimo zo kunesha urangira ijuru ryose: "Umwana w'Intama watambwe kandi uriho ni we ukwiriye icyubahiro! Ni we

ukwiriye icyubahiro! Ni we ukwiriye icyubahiro!” Abo mu muryango wa Adamu bose biyambura amakamba yabo, bayarambika ku birenge by’Umukiza, barapfukama maze baramuramya.

Iryo huriro ryahamijwe na ba bamarayika bacuraga umuborogo ubwo Adamu yacumuraga kandi bakongera kunezerwa igihe Yesu yazamukaga mu ijuru amaze kuzuka, agasiga akinguriye umuntu wese uzizera izina rye umuryango w’igituro ngo atazaheramo. Noneho ubu biboneye uko umurimo wo gucungura usohozwa, maze bahanikira icyarimwe indirimbo z’ishimwe.⁵

Amazu yateguriwe abagenzi bo mu isi: Gutinya kuraga kubw’ahazaza umurage ugaragara ko ari uw’ibintu bihenze byatumye benshi bagira ubwāka mu gukabya iby’umwuka ku kuri kwihariye kuduhamagarira guhanga amaso ku buturo bwacu bw’ahazaza. Kristo yasezeraniye abigishwa be ko agiye kubategurira aho bazaba kwa Se. Abemera inyigisho z’Ijambo ry’Imana ntibazaba injiji ku byerekeye ubuturo bwabo bwo mu ijuru... Akanwa k’umuntu ntikashobora gusobanura neza ingororano z’abakiranutsi. Ni bo bonyine gusa bazazibona kandi bazazimenya by’ukuri. Nta bwenge bufite imbibi bwashobora gusobanukirwa neza ubwiza bwa Paradizo y’Imana.

Mu byanditswe, umurage w’abacunguwe witwa “Igihugu”. Umwungeri mvajuru azahayobora umukumbi we ku masōko y’amazi y’ubugingo abeshaho. Igiti cy’ubugingo cyeraga imbuto buri kwezi kandi amababi yacyo yakoreshwaga n’amahanga. Utugezi duhoraho dufite amazi meza yarabagiranaga nk’isarabwayi twari dukikijwe n’ibiti by’inganzamarumbu byateraga igicucu mu nzira yateguriwe abacunguriwe Uwiteka.

Aho, ibibaya birebire byarimo udusozi duto twiza n’imisozi y’Imana yari ifite udusongero tugenda dukurikirana. Muri ibyo bibaya birimo amahoro n’impande z’iyo migezi ifite amazi abeshaho, niho ubwoko bw’Imana, bwari bumaze igihe kirekire ari abagenzi n’abimukira bazatura.⁶

Hari ubuturo ku bimukira bo ku isi, amakanzu yo gukiranuka n’amakamba y’ubwiza n’imikindo y’intsinzi. Ibyatubuzaga amahoro mu isi mu kuzuza ubushake bw’Imana bizasobanuka, n’ibyatugoraga kubisobanukirwa, tuzabisobanukirwa. Ubwiru bw’ubuntu buzahishurwa. Aho intekerezo zacu zifite igaruriro zabonaga urujijo n’amasezerano atarujujwe, tuzahabona gahunda

itangaje. Tuzasobanukirwa ko urukundo rutagira akagero ari rwo rwaduteye kugira ibigeragezo bibabaza cyane byo mu kubaho kwacu. Igihe tuzasobanukirwa n'ubugiraneza bw'uwakoze byose kugira ngo tumererwe neza, tuzuzurwa n'umunezero utavugwa kandi twuzurwe n'ubwiza...

Twegereye igihugu cy'ijuru. Uwadukunze kugeza ubwo atanga ubugingo bwe ku bwacu yaduteguriye umurwa. Yerusalemu nshya ni umurwa uhoraho wacu. Nta mubabaro uzabaho ukundi mu murwa wera w'Imana, nta majwi y'imiborogo azabayo ukundi, nta ndirimbo z'ikiriyo zizongera kumvikana mu byiringiro byacu byakomwe mu nkokora n'urukundo rwacu rukaba rutujujwe. Bidatinze imyambaro y'ubugaragu izahindurwamo imyambaro y'ubukwe. Bidatinze tuzabona kwambikwa ikamba k'Umwami wacu. Abo ubuzima bwabo bwahishanywe na Kristo mu Mana, abarwanye intambara nziza yo kwizera, bazarabigirana ubwiza bw'Umucunguzi mu bwami bw'Imana.⁷

Amahirwe y'abacunguwe: Ijuru ni hantu h'igikundiro. Nifuzacyane kujyayo ngo ndebe Yesu nkunda watanze ubugingo bwe ku bwanjye, no kugira ngo mpindurwe mpabwe ubwiza bwe buhebuje. Mbega uburyo mbuze ururimi rwasobanura iby'ubwiza bw'uwo murwa ugiye kuza! Mfite inyota y'amasoko y'ubugingo atuma umurwa w'Imana unezeza.

Imana yanyeretse indi mibumbe, nahawe amababa maze umumarayika aranyobora ankura mu murwa, anjyana ahanu harabagirana kandi heza bitangaje. Ibyatsi byaho byari bitoshye, kandi inyoni zaho zaririmbaga indirimbo z'agahozo. Abaturage baho bose bararashyaga, bari inziramakemwa, ari banini kandi ari ab'igikundiro. Basaga na Yesu kandi mu maso habo harabagiranishwaga n'ibyishimo byera, ibyo bikerekana umudendezo n'umunezero biba aho hantu. Nabajije umwe muri bo impamvu ari ab'igikundiro cyane kuruta kure abatuye iyi si, yaranshubije ati: "Imibereho yacu yaranzwe no kumvira amategeko y'Imana tudakebakeba, kandi ntitwigeze ducumura kubwo kutumvira nk'ibyo abari mu isi..." Ninginze umumarayika twari kumwe ngo andeke nigumire aho hantu, sinashobora gutekereza ibyo kongera kugaruka kuri iyi si y'umwijima. Hanyuma wa mu marayika arambwira ati: "Ugomba gusubirayo, kandi nuba indahemuka, wowe n'abandi ibihumbi ijana na mirongo ine na bine, muzagira amahirwe yo gusura imibumbe yose maze mwirebere imirimo y'intoki z'Imana."⁸

Umuryango w'ijuru uhura n'umuryango w'isi: Aho mu isi nshya, abacunguwe bazamenywa nk'uko na bo bamenywe. Urukundo n'impuhwe Imana ubwayo yateye mu mitima y'abantu ruzaba rubonye igihe gikwiriye kandi cyiza cyo gukoreshwa. Kugirana umushyikirano utaziguye n'ibiremwa byera, uguhuriza hamwe imibereho rusange n'abamarayika bahiriwe hamwe n'abakiranukiye Imana mu bihe byose, bameshe amakanzu yabo bakayejeshya amaraso y'umwana w'intama, ipfundo ryera rifatanyiriza hamwe "Umuryango wose wo mu ijuru n'uwo mu isi." ng'ibyo ibyari ibyirakwa by'abacunguwe.⁹

Abacunguwe nta rindi tegeko bazagira usibye iry'ijuru. Bazagira umuryango unejeje kandi wunze ubumwe, bazambara guhimbaza no gushima. Noneho bazaririmba indirimbo yo mu ruturuturu, kandi abana b'Imana bose bazarangurura amajwi yabo y'ibyishimo mu gihe Imana na Kristo bazavugira rimwe bati: "Nta cyaha kizabaho ukundi ndetse n'urupfu." ¹⁰

Igikorwa cy'uwo munezero wo mu ijuru (kugaruka kwa Yesu), twebwe abari ku isi cyatugejejeho ijwi ry'aya magambo meza yavuzwe na Kristo ngo: "Ndazamutse ngiye kwa Data ari we so, kandi ku Mana yanjye ari yo Mana yanyu." Umuryango wo mu ijuru n'uwa hano ku isi ni umwe, Umukiza yazamutse mu ijuru ku bwacu kandi ariho ku bwacu. " Nicyo gituma abasha gukiza rwose abegerezwa Imana na we, kuko ahoraho iteka ngo abasabire."¹¹

Isezzerano ritinze ariko ry'ukuri: Twategereje igihe kirekire kugaruka k'Umucunguzi wacu. Ariko nta wuzi neza igihe iryo sezerano rizasohorera. Ariko bidatinze tuzaba mu gihugu cyacu twasezeranijwe. Aho, Yesu azatuyobora ku ruzi rw'amazi abeshaho atemba ava ku ntebe y'Ubwami y'Imana kandi azadusobanurira ibigeragezo bishishana twahanganye na byo ku isi kugira ngo bitunganye imico yacu. Aho, mu bwiza buzira inenge, tuzishimira ubwiza bwa Edeni ivuguruwe.

Tuzarambika ku birenge by'umucunguzi amakamba yari yatwambitse ku mpanga zacu, kandi tuzacuranga inanga zacu z'izahabu, tuzuzuzura ijuru indirimbo z'ishimwe turirimbira uwicaye ku ntebe y'Ubwami.¹²

Ikintu cyose cyiza mu ngo zacu gikwiriye kutwibutsa inyanja y'ibirahuri, ibibaya bitoshye, ibiti bifite amababi atoshye n'amasoko abeshaho, umurwa urabagirana n'abaririmbyi bambaye imyenda

irabagirana, iyo si y'ubwiza itashobora gusobanurwa n'umunyabugeni uwo ari we wese, itasobanurwa n'ururimi urwo ari rwo rwose. "Ni ibintu amaso atigeze kubona, amatwi atigeze kumva, n'ibitarigeze kwinjira mu mutima wacu, ibyo ni byo Imana yabikiye abayikunda."13

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	Patriarches et prophètes, p. 39,40	Patriarchs and prophetess, p. 62
2	Patriarches et prophètes, p. 39,40	Patriarchs and prophetess, p. 343
3	Signs of the times, 29 décembre 1909	Signs of the times, 29 December 1909
4	Review and Herald, 22 octobre 1908	Review and Herald, 22 October 1908
5	Tragédie des siècles, p. 702, 703	Great controversy p 646,648
6	Review and Herald, 22 octobre 1908	Review and Herald, 22 October 1908
7	Témoignage pour l'Eglise, Vol. 3, p.513, 514	Testimonies for the church vol 9 p 286, 287
8	Premiers écrits, p.39, 40	Early writings p 39,40
9	Tragédie des siècles, p. 735	Great controversy p 677
10	Prophète et rois, p. 555	Prophets and kings p 732,733
11	Jésus-Christ, p. 838	Desire of ages p 835
12	Testimonies for the Church, vol. 8, p. 254	Testimonies for the Church, vol. 8, p. 254
13	Review and Herald, 11 juillet 1882	Review and Herald, 11 July 1882

ICYIGWA CYA 87: IYEREKWA RY'ISI NSHYA

Iyerekwa ry'ubwiza bw'ahazaza: Yesu aturangaza imbere, twese turamanuka tuva mu murwa twerekeza kuri iyi isi, ku musozi munini cyane kandi w'icyubahiro. Uwo musozi ntiwashoboye kwihanganira Yesu wari uwuhagazeho maze usadukamo kabiri haba ikibaya kinini cyane. Hanyuma turebye hejuru tubona ururembo runini, rufite imfatiro cumi n'ebyiri n'amarembo cumi n'abiri, atatu atatu kuri buri ruhande, kandi kuri buri rembo hari umumarayika. Twese turarangurura tuti: "Ururembo, ururembo rukomeye ruraje, ruraje, ruraje ruturuka mu ijuru ku Mana!" Maze ruraza ruhagarara aho twari duhagaze, nuko dutangira kwitegereza ibyiza byari hanze y'urwo rurembo.

Muri rwo nahabonye amazu meza cyane yasaga n'ifeza, atewe inkingi enye zishyizweho imaragarita zifite ubwiza buhebuje bwo kurebwa. Muri yo ni ho abera bajyaga gutura. Mu nzu hose harimo ububiko busizwe izahabu. Nabonye benshi mu bera binjira muri ayo mazu, bakuramo amakamba yabo arabagirana bayashyira kuri ubwo bubiko, nuko barasohoka, bajya mu murima wari ukikije inzu kugira ngo bagire ibyo bakora ku butaka bitari nk'uko dukora hano ku isi. Oya rwose! Umucyo utangaje warabagiranaga ku mitwe yabo bose, kandi bakomezaga barangurura basingiza Imana.

Nabonye undi murima wuzuyemo uburabyo bw'amoko yose, kandi ubwo nabucaga nararanguruye nti: "Ntibuzigera bwuma!" Hafi aho nahabonye umurima warimo ibyatsi birebire binogeye amaso. Byahoraga bitoshye kandi uko byahungabanaga byitegeye ubwiza bw'umwami Yesu byavagaho umucyo usa n'ifeza n'izahabu. Hanyuma twinjira mu wundi murima urimo inyamaswa z'ubwoko bwose, intare, umwana w'intama, ingwe n'ikirura byose byari bibanye mu mutekano. Tuzinyura hagati, maze zidukurikira zituje. Hanyuma twinjira mu ishyamba ritari nk'ishyamba ricuze umwijima ryo mu isi; ahubwo ryari ishyamba ryuzuye umucyo n'ubwiza buhebuje. Amashami y'ibiti byo muri ryo yahungabaniraga hirya no hino, maze twese turangurura tuvuga duti: "Tuzigumira muri iri shyamba, twiryamire muri ibi biti."1

Ibizigirwa mu isi izaza: Mbese utekereza ko mu ijuru nta kintu na kimwe tuzahigira? Nta gitekerezo na kimwe dufite ku bizatubaho. Duherekejwe na Kristo, tuzerekera ku ruzi rw'amazi y'ubugingo. Azadusobanurira ubwiza n'icyubahiro cy'ibyaremwe. Azadusobanurira icyo ari cyo kuri twe n'icyo natwe turi cyo kuri we.

Tuzasobanukirwa n'ukuri tudashobora gusobanukirwa ubu kuko ubwenge bwacu bufite igaruriro butubuza kubisingira.2

Umuryango wa gikristo ugomba kuba ishuri aho abana bigishirizwa bihagije, bikazabashoboza kwiga mu ishuri ryisumbuye ryo mu buturo bw'Imana.3

Ijuru ni ishuri, ibyigwa byaryo ni ibiri mu isanzure; Uhoraho akaba ari we mwigisha waho. Ishami ry'iryo shuri ryatangirijwe muri Edeni kandi inama y'agakiza nimara gusohozwa uburezi buzongera gukorerwa mu ishuri ryo muri Edeni...

Hagati y'ishuri ryashizweho muri Edeni, mu itangira ry'isi n'ishuri ryo mu ijuru, huzuyemo amateka y'iyi si yacu; amateka yo gucumura k'umuntu n'imibereho yahuye na yo, amateka y'igitambo Imana yatanze, n'ayerekereye intsinzi yo kwiganzura urupfu n'icyaha... Umuntu namara gukomorerwa uburenganzira bwo kubonana n'Imana, azongera kwigishwa n'Imana nk'uko byari mu itangira: "Abantu banjye bazamenya izina ryanjye... kuri wa muni bazamenya ko ari jye uvuga. Dore ni Jye...Iyo mu ijuru, ubwo inyegamo ikingiriza amaso yacu izaba imaze gukurwaho, maze amaso yacu akitegereza isi y'ubwiza, iyo turebera mu birorirori kuri ubu, igihe tuzaba twitegereza ubwiza bw'ijuru, ubwo muri iki gihe dusa n'abarebera mu madarubindi, igihe umuvumo w'icyaha uzaba umaze gukurwaho, isi yose izagaragara mu bwiza bw'Uwiteka Imana yacu. Mbega ibyo kwiga bizaba biri imbere yacu! 4

Ubwenge bw'ijuru buzagaragazwa buhoro buhoro: Ubutunzi bwose bwo mu ijuru n'ubwo mu isi buzagaragazwa bube ibyigisho by'abacunguwe. Bazajya bagurukisha amababa nk'ibisiga bajye gusura ayandi masi yahindishijwe umushyitsi no kumva amahano yagwiriye isi yacu, maze bahanike indirimbo y'umunezero w'ubutumwa bwacunguye abo bantu.

Mu byishimo bitavugwa abana b'iyi si binjire mu munezero bafite ubwenge nk'ubw'ibiremwa bitakoze icyaha. Bazafataniriza hamwe ubutunzi bw'ubwenge no kumenya iby'ibihe byose, bitegereza umurimo Imana yakoresheje ukuboko kwayo. Bazareba ubwiza bw'iby'Imana yaremye nta kibatwikiriye; izuba n'inyenyeri bizaba biri kuri gahunda yabyo. Byose bigendera kuri gahunda bihawe bikagenda bizenguruka intebe y'Imana. Kuri ibyo byose uhereye ku byoroheje ukageza ku bikomeye byanditsweho izina ry'Umuremyi wabyo kandi muri ibyo, hagaragara ubutunzi n'imbaraga Umuremyi

yabigabiye. Kandi mu bihe bidashira, uko imyaka ihita indi igataha, ni ko abacunguwe bazarushaho kubona amahishurwa y'ubwiza bw'Imana na Kristo. Uko ubumenyi buzashaho kugwira, ni ko n'urukundo, kubaha Imana, n'umunezero bizakomeza kugwira. Uko abacunguwe bazarushaho kwiga kumenya Imana, ni ko bazakomeza gutangazwa n'imico yabo.⁵

Gusābāna n'abandi: icyo gihe tuzamenya nk'uko natwe twamenywe. Tugezeyo urukundo n'impuhwe Imana yashyize mu mitima yacu, bizabona aho bikorera mu buryo bwuzuye kandi bunejeje. Gusābāna n'abera, imibanire itagira amakemwa hagati y'abamarayika n'abakiranutsi b'ibihe byose, ubucuti bwera buhuriza hamwe umuryango w'abo ^[549] mu ijuru n'abazaba bavuye ku isi, ibyo ni bimwe mu by'ubuzima bw'ahazaza buduhishiye.⁶

Imirimo mu isi nshya: Mu isi izaba yagizwe nshya, abacunguwe bazakora imirimo n'ibibashimisha byazaniraga Adamu na Eva umunezero mu itangiriro. Bazabaho ubuzima nk'ubwo muri Edeni, ubuzima bwo mu busitani no mu murima. "Bazubaka amazu bayabemo kandi bazatera inzabibu barye imbuto zazo, ntibazubaka amazu ngo abandi bayabemo, ntibazatera inzabibu ngo ziribwe n'abandi, kuko bazamara imyaka nk'ibiti kandi abatoni banjye bazashyira kera bishimira imirimo y'intoki zabo." ⁷

Iyo mu ijuru, imbaraga z'umuntu zose zizakura na buri bushobozi bwe bwiyongere. Imishinga ikomeye izakorwa irangire, ibyifuzo bihanitse bizagerwaho kandi imigambi ihebuje izashyirwa mu bikorwa. Ariko kandi hazaba hakivuka ibintu bishya byo ku rwego rwo hejuru tugomba kugeraho, ibitangaza bishya tugomba gutangarira, ukuri gushya tugomba gusobanukirwa, ingingo nshya zinejeje zizajya zihembura imbaraga z'umubiri, iz'ubwenge n'iz'ubwenge.⁸

Iherezo rya byose riri bugufi: Turiho mu gihe gikomeye cy'iherezo ry'amateka y'isi. Bityo nta gihe cyo gukora icyaha kikiriho kandi biteye akaga gukomeza kwintangirira mu kwica amategeko. Ariko ibyo ni ukuri muri iki gihe. Turi kurugabano rw'isi ihoraho: inyifato yacu ku birebana n'igihe n'iby'iteka ni ingenzi kuruta uko byigeze kubaho. Buri wese nasuzume umutima we kandi asabe imirashi irabagirana ya Zuba ryo gukiranuka izeyura mu buryo bwuzuye umwijima w'iby'umwuka no kutwezaho imyanda yose.⁹

Mbega ukuntu uko ibyo bigiye kuzabaho byasobanuwe ari ukw'agaciro gakomeye kandi bikaba biteye amatsiko kuri twe

abahagaze ku nkengeri yo gusohora kwabyo! Uhereye igihe ababyeyi bacu ba mbere bateraga intambwe basohoka muri Edeni, ibyo bigiye kuzabaho ni byo abana b’Imana bagiye bahanga amaso, bakabitegereza, bakabyifuzaga cyane kandi bagasenga cyane bifuzaga kuzabibona.

Bagenzi dufatanije urugendo, turacyari hagati mu mwijima no kuvurungana no guhorera kw’ibikorera muri iyi si, ariko vuba bidatinze Umukiza wacu agiye kuza atuzaniye gucungurwa n’ikiruhuko. Kubwo kwizera ni mutyo duhange amaso isi izaba yahawe umugisha nk’uko yagaragajwe n’ukuboko kw’Imana.¹⁰

Umuhamagaro wo kwitegura k’umuntu ku giti cye:
Ndabahendahendera kwitegura kugaruka kwa Kristo ku bicu byo mu ijuru. Umunsi ku wundi murandure mu mitima yanyu gukunda isi. Mugire inararibonye yo gusobanukirwa icyo gusābāna na Yesu ari cyo. Mwitegure urubanza kugira ngo ubwo Umukiza azaza “Asingizwe n’abamwizeye bese”, muzabe mubazamusanganira mu mahoro. Kuri uwo munsi, abacunguwe bazarabagirana ubwiza bwa Data n’Umwana. Abamarayika n’inanga zabo z’izahabu bazakira Umwami wabo aherekejwe n’abaneshi be: abiyuhagiye, bakerezwa mu maraso y’umwana w’intama. Indirimbo yo kunesha yuzura ijuru. Kristo yaranesheje; yinjira mu bikari byo mu ijuru aherekejwe n’abacunguwe bazahamya ko umurimo w’imibabaro ye n’igitambo cye bitabaye imfabusa.¹¹

#	IBITABO BYAKORESHEJWE MU GIFARANSA	IBITABO BYAKORESHEJWE MU CYONGEREZA
1	Premiers écrits, p.17, 18	Early Writings p 17,18
2	Counsels to Teachers, Parents, and students, p.162	Counsels to Teachers, Parents, and students, p.162
3	Review and Herald, 30 mars1897	Review and Herald, 30 mars1897
4	Education, p. 305, 307	Education, p. 30
5	Tragédie des siècles, p. 736	Great controversy p 677,678
6	Education, p. 310	Education, p. 306

7	Prophète et rois, p. 553	Prophets and kings p 730,731
8	Education, p. 311	Education, p. 307
9	Testimonies to ministers, p. 147	Testimonies to ministers, p. 147
10	Prophète et rois, p. 554	Prophets and kings p 371,372
11	Témoignages pour l'Eglise, Vol. 3, p.512, 513	Testimonies for the church vol 9 p 285,286
